REPUBULIKA Y'U RWANDA

*Komisiyo y'Igihugu*
*yo Kurwanya Jenoside*

-CNLG-

# RWANDA
# 1991- 1994

# ITEGURWA N'ISHYIRWA MU BIKORWA RY'UMUGAMBI WA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU RWANDA

Mutarama, 2021

REPUBULIKA Y'U RWANDA

*Komisiyo y'Igihugu*
*yo Kurwanya Jenoside*

-CNLG-

# RWANDA
# 1991- 1994

# ITEGURWA N'ISHYIRWA MU BIKORWA RY'UMUGAMBI WA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU RWANDA

Mutarama, 2021

# IBIRIMO

IJAMBO RY'IBANZE........................................................................................26

IMPINE Z'AMAGAMBO..................................................................................32

UMUTWE WA I: UMUGAMBI WO GUTEGURA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MBERE YA 1994................................................34

1.1. IBY'INGENZI BYARANZE ITEGURWA RYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MURI 1991..........................................34

Iyicwa ry'Abatutsi bari baturiye ikigo cya gisirikare cya Bigogwe........................34

Iyicwa ry'Abatutsi 277 muri Perefegitura za Ruhengeri na Gisenyi.......................34

Ibinyoma bya Leta ya Habyarimana ku bwicanyi yakoreraga Abatutsi muri Ruhengeri na Gisenyi...........................................................................35

Inzego z'iperereza z'u Rwanda zategetse guha urubyiruko rw'Abahutu intwaro n'imyitozo ya gisilikare...............................................................36

1.2. IBY'INGENZI BYARANZE ITEGURWA RYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MURI 1992..........................................37

Itangwa ry'intwaro zo kurwanya abatavuga rumwe n'ubutegetsi..........................37

Ishingwa ry'Ikinyamakuru Interahamwe..............................................................37

Itangwa ry'intwaro mu baturage muri Perefegitura ya Byumba............................38

Ivuka ry' Ishyaka ry'abahezanguni ryiswe CDR..................................................38

Ishyirwaho rya Komite iyobora ibikorwa bya Auto-defense civile........................39

Leta y'u Rwanda yateguraga intambara mu gihe ibiganiro by'amahoro byari birimbanije Arusha..................................................................................39

Iyicwa ry'Abatutsi barenga 500 mu Bugesera.......................................................40

MRND yashinze agatsiko k'abicanyi mu mujyi wa Butare...................................42

Amashyirahamwe aharanira uburenganzira bwa muntu yagaragaje ko hishwe Abatutsi basaga 300 mu Bugesera......................................................43

Leta ya Habyarimana yishe n'abanyamahanga barwanyaga umugambi we wo kurimbura Abatutsi..............................................................................44

1.3. IBY'INGENZI BYARANZE ITEGURWA RYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1993............................................46

Bagosora yavuye mu biganiro Arusha atangaza ko agiye gutegura imperuka y'Abatutsi............................................................................................46

Kuwa 13 Mutarama 1993: Inyandiko zitoteza Perefe wa Butare Dr Habyarimana Jean Baptiste zatangiye gukwirakwizwa....................................46

Kuwa 14 Mutarama 1993: MRND yemeje ko amashyaka y'intagondwa agomba guhabwa umwanya muri Guverinoma..................................................... 48

Kuwa 15 Mutarama 1993, ubunyamabanga bukuru bwa MRND bwasohoye irindi tangazo bwise: “*Uburiganya mu masezerano ya arusha*”............................ 48
Kuwa 15 Mutarama 1993: MRND nayo yikomye Perefe Dr Habyarimana Jean Baptiste........................................................................49
Kuwa 19 Mutarama 1993: Iyicwa ry’Abatutsi henshi mu gihugu...........................50
Ingabo z’u Rwanda zakoze urutonde rw’Abatutsi n’Abahutu batavuga rumwe n’ubutegetsi mu gihugu hose..........................................................................51
Impuguke mpuzamahanga zahamagariye amahanga gufungura amaso ku mugambi wa Jenoside...........................................................................51
CDR yakwije ibinyoma bihimba ubwicanyi butabayeho bwitirirwa FPR bigamije ubukangurambaga bwa Jenoside.............................................................52
Intwaro zakomeje gukwirakwizwa mu Nterahamwe MINUAR ibizi ntiyazifata kuko yari yarabibujijwe na ONU....................................................................... 52
Minisitiri Ngulinzira yakuwe igihe gito ku buyobozi bw’intumwa z’u Rwanda mu biganiro by’amahoro...................................................................53
Ibikorwa byibasiye abanyamakuru batangazaga amakuru ku ruhare rw’Abafaransa barwanaga ku ruhande rw’ingabo z’u Rwanda...............................53
Abanyapolitiki bakomeye b’Abafaransa bitandukanyije na politiki y’Ubufaransa yo gushyigikira u Rwanda ...............................................................54
Igurwa rya toni 581 z’imihoro yakoreshejwe muri Jenoside..................................54
Ukwiyongera k’ubwicanyi mu Batutsi ba Komini Mbogo muri Perefegitura ya Kigali Ngari......................................................................................56
Intiti zo mu Ruhengeri na Byumba zahimbye umugambi wa Jenoside ku Bahutu kugira ngo bashishikarize itsemba ry’Abatutsi............................................57
Itsinda ry’intiti z’Abanyarwanda z’i Butare ryashyigikiye ingengabitekerezo ya Jenoside yabibwe n’ubutegetsi bwa Habyarimana.............................................58
Minisitiri w’Intebe Nsengiyaremye Dismas yamaganye ikwirakwizwa ry’intwaro ntibyagira icyo bitanga...................................................................... 58
Ferdinand Nahimana yasabye abategetsi bo hejuru gukorana n’abo hasi mu gushishikariza abaturage gushyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi.....59
Ubufaransa bwakomeje gufasha Leta ya Habyarimana yateguraga Jenoside...........59

1.4. IBY’INGENZI BYARANZE ITEGURWA RYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MBERE Y’ITARIKI YA 7 MATA 1994.....................60
Imyigaragambyo n’ubwicanyi by’Interahamwe n’Impuzamugambi mu Mujyi wa Kigali......................................................................................... 60
Imenyekanishwa ry’itegurwa rya Jenoside mu Muryango w’Abibumbye...............60
Kuwa 12 Mutarama 1994: Raporo y’Ambasaderi w’Ubufaransa mu Rwanda yerekanye ko u Rwanda rutegura Jenoside hakazicwa abarenga igihumbi (1000) ku isaha ya mbere......................................................... 61

Kuwa 16 Mutarama 1994: Mitingi y'amashyaka ya Hutu power mu Mujyi wa Kigali yasabye kwirinda Abatutsi n'ababiligi hanatangirwa intwaro zo kwica Abatutsi .......... 61
Iperereza ry'umusirikare mukuru w'Umubiligi wari mu ngabo za MINUAR ryagaragaje umugambi wa Jenoside mu Ngabo z'u Rwanda.......... 62
Inzego z'iperereza z'Ububiligi zatanze amakuru ku bufasha umutwe w'ingabo zishinzwe kurinda umukuru w'igihugu uha interahamwe.......... 62
Abayobozi ba MINUAR bahaye ONU amakuru ko Habyarimana yanze gutanga umutekano w'abantu n'ibyabo.......... 63
Ambasaderi w'Ububiligi mu Rwanda yashimangiye ubwihutirwe bwo gufata intwaro.......... 64
RTLM yakanguriye Abahutu kwanga Abatutsi n'Ababiligi bo muri MINUAR.... 64
Gukoresha itangazamakuru mu kubiba urwango ku Batutsi bitwaga ibyitso by'Inkotanyi.......... 64
Ububiligi bwamenyesheje Umuryango w'Abibumbye ko ubutegetsi bw'u Rwanda buteganya ubwicanyi ndengakamere bunasaba ko MINUAR irushaho gucunga umutekano.......... 66
Igisirikare cy'u Rwanda cyahamagariye ingabo zacyo kwitegura gukora Jenoside.......... 66
Perezida Habyarimana yamenyesheje umugambi wa jenoside abayobozi ba jandarumori.......... 67
Serivisi z'ubutasi z'Ubufaransa zemeje ko ingabo z'u Rwanda zishe abaturage 300.......... 67
Ikinyamakuru Kangura cyerekanye bumwe mu buryo Jenoside izakorwamo........ 68
Umugaba mukuru w'ingabo z'u Rwanda, Jenerali Déogratias Nsabimana yeretse mubyara we Jean Birara urutonde rw'abantu bagomba kwicwa.......... 68
Agenda ya Colonel Bagosora yo muri 1994 yagaragaje imyiteguro ya Jenoside... 68
Ishingwa rya Hutu Power mu mashyaka ya MRND, MDR, PSD na PL.......... 69
Gukomeza kugura intwaro binyuranyije n'icyemezo cya LONI.......... 69
Gukaza umurego ku itegurwa rya Jenoside mu maso ya MINUAR.......... 70
Imiryango Mpuzamahanga irengera ikiremwa muntu yamaganye ubwicanyi bwakorwaga na Leta ya Habyarimana.......... 71
Leta ya Habyarimana yakomeje gutegura intambara na Jenoside.......... 71
Leta ya Habyarimana yajujubije ingabo z'Ababiligi zari muri MINUAR yifuza ko zitaha kugira ngo Jenoside izayorohere.......... 72
Habyarimana yatesheje agaciro Amasezerano y'Amahoro.......... 72
Minisitiri w'ingabo n'abasirikare bakuru b'u Rwanda bamenyesheje MINUAR ko hazakorwa Jenoside.......... 73
Abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda basabye Habyarimana kubahiriza Amasezerano y'Amahoro arabyangira ku bushake.......... 74
Jenerali Deogratias Nsabimana yayoboye inama rurangiza yo kunoza ishyirwa mu bikorwa ry'umugambi wa Jenoside.......... 74

Perezida Habyarimana yemereye CDR kwinjira mu Nteko Ishinga Amategeko y'inzibacyuho binyuranyije n'amasezerano y'amahoro y'Arusha..........................75
Perefe w'Umujyi wa Kigali, Colonel Tharcisse Renzaho yateguye ikorwa rya Jenoside muri Kigali.............................................................................76
Umuryango Uharanira Uburenganzira bwa muntu CLADHO wamaganye ubwicanyi bwakorwaga n'abasilikare ba Habyarimana ntibyagira icyo bitanga....76
Intagondwa za Hutu Power zakoresheje Radio RTLM zihamagarira Abahutu kwica Abatutsi zibeshya ko zatahuye umugambi w'Abatutsi wo kwica Abahutu...............................................................................77
Colonel Bagosora yavuze ko umuti w'ibibazo bya politiki byari mu Rwanda ari ugutsemba Abatutsi.....................................................................78

UMUTWE WA II : ISHYIRWA MU BIKORWA RYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI...................................................79
2.1. KUWA 07 MATA 1994 : ITANGIZWA RYA JENOSIDE HENSHI MU GIHUGU NI IKIMENYETSO KO LETA YARI YARATEGUYE UMUGAMBI WO KUMARAHO ABATUTSI....................................................79
Abasirikare bo mu mutwe warindaga perezida Habyarimana ku isonga ryo gutsemba Abatutsi muri Kigali......................................................................79
Kurimbura abanyapolitiki batari bashyigikiye umugambi wa Jenoside.................80
Gutsemba Abatutsi byakwiriye mu gihugu hose nyuma y'itangazo ry'urupfu rwa Perezida Habyarimana................................................................... 80
Jenoside yakorewe Abatutsi muri Komini ya Mukingo yatangijwe nyuma y'inama yayobowe na Nzirorera Joseph, Umunyamabanga Mukuru wa MRND........................................................................................... 82

2.2. KUWA 08 MATA 1994: JENOSIDE YAKWIRIYE MU GIHUGU CYOSE, ABASIRIKARI N'INTERAHAMWE BARIMBURA ABATUTSI.......84
Umutwe w'abasirikare barindaga Perezida Habyarimana bafatanyije n'Interahamwe kwica Abatutsi bo mu gace ka Nyamirambo................................ 84
Iyicwa ry'Abatutsi bari bahungiye mu Kiryamocyinzovu muri Taba.....................84
Burugumesitiri Mubiligi Jean-Napoleon wa Komini Kamembe yayoboye iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi ya Nkanka....................................... 84
Yusufu Munyakazi, Marcel Sebatware wayoboraga CIMERWA batsembye Abatutsi bahungiye ku ruganda rwa Sima rwa CIMERWA................84
Abatutsi benshi biciwe muri Buhinga muri Cyangugu......................................... 86
Kolonel Anatoli Nsegiyumva yategetse ko Abatutsi bo ku Nyundo barimburwa..86
Koloneli Anatoli Nsengiyumva na Lt Colonel Alphonse Nzungize bakomereje ubwicanyi muri Kaminuza y'Abadiventisti ya Mudende....................87
Abatutsi benshi biciwe kuri Bariyeri ya Mizingo muri Komini Mutura.................87

Ku Mashyuza muri Nyamyumba, no muri BRALIRWA Interahamwe zahiciye Abatutsi benshi.....87
Kinyinya muri Kigali ni hamwe mu hiciwe Abatutsi benshi tariki ya 8 Mata 1994..... 88
Muri Gatonde, Umurenge wa Mugunga, muri Perefegitura ya Ruhengeri Abatutsi baroshwe mu mugezi wa Mukungwa..... 89
Zigiranyirazo Protais ku isonga ry'abarimburiye Abatutsi ku musozi wa Kesho, Umurenge wa Muhanda, muri Ngororero..... 89
Henshi mu Rwanda, ubwicanyi bwakoranwe ingufu bushingiye ku mugambi wo kurimbura Abatutsi.....89
Ubwicanyi bwakorewe kuri Paruwasi Gatorika ya Zaza no mu Iseminari Nto ya Zaza..... 91

2.3. KUWA 09 MATA 1994 : UBWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIGALI Y'UMUGI, KIBUNGO, RUHENGERI NA KIBUYE.....92
Ingabo z'Abafaransa baje mu cyo bise « Opération Amaryllis » zateraranye Abatutsi mu maboko y'abicanyi.....92
Ishyirwaho rya guverinoma y'abicanyi yari iyobowe na Kambanda.....93
Abatutsi biciwe kuri Paruwasi Gatolika yitiriwe Mutagatifu Visenti wa Pallotti i Gikondo muri Kigali.....94
Abatutsi bakomeje kwicwa ahantu hanyuranye mu gihugu: muri Kibungo, Kigali, Ruhengeri na Kibuye.....94

2.4. KUWA 10 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIGALI NGARI, GIKONGORO, GISENYI, BYUMBA, KIBUNGO NA CYANGUGU.....95
Abafaransa bakomeje gufasha guverinoma y'abicanyi yayoborwaga na minisitiri w'intebe Jean Kambanda.....95
Abasenyeri gatorika banditse ko babajwe n'urupfu rwa Habyarimana, ntibigera bamagana jenoside yakorerwaga Abatutsi.....95
Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi muri Rushashi muri Kigali Ngari.....96
Mugirangabo Silas, Burugumesitiri wa Komini Rwamiko, SuPerefe Biniga Damiyani, barimbuye Abatutsi bari bahungiye mu kigo nderabuzima cya Ruramba muri Komine Rwamiko, Gikongoro.....96
Abatutsi biciwe muri Ngororero, Komini Satinskyi batwikishwa lisansi.....97
Abasirikari bo mu kigo cya Gako barimburiye Abatutsi ku musozi wa Rebero mu Murenge wa Mayange, mu Bugesera .....97
Abatutsi biciwe muri Kiliziya ya Gahanga, Kigali.....98

Interahamwe z'i Murambi yayoborwaga na Gatete Jean-Baptiste zateye Abatutsi b'i Rwinkeke, i Karambi, Segiteri Murundi, Umurenge wa Kayonza, barabica bose ....... 98
Ubwicanyi bwarakomeje mu tundi duce tw'u Rwanda....... 98

2.5. KUWA 11 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIGALI Y'UMUGI, BYUMBA, CYANGUGU NA KIBUNGO....... 99
Ingabo z'Ababiligi zataye impunzi z'Abatutsi muri ETO Kicukiro, bicirwa i Nyanza ya Kicukiro....... 99
Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi muri kiliziya ya Paruwasi Gatolika ya Kiziguro, muri Komini Murambi....... 100
Abatutsi bahungiye kuri ADEPR Shagasha, Cyangugu, bose barishwe....... 100
Abatutsi biciwe i Save muri Komine Gisuma, Cyangugu ....... 101
Abatutsi biciwe kuri Paruwasi ya Hanika, Cyangugu....... 101
Abatutsi barimburiwe i Midiho, EAR Nyagatovu, Kayonza, Kibungo....... 102

2.6. KUWA 12 MATA 1994: UBWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIGALI Y'UMUGI, KIBUNGO, CYANGUGU, KIBUYE, KIGALI NGARI, BYUMBA, NA GITARAMA....... 103
Froduald Karamira na MDR-Power bahamagariye intangondwa z'Abahutu kwica Abatutsi....... 103
Muri Kigali, intumbi z'abishwe muri jenoside zakusanyirizwaga muri za kamyo, zikajugunywa mu byobo byari byacukuwe n'ibimashini....... 103
Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumye, Boutros-Ghali yavuze ko MINUAR igomba kuva mu Rwanda muri jenoside....... 104
Abatutsi barishwe i Mukarange mu Murenge wa Kayonza....... 104
Ubwicanyi bwahitanye Abatutsi benshi bari bahungiye mu Murenge wa Nyabitekeri ahahoze hubatse Segiteri ya Mukoma, Nyamasheke, Cyangugu....... 105
Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi kuri Ngoma, Segiteri Bushekeri, Nyamasheke....... 105
Burugumesitiri Furere Abel yarimbuye Abatutsi bo muri Komini ya Rwamatamu, Umurenge wa Gihombo, Kibuye....... 106
Abatutsi barishwe mu Buharabuge, Rugarika mu Karere ka Kamonyi....... 107
Ijugunywa ry'Abatutsi ba Runda muri Nyabarongo....... 107
Iyicwa ry'Abatutsi bo mu Kabuga, Umurenge wa Bumbogo, Gasabo....... 108
Iyicwa ry'Abatutsi i Musenyi mu Bugesera na Muhura muri Gatsibo....... 108

2.7. KUWA 13 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIGALI Y'UMUGI, KIGALI NGARI, GISENYI, KIBUNGO, CYANGUGU, KIBUYE NA GIKONGORO....................................................109
Iyicwa ry'Abatutsi muri College Saint André i Nyamirambo..............................109
Iyicwa ry'Abatutsi i Kanyinya, Komini Nyarugenge..........................................109
Iyicwa ry'Abatutsi ku Kiliziya ya Gishaka, i Bumbogo, Kigali...........................110
Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi gatorika ya Musha, Kigali..............................110
Iyicwa ry'Abatutsi ku Muhororo, Kibilira muri Ngororero.................................111
Iyicwa ry'Abatutsi kuri Kiliziya gatorika ya Rukara, Kayonza...........................112
Iyicwa ry'Abatutsi i Ruharambuga, Nyamasheke..............................................112
Iyicwa ry'Abatutsi i Nyakanyinya, Mururu, Rusizi.............................................112
Iyicwa ry'Abatutsi i Kirinda, Karongi.................................................................113
Iyicwa ry'Abatutsi muri Chapelle ya Gitwa, Rutsiro...........................................113
Iyicwa ry'Abatutsi ku mashuri abanza ya Mbogo, Kinyamakara, Gikongoro......114
Iyicwa ry'Abatutsi ahiswe kuri "Eskariye" (escalier), Muhima, Nyarugenge, n'i Nkomangwa, Kayonza..............................................................115

2.8. KUWA 14 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIGALI NGARI, GIKONGORO, KIBUYE, KIBUNGO, CYANGUGU.......................................115
Iyicwa ry'Abatutsi kuri ADEPR Maheresho, Nyamagabe...................................115
Iyicwa ry'Abatutsi bari bahungiye k'uruganda rw'icyayi rwa Mata, Nyamagabe..........................................................................................116
Iyicwa ry'Abatutsi bari bahungiye kuri Secteur Gati, Rwamagana......................116
Iyicwa ry'Abatutsi mu Birambo, Karongi......................................................... 117
Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi Gatorika ya Kibeho, Nyaruguru......................117
Iyicwa ry'Abatutsi bo mu murenge wa Munyiginya/Rwamagana........................118
Iyicwa ry'Abatutsi bo mu murenge wa Kibungo, Ngoma....................................118

2.9. KUWA 15 MATA 1994: UBWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA RUHENGERI, KIBUYE, KIBUNGO, KIGALI NGARI, BUTARE, GITARAMA, KIGALI Y'UMUGI, GIKONGORO...........................................................................119
Abatutsi biciwe ku Rukiko rw'ubujurire rwa Ruhengeri, Musanze......................119
Abatutsi biciwe i Nyange muri Komini Kivumu................................................ 119
Abatutsi barishwe mu rusengero rwa E.E.R Ruhanga..........................................120
Iyicwa ry'Abatutsi kuri Kiriziya ya Ntarama......................................................121
Abatutsi biciwe kuri Paruwasi Cyahinda, Nyaruguru..........................................121
Abatutsi biciwe mu Kiryamocyinzovu, Kamonyi...............................................122
Abatutsi barishwe mu Gasetsa, ahahoze ari Komini Kigarama, Kibungo............122

Abatutsi barishwe i Gihara muri Kamonyi..........................................................123
Abatutsi barishwe i Nyabikenke, Muhanga..........................................................123
Abatutsi barishwe mu Murenge wa Muyongwe, hahoze Komini
Tare, Gakenke.......................................................................................................124
Abatutsi biciwe kuri Komini Muhazi, Gishari Rwamagana.................................124
Abatutsi biciwe mu Murenge wa Kigali, Kitabi, Nyarugenge.............................125
Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi gatolika ya Nyarubuye ..................................125
Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi Gatolika ya Muganza, Nyaruguru..................126

2.10. KUWA 16 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI
BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA
ZA KIGALI NGARI, KIBUYE NA KIBUNGO.................................................127
Amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi i Nyamata............................................127
Bamwe muri ba ruharwa babigizemo uruhare:.....................................................129
Iyicwa ry'Abatutsi ku Mugonero, Karongi..........................................................129
Iyicwa ry'Abatutsi muri Hôme ya St Jean no mu Kiriziya Gatolika
ya Kibuye, Karongi...............................................................................................130
Iyicwa ry'Abatutsi i Rukumberi...........................................................................132
Iyicwa ry'Abatutsi muri Rwamagana...................................................................134

2.11. KUWA 17 MATA 1994 : BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE
ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIGALI
Y'UMUGI, KIGALI NGARI, GIKONGORO NA CYANGUGU..................... 135
Leta y'abicanyi yashyizeho ba Perefe bashya bagombaga kwihutisha
Jenoside muri za Perefegitura...............................................................................135
Iyicwa ry'Abatutsi ku cyobo ku Muhima hafi y'Akagari ka Rugenge
(CND) no mu murenge wa Kigali ahitwa muri « Centre » ya Kitabi...................136
Abatutsi biciwe mu Babikira b'Abakarikuta munsi ya Ste Famille......................136
Iyicwa ry'Abatutsi mu bitaro bya CHUK.............................................................137
Iyicwa ry'Abatutsi muri CARAES Ndera/Gasabo...............................................138
Iyicwa ry'Abatutsi ku Munini muri Nyaruguru, Gikongoro................................139
Abatutsi biciwe muri Komini ya Rwamatamu, Kibuye........................................140
Abatutsi biciwe mu Bweyeye, Rusizi, Cyangugu ...............................................140
Abatutsi biciwe i Kayonza, Umurenge wa Nyamirama no ku cyuzi
cya Ruramira na Kabazeyi muri Rwamagana.......................................................140

2.12. KUWA 18 MATA 1994: UBWICANYI BWAKOREWE
ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIBUYE,
GITARAMA, CYANGUGU, BUTARE NA KIGALI NGARI...........................141
Leta y'abicanyi yakomeje gukangurira abaturage gukora Jenoside..................... 141
Perefe Kayishema Clement yarimbuye Abatutsi kuri Stade Gatwaro, Kibuye.....142
Iyicwa ry'Abatutsi muri Kamonyi, Kayumbu......................................................143

Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi ya Nkanka, Rusizi..........................................144
Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi ya Simbi, Komine Maraba, Huye....................145
Iyicwa ry'Abatutsi kuri OPROVIA, Rusizi........................................................146
Iyicwa ry'Abatutsi i Mwulire, Rwamagana no ku kigo cy'amashuri cya Sovu....146

2.13. KUWA 19 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA BUTARE, GITARAMA, GIKONGORO NA CYANGUGU..............................................148
Disikuru rutwitsi ya Perezida Sindikubwabo i Butare, isaba Abanyabutare "gukora" n'ishyirwaho rwa Perefe wo gushyira mu bikorwa Jenoside................148
Abatutsi biciwe mu Murenge wa Ngoma, Komini Kigembe, Butare...................149
Abatutsi biciwe Kigembe, Umurenge wa Gacarubwenge, Musambira, Kamonyi...........................................................................................149
Abatutsi biciwe ahitwa ku rutare rw'Abarenga, muri Kamonyi, kuri Nyabarongo.....................................................................................150
Abatutsi biciwe mu ishyamba rya Karutare (Cyibihanga), muri Kamonyi...........151
Abatutsi biciwe muri centre ya Kamonyi (ku Masuka)........................................151
Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi Mushishiro (Muhanga)....................................152
Iyicwa ry'Abatutsi muri Komini Kayenzi: i Gitwa, Gashinge, Kirwa, Kamonyi...........................................................................................153
Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi bari bahungiye ku biro bya Komini Muko, Nyamagabe...................................................................................153
Abatutsi biciwe i Nyakanyinya mu Murenge wa Mururu, Rusizi........................155

2.14. KUWA 20 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA BUTARE, CYANGUGU NA GITARAMA...................................................................155
Perezida Theodore Sindikubwabo na Leta y'abicanyi bakomeje gukangurira Abahutu kurimbura Abatutsi............................................................155
Iyicwa ry'Umwamikazi Rosalie Gicanda mu mujyi wa Butare............................155
Abatutsi biciwe kuri Kiliziya ya Mugombwa, Gisagara......................................156
Iyicwa ry'Abatutsi, Busekanka, Umurenge wa Nkanka, Rusizi..........................157
Abatutsi biciwe Rutabo hiswe kuri CND, Umurenge wa Kinazi, Ruhango..........157
Abatutsi biciwe kuri Paruwasi gatorika ya Nyumba, Komine Gishamvu, Butare....................................................................................158
Abatutsi biciwe kuri ADEPR Shagasha, Gihundwe.............................................159

2.15. KUWA 21 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA GIKONGORO, BUTARE, GITARAMA...........................................................................159
Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi yatse inshingano MINUAR igabanya umubare w'abasilikare bayo mu Rwanda..........159

Abatutsi biciwe i Murambi, Gikongoro, Nyamagabe..........................................159
Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi Gatorika ya Cyanika, Nyamagabe.................161
Abatutsi biciwe kuri Paruwasi Gaturika ya Kaduha, Nyamagabe.........................162
Abatutsi biciwe ahantu hatandukanye muri Komini Ntongwe, Ruhango.............163
Abatutsi biciwe kuri Paruwasi Gatorika ya Karama, Runyinya, Huye.................166
Abatutsi biciwe ku musozi wa Gashinge, Kamonyi............................................167
Abatutsi biciwe mu Cyakabiri i Rutobwe, Gitarama, Muhanga............................168
Abatutsi biciwe mu Murenge wa Tumba (Mpare na Musange), Huye.................169
Abatutsi biciwe Gishubi, Gisagara......................................................................170
Abatutsi biciwe Musha, Komini Mugusa, Gisagara.............................................171
Abatutsi biciwe ahantu hatandukanye mu Mujyi wa Butare, Huye......................171
Abatutsi biciwe kuri Paruwasi Gaturika ya Rugango, Huye................................174
Abatutsi biciwe i Kibirizi, Gisagara....................................................................174

2.16. KUWA 22 MATA 1994 : BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE
ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIGALI
Y'UMUGI, BUTARE NA GITARAMA..........................................................175
Abatutsi biciwe muri « CELA » i Kigali ...........................................................175
Abatutsi biciwe ahahoze ari ibiro bya Komini Huye...........................................176
Abatutsi biciwe i Sovu kuri Monastere y'ababikira b'aba Benedigitine
no ku kigo nderabuzima .....................................................................................176
Abatutsi biciwe ku Gisagara, mu Murenge wa Kansi, Gisagara..........................177
Abatutsi biciwe ku musozi wa Nzaratsi mu Ruhango..........................................178
Abatutsi biciwe ku musozi wa Bibare (Bunyonga), Kamonyi.............................178
Abatutsi biciwe ku musozi wa Kabakobwa, mu Karere ka Huye.........................179

2.17. KUWA 23 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE
ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA BUTARE,
GIKONGORO NA GITARAMA.....................................................................179
Abatutsi biciwe mu Murenge wa Kabuye, Gisagara............................................179
Abatutsi biciwe mu Murenge wa Rwaniro ahitwa Mwendo, Huye............ 181
Abatutsi biciwe ahahoze ibiro bya Komini Musange, Nyamagabe............. 182
Abatutsi batawe ku cyuzi cya Nyamagana mu Karere ka Nyanza........................182
Abatutsi biciwe ku mashuri abanza ya Bitsibo, Kamonyi...................................183

2.18. KUWA 24 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE
ABATUTSI MU YAHOZE ARI PEREFEGITURA YA GITARAMA..............184
Abatutsi biciwe i Mayunzwe muri Ruhango.......................................................184
Abatutsi biciwe i Kabgayi, Muhanga..................................................................184
Abatutsi biciwe mu Bibungo bya Mukinga, Kamonyi.........................................185
Abatutsi biciwe i Nyakarekare, Ruhango ...........................................................186

2.19. KUWA 25 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA BUTARE, GITARAMA NA KIBUYE....186
Leta y'abicanyi yakomeje gushyigikirwa n'Abafaransa mu Kanama ka Loni gashinzwe Amahoro ku isi, burwanya ko ijambo "jenoside" ryakoreshwa....186
Abatutsi biciwe ahahoze ari ibiro bya Komini Mbazi, Huye....187
Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi i Save, Komini Shyanda, Butare....187
Abatutsi biciwe mu Gihisi ku kibuga cy'umupira w'amaguru, Nyanza....189
Abatutsi biciwe muri Komini Muyira, Nyanza....190
Abatutsi biciwe mu Nkomane mu Karere ka Nyanza....191
Abatutsi biciwe mu Butansinda, Gitarama....192
Abatutsi biciwe i Ruhashya, Huye....192
Abatutsi biciwe kuri EPR Gituntu, Karongi....192

2.20. KUWA 26 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA BUTARE, KIBUYE NA GITARAMA....193
Abatutsi biciwe kuri Paruwasi ya Mugina, Kamonyi....193
Abatutsi biciwe muri ISAR Rubona (RAB), Huye....194
Abatutsi biciwe kuri Paruwasi Gaturika ya Birambo, Karongi....196
Abatutsi biciwe kuri komini Kigoma, Ruhango....198
Abatutsi biciwe kuri komini Tambwe, Ruhango.... 198

2.21. KUWA 27 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU YAHOZE ARI PEREFEGITURA YA BUTARE....199
Muri jenoside, Leta y'Ubufaransa yakiriye abayobozi bakuru ba Hutu power....199
Abatutsi biciwe i Gikonko, Gisagara....199
Abatutsi biciwe ku musozi wa Nyamure mu Murenge wa Muyira, Akarere ka Nyanza....200

2.22. KUWA 28 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIBUYE NA BUTARE....203
Oxfam yamaganye Jenoside yakorerwaga Abatutsi mu Rwanda....203
Abatutsi biciwe ku musozi wa Kizenga, Rwamatamu no ku Kivu, Kibuye....203
Abatutsi biciwe muri ISAR Songa, Huye....203

2.23. KUWA 29 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA GISENYI NA CYANGUGU....205
Abatutsi biciwe mu kigo cya Gisirikare cya Butotori (Marine), Rubavu....205

Abatutsi biciwe kuri Paruwasi gatorika ya Shangi, Cyangugu............................206
Abatutsi biciwe kuri Sitade Kamarampaka, Rusizi.............................................207

2.24. KUWA 30 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA GISENYI, CYANGUGU, BUTARE NA KIGALI NGARI................................................209
Abatutsi biciwe mu Mujyi wa Gisenyi, Rubavu.................................................209
Abatutsi biciwe kuri Paruwasi ya Mibirizi, Cyangugu........................................211
Abatutsi biciwe kuri Paruwasi gatorika ya Ngoma, Huye...................................214
Abatutsi biciwe mu kigo gikuru cy'Abenebikira ku i Taba, Butare.....................215
Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi mu rufunzo i Ntarama mu Bugesera................216

2.25. KUWA 01 GICURASI 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA BUTARE NA GISENYI.......217
Abatutsi biciwe ku musozi wa Karama, Nyanza................................................217
Abatutsi biciwe kuri kiriziya ya Nyundo no mu nkengero zayo, Rubavu............220

2.26. KUWA 2 GICURASI 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU YAHOZE ARI PEREFEGITURA YA KIGALI Y'UMUJYI........222
Ukuburizamo ubwicanyi ku mpunzi zahungiye muri Hoteli ya Mille Collines....222
Padiri Munyeshyaka Wenceslas yagize uruhare mu bwicanyi bwibasiye Abatutsi kuri Kiliziya ya Sainte Famille no mu nkengero zayo..........................223
Urujijo rw'ibyemezo by'ubucamanza bw'Ubufaransa ku byaha bya Padiri 224
Wenceslas Munyeshyaka...........................................................................

2.27. KUWA 03 GICURASI 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA CYANGUGU NA BUTARE..225
Abatutsi biciwe kuri ADEPR ya Gihundwe, Rusizi............................................225
Abatutsi biciwe ku Ibambiro, Nyanza.................................................................226

2.28. KUWA 05 GICURASI 1994: GUVERINOMA Y'ABICANYI YASHYIZE IMBARAGA MU KWIHUTISHA IKORWA RYA JENOSIDE BITUMA ABATUTSI BARI BAROKOTSE BICIRWA I SOVU (BUTARE).......................228
RTLM yatangaje ko iyicwa ry'Abatutsi basigaye rigomba kwihutishwa............228
Umukuru w'Ikigo cy'Ababikira i Sovu, Soeur Gertrude Mukangango, yicishije Abatutsi ba nyuma bari barokotse ubwicanyi bwo ku wa 22 na 25 Mata 1994 muri Monastère y'i Sovu.........................................................................229
Nyuma yo gufungurwa, Soeur Gertrude yatangije ibikorwa byo kwibasira abacitse ku icumu rya Jenoside batanze ubuhamya mu rubanza rwe...................231
2.29. KUWA 06 GICURASI 1994: INTERAHAMWE ZAKANGURIWE GUKOMEZA JENOSIDE, UMURYANGO W'ABIBUMBYE UTERERANA ABATUTSI BICWAGA.........................................................235

Leta y'abicanyi yakomeje kwica no gukangurira interahamwe kwihutisha ubwicanyi....235
Akanama gashinzwe amahoro ku isi kiyambuye inshingano zako zo kubungabunga amahoro ku isi no gutabara igihe Leta y'abicanyi yakoraga Jenoside.... 236
Umuryango utabara imbabare ku isi (CICR) wanenze imyitwarire y'amahanga yatereranye U Rwanda, ifata icyemezo cyo kugoboka impunzi aho byari bigishoboka.... 236

2.30. KUWA 07 GICURASI 1994:BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA GIKONGORO NA GITARAMA....237
Abanyeshuri bo mu ishuri rya "Groupe scolaire Marie Merci", i Kibeho, babanje kurindwa n'abajandarume....237
Abanyeshuri b'Abatutsi bagerageje guhungira i Burundi barakumirwa....237
Ubuyobozi bw'ishuri bwagambaniye abanyeshuri b'Abatutsi.... 238
Interahamwe zaje kwica abanyeshuri b'Abatutsi zivuye mu bice bitandukanye..239
Abayobozi bagize uruhare mu bwicanyi mu buryo buziguye cyangwa butaziguye....239
Abanyeshuri bitabiriye ubwicanyi....240
Ubwicanyi bwakorewe muri Segiteri za Remera, Ngwa na Mpanga....240

2.31. KUWA 7-8 GICURASI 1994: JENOSIDE YAKOREWE KU BANA B'ABATUTSI B'IMPFUBYI MU KIGO CYA SOS GIKONGORO.... 243
Uko Ikigo cya SOS Gikongoro cyahindutse indiri y'abicanyi....243
Iyicwa ry'abana b'impfubyi b'Abatutsi mu kigo cya SOS ku Gikongoro....245
Iyicwa ry'abakozi ba SOS b'Abatutsi....245
Ubutumwa bw'ubutabazi bwa Bernard Kouchner mu Rwanda mu kwezi kwa Gicurasi 1994....246

2.32. KUWA 12 GICURASI 1994 : UBWICANYI BWAKOREWE KURI ADEPR NYABISINDU MURI MUHANGA (GITARAMA)....246

2.33. KUWA 13 GICURASI 1994: UBWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU BISESERO (KIBUYE)....249
Bisesero yabaye ubuhungiro bw'Abatutsi bicwaga.... 249
Abatutsi bahungiye mu Bisesero birwanyeho.... 149
Ibitero simusiga byagabwe mu Bisesero tariki ya 13/5/1994.... 251

2.34. KUWA ABATUTSI BAKOMEJE KWICWA I MUSAMBIRA NO MU BYIMANA KANDI AMAHANGA AKOMEZA KWANGA GUTABARA ABATUTSI BICWAGA MURI JENOSIDE....254

Ubwicanyi bwakorewe muri Segiteri za Tumba na Cyarwa mu gihe abicanyi babeshyaga ko batanze ihumure....254
Abatutsi biciwe ku kigo nderabuzima cya Musambira, no kuri Paruwasi ya Musambira, Kamonyi....255
Abatutsi biciwe i Nyarubaka ku Gitega, Kamonyi....257
Abatutsi biciwe mu Ishuri ry'Ubuhanga (Ecole des Sciences) mu Byimana....257
Radiyo mpuzamahanga y'Ubufaransa RFI, yavuganye n'umuyobozi w'Interahamwe wahakanye ubwicanyi....259

2.35. KUWA 20 GICURASI 1994: UBWICANYI BWAKOREWE ABAPASITORO B'ABATUTSI BO MU ITORERO RY'ABADIVANTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI I GITWE....259
Ubwicanyi bwakorewe abapasitoro b'abatutsi bo mu itorero ry'abadivantisiti b'umunsi wa karindwi i gitwe....259
Ubwicanyi bwakorewe Abagore n'Abana b'Abatutsi ahitwa kuri Douane mu Karere ka Ruhango....261

2.36. KUWA 22 GICURASI 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA GIKONGORO, GITARAMA N'IFATWA RY'IKIBUGA CY'INDEGE CYA KANOMBE....262
Ifatwa ry'ikibuga cy'indege cya Kanombe n'ikigo cya gisirikari cya Kanombe intambwe ikomeye mu gutsinda abicanyi bakoraga Jenoside....262
Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi ku bitaro bya Kigeme, Nyamagabe....262
Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi i Nyamirembe, aho bitaga CND, Kamonyi....264

2.37. KUWA 25-30 GICURASI 1994: IYIHUTISHWA RYO KUMARAHO ABATUTSI MU BICE BY'IGIHUGU BYARI BITARABOHORWA N'INGABO ZA FPR-INKOTANYI....265
Itangazwa ry'amabwiriza yo kwihutisha Jenoside mu cyiswe "auto-defense civile"....265
Bamwe mu basilikare ba ex-FAR bitandukanyije n'ingabo z'abicanyi kandi Igihugu gikomeza kubohorwa na FPR-INKOTANYI....266

2.38. GICURASI 1994: ISHYIRWA MU BIKORWA RYIHUSE RY'UMUGAMBI WO KUMARAHO ABATUTSI MU CYISWE «AUTO-DEFENSE CIVILE» CYATANGIJWE NA PEREZIDA HABYARIMANA MURI 1991....267
« Auto-defense civile » yatangijwe na Perezida Habyarimana....267
Muri « Auto-defense civile » hemejwe ko Umututsi ari umwanzi w'u Rwanda ugomba gushakishwa no kwicwa....268
« Auto-defense civile » yatangijwe n'ibikorwa byo gutoza abicanyi no kubaha uburyo n'intwaro zo gukora Jenoside....268

Uburyo bwakoreshejwe mu gutoranya urubyiruko rw'Interahamwe ruhabwa imyitozo....................................................................................270
Gahunda ya Jenoside yiswe "auto-defense civile" niyo yatanzwemo imihoro.....271

2.39. JENOSIDE YAKOMEJE GUKAZA UMUREGO MU BICE BY'AMAJYEPFO Y'IGIHUGU, INKOTANYI ZIKOMEZA KUBOHORA BIMWE MU BICE BY'IGIHUGU..........................................................................272
Abana biciwe mu Gitega, Nyarubaka, Kamonyi..................................................272
Iyicwa ry'Abatutsi barenga 500 bavanywe mu mazu ya Kiliziya Gatorika bari bahungiyemo i Kabgayi........................................................................................273
Ingabo za FPR-Inkotanyi zakomeje kubohora ibice by'umujyi wa Kigali na guverinoma y'abatabazi ihungira ku Kibuye..................................................274
Bamwe mu banyamahanga bareruye bemeza ko iyicwa ry'Abatutsi mu Rwanda ari umugambi wa Leta, ariko Leta y'abicanyi ikomeza kubihakana....................275

2.40. IVANWA RY'IMPUNZI ZARI MURI HÔTEL DES MILLE COLLINES, N'URUPFU RWA KAPITENI MBAYE DIAGNE WO MURI MINUAR.............276

2.41. GUVERINOMA Y'ABICANYI N'IMITWE Y 'ABICANYI IYISHAMIKIYEHO BAKOMEJE KWIHUTISHA JENOSIDE YAKORERWAGA ABATUTSI, MU GIHE IMPAKA MU MURYANGO W'ABIBUMBYE KU NYITO Y'UBWICANYI BWAKORERWAGA MU RWANDA ZARIMO ZIRANGIRA..........................................................277

2.42. MINUAR YAHAGARITSE BY'AGATEGANYO IBIKORWA BYO KUVANA ABANTU MURI HOTEL DES MILLE COLLINES, INEMEZA UBWICANYI BWAKOREWE IMPUNZI Z'ABATUTSI I KABGAYI........................................................................277

2.43. KUWA 02 KAMENA 1994: INGABO ZA FPR-INKOTANYI ZAROKOYE ABATUTSI BARI MU NKAMBI YA KABGAYI ......................279
Imiterere y'inkambi ya Kabgayi..........................................................................279
Amatariki y'ingenzi yaranze ikorwa rya jenoside i Kabgayi...............................279
Jenoside y'i Kabgayi yakozwe mu buryo butandukanye n'ahandi.......................282

2.44. IFATWA RYA KABGAYI RYABABAJE GUVERINOMA YA KAMBANDA, ISHYIRA UMUVUDUKO MU KWIHUTISHA JENOSIDE NO GUSHAKISHA IMBUNDA N'AMASASU BYO GUSOZA JENOSIDE........................................................................283
Inama za ba minisitiri zakajije ingamba zo gushakisha ku buryo bwose intwaro n'amasasu mu mahanga byo guhangana na FPR-Inkotanyi no gusoza jenoside........................................................................................283

Inama za ba minisitiri zemeje kurushaho kwishyira hamwe mu gukora jenoside no kunoza isura ya guverinoma y'abicanyi.......................................286

2.45. KUWA 5 KAMENA 1994: MINISITIRI W'INTEBE JEAN KAMBANDA YAKORESHEJE INAMA ABAKURU BOSE B'INGABO NA JANDARUMORI YO GUKAZA INGAMBA Z'INTAMBARA NO KURANGIZA IRIMBURWA RY'ABATUTSI AHO BARI BATARICWA.......................................................................288
Ibyemezo byo kongerera urubyiruko imyitozo ya gisilikare no kuruha intwaro..288
Ibyemezo byo gushishikariza ba Perefe na ba Burugumesitiri gushyira imbaraga mu bwicanyi.......................................................................289
Ingabo za guverinoma ya Kambanda zemeje ko Inkotanyi zibarusha ubuhanga na disipuline.......................................................................290

2.46. KUWA 6 KAMENA 1994: INGAMBA ZO KUNOZA ISURA YA GUVERINOMA YA KAMBANDA MU MAHANGA N'IMPUNGENGE KU MUBARE MWINSHI W'INKOMERE Z'ABASILIKARE BAYO.............290
Umubare munini w'inkomere z'abasilikare ba leta n'uw'abaguye ku rugamba wagaragajwe nk'ikibazo cy'ingutu kibangamiye ikorwa rya jenoside................290
Guverinoma ya Kambanda yakoresheje uburyo bwa diplomasi ishaka guhisha isura y'ubwicanyi yakoreraga Abatutsi.............................................292

2.47. KUWA 8 KAMENA 1994: KAVUMU MURI NGORORERO (GISENYI), UBWICANYI BWAKOREWE ABANA BABYAWE N'ABAGORE B'ABAHUTUKAZI KU BAGABO B'ABATUTSI...................293
I Kavumu jenoside yakoranywe ubukana bukomeye.......................................293
Abana babyawe n'abagore b'Abahutukazi bashatse abagabo b'Abatutsi bishwe nabi nyuma y'abandi Batutsi.................................................295

2.48. KUWA 9 KAMENA 1994: GUVERINOMA YA KAMBANDA YEMEJE UBURYO BUKAZE BWO GUKOMEZA KWIHUTISHA "AUTO-DEFENSE CIVILE".......................................................................295
Miliyoni mirongo itanu z'amafranga y'u Rwanda (50.000.000 Frw) zashyizwe mu bikorwa byo kwihutisha iyicwa ry'Abatutsi muri "Auto-defense civile".......................................................................295
Inama ya Guverinoma yafashe ibyemezo byo kwihutisha iyicwa ry'Abatutsi aho bari bataricwa.......................................................296

2.49. KUWA 10 KAMENA 1994: GUVERINOMA YA KAMBANDA YASHYIZEHO UMURONGO NGENDERWAHO KU BACURUZI WO KUGURA IMBUNDA ZO GUKORESHA MURI JENOSIDE N'UWO GUKAZA UBWICANYI KU KIBUYE.............................................297

Abacuruzi bategetswe kugura imbunda zabo bwite n'izo guha abaturage...........297
Guverinoma ya Kambanda yatanze imbunda mu baturage inishimira ko iyicwa ry'Abatutsi ririho rigenda uko guverinoma ibishaka...........................297
Umwihariko wahawe Perefegitura ya Kibuye.....................................................298
Minisitiri w'ingabo, Augustin Bizimana, yasabye ko abasenyeri b'Abatutsi bicwa...........................................................................................299

2.50. KUWA 10 KAMENA 1994: IYICWA RY'ABATUTSI I NYAMIRAMBO...........................................................................................300
Iyicwa ry'Abatutsi muri Paruwasi gatorika yitiriwe Mutagatifu Charles Lwanga i Nyamirambo........................................................................300

2.51. KUWA 13 KAMENA 1994: UMUNYAMAKURU DANIEL MERMET YATANGIJE IGIKORWA KIVUGA BURI MUNSI IMITERERE YA JENOSIDE YIBONEYE I NYARUBUYE, BAGOSORA AGEZA INTWARO MU RWANDA ZO GUTSEMBA ABATUTSI..............................301
Daniel Mermet, umunyamukuru wa Radiyo France inter yakoze ikiganiro cy'iminsi icumi (10) kuri jenoside ndengakamere yabonye i Nyarubuye.......................................................................................301
Intwaro zaguzwe na Bagosora zagejejwe i Goma muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo zambutswa mu Rwanda zihabwa abajenosideri...........................................................................................303

2.52. KUWA 14 KAMENA 1994 : INGABO ZA FPR-INKOTANYI ZABOHOJE UMUJYI WA GITARAMA, GUVERINOMA Y'ABICANYI IHUNGIRA KU GISENYI..........................................................305
Gitarama ni ivuko ry'itotezwa ry'Abatutsi mu Rwanda.....................................305
Urugamba rwo kubohora igihugu rwabaye imbarutso yo kongera gutoteza no kwica Abatutsi bo muri Gitarama.................................................................306
Abatutsi b'i Gitarama barwanyije abicanyi........................................................308

2.53. KUWA 14-17 KAMENA 1994 : IYICWA RY'ABATUTSI KURI SAINTE FAMILLE NO KURI SAINT PAUL I KIGALI NA OPERASIYO IDASANZWE Y'INKOTANYI YO GUKIZA ABICWAGA............................309
Incamake y'ubwicanyi bwakorewe Abatutsi kuri Paruwasi ya Sainte Famille i Kigali......................................................................................309
Incamake y'ubwicanyi bwakorewe Abatutsi kuri Centre National de Pastorale Saint Paul i Kigali.....................................................................310
Iyicwa ry'umunyakuru n'umunyapolitiki André Kameya ku wa 15 Kamena 1994.......................................................................................311

2.54. KUWA 17 KAMENA 1994: INAMA YA GUVERINOMA YA KAMBANDA YABESHYE KO MU BISESERO HARI INYENZI IFATA ICYEMEZO CYO KUJYA GUTSEMBA ABATUTSI BAHO BARI BATARICWA....312
Umugambi wa guverinoma wo gutsemba Abatutsi mu Bisesero wafashwe ku wa 17 Kamena 1994....312
Colonel Innocent Bavugamenshi yikomwe n'inama ya guverinoma azizwa kutemera umugambi wa jenoside....313
Guverinoma yasimbuje bamwe muri ba burugumesitiri n'abayobozi mu zindi nzego kugira ngo bihutishe jenoside....314
Ugutsindwa kwa guverinoma ya Kambanda n'ingabo zayo kwatangiye kwigaragaza mu nama za guverinoma....315

2.55. KUWA 18 KAMENA 1994 : MINISITIRI W'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU, EDOUARD KAREMERA, YANDIKIYE UMUYOBOZI W'INGABO MURI GISENYI AMUBWIRA UBURYO BWO KWICA ABATUTSI MU BISESERO....316
Lieutenant Colonel Anatole Nsengiyumva yahawe amabwiriza yo gutanga abasilikare bo kwica Abatutsi mu Bisesero....316
Ibaruwa ya Edouard Karemera ni ikimenyetso cy'uruhare rw'inzego nkuru za Leta mu itegurwa n'ikorwa rya jenoside....317

2.56. KUWA 20 KAMENA 1994: IMYITEGURO YO GUTSEMBA ABATUTSI MU BISESERO N'ITANGIZWA RY'ICYISWE "OPERASIYO INSECTICIDE"....318
Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu, Edouard Karemera, yagaragarije Perefe wa Kibuye Clement Kayishema uburyo bwihuse bwo gutera Abatutsi mu Bisesero....318
Perefe Kayishema yagaragarije major Jabo uko iyicwa ry'Abatutsi bo mu Bisesero rigomba gikorwa....319
Inama ya guverinoma yemeje ishyirwaho rya operasiyo yo kumaraho Abatutsi yiswe "insecticide"....320

2.57. KUWA KUWA 23/6/1994: I NYARUSHISHI: UKUZA KW'ABASIRIKARE B'ABAFARANSA BA OPERASIYO TURQUOISE KWATUMYE UBWICANYI NO GUFATA KU NGUFU ABAGORE N'ABAKOBWA BIKOMEZA MU NKAMBI Y'IMPUNZI YA NYARUSHISHI NO MU NKENGERO ZAYO....321
Imiterere y'inkambi ya Nyarushishi n'ibikorwa by'ubwicanyi byakorewe Abatutsi muri iyo nkambi....321
Mu nkambi ya Nyarushishi Abatutsi biciwe mu maso y'abasirikare b'abafaransa bavugaga ko baje kubarinda....323
Abasirikare b'abafaransa bafashe ku ngufu abagore b'Abatutsikazi bari barahungiye mu nkambi ya Nyarushishi....324

Abasirikare b'abafaransa bafashe abatutsikazi mu nkambi ya Nyarushishi babagira abaja babo bafata ku ngufu....................................................................325
Abatutsi bo mu nkambi ya Nyarushishi barokowe na Colonel Innocent Bavugamenshi....................................................................325

2.58. KUWA 24/6/1994: I MURAMBI : UKUZA KW'ABASIRIKARE B'ABAFARANSA BA OPERASIYO TURQUOISE KWATUMYE UBWICANYI BUKOMEZA KIMWE N'IBIKORWA BYO GUFATA KU NGUFU MU NKAMBI Y'IMPUNZI YA MURAMBI NO MU NKENGERO ZAYO.................................................................... 326
Muri Gikongoro abasirikare ba operasiyo turquoise bari bakereye urugamba rwo gutabara abicanyi.................................................................... 326
Bageze ku gikongoro, Abafaransa bahise bagirana ibiganiro n'abayobozi bicaga Abatutsi....................................................................327
Ibyaha abasirikare b'abafaransa bakoreye i Murambi cyangwa se byakozwe babihagarikiye.................................................................... 328

2.59. KUWA 27/6/1994: MU BISESERO : ABASIRIKARE B'ABAFARANSA BAREKEYE IMPUNZI Z'ABATUTSI MU MABOKO Y'ABICANYI....................................................................331
Ubuhamya bwa bamwe mu banyamakuru b'abanyamahanga.............................331
Abari bararokotse ubwicanyi bagera kuri 2,000 barishwe abafaransa bamaze kugenda....................................................................332
Capitaine Marin Gillier yanze guhagarika ubwicanyi bwakorerwaga abari bararokotse mu Bisesero....................................................................333
Colonel Rosier yafashe icyemezo cyo kudatabara Abatutsi bari bakiriho mu Bisesero....................................................................333
Imyifatire mibi y'abasirikare b'abafaransa mu guha ubutabazi abarokotse ubwicanyi muri Bisesero....................................................................334

2.60. ITSINDWA RYA GUVERINOMA Y'ABAJENOSIDERI RYIZWEHO MU NAMA YO KU WA 01 NYAKANGA 1994 BIYEMEZA GUTAKAMBIRA ABAFARANSA NO KUGERAGEZA GUHISHA IBIMENYETSO BYA JENOSIDE....................................................................335
Guverinoma ya Kambanda yari yizeye ko Abafaransa bayifasha kurwana urugamba rwa gisilikare na FPR-inkotanyi....................................................................335
Guverinoma ya Kambanda yiyemeje guhisha ibimenyetso by'uburyo yakoze jenoside....................................................................335
Agahinda ka Guverinoma ya Kambanda ko kuba yari hafi gutakaza Kigali........336
Impamvu zatanzwe na guverinoma ya Kambanda zisobanura ugutsindwa kwayo....................................................................337

UMUTWE WA III: URUHARE RUKOMEYE BAMWE MU BARI MURI LETA Y'ABICANYI BAGIZE MURI JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MURI PEREFEGITURA BAVUKAMO.................................... 338

3.1. URUHARE RWA MINISITIRI NZABONIMANA CALLIXTE MU IRIMBURWA RY'ABATUTSI MURI GITARAMA........................................ 338
Callixte Nzabonimana yinjije urubyiruko mu mutwe w'Interahamwe anazifasha guhabwa imyitozo........................................................................ 338
Callixte Nzabonimana yari yarahinduye inzu ye indiri abicanyi bateraniragamo.......................................................................................339
Nzabonimana Callixte yatanze intwaro ategeka kwica Abatutsi.........................339
Nzabonimana yakurikiranye i Kabgayi Abatutsi bari barokotse ubwicanyi bwo muri Nyabikenke....................................................................340
Mu nama y'i Murambi, Nzabonimana yategetse kwica aba Burugumesitiri n'abandi bayobozi bo mu nzego z'ibanze barwanyaga iyicwa ry'Abatutsi..........341
Nzabonimana yategetse Interahamwe gusenya amazu y'Abatutsi bishwe kugira ngo bahishe ibimenyetso bya Jenoside.....................................................341

3.2 NYIRAMASUHUKO PAULINE MW'ISHYIRWA MU BIKORWA RYA POLITIKI YO GUTSEMBA ABATUTSI HAKORESHEJWE ICYISWE "AUTO-DEFENSE CIVILE" MURI PEREFEGITURA AVUKAMO: BUTARE......................................................................................342
Politiki yo gutsemba Abatutsi yiswe « kugarura umutekano » na Guverinoma y'abicanyi.......................................................................... 342
Nyiramasuhuko yashinzwe gutsemba Abatutsi muri Butare............................... 342
Nyiramasuhuko Pauline yandikaga muri Agenda ye ibijyanye na gahunda yo gutsemba Abatutsi....................................................................343
Nyiramasuhuko Pauline yagize uruhare mu bwicanyi bwinshi bwakorewe muri Perefegitura Butare...........................................................................343

3.3 MINISITIRI KAREMERA EDOUARD MU ISHYIRWA MU BIKORWA RYA POLITIKI YO GUTSEMBA ABATUTSI MURI PEREFEGITURA AVUKAMO: KIBUYE.............................................345
Karemera Edouard yaremye umutwe w'Interahamwe muri Komini Bwakira kugira ngo zice Abatutsi....................................................................345
Karemera Edouard yashyize mu bikorwa mu gihugu cyose politiki yo gutsemba Abatutsi yiswe iyo « kugarura umutekano » ..................................346
Karemera, Ngirumpatse na Mugenzi bategetse ba Burugumesitiri ba Perefegitura ya Gitarama kureka kurinda Abatutsi......................................... 347
Karemera yaremesheje inama nyinshi muri Perefegitura Kibuye kugira ngo Jenoside yihutishwe muri ako karere.......................................................... 347

Karemera n'abandi bicanyi bashyizeho ikigega cyo kurwana ku busugire bw'igihugu cyari kigamije gutera inkunga ikorwa rya Jenoside..........................348
Karemera yasabye inkunga y'Interahamwe za Komini Mwendo kugira ngo zifashe gutsemba Abatutsi bari barahungiye ku misozi ya Bisesero.............348
Karemera yandikiye Lieutenant-Colonel Anatole Nsengiyumva amusaba inkunga z'abagombaga gufasha mu gutsemba Abatutsi bari bararokotse ubwicanyi bari mu misozi ya Bisesero..................................................................348

3.4 MINISITIRI NIYITEGEKA ELIEZER MW'ISHYIRWA MU BIKORWA RYA POLITIKI YO GUTSEMBA ABATUTSI HAKORESHEJWE ICYISWE "UKWITABARA KW'ABATURAGE" MU YAHOZE ARI PEREFEGITURA KIBUYE..............................................349
Niyitegeka yatanze intwaro muri Komini ya Gisovu agira n'uruhare mw'iyicwa ry'Abatutsi bari barahungiye mu kiriziya cya Mubuga.....................349
Niyitegeka Eliezer yishe Abatutsi bari barahungiye ku musozi wa Kizenga, hagati yo ku wa 17 no ku wa 30 Mata 1994.......................................................349
Niyitegeka yishe Abatutsi bari barahungiye ku musozi wa Muyira, hagati yo ku wa 17 no ku wa 30 Mata 1994.......................................................350
Niyitegeka yishe Abatutsi i Kivumu kuva muri Mata 1994 kugeza mu ntangiriro za Gicurasi 1994.........................................................................351
Niyitegeka yagabye ikindi gitero tariki ya 13 Gicurasi 1994 ku Batutsi bari barahungiye ku musozi wa Muyira..............................................................351
Tariki ya 14 Gicurasi 1994, Niyitegeka yashatse kurangiza gutsemba Abatutsi bari bararokotse ku musozi wa Muyira..................................................352
Mu mpera za Gicurasi 1994, Niyitegeka yishe Abatutsi i Rugarama na Kiziba..........................................................................................352
Tariki ya 10 Kamena 1994 no mu iminsi yakurikiye, Niyitegeka yayoboye inama zateguraga gutsemba Abatutsi bari barahungiye ku musozi wa Bisesero..........................................................................................353
Niyitegeka ubwe yafashe ku ngufu abakobwa n'abagore b'Abatutsikazi............354

UMUTWE WA IV: URUHARE RW'ABAGANGA, ABAFASHA B'ABAGANGAN'ABANDI BAKOZI BO MU BITARO N'AMAVURIRO MURI JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI.................................................355

4.1 URUHARE RW'ABAGANGA MURI JENOSIDE, YAKOREWE ABATUTSI MU MUJYI WA BUTARE............................................................355
4.1.1 ABAGANGA..........................................................................................355
4.1.2 URUHARE RW'ABAFOROMO N'ABAKOZI B'INZEGO Z'UBUZIMA MURI JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU MUJYI WA BUTARE..........................................................................................364

4.2 ABAGANGA, ABAFOROMO N'ABAKOZI BASHOBOYE KUMENYEKANA BAKOZE JENOSIDE ARI ABAKOZI BO MU NZEGO Z'UBUZIMA MU NTARA Y'AMAJYEPFO UKUYEMO AKARERE KA HUYE....370

4.2.1 IBITARO....370
Ibitaro bya Kabgayi, Muhanga....370
Ibitaro bya Nyanza, Nyanza....370
Ibitaro bya Kaduha, Nyamagabe....370
Ibitaro bya Kigeme, Nyamagabe....371
Munini, Nyaruguru....371

4.2.2. IBIGO NDERABUZIMA....371
Ruhashya, Huye....371
Mugina, Kamonyi....372
Kinazi, Ruhango....372
Gatagara, Nyanza....372
Nyamure, Nyanza....373
Ntyazo, Nyanza....373
Kibilizi, Nyanza....373
Gikongoro, Nyamagabe....373
Jenda, Nyamagabe....374
Kibeho, Nyaruguru....374
Busanze, Nyaruguru....374

4.3 URUHARE RW'ABAGANGA, ABAFOROMO N'ABAKOZI BO MU NZEGO Z'UBUZIMA MURI JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU NTARA Y'AMAJYARUGURU, UBURENGERAZUBA N'IY'IBURASIRAZUBA....374

4.3.1. IBITARO....374
Ibitaro bya Ruhengeri, Musanze....374
Ibitaro ya Kiziguro, Gatsibo....375
Ibitaro bya Kibungo, Ngoma....376
Ibitaro bya Rwinkwavu, Kirehe....376
Ibitaro bya Rwamagana, Rwamagana....376
Ibitaro bya Mibilizi, Rusizi....376
Ibitaro bya Bushenge, Nyamasheke....377
Ibitaro bya Kibogora, Nyamasheke....377
Ibitaro bya Mugonero, Karongi....378
Ibitaro bya Kibuye, Karongi....378
Ibitaro bya Kirinda, Karongi....379
Ibitaro bya Gisenyi, Rubavu....379
Ibitaro bya Muhororo, Ngororero....380

4.3.2 IBIGO NDERABUZIMA....380
Rwankeri, Nyabihu....380
Murambi, Rulindo....381
Shyorongi, Rulindo....381
Nyange, Ngoma....382
Congo Nil, Rutsiro....382
Kinunu, Rutsiro....382
Nyundo, Rubavu....382
Rambura, Nyabihu....383

4.4 ABAGANGA N'ABAFOROMO BASHOBOYE KUMENYEKANA BAKOZE JENOSIDE ARI ABAKOZI BO MU NZEGO Z'UBUZIMA MU MUJYI WA KIGALI....383
4.4.1 ABAGANGA....383
4.4.1.1 Abaganga bakoze Jenoside bari mu myanya mikuru ya politiki....383
4.4.1.2 Ibitaro Bikuru bya Kigali (CHK)....386
4.4.1.3 Ibitaro bya gisilikare bya Kanombe....388
4.4.1.4 Ibitaro byitiriwe Umwami Fayçal....388
4.4.2 ABAFOROMO N'ABANDI BAKOZI....389
4.4.2.1 CHUK....389
4.4.2.2 Ikigo Nderabuzima cya Kayanga, Gasabo....390
4.4.2.3 Ikigo Nderabuzima cya Butamwa, Nyarugenge....390

UMUTWE WA V: GUTINDA GUKABIJE K'UMURYANGO W'ABIBUMBYE (ONU) MU KWEMEZA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI....392
Umuryango w'Abibumbye wakomeje kurangwa no kwanga gutabara Abatutsi bakorerwaga Jenoside....392
Umunyamabanga mukuru w'Umuryango w'Abibumbye yarashyize yemeza ko mu Rwanda hari gukorwa Jenoside....394
Impaka z'urudaca mu nama y'umutekano y'Umuryango w'Abibumbye ku bwicanyi bwakorerwaga Abatutsi, zatumye abicanyi bakomeza kubatsemba....395
Raporo yo ku wa 28 Kamena 1994, yatanzwe ku burenganzira bwa muntu mu Rwanda na Mr Degni-segui, intumwa idasanzwe ya Komisiyo y'Uburenganzira bwa muntu y'Umuryango w'Abibumbye, yashimangiye ko ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi ari jenoside....395

UMUSOZO....399

## IJAMBO RY'IBANZE

Iyi nyandiko ikubiyemo ibice bitanu, igice cya mbere gisobanura bimwe mu bikorwa byaranze itegurwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi kuva muri 1991 no mu myaka yakurikiyeho kugeza tariki ya 7 Mata, 1994. Igice cya kabiri cyerekana uburyo Jenoside yashyizwe mu bikorwa. Igice cya gatatu cyerekana uruhare rwa bamwe mu bari bagize Leta y'abicanyi, igice cya kane cyerekana umwihariko w'abaganga n'abandi bakozi bo mu bitaro mu kurimbura Abatutsi, igice cya gatanu cyerekana uburyo Umuryango w'Abibumbye watinze kwemeza ko mu Rwanda hari Jenoside irimo gukorerwa Abatutsi, nyuma ukaza kubyemeza nyuma y'impaka nyinshi.

Ntabwo Jenoside yakorewe Abatutsi ari impanuka cyangwa ngo iterwe n'ihanuka ry'indege yari itwaye Perezida Habyarimana, ahubwo ni umugambi wari warateguwe igihe kirekire. Abateguye Jenoside kandi bagiye banabyivugira mu ruhame, urugero ni Colonel Bagosora Theoneste, muri Mutarama 1993, wari mu ntumwa z'u Rwanda mu nama i Arusha hemejwe igice cy'amasezerano y'amahoro kirebana no gusaranganya ubutegetsi, ntiyemeye ibyavuyemo, yasohotse arakaye aravuga ngo "*Ndatashye ngiye gutegura imperuka*". Colonel Bagosora akimara kugaruka i Kigali avuye Arusha, yakoresheje inama zitandukanye na bagenzi be b'intagondwa, bashinga Ishyirahamwe ry'abicanyi mu ngabo z'u Rwanda baryita AMASASU, rikaba ryarabaye ku isonga yo gukwiza ingengabitekerezo ya jenoside mu ngabo z'u Rwanda no gukangurira abasilikare kutazemera kubana n'Inkotanyi, ahubwo bakitegura kurimbura Abatutsi kuko ngo Abatutsi bari ibyitso by'INKOTANYI.

Hagiye hakorwa ubwicanyi bwa hato na hato hagati ya 1991 na 1994. Muri Werurwe 1991 hishwe Abatutsi 277 muri Komini zitandukanye zo muri Perefegitura za Ruhengeri (Nkuli, Kinigi, Mukingo) na Gisenyi (Gaseke, Giciye, Karago, Mutura, Kanama, Rwerere). Ijoro ryo ku itariki ya 04 rishyira iry'iya 05 Werurwe 1992 ryaranzwe n'ubwicanyi bukomeye bw'Abatutsi barenga 500 mu Bugesera. Ubu bwicanyi bwakozwe n'Interahamwe zifatanyije n'abasirikare barindaga umukuru w'Igihugu n'abasirikare bo mu kigo cya gisirikare cya Gako. Komine ya Mbogo, kuri ubu Akarere ka Rulindo, yahuye n'ubwicanyi bukabije bwakorewe Abatutsi mu 1992 na 1993.

Leta ya Habyarimana yishe n'abanyamahanga barwanyaga umugambi we wo kurimbura Abatutsi: urugero ni Antonia Locatelli wakomokaga mu Butaliyani, wari Umuyobozi w'Ikigo cyigisha imyuga iciriritse (CERAI) cya Nyamata, yishwe mu ijoro ryo ku itariki 9 rishyira itariki ya 10 Werurwe 1992 arashwe n'umujandarume Epimaque Ulimubenshi. Yazize kumvikanisha uburemere

bw'ubwicanyi bwari burimo gukorerwa Abatutsi kuri Radio Mpuzamahanga y'Abafaransa (RFI).

Bimwe mu binyamakuru by'intagondwa nabyo byagize uruhare mu kubiba urwango rw'Umututsi, nk'ibyitwaga *Interahamwe, Kangura, Kamarampaka, La Médaille Nyiramacibiri, Echos des Mille Collines, Umurwanashyaka, RTLM* n'ibindi, byakwirakwije urwango n'ubukangurambaga bwa Jenoside. Urugero, ku itariki ya 27 Mutarama 1994, RTLM yanyujijeho ibiganiro bibi bihamagarira Abahutu bose kwishyira hamwe bakarwana kugeza ku wa nyuma ngo kuko abasilikare ba ONU b'Ababiligi bari muri MINUAR bari bafite umugambi wo gutanga igihugu bagiha Abatutsi.

Mitingi y'amashyaka ya *Hutu power* zashishikarizaga kwanga Umututsi zanatangiwe mo intwaro yo kwica Abatutsi, nko muri mitingi yabaye i Kigali muri Mutarama 1994 hatangiwe intwaro nyinshi zahawe aba *Power* bose bo mu mashyaka ya MRND, CDR, MDR, PSD, PDC na PL. Muri Gashyantare 1992, hashyizweho ishyaka ryiyise *Coalition pour la défense de la République* (CDR) (mu kinyarwanda baryitaga «Impuzamugambi Ziharanira Repubulika») ryagize uruhare runini cyane mu bukangurambaga bwa Jenoside, haba mu kuyitegura no gushishikariza Abahutu gushyira hamwe bakica Abatutsi. Iryo shyaka ryashyizweho n'agatsiko k'intagondwa z'Abahutu b'intiti bakoraga mu buyobozi bw'inzego zitandukanye za Leta bakomokaga muri Perefegitura ya Gisenyi na Ruhengeri, bari bahujwe n'urwango ku Batutsi.

Muri Mutarama 1992, hashyizweho Komite iyobora ibikorwa bya *Auto-defense civile* yagombaga gukurikirana ibikorwa byo guha abaturage intwaro n'imyitozo ya gisilikare. Kandi hagati ya Mutarama 1993 na Werurwe 1994, haguzwe toni 581 z'imihoro zinjijwe mu Rwanda, iyo mihoro yakwirakwijwe mu baturage ikoreshwa Jenoside.

Inzego z'iperereza z'u Rwanda zategetse guha urubyiruko intwaro n'imyitozo ya gisilikare. Ku itariki 18 Werurwe 1991, umuyobozi w'ibiro by'iperereza muri Perefegitura ya Ruhengeri, Munyangoga Eugène, yanditse raporo ikubiyemo igitekerezo cyo guha intwaro abaturage bo muri iyo Perefegitura, kandi ko muri Ruhengeri ariho hakwiye gutangirira icyo gikorwa, hanyuma baramuka babonye ko kigenda neza kigakwizwa mu yandi ma Perefegitura yose y`Urwanda, uhereye ku yegereye imipaka y'amajyaruguru n'iburasirazuba, ni ukuvuga Gisenyi, Byumba na Kibungo.Iyi gahunda yarafashe kuko Interahamwe n'impuzamugambi zari zihujwe no kwanga Abatutsi zashinzwe hose mu gihugu, zihabwa imyitozo ya gisilikare n'intwaro, bityo zifatanya n'abasilikare n'abajandarume gutsemba Abatutsi hose mu gihugu

Nta gushidikanya ko Habyarimana atari ashishikajwe n'amasezerano y'amahoro y'Arusha, kuko ukwiyongera kw'intwaro mu gihugu no mu baturage b'Abahutu nta kindi byari bigamije uretse gutsemba Abatutsi n'abageragezaga kuburizamo uwo mugambi.

Mu ijoro ryo ku itariki ya 06 rishyira iya 07 Mata 1994, nyuma y'ihanurwa ry'indege Falcon 50 yari itwaye Perezida Habyarimana Juvenal nibwo Interahamwe n'abasirikare bo mu umutwe warindaga Perezida Habyarimana batangiye gushyiraho amabariyeri mu duce twinshi tw'Umujyi wa Kigali, no kwica Abatutsi, ubwo bwicanyi bwibasiraga Abatutsi buhita bukwira mu gihugu cyose kuva kuri iyo tariki. Ubwicanyi bwababaga buyobowe n'abayobozi bw'ubutegetsi bwa Leta (ba Minisitiri, ba Perefe, ba Burugumesitiri, ba Konseye ba Komini), Ingabo z'igihugu na Jandarumori.

Mu mugambi wo kwikiza abanyapolitike batavugaga rumwe na Leta ya Habyarimana batari bashyigikiye umugambi wa Jenoside, tariki ya 07 Mata 1994, ku ikubitiro hishwe Minisitiri w'Intebe, Madamu Uwilingiyimana Agathe, Perezida w'Urukiko rushinzwe kurinda Itegeko Nshinga, Kavaruganda Joseph, ba minisitiri baharanira demokarasi nka Frederiko Nzamurambaho, wari na Perezida w'ishyaka PSD, Me. Felicien Ngango, wari Visi Perezida wa PSD n'umugore we Odeta Ubonabenshi, Faustin Rucogoza wari Minisitiri w'itangazamakuru wari mu ishyaka rya MDR mu gice kitari *Power*, na Landouald Ndasingwa wo mu ishyaka rya PL.

Tariki ya 8 Mata 1994, hashyizweho Guverinoma y'Abatabazi, Dr Théodore Sindikubwabo aba Perezida wa Repubulika, na Jean Kambanda aba minisitiri w'intebe. Iyo guverinoma yari ifite gahunda imwe gusa : gutanga umurongo w'uko Jenoside igomba gukorwa mu gihugu cyose, gutanga intwaro, gukangurira abaturage gukora Jenoside no kuyisobanura mu mahanga.

Leta y'abicanyi yakomeje gukangurira abaturage gukora Jenoside. Tariki ya 18/4/1994, abagize Leta y'abicanyi barimo Edouard Karemera, wagombaga kuba minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu baje i Gitarama gushishikariza abaturage gukora Jenoside.

Kuri uwo munsi Perezida Théodore Sindikubwabo yagiye ku Gikongoro akorana inama n'abategetsi ba Perefegitura ya Gikongoro, hategurwa uko Jenoside igomba gukorwa i Kaduha, i Murambi, mu Cyanika no muri Perefegitura yose ya Gikongoro. Avuye ku Gikongoro, Sindikubwabo yagiye ku biro bya Komini Nyakizu (Butare) ashishikariza abicanyi gutangira Jenoside. Ibyo bikorwa byo

gushishikariza abaturage gukora Jenoside Sindikubwabo yabikoreraga mu ruhame, aho abaturage babaga baje kumwumva, bateguwe n'abategetsi ba Komini.

Itariki 21 mata 1994 niwo munsi wishweho Abatutsi benshi icyarimwe mu gihugu. Havugwa Abatutsi basaga 50,000 biciwe i Murambi (Nyamagabe, Gikongoro), abasaga 35,000 biciwe kuri Paruwasi gatorika ya Cyanika, Nyamagabe, n'abasaga 47,000 biciwe kuri Paruwasi gatorika ya Kaduha, Nyamagabe

Guverinoma y'abicanyi yakomeje gushaka uburyo yagura intwaro zo gukoresha ku rugamba no kwica Abatutsi. Muri politiki yayo yo gutsemba Abatutsi hakoreshejwe icyiswe "auto-defense civile", gahunda ngome yo kwinjiza abaturage benshi b'Abahutu mu bwicanyi , ikaba yaratanzwemo intwaro ndetse n'amafranga kugira ngo kwica Abatutsi byihutishwe bityo aho FPR izajya igera hose ijye isanga Abatutsi barashize.

Mu gihe Guverinoma y'abicanyi yarimo itsindwa ku rugamba, yakoze uko ishoboye kugira ngo yihutishe ubwicanyi bwibasiye Abatutsi mu turere yagenzuraga. Kugira ngo bigerweho vuba, Minisitiri w'intebe Jean Kambanda yashinze buri mu Minisitiri akarere yagombaga gukurikirana akagenzura ko Abatutsi batsembwa nkuko byari byarateguwe. Muri bo hari abagize uruhare runini m'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside mu turere bavukamo, nka Nyiramasuhuko Pauline muri Butare, Karemera Edouard na Niyitegeka Eliezer ku Kibuye, Nzabonimana Callixte i Gitarama, Ngirabatware Augustin ku Gisenyi, n'abandi.

Guverinoma y'abicanyi yakajije ingamba zo gutsemba Abatutsi ishyiraho za komite zari zishinzwe ubwo bwicanyi, bihereye mu guhisha ibimenyetso byabwo, nko gusenya amazu no kuzimanganya imibiri y'Abatutsi bishwe.

Ni mu rwego rwo gutsemba Abatutsi bari bakiriho, Inama ya Guverinoma yo ku wa 17 Kamena 1994 yemeje ko Abatutsi bo mu Bisesero, bari bamaze amezi abiri arenga bahanganye n'abicanyi, bagomba kwicwa ku buryo bwihuse. Ishyirwa mu bikorwa ry'ubwo bwicanyi ryarihutishijwe ku buryo bwose bushoboka bikozwe na Guverinoma ya Kambanda n'abasilikare bayo. Abatutsi mu Bisesero bari bakiriho basaga 2000 biciwe mu maso y'abasirikare b'abafransa bari bakambitse muri ako karere ka Gishyita ntibagira icyo bakora ngo babatabare.

Abasirikare ba operasiyo Turquoise bagize imyifatire mibi, nko mu nkambi za Murambi na Nyarushishi bitwaga ko barinze birimo kureka Interahamwe n'abasirikare bagashimuta Abatutsi bajya kubica no gufata ku ngufu abakobwa n'abagore b'abatutsikazi bari mu nkambi z'impunzi.

Kimwe mu biranga ubukana bwa Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, nuko nta hantu na hamwe abicanyi batakoreye Jenoside, haba muri za Kiliziya, mu nsengero no mu mavuriro. Ikiremereye kurushaho nuko na bamwe mu bari bashinzwe kurengera ubuzima bw'abantu, harimo abaganga babirahiriye mu mwuga wabo, aribo babaye ku isonga yo gukora Jenoside, cyane cyane mu bitaro, mu bigo nderabuzima no mu mavuriro. Benshi mu baganga, abaforomo n'abakozi b'ibitaro n'ibigo nderabuzima bishe Abatutsi bari bahahungiye, abandi bagiye mu bitero no gutanga amabwiriza yo kwica.Ubu bwicanyi bwakorewe hose mu Rwanda. Mu gihugu hose, umubare w'abaganga bamenyekanye bakoze Jenoside ni mirongo itanu n'icyenda (59), harimo makumyabiri na batanu (25) bakoreye Jenoside mu Mujyi wa Butare. Naho umubare wose w'abaforomo n'abakozi bo mu bitaro no mu bigo nderabuzima  bakoze Jenoside bashoboye kumenyekana ni mirongo irindwi na bane (74), harimo mirongo itatu n'umwe (31) bakoreye Jenoside mu Mujyi wa Butare.

Ubufaransa bwakomeje gufasha Guverinoma y'abicanyi mu gihe cya Jenoside, bayihaye intwaro kandi Umuryango w'Abibumbye wari warabibujije, Intumwa za gisilikare z'u Rwanda zakiriwe n'abayobozi bakuru mu ngabo z'Ubufaransa bagirana ibiganiro birebana no guhabwa intwaro**,** nyuma abasirikare b'abafransa boherezwa muri operasiyo Turquoise bitwikiriye ubutumwa bw'ubutabazi bwari bwabiherewe uruhusa n'Umuryango w'Abibumbye , ariko mu byukuri bari baje gutabara Guverinoma yakoraga Jenoside. Operasiyo Turquoise yari igamije gushyiraho « Hutuland » kandi biragaragara ko iyo operasiyo yaje mu rwego rwo gukomeza guha inkunga ya gisirikare Ubufaransa bwari bwarahaye na mbere kuva muri 1990 Leta y'abicanyi n'ingabo zayo.

Umuryango w'Abibumbye watinze kwemeza ko Abatutsi mu Rwanda barimo gukorerwa Jenoside. Inama y'Umutekano y'Umuryango w'Abibumbye yari yakomeje kwirengagiza ikibazo cya Jenoside yakorerwaga Abatutsi kuva tariki ya 7 Mata 1994, ndetse iza no kugabanya ubushobozi buhabwa MINUAR iyisigira gusa abasirikare 250. Hakomeje impaka z'urudaca, bimwe mu bihugu by'ibihangange, nk'Ubufaransa na Leta zunze ubumwe za Amerika, byanga ko ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi mu Rwanda bwari Jenoside kandi nyamara byarahabwaga amakuru nyayo. Tariki ya 25 Gicurasi 1994, Boutros Boutros-Ghali wari umunyamabanga mukuru w' Umuryango w' Abibumbye yemeje ko ubwicanyi bubera mu Rwanda ari Jenoside. Byaje gushimangirwa na René Degni Segui, impuguke ya Komisiyo y'Umuryango w'Abibumbye y'Uburenganzira bwa Muntu, avuye gukora iperereza mu Rwanda akemeza ko Abatutsi bari mo gukorerwa Jenoside.

Iyi nyandiko irerekana ko Jenoside yakorewe Abatutsi yateguwe na Leta igihe kirekire, nyuma iyo Leta iyishyira mu bikorwa mu gihugu cyose, yifashishije cyane cyane abayobozi bo mu nzego zitandukanye, ingabo za Leta, imitwe yitwaje intwaro nk'Interahamwe n'Impuzamugambi, abaturage b'abasivili bashishikarijwe gutsemba Abatutsi. Iyi nyandiko iranyomoza kandi abahakanyi ba Jenoside yakorewe Abatutsi bakomeje gukwirakwiza ibinyoma byabo birengagije ukuri, kuko igaragaza neza amateka nyayo ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Twizeye ko iyi nyandiko yerekana bimwe mu byaranza itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa bya Jenoside yakorewe Abatutsi, izafasha mu kwibuka Jenoside n'inzirakaregane zishwe. Izaha kandi urubyiruko ubumenyi bugomba kurufasha gusobanukirwa ayo mateka mabi, bityo urwo rubyiruko rushobore gukomeza kubaka u Rwanda mu bumwe no mu mahoro.

**Dr Bizimana Jean Damascène**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**



# IMPINE Z'AMAGAMBO

| | |
|---|---|
| **ADEPR** | **:** Association des Eglises de Pentecôte au Rwanda |
| **AVP** | : Association of Volunteers for Peace |
| **BNP** | : Banque Nationale de Paris |
| **BRALIRWA** | **:** Brasseries et Limonaderies du Rwanda |
| **CARP** | : Collectif des Associations Rwandaises aux Pays-Bas |
| **CDR** | : Coalition pour la Défense de la République |
| **CELA** | : Centre d'Etudes de Langues Africaines |
| **CERAI** | : Centre d'Enseignement Rural et Artisanal Intégré |
| **CHUK** | **:** Centre Hospitalier Universitaire de Kigali |
| **CLADHO** | **:** Collectif des Ligues et Associations de Défense des Droits de l'Homme |
| **CND** | : Conseil National pour le Développement |
| **CNLG** | : Commission Nationale de Lutte contre le Génocide |
| **COK** | : Collège Officiel de Kigali |
| **COS** | : Commandement des Opérations Spéciales |
| **CUSP** | : Centre Universitaire de Santé Publique |
| **CZN** | : Crête Zaïre Nil |
| **DRC** | : Democratic Republic of Congo |
| **RDC** | : République Démocratique du Congo |
| **ECHR** | : European Court of Human Rights |
| **EER** | **:** Eglise Episcopale au Rwanda |
| **EPR** | **:** Eglise Presbytérienne au Rwanda |
| **ESAPAG** | : Ecole Secondaire de l'Association des Parents Adventistes de Gitwe |
| **ESI** | : Ecole des Sciences Infirmières |
| **ESM** | : Ecole Supérieure Militaire |
| **ESO** | : Ecole des Sous-Officiers |
| **ESTM** | : Ecole Supérieure des techniques Médicales |
| **ETO** | : Ecole Technique Officielle |
| **FAR** | : Forces Armées Rwandaises |
| **FCCI** | : Front Commun Contre les Inkotanyi |
| **FDN** | : Fonds de Défense Nationale |
| **FEDERMO** | : Fédération des Organisations Rwandaises aux Pays Bas, |
| **FFDR** | : Foundation for Freedom and Democracy in Rwanda. |
| **FPR** | : Front Patriotique Rwandais |
| **IRST** | : Institute for Research and Technological Sciences |
| **LABOPHAR** | : Laboratoire National Pharmaceutique |

**MDR** : Mouvement Démocratique Républicain
**MINEDUC** : Ministry of Education
**MINIFINECO** : Ministère des Finances et de l'Economie
**MINUAR** : Mission des Nations Unies pour l'Assistance au Rwanda
**MRNDD** : Mouvement Républicain National pour le Développement et la Démocratie
**ONU** **:** Organisation des Nations Unies
**ORINFOR** : Office Rwandais d'Information
**OUA** : Organisation de l'Unité Africaine
**PARMEHUTU** : Parti du Mouvement pour l'émancipation Hutu
**PDAG** : Projet de Développement Agricole de Gikongoro
**PDC** **:** Parti Démocratique Centriste
**PECO** : Parti Ecologique
**PL** : Parti Libéral
**PNUD** : Programme des Nations Unies pour le Développement
**PRB** : Projet Rizicole de Butare
**PSD** : Parti Social-démocrate
**RFI** : Radio France Internationale
**RIFDP-NL** : Réseau International des Femmes pour la Démocratie et la Paix
**RTLM** : Radiotélévision Libre des Milles Collines
**SONARWA** : Société Nationale d'Assurances du Rwanda
**TPIR** : Tribunal Pénal International pour le Rwanda
**UBC** : Union bancaire privée
**UNAMIR** : United Nations Assistance Mission for Rwanda

# UMUTWE WA I:

# UMUGAMBI WO GUTEGURA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MBERE YA 1994

## 1.1. IBY'INGENZI BYARANZE ITEGURWA RYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MURI 1991

**Iyicwa ry'Abatutsi bari baturiye ikigo cya gisirikare cya Bigogwe**

Mu ijoro ryo kuwa 04 Gashyantare 1991, abaparakomando bo mu kigo cya gisirikare cya Bigogwe barashe mu kirere umwanya munini mu ijoro ,bagira ngo babeshye ko batewe n'ingabo za FPR. Ni igikorwa bari bateguye bagira ngo babone urwitwazo ku bwicanyi bwari bugiye gukurikiraho. Bukeye bw'aho, abo basirikare bakwirakwiye mu ngo z'Abatutsi, bicamo benshi nyuma yo kubakorera ibikorwa by'iyicarubozo muri Segiteri  Kanzenze bavuga ko bahishe abarwanyi ba FPR. Komisiyo mpuzamahanga yarabigaragaje muri raporo yayo yo mu 1993 isobanura ko abishwe bari bamenaguwe impanga n'inzasaya, amasura yahindanyijwe, baviriranye, bagaragaraho imihiririmbya, inkovu z'ibintu bari bagiye bahondagurwa, ibikomere bitandukanye ndetse n'ibimenyetso by'uko barashwe. Hishwe abasaga 300.

**Iyicwa ry'Abatutsi 277 muri Perefegitura za Ruhengeri na Gisenyi**

Komisiyo Mpuzamahanga y'Ubucukumbuzi yari iyobowe n'Urugaga Mpuzamahanga rw'Amashyirahamwe aharanira Uburenganzira bwa Muntu yakoze muri Mutarama 1993 icukumbura ku bwicanyi bwakorewe mu Rwanda yavumbuye ibyobo byinshi byari byaragiye bijugunywamo imirambo y'Abatutsi b'Abagogwe bicwaga n'ubutegetsi bwariho. Iyi Komisiyo yari igizwe n'impuguke 10 zituruka mu bihugu bitandukanye zirimo Jean Carbonare (Umufaransa) ari nawe wari uyoboye itsinda, Philippe Dahinden (Umusuwisi), René Degni-Ségui (Côte d'Ivoire), Alison Des Forges (Leta Zunze Ubumwe za Amerika), Éric Gillet (Umubiligi), William Schabas (Umunya-Canada), Halidou Ouedraogo (Burkinafaso), André Paradis (Umunya-Canada), Rein Odink (Umuholandi) na Paul Dodinval (Umubiligi).

Icukumbura ryakozwe n'impuguke  z'iyi komisiyo ryagaragaje ko muri Werurwe 1991 honyine hishwe Abatutsi 277 muri Gisenyi na Ruhengeri. Iyi Komisiyo yagaragaje ko abenshi muri abo bishwe bari abantu bakiri bato kandi ko bapfuye kubera ibikomere bitandukanye byo mu maso no mu mutwe byatewe n'ibikoresho

bitemana bagiye bahondagurwa. Ubwo bwicanyi bwabereye muri Komini zitandukanye zo muri Perefegitura za Ruhengeri (Nkuli, Kinigi, Mukingo) na Gisenyi (Gaseke, Giciye, Karago, Mutura, Kanama, Rwerere).

Iyi Komisiyo yagaragaje ko abayobozi ba gisivili n'aba gisirikare bagize uruhare muri ubwo bwicanyi barimo Perefe wa Ruhengeri, Charles Nzabagerageza n'uwa Gisenyi Kosima Bizimana hamwe na ba Burugumesitiri b'amakomini yakorewemo ubwo bwicanyi. Perefe Nzabagerageza yari mubyara wa Perezida Habyarimana kandi yari yarashakanye na mubyara wa Agathe Kanziga, umugore wa Habyarimana. Iyi Komisiyo yanagaragaje kandi uruhare ruziguye rw'abandi bayobozi bakomeye muri Leta, barimo Minisitiri Joseph Nzirorera, Colonel Elie Sagatwa wari umujyanama wa Perezida Habyarimana na muramu we, Protais Zigiranyirazo.

Aha twakwibutsa ko ubwicanyi muri kariya gace bwari bwaratangiye mu Ukwakira 1990 nyuma y'uko FPR yari imaze gutangiza urugamba rwo kubohora igihugu aho muri SuPerefegitura ya Ngororero honyine Abatutsi basaga 362 bishwe nk'uko bigaragazwa na raporo ya Serivisi z'Ubutasi z'u Rwanda muri icyo gihe.

**Ibinyoma bya Leta ya Habyarimana ku bwicanyi yakoreraga Abatutsi muri Ruhengeri na Gisenyi**

Kuva muri 1990, igihe Leta ya Habyarimana yicaga Abatutsi muri Perefegitura ya Ruhengeri na Gisenyi, abantu ntibari bemerewe kuhagera keretse abakozi ba Perefegitura, abasirikari n'abakozi bo mu nzego z'umutekano bakoraga ubwo bwicanyi. Abanyamakuru nabo babujijwe kugera ahaberaga ubwicanyi, keretse abanyamakuru ba Radiyo Rwanda n'ab'ikinyamakuru Kangura. Ibi birasobanura impamvu ubwicanyi bwakorwaga na Leta ya Habyarimana bwatinze kumenyekana.

Mu kiganiro cyahise kuri Radio Rwanda, tariki ya 12/3/1991, abategetsi ba Perefegitura ya Ruhengeri ari nabo bakoraga ubwo bwicanyi bavuze ko nta mvururu z'amoko zari muri iyo Perefegitura. Umuyobozi w'amashuri abanza muri iyo Perefegitura yavuze ko abarimu be bose bari mu kazi, ko nta n'umwe ubura. Nyamara, abarimu b'Abatutsi bose barafunzwe biswe bya nyirarureshwa ka ari ibyitso, nyuma baricwa. Kubera ko ikinyoma cyari kimaze kumenyekana, abari ku isonga y'ubwicanyi, bemeye ko hari Abatutsi bapfuye, babeshya ko bapfuye barwanira Inkotanyi, abandi ngo bajyanye nazo.

Iki kinyoma nicyo Habyarimana nawe yakomeje kubwira amahanga, nk'uko yabigaragaje mu ibaruwa yandikiye Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu y'Umuryango w'Abibumbye.

Nta perereza ryigeze rikorwa kuko Perefe wa Perefegitura Ruhengeri, Nzabagerageza Charles yatumije inama y'umutekano ya Perefegitura, avuga ko nta perereza rigomba gukorwa, ko nta mpamvu yo "*kuzikura ibintu byibagiranye, bishobora gushoza imvururu mu baturage*".

**Inzego z'iperereza z'u Rwanda zategetse guha urubyiruko rw'Abahutu intwaro n'imyitozo ya gisilikare**

Ku itariki 18 Werurwe 1991, umuyobozi w'ibiro by'iperereza muri Perefegitura ya Ruhengeri, Munyangoga Eugène, yanditse raporo ikubiyemo igitekerezo cyo guha intwaro abaturage bo muri iyo Perefegitura ayohererereza umuyobozi mukuru we i Kigali.

Muri iyo raporo, Munyangoga avuga ko urubyiruko rufite hagati y'imyaka 18 na 25 rufite imbaraga n'ibigango, ngo rwagombye guhabwa imyitozo ya gisirikare hifashishijwe abategetsi bo mu nzego z'ibanze: burugumesitiri, konseye na ba resiponsabule ba selire. Raporo ikomeza ivuga ko nyuma y'iyo myitozo, urwo rubyiruko rugomba kugaruka iwabo ku ivuko, rugahabwa intwaro, ariko rugakomeza kwambara imyenda isanzwe.

Munyangoga yatangaga umurongo ko icyo gikorwa gihera ku makomine yegereye umupaka w'u Rwanda na Uganda ariyo Kinigi, Nkumba, Kidaho na Butaro ndetse akanavuga na Segiteri zagombaga kwibandwaho muri ubu buryo:

- Komini Kinigi: Nyarugina, Bisate, Kanyamiheto, Nyabisinde, Kabwende, Kagano na Gasiza;
- Komini Nkumba: Gatete, Musanzu, Rutambo;
- Komini Kidaho: Gitaraga, Burambi, Cyanika, Butenga na Kagogo;
- Komini Butaro: Rugendabase, Rutovu, Kandoyi, Butandi na Buhita.

Bwa mbere, Munyangoga yakoresheje ijambo "*milice*" kuri urwo rubyiruko avuga ko bizagira akamaro cyane mu kunganira ubutegetsi bwa Leta n'igisirikare ngo kandi nta n'ikintu kinini bizasaba Leta kuko nta mushahara izabatangaho. Yasabaga ko abo bantu bashingwa ubuyobozi bw'ingabo z'u Rwanda kugira ngo bubakoreshe mu bikorwa zikeneye. Yongeyeho ko igikorwa nk'icyo ngo kizaca intege Inkotanyi ngo kuko zitwikira ijoro zije kwiba no kwica, ngo zikaba zitazongera kubitinyuka igihe zizaba zizi ko hari insoresore mu baturage zifite imbunda kandi zahawe imyitozo ya gisirikare.

Iyo raporo ikomeza ivuga ko muri Ruhengeri ariho hakwiye gutangirira icyo gikorwa, hanyuma baramuka babonye ko kigenda neza kigakwizwa mu yandi ma Perefegitura yose y`Urwanda, uhereye ku yegereye imipaka y'amajyaruguru n'iburasirazuba, ni ukuvuga Gisenyi, Byumba na Kibungo. Iyo nyandiko isoza ivuga ko ba burugumesitiri bagomba gukangurirwa icyo gikorwa, bagafatanya n'abakuru b'ingabo kukinoza no kugishyira mu bikorwa mu buryo bwihuse.

Iyi gahunda yarafashe kuko Interahamwe n'impuzamugambi zari zihujwe no kwanga Abatutsi zashinzwe hose mu gihugu, zihabwa imyitozo ya gisilikare n'intwaro, bityo zifatanya n'abasilikare n'abajandarume gutsemba Abatutsi hose mu gihugu.

## 1.2. IBY'INGENZI BYARANZE ITEGURWA RYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MURI 1992

**Itangwa ry'intwaro zo kurwanya abatavuga rumwe n'ubutegetsi**

Tariki ya 8 Mutarama 1992, amashyaka ataravugaga rumwe n'ishyaka ryari ku butegetsi rya MRND yakoresheje imyigaragambyo mu Mujyi wa Kigali, Butare na Gitarama. Ayo mashyaka yamaganaga uburyo Perezida Habyarimana n'ishyaka rye bari bakomeje kubangamira ibiganiro ku mishyikirano y'amahoro no kugabana ubutegetsi yaberaga Arusha muri Tanzaniya, kandi Habyarimana yari yaremeye ko agiye guhindura Guverinoma akanashyiramo abo mu mashyaka ataravugaga rumwe na MRND. Habyarimana icyo gihe koko yahinduye Guverinoma ku itariki 30 Ukuboza 1991 ayishinga Minisitiri w'Intebe Sylvestre Nsanzimana, ariko ba Minisitiri hafi ya bose bashyizwemo bari abo muri MRND, usibye umwe gusa, Gaspard Ruhumuriza, wakomokaga mu ishyaka rya PDC.

Mu guhangana n'iyi myigaragambyo y'amashyaka, Perezida Habyarimana yategetse ko hatoranywa abasore b'abahutu b'intarumikwa bo muri MRND, bagahabwa imyitozo n'imbunda zo kujya bahangana n'abo yitaga Ibyitso by'Inkotanyi n'abatavuga rumwe n'ubutegetsi bwe. Hatanzwe intwaro zirenga 300, zagiye zikoreshwa mu bikorwa by'ubwicanyi n'urugomo.

**Ishingwa ry'Ikinyamakuru *INTERAHAMWE***

Muri Mutarama 1992 ni bwo hashinzwe Ikinyamakuru cyitwaga Interahamwe cyari gishamikiye kuri MRND kikayoborwa na Robert Kajuga wari umuyobozi w'Interahamwe ku rwego rw'Igihugu. Iki kinyamakuru hamwe n'ibyitwaga *Kangura, Kamarampaka, La Médaille Nyiramacibiri, Echos des Mille Collines, Umurwanashyaka, RTLM* n'ibindi, kiri mu byakwirakwije urwango n'ubukangurambaga bwa Jenoside mu Bahutu.

**Itangwa ry'intwaro mu baturage muri Perefegitura ya Byumba**

Inyandiko y'ibanga yakozwe n'uwari ushinzwe serivisi z'iperereza muri Perefegitura ya Byumba, Rwirahira Vincent, kuwa 07 Gashyantare 1992 yagaragazaga ko uwo munsi hari habayeho inama yaguye y'umutekano wa Perefegitura ya Byumba ku biro bya Komine Muvumba. Abayitabiriye bagejejweho uko gahunda bise iyo kwirwanaho kw'abaturage (auto-defense civile) ihagaze mu karere k'Umutara nyuma y'uko Minisiteri y'ingabo irekuriye intwaro 300.

Izo ntwaro zatanzwe mu buryo bukurikira: 76 zahawe Komini Muvumba, 40 zihabwa Komini Kivuye, izindi 40 zihabwa Komini Kiyombe naho 24 zihabwa Cyumba. Ku birebana na Komini Muvumba, itsinda ry'abantu 250 batoranyijwe na Burugumesitiri Onesphore Rwabukombe boherejwe mu mahugurwa i Gabiro kuva ku wa 29 Mutarama kugeza ku wa 05 Gashyantare 1992, kugira ngo bige gukoresha imbunda. Izi ntwaro zakoreshejwe n'Interahamwe mu iyicwa ry'Abatutsi muri Byumba.

**Ivuka ry' Ishyaka ry'abahezanguni ryiswe *CDR***

Ishyaka ryiyise *Coalition pour la défense de la République* (CDR) ryagize uruhare runini cyane mu bukangurambaga bwa Jenoside, haba mu kuyitegura no gushishikariza Abahutu gushyira hamwe bakica Abatutsi. Igitekerezo cyo gushinga CDR cyatangiriye mu nama zitandukanye zabereye mu yari Kaminuza Nkuru y'u Rwanda, Ishami rya Nyakinama, zateranye ku wa 22 Ukuboza 1991, ku wa 5 Mutarama 1992 no ku wa 17 Mutarama 1992.

Izi nama zahuje Agatsiko k'intagondwa z'Abahutu b'intiti bakoraga mu buyobozi bw'inzego zitandukanye za Leta bakomokaga muri Perefegitura ya Gisenyi na Ruhengeri, bari bahujwe n'urwango ku Batutsi. Aka gatsiko kiyise Cercle des Républicains Progressistes kari kayobowe na Charles Ndereyehe Ntahontuye wakomokaga muri Komini Cyabingo mu Ruhengeri, akaba yari Umuyobozi mukuru w'umushinga wo guteza imbere ubuhinzi muri Gikongoro (PDAG = Projet de développement agricole de Gikongoro).

Ku itariki 22/02/1992, inama yo kwemeza ishingwa rya CDR yateraniye muri Hotel Village Urugwiro i Kigali ihuza abantu icumi b'intagondwa batangaza ku mugaragaro ko bashinze Ishyaka rya «Coalition pour la Défense de la République (CDR)» mu gifaransa naho mu kinyarwanda baryita «Impuzamugambi Ziharanira Repubulika». Abo bantu ba mbere bashinze CDR muri iyo nama ni : Bucyana Martin, Nahimana Théoneste, Misago Rutegesha Antoine, Mugimba Jean Baptiste, Uwamariya Béatrice, Higiro Céléstin, Nzaramba Céléstin, Akimanizanye

Emmanuel, Hitimama Athanase na Simbizi Stanislas. Aba bantu bazahora bibukirwa ku bugome ndengakamere Ishyaka bashinze ryakoreye u Rwanda muri Jenoside yahitanye Abatutsi barenga miliyoni hagati ya Mata na Nyakanga 1994.

### Ishyirwaho rya Komite iyobora ibikorwa bya *Auto-defense civile*

Ku wa 20 Mutarama 1992, Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu, Munyazesa Fawusitini, yanditse ibaruwa igenewe ba Perefe ba Ruhengeri na Gisenyi abamenyesha ko bagomba kwegera abayobozi b'ingabo muri Perefegitura zabo kugira ngo bahabwe amabwiriza y'uburyo bwo gukomeza guha abaturage intwaro no gusobanurirwa uko imyitozo ya gisilikare izagenda. Yabasabaga gukurikiranira hafi ubwabo icyo gikorwa kandi bakazamumenyesha badatinze bakoresheje *Fax* ingamba zafashwe mu guhitamo abasore bazajyanwa mu myitozo no kumumenyesha imigendekere y'iyo myitozo. Minisitiri Munyazesa yashoje asaba ba Perefe ko hafatwa ingamba zikomeye kugira ngo izo ntwaro zitazibwa cyangwa zikarigiswa.

Mu buryo bwo kunoza imigendekere y'icyo gikorwa, hashyizweho ku rwego rwa Minisiteri y'ingabo, Komisiyo yiswe *auto-defense civile* yari ishinzwe gukurikirana imigendekere yacyo mu gihugu. Iyo Komisiyo yari igizwe na Liyetona Koloneli Rwabalinda Ephrem, Major Rwarakabije Paul, Major Nteziryayo Alufonsi na Major Kankwanzi Ruth wari umukuru wa serivisi y'icungamutungo mu ngabo z'u Rwanda.

Ku wa 22 Mutarama 1992, Colonel Bernard Cussac, wari ushinzwe ubutwererane mu bya gisilikare hagati y'Ubufaransa n'u Rwanda, akaba yarakoreraga muri Ambasade y'Ubufaransa i Kigali, yanditse inyandiko y'akazi igenewe Minisiteri y'ingabo y'Ubufaransa avuga ko hari intwaro zahawe interahamwe, zitanzwe n'ingabo z'u Rwanda hamwe n'abategetsi bo muri MRND.

### Leta y'u Rwanda yateguraga intambara mu gihe ibiganiro by'amahoro byari birimbanije Arusha

Mu gihe ibiganiro by'Amahoro byasaga n'aho bigenda neza, Leta y'u Rwanda yo yiteguraga intambara. Ni muri urwo rwego tariki ya 19 Gashyantare 1992, Perezida Habyarimana yagiye mu Misiri asaba ko u Rwanda rwagurayo intwaro kandi arabyemererwa.

Muri Werurwe 1992, Minisiteri y'ingabo yaguze mu Misiri intwaro zifite agaciro ka miliyoni esheshatu z'amadolari. Muri izo ntwaro harimo imbunda, ibisasu byo mu bwoko bwa « roquettes » na za grenades zahawe abaturage.

Ibi birerekana ko n'ubwo Habyarimana yajyaga mu biganiro by'amahoro atari afite gahunda yo kubahiriza ibyari kuyavamo, ko ahubwo yiteguraga gukomeza intambara no gukomeza gutegura Jenoside. Ni nabyo yivugiye muri mitingi yakoreye mu Ruhengeri ku wa 17/11/1992 atangariza abarwanashyaka ba MRND ko atemera ibiva mu mishyikirano y'amahoro, abyita ko ari ibipapuro, ko amahoro atava mu bipapuro. Yongeyeho ko kuri we igihe nikigera azakora ku Nterahamwe ze, yazambitse, maze bakamanuka mu giturage. Nta kindi yavugaga uretse guha interahamwe ze uburenganzira bwo kujya hose mu gihugu kurimbura Abatutsi no kwica Abahutu bari mu mashyaka atarashakaga gukora Jenoside.

**Iyicwa ry'Abatutsi barenga 500 mu Bugesera**

Ijoro ryo ku itariki ya 04 rishyira iry'iya 05 Werurwe 1992 ryaranzwe n'ubwicanyi bukomeye bw'Abatutsi mu Bugesera. Ubu bwicanyi bwakozwe n'interahamwe zifatanyije n'abasirikare barindaga umukuru w'Igihugu n'abasirikare bo mu kigo cya gisirikare cya Gako. Ubu bwicanyi bwabanjirijwe n'itangazo rishishikariza abantu kwica ryasomwe kuri Radiyo Rwanda ku itariki ya 3 Werurwe 1992, risomwe n'umunyamakuru Bamwanga Jean-Baptiste, abitegetswe na Nahimana Ferdinand icyo gihe wari Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu cy'Itangazamakuru (ORINFOR).

Bamwanga asoma iyo nyandiko mpimbano yavuze ko yari yaratangajwe n'ubuyobozi bukuru bwa FPR kandi ko yagaragazaga amazina y'abayobozi bakuru bo mu butegetsi bwa Habyarimana ngo FPR yashakaga kwica ibifashijwemo n'ibyitso byayo by'imbere mu gihugu. Bamwanga yavuze ko iyo nyandiko yari yaravumbuwe i Nyamata ku mucuruzi w'Umututsi witwaga Gahima François wari Perezida w'ishyaka riharanira ukwishyira ukizana (PL) muri ako gace. Mu by'ukuri, aya makuru mahimbano yari uburyo buziguye bwo gushishikariza Abahutu gukorera ubwicanyi ku Batutsi.

Imibare yatanzwe na Komisiyo yashizweho na Perefegitura ya Kigali tariki ya 05 Werurwe 1992, ku bantu bwahitanye ndetse n'ibintu bwangije igaragaza ibi bikurikira:

Komine Kanzenze

- Abantu bishwe: 36
- Inzu zo guturamo zatwitswe: 309
- Ibikoni byatwitswe: 573
- Amatungo yaburiwe irengero: inka165, ihene268 n'ingurube ebyiri (2)

Komini Ngenda:

- Abantu bishwe: 36
- Inzu zo guturamo zatwitswe:74

- Ibikoni byatwitswe:119
- Amatungo yaburiwe irengero: inka 112, ihene111 n’ingurube 16

Komine Gashora:

- Abantu bishwe:84
- Inzu zo guturamo zatwitswe:216
- Ibikoni byatwitswe:288
- Amatungo yaburiwe irengero: inka188, ihene325 n’ingurube 28

Raporo yagaragazaga ko abantu 16.239 bari baravuye mu byabo bahungira ku nyubako zinyuranye za Leta n’iz’amadini i Nyamata, Maranyundo, Ruhuha, Musenyi, Karama, Gitagata, Mayange, Rango, Ntarama, Murago, Kigusa na Kayenzi. Komisiyo yari igizwe na:

- François Karera, SuPerefe, ari na we wari uyikuriye;
- Dancille Mukarushema, Supererefe kuri Perefegitura ya Kigali;
- Djuma Gasana, suPerefe wa SuPerefegitura ya Kanazi (Nyamata);
- Gratien Mwongereza, visi Perezida w’urukiko rwa mbere rw’iremezo rwa Nyamata;
- Daniel Shumbusho, substitut wa porokireri muri parike ya Nyamata;
- Dominique Muhawenimana, ushinzwe serivisi z’ubutasi muri suPerefegitura ya Kanazi;
- Bernard Gatanazi, Burugumesitiri w’agateganyo wa Komine Kanzenze.

Uretse kuba iyi Komisiyo yari igizwe n’abakozi ba Leta gusa, barimo bamwe muri bo bagize uruhare ku buryo bugaragara muri ubwo bwicanyi, biragaragara neza ko yari ifite aho ibogamiye.

Mu bantu bakwiye kubazwa cyane ubwicanyi bw’Abatutsi mu Bugesera twavuga:

- Minisitiri w’Ubutegetsi bw’Igihugu n’amajyambere ya komini Faustin Munyazesa washyigikiye umugambi w’ubwicanyi kubera ko atafatiye ibihano abategetsi bakoze ibyaha kandi bari mu nshingano ze;
- Minisitiri w’Ubutabera, Mathieu Ngirumpatse, utarafashe ibyemezo bya ngombwa ngo abakoze ubwo bwicanyi bakurikiranwe mu butabera;
- Perefe Emmanuel Bagambiki wayoboye inama zateguraga ubwicanyi;
- SuPerefe Faustin Sekagina wa Kanazi wari wungirije Bagambiki;
- Burugumesitiri wa Kanzenze Fidèle Rwambuka, wahagarikiye ubwicanyi ku buryo butaziguye;
- Koloneli Pierre-Célestin Rwagafirita, umugaba mukuru wa gendarmerie, kubera amakosa yo kutohereza abajandarume guhagarika ubwo bwicanyi no gucunga umutekano w’abantu n’ibintu
- Koloneli Venant Musonera, umuyobozi mukuru w’ikigo cya gisirikare cya Gako, abasirikare bo muri iki kigo bagize uruhare rukomeye mu bwicanyi;
- Ferdinand Nahimana, umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu cy’Itangazamakuru (ORINFOR);

- Jean-Baptiste Bamwanga na Jean-Baptiste Nubahumpatse, abanyamakuru ba Radiyo Rwanda basomye mu buryo bukurikiranye kuri Radiyo Rwanda itangazo rihamagarira rubanda mu buryo butaziguye kandi bweruye gukora ubwicanyi;
- Dominique Muhawenimana, wari ushinzwe serivisi z'ubutasi muri SuPerefegitura ya Kanazi, wakwirakwije ibinyoma bivuga ko Abatutsi, cyane cyane abayobozi b'ishyaka PL i Nyamata, barimo Gahima, bari bafite umugambi wo gutsemba Abahutu.
- Umwungiriza wa mbere wa porokireri i Nyamata, Déogratias Ndimubanzi, uyu ndetse yamaganywe n'amashyirahamwe arengera uburenganzira bwa muntu n'itangazamakuru ryigenga kubera kugira uruhare mu bwicanyi bwo mu Bugesera.

**MRND yashinze agatsiko k'abicanyi mu mujyi wa Butare**

Amashyaka ya MDR na PL yasohoye itangazo ridasanzwe yise special ku wa 14 Werurwe 1992 rigaragaza ko MRND yashinze mu mujyi wa Butare umutwe w'abagizi ba nabi witwaga "*Front commun contre les Inkotanyi*" (FCCI) wari ugizwe cyane cyane na bamwe mu banyeshuri bo muri Kaminuza nkuru y'u Rwanda. Uwo mutwe wari ufite inshingano zo gutoteza abanyeshuri batari muri MRND, by'umwihariko Abatutsi. Umutwe washinzwe na Dr Jean Berchmans Nshimyumuremyi wari umuyobozi wungirije wa Kaminuza.

Izo nterahamwe zahabwaga kandi inkunga n'ubuyobozi bwazo ku rwego rw'igihugu ndetse abakuru bazo barimo Kajuga Robert, Mbonabaryi Leoni, Mudahinyuka Jean Marie Vianney, Akingeneye Eugene na Rutaganda Georges bazaga kenshi gukorana inama n'abagize uwo mutwe i Butare. Imwe muri izo nama yabaye ku itariki 12 Werurwe 1992, irangiye bamwe mu banyeshuri b'Abatutsi n'abo mu mashyaka ya politiki yarwanyaga Leta baratewe barakubitwa.

Ibi byabanjirijwe n'inama yabaye ku wa 08 werurwe 1992, ikoreshejwe n'abadepite babiri ba MRND bakomoka muri Butare, Laurent Baravuga ukomoka muri Kigembe na Bernadette Mukarurangwa ukomoka muri Ndora. Baravuga yakoresheje inama muri Komini Kigembe, Segiteri Kigali, asaba abari aho bose "*gufata imipanga, imiheto n'amacumu bagatangira bagahiga abatari muri MRND bose badakangwa n'amaduka n'amamodoka.*" Muri Jenoside abo badepite bombi bagize uruhare runini mu gukangurira kwicisha Abatutsi.

Irindi tangazo rya MDR ryo ku wa 10 Werurwe 1992 rigaragaza ko abayobozi ba MRND muri Butare bateje imvururu muri za komini bafitemo ingufu, aho ishyaka rya MRND ryakoresheje mitingi muri Komini nyinshi zo mu gihugu bagasiga bateje imvururu mu baturage. Itangazo rivuga ko ibikorwa nk'ibyo byatangiriye

muri Komini Muganza (Butare) biyobowe na Perezida w'iryo shyaka muri Butare, Amandin Rugira, ngo wavugaga ko *"MDR yibanguriye kuri PL. Bizabyara ibirambu, cyangwa ngo Ujya gutwika imbagara arazirundanya. Ubwo aba ashaka guteranya Abahutu n'Abatutsi ngo basubiranemo*". Iryo tangazo ryasobanuraga ko "*Ikibabaje cyane nuko abategetsi bamwe ba Perefegitura n'aba komini barimo Perefe Temahagali bakomeje kubogamira uruhande rumwe, bagatera ubwoba abayoboke b'andi mashyaka."* Itangazo rigasoza riburira Temahagari ngo *"amenye ko Butare yo muri 1992 atari Gikongoro yo muri 1963"*.

Impamvu y'iyi mvugo ni uko mu 1963, Yusitini Temahagari ariwe wasimbuye Andereya Nkeramugaba ku mwanya wa Perefe w'iyo Perefegitura mu gihe cya Jenoside yabereye ku Gikongoro mu Ukuboza 1963.

Tariki 11 Werurwe 1992, umuyobozi ushinzwe Afurika na Madagasikari muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga y'Abafaransa, Paul Dijoud, yagiriye inama Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'ubufaransa, Roland Dumas, kongera inkunga Ubufaransa bwageneraga u Rwanda mu bya gisirikare no kohereza umujyanama mu bya gisirikare wo ku rwego rwo hejuru muri "Etat-major" y'ingabo z'u Rwanda.

**Amashyirahamwe aharanira uburenganzira bwa muntu yagaragaje ko hishwe Abatutsi basaga 300 mu Bugesera**

Nyuma y'ubwicanyi bwakorewe Abatutsi mu Bugesera mu ijoro ryo ku itariki ya 4 rishyira iry'iya 5 Werurwe 1992, amashyirahamwe atanu yigenga aharanira Uburenganzira bwa Muntu: ADL, LICHREDOR, ARDHO, Kanyarwanda na AVP yakoze ubucukumbuzi bubiri bwimbitse kuri ubu bwicanyi bavumbura ibintu byinshi biteye agahinda.

Raporo ya mbere yashyizwe ahagaragara ku itariki 10 Werurwe 1992 igaragaza urupfu rw'Abatutsi basaga 300. Bamwe muri bo bari bararoshywe mu migezi abandi baratwikiwe mu nzu. Iyi raporo kandi yanavugaga ko Abatutsi bavuye mu byabo bageraga ku 15.000 kandi ko bari babayeho mu buzima buteye agahinda, cyane cyane abari barahungiye kuri Paruwasi no ku mashuri i Nyamata, Maranyundo, Ruhuha na Rilima.

Iyi raporo kandi yamaganaga uruhare rw'abayobozi muri ubwo bwicanyi cyane cyane Fidèle Rwambuka, Burugumesitiri wa Kanzenze, Faustin Sekagina, SuPerefe wa Kanzenze, Déogratias Ndimubanzi wari umwungiriza wa mbere w'umushinjacyaha muri Parike ya Kanzenze na Dominique Muhawenimana wari ushinzwe iperereza muri SuPerefegitura ya Kanazi.

Ku itariki ya 30 Werurwe 1993, aya mashyirahamwe yongeye gukora ubucukumbuzi mu Bugesera agamije kureba uko umutekano uhagaze nyuma y'umwaka umwe habaye ubwicanyi bwo mu 1992. Muri raporo yabo basohoye ku itariki 5 Werurwe 1994, aya mashyirahamwe yagaragaje ko Abatutsi benshi bari baravuye mu byabo batari barigeze babisubiramo kandi ko iteka bahoraga bahohoterwa n'abarwanashyaka ba CDR. Iyi raporo yagaragazaga ko abangavu bari baragiye bafatwa ku ngufu n'abasirikare bo mu kigo cya Gako.

Abantu bakomejwe kwicwa bazizwa gukekwaho gushaka gusanga Inkotanyi. Bamwe baramenyekanye, nka Nyabyenda na Anastase bazize gukorera umuyobozi mukuru muri Minisiteri y'Imari witwaga Mbarute. Uwitwa Butera yishwe n'abasirikare i Nyarurama (Komine Ngnda) kuwa 6 Weurwe 1993. Abantu benshi barakubiswe bagirwa ibimuga, nk'umusaza Mutabazi, wakubiswe kuwa 21 Gashyantare 1993 n'abajandarume n'abapolisi ku biro bya Komine Kanzenze.

Lieutenant-colonel Claudien Singirankabo wayoboraga ikigo cya gisirikare cya Gako yavuze ko ubwo bwicanyi bwari inkurikizi z'intambara yatejwe na FPR, kandi ko nyina yishwe n'Inkotanyi mu Ruhengeri.

**Leta ya Habyarimana yishe n'abanyamahanga barwanyaga umugambi we wo kurimbura Abatutsi**

Gutegura Jenoside byajyanaga no gucecekesha abashoboraga gutuma umugambi wa jenoside utagerwaho. Abenshi barishwe, abandi barafungwa cyane cyane abanyamakuru bavugishaga ukuri nka Kameya André umuyobozi w'ikinyamakuru *Rwanda Rushya*.

Ni muri urwo rwego, umutaliyanikazi witwa Antonia Locatelli yishwe. Antonia Locatelli yakomokaga mu Butaliyani, yari Umuyobozi w'Ikigo cyigisha imyuga iciriritse (CERAI) cya Nyamata. Yishwe mu ijoro ryo ku itariki 9 rishyira itariki ya 10 Werurwe 1992 arashwe n'umujandarume Epimaque Ulimubenshi. Uyu Mutaliyanikazi wari umurezi i Nyamata yari yarakiriye impunzi z'Abatutsi zahungaga abicanyi, abimenyesha inzego zitandukanye zaba iza Leta cyangwa izigenga zirimo Arikidiyosezi ya Kigali, CERAI ya Nyamata yabarizwagamo.

Mu rwego rwo kumvikanisha uburemere bw'ubwicanyi bwari burimo gukorerwa Abatutsi, Antonia Locatelli yari yaratanze amakuru kuri Radio Mpuzamahanga y'Abafaransa (RFI). Yahise yicwa ikiganiro cye kikimara gutangazwa mu makuru ya nimugoroba kuri RFI. Uwamwishe ntibyigeze bimutera ikibazo na gato, ibi bikaba bigaragaza ko ari ubwicanyi bwari bwateguwe kandi bushyigikiwe na Leta.

Uretse Antonia Locatelli, hari n'undi munyamahanga Furere Fransisko Cardinal wakomokaga mu gihugu cya Canada wayoboraga ikigo cy'imyuga cya Butamwa "*Centre de formation rurale de la jeunesse de Butamwa*" cyigishaga urubyiruko imyuga itandukanye, nawe wishwe muri ubwo buryo. Yabanaga muri icyo kigo n'abandi bafurere batatu barimo undi munyakanada witwa Paul Latraverse n'abandi banyarwanda babiri ari bo Furere Karake Evariste na Furere Rwibandira Pierre Servillien.

Nk'uko bigaragara mu ibaruwa yo ku wa 2 Ukuboza 1992 igenewe Minisitiri w'Intebe yanditswe na Dr Iyamuremye Augustin wari Umukuru w'ibiro by'iperereza imbere mu gihugu, byabarizwaga kwa Minisitiri w'Intebe, mu ijoro ryo ku itariki 29 rishyira 30 Ugushyingo 1992, Furere Cardinal wari ufite imyaka 50 y'amavuko yarashwe n'igitero cy'abantu bagera kuri batandatu bambaye imyenda ya gisilikare. Yarasiwe mu kigo cy'abafurere agwa imbere y'icyumba yararagamo. Bamaze kumwica binjiye mu nzu batwara amafaranga abarirwa hagati y'ibihumbi magana abiri na magana ane.

Muri iyo baruwa, umuyobozi mukuru w'ibiro by'iperereza asoza avuga ko abaturage bo muri ako karere binubira imikorere mibi y'inzego zishinzwe umutekano n'iz'ubugenzacyaha, bakavuga ko zifatanyije n'abicanyi ndetse n'amabandi.

Iyicwa rya Furere Cardinal risa nk'aho ritatunguye bamwe mu bari bamuzi cyane cyane abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda. Ku itariki ya 30 Ugushyingo 1992 yaraye arashwe, Kinyamateka yaganiriye n'abadipolomate b'abanyamahanga bari bagiye Butamwa aho Furere yari yaraye yiciwe. Kinyamateka itangaza ko umwe muri bo yayitangarije ko iryo yicwa ryasaga nk'aho ryari ryitezwe kuko yari yarahawe kenshi ubutumwa kuri telefoni ko azicwa, kandi uwo mugambi wari uyobowe na Colonel Elie Sagatwa, muramu wa Perezida Habyarimana, akaba yari n'umujyanama we wihariye.

Jenoside yarinze iba mu 1994 abishe Furere Cardinal batarahanwa, bikaba byerekana ukuri kw'inyandiko ya Kinyamateka igaragaza ko abategetsi bakomeye bari bafite uruhare rw'ibanze mu iyicwa rye

## 1.3. IBY'INGENZI BYARANZE ITEGURWA RYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU 1993

**Bagosora yavuye mu biganiro Arusha atangaza ko agiye gutegura imperuka y'Abatutsi**

Ku itariki ya 9 Mutarama 1993, nibwo Arusha muri Tanzaniya, hemejwe igice cy'amasezerano y'amahoro kirebana no gusaranganya ubutegetsi. Colonel Bagosora Theoneste wari mu ntumwa z'u Rwanda muri iyo nama, ntiyemeye ibyavuyemo, yasohotse arakaye aravuga ngo "*Ndatashye ngiye gutegura imperuka*", (yakoresheje ijambo ry'Igifaransa, *Apocalypse*).

Kimwe mubyo ayo masezerano yemeje cyababaje Bagosora ni uko ishyaka rya MRND ryari ryahawe imyanya itanu (5) y'Abaminisitiri muri Minisiteri 21 zagombaga kuba zigize Guverinoma y'inzibacyuho ndetse n'imyanya 11 ku badepite 70 bari bateganyijwe mu Nteko Ishinga Amategeko nayo y'inzibacyuho. Bagosora ntiyemeraga na busa iri saranganya ry'ubutegetsi ndetse ashinja Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'u Rwanda, Boniface Ngulinzira, ngo kuba yaragurishije Igihugu, bituma MRND imuhimba izina "*Ngulishigihugu*."

Colonel Bagosora akimara kugaruka i Kigali avuye Arusha ku wa 9 Mutarama 1993, yakoresheje inama zitandukanye na bagenzi be b'intagondwa, barimo abasilikare bakuru nka Colonel Dr Laurent Baransaritse wayoboraga ibitaro bya gisilikare bya Kanombe, Lieutenant Colonel Anatole Nsengiyumva wayoboraga ingabo muri Gisenyi, Major Protais Mpiranya wayoboraga abasilikare barindaga Perezida Habyarimana, Major Aloys Ntabakuze wayoboraga batayo parakomando, bashinga Ishyirahamwe ry'abicanyi mu ngabo z'u Rwanda baryita AMASASU.

Iri shyirahamwe ryayoborwaga na Bagosora wihimbaga izina rya Komanda Mike Tango, rikaba ryarabaye ku isonga yo gukwiza ingengabitekerezo ya jenoside mu ngabo z'u Rwanda no gukangurira abasilikare kutazemera kubana n'Inkotanyi, ahubwo bakitegura kurimbura Abatutsi kuko ngo Abatutsi bari ibyitso by'Inkotanyi.

**Kuwa 13 Mutarama 1993: Inyandiko zitoteza Perefe wa Butare Dr Habyarimana Jean Baptiste zatangiye gukwirakwizwa**

Dr Habyarimana Jean Baptiste yagizwe Perefe ku wa 3 Nyakanga 1992. Niwe Perefe wenyine w'Umututsi kuri ba Perefe 11 bayoboraga za Perefegitura, akaba yari mu Ishyaka rya Parti liberal (PL). Kuva yahabwa kuyobora iyo Perefegitura yaribasiwe ku buryo bukomeye azizwa ko ari Umututsi wahanganaga

n'intagondwa za MRND na CDR zakwizaga ingangabitekerezo ya jenoside mu Mujyi wa Butare. Muri bo abari ku isonga ni capitaine Nizeyimana Ildefonse, Alphonse Higaniro wayoboraga uruganda rw'ibibiriti SORWAL, Ndereyehe Charles Ntahontuye wayoboraga ISAR, Dr Jean Berchmas Nshimyumuremyi wari umuyobozi wungirije wa Kaminuza, Dr Eugène Rwamucyo n'abandi. Aka gatsiko kafatanyije n'abakozi benshi bananiza Perefe Habyarimana bakoresheje uburyo bwinshi harimo kumwandikira amabaruwa mabi y'urudaca, agamije kumutesha agaciro. Imwe muri ayo mabaruwa ni iyanditswe ku wa 13 Mutarama 1993 n'abakozi bakuru 10 bakoreraga mu Mujyi wa Butare na Nyanza, harimo na ba suPerefe batatu (3) bayoborwaga na Perefe Habyarimana.

Iyo baruwa bayihaye inyito ivuga ngo: "*Ibaruwa-bwega yandikiwe Bwana Habyarimana Yohani Baptista Perefe wa Perefegitura ya Butare.*" Icya mbere aba bantu bashinjaga Perefe Habyarimana ngo ni ukuba yaragaragarije abaturage ko bagomba gukorana n'Inkotanyi. Baragira bati:"*Wowe ubwawe Bwana Perefe, inama wakoranye n'abaturage ba Komini Nyaruhengeri ubwo wajyaga kubiyereka, usubiza ikibazo wari ubajijwe cyerekeranye n'abasore bajya mu Nkotanyi, wivugiye ko abo Bantu nta makosa bafite, ko nta n'ugomba kubatangira kuko iyo bayagira Leta y'u Rwanda itari kugirana imishyikirano n'Inkotanyi*." Kuba Perefe Habyarimana yarabwiraga abaturage ko batagomba gukomeza gufata Inkotanyi nk'abanyamahanga, kureka kubita Inyangarwanda, ahubwo bakabaha uburenganzira bwabo nka buri Munyarwanda nta cyaha cyarimo. Buri muyobozi wese yagombye ahubwo kuba yarabigenje atyo. Kuba rero aba Bantu baramwibasiye kubera gushyigikira Inkotanyi byari mu mugambi wa Jenoside.

Icya kabiri bashinjaga Perefe ngo ni ivanguramoko rishingiye ngo kuba yarirukanye abakozi b'abahutu. Babyandika batya: "*Ukimara kugabirwa Perefegitura ya Butare, Umuhutu wese yahise ahindurirwa akazi kandi agasimburwa n'Umututsi uturutse ahandi, atamenyereye akazi, atanafite ubushobozi bungana n'ubw'uwo asimbuye*".

Bashoje bamwiyama muri aya magambo: "*Tukaba twizera ko, Bwana Perefe, mu minsi iri imbere, dukurikije ubuhanga n'ubushobozi abaturage bagukekagaho, wakwisubiraho cyangwa ukavuga ku mugaragaro ko bikunaniye*."

Iri terabwoba ryakozwe n'abantu bari mu buyobozi bwa Perefegitura bagombaga kuba barafashije Perefe Habyarimana mu kazi ke ka buri munsi, ahubwo bagahitamo kumurwanya no kumushyiraho iterabwoba ni ibintu byari mu mugambi wo guha ingufu ibitekerezo byabo by'ubuhezanguni.

Abanditse iyo baruwa ni aba:

1. Nyilinkwaya Zephanie, suPerefe kuri Perefegitura
2. Halindintwali Céléstin, umugenzuzi w'amateme n'imihanda;
3. Mutabaruka Bernard, umugenzuzi wungirije w'amateme n'imihanda;
4. Ndahayo Naphtal, umukuru wa serivisi z'itumanaho muri Butare;
5. Munyamagana Wilson, diregiteri wa CPDFP muri Butare;
6. Uwimana Aloys, umuyobozi w'urubyiruko n'amashyirahamwe muri Butare;
7. Habumugisha Michel, suPerefe wa suPerefegitura ya Nyabisindu;
8. Ngiruwonsanga Vincent, burugumesitiri wa Komini Nyabisindu ;
9. Simbalikure Assiel, suPerefe wa suPerefegitura Busoro;
10. Harelimana Rostal, utarashyizeho umurimo yakoraga.

Ikinyamakuru ISIBO N° 83 cyo ku wa 9-16 Mutarama 1993 cya Sixbert Musangamfura, bizwi ko kitavugiraga Abatutsi, cyanditse ko abo bantu bose basinye iyo baruwa bashatse kuyisinyisha abakozi benshi ariko babatera utwatsi. ISIBO kandi yerekana ko abayisinye bari mu ishyaka rya MRND/CDR uretse Nyilinkwaya Zefaniya wari muri PSD kandi nawe izina rye aho rigaragariye ku basinye iyo baruwa, ishyaka rya PSD ryamenyesheje ko ryitandukanyije na we. ISIBO yasobanuye ko icyo abo bantu bahoraga Perefe Habyarimana ari imikorere ye myiza yo kurwanya ruswa, akarengane n'irondabwoko n'akarere byakorwaga n'abo bakozi. Aho guhindura imyumvire n'imikorere, bahisemo kuba ari we baharabika bamugerekaho ibyaha bakora bo ubwabo.

Muri make, ISIBO yagaragaje imyitwarire idahwitse ya buri mukozi mu basinye ibaruwa yikoma Perefe Habyarimana. ISIBO yashoje inyandiko yayo igaragaza ko abo bakozi banditse ibyo binyoma nta kindi bari bagamije uretse kuzana amatiku mu karere karangwagamo ubwumvikane, igasaba ko bakurikiranirwa hafi kugira ngo batazanduza abandi bakozi. ISIBO yashoje ishima ishyaka rya PSD kuba ryaritandukanyije na Superefe Nyilinkwaya rimubwira ko ibitekerezo bye atari ibya PSD.

**Kuwa 14 Mutarama 1993: MRND yemeje ko amashyaka y'intagondwa agomba guhabwa umwanya muri Guverinoma**

Mu itangazo Ubunyamabanga Bukuru bwa MRND bwasohoye ryiswe: "*Icyababaje mrnd mu mishyikirano ya arusha*", MRND yanditse ko izarwanya amasezerano y'amahoro igihe cyose intagondwa z'Abahutu zayarwanyaga zidahawe umwanya muri Guverinoma. MRND yabyanditse muri aya magambo: " *Niba rero ayo masezerano agenewe kunga Abanyarwanda, Inkotanyi nizemere CDR. Ko zivuga ko ariwe mwanzi, nizemere PECO, PADER na PARERWA kuko*

*zivuga ko ari inshuti z'umwanzi MRND. (…) Abavuye mu byabo Ngulinzira ntabibuka. Ayo masezerano atibuka imbabare z'iwabo muri Butaro amariye iki Abanyarwanda?".*

Gushaka kwinjiza CDR muri Guverinoma byari bigamije kuburizamo ishyirwaho rya Guverinoma y'inzibacyuho no korohereza ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside.

**Kuwa 15 Mutarama 1993, ubunyamabanga bukuru bwa MRND bwasohoye irindi tangazo bwise: "*Uburiganya mu masezerano ya arusha*".**

Muri iryo tangazo, MRND yongeye kwibasira Minisitiri Ngulinzira ivuga ko icyo agamije nta kindi uretse gushyira u Rwanda mu maboko y'Inkotanyi. Ngo azaruhuka ari uko amaze kuziha igihugu cyose: "*Yumvise amashyaka atangiye aribwira ati: ibyo nasezeranyije Inkotanyi birancitse kambayeho. We na Nsengiyaremye Minisiteri bazitera imirwi. Ngiyo Minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu mu Nkotanyi! Amaze kuyitanga ariruhutsa ati: "Ubwo ntanze igihugu ndangije akazi. Ibyo ntibyari akazi ke: ni uburiganya. (…) Barwanashyaka ubwo buriganya tugomba kubwamagana. Minisitiri Ngulinzira n'Inkotanyi ntibagomba kutuviraho inda imwe. Ngulinzira yagurishije igihugu. Ngulinzira ntiyagiye gushaka amahoro, yagiye gukora amasezerano y'intambara nshya. Arashakira iki kwicisha Abanyarwanda?*".

Icyo Minisitiri Ngulinzira yaziraga, ni uko atavanguraga amoko n'uturere nk'uko MRND yabikoraga, ikaba ariyo mpamvu bamucyuriraga kuba yarakomokaga muri Komini Butaro mu Ruhengeri ariko ntiyite ku bahakomoka gusa ahubwo agaharanira ukuri n'inzira y'amahoro. Kuba yaremeraga ko Inkotanyi nabo ari abana b'u Rwanda bagomba guhabwa uburenganzira nk'Abanyarwanda nabyo byari icyaha gikomeye. Minisitiri Ngulinzira yakomeje kwibasirwa cyane no gucibwa intege n'abayobozi ba MRND ku rwego rwo hejuru kugeza no kuri Perezida wa Repuburika, Yuvenali Habyarimana. Yishwe mu gihe cya Jenoside kimwe n'abandi banyapolitiki b'abahutu banze ingengabitekerezo ya jenoside.

**Kuwa 15 Mutarama 1993: MRND nayo yikomye Perefe Dr Habyarimana Jean Baptiste**

Ubuyobozi bwa MRND muri Perefegitura ya Butare bwandikiye Perefe Habyarimana ibaruwa imusebya kandi imubeshyera yakwirakwijwe mu binyamakuru. Impamvu y'iyo baruwa bavuze ko ari: "*Impungenge ku mikorere yawe*". Yashyizweho umukono na Dr Butare Innocent yandika ko abikoze mu izina rya Perezida wa MRND muri iyo Perefegitura, Bwana Rugira Amandin.

Muri iyo baruwa Butare Innocent yikomye Perefe Habyarimana amushinja ngo kuba afatirwa ibyemezo n'abayoboke b'ishyaka PL b'i Butare barimo Dr Munyeshuli Vincent, Niyonizeye Gaetan, Kurawige Yohani Batisita na Nkulikiyimana Deo. Ntabwo iyo baruwa igaragaza impamvu nyakuri yatuma Perefe atavugana n'abo bagabo bo mw'ishyaka bahuriyemo.

Ikindi kirego kidafite ishingiro Butare Innocent yashinjaga Perefe HHabyarimana ni ikirebana no kwimura abakozi b'abagenzacyaha (IPJ) bo muri Komini zimwe na zimwe zari zegereye umujyi wa Butare nka Shyanda, Mbazi, Huye, Ngoma, Ndora na Gishamvu. Ngo abo ba IPJ bose bari abo mu ishyaka rya PL bikaba bitarumvikanaga ukuntu byashoboka.

Ahagaragara ikinyoma ni uko guha akazi ba IPJ no kubimura bitari mu nshingano za Perefe. Abo bantu bari abakozi ba Minisiteri y'ubutabera bakaba bataragengwaga na Perefe mu birebana n'imihindagurikire y'akazi bari bashinzwe. Perefe yari umukuru wabo nk'umuyobozi wa Perefegitura ariko siwe winjiraga mu kumenya aba IPJ bagomba gushyirwa aha n'aha no kuhimurwa.

Iyo baruwa ya Butare Innocent isoza ivuga ko ibyo birego bashinja Perefe byerekana ko agamije kurwanya no gusenya MRND n'abayoboke bayo, akongeraho ko uko yagira kose atazabishobora. Mu by'ukuri, uyu mwanzuro urerekana ku buryo bweruye ko icyo iyo baruwa yari igamije kwari ukwerekana ko Perefe adashaka abantu batavuka i Butare kandi akaba arwanya MRND. Icyo bivuze ni ugukangurira abakozi bose bakora i Butare, ariko bavuka mu bindi bice by'u Rwanda, kwishyira hamwe bakarwanya Perefe Habyarimana n'ishyaka rye PL.

Butare Innocent kandi arahamagarira ubumwe bwa Hutu Power, bikaba byari bijyanye no gushyigikira politiki yakorwaga na MRND/CDR yo gukwiza muri Butare abayobozi n'abakozi bo mu nzego zo hejuru bakomoka muri MRND/CDR biganjemo abo mu Ruhengeri na Gisenyi. Ibi ni nabyo Ikinyamakuru ISIBO cyavuzwe haruguru cyasobanuye.

**Kuwa 19 Mutarama 1993: Iyicwa ry'Abatutsi henshi mu gihugu**

Ku itariki 10 Mutarama 1993, Arusha muri Tanzaniya haberaga imushyikirano y'amahoro hagati ya FPR-Inkotanyi na Guverinoma y'u Rwanda hashyizwe umukono ku gice cy'amasezerano cyagenaga uburyo bwo kugabana ubutegetsi. Ishyaka rya MRND ryahise ritegeka abayoboke baryo gukora imyigaragambyo yo kwamagana ibyemeranyijweho muri ayo masezerano, bikaba bigaragaza ko

MRND itemeraga na buke amasezerano agamije kugarura amahoro mu Rwanda, igahitamo ubwicanyi nk'umuti w'ibibazo bya politiki.

Imyigaragambyo yabaye myinshi mu mijyi minini kandi ikorerwamo urugomo rukomeye ku Batutsi n'abahutu bo mu mashyaka ataravugaga rumwe na MRND. Imyigaragambyo yakurikiwe n'ibikorwa byo kwica abatutsi ahantu hatandukanye cyane cyane mu Ruhengeri, Gisenyi, Byumba muri Komini Tumba, Kibuye muri Komini Rutsiro no muri Kigali Ngali i Bumbogo na Buliza. Ubu buryo bwo kwica abatutsi ahantu hatandukanye mu gihugu bwakoreshejwe kenshi na Leta ya Habyarimana kikaba nacyo ari ikimenyetso ndakuka cyerekana uburyo Jenoside yateguwe ikanashyirwa mu bikorwa. Ibi bikorwa by'urugomo no gutegura Jenoside byamaganywe icyo gihe n'Imiryango nyarwanda y'uburenganzira bwa muntu irimo PRO-FEMMES Twese Hamwe, CLADHO na CCOAIB.

**Ingabo z'u Rwanda zakoze urutonde rw'Abatutsi n'Abahutu batavuga rumwe n'ubutegetsi mu gihugu hose**

Tariki ya 2 Gashyantare 1993, Minisitiri w'Intebe, Dr Nsengiyaremye Dismas , yandikiye Minisitiri w'ingabo, James Gasana wo mu ishyaka MRND rya Perezida, ibaruwa yo kwirinda hashingiwe ku ngamba zafashwe n'ubuyobozi bukuru bw'ingabo zohererejwe amashami yose zisaba ko hatangwa urutonde rw'«ibyitso» byose bya FPR. Iyo ubutegetsi bw'u Rwanda bwavugaga ibyitso bya FPR, bwababaga bushaka kuvuga mbere na mbere Abatutsi bose cyangwa se na none Abahutu bose batari bashyigikiye ingengabitekerezo ya Jenoside. Kubw'ibyo rero, izi ngamba zari zigamije gushishikariza ingabo gukora urutonde rw'Abatutsi n'Abahutu batavuga rumwe na Leta kugira ngo bazabatsembe igihe nikigera.

Mu ibaruwa ye, Minisitiri w'Intebe yasabaga Minisitiri w'ingabo guhagarika icyo yise «umuhigo kubapfumu» agategeka ko intonde zose zari zaramaze gukorwa zafatwa zigashyikirizwa Minisiteri y'ubutabera kugira ngo ingamba zikwiriye zifatwe. Igisirikare ntacyo cyigeze gikora kuri ubwo busabe bwa Minisitiri w'Intebe ahubwo cyakomeje gukora urutonde rw'Abatutsi n'Abahutu batavuga rumwe na Leta kugira ngo bazabice.

**Impuguke mpuzamahanga zahamagariye amahanga gufungura amaso ku mugambi wa Jenoside**

Ku matariki ya 07-21 Mutarama 1993, itsinda ry'impuguke mpuzamahanga ryari rigizwe na Jean Carbonare (France) wari umukuru waryo, Dr Philippe Dahinden (Ubusuwisi), Prof. René Degni-Segui (Côte d'Ivoire), Me Eric Gillet (Ububiligi), Dr Alison Des Forges (USA), Dr Pol Dodinval (Belgique), Rein Odink

(Ubuholandi), Halidou Ouedraogo(Burkina Faso), André Paradis (Canada) na Prof. William Schabas (Canada) ryakoze iperereza mu Rwanda ku bwicanyi bwahakorerwaga.

Umukuru w'iryo tsinda, Jean Carbonare, ageze mu Bufaransa ku wa 24/01/1993, yatumiwe kuri TV ya Leta y'icyo gihugu yitwa France2, atangaza ko mu Rwanda mu gihe cy'ibyumweru bitatu bahamaze bakora iperereza ku bwicanyi buhakorerwa, babonye bimwe mu byobo byatabwagamo Abatutsi bicwaga, yemeza ko hari ibimenyetso bigaragaza ko hari umugambi wa Jenoside wo kumaraho Abatutsi, ko kandi abawufitemo uruhare ari abategetsi bo ku rwego rwo hejuru, barangajwe imbere na Perezida Habyarimana ubwe n'umugore we Agata Kanziga.

Carbonare yabaye uwa mbere wagaragaje ko Jenoside yatangiye gukorwa mu Rwanda abivuga muri aya magambo: « *Icyatubabaje cyane mu Rwanda, ni ikigero ubwicanyi bukorwamo n'uburyo bwateguwe kandi bukanayoborwa […] Twavuze ku byo guhanaguraho ubwoko, Jenoside, ibyaha byibasiye inyoko muntu […] Turatinda cyane kuri aya magambo ».« Igihugu cyacu, gifasha mu buryo bwa gisirikare n'ubw'amafaranga buriya butegetsi, gifite inshingano […] Igihugu cyacu, kiramutse kibishatse, gishobora guhindura ibintu ».« Ndabishimangira cyane : ni inshingano zacu, nitwe bireba ! Namwe ariko, bwana Masure, mushobora kugira icyo mukora, mugomba kugira icyo mukora…., kugira ngo ibi bintu bihinduke, kubera ko dushobora kubihindura turamutse tubishatse ![…] Dushobora kugira icyo dukora, ni ngombwa ko tugira icyo dukora…* ».

Jean Carbonare yitabye Imana ku wa 18 Mutarama 2009 afite imyaka 82. Tuzahora tumwibuka.

**CDR yakwije ibinyoma bihimba ubwicanyi butabayeho bwitirirwa FPR bigamije ubukangurambaga bwa Jenoside**

Ku itariki ya 19 Gashyantare 1993, ishyaka rya CDR ryasohoye itangazo ryuzuyemo ibinyoma, ritanga imibare ryavugaga ko ari iy'Abahutu bishwe na FPR, 800 mu mujyi wa Ruhengeri, 200 muri Komini Kidaho, 600 muri Komine Nkumba, 500 muri Komini Kinigi na 800 muri Komini Nyarutovu. CDR ikomeza ibeshyako muri Komini imwe ya Byumba yitwaga Kinyami naho ngo hishwe abandi 800. CDR imaze gutanga iyo mibare idafite ishingiro, yasoje isaba abahutu bose bo mu mashyaka yose ko bagomba guhaguruka bakirwanaho, byabugaga kwica Abatutsi. Aha biragaragara ko CDR yatanze iyi mibare mihimbano mu rwego rwo guhamagarira Abaturage kwanga FPR, n'Abatutsi, no gushishikariza Abahutu gukora jenoside.

Tariki ya 20 Gashyantare 1993, CDR yakomeje uwo mugambi w'ubukangurambaga bwo gukora Jenoside isohora irindi tangazo ryereka Abahutu bakomoka i Cyangugu no ku Kibuye ko nabo bagiye guterwa n'Inkotanyi, ibasaba kwirwanaho, bikaba byaravugaga kwica Abatutsi. Izo mpuruza za CDR zakurikiwe n'ubwicanyi bukomeye muri utwo duce, hibasirwa Abatutsi.

**Intwaro zakomeje gukwirakwizwa mu Nterahamwe MINUAR ibizi ntiyazifata kuko yari yarabibujijwe na ONU**

Tariki ya 24 Mutarama 1993, intumwa y'Umunyamabanga Mukuru wa Loni, Jacques Roger Booh-Booh yavuze ko ubuhisho bw'intwaro muri Kigali no mu nkengero zayo bwari bwinshi kandi ko biteye impungenge.

Tariki ya 25 Mutarama 1993, Intumwa y'Ububiligi mu Rwanda, Johann Swinnen, yamenyesheje Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'Ububiligi ko Dallaire adahwema gusaba Umuryango w'Abibumbye kumwongerera ububasha bwo gufata imbunda zari zihishe muri Kigali, bitaba ibyo we n'abasirikari ba MINUAR bagataha. Iyo ntumwa yanavuze ko yagiranye ikiganiro na Murego Donat umunyamabanga wa MDR, amubwira ko Interahamwe ziteguraga gushoza intambara imbere mu gihugu, iyo ntambara ikazibasira n'abasirikari b'Ababiligi bari muri MINUAR.

**Minisitiri Ngulinzira yakuwe igihe gito ku buyobozi bw'intumwa z'u Rwanda mu biganiro by'amahoro**

Kuva tariki ya 31 Mutarama 1993 kugeza tariki ya 13 Gashyantare 1993, bitegetswe na Perezida Habyarimana, ku gitutu yotswaga na Colonel Bagosora, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga, Boniface Ngulinzira, yakuwe ku kuba umuyobozi w'itsinda ry'intumwa z'u Rwanda mu biganiro by'amahoro asimbuzwa Minisitiri w'ingabo James Gasana. Iki cyemezo cyamaganywe na Minisitiri w'Intebe. Muri icyo gihe, ibiganiro byagombaga kwibanda ku guhuza ingabo, kandi intagondwa zikaba zitarashakaga Ngulinzira kubera ko yari umunyakuri waharaniraga ko Inkotanyi zinjizwa mu buyobozi bw'igihugu kandi ibibazo byose bya politiki bigakemurwa hakoreshejwe ubwumvikane. Intagondwa za Habyarimana na Bagosora zo ntizifuzaga iyo nzira nubwo Habyarimana yabeshyaga ko yemera imishyikirano y'amahoro.

Icyemezo cyo guhagarika Minisitiri Ngulinzira ngo asimbuzwe Gasana, kirerekana ko Perezida Habyarimana n'abahezanguni be bashatse kuvana Minisitiri Ngulinzira

mu biganiro by’Amahoro bya Arusha kubera ko bo batishimiraga uburyo yari ashyigikiye ibi biganiro, bakamushinja kuba ngo yaragurishije igihugu, kubera ko yari ashyigikiye isaranganya ry’ubutegetsi hagati ya MRND n’abataravugaga rumwe nayo. Uku kunangira kw’intagondwa zo muri MRND n’andi mashyaka bari bahuje umugambi ni kimwe mu bikoresho byifashishijwe mu itegurwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Mu gihe twitegura kwibuka ku nshuro ya 26 Jenoside yakorewe Abatutsi, ni ngombwa ko amateka nyayo agaragara kugira ngo dushobore kunyomoza abayigizemo uruhare bagerageza gucurika ukuri kubera inyungu zabo.

**Ibikorwa byibasiye abanyamakuru batangazaga amakuru ku ruhare rw’Abafaransa barwanaga ku ruhande rw’ingabo z’u Rwanda.**

Tariki ya 09 Gashyantare 1993, hasohotse nimero ya 04 y’ikinyamakuru *Le Flambeau* cy’abataravugaga rumwe na Leta y’icyo gihe yasobanuraga, ishingiye ku mafoto, ko ingabo z’Abafaransa zari mu ntambara ku ruhande rw’Ingabo z’u Rwanda zirwanya FPR-Inkotanyi. Ku gicamunsi cyo kuri uwo munsi, umujandarume w’Umufaransa, Major Corrière, akaba yarakoraga muri serivisi z’ubugenzacyaha muri jandarumori y’u Rwanda, yagiye ku biro by’ubwanditsi bw’icyo kinyamakuru, gutera ubwoba abanyamakuru, abategeka kuvuga ababahaye ayo makuru n’amafoto yerekana abasirikari b’Abafaransa barwanaga ku ruhande rw’ingabo z’u Rwanda.

Ubufaransa bwari bwarohereje mu Rwanda abajandarume babwo hagati ya 1992-1993 gukoresha ikoranabuhanga bakora urutonde rw’abo bitaga ibyitso, n’ubwoko bwabo, bakaba barayoborwaga na Colonel Michel Robardey. Ayo malisiti yarakoreshejwe cyane mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Umwanditsi mukuru w’iki kinyamakuru, Rangira Adrien, yahise atabaza ingabo z’Umuryango w’Ubumwe bw’Afurika (AUO), zitwaga GOMN (Groupe d’Observateurs Militaires Neutres), zihageze zumvisha Majoro Corriere ko agomba kureka abanyamakuru bagakora akazi kabo mu bwigenge no mu bwisanzure.

Ntibyarangiriye aha, uyu mufaransa yagiye kotsa igitutu inzu itunganya amafoto yitwa PHOTOLAB, atoranyamo abakozi b’Abatutsi 2, Rudasingwa Japhet na Byukusenge Anne Marie bahakoraga abashinja ko ari bo batanze ayo mafoto. Abo bakozi barafashwe bajyanwa ahitwaga “Criminologie”, barakubitwa, bakorerwa n’ibindi bikorwa by’iyicarubuzo, bahavanwa n’uko abo mu miryango yabo batabaje Umuryango utabara imbabare (ICRC) uza kubakurayo.

Twibuke ko Ubufaransa bwari bwarohereje mu Rwanda abajandarume b'abafaransa bayobowe na Koloneli Michel Robardey, mu byo bari bashinzwe harimo gukoresha ikoranabuhanga mu kwandika urutonde rw'abiswe ibyitso by'Inkotanyi bakanadika ubwoko bwabo. Urwo rutonde abicanyi bararukoresheje muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994.

**Abanyapolitiki bakomeye b'Abafaransa bitandukanyije na politiki y'Ubufaransa yo gushyigikira u Rwanda**

Mu nyandiko yandikiwe Perezida Mitterrand ku wa 23 Gashyantare 1993, abahoze ari ba Minisitiri babiri, Michel Rocard wabaye Minisitiri w'intebe na Pierre Joxe wabaye Minisitiri w'ingabo bagaragaje ku mugaragaro ko badashyigikiye politiki y'Ubufaransa mu Rwanda. Mu magambo yeruye, Minisitiri Joxe yagaragaje kwifata kwe ku bijyanye na politiki y'Ubufaransa mu Rwanda :

*«Ndibaza byinshi ku bijyanye n'aho duhagaze mu Rwanda ndetse n'icyo bimaze kuba abasirikare bacu 690 bakoherezwayo ; kubera ko kuri ubu abasirikare b'u Rwanda ntibakirwana. […] ku bwa Habyarimana, kohereza indi mitwe ibiri y'ingabo, nyuma y'indi myigaragambyo yamagana kumushyigikira kwacu, byatuma yumva ko kuri ubu ari we mutegetsi ushyigikiwe cyane n'Ubufaransa muri Afurika. Ntabwo rero ariyo nzira iboneye yo gutuma afata ibyemezo bikenewe. Ariko niwe bigomba kubazwa kubera ubuhezanguni bwe muri politiki ndetse n'ubushobozi bwe buke mu gutegura ingabo ze. FPR iramutse yongeyе gukaza umurego, nyuma y'amasaha make n'ubundi abasirikare bacu bakwisanga barwana na yo. Inzira ikomeye yonyine isigaye yo kumushyiraho igitutu, ukuyemo ubufasha muburyo butaziguye, njye ndabona yaba ukutongera kubyivangamo».*

Ibi birerekana ko Abafaransa bose, barimo na bamwe mu bari mu nzego z'ubuyobozi bw'icyo gihugu, atari ko bemeranyaga na Perezida Mitterrand ku nkunga yateraga Leta y'u Rwanda mu bya gisilikare, politiki, amafaranga no mu rwego rwa dipolomasi, bakaba bakwiye kubishimirwa.

**Igurwa rya toni 581 z'imihoro yakoreshejwe muri Jenoside**

Muri Gashyantare 1994, umukozi wa sosiyete CHILLINGTON yemeje ko isosiyete yabo yari imaze kugurisha u Rwanda mu mezi make, imihoro myinshi iruta kure ubwinshi iyo bari baratumije mu mwaka wose wa 1993. Impapuro zisaba impushya zo kuzana ibintu mu gihugu zasuzumwe na Human Rights Watch hagati ya Mutarama 1993 na Werurwe 1994, zigaragaza ko toni 581 z'imihoro zinjijwe mu Rwanda. Iyo mihoro yatumijwe yose hamwe ku giciro cya miliyoni 95 z'amafaranga y'u Rwanda, yatanzwe n'umunyemali Kabuga Félicien.

Ikinyamakuru cyo mu Bwongereza, *The Sunday Times*, cyo ku wa 24 Ugushyingo 1996, cyagaragaje ko hagati ya Kanama n'Ukuboza 1993, Sosiyete CHILLINGTON yagurishije imihoro 1600 ku bakozi babiri ba RWANDEX, Eugène Mbarushimana na François Burasa. Mbarushimana wari umukozi wa RWANDEX yari umukwe wa Kabuga ndetse ari n'umunyamabanga mukuru w'Interahamwe ku rwego rw'igihugu. Naho Burasa we yari yarasezerewe mu gisirikare ari n'umunyamuryango w'ishyaka ry'abahezanguni b'Abahutu, CDR, akaba na mwenenyina wa Jean-Bosco Barayagwiza, umwe mu bayobozi bakuru b'iryo shyaka. Kugura no gukwirakwiza imihoro ku baturage b'abasivili bari barahawe imyitozo ya gisirikare byari biri muri gahunda yo kwirwanaho kwa gisivili (auto-defense civile) yagaragaye muri ajenda ya Bagosora. Hari handitswe ko bamwe mu banyamuryango b'iyi gahunda bagombaga kubona imbunda abandi bakabona intwaro zoroheje zirimo n'imihoro.

**Ukwiyongera k'ubwicanyi mu Batutsi ba Komini Mbogo muri Perefegitura ya Kigali Ngari**

Komini ya Mbogo, kuri ubu Akarere ka Rulindo, yahuye n'ubwicanyi bukabije bwakorewe Abatutsi mu 1992, ariko mu mezi ya Gashyantare-Werurwe 1993 bwafashe indi ntera yo hejuru hicwa ku buryo buteguwe imiryango y'Abatutsi cyane cyane muri Segiteri Ruhanya, Selire Bukoro. Mu majoro yo ku wa 25, 26 na 27 Gashyantare 1993, umuryango w'umusaza Gatanazi waratewe. Abantu umunani (8) batwitswe ari bazima mu nzu yabo. Abana bibiri (2) nibo babashije kurokoka, Antoine Kabanda na mushiki we Vénantie Gasengayire. Abishwe : Michel Gatanazi, umusaza w'imyaka mirongo inani (80), Charlotte Kabanyana, umugore wa Antoine Kabanda, Agnès Gatanazi Kamurenzi, wari ufite imyaka 74, Tharcisse Nilingiyimana, Félix Niyibizi, wari ufite imyaka 6, Olive Nyirahene, umwuzukuru wa Gatanazi (umwe mu bana bane ba Kabanda), Jacqueline Tuyizere na Béata Uwingabire.

Uretse umuryango wa Gatanazi muri Komini Mbogo, abandi Batutsi barishwe mu ijoro ryo ku wa 01 rishyira iya 02 Werurwe 1993. Abishwe ni umugore wa Jean Habimana, Catherine Mukamana; umwana we Muganajabo, wari ufite imyaka ine (4) , Ndayambaje (akana ke kari gafite amezi icyenda, 9) ; Nyirabandi, wari ufite imyaka 62; Uzayisenga, umukobwa wa Habimana, wari waravutse mu 1958 ; Donata Musabyimana, mushiki wa Habimana na Mushatsi, umuhungu wa Habimana, wari waravutse mu 1986. Uwashoboye kurokoka muri uyu muryango ni umuhungu wa Habimana wavutse mu 1990, ariko nawe yari yahiye yakomeretse cyane.

Nyuma y'ubwicanyi bwakorewe umuryango wa Gatanazi, Burugumesitiri wa Komini Mbogo, Vincent Twizeyimana, yarabimenyeshejwe, ariko ntiyigeze agera aho ubwicanyi bwabereye ngo ashyinguze abishwe. N'abaturanyi babo bararetse imirambo iborera ku gasozi. Konseye wa Segiteri na Resiponsabule wa Selire, nta kintu na gito ibi bikorwa by'ubunyamaswa byari bibabwiye. Bimaze gutangazwa n'amashyirahamwe aharanira uburenganzira bwa muntu ndetse n'abanyamakuru bari bagiye gukora iperereza kuri ubwo bwicanyi, iyo mibiri yashyinguwe n'abandi Batutsi bari bavuye i Shyorongi aho bari barahungiye.

Abategetsi bakuru bakomoka muri Komini Mbogo bari ku isonga y'abateguye ubwo bwicanyi, cyane cyane : major-député Stanislas Kinyoni, wari n'umurwanashyaka wa MRND, burugumesitiri wa Komini Mbogo Vincent Twizeyimana na Superefe Alexis Kanyamibwa wayoboraga Superefegitura ya Murambi ari nayo Komini Mbogo yari iherereyemo.

**Intiti zo mu Ruhengeri na Byumba zahimbye umugambi wa Jenoside ku Bahutu kugira ngo bashishikarize itsemba ry'Abatutsi**

Tariki ya 04 Werurwe 1993, intiti zikomoka i Byumba no mu Ruhengeri zasinye inyandiko yo gushishikariza Abahutu bo mu Majyaruguru kwitabira gahunda ya *auto defence civile* bise: « Appel de détresse des ressortissants des zones sinistrées de Ruhengeri et de Byumba ». (Impuruza y'abakomoka mu duce twugarijwe twa Ruhengeri na Byumba). Abayishyizeho umukono ni: Charles Ndereyehe Ntahontuye, Jean-Bosco Bicamumpaka, Faustin Musekura, Phocas Kayinamura, Christophe Ndangali na Stanislas Sinibagiwe. Iyi nyandiko yanashyizweho umukono kandi na Perefe wa Ruhengeri Baliyanga Sylvestre n'uwa Byumba Bizimana Augustin. Iyi yandiko yasubiragamo inyandikomvugo y'inama yabereye i Kigali tariki ya 04 Werurwe 1993 yahuje benshi mu bakomoka muri Ruhengeri na Byuma na ba Perefe babo.

Muri iyo nyandiko, FPR yageretsweho ibibi byose ndetse inashishikariza gahunda ya 'auto-défense civile', ibi bikaba bisobanura ishyirwaho ry'igikoresho cyo kwica abo bitaga abanzi b'Igihugu, ni ukuvuga Umututsi aho ava akagera ndetse n'abatavuga rumwe n'ubutegetsi.

Mu rwego rwo kugira ngo Abahutu bo mu Majyaruguru bashyigikire uru rwango izi ntiti zakwirakwizaga, bagendeye ku ngaruka z'intambara, kuva mu byabo kw'abaturage, hanyuma babeshya ko FPR yarimo itegura Jenoside y'Abahutu. Iki kinyoma cyarakoze cyane mu guhindura imitekerereze y'abaturage kugira ngo

bagire uruhare mu gutsemba Abatutsi, cyane cyane mu bari barahungiye muri Nyacyonga, bagize uruhare runini muri Jenoside kuva muri Mata 1994.

Dore muri make iby'ingenzi bikubiye mu butumwa buri muri iyo nyandiko-mvugo :
«*FPR irashaka ku kiguzi icyo ari cyo cyose gufata ubutegetsi ikoresheje intwaro no komeka u Rwanda kuri Uganda mu rwego rwo gusohoza inzozi z'uburyarya za Museveni no kubaka ubwami bw'abami bw'aba Hamite mu karere ko hagati y'ibiyaga. Inkotanyi ni abasirikare ba Uganda. Ni Ubuganda bwaduteye. (…) Abanyaruhengeri n'Abanyabyumba baricuza kuba, kuva tariki ya 01 Ukwakira 1990, Guverinoma y'u Rwanda itarigeze yamagana uruhare rwa Uganda muri ibyo bibazo.*

*Abanyapolitiki, abategetsi n'abandi bagomba gufata ibyemezo bya ngombwa byose kugira ngo Abanyarwanda bumve uburemere bw'ibihe barimo kandi bumve ko barebwa no kurinda igihugu.*
*Ni ngombwa guhamagarira abaturage kwirinda no kwirwanaho mu rwego rwo kwizera ubusugire bw'Igihugu. (…) aha harimo harakorwa Jenoside ibuza abana bo muri Ruhengeri na Byumba gukomeza amasomo yabo kubera intambara. Iyi Jenoside mu by'ubwenge ntiyaramba*».

**Itsinda ry'intiti z'Abanyarwanda z'i Butare ryashyigikiye ingengabitekerezo ya Jenoside yabibwe n'ubutegetsi bwa Habyarimana**

Ku itariki ya 01 Werurwe 1993, itsinda ry'abantu bize ryitwa *Cercle des Intellectuels Rwandais* bakoraga i Butare ryasohoye itangazo rigenewe abanyamakuru ryamagana ibiganiro by'amahoro hagati ya Leta y'u Rwanda na FPR. Iryo tsinda ryashinzwe mu mpera z'umwaka w'1992 ryahuzaga abarimu ba Kaminuza, abanyeshuri, abashakashatsi n'abandi bakozi bo mu mirimo inyuranye mu Mujyi wa Butare.

Izo njijuke zavugaga ko ingabo z'Abafaransa zikwiye kuguma mu Rwanda kugira ngo u Bufaransa bukomeze guha ubufasha ubutegetsi bw'u Rwanda nta kindi bugendeyeho. Abagize iryo tsinda ntibemeraga na gato ko FPR yari igizwe n'Abanyarwanda, bakemeza ko ari Uganda yari yateye u Rwanda, muri make bahakana ubwenegihugu bw'abagize FPR.

Ku itariki ya 01 Werurwe 1993, bandikiye Perezida François Mitterrand bamusaba kugumisha abasirikare be mu Rwanda. Ibaruwa yashyizweho umukono n'abarimu bo muri Kaminuza 34, abakozi 30 ba Kaminuza, abashakashatsi n'abakozi 12 bo mu Kigo cy'Ubushakashatsi mu bya siyansi n'ikoranabuhanga (IRST), abarimu 14

bo ku rwunge rw’amashuri rwa Butare, abakozi 25 bo mu yindi myanya itandukanye mu Mujyi wa Butare n’abanyeshuri ba Kaminuza bakabakaba 300. Abenshi muri izo ntiti zagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994

**Minisitiri w’Intebe Nsengiyaremye Dismas yamaganye ikwirakwizwa ry’intwaro ntibyagira icyo bitanga**

Tariki ya 25 Werurwe 1993, Minisitiri w’Intebe, Dr Nsengiyaremye Dismas wari mu ishyaka rya MDR, yandikiye mugenzi we Minisitiri w’ingabo, Dr James Gasana, wari mu ishyaka rya MRND ryari ku butegetsi, yamagana ibikorwa byo gukwirakwiza imbunda mu baturage byari birimo gukorwa n’ubutegetsi hirya no hino mu gihugu muri gahunda y’ubwicanyi yari yariswe “*auto-defense civile*”. Iyo baruwa yari iya kabairi Dr Nsengiyaremye yanditse agaragaza impungege ku bikorwa byo gutegura ubwicanyi byakorwaga na MRND. Nk’uko yari yarigeze kubigaragaza mu ibaruwa yandikiye Minisitiri w’Ingabo, James Gasana, tariki ya 02 Gashyantare 1993 asaba ko gukora amalisiti y’abo Habyarimana yitaga ibyitso by’Inkotanyi bihagarara, nanone yamaganye igikorwa cyo gukwirakwiza imbunda mu baturage no kubaha amahugurwa ya gisirikare. Ayo mahugurwa yari agamije kwica Abatutsi.

Kuri uwo munsi nanone, Prudence Bushnell wari umunyamabanga wungirije wa Leta zunze Ubumwe za Amerika ushinzwe ibibazo bya Afurika, yahuye na Perezida Habyarimana i Kigali. Yamushyizeho igitutu ngo ashyireho mu buryo bwihuse Guverinoma y’inzibacyuho, anamubwira ko igihugu cye gihangayikishijwe no kubona ko ibikorwa by’urugomo bikorwa na Leta byiyongera mu Rwanda.Uwo munsi, Habyarimana yaburijemo irahira rya Guverinoma y’inzibacyuho.

Tariki ya 26 Werurwe 1994, Jenerali Romeo Dallaire yasabye Umuryango w’Abibumbye kugena uburyo bwo gutabara byihuse igihe byaba bibaye ngombwa. Nta gisubizo yabonye bikaba byerekana uburyo Umuryango w’Abibumbye wabaye ikigwari mu nshingano zawo zo gukumira Jenoside mu Rwanda.

**Ferdinand Nahimana yasabye abategetsi bo hejuru gukorana n’abo hasi mu gushishikariza abaturage gushyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi**

Tariki ya 28 Werurwe 1994, Nahimana Ferdinand yakwirakwije mu bategetsi bo hejuru igitekerezo cye cya “auto defense civile” cyari cyaratangajwe mbere muri Gashyantare 1993, asaba ko hatangwa ibitekerezo kugira ngo haboneke “igisubizo rurangiza” cy’ikibazo gihari. Muri iyo nyandiko yahamagariraga igihugu cyose gushyira hamwe, akanenga “ukwihuriza hamwe kw’Abatutsi” mu mugambi wabo wo gukora “ubwami bw’abami bw’Abahima” ndetse akanasaba abategetsi bo

hejuru kutaba ba ntibindeba ahubwo bagafatanya n’abayobozi bo hasi bagakangura abaturage bakamenya ibibi by’intambara.

**Ubufaransa bwakomeje gufasha Leta ya Habyarimana yateguraga Jenoside**

Tariki ya 2 Mata 1993, nyuma y’uko Minisitiri w’ingabo w’Ubufaransa François Léotard atangarije ko FPR “irimo kugenda isatira Kigali, yohereza imbere abasirikare bambaye imyenda isanzwe”, Minisitiri w’intebe Edouard Balladur, abishyigikiwemo na Perezida François Mitterrand, yafashe icyemezo cyo kongera abasirikare b’Ubufaransa mu Rwanda ndetse no gushimangira ubufatanye mu bya gisirikare.

Tariki ya 3 Mata 1993, Habyarimana yakiriye mu rugo iwe ambasaderi w’Ubufaransa mu Rwanda, Georges Martres, Colonel Bernard Cussac wari ushinzwe ibya gisirikare muri ambasade y’Ubufaransa mu Rwanda, Colonel Jean Jacques Maurin wari umujyanama w’umugaba mukuru w’ingabo z’u Rwanda hamwe na Michel Robardey kugira ngo abashimire inkunga Ubufaransa bwahaye u Rwanda mu guhangana n’igitero cya FPR cyo ku wa 8 gashyantare 1993 ubwo ingabo za FPR zotsaga igitutu ingabo za Leta ya Habyarimana zikagera mu mpinga ya Shyorongi.

Ubu bufasha Ubufaransa bwakomeje guha Leta y’u Rwanda bwagize ingaruka zo kumvisha iyi Leta ko yashoboraga gukomeza gutegura Jenoside nta nkomyi kubera ko yari ishyigikiwe n’igihugu gikomeye nk’Ubufaransa.

## 1.4. IBY’INGENZI BYARANZE ITEGURWA RYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MBERE Y’ITARIKI YA 7 MATA 1994

**Imyigaragambyo n’ubwicanyi by’Interahamwe n’Impuzamugambi mu Mujyi wa Kigali**

Ku itariki ya 8 Mutarama 1994, inzego z’iperereza z’Ububiligi zanditse inyandiko y’ibanga yerekana ko ku itariki ya 7 z’uko kwezi**,** hari inama yabereye ku cyicaro gikuru cya MRND yahuje Perezida wa MRND, Matayo Ngirumpatse; Minisitiri w’ingabo, Augustin Bizimana; umugaba mukuru w’ingabo, Jenerali Nsabimana Deogratias; umugaba mukuru wa Jandarumori, Jenerali Augustin Ndindiriyimana; Robert Kajuga, umuyobozi w’Interahamwe ku rwego rw’Igihugu n’abandi bajandarume bakuru n’abasirikare.

Muri iyi nama, hemejwe ko Guverinoma y'u Rwanda itagomba kwereka ingabo z'Umuryango w'Abibumbye zari mu Rwanda (MINUAR) aho intwaro za Leta zihishe, ko ahubwo bagomba kuzimura zikajyanwa kubikwa mu ngo z'abasirikare n'abajandarume bakuru, bibona muri MRND, kandi bashyigikiye Interahamwe. Bemeje ko bagomba gukora propaganda mu baturage yo kubangisha MINUAR cyane cyane abasirikare b'Ababiligi bari mu bayigize.

Iyi nama yakurikiwe n'imyigaragambyo mibi cyane ku itariki ya 8 Mutarama 1994 mu Mujyi wa Kigali yitabiriwe n'abayobozi ba Perefegitura y'Umujyi wa Kigali n'abasirikare bo mu mutwe wari ushinzwe kurinda Perezida Habyarimana bambaye imyenda ya gisivili. Bakoreye urugomo abantu benshi bakoresheje za gerenade, indembo n'ibindi bikoresho by'ubugome.

**Imenyekanishwa ry'itegurwa rya Jenoside mu Muryango w'Abibumbye**

Tariki 11 Mutarama 1994, umwe mu bayobozi bakomeye b'Interahamwe mu Mujyi wa Kigali witwaga Turatsinze Abubakar, alias Jean-Pierre, yabwiye mu ibanga Jenerali Romeo Dallaire wayoboraga ingabo za LONI mu Rwanda ko Interahamwe zamaze kwitegura kwica Abatutsi bagera ku bihumbi makumyabiri (20.000), ko zifite intwaro zirunze i Gikondo kwa Kabuga, ko lisiti z'Abatutsi zamaze gukorwa, ko kandi kuva MINUAR yagera mu Rwanda, Interahamwe zatojwe zigera ku 1700 ziyongera ku zindi nyinshi zari zisanzwe zarahawe imyitozo. Jenerali Dallaire yanditse inyandiko yihutirwa ayohereza Umuryango w'Abibumbye asaba uburengenzira bwo gufatira izo ntwaro no guhagarika ibikorwa by'itegurwa rya Jenoside.

Ku itariki ya 12 Mutarama 1994, Dallaire yahawe igisubizo cyasinyweho n'umwe mu bayobozi bakuru ba LONI witwa Liza Iqbar wari wungirije Koffi Annan wayoboraga icyo gihe serivisi ya LONI ishinzwe ibikorwa byo kubungabunga amahoro, abuza Dallaire kwinjiza MINUAR mu bikorwa byo gufatira intwaro. Iqbar yongeyeho ko icyo Dallaire yemerewe gukora ari ukuzabiganira na Perezida Habyarimana na ba Ambasaderi b'Ubufaransa, Ububiligi na Leta zunze Ubumwe za Amerika mu Rwanda. Dallaire yarekeye aho, Jenoside irinda ikorwa ihitana abaturage yari ashinzwe kurinda, byose bikorwa arebera.

**Kuwa 12 Mutarama 1994: Raporo y'Ambasaderi w'Ubufaransa mu Rwanda yerekanye ko u Rwanda rutegura Jenoside hakazicwa abarenga igihumbi (1000) ku isaha ya mbere**

Ambasaderi w'Ubufransa mu Rwanda Jean Michel Marlaud yanditse Telegramu yohereje Minisitiri w'ububanyi igaragaza uko ibintu byifashe mu Rwanda. Ambasaderi Marlaud yasobanuye ko yabonye amakuru y'ibanga ariko yizewe,

anafite ibimenyetso bifatika, bigaragaza ko hari umugambi (gahunda) yo kwica abantu mu gihugu. Ambasaderi Marlaud yavuze ko uwo mugambi uzabanzirizwa no gushotora ingabo za FPR ziri i Kigali kugira ngo batume nazo zirwanaho, hanyuma ibe impamvu yo kwica Abatutsi, bahereye mu bo mu Mujyi wa Kigali. Ambasaderi akongeraho ko Ingabo z'u Rwanda zateguye icyo gikorwa ku buryo hari Interahamwe 1700 ziri mu Mujyi wa Kigali zahawe imyitozo n'intwaro kugira ngo zizice Abatutsi, kandi zikaba zifite ubushobozi bwo kwica byibura abantu igihumbi (1000) mu isaha imwe ubwicanyi butangijwe.

**Kuwa 16 Mutarama 1994: Mitingi y'amashyaka ya *Hutu power* mu Mujyi wa Kigali yasabye kwirinda Abatutsi n'ababiligi hanatangirwa intwaro zo kwica Abatutsi**

Ku wa 16 Mutarama 1994, habaye mitingi yahuje abantu benshi bavuye mu Mujyi wa Kigali no mu nkengero zawo bo mu mashyaka ahuriye kuri Hutu power ibera kuri Stade régional i Nyamirambo. Muri iyo mitingi, Justin Mugenzi wari ukuriye igice cya Hutu power mu Ishyaka rya P.L. yafashe ijambo risaba kwirinda Abatutsi n'abasilikare b'Ababiligi bo muri MINUAR. Muri iyo Mitingi kandi hatangiwe intwaro nyinshi zahawe aba *Power* bose bo mu mashyaka ya MRND, CDR, MDR, PSD, PDC na PL. Iryo tangwa ry'intwaro ryari ryanemejwe ku itariki 15 Mutarama 1994 n'Ambasaderi w'Ububiligi wanditse ibarwa igenewe Minisitiri w'ububanyi n'amahanga w'Ububiligi imenyesha ko intwaro zikomeje guhabwa Interahamwe asaba ko MINUAR yagombye kwemererwa kuzifatira. Ibi ni nabyo General Dallaire wari ukuriye ingabo za MINUAR mu Rwanda yari yarandikiye Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi ku itariki 11 Mutarama 1994 asaba uburenganzira bwo kuzifata, ariko Koffi Annan wayoboraga serivisi zishinzwe MINUAR mu Rwanda yanga gutanga ubwo burenganzira.

**Iperereza ry'umusirikare mukuru w'Umubiligi wari mu ngabo za MINUAR ryagaragaje umugambi wa Jenoside mu Ngabo z'u Rwanda**

Ingabo z'Ababiligi zari muri MINUAR zari zifite umusilikare mukuru wakurikiranaga umunsi ku munsi ibibera mu Rwanda agakorera raporo ubuyobozi bwe. Raporo ya Sena y'Ububiligi yakozwe mu 1997 ku ruhare rw'Ububiligi muri Jenoside yakorewe Abatutsi yagaragaje ko uwari ubishinzwe witwaga Liyetona Nees yakoze raporo 29 hagati ya 19 Mutarama 1994 na 11 Werurwe 1994 mbere y'uko asimburwa na Liyetona De Cuyper. Amakuru yose yakusanywaga na Liyetona Nees yagezwaga kuri Etat major y'ingabo z'Ububiligi.

Raporo ya Sena y'Ububiligi yasomye kandi isesengura inyandiko za buri munsi zakozwe na Liyetona Nees ivuga ko yagiye agaragaza umunsi ku munsi ibimenyetso byerekana ko Leta y'u Rwanda yateguraga gushyira mu bikorwa

umugambi wo kumaraho Abatutsi. Liyetona Nees yasobanuye ko ubuyobozi bw’ingabo z’u Rwanda butari bushyigikiye imishyikirano y’amahoro y’Arusha ndetse ko yabonye n’urwandiko yahawe n’abasilikare bakuru b’ingabo z’u Rwanda zemezaga uwo murongo.

Aya makuru yanemejwe na Colonel Walter Balis wari umwe mu basilikare bakuru b’ingabo z’Ububiligi zari muri MINUAR, mu buhamya yahaye Sena y’Ububiligi mu 1997, yongera kuyashimangira mu buhamya yahaye Komisiyo Mucyo mu 2007.

**Inzego z’iperereza z’Ububiligi zatanze amakuru ku bufasha umutwe w’ingabo zishinzwe kurinda umukuru w’igihugu uha interahamwe.**

Tariki ya 2 Gashyantare 1994, Major Hock wo muri serivisi rusange z’iperereza n’umutekano mu Bubiligi yakoze raporo y’amapaji 13 yashyikirije abayobozi bakuru batandukanye b’Ububiligi by’umwihariko Jenerali Mertens wo mu ishami rya gisirikare ry’ibwami akaba n’umuyobozi w’ibiro bya Minisitiri w’ingabo aho muri iyo raporo avuga ku buryo burambuye uburyo Interahamwe zikora.

Iyo raporo itanga ingingo ku mugambi Interahamwe zari zifite wo gutangiza ikorwa rya Jenoside wari ugizwe n’amayeri atandukanye. Mbere na mbere kugaba ibitero ku basirikare b’Ababiligi bari muri MINUAR kugira ngo bitume batekereza kuva muri MINUR kugira ngo icike intege. Nanone kandi hari ukugaba ibitero ku Batutsi no ku barwanashyaka b’amashyaka atavuga rumwe na Leta. Iyi nyandiko igaragaza neza ko Interahamwe zari zifite ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa uwo mugambi uko wakabaye kubera ko zari zifite intwaro kandi zigafashwa n’igisirikare cy’u Rwanda, Jandarumori ndetse by’umwihariko umutwe w’ingabo zishinzwe kurinda umukuru w’igihugu.

**Abayobozi ba MINUAR bahaye ONU amakuru ko Habyarimana yanze gutanga umutekano w’abantu n’ibyabo.**

Tariki ya 2 Gashyantare 1994, umunsi wananditsweho raporo y’Ababiligi, intumwa yihariye y’Umunyamabanga Mukuru wa ONU mu Rwanda, Jacques Roger Booh-Booh, yohereje telegaramu i New York aho yavugaga ko Perezida Habyarimana ntacyo akora haba ku gukora iperereza ku bateje akaduruvayo mu gihugu cyangwa ku gushaka umutekano w’abantu n’ibyabo. Ubwo mu yandi magambo Booh-Booh yashakaga kuvuga ko Habyarimana ari we nkomoko y’ibibazo by’umutekano muke byashegeshaga igihugu, harimo n’imyiteguro yose ya jenoside.

Ku munsi wakurikiyeho, tariki ya 3 Gashyantare 1994, Jenerali Dallaire yohereje ubutumwa bwihutirwa mu nama ya ONU ishinzwe amahoro ku isi aho yatangaga amakuru ajya kuba amwe n'ayo Booh-Booh yari yatanze, asobanura neza ko hari ibyago by'uko haba ibitero bikoresheje intwaro ku matsinda ashingiye ku moko na politiki, mu yandi magambo byibasiye Abatutsi n'Abahutu batavuga rumwe na Leta.

Dallaire aha yavugaga ku buryo bugaragara ubwicanyi ndetse n'ibitero byashoboraga kugera ku birindiro bya MINUAR. Yagarutse cyane ku kuba buri munsi w'ubukererwe mu guha MINUAR uburenganzira bwo gufata intwaro, ari ugutuma ibintu birushaho kuba bibi, kandi intwaro nyinshi zigakomeza gukwirakwizwa. Dallaire yasoje atanga impuruza, aho yavugaga ko niba ibintu bikomeje bityo, MINUAR itari kuba igishoboye gukora ubutumwa bwayo bwo kurengera abari mu kaga.

ONU yahaye Dallaire igisubizo kidafashije ibuza MINUAR gufata intwaro ahubwo ko igomba gusaba abategetsi b'u Rwanda MINUAR ikabaherekeza muri iki gikorwa. Ibi byari ibintu bidashoboka kubera ko n'ubundi abo bategetsi b'u Rwanda ari bo batangaga izo ntwaro mu rwego rwo gutegura jenoside.

**Ambasaderi w'Ububiligi mu Rwanda yashimangiye ubwihutirwe bwo gufatira intwaro**

Raporo ya Sena y'Ububiligi yashyizwe ahagaragara mu 1997, yagaragaje ko Ambasaderi w'Ububiligi mu Rwanda, Johann Swinnen, ku itariki ya 3 Gashyantare 1994, yoherereje minisitiri we w'ububanyi n'amahanga ubutumwa bwihutirwa agaragaza ubushobozi buke bwa MINUAR ugereranyije n'uko ibintu byari bimeze. Nanone kandi Ambasaderi yasobanuraga ko hari ubwihutirwe bwo guhagarika ikwirakwizwa ry'intwaro no gusenya ububiko bwazo bwari buhari. Iyi raporo nanone igaragaza ko kuri uwo munsi, abayobozi bo mu buyobozi bukuru bw'ingabo z'ububiligi bamenyesheje minisiteri y'Ububanyi n'amahanga ko ibitero bikoresheje za gerenade byari bikomeje kugabwa muri Kigali bikaba byaragaragaye ko ari «igikorwa gihujwe neza».

**RTLM yakanguriye Abahutu kwanga Abatutsi n'Ababiligi bo muri MINUAR**

Ku itariki ya 27 Mutarama 1994, RTLM yanyujijeho ibiganiro bihamagarira Abahutu bose kwishyira hamwe bakarwana kugeza ku wa nyuma ngo kuko abasilikare b'Ababiligi ba MINUAR bari bafite umugambi wo gutanga igihugu bagiha Abatutsi. Ibyo biganiro byaje bikurikira inama yari yahuje abayobozi bakuru ba MRND barimo umunyamabanga mukuru wayo, Joseph Nzirorera, visi Perezida Edouard Karemera, Jean Pierre Habyarimana(umuhungu wa Perezida

Habyarimana) na Robert Kajuga wayoboraga Interahamwe ku rwego rw'igihugu ; bakaba baremeje muri iyo nama gahunda yo gucengeza mu Nterahamwe amatwara yo kurwanya abasilikare b'Ababiligi bo muri MINUAR. Hatanzwe n'amabwiriza ko Interahamwe zitagomba kuzongera gukurikiza amabwiriza atanzwe n'ingabo za MINUAR z'Ababiligi, zikitegura guhangana nabo no kubangisha abaturage ku buryo bushoboka.

Byari bigamije ko izo ngabo ziva muri MINUAR kugira ngo hatagira ikibangamira ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside, bikorwe nta ngabo z'abanyamahanga zihari zashobora kurwanya gisirikare ingabo z'u Rwanda no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi.

**Gukoresha itangazamakuru mu kubiba urwango ku Batutsi bitwaga ibyitso by'Inkotanyi**

Itsinda ryamenyekanye cyane mu iharabikwa n'itotezwa bazizwa urugamba rwo kubohora igihugu rwatangijwe n'Inkotanyi ni iryitiriwe Munyambaraga Narcisse, wari umuyobozi mukuru w'amaposita mu Rwanda, waregwaga ibinyoma mpimbano birimo kuba ari we washyirwaga ku isonga ry'agatsiko kitirirwaga kuba karagambaniye Igihugu. Nyamara Leta yaramubeshyeraga yaba we ubwe cyangwa se bagenzi be bashinjwaga hamwe na we.

Munyambaraga na bagenzi be bari bafite dosiye nomero RMP SE.177. PROGERAL. Dosiye yabo igaragaza ko bari bakurikiranyweho ibyaha bitatu: icyaha cyo kuba icyitso cy'ubugambanyi bwo kurwanya ukoresheje intwaro Repubulika y'u Rwanda, icyo kugirana umubano w'ubugome n'Inkotanyi bagambiriye gushyigikira intambara n'ibitero birwanya Repubulika y'u Rwanda n'icy'ubugambanyi bugamije kugirira nabi ubutegetsi buriho n'ingingo z'imena z'Itegeko Nshinga bakoresheje iterabwoba rikomeye n'intambara. Ibyo byose byari ibihimbano bigamije kubatesha agaciro kuko ari Abatutsi.

Aba bantu baraharabitswe bikomeye hifashishijwe itangazamakuru rya Leta. Imvaho N° 897 yo ku wa 28 Mutarama-3 Gashyantare 1991, mu nyandiko ya Gahigi Gaspard na Habimana Kantano yanditse kuri urwo rubanza rwa Narcisse Munyambaraga na bagenzi be mu nyandiko bise "*Munyambaraga na bagenzi be basabiwe urwo gupfa*". Isesengura ry'iyi nyandiko rigaragaza kuba abaregwa batarahawe uburenganzira bwo kwiregura nk'uko amategeko abiteganya. Habayeho urubanza rwa nyirarureshwa, abaregwa bahamijwe icyaha mbere y'urubanza kandi bahatirwa kucyemera byanze bikunze. Ndetse n'abababuraniye biswe abagambanyi kandi amategeko yaremeraga ko abunganizi babaho, bakanakora akazi kabo nta mbogamizi.

Iyo nyandiko yanongeragaho agashinyaguro ku baregwa ivuga ko gereza nkuru ya Kigali bitaga *1930* bafungiwemo, ngo yari ishuri ribigisha kumenya kuburana. Nyamara iyo gereza ntibanayitinzemo kuko bajyanywe gufungirwa muri kasho ya gereza ya Ruhengeri bitaga *Special* kubera iyicarubozo ryayikorerwagamo, kandi nta n'umwe mu bari bafunze wari wemerewe kubonana n'undi. Buri wese yafungiwe mu kumba ke bwite k'imfunganwa kandi ntibagasohokagamo.

Gahigi Gaspard na Habimana Kantano basoza batanga umwanzuro n'iherezo ry'urwo rubanza rwa nyirarureshwa bavuga ngo: "(…) *Hari abaturage bumva ko ababurana bose ari ukubatera igihe, ko bakwiye gupfa gusa*." Birumvikana ko abaregwa bari bamaze gukatirwa urwo kwicwa na mbere yo kuburana.

Twibutse ko aba banyamakuru bombi babaye abicanyi ruharwa muri jenoside yakorewe Abatutsi, bakoresheje ibiganiro batangaga kuri RTLM bihamagarira Abahutu kumaraho Abatutsi hose mu gihugu, ndetse no kwica uwo ariwe wese warwanyaga umugambi wa Jenoside. Bari baravuye kuri Radio Rwanda bakorera Radiyo rutwitsi RTLM. By'umwihariko, Gaspard Gahigi yanakoreye ikinyamakuru *Umurwanashyaka* cya MRND, akaba yari ari no muri Komite nyobozi y'Ishyaka rya MRND ku rwego rw'igihugu ahagagarariye Perefegitura ya Byumba.

**Ububiligi bwamenyesheje Umuryango w'Abibumbye ko ubutegetsi bw'u Rwanda buteganya ubwicanyi ndengakamere bunasaba ko MINUAR irushaho gucunga umutekano**

Tariki11/02/1994,Minisitiri w'ububanyi n'amahanga w'Ububiligi Bwana Willy Claesyatangarije Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye, Boutros-Boutros Ghali ko abategetsi bakuru b'u Rwanda bamwemereye ko mu Rwanda hari ibibazo bya politiki byatumaga inzego z'inzibacyuho zateganywaga n'amasezerano y'amahoro y'Arusha zitajyaho, ko kandi kudashyiraho izi nzego bizatera ubwicanyi buremereye mu gihugu. Minisitiri Willy Claes yasabye Boutros-Boutros Ghali kubwita intumwa yari ihagarariye Umuryango w'Abibumbye mu Rwanda, Bwana Jacques Roger Booh-Booh, gusaba ingabo za MINUAR kongera imicungire y'umutekano ku baturage.

Tariki 14 Gashyantare 1994, Ambasaderi w'Ububiligi mu Muryango w'Abibumbye yamenyesheje ko Ubunyamabanga bukuru bw'Umuryango w'Abibumbye butakiriye neza inama yatanzwe n'Ububiligi ngo kubera ko Jenerali Dallaire atari yongeye gusaba muri iyo minsi ko MINUAR yongererwa ubushobozi nk'uko yari yarabisabye mbere. Umuryango w'Abibumbye wongeyeho ko ubutegetsi bw'u Rwanda bugaragaza ubushake bwiza kuko ngo bwari bwemeye ko

Jenerali Dallaire yafatanya nabwo mu gusaka no gufatira intwaro zari mu Nterahamwe. Nyamara ibyo byari amagambo gusa kuko nta ntwaro zigeze zisakwa mu Nterahamwe ngo zifatirwe n'ubutegetsi bw'u Rwanda cyangwa se na MINUAR.

**Igisirikare cy'u Rwanda cyahamagariye ingabo zacyo kwitegura gukora Jenoside**

Ku itariki ya 17 Gashyantare 1994 inyandiko ifite n° 17 yo muri serivisi z'ubutasi z'Ububiligi itanga amakuru agaragaza ko umugaba mukuru w'ingabo z'U Rwanda, Jenerali Déogratias Nsabimana, yari yarateguje imitwe y'ingabo harimo n'abajandarume, kwitegura igikorwa gikomeye. Jenerali Nsabimana, muri icyo gihe yanasabye ko abasirikare n'abajandarume bagiye mu mpushya cyangwa mu kiruhuko basubira mu bigo byabo bihuse mu buryo bwose bushoboka. Yasabye kandi ko hakorwa igenzurwa mu bubiko bw'intwaro, amasasu n'ibindi bikoresho by'intambara ndetse anasaba ko hakwinjizwa abandi basirikare bashya mu rwego rwo kongera umubare w'ingabo. Izi ngamba zose zafashwe amezi abiri mbere ya Jenoside zari zigamije gutegura Jenoside abazayikora n'ibikoresho byagombabaga kwifashishwa, igihe amabwiriza yo kuyitangira azatangirwa.

**Perezida Habyarimana yamenyesheje umugambi wa jenoside abayobozi ba jandarumori**

Tariki ya 17 Gashyantare 1994, Perezida Habyarimana yayoboye inama y'abayobozi bakuru ba jandarumori y'igihugu yayoborwaga na Jenerali Augustin Ndindiriyimana. Bimwe mu byayivugiwemo, harimo inzitizi ku gushyiraho inzego z'inzibacyuho no kuba intambara ishobora kubura. Habyarimana yabibamenyesheje muri aya : *« FPR iramutse itangiye intambara, dufite umushinga wo kwita ku byitso byayo».* Aya magambo ya Habyarimana yarumvikanaga, kwica Abatutsi byafatwaga nk'umushinga wa Leta, ibyo bikaba byarahaga abajandarume bari bashinzwe umutekano kwirara mu Batutsi igihe ubutegetsi bwari kubabwira kubutangira.

**Serivisi z'ubutasi z'Ubufaransa zemeje ko ingabo z'u Rwanda zishe abaturage 300**

Tariki 18 Gashyantare 1994, ubuyobozi bukuru bw'ubutasi bwo hanze muri serivisi z'ubutasi mu Bufaransa (DGSE) bwanditse inyandiko y'ibanga igaragaza ko habayeho ubwicanyi bushingiye ku moko, hakicwa abantu 300 bishwe n'ingabo z'u Rwanda. Iyo nyandiko ivuga ko ubwo bwicanyi bwari mu mugambi wo gutsemba Abatutsi: *« Ni kimwe mu biikorwa bigize umugambi wo gutsemba ubwoko bw'Abatutsi ».*

Ku munsi wakurikiyeho, tariki, 19 Gashyantare 1994, Jenerali Christian Quesnot, umugaba mukuru w'ingabo wihariye wa Perezida Mitterrand hamwe na Dominique Pin, wari wungirije umuyobozi w'ishami rishinzwe Afurika mu biro bya Perezida w'Ubufaransa, bashyikirije Perezida Mitterrand ibitekerezo bibiri by'ingenzi ku birebana n'u Rwanda :

Igitekerezo cya mbere cyari ugucyura abaturage b'Abafaransa, gucyura abasirikare bo muri operasiyo Noroît, ariko Quesnot na Pin ntibari bashyigikiye iki gitekerezo, bagiriye inama Perezida Mitterrand kutagishyigikira : *« Kwaba ari ugutsindwa muri politiki yacu ku Rwanda. No gutakaza icyizere dufitiwe ku mugabanae w'Afurika»*.

Igitekerezo cya kabiri ni icyo batekereza igihe FPR yaramuka ifashe Kigali : bavugaga ko FPR ifashe Kigali ubwicanyi bushingiye ku moko bwakaza umurego, bityo Ubufaransa bukaba bukwiye kongera imbaraga kurusha ibindi bihe byose mu gufasha ubutegetsi bwa Kigali kugira ngo FPR idafata Kigali.
Iki na none ni ikimenyetso kigaraza ko Ubufaransa bwari buzi neza ko ubutegetsi bwa Habyarimana bwateguraga jenoside, ariko bugatsimbarara ku bushake bwabwo bwo kubufasha ntacyo bwitayeho.

**Ikinyamakuru Kangura cyerekanye bumwe mu buryo Jenoside izakorwamo**

Ikinyamakuru Kangura cyo mu kwezi kwa Gashyantare 1994 cyasohoye igishushanyo kigaragaza Minisitiri w'Intebe Nyakwigendera Agata Uwilingiyimana na Minisitiri w'imari Bwana Marc Rugenera bashyizwe mu gishushanyo kibagereranya n'imbeba. Bombi bari bibasiwe kubera ko bari mu mashyaka ya MDR na PSD mu gice kitari icya Hutu Power cy'intagondwa z'Abahutu zari mu mugambi wa Jenoside.

Icyo gishushanyo kandi cyerekanaga umugabo wari witeguye gukubita abo bayobozi bombi akoresheje ubuhiri burimo imisumari bitaga *Ntampongano y'umwanzi*, avuga ko nta mpuhwe abanzi bagomba kugirirwa. Ntampongano y'umwanzi ni kimwe mu bikoresho byifashishijwe cyane n'abicanyi mu kwica urubozo abakorerwaga Jenoside.

**Umugaba mukuru w'ingabo z'u Rwanda, Jenerali Déogratias Nsabimana yeretse mubyara we Jean Birara urutonde rw'abantu bagomba kwicwa**

Tariki ya 20 Gashyantare 1994, mu gihe hagaragaraga ibikorwa binyuranye bitegura jenoside, umugaba mukuru w'ingabo z'u Rwanda, Jenerali Nsabimana Déogratias, yeretse mubyara we Birara Jean Berchmas wahoze ari Guverineri wa

Banki nkuru y'Igihugu, urutonde rugaragaza amazina y'abantu 1500 bagombaga kwicwa. Mu kinyamakuru cyo mu Bubiligi cyo kuwa 24 Gicurasi 1994, Birara ahamya ko aya makuru yayagejeje ku ntumwa z'ibihugu by'iburayi zari mu Rwanda, by'umwihariko Ambasade y'Ububiligi. Ku ruhande rwe, uwari ambasaderi w'ububiligi mu Rwanda icyo gihe, Johann Swinnen, yemeje aya makuru ubwo yabazwaga na Sena y'Ububiligi mu 1997.

**Agenda ya Colonel Bagosora yo muri 1994 yagaragaje imyiteguro ya Jenoside**

Kuwa 21 Gashyantare 1994, Bagosora yanditse muri ajenda ye (yabonywe mu ishyinguranyandiko rye i Kigali) ubwihutirwe bwo « gukora urutonde rw'abasezerewe mu ngabo » bagombaga gusubizwa mu gisirikare. Muri icyo gihe kandi raporo za MINUAR zagaragazaga ko hari umugambi wateguwe n'agatsiko k'abicanyi ugamije gutsemba Abatutsi no kwica abatavuga rumwe na Leta bakomeye. Hirya no hino mu gihugu havugwaga ubwicanyi bwibasiraga Abatutsi. Ubwo bwicanyi bwakorwaga n'abasirikari, Interahamwe za MRND hamwe n'Impuzamugambi za CDR. Tariki ya 19/2/1993 abasirikari b'u Rwanda bishe abantu batanu muri Komini Tumba. Hagati y'itariki ya 20 na 22/2/1994 habaye imvururu zikomeye muri Kigali zikorwa n'Interahamwe na CDR, ubwicanyi burakomeza muri Gisenyi, Ruhengeri Kibuye na Byumba, hicwa umubare munini w'Abatutsi.

**Ishingwa rya *Hutu Power* mu mashyaka ya MRND, MDR, PSD na PL**

Ku wa 25 Gashyantare 1994, habaye inama ikomeye y'abayobozi b'Interahamwe iyobowe na Perezida wazo ku rwego rw'igihugu, Kajuga Robert ; hafatiwemo umwanzuro wo gukebura Interahamwe zose ko zigomba kwitondera Abatutsi, cyane cyane abo mu Mujyi wa Kigali kuko bo lisiti zabo zari zihari no kwitegura gutangira ibikorwa igihe icyo ari cyo cyose bakoresheje intwaro zikomeye cyangwa ibindi bikoresho. Undi mwanzuro wari uwo gukorana n'impuzamugambi za CDR n'abandi banyamuryango ba Hutu power bo mu mashyaka akomeye y'icyo gihe nka MDR, PSD na PL.

Uku guhuza ingufu byaje byiyongera ku ngufu z'amashyaka yari mu kwaha kwa MRND ari yo PECO (ishyaka ryita kubidukikije), PDI (Ishyaka rya Kiyisilamu riharanira demokarasi), PADER (ishyaka nyarwanda riharanira demokarasi), RTD (Ihuriro ry'abakozi baharanira demokarasi), MFBP (Muvoma y'abagore na rubanda rugufi) na PPJR (ishyaka riharanira iterambere ry'urubyiruko rw'u Rwanda).

Kuri iyi tariki, Ishyirahamwe ry'Abakorerabushake b'Amahoro, (AVP), umuryango nyarwanda uharanira uburenganzira bwa muntu ryasohoye itangazo ryamagana ko hari umugambi w'ubwicanyi, kubiba urwango kwakorwaga na radiyo RTLM. Ryanakoze urutonde rw'abahitanywe n'ibikorwa by'urugomo byakozwe n'ubutegetsi bwariho icyo gihe, cyane cyane mu Mujyi wa Kigali rinahamagarira MINUAR guhagarika ubwo bwicanyi bwakorwaga na Leta.

Tariki ya 27/2/1994, kuri hoteli Rebero L'Horizon habereye inama yahuje abayobozi b'Interahamwe, yitabirwa na Michel Bagaragaza, Joseph Nzirorera, Augustin Ngirabatware, Claver Mvuyekure, Pasteur Musabe, Seraphin Rwabukumba na Kajuga Robert. Iyo nama yemeje ko bagiye gushaka amafaranga yo gushyigikira Umutwe ugomba gutsemba Abatutsi.

**Gukomeza kugura intwaro binyuranyije n'icyemezo cya LONI**

Kuwa 27 Gashyantare 1994, inyandiko yo mu biro by'ubutasi bw'ububiligi yagaragazaga uruhererekane rw'intwaro zigenewe ingabo z'u Rwanda n'Interahamwe, hirengagijwe ikomanyirizwa ry'intwaro u Rwanda rwari rwarashyiriweho n'akanama ka Loni gashinzwe amahoro ku isi. Amakuru agaragaza ko izo ntwaro u Rwanda rwari rwaraziguze na UNITA (Inyeshyamba zo muri Angola), zigacishwa mu kigo cya gisirikare cya Kamina muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo (RDC), icyo gihe yitwaga Zaîre, nyuma zikazanwa ku kibuga cy'indege cya Goma nyuma zigashyikirizwa ingabo z'u Rwanda ziciye ku mupaka wa Gisenyi. Mu by'ukuri mu buryo butandukanye bunyuranyije n'amategeko, intwaro zakoreshejwe mu gukora Jenoside, zakomeje guhabwa abicanyi n'ubwo MINUAR yari ihari kandi n'izo nzira zacishwagamo intwaro rwihishwa zizwi n'ibihugu bikomeye by'Uburayi na Amerika.

Kuri uyu munsi kandi, Jenerali Dallaire yongeye gusaba ububasha bwo gufatira intwaro agaragaza impungenge zikomeye z'intambara y'abaturage. LONI yamwibukije ko inshingano ze zagarukiraga gusa ku kugenzura ishyirwaho ry'inzego z'inzibacyuho.

Hagati ya tariki 25-28 Gashyantare 1994, ibikorwa byeruye by'urugomo byibasiye Abatutsi byatumye bahungira mu nsengero no ku bakozi ba MINUAR. Ni muri urwo rwego MINUAR yafunguye ahantu 2 ho kubakira, iruhande rwa Sitade Amahoro, no mu bubiko bwa MAGERWA i Gikondo.

**Gukaza umurego ku itegurwa rya Jenoside mu maso ya MINUAR**

Raporo za ambasade z'ibihugu by'amahanga zakoreraga mu Rwanda mu 1994, zigaragaza uruhererekane rw'ibikorwa byinshi bishishikariza abantu Jenoside ku buryo buziguye muri Werurwe 1994. Urugero ni inyandiko y'ubutumwa bwihuse (télex) yo ku itariki ya 01 Werurwe 1994 ambasaderi Johann Swinnen w'Ububiligi mu Rwanda yohererereje abayobozi b'Ububiligi yagaragazaga ko RTLM itangaza *"amagambo akongeza urwango ndetse no gutsemba igice kimwe cy'abaturage"*.

Inyandiko ya serivisi z'ubutasi z'ububiligi yo ku itariki ya 02 Werurwe 1994 ivuga ko umwe mu bari bashinzwe gutanga amakuru muri MRND yabwiye abayobozi b'Ububiligi ko MRND yari yarateguye umugambi wo gutsemba Abatutsi bose Kigali mu gihe icyo ari cyo cyose FPR yaba itarahagarika intambara. Uyu muntu yavuze neza ko "ibintu biramutse bigenze nabi, Abahutu bazabica nta mpuhwe [Abatutsi]" yongeraho ko *"ivangura rishingiye ku Turere nta rikiriho kandi n'ishyaka n'umurava by'ingabo ntibyigeze byiyongera"*.

Ku itariki ya 03 Werurwe 1994 Majoro Podevijn wo muri MINUAR yabwiye Dallaire ko intwaro zakwirakwijwe mu nterahamwe mu gace ka Gikondo, hamwe mu hari higanje cyane abayoboke ba CDR. Ku itariki 10 Werurwe, MINUAR yavumbuye intwaro nini nyinshi zari zigenewe ingabo z'u Rwanda itangaza ko hariho kwinjiza cyane urubyiruko mu gisirikare no mu mitwe yitwara gisirikare. Dallaire yasabye Umuryango w'Abibumbye uburenganzira bwo gufata izo ntwaro kandi anasaba ko Ubutumwa bw'Amahoro mu Rwanda bwakongererwa ingufu, ariko nta gisubizo kizima yabonye.

**Imiryango Mpuzamahanga irengera ikiremwa muntu yamaganye ubwicanyi bwakorwaga na Leta ya Habyarimana**

Tariki ya 15 Werurwe 1994, Komisiyo Mpuzamahanga ihuje imiryango irengera ikiremwa muntu, ariyo « Human Rights Watch, Fédération Internationale des Ligues des Droits de l'Homme, Centre International des Droits de la Personne et du Développement démocratique, Union interafricaine des Droits de l'Homme et des Peuples », ifatanyije n'umuryango « Amnesty International » basohoye itangazo bagaragaza ko ubwicanyi bwiyongereye mu Rwanda kandi ko intwaro zahabwaga abaturage ku mugaragaro. Iryo tangazo ryanagaragaje ko MRND ifite uruhare mu gukerereza gushyiraho inzego z'inzibacyuho, aho yashakishaga impamvu zose ayo masezerano yaburiramo, inasaba ko abagize uruhare mu bwicanyi batakurikiranwa.

**Leta ya Habyarimana yakomeje gutegura intambara na Jenoside**

Tariki ya 10 werurwe 1994, MINUAR yaguye ku rutonde rw'intwaro nini zari zigenewe ingabo za Habyarimana. Kuri iyo tariki inzego z'ubutasi z'Ububiligi zavuze ko intwaro zakomezaga kwiyongera, umubare w'abasirikari nawo ariko wiyongera. Dallaire wayoboraga ingabo za Loni yasabye uburenganzira bwo gufata izo ntwaro mu mujyi wa Kigali, umunyamabanga mukuru wa Loni aramwangira. Ibyo byemejwe na Minisitiri w'Ingabo w'Ububirigi ubwo yari avuye mu Rwanda, yavuze ko Kigali yuzuyemo intwaro, bikaba byari binyuranyije n'amasezerano y'amahoro y'Arusha. MINUAR yagerageje gufatira intwaro zari zigenewe abasirikari b'u Rwanda zari zoherejwe na sosiyete y'Abongereza Mil-Tec n'iy'Abafaransa yitwa Dyl-Invest.

Nta gushidikanya ko Habyarimana atari ashishikajwe n'amasezerano y'amahoro y'Arusha, kuko ukwiyongera kw'intwaro mu gihugu no mu baturage nta kindi byari bigamije uretse gutsemba Abatutsi n'abageragezaga kuburizamo uwo mugambi. Ubufaransa bwo bwakomeje gushyigikira Leta ya Habyarimana buyisabira kongererwa intwaro n'abasirikari bo kuyirwanirira.

Tariki ya 11 Weurwe 1992, Diregiteri ushinzwe Afurika na Madagascar muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga y'Ubufaransa, Paul Jihoud, yagiriye inama Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga Roland Dumas yo kongera ibikoresho bya gisirikare Ubufaransa bugenera u Rwanda, no kohereza Ubuyobozi bw'ingabo z'u Rwanda umujyanama wa gisirikare mukuru.

**Leta ya Habyarimana yajujubije ingabo z'Ababiligi zari muri MINUAR yifuza ko zitaha kugira ngo Jenoside izayorohere**

Tariki 22Werurwe 1994, Georges Ruggiu, intagondwa y'umunyamakuru wakoreraga radio RTLM, yatangaje kuri iyo radio abeshya ko « *Ababiligi bashakaga gushyiraho Leta mu Rwanda iyobowe na FPR-Inkotanyi igizwe n'amabandi n'abicanyi, ko kandi Ambasaderi w'Ububiligi mu Rwanda yari yarateguye gukuraho ubutegetsi bwa Habyarimana* ».

Inkuru nk'izi z'ibinyoma zanyuzwaga kuri RTLM no kuri Radio Rwanda zari mu mugambi wa Jenoside wo kugira ngo ingabo z'ababiligi zive mu Rwanda, bityo MINUAR ibure abasilikare bafite ibikoresho n'ubuzobere kuko ingabo z'Ububiligi arizo zari zikomeye muri MINUAR.

Leta ya Habyarimana yakoresheje ubwo buryo igamije kuzabona uko irimbura Abatutsi nta gihamya. Ikindi nuko Ububirigi bwari bwaratangiye kwamagana

ubwicanyi bwakorwaga na Habyarimana no kwamagana imyitwarire ya Habyarimana utarashakaga ko amasezerano y’amahoro y’Amahoro y’Arusha.

Ruggiu yahamagaririraga Ababiligi gukanguka no gusubira mu gihugu cyabo, akavuga ko bidakozwe bazahura n’intambara “*itarimo impuhwe*” ndetse n’“*urwango rukabije*”.

**Habyarimana yatesheje agaciro Amasezerano y’Amahoro**

MINUAR yagaragaje ko muri Werurwe 1994, intwaro nyinshi zari zaravanywe rwihishwa mu bubiko bwazo i Kanombe MINUAR itabizi maze zigakwirakwizwa mu bigo bya gisirikare bitandukanye mu Gihugu, cyane cyane i Gitarama. Icyo gikorwa cyo gukwirakwiza intwaro mu bigo bya gisirikari byari ugetegura intambara yo kuburizamo amasezerano y'amahoro y’Arusha no gukwirakwiza mu gihugu ibikoresho bya Jenoside.

Umusirikari w’Umubiligi ufite ipeti rya Ajida, Benoit Daubie wari ushinzwe ibyo gusana intwaro mu Kigo cya Gisirikare cya Kanombe yahaye Ubushinjacyaha bwa Gisirikare bw’u Bubiligi ubuhamya bukurikira :

« *Nabashije kugera ku bubiko bwose bw’intwaro i Kanombe mbere y’ihanuka ry’indege (…). Igice kinini cy’ububiko cyari cyambaye ubusa. Ubishyize mu mibare, intwaro zari zakuwemo ni nyinshi. Nafata urugero rw’itangwa ry’ibisasu 1000 bikoreshwa n’imbunda nini yo mu bwoko bwa 120 i Gitarama. Mu bubiko hasigayemo nka 20 ku ijana (20%) by’intwaro. Ibi byabaye hasigaye ukwezi kumwe mbere y’ihanuka ry’indege ya Habrimana kandi kuzitwara byafashe icyumweru cyose. Umusirikari mu ngabo z’Urwanda wari ufite ipeti rya liyetona yambwiye ko byari mu rwego rwo kwitegura igitero cya FPR-Inkotanyi. Ariko ku bwanjye ntekereza ko byari uburyo bwo kuzihisha abagenzuzi b’Umuryango w’Abibumbye. Nzi neza ko imibare yatangwaga n’ubuyobozi bw’ingabo z’u Rwanda itari yo kuko birengagizaga intwaro zari zaratanzwe mu kivunge. Bagaragazaga ibiri mu bubiko busa n’aho bwambaye ubusa. Itwarwa ry’intwaro ryakorwaga ahanini mu masaha y’ijoro nk’uko nabibwiwe na mugenzi wanjye w’Umudage* ».

Aya mayeri yo guhisha intwaro MINUAR yari agamije kubuza MINUAR kugenzura ikoreshwa ryazo kugira ngo ingabo z’u Rwanda zizabone uko zizikoresha mu bwicanyi aho MINUAR itashoboraga gukumira ibyo bikorwa kuko igice kinini cya manda yayo cyayisabaga kwibanda mu Mujyi wa Kigali.

**Minisitiri w'ingabo n'abasirikare bakuru b'u Rwanda bamenyesheje MINUAR ko hazakorwa Jenoside**

Liyetona Koloneli Beaudouin Jacques-Albert, Umwunganizi mu bya tekiniki w'Umubiligi wari Umujyanama wa Jenerali Kabiligi Gratien G3 mu buyobozi bukuru bw'ingabo z'u Rwanda (FAR) yumviswe n'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare bw'u Bubiligi ku itariki 5 Gicurasi 1994 mu iperereza ryabwo ku iyicwa ry'abasirikare ba MINUAR b'Ababiligi. Yagaragaje ko Minisitiri w'Ingabo w'u Rwanda, Augustin Bizimana, yari yaravuze ko hagombaga kubaho Jenoside mu gihe FPR idahagaritse intambara.

Dore ubuhamya bwe: "*Ukwezi kumwe cyangwa abiri mbere y'ihanuka ry'indege nagiye mu mugoroba wo gusabana kwa Jenerali Nsabimana hamwe na Ambasaderi w'u Bubiligi, Colonel Vincent [wari ukuriye ubutwererane bw'u Bubiligi n'u Rwanda mu bya gisirikare], Colonel Marshal (MINUAR), Colonel Le Roy, Perezida Habyarimana, Bizimana (MINADEF) n'abandi basirikare bakuru b'Abanyarwanda. Nyuma yo gusangira Champagne, Augustin Bizimana yambwiye ko yiteguye kugaba abasirikare be niba FPR itemeye guhagarika intambara. Iminsi 10 mbere y'ihanuka ry'indege, uwa gatanu wa nyuma wa Werurwe, Colonel Vincent (ukuriye ubutwererane bwa gisirikare hagati y'u Rwanda n'u Bubiligi) yatumiye iwe mu rugo Jenerali Nsabimana na Colonel Kabiligi G3. Na none muri iyi nama bongeye gushimangira ko amasezerano y'amahoro ya Arusha atashoboraga gushyirwa mu bikorwa, ko kandi nibakomeza guhatirwa iby'amasezerano y'amahoro ya Arusha, bizaborohera gutsemba FPR kandi ko ibyo bitagombaga gutwara igihe kirenze iminsi 15. Babivugaga babyemera batyo*."

**Abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda basabye Habyarimana kubahiriza Amasezerano y'Amahoro arabyangira ku bushake**

Tariki ya 28 Werurwe 1994, Habyarimana yongeye kuburizamo ishyirwaho rya guverinoma y'inzibacyuho.

Kuri uwo munsi, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda bahuriye ku biro bya ambasade y'Ubufaransa mu Rwanda baganira ku ishyirwa mubikorwa ry'amasezerano y'amahoro yashyizweho umukono na Jacques Roger Booh-Booh, intumwa ya Papa mu Rwanda ndetse na ba ambasaderi b'Ubufaransa, Leta zunze Ubumwe za Amerika, Ububiligi, Ubudage, Tanzaniya, Zayire,Uganda na Burundi.

Aba bashyize umukono kuri aya masezerano basabye impande zombi gukemura ibyo batumvikanaho no kubahiriza amasezerano. Basabye ko amashyaka yose ya politiki yose yemewe mu Rwanda mu gihe hasinywaga agace k'amasezerano kerekeye kugabana ubutegetsi ndetse na FPR yahagararirwa mu nzego

z'inzibacyuho. Ibyo basabye ntabwo PerezidaHabyarimana yigeze ibyitaho, ahubwo ikomeza gutegura Jenoside no kuburizamo amasezerano y'amahoro.

**Jenerali Deogratias Nsabimana yayoboye inama rurangiza yo kunoza ishyirwa mu bikorwa ry'umugambi wa Jenoside**

Ku itariki 29 werurwe 1994, Jenerali Deogratias Nsabimana wari umugaba mukuru w'ingabo z'u Rwanda, yakoresheje inama yo kunoza imikorere y'ibikorwa bya "auto-defense civile" byari bigamije gushishikariza abaturage kwica Abatutsi. Muri iyo nama yateraniyemo abayobozi b'Umujyi wa Kigali, aba gisilikare, abo mu mashyaka ya Hutu power, Impuzamugambi n'Interahamwe, hatanzwe intwaro z'inyongera zagombaga gushyikirizwa abicanyi mu gihe cya vuba.

Ikorwa ry'iyo nama y'ibanga ryatangajwe muri raporo y'Abadepite b'Abafransa bari bayobowe na Paul Quiles muri 1998 aho batangaje ko iyo nama yabaye mu ibanga rikomeye, kandi abafransa bakaba bayifitiye inyandikomvugo. Iyo raporo y'Abadepite b'Abafransa yibutsa ko itangwa ry'intwaro mu Nterahamwe ryagaragajwe kuva ku itariki 22 mutarama 1992 muri telegramu yoherejwe na Colonel Bernard Cussac wari umukozi mukuru muri Ambassade y'Ubufransa i Kigali akuriye ubutwererane mu bya gisilikare hagati y'Ubufransa n'u Rwanda.
Muri iyo Telegramu, Colonel Cussac yavugaga ko itangwa ry'izo ntwaro ryayobowe na Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu w'u Rwanda, bikorerwa muri Perefegitura zo mu Majyaruguru y'Igihugu, Gisenyi, Ruhengeri na Byumba, zigahabwa abasore n'abagabo batoranyijwe n'abategetsi kandi abahawe intwaro bakigishwa kuzikoresha n'abasilikare b'u Rwanda. Ahereye kuri ibyo, Colonel Cussac yemeje ko hariho ubufatanye bugaragara hagati y'ubutegetsi bwa Leta, ubwa gisilikare n'Interahamwe, akavuga ko ari nta kibuza, Interahamwe zizakoresha izo ntwaro mu kwica abantu. Icyo gihe hari muri 1992, bikaba bigaragaza ko umugambi wa Jenoside wo gutsemba Abatutsi atari uwo muri mata 1994, ahubwo watangiye mbere cyane y'uwo mwaka.

Itangwa ry'intwaro mu Nterahamwe ryongeye kwibutswa na Jenerali Dallaire tariki 11 mutarama 1994 muri telegramu yoherereje Umunyamabanga mukuru w'Umuryango w'Abibunbye, Boutros-Boutros Ghali, asaba ko MINUAR yahabwa uburenganira bwo gufatira izo ntwaro, ariko ntiyabuhabwa.

**Perezida Habyarimana yemereye CDR kwinjira mu Nteko Ishinga Amategeko y'inzibacyuho binyuranyije n'amasezerano y'amahoro y'Arusha**

Tariki ya 29 Werurwe 1994, Perezida Habyarimana wari ukomeje kwirengagiza nkana gushyiraho inzego z'inzibacyuho nk'uko byari byaragenwe n'amasezerano

y'amahoro ya Arusha nubwo abaterankunga b'u Rwanda batahwemaga kumushyiraho igitutu, yemereye ishyaka ry'abahezanguni ry'abahutu CDR kugira abadepite bayihagarariye mu Nteko Ishinga Amategeko y'inzibacyuho, binyuranye n'ibyo amasezerano y'amahoro ya Arusha yateganyaga, cyane ko CDR yayarwanyaga. Ibi bikaba bigaragaza ko Habyarimana nawe yari mu mugambi wa CDR wo kutemera amasezerano y'amahoro no kurimbura Abatutsi.

CDR ryari ishyaka ritahwemye kwamagana aya masezerano yari agamije gushaka ibisubizo mu nzira z'amahoro, CDR ikaba yaravugaga ko amahoro azazanwa gusa no guhangana n'Inkotanyi zigasubizwa i Bugande ku ngufu bifatanyije no gutsemba Abatutsi.

**Perefe w'Umujyi wa Kigali, Colonel Tharcisse Renzaho yateguye ikorwa rya Jenoside muri Kigali**

Umunsi umwe nyuma y'inama yo ku wa 29 werurwe 1994 yari yakoreshejwe na Jenerali Nsabimana, wari Umugaba mukuru w'ingabo z'u Rwanda, tariki 30 Werurwe 1994, Perefe w'Umujyi wa Kigali, Colonel Renzaho Tharcisse, yamwoherereje urutonde rw'abantu batoranijwe barimo n'abavuye ku rugerero bo kugira uruhare muri gahunda yo kurimbura Abatutsi bise "*auto-défense civile*". Iyi nyandiko yaje ikurikira indi yari yaratangajwe na Nahimana Ferdinand kuwa 28 Werurwe 1994 yahamagariraga abantu kwirwanaho (auto-defense) mu rwego rwo gushaka igisubizo cya nyuma ku cyo yise *"ihuriro ry'Abatutsi"* yavugaga ko bashaka kubaka *"ubwami bw'Abahima"* mu bihugu bigize Akarere k'Ibiyaga bigari. Iyi ngengabitekerezo idafite ishingiro na n'ubu iracyakwirakwizwa n'intagondwa zirwanya ubuyobozi bukuru bw'u Rwanda.

Ferdinand Nahimana yahamagariraga buri wese wiyumva ko ari Umuhutu koko kumva ko iyo ntambara imureba no gufatanya n'abayobozi b'inzego z'ibanze mu rwego rwo gutera abaturage umwete muri ubwo buryo. Mu by'ukuri, kwari uguhamagarira Abahutu kwishyira hamwe bakarimbura Abatutsi.

**Umuryango Uharanira Uburenganzira bwa muntu CLADHO wamaganye ubwicanyi bwakorwaga n'abasilikare ba Habyarimana ntibyagira icyo bitanga**

Ku itariki ya 30 Werurwe 1994, umuryango CLADHO wasohoye itangazo ryamagana ubwicanyi bwakorwaga n'abasirikare ba Habyarimana barimo abo mu mutwe wari ushinzwe kumurinda hamwe n'Interahamwe. CLADHO yasabaga kandi ko abo basirikare bafatirwa ibihano byo mu rwego rw'akazi ndetse ukanasaba ko imitwe yitwara gisirikare yari yarashyizweho na MRND

n'amashyaka byari bifatanyije yakwamburwa intwaro.Ubutegetsi bwa Habyarimana bwirengagije iyo mpuruza ya CLADHO bukomeza guha intwaro abaturage bizewe, kubaha imyitozo ya gisilikare no kubakangurira kwitegura kwica Abatutsi igihe ubutegetsi buzaba bubahaye amabwiriza yo kubikora. Iki ni kimwe mu bimenyetso byiyongera ku bindi byinshi byerekana neza ko Leta ya Habyarimana ariyo yateguye Jenoside ikanayishyira mu bikorwa ikoresheje inzego zayo.

Tariki ya 31 Werurwe 1994, ubwo manda ya MINUAR yaganaga ku musozo wayo, abayobozi b'imiryango nyarwanda iharanira uburenganzira bwa muntu hamwe n'indi miryango itegamiye kuri Leta bandikiye Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Amahoro ku isi basaba ko MINUAR yaguma mu Rwanda ndetse ikongererwa imbaraga kuko kuyivana mu Rwanda byari ugutererana abaturage bugarijwe n'amakuba akomeye.

**Intagondwa za Hutu Power zakoresheje Radio RTLM zihamagarira Abahutu kwica Abatutsi zibeshya ko zatahuye umugambi w'Abatutsi wo kwica Abahutu**

Ku itariki ya 03 Mata 1994, RTLM yavuze ibeshya ko FPR yagombaga gukora akantu gatoya ikoresheje amasasu yayo na za gerenade hagati ya tariki ya 3 n'iya 5 Mata 1994 ndetse no hagati y'itariki ya 7 n'iya 8 mata 1994. Ibi byari uburyo bwo kuyobya uburari no kwikuraho umugambi wa Jenoside nk'uko impuguke Muchiell abigaragza, aho agira ati: *"Abahutu b'intagondwa bashakaga kugaragaza ko Abatutsi biteguraga kurangiza ibyo bo ubwabo bari bafitiye gahunda"*.

Iki kinyoma cyakwijwe na RTLM cyateje ubwoba bwinshi mu baturage bituma koko bemera ko Abatutsi bari bafite umugambi wo kwica Abahutu, bituma gahunda yo gutsemba Abatutsi yitabirwa ku buryo budasanzwe. N'ubundi muri icyo gihe, mu Rwanda hari hasanzwe ubwoba mu bantu bwakwirakwizwaga na CDR na MRND. Bamwe mu baturage bumvaga ko bari mu kaga bohereje abana babo kure ya Kigali mu gihe abandi bahungiye mu bice bumvaga ko bifite umutekano. Aho Jenoside itangiriye ntaho yasize, igihugu cyose cyabaye umuyonga.

Uwo munsi kandi, avuga mu izina ry'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi, ambasaderi w'Ubudage mu Rwanda yagaragaje ko ahangayikishijwe no kwiyongera k'umutekano muke, ubwiyongere bw'intwaro n'« *uruhare rudakwiye kwihanganirwa rwa bimwe mu binyamakuru*». Yanavuze ko inkunga y'Umuryango w'Ubumwe bw'Uburayi yari guterwa n'uburyo amasezerano y'Amahoro ashyizwe mu bikorwa. Bwari uburyo bwo kugira ngo yotse igitutu kuri Leta ngo ireke gutegura ubwicanyi ariko ntacyo byatanze.

**Colonel Bagosora yavuze ko umuti w'ibibazo bya politiki byari mu Rwanda ari ugutsemba Abatutsi**

Tariki ya 4 Mata 1994, mu birori byo kwizihiza umunsi mukuru w'igihugu cya Senegal, Colonel Bagosora wari umuyobozi mukuru muri Minisiteri y'ingabo, akaba yararwanyaga ku buryo bukomeye amasezerano y'amahoro y'Arusha, yabwiye abari bitabiriye ibyo birori ko « *igisubizo kimwe rukumbi gishoboka ku Rwanda ari ugutsemba Abatutsi* ». Mu bantu bari muri ibyo birori, bemeje ayo magambo ya Bagosora mu buhamya batanze haba mu Rukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda no mu nyandiko zitandukanye, harimo Romeo Dallaire wayoboraga ingabo za MINUAR mu Rwanda, Jacques-Roger Booh-Booh wari uhagarariye Umuryango w'Abibumbye mu Rwanda, Colonel Luc Marchal w'umubiligi wari uyoboye ingabo z'Ububiligi zari muri MINUAR, akaba yari anungirije Jenerali Dallaire.

# UMUTWE WA II

# ISHYIRWA MU BIKORWA RYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI

## 2.1. KUWA 07 MATA 1994 : ITANGIZWA RYA JENOSIDE HENSHI MU GIHUGU NI IKIMENYETSO KO LETA YARI YARATEGUYE UMUGAMBI WO KUMARAHO ABATUTSI

**Abasirikare bo mu mutwe warindaga Perezida Habyarimana ku isonga ryo gutsemba Abatutsi muri Kigali**

Mu ijoro ryo ku itariki ya 06 rishyira iya 07 Mata 1994, nyuma y'ihanurwa ry'indege Falcon 50 yari itwaye Perezida Habyarimana Juvenal nibwo Interahamwe n'abasirikare bo mu mutwe warindaga Perezida Habyarimana batangiye gushyiraho amabariyeri mu duce twinshi tw'Umujyi wa Kigali no kwica Abatutsi.

Kimwe mu bikorwa Interahamwe n'abasirikari barindaga umukuru w'igihugu bahereyeho ni ugushaka uburyo bwo kujya kurimbura Abatutsi bari bahungiye muri Sitade Amahoro i Remera hafatwaga nk'ahantu harinzwe kubera ko hari hakambitse Ingabo z'Umuryango w'Abibumbye MINUAR. Uwo mugambi waje kuburizwamo n'imirwano hagati y'Ingabo za FPR Inkotanyi n'abasirikare barindaga umukuru w'Igihugu bituma abenshi mu Batutsi n'abandi bari muri Sitade Amahoro barokoka.

Mu bari bahahungiye bakarokorwa na FPR Inkotanyi, harimo umuzungu w'Umubiligi witwa François Veriter wari impuguke (consultant) mu bijyanye n'imiyoborere akorera isuzuma imishinga y'u Rwanda rwaterwagamo inkunga n'Ishami ryUmuryango w'abibumbye rishinzwe iterambere (UNDP).

Kuri iyo tariki kandi nibwo major Aloys Ntabakuze, wayoboraga umutwe w'aba Para-commando wabaga mu kigo cya gisirikare cya Kanombe yategetse abasirikare yayoboraga gutangira kwica Abatutsi n'abataravugaga rumwe n'ubutegetsi batuye hafi y'ikigo cya gisirikare cya Kanombe, ahitwa mu Kajagari.

Uyu munsi kandi nibwo Abatutsi bagera kuri 17 biganjemo abapadiri n’ababikira biciwe mu Kigo cy’Abayezuwiti cya Centre Christus i Remera. Mu bishwe harimo Padiri w’umuyezuwiti Chrysologue Mahame w’imyaka 67, wayoboraga icyo kigo, akaba yari no mu bashinze Umuryango Uharanira Uburenganzira bwa Muntu no Kwimakaza Amahoro witwaga “Association des Volontaires de la Paix” (AVP). Abo bose bishwe n’abasirikare ba Leta barimo abarindaga umukuru w’igihugu n’abaparakomando b’i Kanombe bafatanyije n’Interahamwe.

**Kurimbura abanyapolitiki batari bashyigikiye umugambi wa Jenoside**

Mu mugambi wo kwikiza abanyapolitiki batavugaga rumwe na Leta ya Habyarimana batari bashyigikiye umugambi wa Jenoside, tariki ya 07 Mata 1994, ku ikubitiro hishwe Minisitiri w’Intebe, Madamu Uwilingiyimana Agathe n’abasirikare icumi b’Ababirigi bo mu ngabo z’Umuryango w’Abibumbye bari bashinzwe umutekano we. Bishwe babanje gukorerwa iyicarubozo n’abasirikare ba Leta y’u Rwanda bari bayobowe na major Bernard Ntuyahaga wahamijwe icyo cyaha n’Urukiko rwo mu Bubiligi rumukatira imyaka 20 y’igifungo mu 2007. Igihano ubu yarakirangije yoherezwa mu Rwanda akaba ariho atuye.

Abandi bishwe ni Perezida w’Urukiko rushinzwe kurinda Itegeko Nshinga, Kavaruganda Joseph, ba minisitiri Ferederiko Nzamurambaho, wari na Perezida w’ishyaka PSD, Me. Felicien Ngango, wari Visi Perezida wa PSD n’umugore we Odeta Ubonabenshi, Faustin Rucogoza wari Minisitiri w’itangazamakuru wari mu ishyaka rya MDR na Landouald Ndasingwa wo mu ishyaka rya PL bishwe ku ikubitiro n’abasirikare barindaga Perezida Habyarimana.

Radiyo Muhabura ya FPR Inkotanyi niyo yabaye iya mbere mu kwamagana iyicwa ry’Abatutsi n’abanyapolitiki b’Abahutu batari bashyigikiye Jenoside. Umugaba mukuru w’Ingabo za FPR Inkotanyi yatangaje ko bafite inshingano zikomeye zo kurinda abaturage b’inzirakarengane bicwaga, anatanga amabwiriza yo gutangiza igikorwa cyo guhagarika Jenoside.

**Gutsemba Abatutsi byakwiriye mu gihugu hose nyuma y’itangazo ry’urupfu rwa Perezida Habyarimana**

Guhera tariki ya 6 Mata 1994 nijoro, Radiyo Rwanda na RTLM byacishagaho itangazo ryashyizweho umukono na Colonel Bagosora Theoneste wari umuyobozi w’ibiro bya Minisitiri w’ingabo, mu izina rya Minisitiri w’Ingabo, ryemezaga urupfu rw’umukuru w’igihugu Perezida Habyarimana Juvenal, risaba abaturage kuguma mu rugo, hagamijwe gushyiraho uburyo bwo kwica Abatutsi bose hatagize uhunga, muri ako kanya mu bice bitandukanye by’Umujyi wa Kigali,

cyane cyane ku Kacyiru na Kimihurura, Interahamwe zahise zishinga za bariyeri zitangira kwica Abatutsi. Ni nako kandi ubwicanyi bwakwiriye hirya no hino mu Rwanda, Abatutsi baricwa. Ubwicanyi bwabaga buyobowe na ba Burugumesitiri n'abandi bayobozi bo mu nzego z'ibanze. Aho ubwicanyi bwahise butangira ni muri Komini Giciye muri Perefegitura ya Gisenyi hiciwe Abatutsi benshi barimo n'umugore wa Bwana Bazivamo Christophe wakoraga mu mushinga w'ubuhinzi muri ako gace.

Muri Komini Bicumbi muri Perefegitura ya Kigali, burugumesitiri Juvenal Rugambarara yahise atangira gushyira mu bikorwa umugambi wo kwica Abatutsi. Uyu Rugambarara yemereye Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda (ICTR) ko we ubwe yishe Abatutsi bagera ku 100, akaba yarahamwe n'icyo cyaha.

Ku itariki ya 7 Mata 1994, kwica Abatutsi byakomereje i Nyamata muri Bugesera na Sake muri Perefegitura ya Kibungo. Mu yahoze ari Komini Runda muri Perefegitura ya Gitarama, mu Karere ka Kamonyi, naho ubwicanyi bwatangiye ku itariki ya 7 Mata 1994. Abatutsi baho biciwe mu duce twa Biharabuge, kuri Nyabarongo ahitwa mu Ruramba, ku Isenga, ku Kiraro/kuri Ruliba, mu Gasharara, ku Idongo, kuri station i Runda, kuri bariyeri ya Bishenyi ndetse hari n'abajugunywe mu mugezi wa Cyabariza. I Runda hakomoka abakoze Jenoside b'ibirangirire ari nabo batangije Jenoside i Runda barimo Kamana Claver wari rwiyemezamirimo w'umwubatsi, Uwimana Pélage, wari umwarimu na Ndayambaje Sixbert wari Burugumesitiri wa Runda.

Kuri uyu munsi kandi mu yahoze ari Komini Kayenzi, naho muri Gitarama, Abatutsi biciwe ahitwa kuri Cocobeka n'ahitwa Intwari kuri Nyabarongo, ubu ni mu Karere ka Kamonyi. Muri Komini Gisuma, Perefegitura ya Cyangugu naho abajandarume batangiye kwica Abatutsi kimwe no muri Nyaruguru ahitwa i Ruramba, muri Perefegitura ya Gikongoro.

Muri Komini Muko, Perefegitura ya Gikongoro mu Karere ka Nyamagabe, abicanyi bagera ku ijana, bayobowe n'umukuru wa Polisi ya Komini afatanyije na Burugumesitiri Kayihura Albert, bishe Abatutsi barindwi bari bahungiye kuri Paruwasi ya Mushubi, barimo umukozi wari ushinzwe imari ya Komini, Michel Gacendeli n'umuryango we.

Mu mujyi wa Gisenyi, Colonel Anatole Nsengiyumva wayoboraga ikigo cya gisirikari mu karere ka Gisenyi yahise akoresha inama Interahamwe, Impuzamugambi, abasikikari n'abajandarume, hafatwa icyemezo cyo gushyiraho bariyeri hose mu mujyi, no kwica icyitwa Umututsi cyose. Abishwe babasangaga

mu ngo zabo, imodoka zitwara imirambo zikajya kubajugunya mu byobo byari byateguwe mu irimbi rya Gisenyi, abicanyi bahimbye “Commune Rouge”.

Ubwicanyi bwahise butangira ku Nyundo bukomeza ku minsi yakurikiyeho, Abatutsi barenga 800 biganjemo abana n’abagore bari bahungiye kuri Paruwasi gatolika ya Nyundo, baricwa harokoka mbarwa. Ubwo bwicanyi nabwo bwateguwe kandi buyoborwa na Colonel Anatole Nsengiyumva.

Ku mugoroba w’iyi tariki ya 07 Mata 1994 nanone, Abatutsi bagera kuri 50 biciwe mu Iseminari ntoya ya Nyundo naho abagera kuri 150 bicirwa muri Paruwasi gatolika ya Busasamana muri Diyosezi ya Nyundo.

Kuri uwo munsi kandi ahitwa Kabasheja mu Murenge wa Rugerero, muri Gisenyi, hiciwe Abatutsi bari bakuwe n’Interahamwe kuri Komini Rubavu naho abandi bicirwa muri Centre St Pierre, mu nzu y’abakobwa ba Musenyeri, mu cyahoze ari Rwandex ya Gisenyi , kuri Kiliziya cya Paruwasi Stella Maris no kuri Komini Rouge, mu mujyi wa Gisenyi.

Ubwicanyi bwarakomeje muri Mutura na Rwerere, i Mudende no mu Bigogwe, bicwa n’abasirikari bo mu kigo cya gisirikari cya Bigogwe cyayoborwaga na Lt Colonel Alphonse Nzungize.

**Jenoside yakorewe Abatutsi muri Komini ya Mukingo yatangijwe nyuma y’inama yayobowe na Nzirorera Joseph, Umunyamabanga Mukuru wa MRND**

Tariki ya 07 Mata 1994, habaye inama yo gutangiza Jenoside, ibera kwa Nzirorera Joseph, wari Umunyamabanga Mukuru wa MRND ku rwego rw’igihugu, yitabirwa na Colonel Eprem Setako, Harerimana Emmanuel wari burugumesitiri wa komini Mukingo, Colonel Augustin Bizimungu, Casimir Bizimungu, Jean Baptiste Nyabusore, Esdras Baheza, Jonathan Bambonye, Jean Damascène Niyoyita, Dominique Gatsimbanyi wari burugumesitiri wa Komine Nkuli, Assiel Ndisetse na Lazare Ndangiza. Interahamwe zagumye hanze zitegereje ikiva mu nama.

Iyo nama yafashe icyemezo ko Abatutsi bicwa bitarenze mu gitondo cyaho. Hemejwe kandi ko hatangwa imbunda hakanashyirwaho za bariyeri ahantu hatandukanye. Colonel Bizimungu yashinzwe gushyira mu bikorwa icyo cyemezo, nyuma y’inama yatanze imbunda aziha abari ba konseye na bo baziha abaturage, n’abakuru b’Interahamwe barimo Burugumesitiri Juvénal Kajerijeri na Baheza Esdras.

Abatutsi bahungiye mu ishuri rikuru ry'ubuhinzi n'ubworozi rya ISAE Busogo barishwe bose, abapolisi n'Interahamwe bajya kwica Abatutsi bagera kuri 43 bari bahungiye kuri Paruwasi ya Busogo.

Kuri iyo tariki ya 07 Mata 1994, mu ma saa cyenda, Abatutsi bose bari bamaze kwicwa, ku buryo iminsi yakurikiyeho Interahamwe ziyise Amahindure (umutwe w'abicanyi wo muri Komini Mukingo) bagiye kwica ahandi muri Perefegitura Ruhengeri; ni muri urwo rwego zagiye kwica Abatutsi bari bahungiye ku Rukiko rw'Ubujurire mu Mujyi wa Ruhengeri, Nyabihu, Musumba (Nkuri) na Nyakinama.

Hishwe kandi Abatutsi bari bahungiye mu Bugarama muri Perefegitura ya Cyangugu, ubu ni mu Karere ka Rusizi, aho babakuraga mu ngo zabo bagahita babica bakabaroha mu Migezi ya Rusizi, Ruhwa na Rubyiro. Ni ubwicanyi bwari buyobowe na Yussuf Munyakazi na diregiteri w'uruganda rwa CIMERWA Marcel Sebatware wahungiye mu gihugu cy'Ububiligi akaba yarabonye ubwenegihugu bwacyo.

Hishwe kandi Abatutsi i Gikundamvura (Hinduka) muri Perefegitura ya Cyangugu, mu Karere ka Rusizi, muri centre ya Kivuruga mu Karere ka Gakenke, ku biro bya komine Musasa ahari muri Perefegitura ya Kigali Ngari no mu nkengero zayo, i Muhondo mu Karere ka Gakenke, ku biro bya Komine Tare muri Kigali ngari, ku bitaro bya Nemba no muri centre ya Gakenke.

Kuri uyu munsi kandi hishwe Abatutsi i Kananira muri Nkungu (Cyangugu), Abatutsi bari bahungiye mu Rusengero w'Abadiventiste rwa Hesha mu Murenge wa Mukamira bari bavanwe muri Segiteri Nanga muri Perefegitura ya Ruhengeri, (ubu ni mu Karere ka Nyabihu), Abatutsi bari bahungiye mu Rusengero w'Abadiventiste rwa Gisizi mu Murenge wa Muringa, mu Karere ka Nyabihu, abari bahungiye mu kigo cya gisirikare cya Mukamira , abari bahungiye mu Kiliziya ya Rambura mu Murenge wa Rambura mu Karere ka Nyabihu, abari bahungiye mu kigo cya gisirikare cya Bigogwe muri Perefegitura ya Gisenyi ndetse n'abari bahungiye kur Segiteri Byahi muri Perefegitura ya Gisenyi, ubu ni mu Karere ka Rubavu.

## 2.2. KUWA 08 MATA 1994: JENOSIDE YAKWIRIYE MU GIHUGU CYOSE, ABASIRIKARI N'INTERAHAMWE BARIMBURA ABATUTSI

**Umutwe w'abasirikare barindaga Perezida Habyarimana bafatanyije n'Interahamwe kwica Abatutsi bo mu gace ka Nyamirambo**

Tariki ya 08 Mata 1994, Interahamwe n'abasirikare bishe Abatutsi bari bahungiye ahantu hatandukanye i Nyamirambo harimo kuri Paruwasi gatolika yitiriwe Mutagatifu Karoli Lwanga , mu kigo cy'Abafureri b'Abayozefiti no muri Koleji "St Andre" i Nyamirambo. Uyu munsi kandi ni nabwo Interahamwe zatangiye kwica Abatutsi bari bahungiye kuri Paruwasi gatolika ya Ruhuha mu Bugesera.

**Iyicwa ry'Abatutsi bari bahungiye mu Kiryamocyinzovu muri Taba**

Ubwicanyi muri Komine Taba muri Gitarama bwatangiye gukaza umurego guhera tariki ya 8/04/1994. Interahamwe zashyize bariyeri ahantu hatandukaye harimo ahitwa Rwabashyashya, Buguri, Gishyeshye no mu nkengero z'ibitaro bya Remera i Rukoma. Uwitwa Kubwimana Silas wari umuyobozi wa MRND muri Komine Taba wari ufite ijambo rikomeye yaje gukoresha inama mu Kiryamocyinzovu, yatangaje ko umwanzi ari Umututsi, ko bagomba kumutanga, akomeza abeshya ko Abatutsi bacukuye ibyobo byo kuzashyiramo Abahutu. Buhoro buhoro batangiye kugenda bajyana Abatutsi aho mu Kiryamocyinzovu bari barise CND kuva tariki ya munani baricwa.

Ku isonga hari uwitwa Kubwimana Silas niwe wayoboye ubwicanyi, niwe watangaga itegeko ryo kwica: "uriya mu mwice, uriya mumureke nzamwiyicira". Abicanyi bahoraga aho kuri Komini bategereje Kubwimana kugira ngo ababwire gahunda yo kwica. Abatutsi baje ari benshi aho kuri Komini, basanga Interahamwe zibategereje, kandi hatanzwe amabwiriza ko uza bahita bamujyana aho mu Kiryamocyinzovu akicwa. Habaga hari abashinzwe kubica, abandi bafite akazi ko kubarimiraho ibisinde, hari n' umuringoti muremure bagatondekamo imirambo. Intwaro zakoreshejwe mu kubica ni impiri, udufuni n'imbunda.

**Burugumesitiri Mubiligi Jean-Napoleon wa Komini Kamembe yayoboye iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi ya Nkanka**

Mu cyahoze ari Komini Kamembe, ubu ni mu Karere ka Rusizi, Abatutsi biciwe kuri Paruwasi ya Nkanka, kuri Komini yahoze ari iya Kamembe no mu Busekanka. Guhera tariki ya 8 Mata, Abatutsi batangiye guhungira kuri Paruwasi ya Nkanka

kuko ubwicanyi no gutwikira Abatutsi byari byatangiriye ahitwa Gitwa na Murambi.Impamvu yatumye Abatutsi bahungira kuri iyi Paruwasi ya Nkanka ni uko bari basanzwe bahahungira ntibahicirwe kandi na Burugumestre wari uwa Komini Kamembe, Mubiligi Jean-Napoléon yari yavuze ko Abatutsi umutekano wabo uri bucungirwe kuri Paruwasi ndetse yoherezayo n'Abapolisi bo kubarinda. Ariko sicyo yari agamije, ahubwo yashakaga kumenya Abatutsi bahari uko bangana no gucunga ngo batazabacika bagahungira muri Zayire.

Burugumesitiri  Mubiligi Jean Napoléon afatanyije n'uwari Padiri mukuru wa Nkanka, Ngirinshuti Thaddée bakoranye inama n'Interahamwe zari zikomeye zakoreraga muri Komini Kamembe bategura kwica Abatutsi. Umunsi ukurikiyeho Interahamwe zaraje zirabica zikoresheje Gerenade, ubuhiri bitaga "nta mpongano y'umwanzi", imipanga, inkota, n'izindi ntwaro zitandukanye. Kugira ngo Abatutsi bari bahungiye muri Paruwasi ya Nkanka batazirwanaho nibaterwa, Padiri Ngirinshuti Thaddée yamburaga Abatutsi intwaro zose (amacumu, imihoro, inkoni, imiheto n'imyambi) babaga bahunganye ababwira ati: *"nta mpunzi ihungana intwaro, yagiraga ngo nibaterwa hatazagira uwitabara"*. Ikindi ni uko abapolisi bari babarinze bari bafite icyumba kwa Padiri cyari kirunzemo imbunda na Gerenade, bikaba byarakoreshejwe n'Interahamwe zije kubica.  Kuri Komini ya Kamembe hiciwe Abatutsi 60 bari bahahungiye.

**Yusufu Munyakazi, Marcel Sebatware wayoboraga CIMERWA batsembye ABATUTSI bahungiye ku ruganda rwa  Sima rwa CIMERWA**

Mu Karere ka Rusizi, mu Murenge wa Muganza, mu Kagari ka Shara ahahoze ari muri Komini Bugarama, Segiteri  ya Muganza, ahitwaga muri "Cellule Spécialisée" niho Abatutsi bicirwaga. Aha niho Interahamwe yari ruharwa Yusufu Munyakazi yavukaga. Abatutsi baho ntibigeze babasha guhunga ngo biyegeranye babashe guhangana n'Interahamwe, ahubwo guhera kuwa 08/04/1994 batangiye kwicwa, bakabavana mu ngo iwabo bakajya kubicira kuri CIMERWA.

Kuri CIMERWA, Umuyobozi mukuru wayo, Marcel Sebatware, ukomoka mu cyahoze ari Komini Mukingo, ubu akaba ari mu gihugu cy'Ububirigi, na "Directeur technique" Ntawumenyumunsi Jean Marie Pascal ukomoka muri Rubavu, ubu akaba atuye mu Buholandi, nibo batanze urutonde rw'Abatutsi bakoreraga muri CIMERWA ngo bicwe ndetse basaba n'abakozi baho kubasohora babashyira Interahamwe. Ku bakozi barengaga 500, uru ruganda rwarakoragamo Abatutsi bagera kuri 80 kandi hafi ya bose barishwe, uretse bake bahunze mbere. Kuri CIMERWA akaba ariho hari bariyeri ikomeye cyane muri Segiteri  ya Muganza mu 1994.

**Abatutsi benshi biciwe muri Buhinga muri Cyangugu**

Buhinga iri mu ihuriro ry'imihanda minini itatu, uturuka i Rusizi, uturuka i Nyamasheke n'uturuka muri Nyungwe. Aho muri Buhinga hashyizwe bariyeri yari iriho Interahamwe nyinshi, harimo izikomeye nka Makambira, Damien alias Shitani, Muhutu wari umwarimu, Gitare na Mugenzi.

Kuri iyi bariyeri guhera tariki ya 07/04/1994 batangiye gukubita no gutoteza Abatutsi bahacaga bajya gusoroma icyayi abandi bakabambura ubusa bababwira ngo nibabyine barebe. Kuwa 08/04/1994 nibwo hiciwe Abatutsi bane. Abatutsi batatwikiwe, batangira kwicwa. Interahamwe zo muri Segiteri ya Bushekeri zatangiye kugota Abatutsi bo muri uyu Murenge. Bagose Abatutsi bo muri Serire ya Ruvumbu, Rundwa na Nyanza uwo bafashe wese bakamuzana ku Buhinga bakamwica bakamujugunya mu kirombe cyari cyaracukuwe ku Buhinga. Interahamwe zari zaratanze amabwiriza ko Abatutsi bazajya bicirwa hamwe kugirango n'utaraboneka nawe abashe gushakishwa.

Muri iki kirombe, bajugunyagamo abantu bakiri bazima, abandi bakabatema ariko ntibabamaremo umwuka kandi babatemye amaboko n'ibirenge ku buryo batabasha kurira bakazapfa bababaye.

**Kolonel Anatoli Nsegiyumva yategetse ko Abatutsi bo ku Nyundo barimburwa**

Koloneli Anatoli Nsengiyumva yategetse ko abasilikari n'interahamwe bica Abatutsi bose bari ku Nyundo, mu iseminari, mu bitaro, mu mashuri, n'abandi baturage. Tariki ya 07 Mata 1994 Abatutsi bamwe bahungiye mu Iseminari nto ya Nyundo, bicwa uwo munsi. Abarokotse bahise bazamuka basanga abandi kuri Diyosezi ku itariki ya 08/04/1994 birirwa barwana n'Interahamwe. Igitero cyinjiye mu Kiliziya kiri kumwe n'abasirikare bica Abatutsi bari mu kiliziya.

Umupadiri witwaga Deogratias Twagirayezu niwe wishwe bwa mbere mu iseminari yishwe n'Interahamwe zaturutse muri Kibilira.

Bamwe mu nterahamwe zikomeye zayoboye ubwicanyi ku Nyundo ni Nkundabanyanga Fidèle wari assistant medical, Kabiligi Stanislas wari Konseye wa Segiteri Muhira, Mpozembizi Marc wari Burugumesitiri wa Komini Rubavu na Padiri Nturiye Edouard alias Simba. Uyu afungiye mu Rwanda kubera ko icyaha cya jenoside cyamuhamye, yakatiwe igifungo cya burundu.

**Koloneli Anatoli Nsengiyumva na Lt Colonel Alphonse Nzungize bakomereje ubwicanyi muri Kaminuza y'Abadiventisti ya Mudende**

Kaminuza y'Abadiventisti ya Mudende yari yubatse muri Segiteri ya Mudende igice kimwe ikindi kiri muri Segiteri ya Mugongo muri Komini Mutura, Perefegitura ya Gisenyi. Ubu ni mu Murenge wa Mudende, Akarere ka Rubavu.

Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 abicanyi batangiye gutera Abatutsi mu ngo zabo ku itariki ya 07/04/1994 bituma Abatutsi bayihungiramo bahizeye amakiriro kubera abazungu bayikoragamo bari biganjemo Abanyamerika. Bahageze umuzungu w'Umunyamerika wari uhari yabatse inkoni zabo arazibika azi ngo bari burindirwe umutekano, agerageza kubahisha agenda abashyira mu byumba bitandukanye. Nko mu masaha ya saa cyenda z'amanywa abicanyi bagabye igitero muri Kaminuza abonye bikomeye za nkoni azisubiza Abatutsi bagerageza kwirwanaho.

Abagabo barwanishaga inkoni, abagore n'abakobwa barwanisha amabuye n'amatafari. Birukanye ibitero by'Interahamwe inshuro eshatu, biza bikaneshwa. Nyuma rero haje kuza igitero cy'abasirikare b'Ikigo cya Bigogwe bayobowe na Lieutenant Colonel Alphonse Nzungize ku itariki ya 08/04/1994 ubwicanyi buhita bukaza umurego. Nibwo babateyemo za grenades, babarasa amasasu menshi cyane hagwa Abatutsi benshi.

Abari ku isonga mu bwicanyi bwahakorewe ni Burugumestre wa Komini Mutura Bakiye J. Berchmans, abandi ni ba Konseye na ba Resiponsabule babishishikarizaga abaturage. Abaguye muri Kaminuza ubu bashyinguwe mu cyubahiro mu rwibutso rwa Kanzenze ruri mu Murenge wa Kanzenze.

**Abatutsi benshi biciwe kuri Bariyeri ya Mizingo muri Komini Mutura**

Ahantu hitwa kuri Mizingo muri Serire Kanyirabigogo, Segiteri Kanzenze muri Komine Mutura ubu ni mu mudugudu wa Mizingo, Akagari ka Kanyirabigogo, mu Murenge wa Kanzenze hari bariyeri ikomeye yayoborwaga na Ntamaherezo wari Perezida wa MRND muri Komine Mutura. Inama zateguraga Jenoside zakorerwaga iwe. Kuva iyo bariyeri yajyaho mu 1990 Ntamaherezo yaricaga agakiza.

Iyi bariyeri yagiye itoteza Abatutsi bigeze mu 1994 ku itariki ya 08/04 mu gitondo nka saa moya hiciwe abantu benshi harimo abarokokeye mu rusengero rwa Bweramana.

**Ku Mashyuza muri Nyamyumba, no muri BRALIRWA Interahamwe zahiciye Abatutsi benshi**

Ku mashyuza ni mu Mudugudu wa Rambo, Akagari ka Kiraga, Umurenge wa Nyamyumba mu Karere ka Rubavu ku nkengero z'ikiyaga cya Kivu.

Ku itariki ya 08 Mata 1994, kuri BRALIRWA hiciwe abashoferi cumi n'umwe (11) b'amakamyo babaga baturutse hirya no hino mu gihugu baje kurangura ibinyobwa bya BRALIRWA. Interahamwe zabakuye mu macumbi akodeshwa (Lodges) aho bakundaga gucumbika iyo babababaga baje kurangura zirabashorerera zibajyana kubicira ku Mashyuza. Abazwi cyane mu babigizemo uruhare ni uwitwaga Musafiri na Sibomana.

Imibiri y'abishwe ikaba yarahavanywe ijyanwa gushyingurwa mu cyubahiro mu rwibutso rwa Kanzenze.

**Kinyinya muri Kigali ni hamwe mu hiciwe Abatutsi benshi tariki ya 8 Mata 1994**

Tariki ya 08/04/1994 mu Murenge wa Kinyinya, Abatutsi bagera kuri 200 bahungiye mu kigo cy'Abadage (Deutsche Welle) cyakoreraga i Kinyinya kubera ko bari bahizeye umutekano.

Nyuma y'iminsi 2 abasirikare bari mu kigo cya Kami batumye ku buyobozi bwa Deutshe Welle ko bamenye ko bahishe Abatutsi, ko babasaba kubasohora mu kigo cyabo. Nyuma Abadage barahunze bahasiga Uwimfura Callixtte wahakoraga. Uwo munsi abonye ko bamaze kurira indege yahise ahuruza izindi Nterahamwe zari i Kinyinya ngo zize zimufashe kwica Abatutsi bari buzuye muri icyo kigo. Baraje barabica harokokamo abantu batatu gusa.

Kuri uyu musozi wa Kinyinya hari Interahamwe ebyiri za ruharwa mbere y'uko Jenoside nyir'izina itangira arizo: Uwimfura ariwe wamariye Abatutsi muri Deutsche Welle na Adjudant Chef Zirimwabagabo wari umutoza w'Interahamwe. Zirimwabagabo yajyaga ku kabari akagura inzoga akabanza akayisomyaho imbwa ye yarangiza agaha Umututsi. Iyo yabyangaga baramukubitaga bakamumena imbavu agahinduka ikimuga. Abandi bishe Abatutsi cyane i Kinyinya ni abapolisi ba Komini. Kugeza ubu Abatutsi bose biciwe i Kinyinya banahakomoka bakaba banditse ku rwibutso rwaho ni 441 ariko bakaba barashakishije abandi baburaga bagasanga ari abantu 77.

**Muri Gatonde, Umurenge wa Mugunga, muri Perefegitura ya Ruhengeri Abatutsi baroshwe mu mugezi wa Mukungwa**

Abatutsi bari batuye muri Mugunga, mu cyahoze ari Komini Gatonde yari yegeranye n'iya Ndusu baroshywe mu mugezi wa Mukungwa, ahitwa i Bukeri ku gice kigana mu gace k'ubucuruzi n'isoko rya Vunga. Bukeri ni icyambu kiri ku mugezi wa Mukungwa gihuza Imirenge ya Shyira (Nyabihu) na Mugunga (Gakenke). Kuva ku itariki ya 8 Mata- 22 Mata 1994, Abatutsi bakusanyirizwaga aho hantu bakabohwa nyuma bakajugunywa mu mugezi wa Mukungwa bababwira ko babohereje mu mishyikirano i Arusha muri Tanzaniya, bahurijwe ku kiraro cyubatse hagati ya za komini Gatonde na Ndusu.

Mu bayobozi babigizemo uruhare harimo Konseye Nsanzubukire Erneste, Burugumesitiri Nizeyimana Jean Bosco, uwayoboraga MRND muri Komini Ndusu Nizeyimana Gaspard alias Kaguta, SuPerefe Nzanana Dismas, Perefe wa Ruhengeri Nsabumugisha Basile, na Aloys na Mutabaruka ex-FAR, wari umucunga gereza.

**Zigiranyirazo Protais ku isonga ry'abarimburiye Abatutsi ku musozi wa Kesho, Umurenge wa Muhanda, muri Ngororero**

Ku musozi wa Kesho, bakunze kwita mu Rubaya, ni mu gace k'umusozi wa Rubaya hari imirima myinshi y'icyayi ndetse n'Uruganda rw'Icyayi (Usine à Thé Rubaya). Ni mu cyari Komini Gaseke aho Abatutsi b'Abagogwe (mu nkengero z'umusozi wa Bigogwe ugera no mu Karere ka Ngororero) birwanyeho batera amabuye n'amacumu ndetse barwana n'Interahamwe kugeza ubwo bishwe barashwe n'abasirikare ubwo ku itariki ya 08 Mata 1994, baje babarashisha imbunda zitandukanye.

Zigiranyirazo Parotais, wari musaza w'umugore wa Perezida Habyarimana, burugumesitiri wa Gaseke Bazubahande Ignace na Djaribu Anastase wayoboraga uruganda rw'icyayi rwa Rubaya nibo bateguyeoboye ubwicanyi muri ako gace.

**Henshi mu Rwanda, ubwicanyi bwakoranwe ingufu bushingiye ku mugambi wo kurimbura Abatutsi**

Guhera tariki ya 8 Mata 1994, ubwicanyi bwakwiriye mu gihugu cyose.I Rwankuba mu Murenge wa Murambi hishwe Abatutsi barenga 500, bicwa n'Interahamwe n'abaturanyi babo. Igitero cyari kiyobowe na Konseye Bizimungu Jean, warundanyirije Abatutsi bose hamwe barabatwika.

Muri Kiziguro, ku Rukungu ubu ni mu Kagari ka Ndatemwa, Umurenge wa Kiziguro, mu masaha 2 gusa Abatutsi hafi ya bose bari bahatuye bari bamaze kubica.

Bishwe n'Interahamwe zo mu Bishenyi na Rukungu, zari ziyobowe na Gakwerere Aloys na Muganga Manasse n'izindi Nterahamwe zavuye Rugurarama, n'izindi zari zoherejwe na Byansi Valens n'impunzi za Bidudu.

Uyu munsi kandi hishwe Abatutsi ahitwa mu Kaje mu Kagari ka Rwimitereri, Umurenge wa Murambi no muri centre ya Rugwiro aho bakusanyirizaga Abatutsi babashuka ngo niho babarindira nyamara ari uburyo bwo kugira ngo babicire hamwe. Ubwicanyi bwateguwe na Gatete Jean Baptiste afatanyije n' uwari Konseye witwa Nkubana Jerome. Gatete Jean Baptiste wahoze ari Burugumesitiri wa Murambi, yakatiwe imyaka 40 y'igifungo n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwa Arusha. Ku rwego rwa mbere yari yakatiwe igifungo cya burundu.

Hishwe kandi Abatutsi muri Orphelinat, mu Kagari ka Gakenke, Umurenge wa Kiramuruzi. Abatutsi benshi bari bahungiye kuri iyi Orphelinat bazi ko bari buhakirire, ariko siko byagenze kuko baje kuhabicira abandi babajyana kubicira kuri Kiliziya ya Kiziguro.

Abagize uruhare muri ubu bwicanyi harimo Gatete Jean Baptitse, wazengurukaga n'imodoka ashishikariza Abahutu kwica Abatutsi, Munyabuhoro Pierre Claver wari Konseye hamwe n'izindi Nterahamwe zamugendaga iruhande zari ziyobowe n'abapolisi Rusagara na Deo Niyonzima.

Tariki ya 8/4 hishwe Abatutsi bari bahungiye mu ruganda rw'icyayi rwa Mata, mu Karere ka Nyaruguru. Hishwe kandi Abatutsi bari bahungiye ku musozi wa Nyawera mu Murenge wa mwiri, Akarere ka Kayonza.

Uwo munsi hishwe Abatutsi bagera kuri 5000 bari bahungiye ku Rusengero rw'Abadiventisti rwa Cyambara mu Murenge wa Bigogwe muri Perefegitura ya Gisenyi hamwe n'Abatutsi bari bahungiye mu Bitaro bya Shyira muri Perefegitura ya Ruhengeri, ubu ni mu Karere ka Nyabihu.

Uyu munsi kandi nibwo hatangiye Ubwicanyi bwibasiye Abatutsi bwatangiye muri Komini Rutsiro muri Perefegitura ya Kibuye.

**Ubwicanyi bwakorewe kuri Paruwasi Gatorika ya Zaza no mu Iseminari Nto ya Zaza**

Paruwasi ya Zaza ni imwe mu maparuwasi Gatolika ya mbere mu Rwanda wakwita igicumbi cy'ubumenyi bitewe n'umubare munini w'amashuri ahari amenshi muri yo akaba ari ayubatswe na Kiliziya Gatolika n'abandi Bihayimana. Nyamara ntibyahabujije kuba n'igicumbi cy'amacakubiri n'ingengabitekerezo y'urwango rw'Abatutsi.

Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, Tariki ya 8 Mata 1994 nibwo hatangiye ubwicanyi bweruye, ku mugaragaro ku manywa y'ihangu muri Paruwasi ya Zaza. Tariki ya 9 n'iya 10 Mata 1994, ibitero bikomeye byagabwe ku batutsi bari bahungiye kuri Paruwasi byica Abatutsi benshi abandi benshi barakomereka bikomeye. Hakoreshejwe intwaro za gakondo, imbunda na za grenades. Tariki ya 11 Mata 1994, abari basigaye batishwe n'ibitero byo kuri Paruwasi bahungiye mu Iseminari Ntoya ya Zaza uwo munsi nta bitero bagabweho. Tariki ya 12 n'iya 13 Mata 1994, interahamwe zinjiye mu Iseminari zica abari bahahungiye, imirambo bayijugunya mu Kigega cy'amazi cy'iryo shuri.

Tariki ya 19 Mata 1994, abari bahungiye ku Kigo Nderabuzima babakuye mu bitaro bajya ku bicira hanze yabyo. Aya ni yo matariki y'ingenzi yahitanye imbaga y'Abatutsi bari bashoboye guhungira kuri Paruwasi, ku Iseminari Ntoya no ku Kigo Nderabuzima. Abandi biciwe mu cyaro ahantu hatandukanye bagendaga bihisha.

Tariki ya 27 n'iya 28 Mata 1994, Inkotanyi zashoboye kurokora abatari bishwe bari bakihishe mu bihuru n'ahandi. Tariki ya 2 Gicurasi 1994 nibwo Ingabo z'Inkotanyi zabajyanye i Kabarondo kubacungira umutekano, kuvura abakomeretse, kubahumuriza no kubasubiza mu buzima busanzwe. Urwibutso rwa Zaza rushyinguyemo imibiri y'Abatutsi isaga 12.000 yavuye mu mirenge ya Mugesera, Gashanda, Karembo na Zaza.

Abari ku isonga ry'iyicwa ry'Abatutsi bashyinguye mu rwibutso rwa Zaza ni aba bakurikira:

- Depite Jyamubandi Jean Bosco
- Burugumesitiri wa Komini Mugesera, Gakware Leonard
- Ngendahimana Thomas, umucungamutungo wa Banki y'Abaturage
- Interahamwe zikomeye zirimo uwitwa "Nyiramubande" n'abandi.

## 2.3. KUWA 09 MATA 1994 : UBWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIGALI Y'UMUGI, KIBUNGO, RUHENGERI NA KIBUYE

**Ingabo z'Abafaransa baje mu cyo bise « Opération Amaryllis » zateraranye Abatutsi mu maboko y'abicanyi**

Tariki ya 9 Mata, nibwo icyo Abafaransa bise « Operation Turquoise » yatangiye mu Rwanda kugera 12 Mata. Igisobanuro cy'iyo operasiyo kwari ugucyura Abafaransa n'abanyamahanga bari mu Rwanda. Iyo operasiyo yabaye igihe abantu bicwaga cyane muri Kigali n'ahandi henshi mu gihugu, bicwa n'abasirikari n'Interahamwe. Izo ngabo z'Abafaransa zarebaga abicwaga nyamara ntibigeze babatabara, barabaretse baricwa bikomereza gucyura bene wabo.

Abafaransa ntibashatse gutabara kugira ngo bahagarike ubwicanyi bwakorerwaga mu maso yabo, cyane cyane ku kibuga cy'indege cya Kanombe no ku muhanda uva ku kibuga cy'indege ugana mu mujyi hagati. Bahasize benshi babasigira Interahamwe.

Hari Abatutsi bari bashoboye kurira mu modoka z'abasirikari b'Abafaransa zacyuraga abanyamahanga, ariko bagera kuri bariyeri bakabakuramo bakabicira imbere y'ingabo z'Abafaransa.

Imiryango yarimo abashakanye hagati y'Umufaransa n'Umunyarwanda barabatandukanije, abanze gutandukana barabasiga. Mu marira menshi, abagore bashakanye n'Abanyarwanda b'Abatutsi basabye ko abo bashakanye n'abana babo babatwara baranga. Abakozi ba ambasade y'Ubufaransa mu Rwanda cyane cyane Abatutsi barasigaye, abenshi baricwa.

Nyamara, ambasade y'Ubufaransa yafunguriye imiryango yayo umuryango wa w'uwahoze ari Perezida, abari mu mutwe w'abicanyi bashyizweho la Leta yariho, n'ibyegera bya Habyarimana byari ku isonga ry'Akazu. Abatutsi bageragezaga kurira urukuta rwa ambasade y'Ubufaransa barakubitwaga bakabasubiza inyuma, interahamwe zirabica.

Abakozi bo mu nzu yareraga imfubyi « orphelinat Ste Agathe » yari iya Agata Kanziga umugore wa Perezida Habyarimana barabatwaye, ariko Ubufaransa bwima ubuhungiro abana ba nyakwigendera minisitiri w'intebe Agathe Uwilingiyimana, wari umaze iminsi ibiri yishwe n'abasirikari b'U Rwanda bayobowe na Majoro Bernard Ntuyahaga.

Icyemezo cyo gucyura Abafaransa nticyafashwe indege ya Habyarimana ikimara guhanurwa cyangwa se iminsi ibiri yakurikiyeho, icyo cyemezo cyafashwe n'abanyepolitiki bashakaga guha ingufu ingabo z'u Rwanda zari ku rugamba.

Tariki ya 8 Mata 1994, umuryango wa Habyarimana n'abandi bahezanguni buriye indege z'Abafaransa bajyanwa i Bangui, bakomereza i Paris.

Mu ntagondwa z'abajenosideri batwawe n'ingabo z'Abafaransa harimo Felisiyani Kabuga wabaye umushoramari wa Jenoside, akaba Perezida wa Komite y'agateganyo y'isanduku yo kuramira umutekano w'igihugu na Perezida wa Komite ya Radiyo RTLM yari igikoresho cy'ubutegetsi bubi cyo kwamamaza ikorwa rya jenoside. Uwo Felicien Kabuga niwe watumiye mu mahanga toni 25 z'imihoro mu Ugushyingo 1993, n'indi mipanga 50,000 muri Werurwe 1994. Felicien Kabuga yari agishakishwa n'ubutabera mpuzamahanga hashize imyaka 26 yose, yaje gufatwa tariki ya 17 Gicurasi 2020 mu nkengero z'umujyi wa Paris. Aregwa icyaha cya jenoside, gushishikariza mu ruhame gukora jenoside, ubwumvikane mu gukora jenoside n'ibindi byaha byibasiye inyoko muntu (Gutoteza, kurimbura abantu).

Kuri urwo rutonde hari na Ferdinand Nahimana, intiti yari izwi cyane, umwarimu muri Kaminuza y'u Rwanda. Ferdinand Nahimana yabaye Diregiteri wa ORINFOR anaba umwe mu bashinze RLTM. Yakoresheje radiyo, kuko ariyo ishobora kugera ku bantu benshi, mu gukwirakwiza urwango n'urugomo. Nahimana yakatiwe igifungo cy'imyaka 30 kubera " *kuba yarashishikarije mu ruhame gukora jenoside no gutotezaa bigize icyaha cyibasiye inyoko muntu akoresheje ibiganiro bya RLTM"*

**Ishyirwaho rya guverinoma y'abicanyi yari iyobowe na Kambanda**

Mu gitondo cy'itariki ya 8 Mata, Bagosora yakoranije abayobozi bagize Hutu-Power, kugira ngo bashyireho guverinoma, bose bavaga mu mashyaka y'abahezanguni. Ishyirwaho ry'iyo guverinoma ryabereye muri ambasade y'Abafaransa bihagarariwe na Ambasaderi w'Ubufaransa mu Rwanda, Jean-Michel Marlaud.

MRND yari ihagarariwe na Matayo Ngirumpatse, Edouard Karemera, visi Perezida we na Joseph Nzirorera, Umunyamabanga Mukuru; MDR ihagarariwe na Froduald Karamira, Donat Murego, PL ihagarariwe na Justin Mugenzi na Agnes Ntamabyaliro. PSD yari ihagarariwe na François Ndungutse na Hyacinthe Nsengiyumva Rafiki, PDC ihagarariwe na Jean-Marie Vianney Sibomana, Célestin Kabanda na Gaspard Ruhumuliza.

MRND yashyizeho Dr Théodore Sindikubwabo nka Perezida wa Repubulika, Bagosora nawe ashyiraho Jean Kambanda ku mwanya wa Minisitiri w'Intebe.
Iyo guverinoma yari ifite gahunda imwe gusa : gutanga umurongo w'uko Jenoside igomba gukorwa mu gihugu cyose, gutanga intwaro, gukangurira abaturage gukora Jenoside no kuyisobanura mu mahanga.

**Abatutsi biciwe kuri Paruwasi Gatolika yitiriwe Mutagatifu Visenti wa Pallotti i Gikondo muri Kigali**

Tariki ya 09 Mata 1994, Interahamwe, abasirikare n'abajandarume bishe Abatutsi bari bahungiye kuri Paruwasi gatulika yitiriwe Mutagatifu Vicenti wa Paloti i Gikondo bagera kuri 500. Kuri uwo munsi, Ingabo za Loni ziboneye ubwicanyi bwakorewe Abatutsi biganjemo abana muri kiliziya i Gikondo. Uyu munsi kandi ni nabwo abasirikare ba Leta  batwitse Abatutsi bari bahungiye mu Mudugudu wa Nyakabanda II munsi ya Hoteli Baobab.

Ikinyamakuru cy'abafaransa Libération nicyo cya mbere cyise ubwo bwicanyi jenoside, mu nyandiko yanditswe n'umunyamakuru Philippe Ceppi wari mu Rwanda igihe cya Jenoside.

**Abatutsi bakomeje kwicwa ahantu hanyuranye mu gihugu: muri Kibungo, Kigali, Ruhengeri na Kibuye**

Kuri uyu munsi kandi Abatutsi bari bahungiye ku misozi ya Murama, Murundi, MwiriNyamirama na Kabare  mu Karere ka Kayonza, kimwe n'abari bahungiye kuri Paruwasi gatolika ya Kabuye mu Murenge wa Jabana mu Karere ka Gasabo barishwe.

Interahamwe zishe Abatutsi muri  Segiteri  Nyagatare I mu Karere ka Nyagatare ndetse n'abari bahungiye kuri Paruwasi ya Zaza muri Kibungo aho guhera tariki ya 09. Ubwo bwicanyi bwarakomeje, ababarirwa hagati ya 500 na 800 bishwe.

Guhera tariki ya 9 mata, Interahamwe zatangiye kwica Abatutsi bari bahungiye i Kiramuruzi  mu Karere ka Gatsibo, hamwe n'abari bahungiye ku musozi wa Nyamagumba muri Komine Mabanza muri Perefegitura ya Kibuye. Abatutsi birwanyeho iminsi itanu (9 Mata-14 Mata), hishwe Abatutsi barenga 12000.

Kuri uyu munsi nanone, hishwe Abatutsi bari bahungiye i Nyabikenke, ku biro byahoze ari iby'umurenge wa Karama muri Bumbogo ndetse n'ahandi hantu hatandukanye harimo i Cyabingo , muri Perefegitura ya Ruhengeri, muri centre y'ubucuruzi ya Karamano mu Mataba mu Karere ka Gakenke, ku Rusengero

rw'Ababatisiti rwa Rusiza muri Kabumba, Perefegitura ya Gisenyi, muri Kiliziya ya Nyundo no mu nkengero zayo, ndetse no muri Maternite ya Nyundo muri Perefegitura ya Gisenyi, ubu ni mu Karere ka Rubavu.

Ahitwa mu Kivuruga muri Komini Cyabingo hari huzuye abasirikare batangiraga Abatutsi bageragezaga guhunga. Uretse aho kuri bariyeri, Abatutsi biciwe i Cyabingo na Busengo. Interahamwe zabishe zazaga kuri kaburimbo ahitwa kuri Mukinga zifite ibiganza by'abo zamaze kwica; zigakomereza kuri Paruwasi katolika ya Rwaza mu yari Komine Ruhondo kwica abandi.

## 2.4. KUWA 10 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIGALI NGARI, GIKONGORO, GISENYI, BYUMBA, KIBUNGO NA CYANGUGU

### Abafaransa bakomeje gufasha guverinoma y'abicanyi yayoborwaga na minisitiri w'intebe Jean Kambanda

Kuvana abantu mu Rwanda bajyanwa mu Bufaransa byarakomeje, imfubyi 94 bakomoka mu miryango y'abasirikari ba Habyarimana babaga mu kigo cy'imfubyi "Sainte-Agathe" cyari icya Agata Kanziga, umugore w'uwari Perezida wa Repubulika bajyanwe i Paris banyuze i Bangui. Bari baherekejwe n'abantu 34 umwirondoro wabo ntiwigeze utangazwa.

Tariki ya 10/4/1994, Jérôme Bicamumpaka wari minisitiri w'ububanyi n'amahanga muri guverinoma yakoraga jenoside yakiriwe na ambasaderi w'ubufaransa mu Rwanda, Jean-Michel Marlaud, amusaba ko ingabo z'Ubufaransa zigomba gutabara kugira ngo zishyire ibintu ku murongo, ni ukuvuga kurwana ku ruhande rwabo mu ntambara barwanaga na FPR. Abafaransa ntibigeze basaba guhagarika ubwicanyi, ibi bikaba kwari ugushyigikira ko ubwicanyi bukomeza.

### Abasenyeri gatorika banditse ko babajwe n'urupfu rwa Habyarimana, ntibigera bamagana jenoside yakorerwaga Abatutsi

Mu itangazo ryanditswe tariki ya 10/4/1994 rishyirwaho umukono na Mgr Thaddée Nsengiyumva, musenyeri wa Kabgayi akaba yarayoboraga inama y'abasenyeri icyo gihe, risohoka mu kinyamakuru cya Vatikani cyitwa « Osservatore Romano », abasenyeri gatorika b'u Rwanda «babajwe n'urupfu rwa Habyarimana hamwe n'umubare wabishwe nyuma».

Abasenyeri bavugaga ubwicanyi muri rusange, ntibigeze bavuga Abatutsi bicwaga, cyangwa ngo bavuge ababicaga. Bashimye cyane ingabo za Habyarimana « ngo zabungabungaga umutekano mu gihugu ». Abasenyeri ntibigeze bagira icyo bavuga ku ruhare rw'ingabo z'igihugu mu bikorwa by'ubwicanyi. Bishimiye ishyirwaho rya guverinoma nshya, bayisezeranya kuyishyigikira. Basabye Abanyarwanda kuyishyigikira , bakitabira ibyo babasaba byose.

Ibi byerekana ko abasenyeri gatorika bari bashyigikiye ubwicanyi bwakorwaga, kuko bari bashyigikiye ababukoraga, bashyigikiye ingabo zicaga, na guverinoma yarimburaga abaturage.

**Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi muri Rushashi muri Kigali Ngari**

Tariki ya 10 Mata 1994, Abatutsi benshi ba Rushashi biciwe i Rwankuba kuri Paruwasi gatolika, hafi y'ibiro by'Umurenge wa Rushashi hahoze SuPerefegitura Rushashi ndetse n'Urukiko, i Shyombwe ndetse no mu gace k'ubucuruzi ka Kinyari (hiswe CND mu 1994).

Rushashi ni ahantu habereye inama zitegura kwica Abatutsi, harimo izabereye kwa Burugumesitiri w'icyahoze ari Komini Musasa witwaga Havugimana Aloys ndetse no ku biro by'iyo Komini, izaberaga kandi ku cyicaro cya Perefegitura ya Kigali Ngali ziyobowe na Perefe Karera François, ku biro bya SuPerefegitura ya Rushashi, ibiro bya Komini Rushashi kuri Segiteri ya Shyombwe, EAV Rushashi, no ku biro bya Segiteri Joma.

Twakwiutsa ko Perefe Karera Francois yahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko mpanabyaha mpuazamahanga rwashyiriweho U Rwanda. Yakatiwe igihano cy'igifungo cya burundu, agwa mu munyururu.

**Mugirangabo Silas, Burugumesitiri wa Komini Rwamiko, Superefe Biniga Damiyani, barimbuye Abatutsi bari bahungiye mu kigo nderabuzima cya Ruramba muri Komine Rwamiko, Gikongoro**

Kuwa 10 Mata 1994 nibwo Abatutsi bari bahungiye mu kigo Nderabuzima cya Ruramba muri Komine Rwamiko, Perefegitura ya Gikongoro bishwe. Abagize uruhare mu kubica harimo Mugirangabo Silas wari Burugumesitiri wa Komini Rwamiko, Superefe Biniga Damiyani,-Mutaganda wari Konseye wa Ruramba, Gafaranga Innocent wari Inspecteur w'amashuri muri Komine Rwamiko, Nkurikiyinka Celestin wari Umwalimu, Kidahenda Oswald wari Impuzamugambi ya CDR, Kabuga Leodomir (CDR), Nkuriza Felicien, Ndabarinze wari diregiteri w'uruganda rw'icyayi rwa Mata na Nkuriza Anatole wari Ushinzwe urubyiruko.

Inama zakoreshwaga n'abategetsi icyo gihe zigirwagamo uburyo Abatutsi bagomba kwicwa zaberaga mu gasanteri ko mu Ruramba aho isoko ryubatse ubu ziyobowe na SuPerefe Biniga. Mu Ruramba hakaba hari urwibutso rwa Jenoside rushyinguyemo imibiri iri hagati ya 1200-1500.

**Abatutsi biciwe muri Ngororero, Komini Satinsyi batwikishwa lisansi.**

Kuva ku itariki ya 8 kugeza kuya 10 Mata, 1994, mu Ngororero ahari icyahoze ari ingoro ya MRND ndetse n'ibiro bya SuPerefegitura Ngororero ya Perefegitura Gisenyi; hiciwe Abatutsi benshi baturutse mu byari Komini Satinsyi, Ramba na Gaseke no mu nkengero zaho, ariko hari n'abatwikiwe muri ayo mazu y'ubutegetsi hakoreshejwe lisansi (essence) mu gihe bo bibwiraga ko baje kuhihisha. Inama nyinshi zabaye zirebana no kubica zaberega mu byari ibiro bya SuPerefegitura ya Ngororero, ku biro bya za Komini Ramba, Gaseke, na Satinskyi. Abenshi mu Batutsi bishwe ku wa 10 Mata 1994, kandi ni nayo tariki Akarere kibukiraho abahaguye.

Amazina ya bamwe mu bantu biciwe ku rwibutso hari: Rwangarinda Berchmas wari umwarimu ndetse n'umuryango we, umucuruzi Bizimungu Martin, umuryango wa Rukara n'abandi muri bamwe bahahungiraga nyuma bagasubira mu ngo zabo. Mu cyari ibiro bya SuPerefegitura ya Ngororero, hakusanyirijwe hanicirwa Abatutsi nyuma y 'inama zabereye ku biro bya za Komini Ramba, Gaseke, na Satinskyi.

**Abasirikari bo mu kigo cya Gako barimburiye Abatutsi ku musozi wa Rebero mu Murenge wa Mayange, mu Bugesera**

Ku i Rebero aha haherereye mu Karere ka Bugesera, Umurenge wa Mayange. Muri 1994 ubwo Jenoside yatangiraga gushyirwa mu bikorwa Abatutsi bari batuye hafi yo ku i Rebero, aba Mayange, ku Kibenga, abandi bake ba Nyamata, abo muri Mbyo ndetse n'abandi bahungiye kuri uyu musozi wa Rebero kuko bibwiraga ko nibahahungira bari bufatanye n'Abatutsi baho bakaba babasha kwirwanaho.Kuwa 08/04/1994 ku musozi wa Rebero hari hamaze kugera Abatutsi batari bake maze bishyira hamwe kuwa 08/04/1994 haje igitero gikomeye ariko cyasanze Abatutsi bari ku i Rebero bihagazeho barwanya icyo gitero gisubira inyuma.

Kuwa 10/04/1994 nibwo ku i Rebero haje abasilikare bari bavuye mu kigo cya gisirikare i Gako kirasa Abatutsi bari ku musozi wa Rebero. Harokotse bake cyane kuko abasirikare bararasaga maze Interahamwe zikaza inyuma zitema utarashiramo umwuka.

**Abatutsi biciwe muri Kiliziya ya Gahanga, Kigali.**

Kuwa 08/04/1994 ubwo Jenoside yari yakajije umurego nibwo Abatutsi benshi ba Gahanga bahungiye muri kiliziya ya Gahanga. Iyi kilizia yahungiyemo Abatutsi benshi bavuye impande zitandukanye mu nkengero za Gahanga. Muri iyi kiliziya hinjiyemo abantu bavanze harimo Abahutu ndetse n'Abatutsi kuko mbere hari bamwe mu Bahutu batari bazi neza abicwa abo aribo. Bigeze kuwa 09/04/1994 nibwo abayobozi ndetse n'Interahamwe batangiye kuvuga ngo Abahutu musohoke. Ubwo uwabaga ari Umuhutu wese icyo gihe yarasohotse, ubwo hazaga umugabo w'Umuhutu agafata umugore we cyangwa umwana we waba yahungiye muri Kiliziya.

Uwabaga ari Umututsi wese ntiyemererwaga gusohoka. Byageze kuwa 10/04/1994 Abahutu bose bari bahungiye muri Kilizia bari bamaze kuvamo hasigayemo Abatutsi gusa. Uwo munsi 10/04 nibwo batangiye kwica Abatutsi ariko Abatutsi bari bahahungiye bagerageje kwirwanaho bigeze aho Interahamwe ziravuga ziti turagiye rwose muraducitse ntabwo tuzagaruka . Uwitwa konseye Buregeya niwe wasabye ko haza abasirikare ngo bice Abatutsi bakoresheje imbunda.

Nyuma kuri uwo munsi kuwa 10/04/1994 haje abasilikare barasa muri kiliziya Abatutsi benshi barahagwa, nyuma haza Interahamwe zikajya zireba abagihumeka zikabatemagura. Abatutsi bari bahungiye muri kiliziya hafi ya bose bahasize ubuzima nuwabashije kuhava yari yarakomeretse cyane.

Ubu aho iyo kilizia yahoze hubatswe urwibutso rwa Jenoside aho hashyinguye imibiri isaga ibihumbi birindwi (7000).

**Interahamwe z'i Murambi yayoborwaga na Gatete Jean-Baptiste zateye Abatutsi b'i Rwinkeke, i Karambi, Segiteri Murundi, Umurenge wa Kayonza, barabica bose**

Rwinkeke i Karambi mu Murenge wa Murundi hari kiliziya gatolika, Abatutsi bahahungiye ari benshi mu matariki ya 8 – 9/04/1994. Kuwa 10/04/1994 abicanyi bo muri aka gace bafatanije n'Interahamwe zaturutse i Murambi kwa Gatete Jean-Baptiste bica Abatutsi bari bahahungiye bose babajugunya mu byobo by'imisarani byari byaracukuwe hafi ya Kiliziya. Abaicanyi bari ku isonga ni Gahirwa Appolinaire wahamwe n'ibyaha bya Jenoside ariko ubu akaba yarafunguwe na Gakwandi utarigeze aboneka kugeza ubu ngo ashyikirizwe ubutabera.

**Ubwicanyi bwarakomeje mu tundi duce tw'u Rwanda**

Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi kuri Paruwasi ya Nyarubuye, Rusumo, hagati y'ibihumbi bitatu n'ibihumbi bine barishwe, Ubwicanyi bwayobowe na Sylvestre Gacumbitsi wayoboraha komini ya Rusumo.

Uwo munsi Interahamwe zishe Abatutsi i Karambi, muri komini Cyimbogo (Cyangugu).Hagati ya tariki ya 10-11 mata, abarenga 1000 biciwe muri kiriziya ya Zaza (Kibungo).Tariki ya 10, habaye ubwicanyi bukomeye kuri Paruwasi ya Kiziguro buyoborwa na Jean-Baptiste Gatete, burugumesitiri wa Murambi, hicwa hagati ya 3,500 na 3,700.

## 2.5. KUWA 11 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIGALI Y'UMUGI, BYUMBA, CYANGUGU NA KIBUNGO

**Ingabo z'Ababiligi zataye impunzi z'Abatutsi muri ETO Kicukiro, bicirwa i Nyanza ya Kicukiro**

Mu kigo cy'ishuri ry'imyuga rya Kigali, (ETO) ryari ishuri ry'abapadiri b'abasalizayani. Kuva 1963 Abatutsi babahungiragaho bakabafasha. Hari hazitije umukwege warasiwemo Abatutsi benshi. Byabaye kuva Abatutsi bageze muri icyo kigo tariki ya 8 Mata 1994 kugeza tariki ya 11/04/1994 bajyanwa kwicirwa I Nyanza ya Kicukiro.

Mu 1994 muri ETO hari ingabo za MINUAR zari mu butumwa bw'amahoro byatumye Abatutsi bahahungira ari benshi bizeye kurindwa n'ingabo zifite intwaro. MINUAR imaze kubasiga mu menyo y'Interahamwe n'abasirikare biteguye guhita babica ku wa 11/04/1994.

Col Rusatira Leonidas yazanye abasirikare benshi batangira Abatutsi bashakaga guhungira kuri CND aho ingabo za FPR zari zikambitse (ku ngoro y'Inteko ishinga Amategeko), no kuri Stade Amahoro i Remera, barabashorera bagenda babica kuva kuri SONATUBES kugera i Nyanza ya Kicukiro barahabicira babatera amagerenade ubundi Interahamwe zikajya mu mirambo gutema abatahwanye no kubacuza.

Ingabo z'ababiligi zatereranye Abatutsi muri ETO zari ziyobowe na Lieutenant Luc Lemaire, akaba yari akuriwe na Lieutenant-Colonel Dewez, bose bakaba bari

bayobowe na Colonel Luc Marshall ari nawe wari wungirije Jenerali Dallaire ku buyobozi bw'ingabo za MINUAR. Abo nibo bakwiye kubazwa mbere y'abandi iyicwa ry'Abatutsi bari bahungiye muri ETO.

**Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi muri kiliziya ya Paruwasi Gatolika ya Kiziguro, muri Komini Murambi**

Kuva kuwa 07/04/1994 kugeza kuwa 10/04/1994 Abatutsi batangiye guhunga hirya no hino bahungira kuri  Kiliziya i Kiziguro bahageze babeshywa ko bajyiye kuharindirwa ariko barabareka bariyegeranya baragwira maze  ku itariki ya 11 Mata 1994 barabica guhera 10h00 kugera 16h00.

Bishwe n' Interahamwe  zoherejwe n'uwahoze ari Burugumesitiri Gatete Jean Baptiste afatanyije na Rwabukombe Onesphore wari burugumesitiri wa Muvumba, Mwange Jean de Dieu, Sibomana Martin wari assistant burugumesitiri wa Murambi, Nkundabazungu Augustin wari umucuruzi, Niyonzima Deogratias (Brigadier wa Komini), Munyakazi (policier), Mbuguje Jean Damascene (umucuruzi), Muganga Manasse, Mirasano Emmanuel, Biramahire Kaguru, Karekezi Augustin, Munyabuhoro Pierre Claver, Gakombe Balthazar, Gakwerere Aloys, Mutsinzi Emmanuel, Karengera Paulin (inspegiteri w'amashuri abanza), Musoni Francois, Manihura Habib, Kabalira Sylvain n'abandi.

Abo bicanyi bari bahagarikiwe n'abasirikare baturutse i Gabiro bazanywe n'umusirikare mukuru  witwaga  Major Nkundiye Leonard wahoze ari umukuru w'abasilikare barindaga Perezida Habyarimana.

Biciwe mu gikari cya Paruwasi  hafi y'amatanki y'amazi, mu mizabibu yabo,   kwa muganga, mu nturusu hafi y'ishusho ya Bikiramariya, n' ahandi inyuma y'urukuta. Icyo  gihe hari agashyamba. Abicwaga batabwaga mu cyobo cya m 60 z'ubujyakuzimu kiri munsi y'amashuri abanza. Abantu babajugunyaga mu mwobo bamwe bakiri bazima. Uvugwa cyane wari ku rwobo yica ni Rwamakuba Emmanuel wari muganga, Sekamana na Fidele Karangwa bitaga Gasongo hamwe n' impunzi zaturutse Kiyombe.

**Abatutsi bahungiye kuri ADEPR Shagasha, Cyangugu, bose barishwe**

ADEPR Shagasha rwari urusengero rw'abarokore kandi rwasengeragamo abakirisitu benshi harimo n'Abatutsi benshi akaba ari nayo mpamvu Abatutsi bahahungiye. Abatutsi bahahungiye ni abana n'abagore kuko abagabo iyo bahagera bari kwicwa.Muri uru rusengero hahungiyemo abagore n'abana bagera kuri 60,

bakaba baratangiye kuhahungira guhera tariki ya 11/04/1994 Abatutsi batangiye kwicwa no gutwikirwa amazu. Muri uru rusengero n'ubwo hahungiyemo abagore n'abana, ariko Interahamwe zazaga kurobanuramo abana b'abahungu bakabica.
Kugirango baticwa bambikwaga amakanzu, Interahamwe zaza zikagira ngo ni abakobwa. Ikindi gikorwa kirenzeho ni uko abagabo bakurwaga muri Segiteri ya Shagasha, Munyove, Rwahi bose bazanwaga kwicirwa kuri iyi ADEPR ya Shagasha, hakaba hariciwe Abatutsi benshi bakurwaga muri iyi Mirenge yavuzwe haruguru.

**Abatutsi biciwe i Save muri Komine Gisuma, Cyangugu**

Mu cyahoze ari Komini Gisuma, Segiteri ya Ruharambuga, Selire ya Gihinga muri Perefegitura ya Cyangugu, uyu munsi akaba ari mu Karere ka Nyamasheke, Umurenge wa Ruharambuga mu Kagari ka Save, muri Jenoside kuwa 11/04/1994 hahurijwe Abatutsi basaga 50, bahurizwa mu nzu y'uwitwaga Mukandagara Odette babiciramo bose barabarangiza. Aha naho hakaba harabaye umukwabu wo kubagota mu Kagari kabo bakabahuriza muri iyo nzu bakabona kubica.

Nanone mu cyahoze ari Segiteri Nyamuhunga, Serire Kimpundu naho hiciwe Abatutsi basaga 1,000 bakaba bari bakusanyijwe n'Interahamwe zaho zatangiye gukubita abantu no kubatoteza bikabije, Abatutsi baho bahitamo guhungira kuri Segiteri ya Nyamuhunga ariko akaba ari nabwo buryo Interahamwe zari zateguye kugira ngo zibashe kubica zibarangize. Barahahungiye kuva kuwa 09/04/1994 nimugoroba bamaze kuba benshi kuwa 11/04/1994 kumanywa nibwo babagose barabica.

Bishwe n'Interahamwe zari zaturutse mu ma Serire yegereye Segiteri ndetse n'abapolisi ba Komini. Interahamwe zari ziyobowe na Konseye wa Segiteri ndetse na Rujigo François n'abapolisi ba Komini bari baje bababeshya ko baje kubarinda naho ariukubagota ngo batazahungira ahandi bigamije kubicira hamwe ari benshi.

**Abatutsi biciwe kuri Paruwasi ya Hanika, Cyangugu**

Kuri Paruwasi ya Hanika mu Karere ka Nyamasheke, mu Murenge wa Macuba, mu mbuga yo kuri Paruwasi haguye Abatutsi basaga 15,000 bari bahahungiye . Biciwe mu nzu z'abapadiri, mu Kigo nderabuzima, no muri *Centre Nutritionel*. Aya mazu yose akaba ari aya Paruwasi ya Hanika.

Interahamwe zabishe ni Alphonse bahimbaga Rasta mwene Pasteur uyu akaba yari umusirikare. Niwe wakoresheje Grenade zishe Abatutsi, Ngoboka Xavier,

Gasheme mwene Basabose. Izindi Nterahamwe ni Hatunguramye Joseph, Hanyurwa Valens, Nkerabahizi Oscar, Michel Bahimaya, Mukono wari umucuruzi mu Kirambo akaba ari nawe waguriraga icyo kunywa Interahamwe ngo zice zifite morale.

Abatutsi bo muri iyi Komine yitwaga Gatare batangiye guhungira kuri Paruwasi ya Hanika kuva kuwa 08 - 09/04/1994 kuko babonaga Abahutu baho batangiye kwiremamo udutsiko, bavuga ko Abatutsi babiciye umubyeyi wabo, ariwe Perezida Habyarimana. Kuwa 09/04/1994 nibwo hishwe umusore wishwe atewe inkota n'umuturanyi we ashyingurwa kuwa 10/04 mu Muramba - Gitwa, Abatutsi bagiye kumushyingura abahutu barimo babakina ku mubyimba ngo muzashyingura muruhe.

Kuwa 11/04/1994 nibwo Burugumestre w'icyahoze ari Komine Gatare witwaga Rugwizangoga Fabien yahageze nka 12h00' avuye mu nama ya Prefet wa Cyangugu, Emmanuel Bagambiki. Nyuma y'aho nka 15h00' hahise haza igitero gikomeye kiza kubica Burugumestre ahavuye.

Iki gitero kandi cyarimo umugore witwaga Marigarita wari Konseye kuva mbere 1990 urugamba rwo kubohoza Igihugu rutangizwa, uyu mugore akaba yaragize uruhare rutaziguye mu gufungisha Abatutsi benshi babita ibyitso by'Inkotanyi.

**Abatutsi barimburiwe i Midiho, EAR Nyagatovu, Kayonza, Kibungo**

Mu Murenge wa Mukarange aho bita Midiho, mu Kagari ka Nyagatovu ku wa 11/04/1994 hiciwe Abatutsi basaga 200 bari bahungiye muri EAR Nyagatovu bicwa bose bigizwemo uruhare n'umucuruzi wari ukomeye muri *Centre* ya Kayonza witwa Kanyengoga Thomas. Kugeza ubu imibiri y'abahiciwe ntiyigeze iboneka ngo ishyingurwe mu cyubahiro.

## 2.6. KUWA 12 MATA 1994: UBWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIGALI Y'UMUGI, KIBUNGO, CYANGUGU, KIBUYE, KIGALI NGARI, BYUMBA, NA GITARAMA

**Froduald Karamira na MDR-Power bahamagariye intangondwa z'Abahutu kwica Abatutsi**

Tariki ya 12/4/2020, Karemera Froduald wa MDR-Power yavugiye kuri Radio Rwanda ko intambara ireba buri wese, ibi akaba yarabisubiyemo inshuro nyinshi mu byumweru byakurikiye. Yasabye abahutu kudasubiranamo ubwabo, ahubwo ko bagomba gufatanya n'ingabo mu kurangiza "akazi". Ayo yari ambwiriza yarebaga cyane cyane abayoboke ba MDR-Power abasaba kwibagirwa amacakubiri yari hagati yabo na MRND na CDR, ahubwo bagafatanya nabo mu guhiga Abatutsi. Uwo munsi, Radio Rwanda yasohoye itangazo riturutse muri minisiteri y'ingabo. Iryo tangazo ryavugaga ko "nta macakaburi yari mu ngabo no mu Bahutu muri rusange.

Rikomeza rivuga ko abasirikari, abajandarume, n'Abanyarwanda bose bafashe icyemezo cyo kurwanya umwanzi wabo, kandi ngo bose baramuzi. Ngo umwanzi aracyari wa wundi, umwe washatse kugarura ingoma ya Cyami, watsinzwe. Iyo minisiteri yasabye abasirikari, abajandarume, abaturage gukorera hamwe, gukora amarondo no kurwanya umwanzi.Uwo munsi guverinoma y'abicanyi yavuye i Kigali ijya gukorera i Gitarama, ihuza ibikorwa inashishikariza kurimbura Abatutsi muri Perefegitura zose z'igihugu.

**Muri Kigali, intumbi z'abishwe muri jenoside zakusanyirizwaga muri za kamyo, zikajugunywa mu byobo byari byacukuwe n'ibimashini**

Tariki ya 12/4/1994 ingabo za MINUAR zamenyesheje Jenerali Romeo Dallaire ko Abatutsi bari barimo kwicwa muri Gisenyi na Kibungo. Ubwe yivugiye uwo munsi ko muri Kigali intumbi nyinshi zapakirwaga n'abanyururu mu bimodoka bisanzwe bikoreshwa ku mihanda, zikabajugunywa mu bisimu byari byacukuwe na za kateripurari. Ibi bimodoka n'ibi bimashini byari ibya serivisi ya Minisiteri y'imirimo ya Leta bitaga "ponts et chaussée" yayoborwaga na Ntirivamunda Alphonse umukwe wa Perezida Habyarimana Juvenal. Ntilivamunda yahungiye mu Bufransa.

**Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumye, Boutros-Ghali yavuze ko MINUAR igomba kuva mu Rwanda muri jenoside**

Igihe Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'Ububirigi Willy Claes yari i Bonn mu Budage, yabwiye Boutros Boutros-Ghali ko *"MINUAR ntacyo ikimaze mu Rwanda. [...] ko MINUAR yari mu kaga. [...] ko mu Rwanda Ababirigi bafitiwe urwango". Atanga igitekerezo ko MINUAR yavanwa mu Rwanda. Boutros-Ghali amusubiza ko nawe ashyigikiye icyo gitekerezo.* Kugeza uwo nunsi Umuryango w'Abibumye wari waranze kongerera ububasha MINUAR n'ubwo Dallaire atahwemye kubisaba. Igihe cya jenoside, Boutros-Boutros Ghali yari mu ngendo i Burayi, arazikomeza atitaye ku ntabaza za MINUAR zavugaga ko mu Rwanda abantu batagira ingano bishwe guhera tariki ya 7/4/1994.

**Abatutsi barishwe i Mukarange mu Murenge wa Kayonza**

I Nyawera, mu Murenge wa Mukarange, mu Karere ka Kayonza, mu matariki ya 11-12/04/1994 habaye igikorwa cy'ubwicanyi burimo ubugome bukomeye. Interahamwe zishe umubyeyi witwaga Murebwayire wari utwite, zimubagisha umuhoro, zimukuramo uruhinja zihita zinamutwika n'uruhinja rwe. Kuri Paruwasi Gaturika ya Mukarange, tariki 07- 09/04/1994 Abatutsi bahahungiye ari benshi.

Kuwa 10-11/04/1994, batangiye kwicwa, birwanaho bakoresha amabuye n'amatafari ariko interahamwe zunganirwa n'abajandarume n'abasirikare.

Kuwa 12/04/1994, hazanywe urutonde rw'abagomba kwicwa, bategeka abatarapfa gusohoka mu kiriziya babizeza ko ntacyo bakibaye. Bageraga imbere ya Paruwasi, Interahamwe zigahita zibatema. Padiri mukuru, Joseph Gatare, wanayoboraga ishuri ryisumbuye rya Mukarange yari Umututsi, yarishwe. Uwari umwungirije, Padiri Munyaneza Jean Bosco w'Umuhutu yaritambitse, yanga ko Abatutsi bari bamuhungiyeho bicwa, Interahamwe zihita zimwica.

Interahamwe zishe Abatutsi i Mukarange zari zigizwe n'ibyiciro byose birimo abategetsi, abakozi ba Leta n'abacuruzi ba Kayonza : Senkware Célestin (burugumesitiri), Kanyangoga Thomas (umucuruzi), Ngabonzima Augustin (diplomate wari mu kiruhuho cy'izabukuru wari warakomotse I Kinyamakara ku Gikongoro) n'umuhungu we Ngabonzima Jean Claude wari umwarimu, Lieutenant gendarme Twahirwa, Sgt Nsengiyumva Edouard, Kayisabe Côme (wahoze ari umugenzurzi w'amashuri abanza), Nsabimana alias Kiyoni (umugenzuzi w'amashuri abanza), Simparikubwabo alias Simba (wigeze nawe kuba umugenzuzi w'amashuri), Mutaganzwa (umucuruzi), Gashumba Samson (Konseye

Mukarange), Kanyogote Nsabimana (Konseye Nyagatovu), Rudasingwa (umuyobozi wa CERAI Mukarange), Tuyishime Joseph (umwarimu muri CERAI Mukarange), Mugenzi (wayoboye CERAI Mukarange), Gahigi Samuel (umwarimu), Gafaranga (umwarimu), Kanyanzira (umucuruzi), Rwabagabo (burigadiye wa komini), Rwayihuku (wahoze ari umusilikare), Ndakaza Ignace, Migabo (umwarimu), etc.

**Ubwicanyi bwahitanye Abatutsi benshi bari bahungiye mu Murenge wa Nyabitekeri ahahoze hubatse Segiteri ya Mukoma, Nyamasheke, Cyangugu**

Mu Murenge wa Nyabitekeri ahaguye Abatutsi benshi ni ahahoze hubatse Segiteri ya Mukoma (Mariba). Abatutsi baho bakaba barishwe kuwa 12/04/1994 bababakuye mu ngo iwabo babatumiye mu nama yiswe iy'umutekano yari itumiwemo abagabo bose. Abagabo barahagurutse mu gitondo nka 8h00' basaba abagore n'Abana ko baba bagiye ku rusengero rw'Abadiventiste b'Umunsi wa Karindwi. Aho niho guhera tariki ya 10/04/1994 buri joro niho imiryango yose yahuriraga kugira ngo icungirwe umutekano. Abagabo bakarara bicaye bareba ko hari igitero cyaza bagahangana nacyo. Bageze aho bari batumiwe mu nama basanze nta nama ihari ahubwo hari Interahamwe zifite intwaro gakondo ziteguye kubica.

Konseye witwaga Kanyarurembo Joseph yahise abasaba kujya mu nzu ya Segiteri yari ishaje bababafungiranamo, hanyuma bamenamo *essence* yanga kwaka. Konseye Kanyarurembo yasabye uwitwa Torero Theodore wabaye umusirikari gufata grenade agateramo. Yateyemo grenade ebyiri, Umututsi wese ushatse gusohoka bakamwica.

Uwo munsi Abatutsi batagira ingano biciwe kwa Karemera Karaveri, i Mukoma muri Nyabitekeri, Nyamasheke. Aho mu rugo rwa Karemera Karaveri ni mu Murenge wa Nyabitekeri mu Karere ka Nyamasheke ahahoze ari muri Serire Mukoma. Muri urwo rugo hahungiye Abatutsi benshi, bishwe n'igitero cy'abicanyi b'umutwe wa Pima kuwa 12/04/1994 gihita gikomeza kijya kwica ku Badivantisite.

**Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi kuri Ngoma, Segiteri Bushekeri, Nyamasheke**

Ni ku muhanda munini uva ahitwa ku Kinini ugana ku kigo cy'amashuri abanza ya Ngoma mu Murenge wa Bushekeri, Akarere ka Nyamasheke. Muri Jenoside yose hari bariyeri n'ikirombe kirekire gifite hejuru ya metero 15. Abatutsi bo muri iyi Segiteri , ubu ni mu Kagari ka Nyarusange, bose barakusanywaga bakajyanwa kwicirwa ku Mugina nyuma y'uko Perefe Bagambiki Emmanuel azengurutse Cyangugu asaba Abahutu gutangira kwica. Kuva tariki 12/04/1994 kugeza tariki 18/04/1994 nibwo bishwe.

Abatutsi bahiciwe ni abo muri Segiteri ya Ngoma cyane cyane muri Serire ya Keshero kuko ariyo yari ituwe n'Abatutsi benshi. Baragoswe barabazamura ugeze kuri bariyeri wese yahitaga yicwa. Interahamwe zabishe zarimo abitwa Mazera, Ndayishimiye Emmanuel, Bazambanza n'abandi. Abatutsi bishwe urw'agashinyaguro kuko abagabo benshi babanje kubakata ubugabo, kubatema amaboko, ndetse bamwe muri bo babanje kubakuramo amaso, abagore bakabanza kubasambanya, abana b'impinja babamburaga ba nyina bakabajugunya muri cya kirombe ari bazima, ku buryo amanywa n'ijoro habaga ari imiborogo n'amarira y'abana bajugunywaga muri cya cyobo ari bazima.

**Burugumesitiri Furere Abel yarimbuye Abatutsi bo muri Komini ya Rwamatamu, Umurenge wa Gihombo, Kibuye**

Mu 1994, Komini Rwamatamu yayoborwaga na Burugumesitiri Furere Abel. Kuwa 12/04/1994 habaye inama kuri Komini ya Rwamatamu yatangiye nka saa ine z'amanywa (10h) isozwa nka 13h20 ikaba yari yitabiriwe na ba Konseye, Abakozi ba Komine ariko b'Abahutu, abacuruzi bari bakomeye b'Abahutu, ndetse n'Interahamwe. Irangiye nibwo ba Konseye baciye mu mpunzi bababwira ko amahoro yagarutse Abatutsi bakisubirira mu ngo zabo. Ariko nyuma yaho gato Abatutsi bari bahungiye kuri Paruwasi ya Kibingo batangiye kwicwa ndetse hari n'imodoka yuzuye Abasirikare yaje irimo n'Interahamwe, zahise ziza kuri Komini zari ziyobowe na Ruzindana Obed wari umucuruzi ukomeye ku Mugonero wabanje guca urusinga rwa Telephone yabaga kuri Komine ya Rwamatamu ngo Abatutsi batabasha gutabaza bene wabo bakabatabara cyangwa bakabibwira Abanyamahanga bikamenyekana. Nibwo hatangiye kumvikana amasasu menshi. Kuri uyu wa 12/04/1994, hishwe abana benshi ndetse n'abagore bari bahungiye mu rusengero barakomeza baza no kuri Komine. Uwo munsi hishwe Abatutsi barenga 250.

Ruzindana Obed yahamwe n'icyaha cya jenoside akatirwa igifungo cy'imyaka 25.
Kuva ku italiki ya 07/04/1994 kugeza kuwa 12/04/1994 ibitero byicaga Abatutsi hirya no hino muri Komini ya Rwamatamu byababaga biyobowe na: Kayishema André wari mwarimu, Ntaganzwa Charles, Ruhumuriza Celestin wahoze ari umusirikare, Ruzindana Obed, Gikeri wahoze ari umusirikare, Murego wari Interahamwe ikomeye na Murwanashyaka. Ariko kuwa 12/04/1994 hiyongereyeho izindi Nterahamwe zari zikomeye cyane zirimo: Kibati, Jean Paul, Nsonera Christophe wari warahoze ari umusirikare na Bimenyimana Aloys hamwe n'abandi benshi. Ubwicanyi bwarakomeje, igitero simusiga cyabaye tariki 17 Mata.

## Abatutsi barishwe mu Buharabuge, Rugarika mu Karere ka Kamonyi

Biharabuge, mu Mudugudu wa Kigarama, Akagari ka Sheri, Umurenge wa Rugarika, Akarere ka Kamonyi, hiciwe Abatutsi bari bahatuye n'abari bahahungiye guhera tariki 07 Mata 1994 baturutse i Kigese bahungiye mu miryango no mu nshuti zabo i Sheri. Habaye inama kuri Komini Runda ikoreshejwe na Burugumesitiri Ndayambaje Sixbert, yatumiyemo ba Resiponsabure bose ba selire na ba konseye abategeka kumenyesha Abatutsi ko aribo bahigwa, no kubwira Abahutu ko batagomba kongera gufasha Abatutsi.

Abatutsi bakusanyirijwe muri *Centre* ya Biharabuge, Interahamwe zigenda zicamo abo zishaka. Interahamwe zarabashoreye zibakikije ngo hatagira uwiruka, uwo bashatse gutema bagatema, abo bafata ku ngufu, n'ibindi. Izo nterahamwe zunganiwe n'izivuye mu Gatsata zari zifite bariyeri mu Rwabashyashya zayobarwaga koranaga na Sharangabo w' i Rugarika wari ufite imodoka yatwaraga interahamwe aho zajyaga kwica. Barabatwaye babageza mu Biharabuge, babicaza mu ishyamba bitaga Cyingumba, barabaryamisha, batangira kubakubita impiri, imihoro, amasuka n'ibindi. Bari Abatutsi babarirwa mu 1,000.

Ubwicanyi bwatangiye ahagana saa saba kugeza nka saa moya z'ijoro. Nyuma yo kwica bacuje imirambo, mu gitondo haje imodoka ipakira imirambo ndetse n'abatari bapfuye neza bayijyana kuyijugunya mu cyuzi bashoragamo inka cyitwa Cyabariza. Ubwicanyi bwabereye muri Komini Runda bwagizwemo uruhare cyane na Burugumesitiri Ndayambaje Sixbert, Assistant Burugumesitiri Habyarimana Vivien, umwarimu Uwimana Pelage, Joseph Setiba n'izindi nterahamwe.

## Ijugunywa ry'Abatutsi ba Runda muri Nyabarongo

Utugari dukora kuri Nyabarongo mu Karere ka Kamonyi, twari dufite *sites* nyinshi zanyurwagamo n'interahamwe n'abaturage bajya kujugunya Abatutsi muri Nyabarongo. Hari *site* izwi cyane y'ahitwa mu Ruramba. Kuroha Abatutsi muri Nyabarongo byakozwe cyane kuva tariki ya 12 Mata 1994 kugeza mu mpera za Kamena 1994. Tariki 12 Mata 1994 Abatutsi bari bahungiye ku Kigo Nderabuzima cya Kigese barabashoreye babajyana kubaroha muri Nyabarongo uwo munsi niho Abatutsi bashorewe ari benshi ariko na nyuma yaho byarakomeje. Uko bavumbuye Abatutsi bakabashorera bakabajyana kuri Nyabarongo, ndetse bakabakoresha urugendo rurerure rugera nko ku masaha atatu, bagenda bakubitwa kandi bashorewe n'imbaga y'abantu bagenda bavugirizwa n'induru. Bamwe muribo barababohaga bakabaroha muri Nyabarongo ari bazima, bakabatereramo amabuye, abandi bakabatema bagatabwa muri Nyabarongo.

**Iyicwa ry'Abatutsi bo mu Kabuga, Umurenge wa Bumbogo, Gasabo**

Kuva tariki 10-11 mata 1994, Abatutsi batuye mu bice bitandukanye bo mu murenge wa Bumbogo ahitwa mu Kabuga ka Nyabikenke, ahahoze ibiro bya Secteur Karama hiciwe Abatutsi benshi bagera ku bihumbi bine magana atanu (4500). Abahiciwe ni abari baturutse ahantu hatandukanye nka Bumbogo, Kanombe, Musave, Kimironko na Ndera bahahungiye kuko bari bababwiye ko abaho babahaye ubuhungiro kuri Secteur Karama. Batangiye kuhagera kuva kuwa 10 – 11/04/1994. Bigeze kuwa 12 Mata 1994, haza abaturutse i Gishaka n'abandi ba Nkuzuzu; bigeze nijoro umujandarume witwaga Emmanuel azana za grenade azihetse kuri moto, haza n'imodoka y'uwitwaga Tadeyo wari interahamwe kabuhariwe izanye imihoro bari bamaze kwicisha abari bahungiye mu kiriziya i Gishaka ayizanamo Interahamwe z'impunzi zari zaravuye i Kivuye muri Byumba hamwe n'abitwaga abakonya bari baravuye Ruhengeri batuye i Rubungo n'izivuka Bumbogo zarimo abitwa: Mutaganira, Muyoboke Augustin, Karangwa Theophile na Rwabutogo. Nibo bishe abo batutsi guhera k'umugoroba wo kuwa 12 bageza mugitondo cyo kuwa 13 babarangije.

**Iyicwa ry'Abatutsi i Musenyi mu Bugesera na Muhura muri Gatsibo**

I Musenyi mu Bugesera, Perezida Habyarimana akimara gupfa, Abatutsi batangiye gusenyerwa. Uwari responsabure wa serile Kagusa witwaga Karangwa yabwiye Abatutsi ko umututsi utari buhungire iwe bakamwica ntawe umumubaza.

Mu rugo rwe haje Abatutsi barenga 500. Karangwa yateguye gahunda y'uko bagomba kwica Abatutsi bari bahungiye iwe, atumaho igitero kirabica. Abatutsi bake bari basigaye i Kagusa batangiye guhungira i Nyamata ariko abenshi bicirwa mu nzira batahageze. Ubu, muri uru rugo rwa Karangwa hashyizwe ikimenyetso cya Jenoside. Mu murenge wa Remera, Akagari ka Rwarenga ahari muri Komine Muhura yayoborwaga n'uwitwa Ndayishimiye, kuva kuwa 07/04/1994 kugera kuwa 12/04/1994 hiciwe Abatutsi bamenyekanye 252 bakaba bashyinguye mu rwibutso ruhari.

## 2.7. KUWA 13 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIGALI Y'UMUGI, KIGALI NGARI, GISENYI, KIBUNGO, CYANGUGU, KIBUYE NA GIKONGORO

**Iyicwa ry'Abatutsi muri College Saint André i Nyamirambo**

Mu murenge wa Nyamirambo mu kigo cy'ishuri rya St André no muri Kiriziya yitiriwe Mutagatifu Karoli Lwanga hiciwe Abatutsi benshi bari bahahungiye baturuka Butamwa, Nyamirambo (Kivugiza, Mumena), Nyakabanda, Rwezamenyo, Kabusunzu, Nyarugenge (Biryogo). Bamwe muribo bagiye mu Kiriziya abandi bajya muri St André, abandi bajya mu kigo cy'abafurere cya St Joseph kiri i Nyamirambo.

Muri Kiriziya ya Karoli Lwanga hiciwe Abatutsi bake ugereranije n'abiciwe muri St André n'ubwo nabo bari bake ugereranije n'abiciwe mu kigo cya St Joseph kuko abari aho hose bavuzwe haruguru bumvaga amakuru y'uko St Joseph hari benshi kandi abihaye Imana babafashe neza ntawababakoraho bose bagahita bagerageza kuba ariho bajya. Nyuma yo kwica abari bahungiye muri St André no muri Karoli Lwanga, bagiye kwica abari muri St Joseph kugeza n'aho bishemo bamwe mu bafurere bari banze ko abo Batutsi bicwa.

Abaharokokeye bahamya ko Abatutsi bari bahahungiye barengaga 2,000 kuko na nyuma yo kubica imirambo yari myinshi cyane igerekeranye.

**Iyicwa ry'Abatutsi i Kanyinya, Komini Nyarugenge**

Mu 1994 ku Murenge wa Kanyinya Abatutsi benshi baho n'abahahungiye baturukaga mu Murenge wa Jali, Akarere ka Gasabo bahungiye ku Murenge wa Kanyinya. Uwari konseye Nzabamwita Joseph abasaba ko babwira n'abandi bataricwa bakaza kugirango babarindire umutekano.

Ku wa 13/4/1994, abicanyi bamaze kubona ko nta bandi batutsi basigaye, konseye yababwiye ko agiye kubazanira abajandarume bakabashakira aho babashyira ababeshya ko ari kugirango bacungirwe umutekano. Baraza bababwira ko babajyanye ahitwa mu Kana mu gakombe kari hagati y'imisozi bakabarindiramo kuko nta nterahamwe yahamenya. Barabashoreye babagejejeyo barahabasiga bababwira ko bagiye kubashakira ibyo kurya. Bigeze ku mugoroba babazanira interahamwe zirabatemagura ijoro ryose abasirikare bajya hejuru y'umusozi kureba

ko hari ubasha kubacika kugirango bamurase. Barabishe bose harokoka abana bagera muri bane bari kumwe n'imirambo y'ababyeyi babo bahindutse amaraso bakagirango bapfuye.

**Iyicwa ry'Abatutsi ku Kiliziya ya Gishaka, i Bumbogo, Kigali**

Mu Murenge wa Bumbogo mu Kagari ka Nkuzuzu hari Abatutsi benshi bari bahatuye mbere ya Jenoside.  Mu gitondo cyo kuwa 07/04/1994 interahamwe zabyutse zivuza amafirimbi yo gutangira kubica bariyegeranya bishyira hamwe ku gasozi ka Nkuzuzu. Bakoresheje amabuye, amacumu n'imiheto. Izo nterahamwe zabicaga zarimo abitwa Nyundo, Vianney, Rubanguza, Karangwa, Gashumba, Rwiyamirira Michel, Habarurema, Emile, Ruhamanya Na Rwabuhihi. Barwanye nabo kuva kuwa 07/04/1994 nimugoroba, interahamwe zibonye ko zigiye kuneshwa kuwa 12/04/1994 nimugoroba zihuruza abasirikare ba Habyarimana kuwa 13/04/1994 babarasira kubamara ari nayo tariki yabaye mbi cyane mu mateka yabo.

Ababashije kuharokokera uwo munsi bahungiye kuri Paruwasi ya Gishaka, bagezeyo bahasanze umupadiri w'umuzungu witwaga Michel abasangisha abandi bari bahungiye mu kiriziya bari baturutse Rutunga, Rubungo, Nduba na Jurwe muri Ndera.

Padiri atangira kubashakira ibibatunga no kubasengera kuva mu ijoro ryo kuwa 13/04/1994. Bigeze kuwa 14/04/1994 interahamwe zirabatera zarimo abapolisi ba Komine Gikomero bitwaga: Nyarwaya Michel wari Burigadiye wa Komine Gikomero, Rubanguka Mathias wari umucungamutungo wa Komini Gikomero, Rusatsi wari umuganga kuri Centre de Sante ya Gishaka n'interahamwe yari ikomeye cyane yitwaga Sevara. Aba bose bakaba barafatanyaga na Burugumestre Rutaganira Telesifori wa Komini Gikomero n'abapolisi ba Komini Gikomero.

**Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi gatorika ya Musha, Kigali**

Ku wa 12-13 /04/1994Paruwasi ya kiliziya gatolika ya Musha hiciweho Abatutsi basaga 8,000 ubwo uwari Burugumesitiri wa Komini Gikoro Bisengimana Paul, Mukemba wari Umushoferi wa Komini na Makombe wari umukangurambaga w'urubyiruko bari ku isonga mu bwicanyi bwahabereye. Komini Gikoro yari iyobowe na Burugumestre Bisengimana kuva muri 1981.

Paul Bisengimana yayoboye interahamwe zibanza gukorera abakobwa n'abagore ibikorwa by'urukozasoni imbere y'ababyeyi babo, hari n'abo bajyanye mu byobo byacukurwagamo amabuye nyuma yibyo bikorwa bakanabiciramo.

Paul Bisengimana ufite umugore n'abana icumi yaburaniye mu Rukiko mpuzamahanga mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) yemera ibyaha by'ubwicanyi yakoze, akatirwa igifungo cy'imyaka cumi n'itanu.

**Iyicwa ry'Abatutsi ku Muhororo, Kibilira muri Ngororero**

Mu cyari Komini Kibirira, Jenoside yabanje kugeragezwa mbere ya Mata 1994 cyane cyane mu 1992 nyuma y'imbwirwaruhame ya Dr Mugesera Léon yavugiye ku Kabaya muri mitingi y'ishyaka rya MNRD aho abenshi bishwe harimo n'abo mu Makomini ya Ramba na Gaseke muri Ndaro. Na mbere y'ijambo ryo ku Kabaya, muri Kibirira habaye ubwicanyi hagati ya tariki ya 11 na 13/10/1990 hicwa Abatutsi benshi, barongera muri Mutarama 1993, muri Komini Giciye, Satinskyi, Ramba, Kanama, Kayove na Kibilira mu yahoze ari Perefegitura ya Gisenyi.

Hari n'abaroshywe mu mugezi wa Nyabarongo ahitwa ku Cyome i Gatumba, abiciwe i Kibirira ku bitaro bya Muhororo harimo abarwayi, abarwaza n'abaganga n'abandi bakozi bo mu bitaro, abiciwe ku kiriziya ya Muhororo no ku icumbi ry'abihaye Imana harimo ababikira n'abapadiri.

Abatutsi ba Kibirira kandi bamwe bafungiwe mu cyari IGA (Ikigo gihugura abaturage) Gatumba iri hafi y'ahari icyicaro cy'Umurenge wa Gatumba, bashaka kubatwikiramo ariko Abatutsi bamena ikirahuri baca mu kadirishya gato barahunga.

Inama zitegura ubwicanyi zaberaga mu biro bya za Komini Ramba na Kibirira, ku biro by'amashyaka MRND, CDR na MDR no ku biro bya "*Inspecteur d'arrondissement*" n'ahandi mu ngo z'abari abategetsi icyo gihe, hafi y'ahahoze Komini Kibirira, hari akabari "*Bar Ituze*" ka Abishuka Charles kari i Gatumba, akabari k'uwitwaga Rwanyagatare.

Ku Kiriziya ya Muhororo hiciwe ababikira n'abapadiri batandukanye, n'ubwo abihaye Imana bo mu muryango w'Abenebikira yo ku Muhororo bo babanje kwirwanaho ariko nyuma baganzwa n'amasasu y'imbunda zazanywe n'uwari burigadiye wa Komini Kibirira witwaga Mutabaruka alias Libenge n'izatanzwe na Hondero, Rwanyagatare na Dusabemungu bari batuye muri *centre* ya Rusumo/Gatumba.

**Iyicwa ry'Abatutsi kuri Kiliziya gatorika ya Rukara, Kayonza**

Ku kiliziya ya Paruwasi gatorika ya Rukara, hafi y'i Gahini, hahungiye Abatutsi benshi baturutse ahantu hatandukanye. Ku ikubitirom hishwe Abatutsi 12 bishwe bari bagiye kurwana n'interahamwe ngo zireke kubatwarira inka zabo kuko bari bazihunganye. Hamaze kwicwa abo nibwo n'ibyo bahunganye byose byatwawe, abandi nabo bahita bicwa ku wa 13/04/1994. Ubwicanyi bwayobowe ba Burugumesitiri wa komini Rukara Mpambara Jean, ndetse n'Interahamwe zari ziturutse Murambi ziyobowe na Gatete Jean Baptiste.

Nubwo Jean Mpambara yagizwe umwere n'urukiko mpuzamahanga rwa Arusha, abacitse ku icumu bemeza ko yari ku isonga ry'ubwicanyi akaba yarakoranaga bya hafi na Minisitiri Justin Mugenzi nawe ukomoka i Gahini. Mpambara yanabonetse mu Bufransa aho aba ashinjura Ngenzi Octavient na Tito Barahira bayoboye jenoside I Kabarondo bakaba barakatiwe igifungo cya burundu n'Urukiko rw'i Paris mu Bufransa.

**Iyicwa ry'Abatutsi i Ruharambuga, Nyamasheke**

Interahamwe za Rukoma ziyobowe na Gasarasi Wellars kuwa 13/04/1994 zagose Abatutsi baho barenga 60 zibahuriza kwa Nyirandimubenshi Asterie, zirahabicira. Nyuma yo kwica aba Batutsi Gasarasi yahuje interahamwe zari zimaze kubica arazishimira kubw'igikorwa bakoze ababwira ko ibyabo abibahaye, kandi bakwiye gukomeza guhiga Umututsi aho ava akagera. Na none mu cyahoze ari Segiteri Ruharambuga ya 1 muri Serire ya Kigabiro hafashwe abana 41 n'abagabo 2 bakuye iwabo babeshya ababyeyi ko babahungishije, abandi babakuye mu ngo ku gahato, babajyana mu cyobo cyari cyaracukuwe n'abahutu mu mwaka wa 1992 ku ishyamba rya Sarabuye bakabatamo ari bazima. Nyuma yaho bazana ibishangara byinshi babatwikira muri cya cyobo bari babajugunyemo ari bazima, bagerekaho amabuye ngo n'utarashiramo umwuka yicwe n'amabuye.

**Iyicwa ry'Abatutsi i Nyakanyinya, Mururu, Rusizi**

Mu Murenge wa Mururu, ahitwa Nyakanyinya, kuwa 13/04/1994 hakozwe ibarura ry'Abatutsi bari bamaze guhungira i Nyakanyinya, rikaba ryarakozwe na Patrice mwene Gatukura. Icyo gihe hari hamaze kugera Abatutsi nka 800, inka zabo zatwawe na Konseye Harerimana Jean Bosco, Sendege n'izindi nterahamwe.

Haje igitero cy'interahamwe nyinshi zari zivuye i Mururu, Nyakanyinya, Miko n'Abajandarume bari baturutsi i Gihundwe bahurira ahitwa Hangari baza kwica i Nyakanyinya. Barahageze batangira kwica n'ubugome bwinshi bakoresheje gerenade, imbunda n'intwaro gakondo kuko interahamwe zari zamaze kugota

Abatutsi bari bahahungiye kandi zari nyinshi, bamaze kubambura intwaro bari baje bitwaje, mbese byari bikomeye.

Nyuma abagore n'abana bahungiye mu mashuri no mu rusengero rwari ruhari, interahamwe zirurira zikuraho amategura zigata umuriro mu nzu kugirango Abatutsi bari bihishe mu nzu basohoke babone uko babica. Babonye badasohoka nk'uko babishakaga nibwo bazanye umuzinga w'inzuki bawubaturamo noneho bakwira imishwaro barabica. Abandi barimo abagore n'abana babatwikira mu rusengero. Aha hakoreshejwe iyicarubozo ribi cyane kuko interahamwe zaricaga zigasubira inyuma zigasambanya imirambo y'abakobwa b'Abatutsikazi. Urugero: Umwarimukazi witwaga Thacienne bamwishe nabi barangije bamujyaho baramusambanya ngo akiri muzima yari yarabimye.

**Iyicwa ry'Abatutsi i Kirinda, Karongi**

Kirinda iherereye mu cyahoze ari Komine Bwakira muri Perefegitura ya Kibuye ubu ni mu Murenge wa Murambi mu Karere ka Karongi. Hari hubatse ibitaro n'icyicaro cy'Itorero rya EPR. Mu gihe cya Jenoside Burugumesitiri wa Bwakira yitwaga Kabasha Tharcisse.Muri Jenoside, Abatutsi benshi bahungiye mu ishuri ryisumbuye, abandi bahungiye mu Bitaro. Bijejwe gucungirwa umutekano ariko nyuma yaho baje kwicwa ndetse imirambo yabo bakajya kuyijugunya mu mugezi wa Nyabarongo.

Umwe mu bari bayoboye Interahamwe zabishe yitwaga Nyiringabo Amani afatanyije by'umwihariko n'umucuruzi witwaga Semirindi Moïse wagize uruhare rukomeye mu kugura imihoro yo kwica Abatutsi ndetse n'imodoka ye yarifashishijwe cyane mu gutwara imirambo kuyijugunya mu mugezi wa Nyabarongo.

I Kirinda hazwiho by'umwihariko bariyeri yitwaga "intebe y'urupfu" naho hiciwe Abatutsi benshi.

Jenoside kandi i Kirinda yahuriranye n'inama y'Itorero rya EPR ku rwego rw'Igihugu yari ihateraniye, bamwe mu ba Pasitori bari bitabiriye inama barishwe hamwe n'imiryango yabo, uwari Umuyobozi wa EPR ku rwego rw'igihugu, Pasitori Twagirayesu Michel yagize uruhare rukomeye mu kubicisha.

**Iyicwa ry'Abatutsi muri Chapelle ya Gitwa, Rutsiro**

Chapelle Gatulika ya Gitwa yahungiyemo ndetse yiciwemo Abatutsi benshi mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi. Mbere hitwaga mu Gitwa ariko nyuma haje kwitwa i Nyamagumba mu cyahoze ari Cellule Bugina, Segiteri Kibingo, Komine

Mabanza muri Perefegitura ya Kibuye. Iyo Chapelle yari ishamikiye kuri Paruwasi Gatulika ya Congo Nil yari iyobowe n'umupadiri w'umufaransa witwa Maindron Gabriel nawe wagize uruhare muri Jenoside.

Mu Gitwa hari hatuye Abatutsi benshi b'abagatulika ari nayo mpamvu nyamukuru bahungiye kuri Chapelle ya Gitwa bari bizeye kuzaharokokera ariko siko byagenze. Ikindi ni uko hari mu mpinga y'umusozi ku buryo bumvaga byababafasha kureba neza ibitero no kwirwanaho bibaye ngombwa. Abatutsi bahungiye kuri Chapelle ya Gitwa bari baturutse mu bice bitandukanye birimo mu Gitwa nyirizina, Selire za Gitarama, Buhoro, Ruhingo, Kabiraho zo muri Komine Mabanza n'ahandi.

Kuwa 11/04/1994 kugeza 13/04/1994 nibwo ibitero byagabwe kuri Chapelle ya Gitwa ndetse uwari Burugumesitiri wa Komine Mabanza Bagirishema Ignace yagiyeyo agezeyo abaza aho Abatutsi bahungiye bamubwira ko bagiye kuri Chapelle ya Gitwa **"**aravuga ngo bahungiye mu mpinga y'umusozi wa Nyamagumba**"** kubera umusozi wari mu Ruhengeri naho biciraga Abatutsi benshi guhera 1,959 na nyuma yaho. Uko niko hahise hitwa i Nyamagumba ku buryo n'uyu munsi hari abakihita gutyo. Ubuhamya buvuga ko muri Jenoside hiciwe Abatutsi barenga 9,304 bakaba bose bashyinguye mu Rwibutso rwa Jenoside rwahubatswe.

Abatangabuhamya bakomeje guhamya ko Burugumesitiri Bagirishema yagize uruhare rukomeye mu kubicisha, nubwo yaje guhanagurwaho icyaha n'urukiko rwa TPIR. Abandi bagizeuruhare mu kwica Abatutsi i Gitwaharimo uwari Brigadier Rwamakuba Emmanuel, Hakizimana Deo wari Umunyamabanga wa Komine Mabanza, Benimana Raphaël wari Burugumesitiri wa Komine Rutsiro, Maburakindi Isidore wari Burugumesitiri wa Komine Kayove n'abandi.

**Iyicwa ry'Abatutsi ku mashuri abanza ya Mbogo, Kinyamakara, Gikongoro**

Kuri Komine Kinyamakara, ku mashuri ya Mbogo n'umusozi wose wa Mbogo muri rusange. Kuwa 13/4/94 hakusanyirijwe Abatutsi benshi b'iyari komine Kinyamakara, n'abari bavuye Gikongoro mu mugi n'ahandi barahicirwa. Komini Kinyamakara yayoborwaga na Burugumesitiri Munyaneza Charles. Niwe wagiye guhuruza abasirikare n'abajandarume barimo Colonel Simba Aloys barabarasa bafatanyije n'interahamwe zari zitwaje imihoro, ubuhiri na n'ibyuma byo gutema ibyatsi, byose bishyashya n'udufuni. Kuri 13/04/1994 hishwe Abatutsi bagera ku 3,000. Abari ku isonga mu bwicanyi ni Mugemana wari Brigadier, Munyakanyinya

yari OPJ, Gasasira Alphonse yari ashinzweurubyiruko, Gasirabo Jonathan yari umwarimu mu mashuri abanza, n'abandi.

**Iyicwa ry'Abatutsi ahiswe kuri "Eskariye" (escalier), Muhima, Nyarugenge, n'i Nkomangwa, Kayonza**

Kuva tariki ya 13 kugeza tariki 14/04/1994 abantu b'igice kimwe cya Muhima munsi y'ahahoze gereza ya Nyarugenge, ahitwa mu Mudugudu w'Umwezi mu cyahoze ari Serire Ruhurura, hari interahamwe n'abasirikare bakusanyaga Abatutsi muri icyo gice bakababamanura babajyana ahiswe kuri "Escariye" bakazibamanuraho babatemagura, babahonda imitwe mu muhanda wa kaburimbo, abandi bakabarasa. Aho hantu hiciwe Abatutsi benshi kuko kuri uwo muhanda bari bahashyize na bariyeri itega abanyura muri kaburimbo nabo bakahicirwa bakabarunda mu muhanda. Kugeza ubu ikibabaza abafitanye isano n'abiciwe aha hantu ni uko iyo mirambo batazi aho yajyanywe ngo bayishyingure mu cyubahiro.

Zimwe mu nterahamwe zagize uruhare mu kwica aba bantu zabashije kumenyekana: Ndemeye Nicodemu wari umukuru wazo, Gashayija Etienne, Charles, Rurangirwa Jean Paul wakatiwe igifungo cya burundu n'inkiko Gacaca, akaba afungiye muri gereza ya Mageragere, n'abandi.

Mu Kagari ka Nkomangwa, mu Murenge wa Kayonza, ku wa 13-14/04/1994 hajugunywemo Abatutsi benshi cyane banabwira abana bari bakiri bato ngo nibaze babajyane ku mashuri kandi babajyanye muri Muhazi.

Bivugwa ko haguye abari hejuru ya 136 bo mu Murenge wa Munyiginya n'abandi batazwi umubare bari baturutse imihanda yose.

## 2.8. KUWA 14 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIGALI NGARI, GIKONGORO, KIBUYE, KIBUNGO, CYANGUGU

**Iyicwa ry'Abatutsi kuri ADEPR Maheresho, Nyamagabe**

Tarika za 13 na 14 Mata 1994, Abatutsi bishwe i Maheresho n'interahamwe n'abajandarume bari bahamagajwe na burugumesitiri wa Komini Rukondo, Hategekimana Didace, afatanyije na Pasteri Emmanuel Hakizimana wa ADEPR

Maheresho. Barabanje bica Pasteri w'umututsi, Evariste Rwabihinda. Uwo munsi, mu rugo rw'ababyeyi b'uwari Minisitiri w'ubuhinzi n'ubworozi, Nzamurambaho Frederic wari mu bayobozi b'Ishyaka rya PSD, hiciwe Abatutsi bari bahahungiye bahizeye imbaraga kubera ko bumvaga ntawuzabasangayo.

Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi i Maheresho bwayobowe na Burugumesitiri wa Komini Hategekimana Didace, Munyambuga Jean Baptiste wari Perezida wa MDR muri Komini Rukondo, umuhungu we Twagiramungu Jean wari umukuru w'Interahamwe, Kagimbura Martin wari umwarimu akaba na visi Perezida wa MDR, Munyandinda Joel wari umugenzuzi w'amashuri abanza, Bikorimana Gaspard wari umwarimu, Nyagatare Cyprien wari umwarimu, Hakizayezu Jean, Mageza Onesphore, Bukeye Alphonse, Gashugi Damien, Ntahompagaze Antoine, n'abandi. Ubwicanyi bwakozwe n'abicanyi n'abajandarume bari bavuye mu kigo cyabo cya Gikongoro.

**Iyicwa ry'Abatutsi bari bahungiye k'uruganda rw'icyayi rwa Mata, Nyamagabe**

Tariki ya 14/4/1994, Abatutsi bari bahungiye mu ruganda rw'Icyayi rwa Mata n'abandi bari bahaturiye batangiye kwicwa. Abamenyekanye banashyinguye ku rwibutso rw'urwo ruganda ni abantu bagera kuri 380.

Ababigizemo uruhare ni SuPerefe wa Munini Biniga Damien, Ndabarinze Juvenal wari umuyobozi w'uruganda rwa Mata, Mugirangabo Silas wari Burugumesitiri wa Komini Rwamiko, Hakizimana Ildephonse wari Perezida wa MDR Power muri Komini Rwamiko, Surwumwe Sylvestre wari Perezida wa MRND, Muriro wari Perezida wa CDR, Museruka wari OPJ wa Komini Rwamiko n'izindi nterahamwe.

**Iyicwa ry'Abatutsi bari bahungiye kuri Secteur Gati, Rwamagana**

Tariki 14/04/1994, Abatutsi biciwe muri Murenge wa Gati mu Karere ka Rwamagana. Ubwicanyi bwari buyobowe na Rutagengwa Jean Marie Vianney wari umukuru wa MRND. Niwe wakanguriye kwica muri Gati. Interahamwe yari ayoboye zamusabye gusatura Umutsikazi Consessa Mukandori ngo barebe uko ubwonko bw'Abatutsi bumeze arabyemera bahita bamuca umutwe barawusatura ndetse n'umugabo we witwaga Rwabukamebahita bamutsinda aho. Bari bafatanije ubwicanyi na Yosuwa Bigabiro, Kagubari, Nibivugire n'uwahoze ari Diregiteri w'amashuri ya Gati.

**Iyicwa ry'Abatutsi mu Birambo, Karongi**

Kuwa 14/04/1994, Abatutsi bari bahungiye mu kigo cy'ishuri cy'Abenebikira mu Birambo bagabweho ibitero byari bigizwe n'interahamwe, abasirikare, abajandarume bari bayobowe na Burugumetiri wa Komini Bwakira Kabasha Tharcisse. Bicishijwe imbunda, imipanga, amacumu, gerenade n'ibindi. Hiciwe Abatutsi barenga 5,000. Ikindi ni uko abicanyi batwitse imirambo myinshi bakoresheje *essence* ndetse baje kuzana n'imashini zo gucukura ibyobo byo kujugunyamo imirambo hafi y'ikigo cy'ishuri. Nyuma y'uko imirambo ibaye myinshi cyane bacukuye ikindi cyobo hafi y'ishuri ry'URUMURI, imodoka z'abacuruzi nizo zatwaraga imirambo zijya kuyijugunya muri ibyo byobo.

**Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi Gatorika ya Kibeho, Nyaruguru**

Tarikiya14/04/1994, kuri kiriziya ya Kibeho, Interahamwe zifatanyije n'abategetsi zarimbuye Abatutsi barenga 25.000 bari bahungiye ku Kiliziya no mu mazu ya Paruwasi gaturika ya Kibeho. Abatutsi babanje kwirwanaho bifashishije ibikoresho bari bafite. Abatutsi bashoboye guhangana n'igitero cyo ku wa 12/4/1994 barakinesha. Interahamwe za Kibeho zagiye gushaka abandi bicanyi bazifasha zibigeraho ku bufatanye n'abategetsi bakuru bo muri suPerefegitura ya Munini bayobowe na SuPerefe Damien Biniga, bazanye abajandarume n'interahamwe zivuye i Mata, Ruramba, Mudasomwa n'ahandi bakoresheje amasasu na za grenades.

Igitero cyatangiye saa saba z'amanywa kugeza nimugoroba. Padiri Pierre Ngoga yasabye Abatutsi bake cyane bari barokotse ubwo bwicanyi kureba uko bahungira I Burundi, nawe afata abo yari ashoboye mu modoka ye abajyana i Butare, aza kwicirwayo n'abasilikare atanzwe na mugenzi we w'Umuhutu Padiri Anaclet Sebahinde nawe uvuka i Kibeho.

Mu bicanyi ruharwa bayogoje Kibeho harimo: Superefe Damiyani Biniga, burugumesitiri wa Mubuga Charles Nyiridandi, uwa Rwamiko Silas Mugerangabo, Juvenal Ndabarinze wari Umuyobozi mukuru w'uruganda rw'icyayi rwa Mata, agronome Bakundukize Innocent, Padiri Emmanuel Uwayezu wayoboraga urwunge rw'amashuri Marie Merci rwa Kibeho, assistant medical RutazihanaNathanaël, Kayigamba François Xavier wari ushinzwe amasomo (Préfet des études) mu rwunge rw'amashuri Marie Merci, Karekezi Fabien wari ushinzwe disipilini muri iryo shuri, Fatikaramu Hormisdas, nawe umwarimu muri iryo shuri, umuporisi witwaga Athanase Saba, n'abandi.

**Iyicwa ry’Abatutsi bo mu murenge wa Munyiginya/Rwamagana**

Mu murenge wa Munyiginya ahitwa kuri Sayi ni ahantu hari ihuriro ry’insinga z’amashanyarazi agaburira Akarere ka Rwamagana. Mu 1994, habaga uburinzi bukomeye bukorwa n’abajandarume. Jenoside itangiye Abatutsi bari batuye aho I Munyiginya bahungiye kuri icyo kigega cy’amashanyarazi bahizeye umutekano kuko bari bazi ko abaharinda nabo babarindira umutekano. Mu matariki ya 10-12/04/1994 hari hamaze guhungira Abatutsi benshi barimo abana, abagore n’abagabo hiciwe abari hejuru ya 100.

Mu joro ryo ku wa 14/04/1994 Abatutsi bari bahahungiye bishwe n’interahamwe n’abasirikare bari bahari barabafasha.

**Iyicwa ry’Abatutsi bo mu murenge wa Kibungo, Ngoma**

Tariki ya 14/4/1994, kuva mu gitondo nka saa mbiri, igitero cy’interahamwe zitwaje intwaro zitandukanye cyinjiye mu bitaro bya Kibungo gisohora abari bihishe bahereye kuri *maternite* bagenda babicaza munsi y’igiti cyari gihari, aho bitaga mu muduha kugera saa yine z’amanywa. Icyo gihe ntibishwe ahubwo bagira ngo bamenye uko bangana baze kugaruka biteguye neza kubica. Ahagana saa cyenda z’amanywa nibwo interahamwe zagarutse zitangira kubica babateramo ama *grenades* bahereye mu bari bahungiye ku biro bya Komini Birenga.

Bwarakeye, tariki ya 15/4/1994, igitero kiyobowe n’interahamwe ruharwa yitwa Cyasa ashyiraho amakipi ajya kwica ahantu hatandukanye: mu bitaro, Rukira, kuri Economat ya Diyocese, n’ahandi. Interahamwe zirimo uwitwa Shumbusho, Birasa n’abandi zigenda zigamba uko bakoze akazi kuri komini Birenga no muri Economat general.

Abo mu bitaro babiciye bajya aho urwibutso rwa Kibungo rwubatse barimo abitwa Mariya wo kwa Gatare na Murumuna we witwaga Nyirankware bari abakobwa ba Gatare, Mukankuranga n’abandi bari bavuye Kazo na Karama.

Tariki ya 21/4/1994 nibwo Inkotanyi zageze ku bitaro zishobora kurokora bake bari basigaye babarirwa ku mitwe y’intoki. Aho ku bitaro bya Kibungo, Inkotanyi zakomeje kuhazana n’abandi zashoboye gusanga ari bazima bakomeza kwitabwaho.

## 2.9. KUWA 15 MATA 1994: UBWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA RUHENGERI, KIBUYE, KIBUNGO, KIGALI NGARI, BUTARE, GITARAMA, KIGALI Y'UMUGI, GIKONGORO

**Abatutsi biciwe ku Rukiko rw'ubujurire rwa Ruhengeri, Musanze**

Inyubako y'Urukiko Rukuru, Urugereko rwa Musanze, yahoze yitwa Cour d'Appel yahungiyemo Abatutsi barenga 400 bari baturutse mu bice bitandukanye by'iyahoze ari Perefegitura ya Ruhengeri, ariko abenshi muri bo bakaba bari baturutse mu yahoze ari Superefegitura ya Busengo (ubu ni mu Karere ka Gakenke) bakaba bari bahungiye muri Superefegitura baturutse hirya no hino mu ngo bumvise ko hari ubuhungiro. Uwari Superefe wa Busengo Nzanana Dismas abamuhungiragaho yaberekaga ko nta kibazo akababwira ko bahamuga ntacyo bari bube ariko anavugana n'uwari Perefe wa Ruhengeri Zigiranyirazo Protais agira ngo abamwoherereze bicirwe mu mujyi wa Ruhengeri.

Nzanana yahise ababwira ko agiye kubaha imodoka zikabahungishiriza muri Zayire, bahise bazana amabisi (bus) zirabajyana babashyira mu nyubako y'icyahoze ari "Cour d'Appel". Ku itariki ya 15/04/2019 nibwo interahamwe ziturutse hirya no hino harimo n'umutwe witwaga "Amahindure" wari umaze kwica Abatutsi mu cyahoze ari Komine Mukingo waje gufasha izo interahamwe bica Abatutsi bose bari muri iyo nyubako. Ababashije kuvamo baje kwicirwa kuri Mukungwa bavanywe ku bitaro bya Ruhengeri. Babanje guteramo amagerenade nyuma bagasubiramo guhorahoza abasigaye badapfuye ari nako bafataga impinja bakazikubita ku nkuta.

**Abatutsi biciwe i Nyange muri Komini Kivumu**

Amateka y'i Nyange haba ku kiriziya ndetse no mu nkengero zaho, ni mu cyari Komini Kivumu, muri SuPerefegitura Birambo yari igizwe n'amakomini atatu: Bwakira, Kivumu na Mwendo, Perefegitura Kibuye. Nyuma y'urupfu rwa Perezida w'u Rwanda Habyarimana Juvenal ku itariki ya 6 Mata 1994, hatangiye kugabwa ibitero ku Batutsi muri Komini ya Kivumu bihitana mu minsi ya mbere abasiviri barimo Grégoire Ndakubana, Martin Karekezi na Thomas Mwendezi; amateka agaragaza inzira ndende Abatutsi banyuzemo bahungira muri Kiriziya ya Nyange, bizeye umutekano wabo.

Kubera ibyo bitero, Abatutsi bo mu masegiteri anyuranye ya Komini ya Kivumu bavuye mu ngo zabo bahungira mu mazu y'ubutegetsi no muri za kiriziya zirimo n'iya Nyange aho Padiri Seromba Athanase yari Padiri Mukuru. Burugumesitiri wa komini Kivumu n'abaporisi bayo bakusanyije impunzi zivuye mu masegiteri ayigize bababajyana kuri Paruwasi ya Nyange, bagezeyo Padiri Athanase Seromba yababajije amakuru yerekeranye n'impunzi zitari zahagera, maze yandika amazina y'impunzi zaburaga, lisiti yazo ayishyikiriza Burugumesitiri Grégoire Ndahimana kugira ngo zishakishwe zizanwe kuri Paruwasi, zimaze kuba nyinshi hategurwa umugambi wo kubicira mu kiriziya. Bishwe hakoreshejwe imashini ikora imihanda "*Caterpillar*" isenya Kiriziya hejuru y'abari bayihungiyemo.

Bimwe mu bitero byakozwe n'abantu batandukanye ariko abazwi cyane ni umucuruzi witwa Gaspard Kanyarukiga, umwarimu witwa Télesphore Ndungutse, Anastase Nkinamubanzi wakoreraga isosiyete yitwa Astaldi yari ishinzwe kubaka umuhanda uhuza Rubengera na Gisenyi, ni nawe watwaye tingatinga yasenye kiriziya y'i Nyange, Padiri Athanase Seromba yumvikanye na Grégoire Ndahimana wari Burugumesitiri wa Komini ya Kivumu, Fulgence Kayishema wari umugenzacyaha muri Komini ya Kivumu, Télesphore Ndungutse, Gaspard Kanyarukiga n'abandi bantu batandukanye, ngo bice Abatutsi.

Padiri Athanase Seromba yakatiwe igifungo cya burundu n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda.

**Abatutsi barishwe mu rusengero rwa E.E.R Ruhanga**

Ku musozi wa Ruhanga mu 1994 hari hatuye Abatutsi benshi ndetse no ku yindi misozi yahanaga imbibi naho yo mu cyahoze ari Komine Gikoro. Jenoside itangiye bamwe mu Batutsi baho bafashe imiheto n'amacumu byabo bahungira ku musozi wa Ruhanga. Interahamwe zitangiye kubarwanya bafata abana, abagore, abasaza n'abakecuru babajyana mu rusengero rwa E.E.R, bo bahangana n'interahamwe bakoresha intwaro zabo za Gakondo bari bahungaye ndetse n'amabuye.

Interahamwe zimaze kubona ko bikomeye zahururuje Jendarmerie i Rwamagana bazana indege ya kajugujugu irabarasa abasigaye interahamwe zirabatemagura. Bamaze kubica bahise bajya kwica abari mu rusengero babatwikisha *essence* harokokamo bake cyane. Uru rusengero rwaguyemo na Renzaho Sosthene wari Pasteur warwo w'umuhutu wari wiyemeje kurengera Abatutsi bahahungiye nk'umushumba w'itorero apfana n'umuryango we wose kandi atari Umututsi. Uru rusengero rukaba rwabaye Urwibutso rwa Jenoside rutanzwe na E.E.R.

**Iyicwa ry'Abatutsi kuri Kiriziya ya Ntarama**

Jenoside igitangira Abatutsi bo mu gace ka Ntarama mu Bugesera bagerageje kwirwanaho. Babonye basumbirijwe kubera ko interahamwe zafashwaga n'abasirikare batangiye guhungira kuri kiliziya ya Centrale ya Ntarama. Kubera ko ubwicanyi bwari bwakomeje umurego hirya no hino mu Bugesera, hari abandi batutsi baturutse Kanzenze, Kayumba na Nyamata nabo bari bahungiye Ntarama. Tariki ya 15/4/ 1994, haje bus zirimo abasirikare n'interahamwe ziturutse ahandi hamwe n'abicanyi ba Ntarama bica impunzi zari ku kiliziya zigera ku 3000. Babicishe imbunda na grenades ndetse n'intwaro gakondo.

Tariki ya 15/04/1994 ku mashuri ya Cyugaro hiciwe Abatutsi benshi, barimo abari bahahungiye bahaturiye, bavanze n'abari bamaze kuva mu mirambo ku kiriziya ya Ntarama nabo bagahita basanga abataricwa ku mashuri. Abarokotse ubwicanyi bwabereye kuri ayo mashuri bahungiye mu rufunzo rwiswe CND mu gihe cya Jenoside, bakajya bazamuka mu gicuku gushakisha ibyo kurya.Abenshi muri bo barishwe.

**Abatutsi biciwe kuri Paruwasi Cyahinda, Nyaruguru**

Hagati y'itariki ya 14-15/04/1994, Interahamwe zishe Abatutsi bose bari bahungiye ku Kiliziya ya Cyahinda babarirwa mu bihumbi 32. Abiciwe muri iyi paruwase babaga baturutse muri Komini Nyakizu n'izo byari byegeranye nka Komini Mubuga, Kivu na Nshili. Ababigizemo uruhare ni Ntaganda Ladislas wari Burugumestiri wa Komini Nyakizu, SuPerefe Assiel Simbalikure wayoboraga suPerefegitura ya Busoro, Festus Nyamukaza wakoranye bya hafi na Ntaganzwa, le Pasteur Francois Bazaramba de l'Union des Eglises Baptistes au Rwanda (UEBR Nyantanga), Celestin Batakanwa, Geofrey Dusabe, Celestin Rucyahana wahoze ari umusirikare, n'abandi.

Kugira ngo Abatutsi bakusanyirizwe i Cyahinda, burugumesitiri Ntaganzwa n'izindi nterahamwe babanje gufunga amayira abuza guhungira i Burundi bakajya bashishikariza Abatutsi kujya i Cyahinda bababeshya ko ari ukubarindira umutekano. Bamaze kubakusanya, Ntaganzwa yasabye abajandarume baturuka i Butare boherejwe na Major Cyriaque Habyarabatuma barimbura Abatutsi bari kuri Paruwasi ya Cyahinda.

Ikindi cyaranze Jenoside i Cyahinda ni ukurokoka kwa Padiri Charles Nshogoza wari padiri mukuru wa Cyahinda washoboye kwihisha ubwicanyi bwabereye kuri Paruwasi, ahungira ku mukozi wakoreraga Paruwasi witwaga Alexis.

Burugumesitiri Ntaganzwa yaramuhize afatanyije na sergent jandarume witwaga Corneille Ndindayino kugeza bamuvumbuye, bamuzana kuri Paruwasi Cyahinda bamushinyagurira, hanyuma baramwica. Hari mu kwezi kwa gicurasi 1994.

**Abatutsi biciwe mu Kiryamocyinzovu, Kamonyi**

Mu Kiryamocyinzovu ni imbere y'ahahoze ibiro bya Komini Taba yari iyobowe na burugumesitiri Jean Paul Akayesu. Ubwicanyi muri komine Taba bwatangiye gukomera kuva tariki ya 8/04/1994. Hashyizweho bariyeri ahantu hatandukaye hari bariyeri ahitwa Rwabashyashya, i Buguri, i Gishyeshye no hafi y'ibitaro bya Remera Rukoma.

Kuva ku itariki ya 13/04 byarakomeye, Abatutsi batangira guhungira kuri komine Taba ari benshi. Kubwimana Silas wari umuyobozi wa MRND muri Komine Taba yaje gukoresha inama mu Kiryamocyinzovu, avuga ko umwanzi ari umututsi ko bagomba kumutanga kuko yacukuye ibyobo byo kuzashyiramo abahutu. Nibwo buhoro buhoro batangiye kujyenda bajyana Abatutsi aho mu Kiryamocyinzovu bari barise CND kuva tariki 8 kugeza kuri 15/04 nibwo bishwe cyane. Ubwo bwicanyi uwabugizemo uruhare cyane ni Kubwimana niwe watangaga itegeko ati: uriya mumwice, uriya mumureke nzamwiyicira. Abicanyi bahoraga aho kuri komine bategereje Kubwimana kugira ngo ababwire gahunda.

Tariki ya 14 mata 1994, Abatutsi baje ari benshi kuri komine Taba, basanga interahamwe zibategereje, kandi hatanzwe amabwiriza ko uza bahita bamujyana mu Kiryamocyinzovu akicwa. Habaga hari abashinzwe kubica, abandi bafite akazi ko kubarimiraho ibisinde, hari n'umuringoti muremure bagatondekamo imirambo. Intwaro zakoreshejwe mu kubica ni impiri, udufuni n'imbunda.

Jean Paul Akayesu wayoboye ubwo bwicanyi nkuko yari Burugumesitiri wa Komini Taba, yakatiwe igifungo cya burundu na TPIR.

**Abatutsi barishwe mu Gasetsa, ahahoze ari Komini Kigarama, Kibungo**

Mu Murenge wa Remera hishwe Abatutsi basaga ibihumbi birindwi, iyicwa ryabo ryatangiye kuva tariki ya 8 Mata 1994 rurangiza iba ku matariki ya 14-15 Mata 1994. Amateka y'itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa bya Jenoside yakorewe Abatutsi muri uyu Murenge wa Remera by'umwihariko muri *Centre* ya Gasetsa ashingiye ku bikorwa by'abari abategetsi bakomeye bahakomoka ari nabo bari ku isonga mu itegurwa no mu ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside. Abo ni: Colonel Rwagafirita Pierre Célèstin, Colonel Renzaho Tharcisse, Minisitiri Mugiraneza Prosper,

Kabagema Ferdinand, Mugiraneza Emmanuel, Mulinda na Murwanashyaka. Interahamwe ziyobowe n’abo bategetsi zagabaga ibitero, zikica cyangwa zikicisha Abatutsi bakoresheje intwaro zinyuranye (impiri, inyundo, inkota, imipanga, amacumu, imiheto, imbunda, gerenade…).

**Abatutsi barishwe i Gihara muri Kamonyi**

Paruwasi ya Gihara, iherereye mu murenge wa Runda, akarere ka Kamonyi. Jenoside imaze gukomera Abatutsi batangiye guhunga berekeza kuri Paruwasi ya Gihara. Bahageze 10/04/1994 padiri w’umwesipanyole witwa Sinawola Leonard arabakira ndetse akora ibyo ashoboye ngo abagaburire ariko abakozi be ntibabyishimire kugeza ubwo yabahaga amafaranga ngo bahahire impunzi ntibababikore. Hari umutwe w’abicanyi wari wariyise abajepe wari muri Runda, wari uyobowe n’uwitwa Nyecumi, Kanani na Eugene batangiye gutera kuri Paruwasi icyo gihe bazaga mu modoka ya Kamana Claver ariko ikaza itwawe na murumuna we Kayitani.

Icyo bakoraga ni ugutema abagabo n’abasore ntibabice ngo bahwane ahubwo iyo bamaraga kubazambya bababapakiraga imodoka, bakajya kubajugunya mu kizenga cya Cyoganyoni giherereye mu gishanga cya Bishenyi. Iyo batajyanwaga Cyoganyoni babajyanaga muri Nyabarongo ari nayo yaroshwemo benshi. Hagati muri ubwo bicanyi padiri yasubiye iwabo, ubwicanyi burakomeza, abagabo bamaze gushira kuri Paruwasi, bakurikijeho abagore nabo bapakirwa ya modoka bajyanwa muri Nyabarongo ari bazima, iyo bagezwaga kuri Nyabarongo, bamwe bahitaga bajugunywamo ari bazima, abandi mbere yo kujugunywamo bakabanza kubashyira mu kazu kari kubatse kuri Nyabarongo, ahazwi ku kiraro cyo kuri Ruriba, bagafatwa ku ngufu byarangira nabo bakajugunywa muri Nyabarongo.

Tariki ya 15/04/1994 niyo yabaye iya nyuma ku batutsi bari bahungiye kuri iyo Paruwasi n’abandi benshi muri Runda bishwe kuri iyo tariki.

**Abatutsi barishwe i Nyabikenke, Muhanga**

Kuri komine Nyabikenke jenoside igitangira kuva mu matariki 10 mata 1994, Abatutsi bahungiye kuri komine Nyabikenke. Abicanyi batangiye kubatera kuva tariki 14 ariko tariki 15 nibwo baje kwicwa bamwe bicirwa aho ngaho abandi bashoboye gucika bicirwa mu mayira berekeza i Kabgayi. Haje kubakwa urwibutso rwa Kiyumba rushyinguyemo imibiri 717 y’abaguye aho no hafi yaho; abenshi barabashoreraga bakabajyana muri Nyabarongo ahitwa Budende.

Abagize uruhare runini mu iyicwa ry'Abatutsi muri komine Nyabikenke ni Minisitiri w'urubyiruko Nzabonimana Callixte, Burugumesitiri wa Komini Nyabikenke Karuganda Anatole, Ngarambe Vincent, Kamari Isaac wakoraga muri Minisiteri y'Imirimo ya Leta n'Ibikoresho akaba na muramu wa Colonel Bagosora, n'abandi.

**Abatutsi barishwe mu Murenge wa Muyongwe, hahoze Komini Tare, Gakenke**

Abatutsi baho abenshi bishwe urw'agashinyaguro n'interahamwe. Abatutsi bishwe n'ibitero byababaga biturutse ku Rushashi ahitwa mu Kinyari, nyuma y'imyitozo zahabwaga kuri suPerefegitura ya Kigali ngari. Mu ihunga ry'Abatutsi abenshi bishwe urw'agashinyaguro. Inama zitegura kwica zayobowe n'abayobozi bayoboraga suPerefegitura ya Rushashi n'ab'amakomini yari ayigize, na za Segiteri Shyombwe na Joma. I Shyombwe ndetse no mu gace k'ubucuruzi ka Kinyari hiswe CND.

**Abatutsi biciwe kuri Komini Muhazi, Gishari Rwamagana**

Ku matariki ya 12-14/04/1994 Abatutsi bagiye bahungira muri Komini Muhazi ku wa 15-16/04/1994. Babonye bikomeye bagoswe n'interahamwe, uwari warabaye mu gisikare cyo kwa Habyarimana witwaga Kanamugire wari Umututsi yamennye inzu yo kuri komini akuramo imbunda imwe ayiha Côme Ndayambaje, indi ayiha Gatete Anaclet barasa mu nterahamwe zikwira imishwaro. Bamwe mu bari bari muri Komini babona uko bavamo bagana ku kiyaga cya Muhazi bahasanga ajida Mutabaruka na Kananura wari umusilikare bararwana bagana mu kiyaga ngo bafate amato ariko basanga amato bayacubije andi bayamennye kuko bashakaga kwambuka ngo basange inkotanyi zari zageze hakurya i Murambi.

Amasasu arabashirana ariko baza kubona ubwato buto cyane babasha kugira abo bambutsa kugera i Murambi kuko Inkotanyi zari zahageze. Interahamwe zarabakurikiye kuva kuri Komini kugera ku mwaro wa Kavumu ahari Abatutsi benshi bari bahahungiye bizeye kwambuka, bakajya hakurya y'uruzi rwa Muhazi banahasanga abari baturutse muri Komini Muhazi nabo bagana mu kiyaga babarohamo. Abenshi bicirwa aho abandi babashije kujya mu bwato Interahamwe zigenda zoga zinabatemera muri bwa bwato bari bahungiyemo. Aba bose ari abari bavuye kuri Komini Muhazi, no mu nkengero ni nabo biciwe aho ku mwaro wa Kavumu ka Gishali ku wa 16/04/1994.

**Abatutsi biciwe mu Murenge wa Kigali, Kitabi, Nyarugenge**

Mu murenge wa Kigali ahitwa muri centre ya Kitabi hejuru ya Nyamirambo, iruhande rwa Mont Kigali munsi y'ikigo cya Gisirikare, hari bariyeri yayoborwaga n'interahamwe yitwa Rubayiza Hassani na Kibuye Karungu. Uyu Rubayiza niwe wari chef w'iyi bariyeri aho Abatutsi bahungaga baturuka Mwendo muri Kigali, Kabusunzu na za Nyamirambo hejuru n'abari batuye aho babarundaga mw'ihema bari barahubatse kugira ngo be kunyagirwa akazana interahamwe zo kumufasha kubatemagura no kubarunda mu byobo byari byaracukuwemo amabuye y'agaciro.

Kuri iyi bariyeri ngo hiciwe Abatutsi benshi ku buryo abageragezaga kurwana nabo Rubayiza yahitaga ahuruza abasirikare kugira ngo babahe ubufasha. Ibi byatumye Abatutsi bahageze bose ntawarokotse. Aba bantu bahiciwe kuva tariki ya 15 kugeza ku ya 17/04/1994. Uyu Rubayiza Inkiko Gacaca zamuhamije icyaha cya Jenoside akatirwa igihano cy'igifungo cya burundu y'umwihariko ubu afungiye muri gereza ya Mageragere.

**Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi gatolika ya Nyarubuye**

Kuva tariki ya 10 Mata 1994, Paruwasi ya Nyarubuye yakiriye impunzi nyinshi cyane z'Abatutsi zivuye muri Komini Rukira, Rusumo, Mugesera na Birenga ; izo mpunzi zari zigizwe n'abarokotse ubwicanyi bwayogoje tariki 12 na 13 Mata 1994 umujyi wa Kibungo na Paruwasi gatolika ya Zaza.Ubwobwicanyi bwabaye nyuma y'inama yabereye mu kigo cya gisirikare cye Huye triki ya 12 Mata 1994. Yari iyobowe na ba Colonel Pierre Celestin Rwagafirita na Anselme Nkuliyekubona, kandi hari na ba burugumesitiri ba Birenga, Melchiade Tahimana, Rusumo, Sylvestre Gacumbitsi, Kigarama, Mugiraneza Emmanuel, Mugesera, Gakware Léopold, Sake, Sylvain Mutabaruka n'abandi, bfatiramo icyemezo cyo gukaza Jenoside yakorewe Abatutsi.

Tariki ya 14 Mata 1994, hongeye kuba indi nama mu kigo cya gisirikare cya Huye, ihuriramo na none abari bahahuriye tariki ya 12 Mata, yagombaga kurebera hamwe aho ubwicanyi bugeze no kwigirwamo uko Jenoside yakazwa cyane cyane aho yari itararangira nka Nyarubuye. Kuva mu gitondo cyo kw'itariki ya 14 Mata 1994, Interahamwe zagabye ibitero kuri Nyarubuye ariko bagenda baneshwa n'Abatutsi bari barahungiye. Interahamwe zagiye gutabaza ku kigo cya jandarumori cya Nasho. Abasirikare, abajandarume n'Interahamwe baje guteranira kuri sentere y'ubucuruzi y'i Nyarutunga, bayobowe na Burugumesitiri Sylvestre Gacumbitsi n'abandi bayobozi ba Hutu power, bategura igitero cyagombaga kugabwa kuri Nyarubuye.

Tariki ya 15 Mata 1994, nyuma ya saa sita, igitero cya Nyarubuye cyaratangiye, Burugumesitiri Gacumbitsi akigiramo uruhare yiyicira ubwe akoresheje umuhoro umusaza witwa Murefu wari wubashywe cyane. Mu bayobozi b'Abahutu ba Nyarubuye bagize uruhare muri ubwo bwicanyi harimo Evariste Rubanguka, umucamanza mu rukiko rwa kanto rwa Rusumo, Karamage Isaïe, Konseye muri Segiteri Nyarubuye, Rugayumukama Daniel, umuyobozi w'Interahamwe, Edmond Bugingo, umwarimu, Ntezimana Léonidas, Hakizamungu Antoine, Gisagara François, Ryamugwiza Déogratias, Ngendahimana Jean alias Misumari, n'abandi.

Ubushakashatsi bwakozwe na Prof Paul Rutayisire na Privat Rutazibwa muri 2007 yagaragaje amazina y'abicanyi 742 bagize uruhare muri Jenoside i Nyarubuye.

**Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi Gatolika ya Muganza, Nyaruguru**

Abatutsi b'iyahoze ari Komini Kivu, ahari Paruwasi ya Muganza, batangiye guhuhgira kuri iyi Paruwasi kuva tariki ya 7 Mata 1994, bahunga ubwicanyi bwari bubugarije. Inzu z'Abatutsi zari zatangiye gutwikwa biyobowe na Burugumesitiri Muhitira na padiri Yozefu Sagahutu, ubu wahungiye mu Bubiligi. SuPerefe Biniga yari yariyiziye mu gihe Jenoside yatangiraga, akorana inama na Muhitira na padiri Sagahutu bafata icyemezo cyo guhiga no kwica Abatutsi. Muhitira na Sagahutu biganye muri koleji y'i Runyombyi kandi bari baziranye guhera icyo gihe muri 1976-1978.

Tariki ya 11 Mata 1994, kuri Paruwasi mu gitondo habaruwe impunzi z'Abatutsi 8,600, kandi umubare wazo wakomezaga kwiyongera ku buryo ku mugoroba uwo munsi bari bageze kuri 11,000. Uwo munsi nibwo bagabweho igitero cya mbere, ariko birwanaho bagisubiza inyuma. Tariki ya 12 Mata 1994, habaye ikindi gitero gikomeye kiyobowe na Burugumesitiri Muhitira na SuPerefe Biniga, ariko nacyo cyasubijwe inyuma, bitewe n'uko hari ikindi gitero cyari cyagabwe kuri Paruwasi ya Kibeho byari byegeranye kandi naho Abatutsi barimo kwirwanaho. Byatumye Muhitira na Muhitira bafata icyemezo cyo gushyira ingufu zose mu gutera Kibeho, bakazagaruka Muganza ari uko barangije kwica i Kibeho.

Tariki ya 15 Mata !994, Abatutsi bari i Kibeho bamaze gutsembwa, abicanyi bafatanyije n'abasirikare bagabye igitero kuri Paruwasi Muganza bica Abatutsi bose bari barahahungiye.

## 2.10. KUWA 16 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIGALI NGARI, KIBUYE NA KIBUNGO

**Amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi i Nyamata**

Tariki ya 07/4/1994 Abatutsi bari batuye i Nyamata batangiye guhungira ahantu hatandukanye, bamwe muribo bagerageje kurwana n'ibitero ariko baza kurushwa imbaraga n' umwanzi. Abenshi muribo bakaba barahungiye ku musozi wa Kayumba uherereye hejuru ya centre ya Nyamata.

Tariki ya 9 na 10 mata 1994, Abatutsi bari i Kayumba bagerageje kwirwanaho basubizayo ibitero by' interahamwe ndetse bamwe muri abo bicanyi barahakomerekera, nyuma baje kujya gutabaza abasirikare i Gako ko mu ishyamba rya Kayumba harimo inkotanyi, tariki ya 11 mu ma saa tatu nibwo haje ibitero by' interahamwe n' abasirikari bari baturutse i Gako baje muri za Bisi za ONATRACOM. Barashe Abatutsi bari i Kayumba, ababashije kurokoka bajya ku kibuga cyari ahahoze Komine Kanzenze, bigeze mu ma saa cyenda uwari Bourgoumestre Gatanazi yaraje abwira abo batutsi ati: *mukure umwanda imbere ya komini, abandi bati ntidufite aho tujya, nawe ati: aho mujya hose barabica.*

Abapolisi bahise babiraramo barabarasa, bose biruka bagana ku kiriziya. Bahageze basanze kiriziya ifunze, padiri w'umuzungu yanga kubakingurira, kuko yavugaga ko i Ririma Abatutsi babiciye mu kigo cyabo, bamwe batangiye kurira urupangu rwo kwa padiri bakagwamo imbere. Bigeze nka saa kumi nimwe nibwo padiri yakinguye kiriziya abantu barinjira. Ariko baje kuba benshi biba ngombwa ko abagabo n'abasore baharira abagore n' abana bajyamo imbere bo baguma hanze. Abandi nabo baje kujya mu gipangu cyo kwa padiri aho bita muri centre pastoral.

Tariki ya 12 abafite abana bahawe imiceri yo guteka, mu gihe bari bagiye kugaburira abana nko mu ma saa yine haje igitero cy'Interahamwe cyamaze nk'iminota 30, batera za gerenade, bararasa, bamwe barapfa abandi barakomereka, zirangije zihirika inkono ziragenda. Tariki ya 13 abantu barongeye barisuganya barateka, nabwo haje ikindi gitero cy' interahamwe baza nka saa sita, nacyo cyamaze iminota 30, nabwo barasa abashumba bari baragiye inka ahagana ku irimbi, batera za gerenade ku kiriziya bamwe barapfa abandi barakomereka, abari batarahisha na none inkono barazihirika. Kuri iyi tariki ya 13 nibwo haje kandi Abatutsi bari bashorewe n' abasirikare babakuye i Kanazi.

Tariki ya 14 nibwo haje abandi batutsi bari baturutse Maranyundo, akaba ari bamwe mu bari barokotse ku musozi wa Rebero. Iyi tariki ya 14 kandi nibwo abapadiri b' abazungu bigendeye bava i Nyamata.

Tariki ya 15 mata 1994, hari kuwa gatanu, haje igitero cyarimo abasirikare baturutse i gako, interahamye zari zambaye imyenda yazo y'ibitenge, n'abaturage bambaye amashara kugirango babashe kwitandukanya n' abari bagiye kwicwa. Bamwe baturutse mu muhanda wo munsi y' irimbi abandi baturuka ku muhanda wari ku mashuri baragota. Byari hafi saa tanu z'amanywa, abasirikare barabanje bohereza amasasu, abagabo babanza kwirwanaho batera amabuye , nyuma baje kunanirwa bihinda bajya mu kiriziya, baje guteramo imyuka iryanana mu maso, bajugunyamo za gerenade , bica n'umuryango kuko abagabo bamwe bari bawufashe barwana n' abicanyi bashakaga kwinjira, nyuma bavugije amafirimbi n' ingoma, interahamwe n' abandi baturage b' abahutu binjiramo n'imihoro n'impiri barica bageza saa kumi, hari kandi abagore n' abakobwa b'abahutukazi baje gucuza intumbi batwara imyambaro bagasaka imirambo ngo barebe ko hari abafite amafaranga.

Tariki ya 16 mata 1994, ubwicanyi bwakomejeje kuri centre pastoral, abicanyi bahageze saa munani z' amanywa, abagabo barimo birwanyeho babatera ingeri z' imyase, abasirikare n' interahamwe babateyemo za grenade abenshi barapfa, nyuma baza kwica portail yaho binjiramo, batemagura abarimo imbere batashye saa kumi n'ebyiri. Tariki ya 16 kandi nibwo hishwe Abatutsi bari bahungiye mu babikira muri Maternite yo kwa soeur Agnes.

Tariki ya 17 mata 1994, interahamwe zaragarutse zitanga itangazo ko abakirimo umwuka basohoka ko amahoro yagarutse bagiye kubajyana iwabo, abakirimo umwuka barasohotse babicaza mu kibuga barabahorahoza. Iyi tariki ya 17 kandi nibwo bari bazanye Caterpilar yo gucukura imyobo inyuma ya kiriziya ahajugunywaga imibiri y' abishwe kuko yari itangiye kunuka, bamwe mu bateruraga iyi mibiri bakaba barimo abagororwa bari bambaye imyenda y'Umukara. Nyuma yo guhorahoza abaraho nibwo bavuze ko abatarashiramo umwuka batazongera kubica, ahubwo bazajya babajyana bakabajugunya muri ibyo byobo ari bazima kuko kujyana imirambo bibavuna, bayiteruzaga ibiti kandi imyinshi ikaba yari yaraboze itangiye kunuka igasigara kuri bya biti.

Ubu urwibutso rwa Nyamata rushyinguyemo imibiri isaga 45.000 harimo abo biciwe mu kiriziya no mu mbago zayo ndetse n' abandi bakuwe mu duce dutandukanye, harimo Mayange, Rebero, Maranyundo, Kayumba, Kanazi, Murama, Mwogo n' ahandi.

Bamwe muri ba ruharwa babigizemo uruhare:
Gasana Djuma (yari sous prefet wa sous prefecture ya Kanazi), Gatanazi Bernard (yari Burugumesitiri wa Komine Kanzenze) ; Karerangabo Vincent (yari Umugenzuzi w'amashuri) ; Bizimana Jean de la Croix (yari directeur w'ishuri gatorika rya Nyamata) ; Ngombwa Gervais (yari umucuruzi) ; Janvier (yari umukozi wa Ministeri y'imirimo ya Leta ubu aba hanze niwe watanze Caterpilar yo gucukura ibyobo bajugunyagamo imirambo); Ntambara (yari umupolisi wa Komine kanzenze, yarafunguwe, avuga ko yishe Abatutsi benshi nawe atazi umubare) ; Rwabidadi (yari umusirikare ubu afungiye ririma); Rwarakabije Bernard yari interahamwe ; Mugaga (yari interahamwe ubu aba muri Malawi), Pasteur Uwinkindi Jean; Nzarora Laurent (yari reservistre akaba umwe mu bari bayoboye igitero cyaje ku kiriziya kuko yari yarahawe imbunda. Yararekuwe), Wacawaseme (yatwaraga imodoka ya Komine), Niyibizi Cleophas (yari Konseye wa Kanazi), Murangira Richard (yari umucuruzi), Pierre (yakoraga muri Pharmacie Sodephar), Rwamwaga (yacuruzaga ibiziriko mu isoko).

**Iyicwa ry'Abatutsi ku Mugonero, Karongi**

Ku Mugonero mu gihe cya Jenoside mu kigo cy'abadiventisiti b'umunsi wa karindwi hari hubatse ibitaro, ishuri ryisumbuye ry'abafaromo n'itorero ryari rishamikiye kuri iryo shuri. Itorero ryayoborwaga na Pasitoro Ntakirutimana Elizafani n'umuhungu we Ntakirutimana Gerard akaba yari umuyobozi w'Ibitaro bya Mugonero. Benshi mu Batutsi bahahungiye bari baturutse muri Komine ya Gishyita, Gisovu na Rwamatamu.

Abatutsi batangiye kuhahungira guhera tariki ya 08/04/1994. Ku itariki ya 15/04/1994, Pasitori Ntakirutimana Elizefani yajyanye n'abajandarume bari bahacunze mu nama kuri Perefegitura ya Kibuye bagarutse hafi saa moya z'ijoro (19h00'), bamwe mu bajandarume batangiye kubwira Abatutsi ko bari mu nama yateguraga kubica ku isabato itariki ya 16/04/1994. Mubo babibwiye harimo n'Abapasitori b'Abatutsi, bahise bandikira ibaruwa Pasitori Ntakirutimana bamusaba kurengera impunzi z'Abatutsi no kutamena amaraso ku Isabato ndetse byashoboka akabisaba Burugumesitiri wa Komine Gishyita Sikubwabo Charles kuko bakoranaga cyane ndetse na Se wa Burugumesitiri yari Pasitori muri iryo torero. Mu ibaruwa Elizafani Ntakirutimana yabasubije yababwiye ko ntacyo yabikoraho kuko umwanzuro wo kubica wari wamaze gufatwa kandi ko bagomba kwicwa ntakabuza.

Ku itariki ya 16/04/1994 haje ibitero ariko Abatutsi bagerageza kwirwanaho kuva saa mbiri (8h) kugeza hafi saa saba (13h) aribwo abicanyi bagiye gusaba ubufasha ku Kibuye. Baraje bafite intwaro zikomeye cyane ari nabwo barushije imbaraga Abatutsi batangira kwica abari mu Bitaro, mu rusengero no mu ishuri

ry’abaforomo. Muri ibyo bitero harimo Perefe wa Kibuye Dr Kayishema Clement, Burugumesitiri Sikubwabo Charles, Ntakirutimana Elizafani, Dr Ntakirutimana Gerard, umucuruzi Ruzindana Obed n’abandi. Burugumesitiri Sikubwabo yinjiye mu rusengero asaba abahutukazi bashatswe n’Abatutsi gusohoka hanze aribwo hasohotse abagore babiri (2) basiga abana babo.

Ibitero byarimo kandi abasirikare, abajandarume n’Interahamwe. Barinjiye ku munsi w’isabato batangira kurasa mu Rusengero, bateramo na gerenade, Abatutsi benshi barapfa abandi barakomereka. Bakomeje kwica n’abandi Batutsi bari bihishe mu bitaro ndetse n’abari mu ishuri ry’abaforomo harimo n’abanyeshuri.

**Iyicwa ry’Abatutsi muri Hôme ya St Jean no mu Kiriziya Gatolika ya Kibuye, Karongi**

Kiliziya Gatolika ya Kibuye na Home Saint Jean iyishamikiyeho hiciwe Abatutsi benshi muri Jenoside. Hahungiye Abatutsi bagera ku bihumbi 11,400 bari baturutse cyane cyane mu zahoze ari Komini Gitesi, Mabanza, Gisovu na Gishyita.

Bahageze kuwa kabiri tariki ya 12/04/1994 ari benshi cyane. Bigeze kuwa kane tariki 14/4/1994, inzara yatangiye kurembya abari muri Kiliziya aribwo Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Kibuye witwaga Senyenzi yagiye kureba Burugumesitiri wa Gitesi witwaga Karara Augustin agamije kubasabira ubufasha n’uburinzi, ariko aramwangira.

Perefe Kayishema Clément yandikiye ibaruwa Padiri Senyenzi na Burugumesitiri Karara amutegeka kohereza Abatutsi bari kuri Kiliziya kurindirwa muri Sitade ya Gatwaro ngo kubera ko batari kubona abakomeza kubarindira kuri Kiliziya bonyine ariko Padiri Senyenzi yarabyanze abasaba kuhaguma.

Mihigo Juvenal wari Perezida w’Urukiko rwa mbere rw’iremezo rwa Kibuye yaje kubwira Umufurere bari inshuti witwaga Joachim Rugabagaba w’Umututsi wabanaga na Padiri Senyenzi ko yahunga kubera umugambi wo kubica wategurwaga.

Uyu mufurere koko yarahunze, ariko Padiri Senyenzi amubwira ko atasiga intama nk’umushumba watorewe kwitangira abandi.

Kuri Hôme Saint Jean Abatutsi bari bahari bafashijwe cyane n’umuzungukazi w’Umubiligi witwaga Emma wari umucungamutungo wa Home Saint Jean. Uwo muzungukazi yajyaga hanze y’ikigo akabazanira amakuru ayabwira Padiri Senyenzi ko hategurwaga kubica. Uwo muzungukazi interahamwe zaje kumugirira nabi baramukubita, bamusenyera inzu, bamutwikira n’imodoka muri Hôme Saint

Jean kubera ko yafashaga Abatutsi. Ambasade y'Ububiligi yifashishije MINUAR baza kumutwara agenda ashavujwe cyane nibyo yabonye no gusiga impunzi zamuhungiyeho.

Tariki ya 12/04/1994, babafungiye amazi yavaga mu kigega cyari mu kigo cya Gisirikare cya Kibuye.Hakozwe inama nyinshi kuri Komini Gitesi zo gutegura kubica ziyobowe na Burugumesitiri Karara Augustin, Rusezera Innocent, Kayihura Bernard n'abandi.

Kuwa gatandatu tariki 16/04/1994 interahamwe n'abandi baturage baje kubica, abagabo n'abasore bari muri Kiliziya birwanyeho basubiza inyuma ibitero byarimo interahamwe hafi ijana (100). Bagiye gukora izindi nama bagaruka bukeye ku cyumweru kuwa 17/04/1994 barimo abasirikare, abajandarume, abasuruveya ba gereza n'interahamwe zari zaratojwe imbunda rwihishwa bari bitwaje imbunda, amagerenade, imipanga n'ibindi byinshi. Perefe wa Perefegitura ya Kibuye Kayishema Clément ubwe yaje kuri Kiliziya yitwaye abwira abicanyi ko yahawe itegeko ryo kwica Abatutsi ndetse abasaba guhita batangira kwica.

Ibitero byatangiye kurasa amasasu hanze ya Kiliziya no muri Kiliziya abantu bamaze kwihinda binjiramo. Ikigo cya Gisirikare cyari gituye hafi ku musozi wa Gatwaro nabo batangiye kohereza amabombe menshi muri Kiliziya akabasangamo n'ubwo yubakishije amabuye no kubohereza ibyuka biryana mu maso. Uwo munsi hishwe Abatutsi benshi cyane.Umuyobozi w'Interahamwe witwaga Rukundo Emmanuel yaje gutanga itegeko ryo kwinjira muri Kiliziya batangira gutema abantu, kubasogota, kwica nabi abana batoya ari nako imirambo yari igerekeranyije ndetse bamwe bari bakiri bazima bari munsi y'imirambo.

Abagore n'abakobwa bafashwe ku ngufu mbere yo kwicwa no kubacuza imyambaro yabo nyuma yo kwicwa kimwe n'abagabo.  Hari abana bapfiriye ku mabere y'ababyeyi babo bonka imirambo. Interahamwe zashyizwe ku nkombe z'ikiyaga cya Kivu kugira ngo hatagira Abatutsi bazajya kunjywa amazi ku manywa cyangwa ngo bahunge kuko hakikijwe n'ikiyaga cya Kivu usibye inzira igana kuri Kiliziya gusa. Nyuma yaho ubuyobozi n'imiryango itandukanye irimo Croix Rouge baje gutwara imirambo ijyanwa mu byobo rusange byari byaracukuwe.

Hari n'abandi bana 150 bakuye muri *Home Saint Jean* baje kwicirwa mu Bitaro bya Kibuye.

**Iyicwa ry’Abatutsi i Rukumberi**

Rukumberi ni imwe muri Segiteri  zari zigize Komine Sake muri Perefegitura ya Kibungo. Kuba uyu Murenge ukikijwe n’ibiyaga bya Mugesera na Sake n’umugezi w’Akagera byatumye byorohera Interahamwe kwica Abatutsi basaga 35.000 bari bahatuye, Inkotanyi zirokora gusa abagera kuri 700 harimo abakomeretse cyane.

I Rukumberi kwica Abatutsi byatangiye tariki ya 7/4/1994 mu gitondo muri selire ya Ntovi. Kubera ubwinshi bw’Abatutsi bari bahatuye babanje kwiharagaraho. Interahamwe n’abapolisi ba komini barimo uwitwaga Butoyi, Ignace na Uwimana bari bitwaje imbunda ariko ntibashoboye kuzicisha Abatutsi benshi kuri uwo munsi. Bishe ingo ebyiri z’abarimu, urwa Nyiramuroli Elisabeth n’urwa Ntaganda Celestin wari diregiteri w’ikigo cy’amashuri abanza cya Rwintashya.

Ku itariki ya 8/4/1944, Interahamwe zaturutse kuri Komini Sake zifite ibikoresho gakondo, abapolisi ba komini sake bayobowe na bourgmestre Ernest Rutayisire, Depite Mutabaruka Sylvain bahuriye na Birindababagabo Jean Paul wari wazanye abasilikare mu modoka ye bikusanyiriza ku rusengero rwa ADEPR ruri mu Rwintashya mu Murenge wa Rukumberi ahari hahungiyemo Abatutsi biganjemo abayoboke ba ADPER. Muri urwo rusengero bari binjiyemo birundanyije basengeshwa n’umupasiteri w’Umututsi witwaga Yaramba, abicanyi babomoye urugi maze Birindababagabo wari n’umuyoboke w’iryo dini ari naho yasengeraga afata imbunda atangiza ubwo bwicanyi arasira pasteur Yaramba imbere ku ruhimbi. Abatutsi batangiye guterwamo ama grenades ari nako abageragezaga kwiruka batemwaga n’interahamwe nyinshi zari zarugose. Icyo gitero cyaguyemo Abatutsi barenga 1800.

Ku itariki ya 10/4/1994, Burugumesitiri wa Komini Sake Ernest Rutayisire, Depite Mutabaruka Sylvain na Birindababagabo Jean Paul nk’uko bakomeje kuyobora ubwicanyi muri Rukumberi bongeye kugaba igitero kinini muri serile ya Ntovi. Icyo gitero banakizanyemo impunzi z’abarundi zari mu nkambi yari kuri Komini Sake, bishe Abatutsi benshi haba abicirwaga mu masaha ndetse n’ahandi hose bihishaga ariko by’umwihariko icyo gitero cyageze mu rugo rw’uwitwa Ruhumuriza kihicira Abatutsi benshi bari bahahungiye biganjemo abagore n’abandi b’intege nkeya batashoboraga kwiruka. Urwo rugo rwonyine rwiciwemo Abatutsi barenga 200 biganjemo igitsina gore.

Ku itariki 11/4/1994, Mutabaruka, Rutayisire na Birindabagaho bagiye ku kigo cya gisirikare cya Kibungo gusaba abasilikare bo gutera Rukumberi kuko bavugaga ngo Abatutsi baho bivanze n’inyenzi ngo none bananiranye. Bahawe bus zigera

kuri enye zuzuye abasikari n'ibikoresho byinshi nk'abagiye ku rugamba, nibwo Rukumberi Abatutsi baho barashishijwe imbunda nini zinashingwa hasi zifite ndetse n'izisenya amazu kuko hari nk'izarasaga amazu agashya.

Kuri iyo tariki ya 11/4/1994 nibwo igitero cyageze kuri chapelle y'umugabo wari umwarimu witwaga Gasarasi Osée yarimo Abatutsi bari bahahungiye basenga, babatsindamo baranayitwika. Icyo gitero cyo kuri iyo chapelle hanagaragayemo uwitwa Twahirwa François uvuka i Rukumberi wari umuyobozi mukuru muri Minisiteri y'abakozi wari wagiye kugenzura uko ubwicanyi burimo bukorwa.

Ku itariki 16/4/1944, Abatutsi muri Rukumberi bari banegekajwe n'ibitero bitasibaga umunsi n'umwe, icyabaye uyu munsi cyari icyo gukubura nk'uko Depite Mutabaruka yaje kubyigamba. Kuri iyi tariki ikiyaga cya Mugesera gihuza Sake, Mugesera na Bicumbi cyari cyuzuye amato yambutsaga interahamwe zivuye Mugesera, izivuye muri Komini Bicumbi ngo zijye gutera ingabo mu bitugu izarimo kurimbura Rukumberi, abambutse mu mazi bahereye mu bifunzo bavumbura abihishemo barazamuka bahura n'abimusozi bahigaga mu masaka bica Abatutsi batagira ingano.

Uwo munsi niwo Abatutsi benshi babuze uko babigenza benshi bahitamo kwiyahura mu mazi ndetse n'ibyitwa intoro biba hagati mu rufunzo banga kwicwa nabi bashinyaguriwe. Kuri iyo tariki kandi Abatutsi biganjemo abagore, abana n'abasaza bari bateraniye mu rugo rw'Umututsi witwa Mushoza, igitero kiyobowe na Depite Mutabaruka n'abasirikare cyarahateye kica abari barimo hafi ya bose kuko ku mbuga y'urugo ndetse no mu nzu hari harunze imirambo myinshi y'abagore babaga banacujwe imyenda n'abandi bagore b'abahutukazi bagendaga mu bitero basahura ndetse bacuza imirambo y'abagore bagenzi babo batwara ibitenge n'indi myenda babaga bambaye. Nyuma y'icyo gitero, Depite Mutabaruka Sylvain yateye intebe mu muhanda atumaho inzoga aranywa yishimira ko ngo Rukumberi ayirangije. Iyi tariki yonyine ugereranyije mu Murenge wa Rukumberi haba harishwe Abatutsi barenga ibihumbi 10.000.

Mu minsi yakuriye hakomeje kujya haza ibitero byica Abatutsi bari babashije kurokoka, ari nabwo batangiye kujya bakora icyo bise ngo ni uguhera ruhande, aho bazengurukaga imirima y'amasaka bafite imihoro ku buryo hagati y'umuntu n'undi nta mwanya ucamo bakagenda batema kugira ngo hatazagira na hamwe Umututsi yihisha. I Rukumberi Abatutsi bagiye bagabwaho ibitero bitandukanyenye, bagiye bicirwa mu mazu nk'ahitwa kwa Cyabatende Mariyana, kwa Nyagasaza ndetse n'ahandi hatandukanye babaga biganjemo ab'intege nkeya batashoboye kwiruka, abagore, abana, abatemwe babaga batapfuye bagashyirwa mu mazu yabaga yasigaye atarasenywa.

Batemye amasaka, batema intoki Abatutsi bihishagamo, iyo ingabo za FPR-Inkotanyi zitahagera ku itariki ya 5/5/1944 zari gusanga nta Mututsi usigaye i Rukumberi kuko bamaze gutema izo ntoki n'amasaka bari bafashe gahunda yo gutwika n'urufunzo Inkotanyi zibatesha batararutwika.

Bamwe mu ba ruharwa barimbuye Rukumberi ni aba bakurikira :
Assistant Bourgumestre Albert yavukaga Jarama muri Sake, Bizimana Andre wari Inspecteur, Butoyi wari umupolisi, Dorisi, Shoferi wa Ambulance ya Centre de Sante ya Rukoma, Gapfizi wari umucuruzi, Gasirabo Twaha wari umucuruzi afite n'imodoka yatwaraga Interahamwe aho zijya kwica hose, Habimana Edward wari umwalimu, Habyalimana wari responsable wa serire Mugwato, Hadigi wari umusilikare: Ntiyigeze afatwa aba muri Kimisagara-Nyabugogo, Harerimana Ezechiel wari Umwarimu, Hategekimana Gaspard wari umucuruzi i Rubona ku isoko, Ignace wari Brigadier wa Komine Sake, Isidoli: Shoferi wa Komini Sake, Kagorora wari umucuruzi , Kamanzi Stanislas wari umwalimu, Kampayana Cyprien wari Konseye wa Sigiteri Sholi. Uyu ni we wasigariragaho Burugumesitiri mu gihe adahari, Rusatsi wari Umwarimu, Karegeya Augustin wari Perezida w'interahamwe muri Komini Sake. Uyu aba muri USA, hari n'umuntu uvuka Sake witwa Semuhungu wamubonye utuye muri USA, aho aba arahazi, Kiruguya: umurundi wayoboraga inkambi, Mabeyi Umuhungu wa Rulinda, Misago: wari vice president w'interahamwe muri Komini Sake aba muri Malawi, Mugabushaka Innocent wari Percepteur wa Komine Sake, Munyankwiro wari Reserviste Mungabo, Ngendahimana Jeremiah wari Responsable w'Ikigo cy'amashuri cya Rwintashya, Nizeyimana Augustin wari umucuruzi nimodoka ye yatwaraga Interahamwe mu bitero: aba Malawi, Nkezabera wari umucuruzi, Nzabagumira wari umucuruzi, Rurinda wari responsable wa Serile Rukongi, Rutuku wayoboraga ibitero biturutse muri Bicumbi biciye mu Kiyaga cya Mugesera, Rwabuzisoni Ladislas, inama zaberaga iwe, Rwasibo wari umucuruzi, Shirimpaka wari umucuruzi Gafunzo, Turatsinze: Shoferi wa Nizeyimana, Umugore witwaga Mariyamu, Uwimana wari umupolosi wa Komini, Yeremiya wari Mwalimu. Yatorotse Gacaca.

**Iyicwa ry'Abatutsi muri Rwamagana**

Kwa Konseye Turatsinze Francois wa Kigabiro/Rwamagana, hiciwe Abatutsi benshi bari bahahungiye yabijeje umutekano. Banahiciye abana bato benshi bamburwaga ba nyina bakabajugunya mu musarani ari bazima bafatanije na Burugumesitiri Bizimana Jean Baptiste wa Komini Rutonde. Mu bitaro bya Rwamagana, hiciwemo Abatutsi bari barwariyemo, abandi ari abarwaza n'abari bahahungiye baturutse mu Mujyi wa Rwamagana.

Ku Kiyaga cya Muhazi mu Murenge wa Muhazi/Rwamagana, naho hiciwe Abatutsi bagera ku bihumbi bitatu. Interahamwe zabambitse ubusa, bagenda babakubita babatema ibitsi by'amaguru kugeza babajugunye mu kiyaga cya Muhazi. Ababyeyi bahekeshejwe abana babo bakabarohana muri Muhazi kandi babizi ko batazi koga bagahita bapfa. Harimo n'abo baziritseho amabuye kugirango bahite bamanuka hasi cyane mu mazi ntibazigere bazamuka hejuru n'ubwo babaga bishwe.

Abahungiye ku Musozi wo mu bitare bya Rutonde bahanganye n'interahamwe kuva ku wa 12,13,14,15, kuko bari bahahuriye ari benshi baturutse ahatandukanye baza kuneshwa ku wa 16/04/1994 barabica harokoka mbarwa. Interahamwe zari ku isonga ni umupolisi witwa Mugwaneza, Habiyakare, Ruhatana, Sibomana, Rusatsi, Ntihabose, Mudaheranwa, n'abandi.

## 2.11. KUWA 17 MATA 1994 : BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIGALI Y'UMUGI, KIGALI NGARI, GIKONGORO NA CYANGUGU

**Leta y'abicanyi yashyizeho ba Perefe bashya bagombaga kwihutisha Jenoside muri za Perefegitura**

Tariki ya 17/4/1994, Leta y'abicanyi yakoze inama ifata icyemezo cyo gukuraho bamwe mu baPerefe ishyiraho ba ruharwa bagombaga kwihutisha Jenoside mu duce bayobora. Niyo mpamvu Perefe Jean-Baptiste Habyalimana wari Perefe wa Butare, na Godefroid Ruzindana wa Kibungo bakuweho, nyuma baza no kwicwa n'imiryango yabo. Hashyizweho ba Perefe bashya, basanzwe bazwiho ubuhenzanguni, babarizwaga muri Hutu-Power aribo François Karera muri Kigali Ngari, Sylvain Nsabimana i Butare, Anaclet Rudakubana i Kibungo, Elie Nyirimbibi i Byumba, Basile Nsabumugisha mu Ruhengeri na Dr Charles Zirimwabagabo ku Gisenyi.

François Karera yahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda ahanishwa igihano cy'igifungo cya burundu, Sylvain Nsabimana nawe uru rukiko rwamuhamije icyaha cya Jenoside ahanishwa igifungo cy'imyaka 18, Dr Charles Zirimwabagabo yahamijwe icyaha cya Jenoside n'inkiko Gacaca z'u Rwanda ahanishwa igifungo cya burundu.

**Iyicwa ry'Abatutsi ku cyobo ku Muhima hafi y'Akagari ka Rugenge (CND) no mu murenge wa Kigali ahitwa muri « Centre » ya Kitabi**

Ku cyobo kiri ku Muhima hafi y'akagari ka Rugenge hiciwe Abatutsi benshi. Icyo cyobo bakitiriye CND kubera ko inkotanyi zari muri CND. Iki cyobo rero bakaba barakimanuragaho abakiri bazima baturutse Kimihurura na Kimicanga bakababafatanya nabo ku Muhima batabashije kuzamuka bajya ku Kiliziya ya Ste Famille na Saint Paul. Imirambo y'abiciwe muri Centre National de pastorale Saint Paul no muri JOC (Jeunesse Ouvrière catholique) nayo bayijyanaga muri urwo rwobo.

Hagati ya 15 mata na 17 Mata 1994, mu Murenge wa Kigali ahitwa muri Centre ya Kitabi, hejuru ya Nyamirambo iruhande rwa Mont Kigali munsi y'ikigo cya Gisirikare, hari bariyeri yayoborwaga n'Interahamwe yari ikomeye yitwaga Rubayiza Hassani na Kibuye Karungu. Rubayiza niwe wari umuyobozi w'iyi bariyeri. Abatutsi bahungaga baturuka Mwendo muri Kigali, Kabusunzu na za Nyamirambo hejuru n'abari batuye aho, bakicirwa aho, nyuma bakabasuka mu byobo byari byaracukuwemo amabuye y'agaciro. Interahamwe zunganirwaga n'abasirikari, bi byatumye abahageze bose ntawarokotse.

**Abatutsi biciwe mu Babikira b'Abakarikuta munsi ya Ste Famille**

Abatutsi benshi bahungiye mu Babikira b'Abakarikuta munsi ya Kiliziya Ste Famille. Interahamwe zabakuyeyo zibamanura ku rwobo bise CND, abana n'abagore bo zabiciye mu babikira. Ubu bwicanyi bwakozwe n'ibitero by'interahamwe byari biyobowe na Nyirabagenzi Odette wari konseye wa Segiteri Rugenge na Angeline Mukandutiye wari Insipegiteri w'amashuri muri Nyarugenge akaba yaratangaga n'imbunda aziha interahamwe, ari nayo mpamvu iwe bari barahise muri "etat major". Angeline Mukandutiye nyuma ya Jenoside yahungiye muri Zayire, akaba yaratahutse mu mpera za 2019 muri gahunda yo kurandura imitwe yitwaje intwaro muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, ashyikirizwa gereza ya Mageragere kugira ngo arangize igihano cy'igifungo cya burundu yakatiwe n'Inkiko Gacaca adahari.

Uru rwobo rwataburuwemo imibiri yose ishyingurwa mu cyubahiro ku Rwibutso rwa Gisozi. Zimwe mu nterahamwe zabicaga narimo Nkeshimana alias Gikongoro, Gatari Fidele, Bugondo, Rwagatera Faustin wajyanaga abantu kubata muri CND.

**Iyicwa ry'Abatutsi mu bitaro bya CHUK**

Tariki ya 17/4/1994, mu bitaro bya CHUK hiciwe Abatutsi benshi barimo abarwayi bari baharwariye, abari babarwaje n'abahahungiraga. Ibi bitaro byarangwagamo ingengabitekerezo mbi cyane, bamwe mu baganga bahawe imbunda mu mpera za 1993 babeshya ko ari izo kwirindira umutekano. Uwari umuyobozi w'ibitaro Dr Kanyangabo Faustin yemeye ko mu bitaro hazamo abasirikare bo kuhakorera mu rwego bitaga urwo kurinda umutekano, nyamara ari ukujijisha. Muri mata 1994, abo basirikari bari bayobowe na Ndagijimana Frederic alias Kamashini babanje kubarura Abatutsi. Hafi y'ibitaro hari interahamwe zari zirekereje, abo basohoye b'Abatutsi zigahita zibica.

Uwitwa Nteziryayo Benoit, Edith Mukakabera wari umuforomokazi n'uwari Responsable wa Maternity bafatanyaga n'uwo musirikare Kamashini Pierre kurara bagenda mu bitaro baka abarwayi indangamuntu ngo barebe ubwoko bwabo. Abatari Abatutsi bakazibasubiza. Iz'Abatutsi, Edith niwe wazibikaga akabasezerera mu ijoro ngo nibatahe basanze ntacyo barwaye. Hafi y'ibitaro hari interahamwe zibiziranyeho nawe ntizijye kure zigahita zibica. Abo zitishe bicwaga n'abandi.

Abenshi mu Batutsi bishwe ku itariki ya 17/04/1994. Abaganga, abaforomo n'abakozi b'Abahutu b'ibitaro bya CHUK bagize uruhare mu kwica Abatutsi muri ibyo bitari harimo : Dr Ntezayabo Benoit wahamijwe jenoside n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Nyarugenge rumukatira adahari igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) ; Dr Habyarimana Theoneste wakatiwe adahari n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Rugenge, igifungo cya burundu y'umwihariko rumuhamije ibyaha bya jenoside bigizwe no gusambanya ku gahato Marie Jeanne Mukarango yarangiza akamwica, urupfu rwa Murwanyashyaka Antoine rwabaye ku wa 12/05/1994 no kuba yarayoboraga amarondo na bariyeri. Dr Augustin Cyimana:yakoze jenoside muri CHUK, akomereza iwabo muri Komini Ntongwe afatanya na burugumesitiri wa Mugina Martin Ndamage. Nyuma ya jenoside yahungiye muri Zambia, aba n'umwe mu bashinze FDLR muri icyo gihugu, anayibera umuyobozi. Ageze muri Zambiya yakoze mu bitaro bya Lusaka. Hari kandi ba Dr Ernest Muvunandinda, Dr Laurent Ruboneza na Dr Buvenge Gerard nabo bavuzwe gukora jenoside.

Mu baforomo harimo : Ndayambaje Stefaniya wavukiye i Gihinga mu Karere ka Rutsiro, yari umuforomokazi akaba n'umuyobozi w'Ishami ry'abakozi ba CHUK. Yagize uruhare mu iyicwa rya bagenzi be b'abakozi b'Abatutsi n'abarimu bo mu Ishuri rya Lycee Notre Dame des Citeaux i Kigali. Yakoranaga n'abasilikare barindaga CHUK akabaha lisiti z'Abatutsi nyuma bakicwa. Ibyaha yamahijwe na

Gacaca ni ibi: ubufatanyacyaha mu gukora lisiti z'Abatutsi bazicwa, gushinyagurira Abatutsi abizi neza ko bahigwaga, kujya mu bitero byahigaga Abatutsi muri CHUK, kwicisha umukobwa wari wasizwe muri CHUK n'ababikira. Ku wa 21/06/2008, Urukiko rw'Akagari ka Kiyovu, Umurenge wa Nyarugenge, rwamuhanishije igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30).

Bananeza Marie Josée: Akomoka muri Komini Bulinga (Gitarama). Yicishije Abatutsi b'abarwayi, abakozi ba CHUK n'abahahungiye. Edith Mukakabera, Philomene Mukandamage ukomoka i Byumba na Marie Josée Bananeza bari bagize itsinda ryazengurukaga ibitanda byose by'abarwayi bababaza indangamuntu bityo bagakora lisiti bashyikirizaga abasilikare bari bayobowe n'uwari ubakuriye "*Kamashini*" wari umwicanyi ruharwa.

Josephine Mukaruhungo: Akomoka Kibilira. Yamaze abantu ku Kivugiza. Mu bantu yishe harimo umwarimukazi witwaga Edith n'abana be ndetse n'abana b'uwitwa Kamatari. Yitabiriye kandi inama zitegura Jenoside zabereye ku mwicanyi ruharwa wa Kivugiza witwaga Gaspard Nsengiyumva. Muri 1990 yagize uruhare mu gufungisha bagenzi be b'Abatutsikazi ababeshyera kuba ibyitso by'Inkotanyi.

**Iyicwa ry'Abatutsi muri CARAES Ndera/Gasabo**

Mu 1994 mu Murenge wa Ndera mu kigo cya CARAES hahungiye Abatutsi benshi baturukaga ku musozi wa Ndera, Rubungo, Jurwe, Murindi, Gasogi, Kanombe na Remera bizeye kuhakirira kuko hari mu kigo cy'abihaye Imana. Bahahungiye kuva ku itariki ya 8 -10/04/1994, bigeze ku itariki ya 10 mata interahamawe zitangira kubatera ariko ziri inyuma y'igipangu ntizibashe kwica benshi kuko nabo birwanagaho. Ikindi uko mubari bahahungye harimo abari bahunganye intwaro zabo za gakondo bituma bakomeza kwirwanaho bakoresha izo ntwaro zabo.

Tariki ya 11 mata 1994, abasirikare b'ababirigi baje gutwara abafureri n'abarwayi b'ababiligi bari baharwariye n'imbwa zabo. Interahamwe zimaze kubona ko abazungu bagiye, zakomeje kugabayo ibitero abandi bakomeza kwirwanaho. Interahamwe zimaze kunanirwa zahuruje abasirikare i Kanombe bahagera tariki 17/4 ikigo baragisenya batangira kubateramo amagerenade babasohora hanze. Bamaze kubona ko bishe benshi, baragiye interahamwe zisigara zica abasigaye batapfuye. Byageze aho bajya no mu barwayi, uwo babonye asa n'umututsi wese bakamwica. Abatutsi biciwe muri CARAES bagera ku bihumbi 3500.

Kuri uyu musozi kandi hari hatuye bamwe mu basirikare ba Habyarimana bakomeye ari nabo, mbere ya Jenoside, bagize uruhare hamwe n'imiryango yabo, mu gukangurira abaturage baho gukora Jenoside. Hari hatuye n'abayobozi bakuru nka Mbonampeka Stanislas wari Minisitiri w'ubucamanza, Burugumesitiri wa Komini Rubungo Rurenganganizi Valens, n'abandi. Aba bose bakaba ari nabo bagize uruhare mu iyicwa ry'Abatutsi bari bahungiye mu iseminari nto ya Ndera.

**Iyicwa ry'Abatutsi ku Munini muri Nyaruguru, Gikongoro**

Ubwicanyi bwakorewe muri superefegitura yose ya Munini yari igizwe na Komini Mubuga, Rwamiko, Kivu na Nshili bwayobowe SuPerefe Damiyani Biniga.

Tariki ya 11/4/1994, ku Munini mu gasantere k'ubucuruzi haberaga isoko buri wa mbere w'icyumweru, SuPerefe Biniga afatanyije na Burugumesitiri wa Komini Mubuga, Nyiridandi Charles bakoresheje inama abari baje mu isoko bababwira ko bagomba gufata imihoro bakica Abatutsi ndetse bakanabatwikira. Uwo munsi Abatutsi batangiye guhungira kuri SuPerefegitura ya Munini babishishikarijwe n'abakonseye ba Segiteri Kibirizi, Gisizi na Gasave bababwiraga ko ariho bari bubashe kubarindira umutekano. Abagerageje guhungira i Burundi bakumiriwe na Konseye wa Kibirizi bakajyanwa kuri suPerefegitura. Uretse izo Segiteri , abandi bahahungiye babaga baturutse muri Komini Rwamiko na Kivu zari zituranye na Mubuga.

Kuwa 12-13/4/1994 abajandarume boherejwe mu ngo z'Abatutsi kureba abatari bahungiye kuri SuPerefegitura, abo bafataga ntabwo babicaga ahubwo bajyanwaga aho ku Munini. Nyuma yo kuhagera babayeho mu buzima bubi kuko bicishijwe inyota bitewe n'uko amatiyo yajyanagayo amazi bayaciye. SuPerefe Biniga yajyaga aza akabitegereza ubundi akongera akagenda.

Abatutsi bashatse guhungira i Burundi bagiye kugera ku mupaka, Burugumesitiri wa Komini Nshili, Kadogi yohereza Interahamwe zirabagarura, babajyana ahitwa ku giti cy'urubanza babashyira mu muhanda rwagati maze Interahamwe zirabagota zifite intwaro gakondo, zibicisha gerenade n'imipanga.

Tariki ya 16-17/4/1994, abahutu bari batuye ku Munini bafashijwe n'interahamwe zaho ndetse na bamwe bishe I Kibeho na Cyahinda bishe Abatutsi bari bahungiye kuri SuPerefegitura ya Munini.

Ubwicanyi bwo ku Munini bwakozwe na Biniga wari Superefe wa Munini, Burugumesitiri wa Komini Mubuga Charles Nyiridandi, Abakonseye ba Segiteri Kibirizi Ndahayo Athanase, Ntidendereza wa Gisizi ndetse n'uwa Gasave, n'abandi.

**Abatutsi biciwe muri Komini ya Rwamatamu, Kibuye**

Komini ya Rwamatamu, nimwe muri komine za Kibuye zari zituwe n'Abatutsi benshi. Kuva 07/04/1994 nibwo ibitero by'Interahamwe byatangiye gutera Abatutsi mungo zabo.

Tariki 17/04/1994 haje igitero kuri Komini Rwamatamu kirica, gitsemba Abatutsi bari bahahungiye. Rwamatamu, hakozwe ibikorwa by'iyicarubozo birimo kwica abana, gufata abakobwa ku ngufu, nyuma bakabajomba ibisongo mu maguru.
Ubwicanyi bwakozwe n'abajandarume bari bavuye Gishyita, n'interahamwe zari ziyobowe na Obed Ruzindana wahamijwe icyaha cya Jenoside n'urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, ahanishwa igihano cy'igifungo cy'imyaka makumyabiri n'itanu (25).

**Abatutsi biciwe mu Bweyeye, Rusizi, Cyangugu**

Bweyeye ni agace gakikijwe n'ishyamba rya Nyungwe, kakaba kegereye Igihugu cy'Uburundi bigatandukanywa n'Umugezi wa Ruhwa. Muri Bweyeye ahaguye Abatutsi benshi ni muri ADEPR-Kiyabo hiciwe abagera kuri 28.

Kuva tariki ya 08/04/1994 Abatutsi batangiye gutotezwa babwirwa ko bishe Umubyeyi w'igihugu, nibwo batangiye kuhahungira bakarara basenga, bakiririrwa basenga.

Kuwa 12/04/2019 ni njoro batewe n'interahamwe zije kubica barataka cyane umujandarume ahita arasa mu kirere interahamwe zisubira inyuma, ariko zisiga zimaze kwica Abatutsi 2: Nyirinkindi Augustin na Mukakarera Petronile bafashe bakamujyana hepfo y'urusengero bakamusambanya ari benshi barangiza bakamutema ariko ntiyahise apfa ako kanya yajyanywe kwa muganga, nyuma aza kwicwa.

Kuwa 17/04/1994 saa 09h za mu gitondo batewe n'igitero gifite imbaraga kirabica bose. Mbere y'uko bicwa hari habanje kuba inama itegura kwica Abatutsi baho, ikaba yarabereye mu kabari ka Responsabule wa Kiyabo Ntawutazamutora Philippe afatanya kuyiyobora na Majyambere Juvenal wari umusirikare akaba yaravukaga i Bweyeye yari yaje muri Conge y'igihe gito. Bucyeye bwaho haje igitero cy'interahamwe za Bweyeye zari ziyobowe n'Ayobahorana Jonas alias Gisangani wari umucuruzi w'imyenda ya caguwa, akaba yari yaranatojwe igisirikare. Barababatemaguye barababamara kandi na ba bajandarume bari aho.

**Abatutsi biciwe i Kayonza, Umurenge wa Nyamirama no ku cyuzi cya Ruramira na Kabazeyi muri Rwamagana**

Hagati y'Umurenge wa Nyamirama na Ruramira hari urugomero yajugunywemo Abatutsi benshi babarirwa hagati ya 2500 na 3000. Bagiye babarohamo hagati y'amatariki ya 9 - 17/04 bakaba ari abari batuye Nyamirama, Ruramira n'abaturutse Nyarusange, Umurenge wa Rwamagana. Buri serire yabaga ihagarariwe kuri iyo barrage n'abicanyi bahaturuka, ab'i Rwamagana barohwaga n'interahamwe za Rwamagana baturanye muri serire, uvuye Nkamba/Ruramira akarohwa n'interahamwe z'iwabo, n'uturutse Gikaya ya Nyamirama akicwa n'interahamwe zo muri serire ye.

Mu Murenge wa Munyaga ahiciwe Abatutsi benshi ni Kabazeyi hari ishyamba rya Leta. Mu matariki 12-13/04/1994 bari batangiye kwicwa. Bahakusanirije Abatutsi barenga 50 barahabicira biyobowe na Diregiteri w'amashuri abanza ya Rweru, Rusine Jean Bosco.

Kuri Segiteri Kaduha ku wa 17/04/1994 naho hiciwe Abatutsi bari hagati ya 300 na 400. Aba bose bicishijwe cyane imiheto n'imyambi, imihoro, impiri ziteyemo imisumari.

## 2.12. KUWA 18 MATA 1994: UBWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIBUYE, GITARAMA, CYANGUGU, BUTARE NA KIGALI NGARI

**Leta y'abicanyi yakomeje gukangurira abaturage gukora Jenoside**

Tariki ya 18/4/1994, abagize Leta y'abicanyi barimo Edouard Karemera, wagombaga kuba minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu baje i Gitarama gushishikariza abaturage gukora Jenoside.

Kuri uwo munsi Perezida Théodore Sindikubwabo yagiye ku Gikongoro akorana inama n'abategetsi ba Perefegitura ya Gikongoro, hategurwa uko Jenoside igomba gukorwa i Kaduha, i Murambi, mu Cyanika no muri Perefegitura yose ya Gikongoro.

**Perefe Kayishema Clement yarimbuye Abatutsi kuri Sitade Gatwaro, Kibuye**

Sitade ya Gatwaro yari yubatse muri Perefegitura ya Kibuye, Komine ya Gitesi, Segiteri ya Bwishyura. Ubu ni mu Karere ka Karongi, Umurenge wa Bwishyura, Akagari ka Kibuye mu Mudugudu wa Gatwaro. Abatutsi bajyanywe muri Sitade n'abategetsi ba Perefegitura Kibuye, ku isonga hari Kayishema Clément, bababeshya kubarindira umutekano bari hamwe. Impunzi zajyanywe muri sitadi Gatwaro inyinshi zari ziturutse ahandi zari zarokokeye nko kuri Kiliziya ya Kibuye na Home Saint Jean, Kiliziya ya Mubuga, n'ahandi. Hari abandi benshi bavuye kuri Komine Mabanza, i Rubengera, n'amaguru (19Km), berekeza kuri Perefegitura ya Kibuye, bagezeyo babasabye kujya muri Sitade ya Gatwaro.

Mbere yo kwinjira muri Sitade ya Gatwaro bamburwaga ibyo bari bitwaje byose birimo nk'inkoni n'ibindi. Bamaze kugeramo bababafungiye amazi, baraharwarira kubera umwanda, abinjiyemo ari inkomere cyangwa abari barwaye bageragezaga kujya kwivuza mu Bitaro bya Kibuye byari bifatanye na Sitade Gatwaro ariko basubizwaga inyuma n'amasasu.

Perefe Kayishema yabuzaga abagira neza gutabara impunzi; umuganga w'umudage Dr Wolfgang Blam yakomeje gukora mu bitaro afatanya na Dr Hitimana Léonard mu kuvura no kwita ku nkomere z'Abatutsi mu bwitange bukomeye. Umugore wa Dr Blam bashatse kumwica kubera ko yari umututsikazi, nawe asaba ko bamwicana nawe n'abana be. Uwabigizemo uruhare ni Dr Charles Twagira wari umuganga ku Kibuye, Joseph Mpambara Interahamwe yo ku Mugonero, uvukana na Obed Ruzindana wahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho U Rwanda ahanishwa igifungo cy'imyaka 25. Joseph Mpambara yahungiye mu Buholandi, aburanishwa n'inkiko zaho, tariki ya 9/7/ 2011 zamuhamije icyaha cya jenoside, akatirwa gufungwa burundu.

Jenoside muri Sitade Gatwaro yatangiye ku cyumweru tariki ya 18/04/1994 itangizwa na Perefe Kayishema Clément akaba ari nawe wishe Umututsi wa mbere witwaga Munyakaragwe Ezechiel wari Pasiteri, akoresheje imbunda yasabye umujandarume. Yaje ari kumwe n'interahamwe, abajandarume, abapolisi, abasirikare n'abasivile bari bitwaje intwaro. Batangiye kugota Sitade ndetse abandi bazamutse ku musozi wa Gatwaro hejuru kugira ngo hatagira ubacika. Perefe Kayishema yatanze itegeko ryo gutangira kwica Abatutsi. Abatutsi bicishijwe imbunda, gerenade, imipanga, imihoro n'izindi ntwaro gakondo. Kuri uwo munsi wa mbere bahagaritse kwica Abatutsi ahagana 18h00'. Bamwe mu basirikare baragiye ariko interahamwe zasigaye zigose Sitade kugira ngo hatagira abasohoka

mu ijoro bari bataricwa. Batinye kwinjira muri Sitade ninjoro ahubwo bahitamo kuguma hanze. Interahamwe ziturutse i Cyangugu na Gisenyi zaje kubafasha.

Ninjoro, Abatutsi barokotse ubwicanyi begeranyije imirambo y'abishwe n'indembe baziha ubufasha bw'ibanze bari bashoboye.

Muri iryo joro interahamwe zaje gufata umwanzuro wo kuva kuri sitade ariko basiga babwiye abarimo ko bazagaruka bukeye bwaho. Bagiye mu kabare kari hafi ya Sitade kunywa inzoga no kubyina bishimira ibyo bari bakoze. Bukeya bwaho kuwa 19/04/1994 nka 6h00' za mugitindo nyuma yo kwishimira uburyo bari baraye bakoze Jenoside bagarutse muri Sitade nk'uko babivuze kugira ngo bakomeze kwica by'umwihariko abari batarashiramo umwuka bakoresheje imipanga n'ibindi bikoresho gakondo.

Kayishema yahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda ahanishwa igifungo cya burundu. Yapfiriye muri gereza muri Mali.

**Iyicwa ry'Abatutsi muri Kamonyi, Kayumbu**

Ikiraro cya Kayumbu giherereye mu Mudugudu wa Nyarusange, Akagari ka Karengera mu Murenge wa Musambira, Akarere ka Kamonyi. Tariki ya 18/04/1994, Abatutsi bari barahungiye kuri Paruwasi ya Kamonyi bari baturutse impande zitandukanye, bangiwe kwinjira muri iyo kiriziya na Padiri mukuru wayo Pio Ntahobari n'umwarimu witwa Rwakayigamba ndetse n'umukarane wo kwa padiri witwa Nyagahene bavuga ko badashaka ko babasenyera Kiriziya. Icyo gihe Abatutsi bagiye mu isoko ryari imbere ya kiriziya. Abicanyi ntibanyuzwe kuko baje no kwirukanwa aho ngaho, bavuga ngo Imana y'Abatutsi iri i Kabgayi nibagende.

Bafashe umuhanda bose baramanuka, bageze mu Kibuza (kuri ubu hubatse urwibutso rwa Kamonyi) bahasanga igitero ariko barakirokoka, basanze ikindi gitero ahitwa mu Gaperi cyicaga abana b'abahungu n'abagabo. Icyo gitero abakirokotse bakomeje umuhanda bagera kuri Paruwasi ya Musambira, bahasanga Padiri mukuru, bababashyira mu kiriziya. Bukeye, tariki 19 mata haza imodoka yuzuye abasirikare binjira mu gikari cyo kwa padiri bakorana inama n'Abahutu bahunze intambara zari zavuye Kivuye (Byumba) zari zihari. Mu kanya gato Padiri mukuru ati mujyende nta mpunzi dushaka bavuze ko zose zigenda cyane cyane izaje nyuma. Interahamwe zarabirukanye n'imipanga. Abasirikare b'abajepe bajya

ku kiraro cya Kayumbu, kuhabategera batangira kubarasa, imirambo yuzura aho ku kiraro cya Kayumbu n'impande zacyo.

Abasirikare barangije kubarasa barigendeye, haza abaturage n'interahamwe batangira kwica abakirimo umwuka bakoresheje intwaro gakondo ndetse banababacuza. Abenshi mu bakoze ubu bwicanyi ntabwo bamenyekanye kuko bwakozwe n'abasirikare batari ab' aho ngaho.

**Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi ya Nkanka, Rusizi**

Guhera ku itariki ya 08/04/1994 Abatutsi batangiye guhungira kuri Paruwasi ya Nkanka kuko ubwicanyi bwari bwatangiriye ahitwa Gitwa na Murambi kandi interahamwe zatangiye gutwikira Abatutsi. Impamvu yatumye Abatutsi bahungira kuri iyi Paruwasi ya Nkanka ni uko bari batuwe bahahungira ntibahicirwe kandi na Burugumestre wari uwa Komini Kamembe yari yabeshye ko Abatutsi umutekano wabo uri bucungirwe kuri Paruwasi ndetse yoherezayo n'Abapolisi ngo bo kubarinda. Icyo yari agamije, kwari ukugira ngo amenye Abatutsi bahari uko bangana no gucunga ngo hatagira abahungira muzi Zayire.

Kuwa 17/04/1994 Burugumesitiri wa Komini Kamembe Mubiligi Jean Napoléon afatanyije n'uwari Padiri mukuru wa Nkanka, Ngirinshuti Thaddée, bakoranye inama n'interahamwe zari zikomeye zakoreraga muri Komini Kamembe bategura kwica Abatutsi. Bucyeye bwaho kuwa 18/04/1994 interahamwe zaraje zirabica bakoresheje Gerenade, nta mpongano, imipanga, inkota, n'izindi ntwaro zitandukanye. Kugira ngo Abatutsi bari bahungiye muri Paruwasi ya Nkanka batazirwanaho nibaterwa, Padiri Ngirinshuti Thaddée yamburaga Abatutsi intwaro zose (amacumu, imihoro, inkoni, imiheto n'imyambi) babaga bahunganye ababwira ati: "*nta mpunzi ihungana intwaro, yagiragango nibaterwa hatazagira uwitabara*".

Ikindi ni uko abapolisi bari babarinze bari bafite icyumba kwa Padiri cyari kirunzemo imbunda na Gerenade, bikaba byarakoreshejwe n'interahamwe kuwa 18/04 zije kubica.

Kuri Komini ya Kamembe kuwa 19/04/1994 hiciwe Abatutsi 60 bari bahahungiye. Mbere y'uko bicwa Burigadiye wa Komini Kamembe witwa Gatera Casimir yabanje kubarwanaho abahisha muri Komini noneho Burugumesitiri wa Kamembe Mubirigi Jean Napoléon aramubwira ati: "*interahamwe ziribeshya zigasenya iyo Komini zishaka abo Batutsi wahishe urwigendeho, sohora abo Batutsi bicwe vuba*". Burigadiye yahise abasohora hanze interahamwe zirabica bose.

Tariki ya 18/4/1994, i Cyangugu, Abatutsi biciwe no kuri Paruwasi Nyabitimba muri Komini Karengera no ku bitaro bya Mibilizi muri Cyimbogo.

**Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi ya Simbi, Komine Maraba, Huye**

Umurenge wa Simbi uherereye mu yahoze ari Komini Maraba yayoborwaga na Burugumesitiri Habineza Jean Marie Vianney guhera mu mpera za 09/1990. Uyu mu Burugumesitiri yaranzwe no gutoteza Abatutsi.

Habineza yagiye mu kigo cya CERAI i Simbi mu gitondo afata Mazimpaka Gregoire umwarimu w'Umututsi wayiyobaraga, arazamuka i Cyendajuru afata mwarimu Kanobayire Jean Baptiste abajyana baboshye bari hagati y'abapolisi babiri bafite imbunda, bajya mu ngo zabo i Gisakura kubasaka ngo bashaka imbunda bahawe n'inkotanyi.

Yashyize imbaraga mu gutoza interahamwe, kwikorera ibikoresho byicishijwe Abatutsi(impiri zitwaga nta mpongano y'umwanzi, imiheto n'imyambi, amacumu), no kuziha ibindi bikoresho bitandukanye birimo imihoro, imbunda na grenades. Yakoresheje listes z'Abatutsi n'aho batuye kugira ngo kuzabica bizaborohere kandi ntihazagire numwe ubacika kuko babaga bafite imyirondoro yuzuye. Kuva Inkotanyi ziteye nta mututsi wavaga muri Komini Maraba adafite *laisser-passer* ya Komini.

Hagati y'itariki 10-17/04/1994, Abatutsi bo mu cyahoze ari Komini Maraba bakusanyirijwe muri Kiriziya y'I Simbi ari benshi cyane. Abapolisi batatu aribo Nkuriza, Kanani Antoni na Nyirimana Kaniziyo babanje kuza gucunga impunzi ku Kiriziya ngo hatagira izicika.

Mbere yuko babica, Perezida Sindikubwabo avuye ku Gikongoro, yaje kubashishikaza anabagaya ko batinze kwica Abatutsi, hanyuma ageze i Butare, abohereza abasirikare bo kubafasha. Kuri uwo munsi, interahamwe ziturutse ku Gikongoro zifatanyije n'iza Maraba, abasirikare, abajandarume n'abapolisi babagabyeho igitero gikomeye. Hari ku manywa y'ihangu ubwo interahamwe ebyiri zuriye kiriziya zisambura ibati zibasukaho essence, uwitwa Bushakiro abamenamo ifu y'urusenda rubabuza guhumeka. Nyuma, baciye inzugi babatera amagrenades n'amabuye, birangiye interahamwe zirinjira zifata abagihumeka ziratemagura zirabarangiza. Hiciwe Abatutsi bagera ku bihumbi 40.000.

Bamaze kwica Abatutsi bo mu Kiriziya ya Simbi, Burugumesitiri Habineza yatumye interahamwe yitwa Ruzindana Celestin ku babikira ko bagiye kuza kwica Abatutsi bahahungiye mu kigo nderabuzima cya Simbi. Interahamwe ntizatinze

zahise zijyayo zica ababikira (mama Petero Claver, mama Pawulo na mama Pelajiya), mama Gerivasi bamukubise impiri mu mutwe nyuma aza guhembuka ariko yahumye amaso. Bishe n'Abatutsi bari bahungiye muri iryo vuriro.

Abari ku isonga mu bwicanyi :

- Abari abapolisi ba Komini: Nkuriza, Antoni Kanani, Nyirimana Kaniziyo Sebarinda Celestin yari yarasezerewe mu gipolisi.
- Nshimyumukiza Clement yari « Assistant Bourgmestre »
- Rwabuhungu Sylvestre yari Perezida wa MDR Power muri Komini
- Mujyambere Antoinne yari umwarimu, akaba na Perezida wa MRND muri Komini n'abandi baturutse Gikongoro.

Uwo munsi muri Komini Kigembe i Butare hishwe Abatutsi hagati y'ibihumbi 2000 na 3000.

**Iyicwa ry'Abatutsi kuri OPROVIA, Rusizi**

Mu Karere ka Rusizi mu Mujyi wa Kamembe hiciwe Abatutsi benshi bakurwaga mu mpande n'impande zigize uyu Mujyi. Kuva ku itariki ya 18/04/1994 interahamwe zatangiye kugenda zitera mu ngo zigakuramo Abatutsi zikabajyana kubicira mu mujyi wa Kamembe impande y'isoko rishyashya no mu ikawa zari ziri impande y'ahubatse banki y'abaturage (BPR) ya Rusizi ahari Segiteri ya Kamembe. Izo nterahamwe zikaba zari ziyobowe na Napoléon Mubirigi wari Burugumesitiri wa Komine Kamembe, Haruna Rizinde wari uhagarariye MRND na Konseye wa Segiteri Kamembe witwaga Muruku, bakaba barahuriye kurya 2 aho bitaga ku kazu k'amazi, bakoresha interahamwe inama nyuma yayo abagabanyamo ibyiciro 3, bigomba gushakisha ahihishe Abatutsi muri Centre ya Kamembe.

Mu mujyi wa Kamembe, hishe interahamwe z'Abanyarwanda ndetse n'Abicanyi b'Abarundi bari barahungiye mu Rwanda. Mu nterahamwe zari zikomeye zo muri site harimo: Kanyarukiko Cassim, Ngenzenuku Hassan, Haluna Nsengiyumva Alias Cenga, Shuwayibu Alias Epis, Kimputu, Nsengiyumva n'abandi benshi.

**Iyicwa ry'Abatutsi i Mwulire, Rwamagana no ku kigo cy'amashuri cya Sovu**

Mbere gato ya Jenoside, Abatutsi bari batuye mu cyahoze ari Komini Bicumbi baratotejwe cyane n'uwahoze ari Burugumesitiri Lawurenti Semanza ndetse n'uwamusimbuye Juvenal Rugambarara. Nyuma y'uko indege y'uwari Perezida Habyarimana Yuvenal iguye, Abatutsi bo muri uyu Murenge babujijwe kugira aho bongera kujya bategekwa kuguma mu ngo zabo.

Tariki ya 07/04/1994 ibitero by'Abahutu byatangiye gusanga Abatutsi mu ngo zabo zikabica. I Mwurire habayeho bamwe mu Bahutu bafatanije n'Abatutsi gukumira abicanyi mu rwego rwo kwirwanaho, bakumira abicanyi babaga bavuye mu duce duturanye bababuza kwinjira muri Segiteri yabo. Abo Bahutu baje gutumizwa mu nama yari yateguwe n'abayobozi ba MRND muri Komini Bicumbi, babashishikariza kudakomeza gufatanya n'Abatutsi. Abatutsi bakomeje kwirwanaho bimara ibyumweru bibiri.

Ku musozi wa Gisanza, akagali ka Mwurire, Umurenge wa Mwurire ku wa 18/04/1994 imodoka yazanye interahamwe, abapolisi bo muri komini n'abasilikare bafite imbunda zitandukanye, batangira kuzirashisha Abatutsi bari bateraniye kuri uwo musozi wari wahuriyeho n'abaturutse Segiteri ya Nzige, Gahengeli, Rubona, Rutonde ndetse na Bicumbi. Abicanyi baje gukomeza kurasa, abirwanagaho bagezaho bacika intege kuko n'intwaro zabo bakoreshaga zagendaga zishira zari zirimo amabuye n'inkoni kandi abishi babo bakomeje umurego.

Abatutsi basaga 15.000 barahaguye, hari n'abandi biciwe mu nzira no kuri za bariyeri zitandukanye nka bariyeri yari hafi y'urusengero rw'ababaptiste hiciwe Abatutsi basaga 400 no mu gishanga cya Kabuya hiciwe abari hejuru y'ibihumbi 50 no kwa Konseye Bakundukize Yohani.

Uwo munsi kandi Abatutsi bari bahungiye ku kigo cy'amashuri cya Sovu, i Rwamagana hiciwe abana, abagore n'abakecuru mbere yo kubica barabanje bagafata ku ngufu abana b'abakobwa ndetse n'abagore nyuma babajugunyamo insenda aho bari mu byumba by'ayo mashuri. Ku wa 18/04/1994 igitero cyari giturutse kwica i Mwurire nicyo cyafatanije n'abahutu ba Sovu barabica barabamara.

Kuwa 18 Mata 1994, Abatutsi biciwe kuri Paruwasi Nyabitimba, karengera, Cyangugu, ku bitaro bya Mibilizi muri Komini Cyimbogo, Cyangugu. Ubwicanyi bwarakomeje kugeza kuri 20-30 Mata 1994.

Uwo munsi, muri Komini Kigembe, muri Perefegitura Butare hiciwe Abatutsi hagati ya 2,000 na 3,000.

## 2.13. KUWA 19 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA BUTARE, GITARAMA, GIKONGORO NA CYANGUGU

**Disikuru rutwitsi ya Perezida Sindikubwabo i Butare, isaba Abanyabutare "gukora" n'ishyirwaho rwa Perefe wo gushyira mu bikorwa Jenoside**

Tariki ya 19/4/1994, Leta y'abicanyi yakuyeho ku mugaragaro Perefe Habyarimana Jean Baptiste wari waragerageje gukumira ubwicanyi muri Butare, n'ubwo nawe yahigwaga kubera ko yari Umututsi, imusimbuza intagondwa Sylvain Nsabimana. Uyu Nsabimana yari uwo mu ishyaka rya PSD. Yabaye Perefe wa Butare, ayobora ubwicanyi hagati ya 19/4 kugera 17/6/1994.

Yafatiwe muri Kenya 18/7/1997 aburanishwa n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda rwamuhamije icyaha cya Jenoside ahanishwa igifungo cy'imyaka 18.

Perefe Sylvain Nsabimana yafatanije na Pauline Nyiramasuhuko, Shalom Arsène Ntahobali, André Rwamakuba, Sylvain Nsabimana, Alphonse Nteziryayo, Joseph Kanyabashi, Ladislas Ntaganzwa, Elie Ndayambaje, hamwe n'abasirikari barimo Major Tharcisse Muvunyi na Kapiteni Ildefonse Nizeyimana bari abayobozi mu ishuri rya gisilikare I Butare ryitwaga ESSO, gutsemba Abatutsi bo muri Butare.

Uwo munsi nibwo Perezida wa Leta y'abicanyi Theodore Sindikubwabo yahamagariye abanyabutare kurimbura Abatutsi: Leta y'abicanyi yashyize ingufu mu gukangurira abaturage kwica Abatutsi. Mu ijambo rye, Sindikubwabo yahamagariye abaturage kwitabira ubwicanyi, ntibabe ba "Ntibindeba". Nyuma yaho, abasirikare bafatanyije n'Abahutu bo mu mutwe w'Interahamwe bishe abasiviri benshi b'Abatutsi bari batuye I Butare hamwe n'impunzi zari zaturutse mu tundi turere tw'u Rwanda.

Mu bitabiriye uwo muhango wo gushyiraho Perefe mushya, hari abagize guverinoma y'abicanyi, bari basangiye ibitekerezo byo gutsemba Abatutsi, nka Mugenzi Justin, Mugiraneza Prosper na Pauline Nyiramasuhuko.

Nyuma ya disikuru ya Sindikubwabo Abatutsi batangiye kwicwa mu mujyi wa Butare no muri Komini zose z'iyo Perefegitura. I Kigali, uwo munsi Abasirikari ba Leta y'abicanyi bateye ibisasu kuri sitade Amahoro hapfa abantu 19 bari barinzwe n'ingabo za MINUAR.

**Abatutsi biciwe mu Murenge wa Ngoma, Komini Kigembe, Butare**

Umurenge wa Ngoma ubarizwa ubu mu Karere ka Nyaruguru ariko mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi yabarizwaga muri Komini Kigembe (Perefegitura Butare) yayoborwaga na Burugumesitiri Semanyenzi muri Perefegitura ya Butare. Uyu Murenge ufite ahantu hagera kuri habiri hiciwe Abatutsi benshi mu gihe cya jenoside.

Ahitwa Nkomero mu Murenge wa Ngoma, akarere ka Nyaruguru, ku muhanda wa kaburimbo, Huye-Akanyaru hiciwe Abatutsi benshi. Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi hari abahacaga bashaka kwambuka bahungira i Burundi, Abatutsi bari bamaze kurokoka ubwicanyi bwo muri Komini Mubuga, Gikongoro, Cyahinda, Rwamiko ndetse n'abari batuye mu Nkomero bashakaga guhungira i Burundi banyuze ku mupaka w'akanyaru byari kuwa 16/4/1994 bageze ku mupaka babuzwa kwambuka bajya mu kibaya cy'Akanyaru.

Bucyeye bwaho kuwa 17/4/1994 bavanywe aho babasubiza inyuma babazana ku kibuga mu Nkomero. Uwo munsi Perefe wa Butare Habyarimana Jean Baptiste yaje aho ku kibuga asezeranya impunzi ko agiye gushaka uburyo bashyirwa ahantu hari inkambi ngo babarindire umutekano, ariko nawe yahise akurwaho ndetse aricwa mu minsi yakurikiye.

Kuwa 18-19/4/1994 nibwo Abatutsi barenga 3360 bari bakusanyirijwe ku kibuga cyo mu Nkomero bishwe bigizwemo uruhare na:

- Burugumesitiri wa Komini Kigembe witwaga S Straton.
- Konseye wa Segiteri Ngoma Witwaga Munyengango Leonald.
- Konseye wa Segiteri Fuji witwaga Beninka.
- Konseye wa Kivu witwaga Philémon.
- Umwalimu witwaga Mugemanshuro Godfield.
- Umucuruzi witwaga Kayitana John, n'izindi nterahamwe.

Bacye bari bamaze kurokoka ubwicanyi bwo mu Nkomero ubwo bashakaga kwambuka akanyaru bajya i Burundi kuwa 19/4/1994 biciwe mu kibaya cy'akanyaru.

**Abatutsi biciwe Kigembe, Umurenge wa Gacarubwenge, Musambira, Kamonyi**

Kigembe iherereye mu Murenge wa Gacurabwenge, Akarere ka Kamonyi, ahahoze ari muri Komini Musambira. Hakaba hari ahantu hazwi mu miryango y'Abatsobe n'Abasinga. Abatutsi bari batuye i Kigembe bishwe muri Mata 1994 bicwa n'ibitero byari biyobowe na Konseye Ndahayo. Ku munsi wa mbere bishe Abatutsi

benshi, abasigaye bahungira mu bihuru. Nyuma kugirango abihishe bigaragaze, konseye Ndahayo yavugiye ku musozi ko hatanzwe ihumure ni uko abihishe bava mu bihuru bahurira mu rugo rw'umusaza witwaga Gatarabirwa. Abatutsi benshi bamenye ko abandi bagiye kuri uwo musaza bahitamo kubasanga noneho baba benshi barenga 100. Uwo munsi bahahuriye ari benshi nibwo konseye Ndahayo yazanye igitero kinini nko mu ma saa saba icyo gitero cyarimo n'abasirikare.

Ibitero byarigabanije, ikindi kijya ku Batutsi bari bagiye ku wundi Mututsi witwaga Kabera. Igitero cyarabazamuye kibajyana ku muhungu wa Gatarabirwa witwaga Visenti. Ibitero byabategetse kwicukurira, Abatutsi barabyanga. Interahamwe zitangira kubacukurira, ariko ubwo no kwa Kabera batangiye kwica. Icyobo cyo kubajugunyamo batangiye kugicukura saa munani batangira kubica mu ma saa kumi n'imwe. Batangiye kwica bahereye ku bana b'abahungu, bambura imyenda ababyeyi noneho bagahambiranyaho abana nk'uhambira inkwi, noneho abicanyi bakikorera abana nk'uwikoreye umutwaro bakajya kujugunya muri cya cyobo ari bazima. Barishe barangije abana bagera no ku bantu bakuru barangije cya cyobo baragitaba n'ubwo imirambo yabaye myinshi ntikwirwe muri icyo cyobo imwe igasigara hejuru.

Abantu bibukwa cyane muri ubwo bwicanyi ni uwitwaga Abudrahaman w'i Musambira, Konseye Ndahayo, Firipo na Yanwari. Nyuma ya Jenoside Abatutsi bose biciwe i Kigembe niho bashyinguwe ariko nyuma baza kwimurirwa mu rwibutso rwa Kibuza.

**Abatutsi biciwe ahitwa ku rutare rw'Abarenga, muri Kamonyi, kuri Nyabarongo**

Uru ni urutare rushashe neza hafi y'uruzi. Amazi yarucukuye munsi ku buryo ugeze muri iyo ngobe yarwo adashobora kuvamo, ikindi aho ngaho hafite ubugari bunini. Abatutsi benshi b'i Karangara na Musenyi niho babajyanaga kubicira.

Tariki 19 mata 1994 kandi hatangijwe ubwicanyi i Rwezamenyo (kuri Nyabarongo), Kamonyi.Ubu ni muri Nyabitare, Akagari ka Marembo naho baharoheraga abantu benshi cyane baturukaga Kirwa ya Kayenzi. Utu duce duherereye mu murenge wa Ngamba, Akarere ka Kamonyi turi ku nkombe y'uruzi rwa Nyabarongo, kera hakaba hari muri komine Taba yari iyobowe na Akayesu Jean Paul wakatiwe n'urukiko rw'Arusha igifungo cya burundu kubera icyaha cya jenoside.

Aha niho hantu harohewe Abatutsi benshi batuye uwo murenge, ariko si abo gusa kuko abandi Batutsi bakoreshwaga ibirometero n'ibirometero babakuye muri

komine Kayenzi n’ahandi bakaza kujugunywa muri nyabarongo. Ubu bwicanyi bwatangiye kuva tariki 19/04/1994 kugeza mu mpera za Kamena 1994, FPR ifashe ako gace.

Abarohwaga muri Nyabarongo babarohaga batabishe ahubwo babaziritse amaboko. Umubare w’abajugunywe muri Nyabarongo aha muri Ngamba ni munini kuko hanyuzwaga Abatutsi b’i Rukoma, Kayenzi na Ngamba.

Abagize uruhare cyane muri ubu bwicanyi bw’i Ngamba kuri Nyabarongo twavuga: Mutijima wakoraga kuri komini yari secretaire; Ruvugama Siliro yari umudepite ariko ntabwo we yarengaga kuri komine cyane ngo ajye mucyaro, Rurangirwa wari umupolisi, Twagirayezu Vincent bitaga kagozi, Mbarubukeye mwarimu; Manyukane, Rumumba Samuel, Munyaburanga wari umwarimu; Munyankumburwa, Hategeka wari umwarimu i Marembo, Nsengiyaremye yari konseye, Ndahayo wiyise pilato, Kayibanda, Ntarizaboneka n’abandi.

**Abatutsi biciwe mu ishyamba rya Karutare (Cyibihanga), muri Kamonyi**

Aha ni ahantu hari hariswe Cyibihanga. Iri shyamba riherereye mu kagari ka Muyange Umurenge wa Kayumbu. Aha hiciwe Abatutsi bagera mu ijana, barimo abo mumiryango y’abasinga yari ituye hafi yaho, ndetse n’abandi bagendaga bava hirya no hino. Ku itariki ya 19 Mata nibwo Abatutsi bari bagerageje kwihisha muri iri shyamba batatswe n’ibitera by’interahamwe zo muri Rutobwe n’izindi zari ziturutse Nyabikenke. Aba bantu bishwe urupfu rubi cyane, bicishwa imihoro n’amahiri. Nyuma yo kubica babajugunye mucyobo cyari kirimo, abandi bashyirwa mu miringoti yo muri iri shyamba. Nyuma ya jenoside imibiri yari yarajugunywe muri iri shyamba yarataburuwe, iratunganywa ishyingurwa mu cyubahiro mu rwibutso rwa Kibuza mu Murenge wa Gacurabwenge, Akarere ka Kamonyi.

**Abatutsi biciwe muri centre ya Kamonyi (ku Masuka)**

Centre ya Kamonyi iherereye mu Mudugudu wa Kamonyi, Akagari ka Nkingo, Umurenge wa Gacurabwenge, ariko kera hari muri Komini Taba. Kuri iyi Centre uturutse ku muhanda wa kaburimbo, kugera kuri Centre ya Nturo hiciwe Abatutsi benshi muri Jenoside. Iyo Centre kandi ifatanye n’agasozi kitwa Nyamugari kari gakambitseho impunzi zari zaravuye muri Komini ya Kivuye i Byumba, hakaba hariciwe Abatutsi, bigizwemo uruhare n’izo mpunzi.

Ubu bwicanyi bwabaye kuva mu matariki 19 Mata 1994. Hari bariyeri zijya kwegerana imwe iri kuri kaburimbo, indi iri inyuma ya Paruwasi ya Kamonyi. Hari umunsi wakusanijweho Abatutsi benshi batuye ku Kamonyi ndetse n'abari batuye ahitwa i Kigembe, babicira ahari ishusho ya Bikira Mariya iri imbere ya Paruwasi. Ntibigeze bicirwa muri Paruwasi kuko umupadiri wari uhari witwaga Pie Ntahobari yanze ko Abatutsi bayihungiramo arayifunga. Hakomeje kwicirwa Abatutsi benshi babaga baturutse impande nyinshi, bagafatirwa kuri izo bariyeri, bakicwa bakajugunywa mu byobo byacukuwe mu ishyamba.

**Iyicwa ry'Abatutsi kuri Paruwasi Mushishiro (Muhanga)**

Bariyeri y'abicanyi yari i Buringa kuri centre ya Kabadaha mu kagari ka Munazi, umurenge wa Mushishiro, Akarere ka Muhanga, mbere ya jenoside hari muri Komine Buringa. Kuva tariki 09/04/1994, mu mudugudu wa Kabadaha ari naho hari hubatse ibiro bya komine habanje guhungira Abatutsi bari baturutse muri komini Kibilira, mu minsi ikurikira hahungira n'Abatutsi bo muri iyo komine.

Burugumesitiri wa komine Buringa yaherekeje Abatutsi bose bari bahungiye kuri komini abajyana i Kabgayi. Nyuma yo kubahungisha uwari Assistant Burugumesitiri Ntabashwa Yohani niwe wayoboye ubwicanyi bwakurikiyeho.

Hashyizweho bariyeri ikomeye y'abasirikare kuva mu matariki ya 10/04/1994 kuri iyo centre, ishyirwa kuri Motel yari ihari ya Karamira Froduald. Karamira ni nawe waje gutanga intwaro zakoreshejwe mu bwicanyi bwakorewe Abatutsi aho ngaho. Iyo bariyeri yari igamije kwica Abatutsi baturukaga impande zitandukanye, harimo n'abaturutse I Kigali n'ahandi. Kuri iyo bariyeri hiciwe Abatutsi bari hagati ya 180 na 200 bakajugunywa mu cyobo cyari kuri iyo Moteri ya Karamira ubusanzwe cyari kigenewe kujugunywamo ibisigazwa by'amatungo yabagwaga ngo avemo inyama zakoreshwaga kuri iyo Moteri. Abakuyemo iyo mibiri basanze imibiri ivanze n'amababa y'inkoko n'ibindi byinshi.

Uretse abo Batutsi biciwe aho, hirya no hino muri komine Buringa hari izindi bariyeri twavuga:
Bariyeri yari ku biro bya komine Buringa, bariyeri yari muri Munazi, bariyeri kuri Segiteri ya Nyagasozi, bariyeri ahitwa kuri Nyagako yaguyeho abantu benshi bishwe n'impunzi zari zarahungiye i Buringa, hari bariyeri ahitwa Rwigerero hafi y'akagari, indi bariyeri Rwigerero ku isoko, hari kandi bariyeri kuri Paruwasi ya Mushishiro yashyizweho n'umupadiri w'umurundi witwaga Jeremie Nduwabike, bariyeri yari ahitwa mu Nama i Rukaragata, kuri Nyabarongo ahitwa mu

Karombozi, bariyeri ahitwa Rwasare na Matyazo n'izindi. Izo bariyeri zose zaguyeho Abatutsi; abataraguye kuri izo bariyeri bajugunywe kuri Nyabarongo.

Bamwe mu bazwi cyane bagize uruhare muri jenoside aho ngaho ni: Ntabashwa Yohani wari assistant burugumesitiri, Karamira Froduald, Gasiribanyi Alex, Munyankumburwa Faustin, Kamonyo Fidele, Mutimura Claver, Padiri Nduwabike Jeremie, Depite Major Ukurikiyeyezu Jean Damascene, Nyaminani Felicien wabaye burugumesiri wa Buringa, Sebazungu Cyril wakoraga muri Electrogaz Kigali n'abandi.

**Iyicwa ry'Abatutsi muri Komini Kayenzi: i Gitwa, Gashinge, Kirwa, Kamonyi**

Kuva mu matariki 13/04/1994, nibwo ibitero byo kwica Abatutsi byatangiye ahitwa i Gitwa mu Kagari ka Kirwa muri Komini Kayenzi. Abatutsi bari bahungiye ku mugabo w'umututsi wari diregiteri w'amashuri ya Gitwa witwaga Ugirashebuja Felicien. Barwanije ibitero kuva tariki 13 mata byaturukaga i Musasa muri Gakenke, ariko ibintu byaje gukomera ari uko n'abanyakayenzi batangiye kugaba ibitero ku batutsi.

Igitero gikomeye bakigabye tariki 19/04/1994, Abatutsi bagisubizayo ariko hategurwa ikindi gitero gikomeye cyabanjirijwe n'inama yabereye ku kibuga cya primaire ya Gitwa yari iyobowe n'uwitwa Nkundiramye Alphonse ndetse na Munyakazi Leopold. Icyo gitero kije Abatutsi barakibonye bajya mu ishyamba bita beyite, abandi bajya ku rugo rw'umututsi witwa Kajugiro. Igitero cyaraje kibicira aho bahungiye ariko abenshi baguye muri iryo shyamba rya Beyite. Abagize uruhare cyane mu bwicanyi bwabaye muri komine Kayenzi barimo burugumesitiri Mbarubukeye Jean ariko abakoze ubwicanyi i kirwa ni Mpabarezi, Rwagakwandi, Hitimana Jean Damascene, Ngendo, Ruticumugambi Aloys, Nzabanita Cyrille, Nkundiramye Alphonse, Uwayezu Leonidas n'abandi.

**Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi bari bahungiye ku biro bya Komini Muko, Nyamagabe**

Tariki ya 7 Mata 1994, hishwe Abatutsi bageze kuri icumi kuri Paruwasi gatorika ya Mushubi, Komini Muko, Perefegitura Gikongoro.

Ku itariki ya 8/4/1994 Abatutsi benshi bahise batangira guhungira ku biro bya Komini Muko ariko igice kinini nabo bahungira kuri paruwasi ya Kaduha kuko bari bamaze kumenya ko Burugumesitiri Kayihura Albert yagize uruhare mu kwica

abari kuri paruwasi ya Mushubi bakumva ko batakwizera umutekano. Abatuye hafi batashoboraga kujya i Kaduha bakomeje kuhahungira baturutse mu masegiteri ya Komini Muko ndetse n'agace ka Komini Musebeya kuko ibiro bya Komini byari byubatse hafi y'urugabano rw'ayo makomini yombi. Aho ku biro bya Komini Muko bari bijeje impunzi ko bazirinda n'abari bihishe mu bihuru bajyayo kandi bwari uburyo bwo kubegeranya.

Ku itariki ya 19/4/1994 nibwo haje igitero kiyobowe n'umwicanyi bahimbaga Rukokoma kiza kiririmba ngo *"murashaka iki? Bagasubiza ngo inyenzi. Ziherereye he? Kuri Komini Muko. Murazishakira iki? Kuzigandagura…"* Icyo gitero ntabwo cyagize uwo kicira kuri Komini kuko abari babarinze banze kubatanga kubera impamvu impunzi zitahise zimenya. Icyo gihe Burugumesitiri Kayihura Albert, Musonera wari Diregiteri w'amashuri abanza, Rukokoma n'abandi bahise bakora inama bemeranywa ko babanza kwica abagabo naho abagore n'abana bakazabica nyuma. Abari bagize igitero bahise bataha impunzi zigira ngo zirarokotse uwo munsi nyamara igitero cyari kigiye kubategera ahitwa mu Gashwati.

Abagabo n'abahungu bapakiwe mu Imodoka 3 bababeshya ko babajyanye i Kaduha kuri paruwasi ngo kuko i Mushubi nta mutekano uhari. Bageze ku bilometero nka bitatu ahitwa mu Gashwati basanze igitero cyahabategeye babicisha intwaro gakondo ku buryo harokotse umuntu umwe gusa wabacitse. Abandi ntibashoboye kubacamo kuko abicanyi bari benshi bagose imodoka.

Abagore n'abana bari basigaye kuri Komini bahabaye mu buzima bubi cyane, abagore bafatwa ku ngufu. Nabo baje kwicwa ku itariki ya 19/5/1994. Haje igitero kiyobowe na Munyarihamye Pascal wari resiponsabure wa Serire Mushubi gitwara abagore n'abana bagera kuri 500 kibajyana kubicira ku kigo nderabuzima cya Mushubi.

Mu bari ku isonga mu gushishikariza abaturage kwica Abatutsi ni Superefe wa Superefegitura ya Munini wavukaga muri Komini Muko witwaga Biniga Damiyani, Burugumesitiri wa Komini Muko Kayihura Albert, Musonera Etienne wayoboraga amashuri abanza ya Rugano yakatiwe n'Inkiko Gacaca igihano cy'igifungo cy'imyaka 15, abakonseye na ba resiponsabure, barimo Hakizimana wari Konseye wa Sovu n'abandi.

Abamamaye mu bwicanyi ni Sekanyambo, Muberandinda, Mbaraga, Habimana, Kanyamanza, Rukokoma, Munyabihame, Muberandinda, Munyembaraga, Ruhigisha, Sebera Aloys n'abandi. Ubu urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi

rwa Mushubi rushyinguyemo imibiri isaga 14,152 y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi.

**Abatutsi biciwe i Nyakanyinya mu Murenge waMururu, Rusizi**

Aho Nyakanyinya ubwicanyi bwari bwaratangiye tariki ya 13/04/1994. Uwo munsi haje igitero cy'interahamwe nyinshi zari zivuye i Mururu. Barahageze batangira kwica n'ubugome bwinshi bakoresheje gerenade, imbunda n'intwaro gakondo.

Kuwa 19/04/1994 nibwo interahamwe zagarutse ziza gutsemba burundu inkomere n'abandi batari babashije guhunga bagirango ubwicanyi bwarangiye.

Na none tariki ya 19/4/1994 Abatutsi biciwe i Nyamukumba mu Ruhango. Hari mu nzira igana mu Ruhango, hari ahantu mu kabande hiciwe Abatutsi benshi cyane kuko impande zose bari bagoswe n'interahamwe kandi hari bariyeri zikomeye cyane.

## 2.14. KUWA 20 MATA 1994:BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA BUTARE, CYANGUGU NA GITARAMA

**Perezida Theodore Sindikubwabo na Leta y'abicanyi bakomeje gukangurira Abahutu kurimbura Abatutsi**

Tariki ya 20/4/1994, uwari Perezida wa Leta y'abicanyi yagiye muri Komini Ndora na Shyanda mu Karere ka Gisagara akangurira Abahutu kurimbura Abatutsi. Kuri uwo munsi mu mujyi wa Butare, Perefe Nsabimana wari waraye yimitswe na Sindikubwabo yakoresheje inama ya Perefegitura, ikaba yari igamije gutegura uburyo Jenoside yagombaga gukorwa muri Perefegitura ya Butare.

**Iyicwa ry'Umwamikazi Rosalie Gicanda mu mujyi wa Butare**

Tariki ya 20/4/1994 nibwo Umwamikazi Rasalie Gicanda yishwe. Umwamikazi Rosalie Gicanda yishwe ku itegeko rya Kapiteni Ildephonse Nizeyimana wari mu kigo cya (ESO) « École des Sous-Officiers". Muri Jenoside, Nizeyimana yafatanije n'abandi basirikari bari mu bwicanyi nka Lt Colonel Muvunyi Tharcisse n'abasirikari bo mu Kigo cya gisirikari cya Ngoma cyayoborwaga na Liyetona

Ildefonse Hategekimana na Jandarumuri yayoborwaga na major Cyriaque Habyarabatuma ndetse n'Interahamwe.

Kapiteni Nizeyimana yategetse abasirikari kwica umwamikazi Rosalie Gicanda. Mu baje mu rugo rw'Umwamikazi Rosalie Gicanda rwari hafi y'ibiro bya Komini Ngoma harimo Liyetona Bizimana, bitaga "Rwatsi", Liyetona Gakwerere, Caporali Aloys Mazimpaka, hamwe na Dr. Kageruka. Mu rugo bahasanze abandi bahigwaga harimo

Jean Damascène Paris, Marie Gasibirege, Aurelie Mukaremera, Callixte Kayigamba na Alphonse Sayidiya. Harimo kandi Uzamukunda Grace. Uyu yararashwe ariko ntiyapfa, yaje kurokoka apfa nyuma ya jenoside azize urupfu rusanzwe, akaba yari umukobwa wa Jean Damascene Paris, akaba ari nawe watanze amakuru ya nyayo y'uburyo Umwamikazi Rosalie Gicanda n'abo bari kumwe bishwe.

Kapiteni Nizeyimana yahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, ahanishwa igifungo cy'imyaka 35.
Lt Colonel Muvunyi yahamijwe icyaha cya Jenoside ahanishwa igihano cy'igifungo cy'imyaka 15.

**Abatutsi biciwe kuri Kiliziya ya Mugombwa, Gisagara**

Hagati ya 19-20/4/1994, kuri Kiliziya ya Mugombwa, mu Karere ka Gisagara, hari hahungiye Abatutsi b'ibyari Amakomini ya Muganza na Kibayi, Nyaruhengeri, abari batuye ku musozi wa Nyange hafi y'akagezi ka Kabogobogo. Padiri mukuru wayo, Titiano Pagolalo w'Umutaliyani yafungiranye Abatutsi mu Kiliziya, imiryango yose ashyiraho ingufuri aha imfunguzo umucuruzi w'umwicanyi wo muri centre ya Mugombwa witwaga Byiyingoma. Interahamwe n'abasilikare bahageze baciye imiryango ya Kiliziya bakoresheje imbunda na grenade, bazana lisansi baratwika. Kuri Paruwasi ya Mugombwa, haguye Abatutsi bagera ku 26,700.

Abayoboye ubwicanyi muri ako gace ni Ndayambaje Elie wari Burugumestri wa Komini Muganza, Singirankabo Viateur wari Konseye, Rwakaronkano, Byiyingoma, Bigirimana Petero wari umuserire, Mukundiye Yohani wari ukuriye Interahamwe, Kabirigi Antoine, Habiyambere Céléstin, Mbarushimana Emmanuel, Munyaneza Théobald n'abandi. Hari inkambi y'impunzi z'abahutu b'abarundi mu Kagari ka Saga, nazo zagize uruhare rugaragara mu kwica Abatutsi b'i Mugombwa.

Izo mpunzi z'Abarundi zakoze Jenoside, zafashwaga n'Umufurere w'Umubiligi witwaga Constant Julius Goetschalckx alias Stan wo mu Muryango w'Abafurere b'Urukundo bo muri Groupe scolaire i Butare. Uyu mufurere yari inshuti ya burugumesitiri Ndayambaje na Nyiramasuhuko akaba yaranagiye muri TPIR mu mwaka wa 2008 gutanga ubuhamya bwo kubashinjura. Furere Stan yagize uruhare mu gufatanya n'abajejnosideri kwica impunzi z'Abatutsi zari muri Kiliziya ya Mugombwa.

Muri Nyakanga 1994, Frere Stan yavuye mu Rwanda, ajya i Kigoma muri Tanzania ahashinga ishuri ry'impunzi z'abanyarwanda, akajya anaryakiriramo inshuti ze z'abasilikare ba ex-FAR n'abanyanpolitiki barimo abakoze Jenoside. Raporo y'impuguke z'Umuryango w'Abibumbye yasohotse ku wa 23 Ugushyingo 2009 (S/2009/603) yagaragaje Frere Stan ko ari umwe mu bihaye Imana bakomeje gufasha FDLR mu mugambi wayo wo guhungabanya u Rwanda.

Elie Ndayambaje yakatiwe igifungo cy'imyaka 47 y'igifungo n'urukiko mpuzamahanga mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda.

**Iyicwa ry'Abatutsi, Busekanka, Umurenge wa Nkanka, Rusizi**

Busekanka ni ku kiyaga cya Kivu, ku cyambu kiva Nkanka kijya ku Nkombo no muri Repubulika iharanira demokarasi ya Kongo. Haguye Abatutsi bishwe bahunga bajya muri Zayire, abandi bakaba barabakuraga mu ngo zabo bakajya kubicira ku Kivu.

Aha hantu nta bariyeri yari ihari, ahubwo interahamwe zo mu Kagali ka Kangazi, iyo zabonaga Abatutsi bahunze zahitaga zivuza induru zikamanuka.

Ku Busekanka, Abatutsi ba mbere bahiciwe kuwa 20/04/1994 kugeza mu mpera z'ukwezi kwa gicurasi 1994. Interahamwe zaho zicaga Abatutsi n'ubugome bwinshi kuko hari abo bahambiraga amaguru n'amaboko bakabajugunya mu Kivu, abandi bakabatema amaguru bakanabakuramo amaso bakabata mu Kivu bakiri bazima ngo barebe uko bapfa.

**Abatutsi biciwe RUTABO hiswe kuri CND, Umurenge wa Kinazi, Ruhango**

Aho hantu hari haracukuwe icyobo kinini cyane barohagamo Abatutsi bamaze kwica ndetse hari n'abo barohagamo ari bazima. Iki cyobo cyacukuwe hafi y'amashuri abanza ya Rutabo gicukujwe n'umwarimu wahigishaga witwaga Nsabimana Jacques akaba yari Perezida wa CDR muri komine Ntongwe, akaba yaravugaga ko ari icyobo by'ubwiherero.

Abatutsi biciwe ku kibuga cy'ishuri bari baturutse muri komine Ntongwe, Mugina, mu Bugesera n'ahandi. Nyuma yo kubica babajugunye mu cyobo hamwe n'abandi biciwe kuri bariyeri zitandukanye no mu nkengero. Icyobo bacyise CND ngo basange bene wabo b'inkotanyi. Bishwe n'abajandarume, interahamwe n'impunzi z'Abarundi zari mu nkambi ya Nyagahama.

Bamwe mu bicanyi babigizemo uruhare rukomeye barimo Burugumesitiri wa komine Ntongwe Kagabo Charles na Perezida wa CDR Nsabimana Jacques n'abandi.

**Abatutsi biciwe kuri Paruwasi gatorika ya Nyumba, Komine Gishamvu, Butare**

I Gishamvu hari Kiliziya ya Nyumba, seminari nkuru ya Nyakibanda na Komine Gishamvu na suPerefegitura Busoro. Iyo komini niyo iyavukagamo Jean Kambanda wari minisitiri w'intebe ya Leta y'abicanyi. Hahungiye Abatutsi baturutse muri Komine Kigembe, Runyinya, Nyakizu, Rwamiko, Mubuga na Gishamvu baraswa n'imbunda zari zishinze ku misozi yo hakurya ya Nyakibanda hagwa abari hagati ya 25,000 na 30,000.

Abamamaye muri ubwo bwicanyi ni Kambanda Pascal wari Burugumesitiri wa Komini Gishamvu, Simbarikure Assiel wari SuPerefe wa Busoro, Nzavugejo Pierre Céléstin wari Assistant Medical ku kigo nderabuzima cya Busoro, Kubwimana Laurent wari umwarimu muri Groupe Scolaire, muri Jenoside yagizwe SuPerefe kuri Perefegitura, Nshimiyimana Alexis yakomakaga ku Gisenyi, wari umukozi wa MINITRAPE, Iyamuremye Vianney wacurishije udushoka twinshi adukwiza mu baturage, Gatabazi Evariste wari umushoferi wa Komini, Kubwimana bitaga Cyuma wari Konseye wa Gishamvu, Nyamwasa Joseph wari umupolisi wa Komini Gishamvu, Ushizimpumu Jean wari konseye wa Segiteri Shori, Namahungu Martin wari umuzamu ku iposita, Murara Gabriel wari umuganga i Butare, abatwa bayobowe na Tabaro baturutse ku kibuye cya Shari, Barirwanda Marc wakoraga muri Banki ya Kigali na murumuna we Ndayisenga Samuel. Sekimonyo yari afite imbunda yarashe Abatutsi benshi.

Mu Iseminari Nkuru ya Nyakibanda, hishwe abapadiri b'Abatutsi, abaseminari b'Abatutsi n'impunzi z'Abatutsi zari zahahungiye. Mu bagize uruhare muri ubwo bwicanyi harimo Padiri Tadeyo Rusingizandekwe, ukomoka I Kibeho, akaba yari umwarimu muri seminari nkuru ya Nyakibanda.

**Abatutsi biciwe kuri ADEPR Shagasha, Gihundwe**

ADEPR Shagasha, rwari urusengero rw'Abarokore b'abapentikoti kandi rwasengeragamo abakirisitu benshi harimo n'Abatutsi benshi akaba ari nayo mpamvu Abatutsi bahahungiye; Abatutsi bahungiye hano ni Abana n'Abagore kuko Abagabo iyo bahagera bari kwicwa.

Muri uru rusengero hahungiyemo Abagore n'Abana bagera kuri 60, bakaba baratangiye kuhahungira guhera taliki ya 11/04/1994 Abatutsi batangiye kwicwa no gutwikirwa amazu; muri uru rusengero nubwo hahungiyemo Abagore n'Abana. Kuwa 20/04/1994 nibwo haje igitero simusiga, iki gitero cyaje n'imodoka kivuye kwica ku Nkanka bakaba baraje banazanye lisansi yo kubatwikira munzu kubwa amahirwe irameneka batabatwitse.

## 2.15. KUWA 21 MATA 1994 : BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA GIKONGORO, BUTARE, GITARAMA

**Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi yatse inshingano MINUAR igabanya umubare w'abasilikare bayo mu Rwanda**

Tariki ya 21/4/1994, Akanama ka Loni gashinzwe amahoro ku isi kafashe umwanzuro 912 uhindura inshingano za MINUAR, iyisiga ku izina gusa, ifite abasirikari 250 gusa. Nyamara, buri munsi Jenerali Dallaire wayoboraga MINUAR yohererezaga raporo Umuryango w'abibumbye avuga uko ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi mu Rwanda. Dallaire yavugaga ko umutwe w'abasirikari barindaga Habyarimana n'interahamwe zari zimeze nka « virus » imeze nka nkongwa itakigira gitangira. Ayo makuru, Umuryango w'abibumbye ntiwayahaye agaciro, wafashe icyemezo cyo guterera u Rwanda, abicwa baricwa ku manywa y'ihangu.

**Abatutsi biciwe i Murambi, Gikongoro, Nyamagabe**

Ubwo Jenoside yatangiraga mu duce dukikije i Murambi, Abatutsi baho batangiye kuhahungira bavuye Mudasomwa, Kinyamakara, Musebeya, Muko no mu yandi ma komini.

Abazaga i Murambi abategetsi babo bababwiraga ko ariho bazabasha kubarindira umutekano bari hamwe nyamara byari ukubabeshya kuko ubwo uwari Perezida wa Leta yiyise iy'abatabazi Sindikubwabo Theodore ari kumwe na Minisitiri w'intebe w'iyo Leta Jean Kambanda baje ku Gikongoro batanga amabwiriza yo gutangiza Jenoside.

Nyuma y'iyo nama nibwo abategetsi bashishikarije Abatutsi kujya i Murambi bababeshya ko bazacungirwa umutekano. Abari bahungiye ahantu hatandukanye ku biro by'amakomini na za Kiliziya n'insengero hamwe n'abari bahishwe n'abahutu bajyanywe i Murambi hakoreshejwe imodoka abandi bakizana. Aho bacaga hose bajya i Murambi baterwaga amabuye n'interahamwe. Bageze i Murambi, Interahamwe, zatangiye guca amatiyo yahazanaga amazi kugira ngo bicwe n'umwuma bazaze kubica nta mbaraga bagifite.

Babonye ko bagiye kwicwa n'inzara nibwo bigiriye inama yo kubaga inka nkeya muzo bari bahunganye kugira ngo babone icyo barya.

Muri iyo minsi, hazaga ibitero by'interahamwe bakarwana nabyo bakoresheje amabuye bigasubirayo. Mu rucyerera rwo kuwa 20 rushyira 21/4/1994 nka saa cyenda nibwo abajandarume babanje gutera grenade no kurasa amasasu mu mpunzi z'Abatutsi, maze Interahamwe, aba CDR n'abaturage bitwaje impiri, imipanga, amacumu n'udushoka bakagenda bahorahoza abatishwe n'amasasu ndetse n'abari babaye inkomere.

Abantu bagize uruhare mu kwica Abatutsi bari bahungiye i Murambi basaga ibihumbi 50,000 ni uwari Perefe wa Perefegitura ya Gikongoro Bucyibaruta Laurent (uba mu Bufaransa), Semakwavu Felicien wari Burugumesitiri wa Komini Nyamagabe, Captaine Faustin Sebuhura wayoboraga Jandarumori ya Gikongoro, Colonel Simba Aloys, Justin Ayurugari wayoboraga Electrogaz Gikongoro, Venuste Nyombayire wayoboraga ikigo cy'abana cya SOS Gikongoro, David Karangwa wari grefiye mu rukiko rwa kanto ya Gikongoro, Celse Semigabo wari prokireri ku Gikongoro, Alufonsi Nsengumukiza wakoraga muri Electrogaz, abajandarume n'interahamwe zirimo, Munyangoga wakoraga muri Electrogaz, Musekura Aloys, Ngirumpatse Venuste n'abandi.

I Murambi niho hanabaye inkambi y'ingabo z'abafaransa muri Zone turquoise aho bavugaga ko baje gucungira umutekano Abatutsi bicwaga ariko siko byagenze kuko Abatutsi bake bari bararokotse bagiye i Murambi ariko bagashimutwa, bakicwa n'interahamwe kandi abafaransa ntacyo babikoragaho. Bamwe mu Bafaransa basambanyije abakobwa n'abagore b'Abatutsi ku ngufu, banakora ibindi byaha bitandukanye nkuko byagaragajwe na raporo ya Komisiyo Mucyo. Ubwo izo Ngabo zasozaga ubutumwa bwazizanye zasabye abantu bari aho mu nkambi i Murambi kwambuka bakajya muri Kongo bizezwa kuzabafasha kugaruka mu Rwanda. Abari bamaze gukora Jenoside barababerekeje babajyana Kongo hamwe n'izindi mpunzi nyinshi kuko bazibwiraga ko Inkotanyi zizabica ariko byari ukugira ngo zibone abo abicanyi bazagira ingwate ubwo bazaba bageze mu mashyamba ya Kongo.

I Murambi mu rwibutso hakaba hashyinguye imibiri y’abazize Jenoside yakorewe Abatutsi basaga ibihumbi 50,000 bahiciwe ndetse n’abimuwe mu rwibutso rwa Gasaka.

**Iyicwa ry’Abatutsi  kuri Paruwasi Gatorika ya Cyanika, Nyamagabe**

Kuri iyi Paruwasi hafite amateka yihariye cyane ku batutsi kuko mu bihe bya mbere habaye ubwicanyi bukomeye bwibasiye Abatutsi bari bahatuye bikanandikwa muri za raporo mpuzamahanga no mu itangazamakuru ko ari jenoside. Abarokotse ubwo bwicanyi bayise noheri y’amaraso.

Kuva 1990-1994 Abatutsi batuye mu Cyanika bongeye gutotezwa cyane biyobowe na Burugumesitiri wa Komini Karama Desire Ngezahayo, bitwa ibyitso by’inkotanyi nkuko babikorewe 1963 babita ibyitso by’inyenzi abandi barafungwa.

Ku wa 08/4/1994 impunzi zatangiye kuba nyinshi kuri Paruwasi ziturutse muri Komini Karama, Kinyamakara, Nyamagabe, Rukondo, Karambo n’ahandi bakakirwa na padiri Yozefu Niyomugabo. Impamvu abenshi bahahungiye nuko Burugumesitiri Ngezahayo n’abakonseye bazengurutse Komini bagasaba abihishe bakoresheje indangururamajwi guhungira kuri Paruwasi Cyanika bababeshya ko ariho bazabarindira umutekano.

Kuwa 11/4/1994 Superefe wa superefegitura ya Karaba Yozefu Ntegeyintwari yakoresheje inama n’ababurugumesitiri ba Komini Rukondo, Karama na Kinyamakara ku kibuga cy’umupira cya Cyanika ahitwa i Murizo, banoza umugambi wo kwica Abatutsi. Hari kandi umutwe w’ibyihebe wari wariyise minwari (MINUAR) wari uyobowe n’abitwaga Ntaganira Emmanuel bitaga Muturage na Rubera bagahabwa intwaro na Col Simba bahuriraga kubiro byabo byari kuri komini Karama nabo bakazishyikiriza abaturage. Uyu mutwe niwo wari ushinzwe kwica Abatutsi no gutabara aho byananiranye kuko na mbere yuko bicwa bari babanje kubateramo grenade bikozwe n’uwitwa Kazungu wari interahamwe.

Mu rucyerera rwo kuwa 20-21/4/1994 nibwo Abatutsi bari bahungiye i Murambi bishwe maze abicanyi barangije bajya mu Cyanika kuwa 21/4/1994 nka saa yine za mu gitondo, maze interahamwe zifatanyije n’abajandarume zitera amagerenade mu mpunzi zari zahungiye kuri Paruwasi, abandi bakoresha intwaro gakondo mu kwica Abatutsi. Icyo gihe hishwe Abatutsi basaga ibihumbi 35,000 bakaba bashyinguye mu rwibutso rwa Cyanika.

Abategetsi bagize uruhare mu gutegura no gushyira mu bikorwa byo kwica Abatutsi bari bahungiye kuri Paruwasi gatolika ya Cyanika barangajwe imbere n'uwari Perefe wa Perefegitura ya Gikongoro Laurent Bucyibaruta, Col Simba Aloys, Superefe Yozefu Ntegeyintwari, Burugumesitiri Ngezahayo Desire, Depite Hanyurwimfura Marc, Munyandinda Joel umugenzuzi w'amashuri abanza ya Komini Rukondo, Nkurikiyimana Jean Bosco wari umuyobozi wa Centre de Sante ya Cyanika, Charles Ugirindege wari assistant bourgmestre wa Rukondo, muramu we Sebakiga Jean Bosco alias Kinigamazi wari veterinaire wa Komini Karama, Munyaneza Jean Bosco wari IPJ kuri Komini Karama, Mpakaniye Frodualde wari encadreur wa Komini Karama, Jean Baptiste Kayigamba wakoraga kuri Centre de Sante ya Cyanika, Gahamanyi Callixte wari umucuruzi, abakonseye barimo Munyankindi Callixte, Bashimubwabo Jean Baptiste, Murindababisha wari Diregiteri wa G.S Cyanika, Hishamunda Charles wari encadreur w'urubyiruko ku Gikongoro, Gatari Jean Damascene wari agronome, Gashara Alphonse umwarimu i Mbazi, Nzungize Azaria wari sekreteri kuri suPerefegitura ya Karaba, Karekezi Kizito umunyeshuri muri Kaminuza akaba yari n'umukinnyi wa Mukura, Mageza Onesphore umupolisi wa Rukondo, Mudenge Yuvenali (wahoze ari umusirikare), abapolisi Habimana na Munyaneza Sipiriyane na bamwe mu ba resiponsabure ba za selire za Segiteri  Cyanika, Kibingo, Gitega, Ngoma, Muganza, Kiraro, Kiyumba na Nyanzoga.

Interahamwe zagize uruhare runini mu kwica Abatutsi mu Cyanika ni: Demokarasi Joseph alias Rubera, Ulinzwenimana Etienne alias Kazungu, Ntaganira Emmanuel alias Muturage, Nkuriza Anastase alias Serufirira, Kabera Vianney na mukuru we Gasurira, Nizeyimana Athanase alias Musebeya, Musoni Anselme, Mugambira Apollinaire, Bizimana alias Munyu, Karamira Maurice, Kayihura Joseph, Mugenga Joseph, Mubirigi Zakariya, Rwamakuza Cyriaque, Rudahanwa Telesifore, Bukeye Alfonsi, Mutajugire Francois alias Rupajyama, Miyeri, Nambaje Alfonsi, Aloyizi Sekaganda mwene Ntwarabashi, Rutebuka Martin, Rwagasana Venant, Bizimana alias Nderema, Muhaya Mwene Mishogoro, Dominiko mwene Busizori, Rukara Mariko, Senyana mwene Butuyu, n'abandi.

### Abatutsi biciwe kuri Paruwasi Gatorika ya Kaduha, Nyamagabe

Paruwasi ya Kaduha iri mu cyahoze ari Komini Karambo, Superefegitura ya Kaduha, Perefegitura ya Gikongoro. Abatutsi bari bahahungiye bahateze amakiriro bari baturutse mu makomini atandukanye ariyo Komini Muko, Musange, Karambo na Musebeya. Abatutsi batangiye kuhagera ku itariki ya 8/4/1994. Bigeze ku itariki ya 17/4/1994 umujandarume wari uhari yabatse intwaro gakondo zose bari bafite ababwira ko babarinda. Mbere y'iyo tariki basangiraga ibyo bahunganye ariko

umubikira w'umudagekazi wayoboraga Centre de Santé witwaga Milghita agatekera abana igikoma. Abapadiri bari bafite umuceri ariko babicisha inzara kuko umupadiri w'umurundi wahahabaga witwaga Nyandwi Athanase Robert yari mu bategura umugambi wo kubica.

Ku itariki ya 20/4/1994 uwo mupadiri yabasabye kugura uwo muceri, ikilo bakakigura amafaranga 5 kandi azi ko bagiye kubica. Amafaranga bari bafite bahise bayakoresha bawugura barayamara.

Ku itariki ya 21/04/1994 haje igitero kinini cyane kirimo abajandarume, abavuye mu gisirikare n'abicanyi bavuye mu makomini ya Muko, Karambo, Musange, Musebeya bafite intwaro zitandukanye kandi nyinshi bagota aho impunzi ziri. Abatutsi bagera ku 45,000 biciwe i Kaduha kuri Paruwasi gatorika uwo munsi harokoka bacye cyane.

Ubwicanyi bwashishikajwe kandi buyoborwa n'abantu b'injijuke barimo Padiri Nyandwi Robert, suPerefe Joachim Hategekimana, umukozi w'umushinga PDAG bahimbaga Katasi wabaye ikirangirire mu kwica i Kaduha, Ngezahayo Straton wahoze ari umusirikare mu ngabo zatsinzwe, Karangwa François umukozi w'urukiko, uwahoze ari umusirikare witwa Gerivasi, Kayihura Albert wari Burugumestri wa komini Muko, Interahamwe yitwaga Rukokoma, Ntawera, Matabaro, bafatanyije n'izindi nterahamwe kimwe n'abanyeshuri bo mu Ruhengeri bari barahahungiye ubwo urugamba rwo kubohora Igihugu rwarimo rukomeza. Abo bose bari bayobowe n'abajandurume bavuye ku Gikongoro ku itariki 8/4/1994 bahabwa amabwiriza na Colonel Simba Aloys wari ushinzwe ikiswe defense civile muri Gikongoro na Butare.

Kugeza ubu umubare w'abashyinguwe mu rwibutso rwa Jenoside rwa Kaduha umaze kugera ku 47.311. Muri aka gace bakomeje kwica abari bararokotse kuko Kaduha yari mu gace kagenzuwe n'ingabo z'Abafaransa mu kiswe Zone Turquoise bituma ingabo za FPR-Inkotanyi zitahagera.

### Abatutsi biciwe ahantu hatandukanye muri Komini Ntongwe, Ruhango

#### *Mu misozi yo muri Ntongwe*

Tariki 18-19 kugeza kuri 20/04/1994 hari Abatutsi bagiye ku misozi bagerageza kwirwanaho. Aho twavuga ku musozi wa Nyiranduga, ahahuriye Abatutsi benshi baturukaga Gisali na Kibanda, Mbuye, Ndetse na Mukinga mu yahoze ari Komini Mugina, aho birwanyeho bakamara iminsi ine (4) barwanya ibitero byabateraga bakabinesha nyuma hakaza Burugumesitiri Kagabo Charles wari uwa Komini

Ntongwe n'uwari Superefe wa Superefegitura ya Ruhango witwaga Placide Koroni ndetse n'Abajandarume, babwira Abatutsi ko bajya kuri Komini bakabona uko babarinda neza naho wari umugambi wo kubona uko babicira hamwe.

Akandi gasozi Abatutsi birwanyeho ni agasozi ka Gacuriro ya Nyakabungo, ariko bahavanwa na Burugumesitiri Kagabo ababwiye ko bajya kubarindira kuri Komini, ariko ari amayeri yo kugira ngo babice. Hari ku italiki ya 19/4/1994.

Ahandi ni Ntungamo ya Kayenzi muri Nyabitare. Barwanye n’interahamwe bakoresha amacumu, imiheto cyane cyane amabuye, nyuma haza ibitero by’izindi nterahamwe zivuye Nyakabungo no muri Segiteri ya Ntongwe zibakwiza imishwaro, bamwe bakomeza Tambwe na Ruhango abandi zigenda zibica umugenda.

***Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi ahahoze ibiro bya Komini Ntongwe, Ruhango***

Abatutsi batangiye kuhahungira kuva ku italiki ya 10/4/1994 kuko Abahutu bari batangiye kubatwikira, kubica no kurya inka zabo. Ku dusozi tumwe Abatutsi batangiye kwirwanaho ariko uwari burugumesitiri wa Komini Ntongwe Kagabo Charles na suPerefe Placide Koloni bifashishije aba konseye b’amasegiteri babohereza kuri Komini bababeshya ko babarindirayo. Abatutsi ba nyuma bageze kuri Komini tariki ya 19 na 20/4/1994, n’abari bihishe ahandi, bagiye kuri Komini bagendeye ku karimi keza ka burugumesitiri Charles Kagabo na suPerefe Placide Koloni batazi ko ari umugambi wo kubarimburira hamwe wateguwe kare.

Kuva tariki 17-18 na 19/04/1994 Abatutsi bari bahungiye kuri Komini babanje kwirwanaho uko bashoboye bakoresha amabuye bagasubizayo ibitero byabateraga kugeza ku itariki 20/04/1994. Burugumesitri Kagabo Charles na Superefe Kolini Placide, uko bakusanyirizaga Abatutsi kuri Komini Ntongwe ni ko bakusanyaga n’abicanyi: Interehamwe zambutse Bugesera, Abarundi bava mu nkambi i Nyagahama ndetse n’abaturage n’abajandarume Kagabo yari yagiye gusaba i Nyanza. Bose bahuriye kuri Komini Ntongwe mu ijoro ryo ku wa 20/4/1994 rishyira 21/04/1994 bagaba igitero ku Batutsi barabarimbura. Iki gitero cyateguriwe mu nama zabereye i Mutima hagati y’italiki 17 na 19/4/1994 zari ziyobowe n’abajandarume, harimo na burugumesitiri Kagabo n’abarundi b’impunzi. Bashatse ahantu banyura hihishe kugira ngo bikubite ku Batutsi bari kuri komini batababonye. Baciye Gako ako kunyura Nyakabungo kugira ngo Abatutsi batumva urusaku rw’imodoka bagahunga, bageze Mutima, bahagaritse imodoka bagenda n’amaguru bayobowe na Kagabo.

Mu ijoro ryo ku wa 20/4/1994 ibitero byose byahuriye kuri komini nijoro kugeza kuri 21/04/1994 Abasirikare n'abapolisi barashe mu kivunge amasasu menshi batera na grenades, abageragezaga guhunga bagasanga abari bahagaze n'imihoro n'izindi ntwaro gakondo bakabica ku buryo bigaragara ko ubwicanyi bwari bwateguwe neza muri ya nama ya Mutima.

***Ubwicanyi bwabereye mu kibaya cya Nyamukumba, Ruhango***

Ubwicanyi bwakozwe ku itariki ya 21/04/1994. I Nyamukumba mu birometero bibiri uvuye ahari ibiro bya Komini Ntongwe ugana mu Ruhango. Ni ahantu hari ikibaya kinini cyane. Bahitiriye imperuka y'Abatutsi bari bahungiye kuri Komini Ntongwe kubera ubwicanyi n'umubare w'Abatutsi bahaguye, bari bashoboye gucika grenades, amasasu, imihoro byo mu gitero cyo kuri Komini, bamwe bakomeretse cyane.

Mu buryo bw'ubugome, abasirikare bashyize imbunda ku misozi ikikije Nyamukumba, ku buryo aho wahungira hose baza kuba bakureba kuko ari ikibaya kinini, ubundi abari baticiwe kuri Komini babahindira muri icyo kibaya, izindi nzira zihunga barazifunga. Kinazi ku maduka hagiye Interahamwe ziganjemo abarundi, i Nyagahama hari naho abarundi, interahamwe za Bugesera n'abasirikare n'abajandarume babarasa umugenda kandi babahindira Nyamukumba. Bose bageze Nyamukumba, abari ku misozi bari biteguye kubarasa bose n'imbunda barasiye rimwe, interahamwe zifite imihoro, impiri amacumu, zikagenda zirangiza abataranogoka. Hacuze imiborogo, hagwa abantu benshi. Aho hantu hahawe izina ry'imperuka ya Nyamukumba.

***Ubwicanyi bwakorewe aho bitaga kuri CND ku Rutabo, Ruhango***

Icyo cyobo bise CND ni kinini cyane cyacukuwe mu mwaka wa 1992 kikaba cyari inyuma y'amashuri abanza yo ku Rutabo A. Hiciwe Abatutsi benshi cyane ku buryo bw'indengakamere ndetse bajugunyamo n'abo biciye ahandi. CND yiswe iri zina kubera kuri CND i Kigali, aho ingabo za FPR zaje kurinda abayobozi ba FPR bagombaga kwinjizwa muri guverinoma yaguye y'inzibacyuho zabaga. Mu yandi magambo, kujyanayo Abatutsi kubicirayo kwari ukubasangisha abo bitaga bene wabo muri CND Kigali.

Igitero cyari kuri icyo cyobo cyari gikuriwe na Nsabimana Jacques wayoboraga CDR muri Ntongwe wari uzwi ku izina rya Pilato kuko uwajyaga kwicirwa kuri icyo cyobo cya CND yabanzaga gushinyagurirwa n'uwo Nsabimana Jacques. Amwe mu mazina ya ba ruharwa bagaragaye cyane muri ubwo bwicanyi ni

Kagabo Charles wari burugumesitiri wa Komini Ntongwe, Placide Koroni wari suPerefe wa SuPerefegitura ya Ruhango, Abakonseye bayoboraga Segiteri zose uko ari 13 zari zigize Komini Ntongwe, Abasirikare nka Hitabatuma, Rucyeragabiro w'i Nyabusinzu kwa Kamugunga, Visenti wo kwa Birara Vianney nawe w'i Nyabusinzu,… Umuturage witwa Ntintanguranwa watwitse umwana w'uruhinja ku mbabura i Gishari ya Kareba, Konseye wa Kareba Kanyandekwe Zefaniya na resiponsabure Kageruka Aristarque, Mwalimu Nsabimana Jacques (Wari wariyise Pilato), Umucuruzi w'i Kareba witwaga Simoni Munyentama hamwe na mukuru we, Nahayo Florent, Abarundi batazwi amazina yabo bari batuye mu nkambi i Nyagahama bishe Abatutsi bamara kubica bakabakuramo imitima bakayotsa ku mbabura barangiza bakayirya.

**Abatutsi biciwe kuri Paruwasi Gatorika ya Karama, Runyinya, Huye**

Ku wa 08/04/1994, impunzi z'Abatutsi zatangiye kugera i Karama. Zaturukaga ahitwa mu i Ramba no muri Perefegitura ya Gikongoro bakaza kuri Paruwasi ya Karama. Bazaga babaye, bananiwe, bashonje kandi harimo n'abakomeretse.

Tariki ya 10/04/1994, Hategekimana Deogratias wari Burugumesitiri wa Runyinya yatumije abakonseye b'abahutu bose, abaserire b'abahutu bose ndetse n'abandi bakomeye barimo Diregiteri w'ikigo cy'ishuri ryisubuye rya APAREC n'abacuruzi mu nama yo gutegura Jenoside. Nta Mututsi wemerewe kujyayo kuko inama yakozwe hashyizweho bariyeri ebyiri, imwe ku kibuga cya komini, indi aho centre itangirira zose zirinzwe n'abapolisi bakinjiza uwo bazi. Serutwa Damien wari Resiponsabure wa serire Umuyange yangiwe kwinjira kuko yari Umututsi.

Tarki 11/04/1994, Burugumesitiri Hategekimana Deogratias yajyanye umupolisi witwa Gatitiba Thomas kuri moto ya Komini bajya i Ramba bategeka impunzi z'Abatutsi kwerekeza i Karama. Uwo munsi haje impunzi nyinshi zirimo inkomere nyinshi. Padiri Ngomirakiza Francois afata abakomeretse cyane abageza ku bitaro bya Kaminuza iButare, ari nako ashakisha imfashanyo zo gutunga impunzi zari zimaze kuba nyinshi i Karama.

Tariki 14-16/04/1994 amazu y'Abatutsi yaratwitswe ku misozi yose ikikije Karama kandi bitangirira umunsi umwe: Nyarusange-Mukongoro-Kibingo-Buhoro-Bunazi-Uwarugondo…Impunzi zose zakusanyirijwe i Karama ku Kiriziya, mu mashuri, ku isoko zari zaturutse mu Makomini ya Gikongoro na Butare: Runyinya, Rwamiko, Mubuga, Kinyamakara, Huye (Muyogoro), Maraba, Mudasomwa, Nyakizu (Rusenge), Kivu. Zose zarabaruwe zishyirwa mu mashuri hakurikijwe Segiteri baturutsemo.

Ku wa 16/04/1994 nibwo bishe umututsi wa mbere i Karama witwa Myandagara bamwicira ku kabari i Kibingo. Ku wa 18/04/1994 Burugumesitiri n'abapolisi batwaye umubitsi wa koperative yitwaga KOPIARU ngo abereke imfunguzo za coffre fort bahita banamwica.

Abicanyi baciye umuyoboro w'amazi, umugezi w'Agatenga bawusukamo kirorini kugirango impunzi zicwe n'umwuma. Burugumesitiri Hategekimana Deo yaje kujya gushaka abajandarume bavuka i Karama barimo uwitwa Twagirumukiza Charles bazana amasasu n'imbunda, ababagira ikimasa, hanyuma abeshya Abatutsi ko baje kubarinda.

Tariki 20/04/1994 abajandarume bayobowe n'uwitwa Rwasamanzi na Kimasa bakoraga muri APAREC, bagiye i Bunazi naho hari hahungiye Abatutsi barabarasa babatera n'amagrenades. Abacitse ku icumu baje basanga abandi batutsi i Karama. Muri iryo joro padiri Ngomirakiza yabwiye impunzi ko nta buhungiro, abagerageje guhunga babagarurira kuwa Rugondo kuri bariyeri babatera amabuye.

Tariki 21/04/1994, Abahutu benshi cyane bitwaje ibihiri n'imipanga binjiye mu mpunzi babanza kuzigendamo bazitegereza, bigeze saa tatu za mu gitondo haza ibitero by'interahamwe nyinshi zambaye ibirere baturuka impande zose bagota aho impunzi zari ziri barazica. Nyuma bafashe abana bari barokotse ubwo bwicanyi babakusanyiriza hamwe, babatekera igikoma bashyiramo acide ubundi barabaha barakinywa barashira. Imibiri y'Abatutsi bagera ku bihumbi 70 nibo bashyinguye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Karama.

**Abatutsi biciwe ku musozi wa Gashinge, Kamonyi**

Gashinge ni agasozi gaherereye mu Mudugudu wa Gasharu, Akagari ka Nyamirenbe, Umurenge wa Karama, Akarere ka Kamonyi ariko kera hakaba hari muri Komini Kayenzi yayoborwaga na Mbarubukeye Yohani.

Tariki 19 Mata 1994, nibwo Abatutsi bahungiye kuri ako gasozi, haza abavuye muri Komini Nyabikenke, Rutobwe, abaturutse i Musasa, Taba n'ahandi. Batangiye kubagabaho ibitero, kuva tariki ya 19 Mata 1994 bigizwe n'abahutu baturutse mu ma Komini yari afite Abatutsi bahungiye kuri ako gasozi. Abatutsi birwanaho bakoresheje amabuye barabanesha, hanyuma ibitero bifata umugambi wo gutema intoki n'ishyamba rya Leta ryari rihari.

Ku itariki ya 21/04/1994, haje igitero gikomeye cyari kirimo abasirikare, abapolisi, n'abaturage benshi, kiyobowe n'uwitwa Buyumbu wanayoboye ibitero by'ahitwa

Bibare. Kugirango batsembe Abatutsi hakoreshejwe grenade, imbunda, noneho interahamwe zibona kwirara mu Batutsi zirabatema zikoresheje intwaro zirimo imihoro, udufuni, amashoka, ibisongo n'ibindi. Ubwicanyi bwatangiye mu masaha ya mu gitondo burangira nyuma ya saa sita. Ababashije gucika bahungiye ku musozi wa Bibare, bicirwayo tariki ya 22/04/1994. Abandi babashije kurokoka kuri uwo musozi, ndetse n'abandi bakuraga mu ngo, mu minsi ya mbere babakoreshaga ibirometero n'ibirometero bakajya kubaroha muri Nyabarongo. Abandi barabakusanije babicira ku kibuga cyo kuri Segiteri ya Nyamirembe bitaga CND.

**Abatutsi biciwe mu Cyakabiri i Rutobwe, Gitarama, Muhanga**

Cyakabiri iherereye mu kagari ka Kigarama umurenge wa Cyeza akarere ka Muhanga. Aha ni ahantu hazwi cyane muri aka gace kubera bariyeri yari ikomeye cyane yaguyeho Abatutsi hafi ijana, kuberako aha hantu hari murugabano rwa Kayumbu na Cyeza, hashyizwe bariyeri ikumira kandi ikicirwagaho Abatutsi bahungaga berekeza I Kabgayi, baturutse muri komine Rutobwe, Nyabikenke, Kayenzi na Rukoma.

Iyi bariyeri yashyizweho mu matariki 14/04/1994, kuko ubwicanyi muri Rutobwe bwatangiye mu matariki 13 z'uko kwezi, ariko abantu benshi bayiciweho cyane tariki 21/04/1994 n'ubwo mbere y'iyo tariki na nyuma hicirwagaho Abatutsi kugeza FPR ihagaritse ubwicanyi muri ako gace. Abicwaga bashyirwaga mu cyobo cyari hafi aho bitaga CND, kandi bicwaga mu buryo bubi, babanje gushinyagurirwa, bicishwa intwaro gakondo, zirimo impiri zikwikiyemo imisumari bitaga *nta mpongano y'umwanzi*, inkoni, ibisongo, imihoro n'ibindi. Muri rusange muri ako gace Abatutsi barashinyaguriwe kuko babakataga ibice bimwe by'umubiri nk'amatwi, ibitsi nyuma bakagaruka kubica buhoro buhoro. Undi mwihariko muri ako gace ni uko Abatutsi bicishijwe uburozi, abicanyi bafataga umuti witwa Kiyoda usanzwe wica udukoko, bakawushyira mu macupa, bakawunywesha Abatutsi ku ngufu ngo ayo ni amata kandi barayakunda.

Abagize uruhare muri ubu bwicanyi ni uwari Minisitiri w'urubyiruko n'amashyirahamwe Nzabonimana Callixte wari ku isonga mu bashishikarizaga abaturage ba Rutobwe ubwicanyi. Yakoreshaga imodoka yo mu bwoko bwa kombe yabaga yashyizemo indangururamajwi akanyura muri Rutobwe ajya iwabo mucyari komine Nyakabanda, agenda ashishikariza abahutu ko ngo umwanzi wabo ari umututsi. Nzabonimana yanazanye imihoro myinshi muri iyo modoka, agenda ayiha abaturage ku muhanda. Uretse imihoro kandi yabaga afite na gerenade ariko zo zikaba zarafashwe na bake kuko benshi batari basobanukiwe n'imikoreshereze yazo.

Hari n'abandi nka Seromba Balthazard wari secretaire wa MDR muri Komini, Muvuzampama wari visi Perezida wa MDR, Mparabanyi, Ayidini, Dusabe, Kampayana, Harindikije n'abandi.

Nyuma ya jenoside imirambo yakuwe mu Cyakabiri ishyingurwa mu rwibutso rwa Kayumbu, rushyinguyemo imibiri 428 yakuwe muri Rutobwe. Uru rwibutso rwubatse mu murenge wa Kayumbu mu Karere ka Kamonyi.

**Abatutsi biciwe mu Murenge wa Tumba (Mpare na Musange), Huye**

Mpare ubu iherereye mu Murenge wa Tumba, ikaba yarabarizwaga mu cyahoze ari Komini Huye. Jenoside igitangira muri aka gace, abaturage bose bashyize hamwe bagiye mu Muyogoro gukumira abicanyi baturukaga muri Nyaruguru. Ku itariki 20/04/2019 Burugumesitiri Ruremesha Jonathan wategekaga Komini Huye, wavukaga i Mpare, yakoresheje inama abaturage b'abahutu gusa, Abatutsi yabirukanye.

Bwakeye kuri 21/04/2019 Abahutu bose bashyize ibirere ku nzu zabo, bahita batangira kwica Abatutsi, kubasahura, kubasenyera no kubatwikira. Abasirikare, abajandarume n'abaturage bafatanyije gutsemba Abatutsi. Abasirikare n'abajandarume bagiye ahirengeye ku kigega (aho bita ku Nganzagihendo) bakajya barasa Abatutsi bari bahakusanyijirijwe. Abatutsi bahiciwe ni abaturutse i Musange, Mpare, Vumbi, Gishamvu, na Nyaruguru. Hiciwe abarenga 11,000.

Abari ku isonga mu gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside ni Burugumesitiri Ruremesha Jonathan na Depute Banyangiriki Zacharie yavukaga i Mpare. Yakoresheje inama ahitwa mu Kabuga ishishikariza abahutu kwica Abatutsi, aho yavuze yeruye ati: *"umwanzi turwana ni Umututsi iyo ava akagera"*.

Abicanyi babigizemo uruhare ni abitwa Harindintwari Theogene yagiye mu mujyi i Butare kwa Ntahobari Maurice kuzana Essence yo gutwikira Abatutsi. Buyenge Charles wari Konseye wa Segiteri Musange, Nzabahimana Vianney wari Konseye wa Segiteri Mpare, Hangimana Chrisostome yahungiye Zambia, Bungurubwenge Augustin yacitse gereza ahungira muri Afurika y'Epfo, Mondi Mazuru yari umushoferi mu mushinga w'ubuhinzi DGB yahungiye muri Malawi n'abandi.

**Abatutsi biciwe Gishubi, Gisagara**

Segiteri Gishubi mu gihe cya Jenoside yari iyobowe na Konseye Ugirashebija Francois ari nawe wayoboye ubwicanyi afatanyije na mugenzi we Ndayishimiye Augustin wari Konseye wa Segiteri Nyaranzi byahanaga imbibi. Inama zitegura Jenoside zakorerwaga mu I Gabiro kwa Mukurarinda Innocent. Uyu Mukurarinda yari kontabure muri komini Kibayi.

Abamamaye mu kwica Abatutsi i Gishubi ni:
Ugirashebuja Francois wari Konseye wa Segiteri Gishubi, Mukurarinda Innocent yahungiye Uganda, Umupolisi witwa Ubarijoro Gaspard yarashe Abatutsi benshi akoresheje imbunda, Nkurikiyinka Viateur bahimbaga MDR, Ntahobavukira Jerome, Matene ya Rubayi, Yoboka Anasthase, Munyagandwi Anasthase, Ndekezi Augustin, Nyandwi Francois, Rwamakuba, Bugirimfura Visenti, Semicaca, Kabandana Jean Bosco, Nyirishema Saveri, Ugaragaye Emmanuel, Shyirambere Francois bitaga Nyabarongo, Mwumvaneza Alexandre wari umwarimu, Ngwenyerezi Vianney, Rukundo mwene Njogori yayogoje Akarere, Niyongira Bonaventure wari umupolisi, Mbanzwirikeba Cassien waeri umusilikare, Ruzindana mwene Nzirumbanje yahungiye muri Afurika y'Epfo, Rugira Emmanuel yari yarakatiwe burundu aza gutoroka gereza ajya i Burayi, Havugimana Anatole yigaga muri kaminuza (yarapfuye), Rutebuka Alexandre yari encadreur wa Komini Muganza, Munyagandwi Venuste yarireze yemera icyaha agabanyirizwa ibihano, abarundi bo mu muryango wa Mushatsi barashe Abatutsi benshi bakoresheje imiheto. Barimo uwitwa Karuhije, Macumi, Sekimonyo, Muhitira, Ndururutse (basubiye i Burundi).

Ku wa 20/04/1994 baraye batwika amazu y'Abatutsi, batangira kubica ku wa 21/04/1994. Abatutsi biciwe i Gishubi ni abari bahatuye n'abaturutse hirya no hino bashakisha uko bahunga, barimo abaturutse i Ndora, Musha, Gikongoro… Bishwe ari benshi cyane kuwa kane tariki 21/04/1994, babarangiza kuwa gatanu tariki 22/04/1994 bahita bakomeza bajya kwica Abatutsi bari i Musha, kuwa gatandatu tariki 23/04/1994 bakomereza i Kabuye.

Kuri Segiteri Gishubi no mu nkengero zayo haguye Abatutsi barenga ibihumbi bibiri.

Muri buri huriro ry'imihanda hari hashinze bariyeri: ku biro bya Segiteri , kuri centre yo mu I Gabiro hari ebyiri, muri Busave, ku Gafita, mu Gatare, kuri Muswa, i Zanwe ku muhanda ujya i Kigozi, kuri Mbonwa no mu Bitare.

Gishubi ifite umwihariko kuko nta mututsi numwe wayirokokeyemo ahari. Umututsi waho babuze mu mirambo bajyaga kumuhiga muri za Segiteri bahana imbibi bamubona bakamwica bakagaruka. Uwarokotse ni uwashoboye gusohoka muri iyo Segiteri agahungira ahandi.

**Abatutsi biciwe Musha, Komini Mugusa, Gisagara**

Inama zitegura Jenoside zakorerwaga mu nyubako ya IGA, zayoborwaga na Perezida wa MRND witwa Muramba Augustin. Zitabirwaga na Kanyabikari Telesphore, Ngango Viateur, Mukasangwa Alice, Sekamana Jean Marie Vianney, Muzigirwa Francois, Muhozi Bernard…Ahiciwe Abatutsi benshi ni kuri centre y'ubucuruzi ya Musha, kuri Segiteri ya Cyayi no ku Murama no mu kigo nderabuzima cya Musha.

Abari ku isonga mu bwica ni Kabayiza André wari Burugumesitiri wa Komini Mugusa, Ngango Viateur yari Konseye wa Segiteri Musha, Muramba Augustin yari inspecteur w'amashuri abanza, Kanyabikari Telesphore yari Directeur yari diregiteri w'amashuri abanza. Hari n'abapolisi barimo uwitwa Gasasira, Panueri na Emmanuel Nsanzimana. Hari kandi Sibomana Ignace wayoboraga ibitero na Habyarimana Stanislas wayoboraga bariyeri yo muri centre ya Musha.

**Abatutsi biciwe ahantu hatandukanye mu Mujyi wa Butare, Huye**

Ku itariki 19/04/1994, Sindikubwabo Théodore wari Perezida wa Guverinoma yiyise iyabatabazi yakoresheje inama mu Ngoro ya Muvoma (inzu Mberabyombi ya Perefegitura ya Butare). Iyo nama yatumiwemo abategetsi bose bo ku nzego zose za Perefegitura, bahabwa amabwiriza ajyanye no gutangira gushyira mu bikorwa Jenoside. Ayo mabwiriza yategekaga kwica Abatutsi bose nta numwe usigaye, kandi uwanze kubica n'ugerageje kubarengera akicwa.

Inama yabanjirijwe no gutangaza ikurwaho rya Perefe wa Butare Dr Jean Baptiste Habyarimana wari umututsi aza kwicwa hamwe n'umuryango we. Yasimbujwe Nsabimana Sylvain, wahise akoresha inama ku wa 20/04/1994, aha gahunda ya jenoside ba burugumesitiri bose. Abakonseye nabo baraye bakoresheje inama abaserire bose, kandi izi nama nta mututsi wemererwaga kuzijyamo niyo yaba ari umutegetsi wo ku rwego rwatumiwe.

Mu mujyi wa Butare Abatutsi benshi biciwe kuri Perefegitura ya Butare, ku Bitaro bya Kaminuza (CHUB), mu ishuri ry'abasilikare rya ESO, mu ishyamba rya Arboretum, muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda, muri SORWAL (uruganda

rw'ibibiriti), muri EAV Kabutare, muri *Groupe Scolaire Officiel* ya Butare, Mu ishyamba ryo kuri CARAES Butare, mu ishyamba ryo kuri Musée, Kuri Paruwasi ya Ngoma, ku kigo nderabuzima cya Matyazo, i Cyarwa ku Gateme no ku mabariyeri yari hirya no hino harimo iyo kuri Hoteli Faucon, kuri Kaminuza no ku Mukoni imbere yo kwa Dr Sindikubwabo Theodore, imbere yo kwa Bihira Juvenal wari umucuruzi, imbere y'inzu ya Ntahobari Maurice na Nyiramasuhuko hateganye n'ikigo cya EAR yitwaga EER muri 1994, haruguru ya Musee, mu Rwabuye n'ahandi…

Abatutsi bari bahungiye muri groupe scolaire officiel de Butare batangiye kwicwa kuri 21//04/1994. Bishwe n`interahamwe nyinshi zivanze n'abasirikare. Uwo munsi kandi nibwo bishe Abatutsi muri Kaminuza Nkuru y' u Rwanda. Benshi mu barimu b'abahutu bo muri Kaminuza barangaga abarimu n'abakozi b'Abatutsi bagenzi babo. Benshi mu barimu n'abakozi n'abanyeshuri ba kaminuza b'abahutu bajyaga kuri bariyeri yo ku Mukoni yari imbere y'inzu ya Dr Theodore Sindikubwabo, n'iy'ahaherereye igorofa yo kwa Sebukangaga ubu ngubu iruhande rwa Kaminuza y'u Rwanda, hakaba harahoze ari inzu ya Rugira Amandin. Abarokokaga ubwicanyi bahoraga bazengurutswa ku biro bya Perefegitura, kuri Eglise Anglicane no ku bitaro bya kaminuza (CHUB). Aho mu bitaro bari barabashingiye ihema imbere ya service ya dermatologie no kuri pediatrie, bakarara babica, mu gitondo saa tatu imodoka ikaza gupakira imirambo ijya kuyijugunya mu byobo.

Abatutsi bageze kuri Perefegitura ya Butare guhera kuri 19/04/1994 baricwaga n'abagore bagakorerwa ibya mfura mbi buri munsi. Buri joro imodoka yazaga gutunda abajya kwicwa, ihagarikiwe na Arsene Shalom Ntahobari, Nyiramasuhuko Paulina, Joseph Kanyabashi, uwitwa Jumapili na Nsengiyumva. Ubwicanyi bwabaga buyobowe na Perefe Nsabimana, Abajandarume n'abasirikare.

Nyiramasuhuko yagiye kuri EAR ategeka ko impuzi zose zihava kuko ngo zari ziteye umwanda mu mujyi. Yavugiye muri micro ahamagarira abaturage b'abahutu gutema ibihuru no gukura umwanda mu mujyi. Impunzi z'Abatutsi zari zihari zahise zijya kuri Perefegitura zirahahangayikira bikomeye. Nyuma, abategetsi bazanye amabisi menshi atarimo intebe, barabapakira ku itegeko rya Kanyabashi, babajyana ahitwa i Nyange ariko abicanyi bagenda baherekeje ayo ma bisi n'intwaro bajya kubicira i Kibirizi. Abarokotse ubwo bwicanyi bagarutse babacuje barongera bajya kuri Perefegitura ariko ari mbarwa. Nyuma bagarutse gusukura umujyi babajyana mu i Rango barahaba mu buzima bubi ari naho inkotanyi zabasanze abagihumeka zirabarokora.

Ku itariki ya 30/04/1994 hishwe Abatutsi bari barahungiye kuri Paruwasi ya Ngoma.

Bamwe mu bari ku isonga mu bwicanyi bwakozwe mu Mujyi wa Butare ni Burugumesitiri Kanyabashi Joseph, Munyagasheke Isaac n'umuhungu we Désiré Munyaneza, Ntahobari Arsene Shalom, Nyiramasuhuko Pauline, Ntiruhanwe Jean, Kayibanda Jules Nkiko, Joseph Nzabirinda alias Biroto, Remera Simeon, Semwaga Felix, Karabaranga Isaie, Murangwa Innocent, Emmanuel Setakwe, Jacques Habimana wari Konseye wa Segiteri Ngoma n'abandi. Hari kandi n'abasirikare bamugariye ku rugamba n'impunzi z'abarundi.

Ahiciwe Abatutsi benshi mu Mujyi wa Butare ku wa 21 mata 1994 ni aha hakurikira :

- Kuri Perefegitura ya Butare: Hakusanyirijwe abantu benshi baturutse impande zitandukanye (Kigali, Nyaruguru, Gikongoro, Butare, Karama…). Kuri Perefegitura Abatutsi barahahangayikiye bicwa n'inzara n'inyota, abagore bafatwa ku ngufu, ari nako buri mwanya imodoka iza igapakira abo kujyana kwicwa. Nyuma bazanye amabisi menshi bakuyemo intebe bapakira Abatutsi babajyana kubicira hanze y'umujyi. Abenshi biciwe I Nyange ya Kibirizi n'i Cyarwa ku Gateme.

- Mu Bitaro bya Kaminuza (CHUB): habereye Jenoside y'indengakamere, uretse abarwayi, abarwaza, abaganga b'Abatutsi bahakoraga, hahungiye n'abandi Batutsi benshi barimo n'inkomere zari zikeneye kudodwa. Abo b'impunzi ubuyobozi bw'ibitaro bwaje kububakira shitingi (tente) bayibakusanyirizamo. Abandi bari muri service ya dermatologie, muri chirurgie n'imbere ya morgue. Buri gitondo saa tatu, imodoka ya Daihatsu y'ubururu yazaga gupakira imirambo y'Abatutsi bishwe ikajya kuyimena. Inkomere zarahaboreraga ntawe uzitaho ngo abadode cyangwa abapfuke. Abenshi bajyanwaga muri ESO no mu ishyamba rya IRST. Abandi ubutegetsi bwababajyanye kuri Perefegitura ya Butare. Bicwaga n'abasirikare, impunzi z'Abarundi n'interahamwe zo mu mujyi wa Butare.

- Kuri EAR Butare: Abatutsi bahiciwe n'inzara n'inyota. Nta muntu washoboraga kugira icyo abahereza. Nyiramasuhuko yaraje ahagarara haruguru avugira muri micro ahamagarira abicanyi gukura umwanda kuri EAR. Bahababakuye bagenda babakubita babajyana kuri Perefegitura, bahita bapanga kubapakira amamodoka bakajya kubicira kure. Babajyanye i Nyange ya Kibirizi Interahamwe zibashoreye zihita zibica nyuma yo kubacuza.

- Mu ishyamba rya Arboretum no muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda: habereye Jenoside yindenga kamere. Kaminuza yari izengurutswe na bariyeri zikomeye. Imwe yari kwa Sebukangaga ku irembo rinini, indi yari ku Mukoni. Abatutsi benshi biciwe muri Kaminuza, mu ishyamba rya Arborethum no ku mabariyeri yavuzwe haruguru. Hiciwe bamwe mu banyeshuri, abarimu bahigishaga, abakozi ba Kaminuza b'Abatutsi n'abandi batutsi bahahungiye. Hakozwe umukwabu wihariye wo guhiga Abatutsi bihishe mu ishyamba rya Arborethum aho bakoze umurongo bagenda ikirenge ku kindi ari benshi cyane bararirangiza abihishemo barabavumbura barabica.

- Muri EAV Kabutare: habereye Jenoside y'indengakamere, hiciwe abana b'ababanyeshuri bahigaga, abenshi bakaba bari barakuwe muri Groupe Scolaire de la Salle i Byumba, bavanywe muri zone y'intambara bicishwa na diregiteri w'iryo shuri Theophile Mbarushimana akaba yari umuhungu wa Gitera Joseph Habyarimana washinze Ishyaka rya APROSOMA, ari nawe watangaje amategeko 10 y'abahutu muri 1959. Muri iki kigo hari urwibutso rushyinguyemo abana n'abarimu babo b'Abatutsi babashije kuboneka.

- Muri IPRC (ESO): Mu gihe cya Jenoside hazanywe abasirikare bari bamaze gukomerekera ku rugamba, bahasanga abandi bari bahari. Muri ESO, bahazanaga Abatutsi bakahabicira, hafatirwaga abagore n'abakobwa nyuma bakabica.

**Abatutsi biciwe kuri Paruwasi Gatorika ya Rugango, Huye**

I Rugango Abatutsi batangiye kuhahungira ku cyumweru taliki ya 17/4/1994 nyuma ya saa sita. Bari baturutse muri Komini Maraba. Bukeye bwaho n'abatuye ku misozi ikikije Paruwasi Rugango batangiye kuhahungira, bakambika muri atelier no mu mashuri. Abandi benshi bari bahungiye muri Monastère ya Gihindamuyaga, bakambitse aho bitaga muri "camp des jeunes", abandi barahungiye i Sovu ku kigo nderabuzima no mu kigo cy'Ababikira b'aba Benedigitine. Abatutsi bari bahungiye i Rugango bishwe ku itariki ya 21/4/1994 mu gitondo, guhera nka saa mbiri. Abicanyi bari bayobowe na Rekeraho Emmanuel wayoboye n'ibindi bitero byishe Abatutsi bo mu makomini ya Maraba, Mbazi, Huye ndetse na Ruhashya.

**Abatutsi biciwe i Kibirizi, Gisagara**

Abatutsi benshi mu yahoze ari Komini Nyaruhengeri bahungiye kuri komini babitegetswe na burugumesitiri Kabeza Charles, baza kwicwa kuva mu ijoro ryo ku wa 21/04/1994.

Habayeho ibikorwa by'iyicarubozo byo gufata abagore n'abakobwa ku ngufu nyuma baza kubica, kwica Abatutsi babanje kwicukurira umwobo babajugunyamo, kubajugunya mu misarane irimo umwanda ari bazima n'ibindi. Abakonseye b'amasegiteri bafashe indanguramajwi batangaza ko ihumure ryatanzwe, nuko Abatutsi bari bihishe bajya ahabona bahita bicwa. Hakoreshejwe imbwa mu guhiga no kuvumbura Abatutsi bihishe mu bihuru.

Ahari bariyeri ni:

- Ku Giti cy'umukiza hari bariyeri iyobowe n'umugore witwa Jacquerine mushiki wa Gapiri.
- Mu Bashingwa hari bariyeri yabagaho abakobwa barimo Mukamuganga, Félicité Musanganire, Furaha, Dusabe…
- Mu Mbeho hari bariyeri yayoborwaga na Karambizi Alphonse
- Kuri Segiteri Nyaruhengeri hari bariyeri yayoborwaga na Rucyahana Nikodemu.
- Abari ku isonga mu bwicanyi :
- Kabeza Charles yari Burugumesitiri wa Komini Nyaruhengeri
- Mujyarugamba Pascal yari Burugadiye
- Ruberabahizi Venuste yari agronome wa komini Nyaruhengeri
- Nsabumukunzi Faustin yari konseye wa Segiteri Kibirizi
- Hakizayezu Augustin
- Sematama Gaspard yaturutse i Kansi aza kwica i Kibirizi
- Kavamahanga Charles
- Musonera Barthazar
- Habyarimana Noheri
- Munyashyaka Francois

## 2.16. KUWA 22 MATA 1994 : BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIGALI Y'UMUGI, BUTARE NA GITARAMA

**Abatutsi biciwe muri « CELA » i Kigali**

Uwo munsi Interahamwe zishe Abatutsi b'abagabo mu mpunzi zari zahungiye mu rugo rukuru rw'abapadiri bera ahitwa kuri CELA. Ubwicanyi bwakozwe ku mabwiriza y'abategetsi barimo Perefe wa Kigali Colonel Tharcisse Renzaho, ubwicanyi bwahagarikiwe na major Laurent Munyakazi, konseye Odette Nyirabagenzi, akaba n'umukuru w'Interahamwe, ensipegiteri Angeline Mukandutiye, padiri Wenceslas Munyeshaka na Jean Bizimana, Burugumesitiri wa Komini Nyarugenge.

**Abatutsi biciwe ahahoze ari ibiro bya Komini Huye**

Abatutsi bahungiye kuri Komini Huye baturutse muri amwe mu makomini ya Butare byegeranye na Huye nka Mbazi, Maraba, Ngoma na Matyazo mu Mujyi wa Butare ndetse na Gikongoro. Abapolisi n'abasirikare bahagose iminsi itatu yose, amazi bayaciye ntawe ujya kuvoma, babicisha inyota n'inzara. Bigeze kuri 22/04/1994, ahagana mu ma saa cyenda haza imodoka yuzuye abasirikare, interahamwe za ruharwa zirimo NkurikiyinkaTharcisse, Semakaba Deo, Muganga Joseph, Kampayana Aloys, Gakwaya Hyacinthe, Kabanza Ildéphonse, umusirikare Karekezi Pascal wavukaga muri Komini Huye n'abandi barangajwe imbere na Burugumesitiri Ruremesha Jonathan. Uwo munsi hishwe Abatutsi barenga ibihumbi mirongo itatu na bitanu (35,000), bamwe babatwikishije « essence » bahinduka umugina w'ivu, ryayowe rirashyingurwa mu gihe cyo kubashyingura mu cyubahiro nyuma ya Jenoside. Ku rwibutso rwa Jenoside rwaho hashyinguye imibiri igera ku 42,008.

Habaye kandi ubwicanyi bwakorewe Abatutsi bari bahungiye ku mashuri ya Groupe Scolaire Rukira. Abana n'abagore bagera kuri 326 biciwe mu kagari ka Muyogoro, abicanyi bahita batwika imibiri yabo bayijugunya mu cyobo cyari mu Mudugudu w'Akagarama.

Abari ku isonga mu gushishikariza abaturage kwica Abatutsi : Baravuga wari Konseye ; Bizimana Joseph yari burigadiye ; Ruremesha Yonatasi yari burugumesitiri wa Komini Huye ; Dr Cyprien yari atuye hafi ya Komini. Iwe hakorerwaga inama zitegura Jenoside. Hari n'interahamwe, Kampayana Aloys, Nkurikiyinka Tharcisse, Rugengamanzi Vianney, Uzabakiriho Vedaste, Devota, Sebera Canisius, Karemera (bitaga Tariyani), Kamanayo Jean Baptiste, Muvunyi Christophe, Ngiruwigize Innocent, Gahondogo Paul, Mugerwa Boniface.

**Abatutsi biciwe i Sovu kuri Monastere y'ababikira b'aba Benedigitine no ku kigo nderabuzima**

Abatutsi bari bahungiye kuri « monastere » y'ababikira b'aba Benedigitine i Sovu no kuri « Centre de Sante » yabo. Umubikira wayoboraga iyo « monastere », Mukangango Consolata (Soeur Gertrude) na mugenzi we Mukabutera Julienne (sœur Kizito) banze kubakira, ariko baranga binjira mu kiriziya ya Monastere, abandi bajya ku Kigo nderabuzima.

Bamwe bari banahungiye kuri Paruwasi gaturika ya Rugango n'i Gihindamuyaga. Abari bahahungiye babarirwaga hagati ya 5000 na 6000. Ku wa 22/4/1994 mu ma

saa mbiri nibwo monastere n'Ikigo nderabuzima byagoswe n'Interahamwe, abasirikare boherejwe na Lt Col Muvunyi Tharcisse wo muri ESO, abapolisi ba komini, abajandarume n'abaturage baza kwica Abatutsi bari bahahungiye.

Abicanyi babigizemo uruhare ni Rekeraho Emmanuel wari Perezida wa MDR muri komini Huye wanemeye uruhare rwe akaba afunze, ababikira Mukangango Consolata na Mukabutera Julienne, Rusanganwa Gaspard (alias Nyiramatwi), Jonas Ndayisaba, Konseye Jean Baptiste Muvunyi n'abandi. Mukangango Consolata (Soeur Gertrude) yahamijwe icyaha cya Jenoside muri 2001 n'inkiko z'Ububirigi, akatirwa igihano cy'igifungo cy'imyaka 15. Mugenzi we Mukabutera Julienne (soeurKizito) nawe yahamijwe icyaha cya Jenoside akatirwa igifungo cy'imyaka 12.

**Abatutsi biciwe ku Gisagara, mu Murenge wa Kansi, Gisagara**

Jenoside yakorewe Abatutsi mu Murenge wa Kansi yakomeye cyane ku wa 22/04/1994 hose mu Murenge. Abatutsi biciwe ku Kiyaga cya Cyamwakizi: abenshi babaga baturutse Nyaruhengeri, Huye, Nyaruguru, Nyamagabe n'utundi duce twa Gisagara. Bageze muri Centre ya Gikore Interahamwe zabanje kubaka ibyo bafite byose, zirababoha n'imihotora, hanyuma barabashorera babamanura umuhanda wose ugana Cyamwakizi baboshye kandi bambaye ubusa. Bagiye babica umugenda abageze Cyamwakizi barabatema babaroha mu mazi. Abatahwanye babakurikiye mu mazi n'ubwato babatereramo amacumu. Hiciwe imbaga itabarika kandi imibiri myinshi ntiyashoboye kuboneka ngo ishyingurwe mu cyubahiro.

Inama zitegura Jenoside zaberaga ahantu hatandukanye: mu Mbeho za Nyaruhengeri kwa Karambizi zayoborwaga na Hakizayezu Augustin bitaga Mvaravara. I Nyange kwa Oscar Murekezi zayoborwaga na Mujyarugamba wari Brigadier wa Komini Nyaruhengeri. Ku mashuri i Linganwe zayoborwaga na Sebera Ferdinand.

Abari ku isonga mu bwicanyi ni: Sematama Gaspard, Hakizimana Augustin, Sebera Ferdinand, Rugemintwaza Gaspard, Kajuga Pierre, Kabandana Emmanuel, Habinshuti Beda, Habimana Simon, Bisomimbwa Antoine, Gakwaya Narcisse, Bikorimana, Sikubwabo bitaga Sagihobe, Munyaneza Joseph wari umupolisi yarashe abantu benshi i Nyange. Abari abayobozi: Bisomimbwa Antoine yari Konseye, Munyaneza Joseph yari umupolisi, Gakwaya Narcisse yari Konseye, Bikorimana yari veternaire, Sebera Ferdinand yari Konseye, Jerome wo kwa Nkundabagenzi yari umupolisi.

Jenoside yakoranywe ubugome bukabije ku buryo abicanyi bishe bishywa babo bakomoka ku moko yombi. Abo bagiye kwica bababwiraga ko bagiye kuburiza bus ibajyana i Burundi. Hari igihe cyageze batangaza ihumure ngo abakiri mu bwihisho nibasohoke. Bakoze ibyo bashoboye byose kugirango hatagira Umututsi n'umwe usigara. Ahiciwe abantu benshi ni ku Kiyaga cya Cyamwikizi, kuri Paruwasi Kansi, ku Munini wa Nyange, i Nyakibingo, mu Mbeho no mu Gahehe.

**Abatutsi biciwe ku musozi wa Nzaratsi mu Ruhango**

Abatutsi bahungiye ku musozi wa Nzaratsi babanje kwirwanaho bakoresheje amabuye, imiheto n'ibindi bikoresho gakondo bikeya ariko nyuma baje kwicwa n'interahamwe. Hari abahageze kuwa 20/04/1994 muri iryo joro ngo baraye banyagirwa, bamwe bahungiye mu Byimana ariko birukanywe na Padiri Mukuru wa Paroisse Byimana witwaga Ndagijimana Joseph bagaruka ku musozi wa Nzaratsi. Uwo musozi wari wariswe Kaluvariyo n'abicanyi kubera Abatutsi bakuraga munsi yawo bakabazamukana bagiye kwicwa. Hiciwe Abatutsi barenga kuri 800 bari baturutse mu bice bitandukanye.

**Abatutsi biciwe ku musozi wa Bibare (Bunyonga), Kamonyi**

Umusozi wa Bibare uherereye mu Mudugudu wa Nyenyeri, Akagari ka Bunyonga, Akarere ka Kamonyi, ariko kera hari muri Komini Kayenzi yayoborwaga na Mbarubukeye Yohani. Abatutsi bavuye muri Komini Rutobwe, Nyabikenke, Musambira bari muri bamwe baje guhungira kuri uwo musozi wa Bibare bahasanga Abatutsi bari basanzwe bahatuye.

Jenoside yatangiye kubakorerwaho tariki 17 Mata 1994 ariko bahungiye kuri uwo musozi wa Bibare tariki ya 18 Mata 1994. Kuri uwo munsi haje igitero kiyobowe n'uwitwa Buyumbu, Abatutsi birwanaho ndetse igitero bagisubiza inyuma. Tariki ya 21 Mata 1994 Buyumbu yagiye gutabaza kuri Komini, avuga ko Bibare yabaye Nyamagumba. Bukeye bwaho, yazanye n'igitero gikomeye kirimo Burugumesitiri Mbarubukeye Yohani, abasirikare n'abapolisi, n'abaturage benshi. Umusirikare wamenyekanyemo ni uwitwa Sergent Major Misago. Iki gitero cyaje tariki 22 Mata 1994 cyari kinini cyane abaturage b'abahutu n'abatwa baje muri icyo gitero, igitero kimwe cyaturutse muri Komini Rutobwe, ikindi gituruka ahitwa i Marenga, ikindi gituruka ahitwa Nyabihunyira n'icyaturutse ahitwa mu Iraro. Ibyo bitero byahuriye kuri uwo musozi barawugota.

Muri ibyo bitero abagore b'Abahutukazi nibo babanje kohereza imbere ngo barwanye abo Batutsi. Abatutsi baba bishemo bamwe mu bahutu, noneho abicanyi batangira gukoresha grenade n'imbunda. Bamaze gukoresha intwaro zikomeye,

abaturage batangiye gukoresha intwaro gakondo bahuhura abatari bashizemo umwuka. Muri ako gace kandi hari bariyeri nyinshi ku buryo nta Mututsi wabashije gucika kuko hari bariyeri ikomeye ahitwa kwa Nduguri, muri Centre yo mu Cyanika, kwa Sebazungu, Rukokwe, kuri buri Centre n'aho Segiteri zahuriraga habaga hari bariyeri.

Abantu bagize uruhare mu bwicanyi mu Bibare ndetse no muri Kayenzi muri rusange harimo Burugumesitiri Mbarubukeye Yohani, Buyumbu Evariste yakatiwe imyaka 30, Gashagaza Theoneste, Konseye Mbonyiyeze Deogratias, Twagirimana, Kayanire, abaserire nka Nzikoruhari Barthazar, Kabarira Joseph, Mugarura, Habimana Siliro n'abandi benshi.

**Abatutsi biciwe ku musozi wa Kabakobwa, mu Karere ka Huye**

Impunzi z'Abatutsi bahungaga ubwicanyi baturuka Nyaruguru zatangiye kuba nyinshi guhera tariki 17-19/04/1994 zikwira mu mirenge ya Sahera na Nkubi yari iya Komini Ngoma Perefegitura ya Butare. Burugumesitiri wa Komini Ngoma, Kanyabashi Joseph, yategetse ko izo mpunzi zikusanyirizwa hamwe zikajyanwa ku Musozi wa Kabakobwa, aho barahavuye, nyuma abaserire bakajya binjira muri buri rugo rw'umututsi bakababwira ngo basange benewabo ku Kabakobwa.

Ku wa 22/04/1994 nibwo abicanyi benshi biganjemo abasirikare, abajandarume n'abapolisi n'Interahamwe babagose batangira kubarasa. Abasirikare bayobowe na Lt Colonel Muvunyi Tharcisse, major Cyriaque Habyarabatuma wari uyoboye Jandarumori, abapolisi barimo Nsanzabahizi Mathias na Bizumuremyi Pascal, Interahamwe zaturukaga ku Nkubi na Sahera, Habyarimana Pascal wari konseye wa Sahera, Uraye Edouard, Ribera Simeon n'abandi babiraramo barabamara.

## 2.17. KUWA 23 MATA 1994: : BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA BUTARE, GIKONGORO NA GITARAMA

**Abatutsi biciwe mu Murenge wa Kabuye, Gisagara**

Kabuye iri mu cyahoze ari Komini Ndora, Perefegitura ya Butare. Hakorewe Jenoside ku buryo ndengakamere. Byatangiye haza impunzi nyinshi zituruka muri Nyaruguru kuko bari baratangiye kwica, bamwe bagacumbika muri benewabo, abandi bababakusanyiriza ku kibuga cyari ahaje kubakwa isoko. Icyo gihe hariho amarondo akaze bavuga ko acunze umutekano ngo kugirango inyenzi

zitabameneramo. Ayo marondo niyo yapangirwagamo uko bazica Abatutsi nta n’umwe ubacitse.

Kuri 21/04/1994, Prezida Sindikubwabo Théodore yaje gutangiza Jenoside kuri superegitura ya Gisagara. Akimara gukoresha inama ishishikariza abahutu kwica Abatutsi, bwakeye kuri 22/04/1994 uwitwa Uwizeye Fideli w’ umukanishi ahita azana imodoka ya Komini Ndora n’abapolisi bafata abasore bose bari bahahungiye barayiburiza, babanyuza mu kasho ya komini, bugorobye bajya kubicira mu ishyamba rya Rwasave.

Uyu Uwizeye Fideli yagenzuraga za bariyeri agatanga raporo mu nzego zo hejuru za gisirikare na gisivili afatanyije na Manariyo François, Ndayisaba Antoine, Kamanzi Yozefu bose bigeze kuyobora Komini Ndora. Fideli yaje kugirwa Burugumesitiri kubera umwete yagaragaje mu gukora Jenoside, asimbura Rwankubito Celestin.

Kuri 23/04/1994, Ntawukuriryayo Dominiko wari SuPerefe wa Gisagara, Callixte Kalimanzira wari umuyobozi mukuru muri Minisiteri y’ubutegetsi bw’igihugu na Rwankubito Petero wari Burugumestri  wa Komini Ndora bategetse Abatutsi kujya ku musozi wa Kabuye, bazana abasirikri n’abapolisi barabarasa, ubwicanyi bwarakomeje bukeye, abaturage baza kwica abari bakirimo akuka.

Abicanyi baturutse hirya no hino bahururiye Kabuye: hari igitero cyaturutse muri Komini Muganza kiyobowe na Burugumesitiri Ndayambaje Elie, haje kandi Abarundi bo mu nkambi ya Kibayi, haza n’abo mu mutwe witwaraga gisirikare wiyise “*Jaguar*”.

Abari ku isonga mu bwicanyi ni Perezida Tewodori Sindikubwabo, Ntawukuriryayo Dominiko wari Superefe wa Gisagara, Callixte Kalimanzira, Rwankubito Petero wari Burugumestri wa Komini Ndora, Depite Bernadeta Mukarurangwa, Uwihoreye Kayitani wari umucuruzi, Albert wari secretaire kuri sous prefegiture ya Gisagara afatanyije n’umugore we Agatha n’abahungu babo babiri (Claude na Francois), Manigabe Vincent yari afite imbunda yarashe Abatutsi benshi i Kabuye, Singirankabo Laurent wari ukuriye MRND, Rutagengwa Anathole yari umupolisi, Karemanzira wayoboraga ELECTROGAZ, Kubwimana Jean bitaga Bikomagu, Sindikubwabo Vianney yari Perezida wa MDR, Hategekimana Isaac yari responsabure wa Dahwe n’abandi.

Depite Mukarurangwa Bernadette niwe wari ushinzwe gukurikirana uko Jenoside igenda muri Komini Ndora, agaha raporo Perezida Sindikubwabo na Minisitiri Pauline Nyiramasuhuko.

Dominique Ntawukuriryayo yahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda ahanishwa igihano cy'imyaka 20. Callixte Kalimanzira nawe yakatiwe igifungo cy'imyaka 25 n'urwo rukiko, akaba yarapfiriye muri gereza muri Benin aho yarangirizaga icyo gihano.

**Abatutsi biciwe mu Murenge wa Rwaniro ahitwa Mwendo, Huye**

Ku wa 20/04/1994 nibwo Rwaniro yatewe n'igitero giturutse ku Gikongoro muri Komini Kinyamakara, abaturage bose batangira kukirwanya batitaye ku moko, ariko uko bucyeye igitero kikarushaho kwiyongera no kugira ingufu. Bigeze kuri 22/04/1994 nibwo haje igitero kirimo imbunda nyinshi kiyobowe nuwari umuyobozi wa jandarumori ya Gikongoro witwaga Sebuhura, ari kumwe na Burugumesitiri Munyaneza wayoboraga Komini Kinyamakara. Hari kandi uwitwa Mucumankiko Silas wari umuyobozi wa Tabarwanda.

Abandi bahise bahunga barenga Rwaniro bambuka umugezi wa Rusuri barara ku musozi wa Rubaba. Abatagiye i Rubaba benshi bagiye kuri Komini Ruhashya no muri ISAR Rubona.

Abanyagikongoro barambutse batangira gutwika amazu bafatanyije n'abandi bicanyi baturutse muri komini Maraba, barakomeza bageze i Rubaba batanga itangazo risaba Abahutu kwitandukanya n'Abatutsi bakaza kubafasha kwica.

Abatutsi bo mu cyahoze ari Segiteri Rwaniro bishwe umugenda. Abarokotse i Rubaba berekeje kuri Komini Rusatira bahurirana n'igitero cy'uwari Burugumesitiri wa Rusatira witwaga Nyawenda Hesironi afatanyije na Munyakayanza wayoboraga ikigonderabuzima cya Ruhashya, abakize icyo gitero bakomeza muri ISAR Songa. Songa batangiye kwica bamwe bakomeje inzira y'Amayaga.

Abamamaye mu bwicanyi i Rwaniro ni Mugemana Tharcisse bitaga Mabiye, yari umwarimu mu i Rwaniro, Ngenzi Godefroid, yari Monagri, Nsengiyumva Venuste yari umucuruzi, hamwe n'Interahamwe, Munyakayanza Joseph, Ntamukunzi Aloys, Munyankindi Michel, na Ntahobavukira Emmanuel.

**Abatutsi biciwe ahahoze ibiro bya Komini Musange, Nyamagabe**

Aha hari mu cyahoze ari Komini Musange, superefegitura ya Kaduha muri Perefegitura ya Gikongoro. Abatutsi batangiye guhungira ku biro bya komini Musange ku itariki 9/4/1994.
Uwo munsi burugumesitiri Bizimana Bernard yafashe imodoka ya Komini azengura amasegiteri yose afite megaphone avuga ngo Abatutsi bose nibahungire ku biro bya komini azabarinda. Bahise batangira kuhahungira ari benshi bajya no mu rukiko, bahaba mu buzima butoroshye kuko byageze aho interahamwe yitwa Mbayire Longine ibakatira amazi batangira kuvoma ayo mu mugezi wa Muhura ariko Burugumesitiri Bizimana yahise ashyiraho uruzitiro abwira abapolisi ba komini ngo uzarurenga bazamurase.

Ku wa 23/04/94 mu masaha ya saa yine nibwo interahamwe nyinshi n'abasirikare, babanje kurasa mu gihe cy'iminota 30 ubundi abicanyi b'abaturage basanzwe babiraramo n'imipanga, udufuni, amahiri ateyeho imisumali (ntampongano y'umwanzi) n'izindi ntwaro. Barishe kugeza nka saa kumi n'imwe z'umugoroba kubera ko imvura yaguye bakajya kugama. Abarokotse baraye bagenda bagana i Nyanza ya Butare ariko abenshi baguye ku cyuzi cya Nyamagana.

Abayobozi bari babiri inyuma hari Burugumesitiri Bizimana Bernard, uwari superefe wa Kaduha witwaga Yowakimu, Munyangoga Dominiko wari Umuyobozi muri BNR kuko yavukaga i Musange, muganga wayoboraga centre de santé ya Musange witwaga Mugwaneza, uwari agoronome wa Komini Akimana, uwari Inspecteur w'amashuri witwaga Rwamuhungu n'abandi.

**Abatutsi batawe ku cyuzi cya Nyamagana mu Karere ka Nyanza**

Icyuzi cya Nyamagana cyashyizweho mu gihe cy'Umwami Mutara III Rudahigwa cyo kuhirira imyaka ariko mu gihe cya Jenoside haroshwemo Abatutsi benshi ndetse hari bariyeri ikomeye cyane. Icyuzi cyari muri Komine Kigoma muri Segiteri ya Remera ubu ni mu Karere ka Nyanza mu Murenge wa Busasamana. Mu gihe cya Jenoside, Abatutsi benshi bari baturutse muri Perefegitura ya Gikongoro cyane cyane muri komine za Rukondo na Kinyamakara bahungiye i Nyanza kuko bari bizeye kurindwa kubera ko hatakozwe cyane ubwicanyi guhera 1959. Bamwe mu bari barokotse kuri Paruwasi ya Kaduha nabo bahungiye i Nyanza.

Mu gihe bari bageze ku cyuzi cya Nyamagana bahasanze bariyeri ikomeye cyane. Bababwiye ko batagomba kugira ubwoba kubera ko bageze mu maboko y'ubuyubozi ariko yari amayeri yo kubegeranya kuko nyuma yaho barishwe bakoresheje imbunda, imihoro, amahiri n'ibindi.

Usibye abongabo hari n'abandi Batutsi benshi bari batuye mu nkengero z'icyo cyuzi nabo abicanyi bagiye babazana babakuye aho babaga bihishe mu masaka n'ahandi, mu baturanyi babo kuko amazu menshi y'Abatutsi yari yaratwitswe ndetse n'ayarasigaye makeya ba nyirayo ntibashoboraga kuyararamo kubera ubwoba. Barababavumburaga, bakabirukaho abari hakurya y'icyuzi bakabavugiriza induru bityo bakabarohamo. Urugero n'uwitwaga Mudacumura Eraste baroshyemo nyuma yo kumutangatanga nyuma yaho baramushinyaguriye cyane ngo yiyahuye kandi ari umukristu. Bamwe mu bari bazi koga nabo babateraga amabuye kugeza bananiwe bakarohama. Imirambo yabo yatabwaga mu cyuzi.

Bishwe n'abajandarume barimo Haguma na Capitaine Birikunzira Francois Xavier bafatanyije n'agatsiko k'interahamwe biyitaga « *Imberebere*. »

**Abatutsi biciwe ku mashuri abanza ya Bitsibo, Kamonyi**

Amashuri abanza yitwaga Bitsibo mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi aherereye mu mudugudu wa Nkomane, akagari ka Rukambura, umurenge wa Musambira, akarere ka Kamonyi. Ubwicanyi ku musozi wa Bitsibo bwatangiye ku buryo bweruye tariki 20/04/1994. Nibwo Abatutsi batangiye guhungira ahantu hatandukanye mu bihuru, mu baturanyi, abandi bajyanwa kuri komine Musambira n'abayobozi ba komine Musambira kugirango bicirweyo.

Ku itariki ya 23/04/1994 abayobozi batanze amatangazo ko ihumure rigarutse, ibyo byatumye bamwe mubari barokotse kuri komine ya Musambira basubira mu matongo, abari mu bihuru no mu ngo nabo basubira mu matongo. Ku mugoroba w'iyo tariki 23 nibwo abicanyi bakusanyije Abatutsi bose bari bijejwe ihumure, babajyana ku mashuri ya Bitsibo. Umugoroba wose barishwe bajugunywa mu kirombe cyari kuri iryo shuri cyacukuwemo igitaka mu gihe bubakaga ayo mashuri. Abatutsi biciwe i Bitsibo ni benshi kuko abari barokotse ubwicanyi bwo muri komine Kayenzi mu matariki ya 21 na 22 nabo bari baje mu Bitsibo, ndetse na bamwe mu batutsi bo mu Murenge wa Gacurabwenge bari baje mu Bitsibo. Abatutsi biciwe kuri iryo shuri bicishijwe intwaro gakondo, zirimo: imipanga, ubuhiri n'ibindi.

Bamwe mu bagize uruhare muri ubwo bwicanyi barimo : Minani, Mbuguje, Badege Augustin wacuruzaga butike, Aloys wari responsabure, Rutagengwa Bertin n'abandi.

## 2.18. KUWA 24 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU YAHOZE ARI PEREFEGITURA YA GITARAMA

**Abatutsi biciwe i Mayunzwe muri Ruhango**

Mayunzwe yari Segiteri imwe muri esheshatu zari zigize komine Tambwe, ikaba ariyo yari ituyemo Abatutsi benshi muri iyo komine. Muri 1994, yayoborwaga n'uwari Burigadiye wa Komini witwa Murekambanze François uri mu buhungiro wanagize uruhare rukomeye mu kwica Abatutsi benshi. Habarurwa abantu basaga 850 biciwe muri iyo Segiteri , abenshi bahiciwe ku italiki ya 24 Mata 1994.

Abatutsi bari bavanywe mu nzu zabo kuva ku wa 21/4/1994 bajyanwa kuri uwo musozi wiswe Karuvariyo. Bicishijwe impiri bitaga nta mpongano y’umwanzi, imihoro n’izindi ntwaro gakondo.

Abagize uruhare rukomeye muri ubwo bwicanyi ni Sebuhuku wari umuyobozi w’ibitero akaba n’umuyoboke wa MDR, Murekambanze Francois, Hitimana Fulgence alias Rubara, Mundanikure Faustin, Sibomana Alphonse, Rwagahungu Pascal alias Gace, Niyonsenga Selemani, Rwasa Cyprien, Nyandwi alias Caporal, Ntwari n’abandi. Hari n’abandi bicanyi bavuye ahandi batari batuye muri Mayunzwe nka Uwayisaba wo mu Bamwara na Gasuguri w’i Rukaza n’abandi.

Murekambanze François wagize uruhare rukomeye mu kwica Abatutsi benshi, ubu aba mu buhungiro akaba ashakishwa n’ubutabera.

**Abatutsi biciwe i Kabgayi, Muhanga**

Mu iseminari nto ya St Léon y’i Kabgayi, muri Koleje St Joseph, mu Iseminari nkuru Philosophicum ya Kabgayi, mu mazu yahoze ari aya TRAFIPRO ariko haje kwitwa CND mu gihe cya Jenoside, no mu bitaro bya Kabgayi hose hari impunzi z’Abatutsi. Cyakora Cathedrale ya Kabgayi ntawabashije kuyijyamo kuko Musenyeri Nsengiyumva Tadeyo umwepiskopi wa Kabgayi yanze ko bayihungiramo. Ucyinjira muri Kabgayi wahasangaga bariyeri, ku buryo Abatutsi benshi batabashije no kwinjira muri ibyo bigo. Abatutsi batangiye kugera i Kabgayi mu matariki hafi 20 Mata 1994.

Kuva bakihagera, interahamwe zazaga kurobanura Abatutsi bakicirwa mu bigo imbere, hanze yabyo, ndetse no mu ishyamba rya Kabgayi. Kubera ko i Kabgayi

habaye nk'ahahungira Abatutsi baturutse mu bice bitandukanye, ibi byatumaga interahamwe ziturutse mu zindi Perefegitura ziza zitwaje urutonde rw'Abatutsi bahungiye i Kabgayi, zikabatwara kubica.

Uretse kwica Abatutsi, hakozwe n'ibikorwa bibi byo gufata abakobwa ku ngufu, hari ubwo babatwaraga bakaza kubagarura cyangwa bakicwa ntibagaruke. Hari ubwo bateraga ibisasu cyane ahitwa muri CND bigahitana abantu. Ikindi kiri mu byishe Abatutsi b'i Kabgayi ni inzara n'indwara yaterwaga n'umwanda kuko nta mazi bagiraga. Nyuma imirambo yaje kuba myinshi i Kabgayi ku buryo umwuka mubi niwo warangaga Kabgayi. Hanyuma bafata icyemezo cy'uko batazongera kwicira abantu aho ngaho, nibwo bazanye imodoka ipakira Abatutsi bahereye ku Batutsi bize cyangwa bifashije ndetse n'abasore n'abagabo, bakajya kubicira ahandi. Ahamenyekanye cyane ni abajyanywe kwicirwa mu Ngororero, kuri Nyabarongo ndetse n'abihaye Imana bajyanywe kwicirwa i Bukomero n'ahandi hatamenyekanye.

Hari amatariki abantu biciweho ari benshi azwi nk'itariki ya 05 Gicurasi 1994, tariki 24 Gicurasi 1994 kugera tariki ya 01 Kamena 1994.

Tariki ya 02 Kamena 1994 impunzi z'Abahutu zazindutse zigenda, zimenye ko Inkotanyi ziri hafi gufata Kabgayi, hasigara Abatutsi muri rusange, hari hateguwe kurimbura Abatutsi bose, ndetse nabo biteguye gupfa kuko bari bamaze kugotwa n'abicanyi. Mu gihe rero amasasu atangiye kuvuga abantu batekereje ko batangiye kubarasaho, ariko babona Inkotanyi zitungukiye kuri CND ziturutse ahitwa ku Kamazuru. Abicanyi barirutse batageze ku mugambi mubisha wo kurimbura Abatutsi bose. Urwibutso rwa Kabgayi rushyinguyemo abarenga ibihumbi 10.

Abihaye Imana bishwe bakuwe muri seminari nkuru, muri St Joseph no mu yandi mazu ya Kabgayi, batereranwe na bagenzi babo ndetse baragambanirwa. Twavuga nka Padiri Emmanuel Rukundo wakoze ibikorwa by'ubwicanyi i Kabgayi, agasambanya ku ngufu abagore b'Abatutsikazi mbere yo kubatanga ngo babice.

Rukundo yahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho U Rwanda ahanishwa igifungo cy'imyaka 23 tariki ya 2/10/2010.

**Abatutsi biciwe mu Bibungo bya Mukinga, Kamonyi**

Ku itariki ya 24 mata 1994, ubwo ku Mugina hazaga igitero gikomeye kije kwica Abatutsi bari bahungiye ku Mugina, hari abari bageze mu kiriziya imbere bari babashije kurokoka. Abicanyi babategetse gusohokamo, barasohoka, bageze hanze,

abagabo bahita babicira aho mu kibuga. Baje kuvuga ko batari bwice abagore n'abana, bafata icyemezo cyo kubashorera ngo babajyane i Kabgayi. Bari abagore, abakobwa n'abana, abenshi muri bo bari inkomere, barabashoreye ari igihiriri.

Bageze ahitwa mu Bibungo, bahura na Major Karangwa Pierre Claver wari umukuru wa serivisi y'iperereza muri jandarumori y'igihugu, ababaza aho bajyana abo bantu, bamusubiza ko, bababwiye ko batica abagore n'abana none bakaba babajyanye i Kabgayi. Major Karangwa yarababujije, ategeka ko babicira aho bafata ba bantu babinjiza mu nzu y'umututsi witwaga Moko, abandi babashyira mu mwobo wa toilette ari bazima. Karangwa yabahaye essence babatwikira muri ya nzu, bazana ibishangara bashyira muri wa mwobo babatwika ari bazima.

Major Pierre Claver Karangwa yatorokeye mu Buholandi niho aba ubu ngubu. Kugeza uyu munsi ntarafatwa ngo agezwe imbere y'ubutabera.

**Abatutsi biciwe i Nyakarekare, Ruhango**

Muri Jenoside hari Abatutsi barenga 30 bahungiye ku rusengero rwa ADEPR Mbuye ariko bose baje kuhicirwa. Ubwo bwicanyi bwateguwe na Mafurebo Daniel wahoze ari Konseye wa Segiteri ya Mbuye afatanyije na responsable wa selire Nyakarekare witwaga Misago Emmauel alias Rusumo. Bishwe n'abaturage, hanyuma bajugunywa mu cyobo bamenagamo amayezi y'inka hafi y'ibagiro.

## 2.19. KUWA 25 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA BUTARE, GITARAMA NA KIBUYE

**Leta y'abicanyi yakomeje gushyigikirwa n'Abafaransa mu Kanama ka Loni gashinzwe Amahoro ku isi, burwanya ko ijambo "jenoside" ryakoreshwa**

Kuva tariki 7/4/1994 jenoside itangiye, abategetsi b'Ubufaransa bari bahangayikishijwe n'uko "FPR yatsinda intambara". Ntibigeze bashaka kumva ko Abatutsi bicwaga na Leta yateguye kubarimbura, kandi amakuru yose bari bayafite. Niyo mpamvu, kugirango barwanye uwo bitaga "umwanzi" wabo FPR, Ubufaransa bwashyize ingufu mu kuburizamo icyemezo cyose cyafatwa n'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe amahoro ku isi ku bijyanye na Jenoside yakorerwaga Abatutsi.

Ibyo byagaragaye cyane tariki ya 21/4/1994 ubwo higwaga umwanzuro 921 warebaga ubwicanyi bwakorwaga mu Rwanda. Jean Bernard Mérimée, Ambasaderi w'Ubufaransa mu Kanama k'Amahoro, yakoze ibishoboka byose

kugira ngo ubwo bwicanyi bwekwitwa Jenoside. Akanama gashinzwe amahoro ku isi kakurikiye inama kagiriwe na ambasaderi w'Ubufaransa, umwanzuro uza uvuga ibintu bidafshe ko ako kanama "kababajwe n'imvururu" hamwe "n'ubwicanyi budafite umumaro" byaberaga mu Rwanda. Ntihigeze hagaragazwa uwakoraga ubwo bwicanyi, cyangwa se ngo ubwicanyi bwakorwaga buhabwe inyito ikwiye ya jenoside kandi umuryango w'abibumbye wari ufite ibimenyetso byose byangombwa.

**Abatutsi biciwe ahahoze ari ibiro bya Komini Mbazi, Huye**

Jenoside muri Mbazi yatangiye abaturage bose bajya gukumira ibitero byaturukaga muri Komini Maraba. Mu ntangiriro abagabo bose bajyagayo ari Abahutu ari n'Abatutsi. Perefe Nsabimana Sylvain na Sibomana Antoine wari Burugumesitiri wa Komini Mbazi bagiye aho Mbazi igabanira na Maraba babwira abaturage bari baje gukumira ibitero ngo nibave aho buri wese ajye kurindira umwanzi iwe kuko umwanzi ari umwe akaba Umututsi. Ubwo hari nka saa cyenda z'amanywa bigeze nijoro barara batera ingo z'Abatutsi barabamenesha. Bucyeye nibwo Burugumesitiri Sibomana Antoine yavuze ngo ujya gutwika imbagara arabanza akazegeranya, ni uko batangatanga Abatutsi barimo guhunga babegeranyiriza kuri stade yo mu Byiza. Arongera aravuga ngo iyo inzoka yizingiye ku gisabo urakimena, agamije gutera ubwoba Abahutu ngo batagirira impuhwe Abatutsi bakabahisha bakicanwa nabo.

Kuri 22/04/1994 haje Porokireri Sebushishi Mathias ari kumwe na Sibomana Antoine (Burugumesitiri) na Nsabimana Sylvain (Perefe) baje kujijisha impunzi z'Abatutsi bazihumuriza ngo bazabarindira umutekano kugira ngo badahunga.

Tariki 25/04/1994 mu rucyerera nibwo umusirikare wari ufite ipeti rya ajida witwaga Gatwaza n'abaturage b'amasegiteri  yose ya Mbazi bagose stade ya Byiza batangira guteramo amagerenade n'amasasu, n'intwaro gakondo (impiri, imipanga, ibishyoshyo, amacumu…) barica bigejeje mu ma saa yine amasasu n'amagerenade birashira. Gatwaza yabwiye interahamwe ngo zikomeze zigote kandi zice agiye kuzana andi masasu mu kigo cya gisirikare cya Ngoma. Aragenda agaruka saa munani ayazanye asanga bakicisha intwaro gakondo. Kuri stade ya Byiza haguye Abatutsi barenga ibihumbi 7,800.

**Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi i Save, Komini Shyanda, Butare**

Mu yahoze ari komini Shyanda aho uyu Murenge uherere ubu, Jenoside yatangiye itinze guhera kuri 20/04/1994 nibwo Abatutsi bahungiye kuri Komini no kuri

Paruwasi ya Save, batangira kwicwa kuva 21/04/1994-25/04/1994. Hiciwe n'abaturutse i Ndora na Muganza, Nyaruguru, Ruhashya.

Abatutsi n'abahutu bari barashyingiranywe ndetse no kuba muri Komini Shyanda hari higanje Ishyaka rya PSD (Abakombozi) byatumaga Abatutsi bumva ko Abahutu baho batazabica kuko PSD na MRND (Interahamwe) batumvikanaga, ibi byatumye abayobozi bakuru muri icyo gihe bafata ingamba z'uburyo busa nkaho bwihariye mu gukora Jenoside muri aka gace, icyo babanje gukora nkahandi hose ni ubukangurambaga kuko ubwo Sindikubwabo yazaga Butare tariki ya 19 Mata 1994 gukangurira Abahutu kwica, yaje i Shyanda naho akomeza ubwo bukangurambaga, na nyuma Paulina Nyiramasuhuko nawe yaraje mu kubakangurira gutangira ubwicanyi kuko Abanye-Shyanda bari barabanje kutitabira kwica kuko bamwe muri bo bavugaga ko bashakanye n'Abatutsi. Icyo gihe Paulina Nyiramasahuko yaraje arababwira ati mwice Abatutsi, Abahutukazi tuzabashakira abandi bagabo.

Interahamwe zagiye mu rugo rwa muramukazi wa Paulina Nyiramasuhuko witwa Leocadia, mushiki wa Ntahobari umugabo wa Nyiramasuhuko wari warashatse umugabo w'umututsi witwa Saveri, bafata umukobwa wabo w'imfura witwa Epiphania wari urangije amashuri wari usigaye ukora muri kaminuza bamuroha mu cyuzi cya Disha na musaza we umukurikira. Uwo musore babanje kumukorera ibyamfura mbi, baraje bamuvana mu cyuzi amazemo iminsi 2 basanga atarapfa.

Kubera kutizera ko Abahutu b'i Shyanda n'abayobozi ba Komini bazashyira neza mu bikorwa umugambi wo gutsemba Abatutsi, interahamwe zabanje zishyiraho abayobozi bihariye bari baziho ubugome bwinshi muri buri Segiteri bashinzwe kuyobora ubwicanyi no gukomeza gukangurira Abahutu kwica Abatutsi, no kugenzura Umuhutu wigize ntibindeba kugirango nawe abe yabibazwa.

Abari ku isonga mu bwicanyi: Shyirambere Theophile yari Burugumesitiri wa Komini Shyanda, Ngiruwonsanga Xavier yari konseye wa Segiteri Gatoki, Hategekimana Jean, Nyabyenda, Rukundo Deo, Nkezabera, Nzabandora Pierre yari konseye, Ngirabanyiginya Antoine yari konseye, Gatera yari veterineri, Habyarimana Claude yari umunyeshuri, n'abandi.

Hari uwitwa Batisita bahimbaga "type" yari "inspecteur" w'amashuri muri Komini yari ashinzwe ubwicanyi mu gice cya Save yose. I Gisanze hari Uwitwa Nzabankebuka wari warabaye burugumesitiri, naho Zivu yari ishinzwe uwari "assistant" Burugumesitiri.

Interahamwe zahawe itegeko ryo gukusanyiriza Abatutsi bose kuri Komini Shyanda guhera taliki ya 20 Mata. Kubashyira hamwe bwari uburyo bwo kumenya ko bose bahari, ababura bakabashaka.

Taliki ya 25 Mata nibwo abo bantu bari barakusanyirijwe kuri komine bamanuwe mu Rwasave mu byiciro bibiri kuko bajyanaga icyiciro cya mbre bakabica bakabamara bakagaruka gufata ikindi cyiciro ibi babikoraga bagirango hatagira usigara. Abo mu gace ka Karama na Save bo bajyanywe mu cyuzi cya Disha.

Ahiciwe Abatutsi benshi: Kuri Komini Shyanda no kuri Paruwasi gatorika ya Save. Ahari za bariyeri: Mu Gatoki yari iyobowe na Ngayisenga Francois, Ku muhanda munini ku Cyapa yari iyobowe na konseye Ngiruwonsanga Xavier, Mu masangano ya Komini yari iyobowe na Nzabirinda Hyacinthe, i Musekera yari iyobwe na Matabaro Edouard.

**Abatutsi biciwe mu Gihisi ku kibuga cy'umupira w'amaguru, Nyanza**

Mu Gihisi ku Kibuga cy'umupira w'amaguru mu cyahoze ari Komini Kigoma, hari bariyeri ikomeye. Hahurijwe Abatutsi benshi cyane bari bavuye ahanini muri Komini za Nyabisindu by'umwihariko abari batuye mu Gihisi muri Komini ya Kigoma. Nyuma yo kubegeranya ari benshi bajyaga kubicira mu ishyamba bise i Kinihira kubera ko ngo ariho Ingabo za FPR Inkotanyi zahuriraga n'intumwa z'u Rwanda mu biganiro. Ryari ishyamba rya Murwanashyaka akaba nawe yari interahamwe ruharwa yagize uruhare rukomeye mu kubica.

Abandi biciwe mu ishyamba bitaga Arusha ry'uwitwa Mivumbi nawe wari interahamwe ikomeye akaba yarishe mu Gihisi. By'umwihariko abagore n'abana bahurijwe mu nzu yo kwa Muhimpundu hafi ya bariyeri n'ikibuga ndetse bashyirizeho interahamwe zibabuza gusohoka. Bwari uburyo bwo kubegeranya kugira ngo babicire hamwe, nyuma yo kubafata ku ngufu. Nyuma yaho nabo baciwe mu ishyamba ryiswe Kinihira.

Muri rusange bicishijwe intwaro gakondo. Abandi babigizemo uruhare rwihariye barimo Nzigiyimfura Vincent wari umucuruzi ukomeye i Nyanza ndetse imodoka ye yatwaraga Interahamwe zajyaga kwica mu bice bitandukanye harimo no mu Gihisi. Imodoka ye niyo yatwaye ibikoresho byo kwica birimo imihoro, imipanga n'ibindi. Undi wabigizemo uruhare n'umujandarumwe witwaga Barahira. Murwanashyaka nyir'ishyamba ryiciwemo Abatutsi mu Gihisi yakatiwe igifungo cya burundu ariko yakatiwe adahari kugeza ubu ntarakora igihano yahawe.

**Abatutsi biciwe muri Komini Muyira, Nyanza**

Abatutsi bo mu cyahoze ari Komini Muyira batangiye guhungira ku biro bya Komii ku itariki ya 20/4/1994 baturuka ku dusozi dutandukanye twa Mututu, Mulinja, Busoro, Munyinya, Mukoma, Matara, Nyakibungo n'ahandi. Bamwe bashoboye guhungira i Burundi kubera ko bari batuye hafi y'Akanyaru bakambuka bajya i Burundi. Abatari begereye i Burundi batewe n'abicanyi ku dusozi twabo babanza kwirwanaho. Muri Komini Muyira ntabwo abahutu baho bahise bitabira ubwicanyi kuko mu minsi ya mbere babanje no gufasha Abatutsi kwirwanaho kubera ko baterwaga n'abaturutse i Bugesera ariko hakaba n'abahutu baho bari baratojwe n'uwitwa Bandora wari umucuruzi ukomeye ku Ruhuha muri Bugesera.

Kuri iyi tariki ya 20/4/1994 n'ubwo Abatutsi birwanyeho abasirikare hari abo bashoboraga kurasa bakabica ndetse n'ab'intege nke bakicwa n'interahamwe kubera ko batashoboraga kuzicika.

Ku itariki ya 21/4/1994 haje ikindi gitero cy'abaturage baturutse i Bugesera na Busoro ariko Abatutsi birwanaho nacyo bagisubiza inyuma n'ubwo kitabuze abo kica. Kuri iyo tariki bahise batangira guhungira kuri Komini ya Muyira, abandi bajya kuri Centrale Gatorika ya Mulinja abandi ku musozi wa Nyamure ndetse bamwe bagera no kuri ISAR.

Ku itariki ya 22/4/1994 haje ikindi gitero kirimo abasirikare, abicanyi bavuye i Bugesera n'abo muri Komini Muyira, Abatutsi barwanye nabo umunsi urira nabwo bashobora gusubiza igitero inyuma ariko kishe abantu batari bake.

Uwo munsi hari umusirikare wumvishije Abahutu ko batagomba gufasha Abatutsi ahubwo bagomba kubica ibyo Abatutsi batunze bikaba ibyabo. Uwo munsi Abahutu bose bahise bahinduka ndetse bamwe bitabiriye ubwicanyi mu buryo bukomeye nka Twagirimana Jean. Uko abantu batatanaga muri ibyo bitero niko bahungiraga ahantu hatandukanye cyane cyane kuri Komini ya Muyira no ku musozi wa Nyamure.

Ku itariki ya 25/4/1994 igitero kishe Abatutsi bari mu nzu ya Foyer bagera kuri 50 barimo abafashaga cyane mu kwirwanaho mu birero byabanje. Mu babishe harimo na ba Bahutu babanje gufasha Abatutsi kurwanya nka Daniel wari waravuye mu gisirikare na Twagirimana Jean. Kuri iyi tariki kandi hishwe Abatutsi bagera kuri 500 bari bahungiye kuri Centrale gatorika ya Mulinja. Babakuye kuri centrale bababeshye ko bagiye kuri Komini Muyira kugira ngo bahabarindire ariko abicanyi babategera ahitwa mu Ruhubika barahabicira.

Ku itariki 26/4/1994 nibwo hishwe Abatutsi bagera ku 25.000 bari bahungiye kuri Komini ya Muyira. Haje igitero kinini cyane cy'interahamwe nibo bishe abo batutsi bose, bari benshi bikabije ku buryo batakeneye gufashwa n'abasirikare benshi kugira ngo barimbure iyo mbaga y'Abatutsi.

I Muyira ubu hari urwibutso rushyinguyemo Abatutsi baguye mu gace k'Amayaga barenga 150.000.

Abagize uruhare mu bwicanyi ni :
Berinkindi Claver wari umucuruzi, yahawe igihano cy'igifungo cya burundu n'urukiko rwo muri Norvege, Muhutu Adalbert wari depite wa MRND ariko akaba yarabanje kuyobora Komini Muyira, Rusatsi Hezekiya wari Konseye ariko mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi akaba ari we wari warasimbuye burugumesitiri, Ntawuyangira Augustin wari umwarimu ubu afungiye muri gereza ya Nyanza, Rulinda Edouard wari umwarimu ubu aba muri Malawi, Rukemampunzi Jean wari umucuruzi, Ruzindana Silas wari umucuruzi ubu aba muri Congo Brazzaville, Celestin wari umusirikare, Bugirimfura wari burigadiye wa Komini Muyira n'abandi.

**Abatutsi biciwe mu Nkomane mu Karere ka Nyanza**

Mu ijoro ryo ku italiki ya 25 rishyira 26 Mata 1994, Abatutsi barenga 100 biciwe kuri Nkomane ahahoze ikiraro cy'umugezi wa Nkomane. Icyo kiraro cyahuzagaga komine ya Ntyazo na Komine Muyaga. Uyu munsi ni mu Karere ka Nyanza, Umurenge wa Ntyazo, Akagali ka Katarara mu Mudugudu wa Gasharu. Abenshi bari baturutse muri Komine Ntyazo muri Segiteri za Karama, Ntyazo, Cyimvuzo, mu makomine ya Rusatira, Ruhashya, Mugusa n'ahandi. Bamwe muribo babanje guhungira ku musozi wa Karama naho hiciwe Abatutsi benshi cyane. Kubera guhunga ibitero by'abicanyi, bagiye muri ISAR Songa aho bagiye bahurira n'abandi batutsi. Nyuma yaho bongeye guhunga ibitero bashaka kujya i Burundi banyuze i Muhero ku mugezi w'Akanyaru. Bageze kuri Nkomane habura nk'isaha imwe n'igice ngo begere ku mugezi w'Akanyaru bahasanze bariyeri akaba ari naho biciwe.

Bamwe mu bicanyi bakomeye bari kuri bariyeri harimo responsable wa selire ya Gasharu witwaga Ntamahungiro Paul. Hari kandi abaturage b'abicanyi nka Muhanarite Augustin na Ngirabatinya. Nyuma yaho baje gusaba ubufasha abari bafite imbunda barimo uwahoze ari IPJ wa Komini Ntyazo witwaga Muganza Joseph n'interahamwe zatojwe zigahabwa n'imbunda bitwaga Rushagaza Epaphrodite na Nkomati. Bishishijwe imbunda, imihoro, amahiri n'ibindi. Nyuma

yaho imirambo yabo yajugunywe mu mateme n'imiringoti. Byari bigoye cyane kurokoka kubera ko hari mu kabande ndetse n'inyuma yabo haturutse ibindi bitero.

**Abatutsi biciwe mu Butansinda, Gitarama**

Aho mu Butansinda hahurijwe Abatutsi benshi bari bavuye muri Komini Kigoma no mu nkengero, aba ai naho bicirwa. Hari bariyeri ikomeye cyane n'ibyobo byacukuwe byo kujugunyamo imirambo. Bamwe mu bayoboye ubwicanyi harimo Nzaramba Isaac wari umuyobozi w`interahamwe akaba yari n'umucuruzi hamwe na Kalisa Aloys wari inspecteur w'amashuri.

**Abatutsi biciwe i Ruhashya, Huye**

Mu minsi ya mbere ya Jenoside, muri Ruhashya abaturage bose hamwe, Abatutsi nn'Abahutu bajyaga gukumira abicanyi baturukaga muri komini Kinyamakara yo muri Gikongoro. Burugumesitiri Rudakubana Martin nawe yabanje gufatanya n'abaturage bakumira ibitero, ariko nyuma y'inama yagiyemo ku wa 19/04/1994i Butare, yagarutse yahindutse ndetse yambaye imyenda ya gisirikare. Ku iteme rya Mwogo Abatutsi birwanagaho baje kuneshwa ubwo Burugumesitiri Munyaneza Charles wa Komini Kinyamakara azanye imbunda akabarasaho baratatana batangira guhunga.

Ubwo abicanyi ba Kinyamakara bafatanyije n'abo muri Ruhashya bamaze kumva ko uhigwa ari Umututsi, bahita batangira kwica, gusahura no gusenya bahereye muri Segiteri Rwaniro bakomeza kugera kuri Komini Ruhashya. Ibitero byari biyobowe na Col Simba Aloys, Munyaneza Charles wari Burugumensiti wa Kinyamakara, Mucumankiko Silas n'izindi Nterahamwe. Bafatanyije n'abari ku isonga mu bwicanyi muri Komini Ruhashya barimo Burugumesitiri Rudakubana Martin, Batsinda Patrick, Umujamujandarume witwa Ntibagororwa, Kibega n'abandi. Bishe Abatutsi bari bakusanyirijwe kuri komini Ruhashya baturutse ku Gikongoro, Maraba, Ruhashya Rusatira na Mbazi.

**Abatutsi biciwe kuri EPR Gituntu, Karongi**

Abatutsi barenga 171 bahungiye kuri EPR Gituntu kubera ko bari bahizeye amahoro no kurokoka kubera ko bamwe bari basanzwe bahasengera kandi bumvaga ntacyo bazaba.

Abatutsi bari baturutse mu bice bitandukanye birimo icyahoze ari Segiteri Mutuntu, Mugano n'ahandi. Hishwe bwa mbere uwari umuyobozi w'Itorero witwaga Rwamuhizi Alphonse nyuma yaho hishwe n'abandi ari nabwo bamwe

bagerageje kwihisha ariko baza kwicirwa ahandi. Bicishijwe imihoro, amahiri n'imipanga.

Uwatanze itegeko ryo kubica ni Muragizi Gabriel wari Bourgmestre wa Komini Mwendo ndetse mu bari bayoboye ibitero harimo n'umuvugabutumwa witwaga Bikorimana wari kumwe n'abandi bicanyi batandukanye.

## 2.20. KUWA 26 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA BUTARE, KIBUYE NA GITARAMA

### Abatutsi biciwe kuri Paruwasi ya Mugina, Kamonyi

Paruwasi ya Mugina iherereye mu Kagari ka Mbati, Umurenge wa Mugina, Akarere ka Kamonyi. Muri Jenoside Paruwasi ya Mugina yahungiyeho Abatutsi baturutse imihanda yose barimo abaturutse mu Bugesera, Kigali y'Umujyi, Kigali Ngari no mu Makomini yari aturanye na Komine Mugina. Hari Abatutsi benshi ku buryo bari baziko bazirwanaho nta kibazo bazagira. Abatutsi bari barahahungiye birwanyeho ubwo bari batangiye guterwa, ariko babifashijwemo na Burugumesitiri wa Komini Mugina Ndagijimana Callixte utari ushyigikiye ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi. Burugumesitiri Ndagijimana yafashe abasore b'Abahutu, Abatutsi n'abapolisi ababwira ko azajya abahemba ariko bakarwanya ibitero biturutse ahitwa Mbati, Mukinga, Jenda n'ahandi.

Uwigeze kuba Burugumesitiri wa Mugina witwa Ngiruwonsanga Onesphore uzwi ku izina rya Gitaro niwe wakoresheje inama ategeka ko bafunga amazi, avuga ko inzoka utayicishije inzara cyangwa inyota udashobora kuyica. Bafunze amayira, bakoresheje bariyeri, bashyiraho imbwa zo kubahiga ku buryo ntawabonaga aho anyura ajya gushaka icyo kurya. Inzara yatangiye kubica, bafata icyemezo cyo gutungwa n'inka bari barahunganye.

Ibitero byakomeje kuza bimwe biyobowe na Ngiruwonsanga, ibindi biyobowe na Kanyanzira. Icyo babanje gukora ni ukwica Burugumesitiri Ndagijimana Callixte, bamwiciye i Ntongwe. Bahuruje impunzi z'Abarundi zari ahitwa i Nyagahama, i Kinazi kugirango zize kubafasha kwica. Haje imodoka zigera kuri 14 zipakiye abasirikare, interahamwe bafite n'intwaro, hiyongeragaho n'ibitero biturutse ahitwa Kabugondo, Ngoma, Runda n'ahandi. Ubwicanyi bwatangiye gukara kuva tariki ya 25/04/1994 ariko baza kubamaraho tariki 26/04/1994.

Abari bahungiye kuri Paruwasi bicishijwe intwaro zitandukanye zirimo imbunda, gerenade noneho nyuma y’izo ntwaro za kizungu abaturage bakabiraramo n’ibisongo, imihoro, amabuye n’ibindi. Abagize uruhare muri ubwo bwicanyi bamenyekanye cyane harimo Major Karangwa Pierre Claver, Ngiruwonsanga Onesphore, Kanyanzira n’abandi.

**Abatutsi biciwe muri ISAR Rubona (RAB), Huye**

Mbere ya Jenoside, ISAR Rubona yari muri komini Ruhashya. Hahuriye Abatutsi benshi baturutse ku Gikongoro, Maraba, Ruhashya, Rusatira, Mbazi na Mugusa bakusanyirizwa kuri Mont Rubona ari benshi cyane. Abenshi babatangiriraga muri Komini Mugusa bashaka guhungira i Burundi bakabasubiza inyuma muri ISAR Rubona. Hari hahungiye kandi Abatutsi bahakoraga. Ibitero byabamaze byaturutse muri izo Komine zose bikurikiye Abatutsi babo bahahungiye, nyuma yo kurangiza abari kuri komini Ruhashya na Mbazi mu Byiza.

Kuri 26/04/1994 mu ma saa tatu ni bwo ibitero byari bihasesekaye n’amafirimbi n’induru nyinshi, bahahurira n’abajandarume, abasirikare n’abapolisi ba komine barica amanywa yose n’ijoro ryose.

Kuri 27/04/1994, uwari Perefe wa Butare Nsabimana Sylvain yaje muri ISAR kureba uko jenoside irimo igenda. Uwo munsi Abatutsi bari bagihumeka babajyanye mu Gakera munsi ya Mont Rubona, bigondagondera utuzu two kubamo mu biti n’ibyatsi, bacukura n’ubwiherero bibwira ko barekeye aho kubica. Bigeze kuri 02/05/1994 ni bwo ibitero byagarutse birabica bose. Ubuyobozi bwari bwarategetse Abatutsi bari bahungiye muri ISAR Rubona gucukura imisarane ariko mu by’ukuri ari iyo bashaka kuzajugunyamo imirambo yabo bamaze kubica.

Abateguye kandi bagashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi muri ISAR ni Ntahontuye Ndereyehe Charles wari ayibereye Umuyobozi Mukuru, Mulindangabo Joseph wari chef wa station ya Rubona, Mugemana Didace yari Chef du Personnel ari na we wari warakoze lisiti y’abakozi ba ISAR b’Abatutsi bagombaga kwicwa, Ntunda Jacques, Rutunga Venant, Mukuralinda Aloys, Ndayizigiye bitaga Ajida, Musabyimana Thaddée, Nsengiyumva Innocent wari umwarimu, Ndezi wabaye burugumesitiri wa Rusatira mu 1972, Ngirabega wari Konseye wa Segiteri Kato n’abari ba Konseye ba Mugogwe na Kimuna. Bifashishije interahamwe ruharwa zari ziyobowe na Ruhoryongo, Kanyeperu, Nyangezi n’abandi. Ntibyoroshye kumenya umubare w'Abatutsi biciwe muri ISAR Rubona, gusa abari abakozi bayo bo bagera kuri 70 n'imiryango yabo. Imibiri y’Abatutsi biciwe muri ISAR Rubona ntiraboneka yose ngo ishyingurwe mu

cyubahiro, urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwaho haruhukiyemo abagera ku 120 gusa.

Uwitwa Ndereyehe Ntahontuye Charles yagize uruhare rukomeye muri Jenoside muri ISAR Rubona, akaba anakomeje gukora ibindi bikorwa biyihakana aho yahungiye mu Buholandi. Ndereyehe Ntahontuye ukomoka muri Komine Cyabingo mu yahoze ari Perefegitura ya Ruhengeri, muri 1992, hamwe n'abandi banyabwenge b'abahezanguni barimo Nahimana Ferdinand, Dr Rwamucyo Eugène, Dr Nshimyumuremyi Jean Berchmas n'abandi, Ndereyehe yaremye kandi ayobora umutwe w'abagizi ba nabi wiswe Cercles des Républicains Progressistes washishikarije abanyeshuri gutegura jenoside muri Kaminuza i Nyakinama n'i Butare.

Ku ikubitiro Ndereyehe yari umurwanashyaka w'ishyaka MRND rya Perezida. Ariko mu 1992 yavuye muri MRND agira uruhare mu ishingwa ry'ishyaka ry'intagondwa z'Abahutu, Coalition pour la Défense de la République (CDR) ryagize uruhare rukomeye muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ndereyehe yatangiye umushinga wa jenoside mbere y'uko yoherezwa muri ISAR. Mbere y'uko yoherezwa muri ISAR, Ndereyehe yayoboraga Umushinga w'Iterambere ry'Ubuhinzi n'Ubworozi muri Gikongoro (PDAG). Muri icyo gihe, Ndereyehe yabaye umwe mu bakozi ba Leta bashinze umutwe w'Interahamwe ku Gikongoro, afatanyije na Captain Sebuhura Faustin wari umuyobozi wungirije wa Jandarumori yo ku Gikongoro. Sebuhura yakomokaga muri Komine Mukingo mu Ruhengeri, agace kamwe na Ndereyehe.

Mu gushinga umutwe w'Interahamwe ku Gikongoro, Ndereyehe yanafatanyije n'abayobozi b'imishinga y'ubuhinzi yakoreraga muri Gikongoro cyane cyane Pierre Célestin Mutabaruka wari umuyobozi w'umushinga Crête Zaïre Nil, abayobozi b'inganda z'icyayi za Mata (Denis Kamodoka) na Kitabi (Juvénal Ndabarinze), abayobozi batandukanye muri Perefegitura ya Gikongoro barimo Ayurugari Justin wari ukuriye ELECTROGAZ na Celse Semigabo wari Umushinjacyaha wa Repubulika. Bose kuri ubu bakurikiranweho icyaha cyaJenoside.

Ndereyehe yavuye mu Rwanda mu 1994 ubwo Guverinoma y'abicanyi n'ingabo zayo bari bamaze gutsindwa urugamba. Ari mu bashinze, ku itariki 3 Mata 1995, ubwo bari impunzi muri Zayire, umutwe wa politiki n'igisirikare w'abahezanguni witwa RDR ushingiye ku ngengabitekerezo ya Jenoside. Kuri ubu Ndereyehe aba mu Buholandi kandi ni umwe mu bayobozi b'ishyaka ry'iterabwoba FDU-INKINGI rishingiye ku ngengabitekerezo ya jenoside.

Mu matangazo menshi ya FDU-INKINGI atangaza, Ndereyehe ahakana mu buryo bukomeye Jenoside yakorewe Abatutsi, yigisha abantu kuyihakana ndetse akanatesha agaciro iyibuka ry'iyi Jenoside ayita « fonds de commerce. » cyangwa se urucuruzo.

Mu Buholandi Ndereyehe ahuza ibikorwa by'andi matsinda y'abahezanguni b'intagondwa z'Abanyarwanda bahunze bahora banyotewe n'ingengabitekerezo y'ivanguramoko yayoboye u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Muri ayo matsinda harimo FEDERMO (Fédération des Organisations Rwandaises aux pays Bas), CARP (Collectif des Associations Rwandaises aux Pays-Bas), RIFDP-NL (Réseau International des Femmes pour la Démocratie et la Paix), DEN HAAG, Pro Justitia, FFDR (Foundation for Freedom and Democracy in Rwanda).

Ku itariki ya 05 Ugushyingo 2008, Ndereyehe yaciriwe urubanza adahari n'Urukiko Gacaca rwa Gikirambwa rumuhanisha igifungo cya burundu nyuma yo gusanga ahamwa n'ibyaha bya Jenoside mu Kigo cy'Igihugu cyari gishinzwe Ubushakashatsi ku Buhinzi n'Ubworozi (ISAR).

Kuva ku itariki 20 Mata 2010, Ndereyehe yashyiriweho Impapuro Mpuzamahanga zo kumuta muri yombi n'ubutabera bw'u Rwanda. Ari kandi ku rutonde rw'abashakishwa na Polisi Mpuzamahanga. Ibyo nyamara ntibimubuza gukomeza mu mutuzo ibikorwa bye by'icengezamatwara rya gihezanguni mu Burayi n'ahandi.

**Abatutsi biciwe kuri Paruwasi Gatorika ya Birambo, Karongi**

SuPerefegitura ya Birambo yari igizwe n'amakomini atatu (Bwakira, Mwendo na Kivumu) mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi ikaba yarayoborwaga na Superefe Rudakubana Anaclet, icyicaro cyayo kikaba cyari muri Komini ya Bwakira yayoborwaga na Burugumesitiri Kabasha Tharcisse.

Jenoside mu Birambo yatangiye nyuma y'umunsi umwe uwari umukuru w'igihugu apfuye, abahutu b'intagondwa n'Interahamwe bahise batangira kwica Abatutsi, gusahura imitungo no gutwika amazu. Kubera ko Abatutsi bibwiraga ko bashobora kubonera ubutabazi kuri SuPerefegitura no kuri Paruwasi, Abatutsi baturutse mu mpande zihakikije bagerageje guhungira kuri SuPerefegitura ya Birambo, kuri Paruwasi gatorika ya Birambo ndetse no mu Bigo by'amashuli y'Abihaye Imana byo mu Birambo. Mu gihe Abatutsi bibwiraga ko babonye ubuhungiro, ni ko Interahamwe zo zarimo zicura umugambi wo kwica Abatutsi.

Mu Birambo, abayobozi ba ruharwa babiri ku rwego rw'Igihugu, Enock Ruhigira na Edouard Karemera ariho bakomoka. Enock Ruhigira wayoboraga ibiro bya perizidansi igihe cya Habyarimana, uvuka mu Birambo yaje guha amabwiriza abategetsi bari bahari uko jenoside yagombaga gukorwa. Edouard Karemera, wari Visi-Perezida wa mbere wa MRND yakomokaga muri komini Mwendo imwe mu makomini yari agize superefgitura Birambo. Karemera yagaragaye kenshi ashishikariza abaturage kwica Abatutsi muri Birambo, no mu Bisesero. Karemera yatangiye ibikorwa bitegura jenoside mu Birambo guhera muri 1993, aho we na Perefe André Kagimbangabo, Colonel Ndahimana Jean Marie Vianney, umucuruzi wo muri CDR witwa Amani Mugabo, na Bourgmestre Kabasha, batanze imbunda, bashyiraho na gahunda yo gutoza Interahamwe imyitozo ya gisirikari.

Taliki ya 14/04/1994, Interahamwe zari ziyobowe na Burugumesitiri Kabasha, Konseye wa Segiteri  Nyabiranga Munyankindi Cyprien, Konseye wa Segiteri Musasa Mugabonake, Depute Sebitabi Alphonse na Procureur Kwizera Aaron zagabye igitero ku Batutsi bari bihishe mu Kigo cy'Amashuli cy'Ababikira cya NP Birambo, ariko Abatutsi bari mo bagerageza kwirwanaho, Interahamwe zikomwa mu nkokora bityo zijya guhuruza Abasirikari n'Abajandarume ngo baze bazifashe kwica abo bitaga umwanzi. Bagarutse bukeye bwaho taliki ya 15/04/1994, bica Abatutsi bose bari muri NP Birambo banatwika amashuri mu rwego rwo gutsemba n'aho uwaba yasigaye yabashaga kwihisha.

Taliki ya 16 na 17/04/1994, icyo gitero n'ubundi cyoherejwe kwica Abatutsi bari muri Paruwasi ya Birambo no kuri SuPerefegitura. Kubera ubugome abakoraga Jenoside bari bafite, mbere yo kwica Abatutsi mu bitero byose twavuze haruguru, babanje kurobanura abihaye Imana batandukanya Abatutsi n'Abahutu ; ababikira n'abapadiri b'Abatutsi barindishwa abajandarume ngo batazacika naho Abahutu babashyira ukwabo ngo barindirwe umutekano.

Icyakurikiyeho ni ugushakisha hirya no hino Abatutsi bari bataricwa bari bakihishahisha hirya no hino babateranyiriza hamwe bateganya umunsi wo kubamaraho burundu bakabicana n'Abihayimana b'Abatutsi. Tariki ya 26/04/1994 ni bwo igitero cyari kiyobowe n'ubundi na Burugumesitiri Kabasha, Konseye wa Segiteri Nyabiranga Munyankindi Cyprien, Konseye wa Segiteri  Musasa Mugabonake, Depite Sebitabi Alphonse na Procureur Kwizera Aaron, bafatanyije n'Interahame, abajandarume n'abasirikari bishe mu buryo bw'agashinyaguro abari basigaye bo muri Birambo. Mu bihaye Imana bishwe icyo gihe harimo Padiri Ruberizesi Innocent na Padiri Sebatware Narcisse.

Mu kigereranyo Abatutsi barenga ibihumbi bitandatu (6,000) biciwe muri ibyo bitero byose.. Abicanyi bivuze imyato, abandi abo bayobozi babatereka inzoga babashimira ko bakoze akazi.

Enock Ruhigira yahunze muri 1994, akaba ashakishwa n'ubutabera. Edouard Karemera yahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda ahanishwa igihano cy'igifungo cya burundu. Yapfiriye muri gereza muri Senegal kuwa 31/08/2020.

**Abatutsi biciwe kuri Komini Kigoma, Ruhango**

Komini Kigoma yari yubatse muri Segiteri ya Butare, Selire ya Kabambati mu cyahoze ari Perefegitura ya Gitarama ubu ni mu Karere ka Ruhango, Umurenge wa Ruhango, Akagali ka Rwoga mu Mudugudu wa Bihome. Mu gihe cya Jenoside hari Abatutsi bahungiye kuri komine Kigoma bizeye kuharokokera ndetse hari n'abandi bahazanwe babeshwa ko bagiye kuhabarindira.

Tariki ya 26/04/1994 na mbere yaho gato hiciwe Abatutsi barenga 475. Abahiciwe bari baturutse muri Segiteri zitandukanye za komini Kigoma zirimo Gahombo, Mukingo, Kiruri, Ngwa n'ahandi. Nyuma yo kubegeranya bicirwaga kuri bariyeri ikomeye yari imbere ya komine naho imirambo yabo yashyirwaga mu byobo byari byaracukuwe hafi ya komini. Bamwe mubabigizemo uruhare rukomeye barimo uwari burugumesitiri wa komini, Ugirashebuja Celestin, abasirikare barimo Mugenzi, Mukerangoma n'uwo bahimbaga Kagoma. Hari n'interahamwe ikomeye yitwa Nzaramba wiyitaga Gahini wayoboraga ibitero.

**Abatutsi biciwe kuri Komini Tambwe, Ruhango**

Kuri Komine Tambwe hiciwe Abatutsi barenga 20,000, Umututsi wa mbere yiciwe imbere y'ibendera mu rwego rwo gutangiza igikorwa no gushishikariza interahamwe n'abaturage kubyitabira. Abishwe bari bahahungiye abandi bahurijwe kuri komine Tambwe, abahungiye kuri sous-prefecture ya Ruhango, kuri kiliziya ya Ruhango n'ahandi. Nyuma yo kubica imirambo yajuguywaga mu ishyamba rya pinusi mu byobo n'imiringoti. Bamwe mubabigizemo uruhare rukomeye ni burugumesitiri wa Tambwe Mugaba Nathan, depute wavukaga muri komini witwa Kayondo, Perezida w'urukiko rwa Canton Ruhango witwa Munyeshyaka Gregoire n'interahamwe ikomeye yitwaga Nzaramba wiyitaga Gahini.

## 2.21. KUWA 27 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU YAHOZE ARI PEREFEGITURA YA BUTARE

### Muri jenoside, Leta y'Ubufaransa yakiriye abayobozi bakuru ba Hutu power

Ubufaransa nicyo gihugu cyonyine cyakomeje gukorana na Leta y’abicanyi n’ubwo byari byaragaragaye ko iyo Leta yarimo ikora Jenoside. Tariki ya 27/4/1994, ni ukuvuga ibyumeru 3 nyuma y’uko jenoside itangiye, intumwa ebyiri b’iyo Leta, Jerome Bicamumpaka na Jean Bosco Barayagwiza, bakiriwe i Paris muri Elysee na Matignon, mu gihe Amerika n’Ububirigi banze kubaha visa. Bagiranye ibiganiro n’abategetsi b’Abafaransa, harimo minisitiri w’intebe Edouard Balladur, minisitiri w’Ububanyi n’amahanga Alain Juppe na Bruno Delaye, wategekaga Ibiro bishinzwe Africa mu biro bya Perezida wa Repubulika.

Barayagwiza, icyo gihe yari diregiteri ushinzwe ubutegetsi n’imari muri ministeri y’ububanyi n’amahanga, akaba no muri komite nyobozi ya CDR, umwe mu bashinze RTLM, igikoresho gikomeye cya propaganda ya jenoside. Bicamumpaka yari muri MDR power, akaba na minisitiri w’ububanyi n’amahanga muri Leta y’abicanyi.

Bicamumpaka yari umuhezanguni ruharwa utaratinye kuvugira mu Kanama k’Umuryango w’Abibumbye amagambo yuzuye urwango avuga ko jenoside yakorewe Abatutsi yari ngombwa.

Imiryango iharanira uburenganzira bwa muntu yokeje igitutu Ubufaransa, igaragaza ko bitumbikana ukuntu Ubufaransa bwakwakira abantu bafite amaraso mu biganza,  busobanura ko bakiriye izo ntumwa z’U Rwanda kugira ngo bakomeze kugirana ibiganiro n’impande zombi. Nyuma baje kuvuga ko rwari uruzinduko rwihariye.

Ubufansa bwari buzi neza abo baganiraga abo aribo, n’inkunga ya politiki bagombaga kubaha kugira ngo jenoside ikomeze.

### Abatutsi biciwe i Gikonko, Gisagara

Komine Mugusa yari iyobowe na Burugumesitiri Kabayiza Andre. Yaje kuyobora Komine aturutse muri Primature 1992, asimbura Kanyamanza Onesphore. Uyu Kanyanza niwe wahuzaga ibikorwa byo gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside. Icyo gihe bazanye n’abasirikare uwitwaga Adjida bamugize Umuyobozi w’ishuri ryisumbuye rya Gikonko. Yakomokaga ku Gisenyi. Yari nk’umuyobozi

wa Jenoside. Agatanga amabwiriza y'ahagomba gushingwa bariyeri, gutoza insoresore z'abahutu uko bazica Abatutsi.

Hari Diregiteri Nkusi wa PRB (ikigo cyatunganyaga umuceri). Kuko hari telephone niho hari abasirikare bakiraga amabwiriza y'itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside. Hanakorerwaga inama zo gutegura Jenoside. Urutonde rw'Abatutsi bazicwa rwakorwaga na Burugumesitiri Kabayiza André afatanyije na ba Burugumesitiri bacyuye igihe n'abakonseye.

Byatangiriye muri Segiteri  Buhoro yari ituwe n'abarundi benshi. Batangira barya inka z'Abatutsi. Konseye aza kuri Komini bamuha abapolisi na Agronome wa Komine. Yaraje afata abo barundi abapakira imodoka abazana kuri Komine, bahageze Adjuda ahita ababohora ati mwakoze amakosa yo kurya inka benezo bagihari! Mugende mubanze mubice mubone kurya inka. Ibyo byabaye mu matariki ya mbere y'ukwa kane. Nko ku itariki 08 cyangwa 09/04/1994.

Abatutsi batangiye gukusanyirizwa kuri Komine, baturutse Komine Rusatira, Ruhashya, Shyanda, Mbazi, basanga aba Mugusa. Bishwe kuri 27/04/2019. Hiciwe abarenga 25,000. Mu kubakusanya abakonseye bafashe micro bahamagarira Abatutsi bose kujya mu kibuga cy'umupira. Kubakusanya byafashe nk'iminsi ibiri yose, ubundi abasirikare bakabarasa bahagaze hejuru y'ikibuga, abicanyi bitwaje intwaro gakondo bagose hagira uhunga isasu akabagwamo.

Abari ku isonga mu bwicanyi harimo assistant burugumesitiri witwaga Sylvestre wo kwa Mugenzi afanyije na se, Konseye Twagirayezu wari uwa Segiteri Gikonko, Kayitare Yusi yari Diregiteri w' ishuri ry'imyuga (CERAR) akaba yari Perezida wa CDR muri Komini. Birigadiye wa Komini witwaga Athanase. umujyenzuzi w'amashuri witwa Muramba.

**Abatutsi biciwe ku musozi wa Nyamure mu  Murenge wa Muyira, Akarere ka Nyanza**

Umusozi wa Nyamure wari  uherereye  mucyahoze  ari  Perefegitura ya  Butare, komine  Ntyazo, Segiteri  ya Nyamure  muri  selire  ya  Gatare   uyu   munsi ni mu Karere  ka  Nyanza, Umurenge  wa Muyira, Akagali  ka  Nyamure  mu Mudugudu wa  Gatare.

Abatutsi benshi batangiye  guhungira ku musozi wa Nyamure kuwa 20/04/1994 ariko bahasanze  n'abandi  bahageze   mbere yabo.  Bahamaze icyumweru   kuko bahabaye  kugeza  27/04/1994 akaba  ari nayo taliki  bagabweho ibitero simusiga

hafi ya bose baricwa. Bahahungiye kubera ko bumvaga Jenoside itazagira ubukana nkubwo yagize ndetse bumvaga ari nk'imvururu zizarangira vuba bagasubira iwabo. Hari kandi benshi bashoboraga guhungira mu gihugu cy'U Burundi cyahanaga imbibe by'umwihariko na komine Ntyazo, Muyira na Ntongwe. Ikindi bumvaga bibaye ngombwa kwirwanaho byari kuborohera kubera ko bari hejuru y'umusozi aho bashoboraga gukoresha amabuye kandi niko byaje kugenda mu gihe bagabweho ibitero.

Abatutsi benshi bari baturutse mu makomine ya Muyira, Ntyazo na Rusatira muri peregitura ya Butare, komine Kigoma na Ntongwe muri Perefegitura ya Gitarama n'ahandi.

Abari babishobye bahunganye ibiribwa bikeya baje gusangira ari benshi cyane kuburyo byahise bishira vuba. Bitewe n'inzara nyinshi n'inyota kubera ko bari hejuru y'umusozi kandi kure y'imirima yabo, batangiye gukora amatsinda yo kujya gushaka ibiryo ninjoro mu mirima y'abari bayifite hafi ariko byari biteye ubwoba kuko kuwa 21/04/1994 ibitero byatangiye kuza kubica. Nyuma yaho kandi batangiye kubaga no kurya inka bari bahunganye.

Nyuma yo kuhagera ku italiki ya 20 Mata 1994, bukeye bwaho kuwa 21/04/1994 ibitero bikomeye byatangiye kuza kubica bikaba byari bigizwe ahanini n'abaturage benshi n'interahamwe. Bari bitwaje imihoro,amahiri, imipanga, amacumu n'ibindi bikoresho gakondo. Gukoresha imbunda byaje nyuma yuko Abatutsi bakomeje kwirwanaho nabo bakoresheje cyane cyane amabuye n'imiheto mikeya.

Kuva taliki ya 22 Mata 1994 kugeza taliki ya 26 Mata 1994, ibitero byakomeje kuza kandi Abatutsi nabo bakomeje kuhahungira. By'umwihariko kuwa 25/04/1994, hari Abatutsi bari bahungiye ku musozi wa Nyamure ariko abicanyi baje mu ibanga inyuma yabo ariko ntabwo babagezeho ariko abari ku musozi barababonye ndetse bamwe byabateye ubwoba bituma bamanuka umusozi bahunga. Mubagiye mu gice cy'abicanyi hishwe Abatutsi icumi(10) ndetse hari n'abakomeje kwicwa mu gihe bajyaga gushaka ibiryo mu mirima. Muriyo minsi hari abayobozi n'interahamwe bakomeje kuyobora ibitero no gukangurira abaturage kwitabira ubwicanyi.

Ku isonga harimo Burugumesitiri wa Komine Muyira witwa Muhutu Adalbert, Twagiramungu Zacharie wari Perezida wa MDR muri komine Ntyazo, ba konseye batandukanye muri Komine ya Ntyazo; Murindahabi wa Segiteri ya Nyamure, Murindahabi Isaie wa Segiteri Gatonde, Mutabaruka wa Segiteri

Kayanza. Harimo n'interahamwe nyishi zatojwe nka Sendima, Munyaneza Gaspard n'abandi. Hari kandi Ndahimana wari umuganga akaba n'umuyobozi w'ikigo nderabuzima cya Nyamure by'umwihariko yatanze n'imodoka y'ikigo nderabuzima mu kujya kuzana interahamwe n'abapolisi muri komine za Muyira na Ntyazo. Twavuga kandi Munyakayanza na Mbarubukeye bombi bari abarimu mu ishuri ribanza rya Nyamure bakaba baragize uruhare rukomeye mu gukangurira abaturage kwitabira ubwicanyi ndetse nabo bayoboraga ibitero by'umwihariko bagize uruhare mu kwica Abatutsi bari bahungiye ku musozi wa Rwezamenyo nawo uteganya n'umusozi wa Nyamure cyane cyane bazwiho kwica abana b'abanyeshuri bigishaga mu ishuri ribanza rya Nyamure, abo bana babahungiyeho bizeye gukizwa no kurindwa n'abarezi babo ariko baje kubica nabi. Hari kandi umuturage witwa Gakuba we yagendanaga gerenade.

Ku italiki ya 26 Mata 1994, abicanyi baje munsi y'umusozi barahagota ndetse baraharaye mu rwego rwo kurinda ko hazagira abarokoka. Ku italiki ya 27 Mata 1994, nibwo Abatutsi bagabweho ibitero simusiga aho abicanyi bakoresheje imbunda nini n'intoya, gerenade n'intwaro gakondo nyinshi ibyo byatumye Abatutsi badashobora kongera kwirwanaho.

Haje abasirikare n'abajandarume benshi bari baturutse kuri suPerefegitura ya Nyabisindu i Nyanza ndetse bamwe bari bamaze hafi ibyumweru bibiri kuri komine Muyira hamwe na Burugumesitiri Muhutu Adalbert abandi bavuye i Nyanza kuwa 27/04/1994. Hari abapolisi baturutse kuri komine Muyira na Ntyazo. Hari kandi imodoka yazanye interahamwe zari ziturutse mu Bugesera banyura i Busoro bari bayobowe. Abasirikare bashinze imbunda ku ishuri ribanza rya Nyamure batangira kurasa. Abatutsi bagize ubwoba bwinshi kuko bamwe baribatangiye gupfa no gukomereka bikomeye bituma abandi batangira kumanuka bahunga ariko nabo bicwaga n'abicanyi bari bagose umusozi.

Nyuma yo kubarasa no kwica benshi bazamutsa ku musozi bagamije kwica abari basigaye, guhorereza abari bataracikana no kubacuza imyenda. Muri rusange ku musozi wa Nyamure hiciwe Abatutsi 22,378, imirambo yabo bayisize ku gasozi kubera ko yari myinshi cyane. Abayoboye ibitero n'ababigizemo uruhare rwihariye barimo Burugumesitiri wa Komine Muyira witwa Muhutu Adalbert wakatiwe igifungo cya burundu ariko akaba yarahungiye muri Congo, Twagiramungu Zacharie wari Perezida wa MDR muri komine Ntyazo, abapolisi ba komine Muyira bari bayobowe n'umupolisi witwa Ruberandinda Claver warikumwe n'abandi bapolisi barimo Gasanganwa n'abandi bahoze mugipolisi barimo Bazarama na Bizoza. Ruzindana Silas wari umucuruzi ukomeye muri santere ya Muyira i Nyamiyaga nawe imodoka ye yatwaye Interahamwe

kujya kwica i Nyamure. Nawe yakatiwe igihano cy'igifungo cya burundu akaba yarahungiye muri Congo Brazaville.

## 2.22. KUWA 28 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA KIBUYE NA BUTARE

**Oxfam yamaganye Jenoside yakorerwaga Abatutsi mu Rwanda**

Tariki ya 28/4/1994, Umutegetsi w'Amerika Ushinzwe Afrika muri Ministeri y'Ububanyi n'Amahanga, Prudence Bushnell yahamagaye Colonel Bagosora amubwira guhagarika ubwicanyi yari ayoboye hamwe na Leta y'abicanyi. Ibyo kwari uguta igihe kuko ubwicanyi bwakomeje, ndetse uwo munsi i Paris mu Bufaransa Jérôme Bicamumpaka wari minisitiri w'Ububanyi n'amahanga muri Leta y'abicanyi yahaye ikiganiro abanyamakuru, komeza ibinyoma bya Leta yari ahagarariye avuga ko nta bwicanyi buhari, ko imibare ivugwa irenga ibihumbi 100 ari ukubeshya.

Bagosora yamenyesheje abasirikari bakuru ko igikwiye ari ukongera ingufu muri diplomasi, kugira ngo ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi bwekumenyekana mu binyamakuru, ndetse banashake uko babwikuraho.

Tariki ya 28/4/1994, Ishyirahamwe OXFAM ryasohoye itangazo ryamagana Jenoside yakorerwaga Abatutsi mu Rwanda.

**Abatutsi biciwe ku musozi wa Kizenga, Rwamatamu no ku Kivu, Kibuye**

Kizenga ni umusozi muremure uteyeho ishyamba ryinshi, mu 1994 Abatutsi ba mucyahoze ari Komine Rwamatamu (mu Mirenge ya Gihombo na Mahembe) bari bahaturiye bariyegeranyije bawuhungiraho. Kuwa 28/04/1994 nibwo igitero cyari kiyobowe na Obed Ruzindana n'interahamwe zo ku Mugonero, hamwe n'interahamwe za Yusufu Munyakazi zari zatabajwe na Ruzindana ndetse n'Intagorwa z'Abahutu zo ku Mugonero zazamutse uwo musozi zirabica kuko zari zifite imbunda na za gerenade. Ababashije kurokoka benshi bamanutse bagana ku Kivu cya Mugonero basanga amato bayahishe, nabo barishwe.

**Abatutsi biciwe muri ISAR Songa, Huye**

Interahamwe n'abahutu baturukaga Maraba na Kinyamakara batangiye kujya baza gutera bambutse Mwogo ariko bakaba bari bafitanye gahunda n'abahutu bamwe b'i Ruhashya na Rusatira. Abaturage bishyiraga hamwe hatitawe ku bwoko

bakajya kubakumira ariko biba iby'ubusa kuko baje kuza ari benshi n'abasirikare n'imbunda. Abatutsi barahunze ari benshi bakambika ku musozi wa Rubaba n'uwa Sazange bategereza uko biza kugenda. Bucyeye bigeze nka saa tatu nibwo abicanyi bateye bahera Rwaniro na Kibika, abandi bazamuka Gashoba na Kiboga ariko basahura, batwika bakica n'Abatutsi basanze mu mayira.

Abatutsi bari bahungiye ku musozi wa Rubaba barimo uwitwaga Rusagara Francois na George, Sinzi Tharcisse na mukuru we Butare Frederic bo kwa Gakwisi, Gatera n'abandi benshi biyemeje kujya guhangana n'abicanyi. Bigabanyijemo amatsinda abiri bamwe barimo uwitwaga Rushogoro Francois wahanganye n'abicanyi cyane baca i Kiboga abandi i Gashoba bamanuka bagana mu kibaya. Bageze kwa Rubayiza basangayo abarimo gusahura banatwika amazu, barabirukankana bageze hafi yo mu kibaya bahura n'abicanyi bari bamaze gutsindwa i Kiboga maze barisuganya bahindukirana abo basore b'Abatutsi barabarasa n'imbunda babasubiza i Rubaba.

Mu gusubira inyuma bagendaga babona inzu z'Abahutu zashyizweho ikimenyetso (urukoma, umugozi) kugira ngo batazisahura. Kuri 24/04/1994 nibwo bamwe baciye i Songa berekeza Amayaga barara ahitwa mu Gatugunguru abanyamayaga babambuye inka zabo.

Abasirikare ba Leta hamwe n'abajandarume b'i Nyanza boherejwe na Capitaine François-Xavier Birikunzira nibo bakusanyirije Abatutsi i Songa bababwira ngo nibanga kuhajya ibyo bika (inka) byabo barabirya.

I Songa hiciwe Abatutsi barenga ibihumbi mirongo ine (40,000). Abagera ku bihumbi 7,000 bari hejuru y'umusozi, ariko abana n'abagore bari hepfo y'uwo musozi ahitwa mu Munyinya wa Songa. Iyo ibitero byazaga buri saha, Sinzi Tharcisse yayoboraga abasore ku nkengero y'inkambi bakabirwanya bakabitsinda. Bazanaga n'imbunda ariko uko barasa amasasu abasore b'Abatutsi aho kuyahunga bakaryama bakagendera hasi babasanga. Abicanyi bananiwe nibwo bagiye gusaba abajandarume i Nyanza.

Igitero cyo ku wa 28/04/1994 ari nacyo cyabamaze, cyari kigizwe n'abajandarume benshi barenga 60, bafite imbunda zikomeye nka machine gun na za lance rochettes, baza bakoze umurongo utambitse, bamanuka bagota inkambi bakabateramo na za strims. Mbese baje nk'abaje kurwana n'ingabo zikomeye kuko mbere yuko baza bari barumvise ko abo batutsi basubijeyo ibitero byinshi by'abicanyi kandi baturutse ahantu henshi hatandukanye.

Ku rundi ruhande hari abaturage benshi cyane bitwaje intwaro gakondo bakoze imirongo ihagaze. Kubera urusaku rwinshi rw'amasasu abantu batari bamenyere n' urusaku rw'interahamwe zaturutse impande zose rwatumye benshi batabasha no guhunga kubera ubwoba, ku buryo bamwe baraswaga abandi batemagurwa n'interahamwe. Abandi bishwe umugenda biruka bagwirirana bakandagirana bakomeza inzira igana i Burundi. Abenshi babatsinze i Gakoma aho bita kwa Kantano, abandi bagoterwa aho bita mu i Ramba muri komini Muyanga barabararira babica mu gitondo. Abashoboye kwambuka i Burundi bagera ku 108.

Abatutsi bakusanyirijwe i Songa bari baturutse imihanda yose bahunga: Gikongoro (Kinyamaka, Rukondo), Nyanza, Ruhashya, Rusatira, Ntyazo na Muyira.

Ubwicanyi bw'i Songa bwayobowe na Burugumesitiri Nyawenda Esdron, afatanyije na Nkusi Augustin wari diregiteri w'umushinga w'ubuhinzi bw'umuceri. Aba bombi ubu ngubu bahungiye mu Bubiligi.

## 2.23. KUWA 29 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA GISENYI NA CYANGUGU

**Abatutsi biciwe mu kigo cya Gisirikare cya Butotori (Marine), Rubavu**

Ikigo cya Gisirikare cya Butotori giherereye mu mudugudu wa Butotori, Akagari ka Rubona, Umurenge wa Nyamyumba mu Karere ka Rubavu. Ku butegetsi bwa Habyarimana habaga Abajepe barindaga inzu ya Habyarimana. Abo bajepe ni nabo bahiciye Abatutsi mu gihe cya Jenoside.

Muri iki kigo hakorewe inama nyinshi zateguraga Jenoside zayoborwaga n'abasirikare bakomeye bo ku rwego rwo hejuru nka Colonel Theoneste Bagosora, Colonel Nsengiyumva Anatole n'abandi.Muri iki kigo kandi hatangiwe imyitozo ya gisirikare yahabwaga interahamwe hagamijwe gutsemba Abatutsi.

Ku itariki ya 29 Mata 1994 hiciwe Abatutsi barimo umuryango wa Nyaruzungu Laurent, uwa Karekezi Jonathan, umugabo witwaga Babonampoze André n'umwana we n'abandi.

Abagize uruhare mu rupfu rw'abo bantu ni Majoro Kabera wayoboraga icyo kigo, Lieutenant Minani wavukaga i Nyamyumba, Liyetona Bizumuremyi Jean Berchmans wabaye ruharwa cyane mu bwicanyi kuva 1992 ku Kibuye n'umujepe witwaga Patrice. Aba ni bo bari bakomeye mu bwicanyi bwahakorewe.

**Abatutsi biciwe kuri Paruwasi gatorika ya Shangi, Cyangugu**

Kuri Paruwasi ya Shangi, mbere ya Jenoside hari muri Komini ya Gafunzo muri Segiteri ya Shangi, ubu akaba ari mu Karere ka Nyamasheke mu Murenge wa Shangi. Muri Gafunzo ivangura n'itoteza ryatangiye kera, rigenda rikura, guhera muri 1990 urugamba rwo kubohora u Rwanda rutangiye. Icyo gihe MRND na MDR byahise byishyira hamwe bitoteza Abatutsi. Muri Komini ya Gafunzo mu 1992 Abatutsi bari barize bari mu kazi ka Leta batangiye kwirukanwa mu mirimo, abari mu bwarimu nabo barirukanwa. Ikindi ni uko umuhutu wari warashatse Umututsikazi yahise asabwa kumwirukana mu rwego rwo kugirango bitandukanye burundu. Konseye Bacamurwango Anicet yatanze urugero yirukana umugore we ngo kuko yari Umututsikazi.

Mu 1993 hatangiye gutozwa interahamwe hirya no hino, iza Gafunzo zatorezwaga mu Ruganda rw'icyayi rwa Shagasha, uwari umuyobozi w'uruganda icyo gihe Nsabimana Callixte ukomoka ku Gisenyi yavugaga ku mugaragaro ko yanga Abatutsi. Niwe wagize uruhare mu itozwa ry'interahamwe mu ruganda rwa Shagasha afatanyije na Perefe Bagambiki Emmanuel, Superefe Gerard Terebura, SuPerefe Theodore Munyangabe na Liyetona Samuel Imanishimwe.

Guhera kuwa 08/04/1994 Interahamwe zatangiye kuvuza induru ku misozi zinaririmba ngo "tubatsembatsembe". Abatutsi batangiye guhunga baza kuri Paruwasi ya Shangi. Mu batangiye kuririmba no kuvuza induru harimo Abahutu bo mu miryango y'abitwa "Abanyumu", hatangira gushyirwaho amabariyeri hirya no hino. Ahahise hashyirwaho bariyeri ni nko kwa mwarimu Bonaventure wari utuye munsi ya Paruwasi ya Shangi.

Kuva tariki 12 na 13/04/1994 Abatutsi bari bahahungiye batangiye guterwa n'interahamwe n'abahutu baho bahaturiye baje kwica no gusahura, ariko Abatutsi bagerageza kwirwanaho barabanesha.

Kuwa 14/04/1994, haje igitero cya gatatu cyari gifite imbaraga kiyobowe n'interahamwe yitwa Pima. Mbere yo kujya kwica Abatutsi bari bahungiye kuri Paruwasi ya Shangi, babanje guca kuri Komini Gafunzo gufata imbunda ndetse na za gerenade zo kwicisha Abatutsi. Burugumesitiri Karorero Charles yategetse burigadiye wa Komini kuzibaha. Interahamwe zakoresheje imbunda na za gerenade mu kwica Abatutsi. Iki gitero cyitiriwe PIMA cyaje giturutse i Nyamirundi.

Interahamwe zabanje gufunga amazi kugirango impunzi zari ziri kuri Paruwasi ya Shangi zizicwe n'inzara n'inyota. Abagerageje kujya ku kiyaga cya Kivu kiri hepfo ya kiriziya bahise bicwa batarahagera.

Kuwa 18/04/1994 haje intumwa zari zivuye kuri Perefegitura ziyobowe na suPerefe Munyengabe Theodore bakoresha inama ba Konseye abasaba gukora urutonde rw'Abatutsi bose bavuye iwabo bahunze n'aho bahungiye.

Nyuma y'aho Padiri Mategeko Aimé na Superefe Munyangabe n'abakozi bari aba Komini barazaga bakarobanuramo abagabo n'abasore bagifite ingufu n'abize bakajya kubica. Babeshye Abatutsi ko abo bahamagaye ari abari bafite intwaro (Imbunda, gerenade, imishyito) n'ibindi bikoresho byo kwicisha abahutu basanze mu mazu yabo kandi ko bagomba kujya kwisobanura ku rukiko i Kamembe. Abo bajyanye ntawagarutse.

Kuwa 27/04/1994 nka 10h00' haje ikindi gitero cy'interahamwe za Shangi na Nyabitekeri, barwana nacyo barakinesha gisubirayo. Kuwa 29/04 haje igitero gikomeye cyane cy'interahamwe za Yussuf Munyakazi zivuye mu Bugarama, zipakiye mu modoka atatu, baje bitwaje imipanga, ubuhiri, imbunda na za grenades. Abaharokokeye bavuga ko Interahamwe zinjiye ziririmba ngo "isi n'ibiyirimo byose ni iby'Abahutu", batangira gutemagura no guteramo gerenade. Uwo munsi bashoje kwica nka 19h30' kuko bwari bwije, bafata bakobwa batari bapfuye babatwara iwabo, bakorerwa ibya mfura mbi.

Kuwa 30/04/1994 nibwo interahamwe zaje zica abari bakomeretse, nyuma yaho bahagarika abantu barimo bajya mu isoko baraza bakora umuganda wo gukura imirambo mu kiriziya bazijyana mu cyobo cyari cyariswe Croix Rouge (icyobo baviduriragamo umwanda wo mu bwiherero bwo mu kigo cy'ishuri ribanza cya Shangi) bajugunyamo ya mirambo. Icyobo cyuzuye bacukuye ibindi akaba ariho bajugunya imirambo yose mu rwego rwo kugira ngo kiliziya ise neza bazabone n'uko bazajya barusengeramo.

Padiri Mategeko Aimé wabaye ruharwa muri jenoside i Shangi yahamijwe icyaha cya Jenoside akatirwa igifungo cyo gufungwa burundu akaba afungiye muri gereza ya Nyanza.

**Abatutsi biciwe kuri Sitade Kamarampaka, Rusizi**

Stade Kamarampaka yari yubatse impande y'Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, ikigo cya gisirikari na jandarumori, ibiro bya prefecture ya Cyangugu, Gereza ya Cyangugu, Diyoseze ya Cyangugu, na Centre y'ubucuruzi ya Kamembe. Yari yegereye n'umupaka wa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo.

Ibi bikaba biri mu byatumye Abatutsi benshi bahungira muri iyi sitade kuko babonaga bakikijwe n'inzego z'ubutegetsi zizabarengera.

Iyi stade Abatutsi ba mbere bayihungiyemo kuwa 09 Mata1994 bazanye n'amatungo yabo kuko abahutu bari batangiye kubatwikira.

Kuwa 19 Mata 1994 nibwo haje igitero cy'Abasirikare cyari kiyobowe na Perefe Bagambiki Emmanuel wari Perefe wa Cyangugu. Baje bafite urutonde rw'abagabo b'Abatutsi bashakaga kubanza gutwara, higanjemo abize cyangwa bafite amikoro. Abandi ni abagabo bari bafite imbaraga ku buryo bari kubasha kwirwanaho.

Padiri Laurent Ntimugura yaraje arabashinyagurira, bamusabye kubatabariza, arababwira ngo *"Ubwo murahaze, abandi bafite intimba y'uko babuze Umubyeyi wabo none namwe mbazaniye ibiryo mukambwira ubusa?"* Nyamara mugenzi we padiri Oscar Nkundayezu yahumurije impunzi z'Abatutsi azizanira ibyo kurya, atanga na Penetensiya kubayifuza. Padiri Laurent Ntimugura yakatiwe igifungo cy'imyaka 20 arakirangiza, ubu aba kwa musenyeri i Cyangugu.

Abatutsi bari bahungiye muri sitade Kamarampaka bamerewe nabi cyane kuko nta mazi yari ahari, nta biryo, nta bwiherero bafite, hari hateyemo indwara ya macinya kubera umwanda, indembe zari zimaze kwiyongera.

Kuwa 26/04/1994 hagarutse igitero cy'abasirikare cyari kiyobowe na Lt Imanishimwe Samuel gitwara abagabo b'Abatutsi bajya kwicwa. Perefe Bagambiki yafashe icyemezo ko Abatutsi bari muri sitade badakwiye guhabwa amahirwe yo guhungira hanze (muri Congo) afata icyemezo cyo kubajyana i Nyarushishi kure y'umupaka kugira ngo hatagira abacika bakajya muri Zayire.

Kuwa 28 Mata 1994 hagarutse ikindi gitero cy'abasirikare gitwara abandi batutsi kibajyana kubica. Impunzi zakoze inama zemeranywa guhungira muri Zayire. Nka saa cyenda za mu gitondo bose barasohotse berekeza iya Zayire ariko abasirikare bari babarinze barabatangatanga, basanze Bagambiki n'abasirikare n'interahamwe zabateze, abategeka gusubira inyuma. Igihe bari bakase basubira inyuma nibwo batangiye kwicwa barashwe, abandi interahamwe zibatemagura, zibakubita amahiri na za gerenade. Abatarapfuye bajyanywe i Nyarushishi.

Imanishimwe Samuel yahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, ahanishwa igifungo cy'imyaka 12.

## 2.24. KUWA 30 MATA 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA GISENYI, CYANGUGU, BUTARE NA KIGALI NGARI

**Abatutsi biciwe mu Mujyi wa Gisenyi, Rubavu**

Urwibutso rwa Gisenyi ruherereye aho bise “Commune Rouge” igihe cya Jenoside, mu Mudugudu wa Ruriba, Akagari ka Rubavu, Umurenge wa Gisenyi mu Karere ka Rubavu. Aho uru rwibutso rwubatswe hari irimbi kuva kera ryashyingurwagamo abantu bitabye Imana muri ako gace. Kwanga Abatutsi muri aka karere k‘u Rwanda byatangiye kera, cyane cyane bitewe n’uko Perezida Habyarimana ari ho yakomokaga, hamwe n’abandi banyapolitiki n’abasirikare bakomeye bo mu “Kazu” bari ku isonga rya politiki y’urwango mu Rwanda. Ubwicanyi bwabanjirijwe igihe kirekire n’imvugo mbi, ibitutsi, urwango n’ibindi byose byaganishaga ku kurimbura Abatutsi, byose byasohokaga mu kinyamakuru Kangura. Umwanditsi mukuru wa Kangura, Hassan Ngeze akomoka mu Kagari ka Nyakabungo, Umurenge wa Gisenyi, mu Karere ka Rubavu, akaba ari no mu ntagondwa za ruharwa.

Guhera mu 1990, urugamba rwo kwibohora rutangiye Abatutsi bo mu yahoze ari Komine Mutura na Rwerere mu Bigogwe, abo muri Komine Kayove, Nyamyumba ndetse n’abo muri Komine Kibirira ubu habaye mu karere ka Ngorero bagiye bicwa bitwa ibyitso by’inkotanyi, imirambo yabo ikaza kujugunywa mu byobo byari byaracukuwe mu irimbi rya Gisenyi mu rwego rwo gusibanganya ibimenyetso. Hari kandi n’abagiye bicirwa muri Gereza ya Gisenyi bakicwa mu ibanga rikomeye bakaza kujugunywa muri ibyo byobo.

Mu gihe cya Jenoside, mu mujyi wa Gisenyi hishwe Abatutsi benshi, abenshi biciwe mu ngo iwabo, abandi bajyanwa kwicirwa ku byobo byari byacukuwe mu irimbi rya Gisenyi.Mu byihutishije Jenoside ku Gisenyi harimo uruhare rukomeye rwa Colonel Nsengiyumva Anatole wayoboraga ikigo cya gisirikari cya Gisenyi. Anatole Nsengiyumva akomoka muri Komini Satinsyi muri Perefegitura ya Gisenyi.

Guhera muri 1990, Colonel Anatole Nsengiyumva hamwe na Colonel Theoneste Bagosora, Aloys Ntabakuze, Joseph Nzirorera bacuze umugambi wo gutsemba Abatutsi muri Perefegitura ya Gisenyi, batangiye kubiba urwango, gutera impagarara, gutoza interahamwe, gutanga imbunda, gukora amalisiti, no kwica

Abatutsi bo mu ma komini ya Gisenyi na Ruhengeri. Ku Gisenyi, Anatole Nsengiyumva, Bagosora, Ntabakuze na Nzirorera baremye umutwe w'abicanyi wari ugizwe na: Omar Serushago, Bernard Munyagishari, Mabuye, Barnabé Samvura, na Thomas Mugiraneza.

Mu ijoro ry'uwa 6/4 rishyira uwa 7/4/1994, Colonel Nsengiyumva Anatole yakoresheje inama itegura ubwicanyi, ibera mu kigo cya gisirikari cya Gisenyi, yitabirwa n'abasirikari bo mu kigo cya gisirikari cya Gisenyi na Jandarumori, n'abakuru b'Interahamwe na CDR. Colonel Nsengiyumva yabategetse guha imbunda Interahamwe, no gushyiraho bariyeri hose muri Gisenyi.

Tariki ya 7/4/1994, habaye indi nama ahari isoko rya Gisenyi, Anatole Nsengiyumva ategeka Interahamwe gutangira kwica Abatutsi, bakagenda inzu ku yindi. Itangazo rya Ministeri y'ingabo ryari ryategetse abaturage kuguma mu rugo, ntawashoboraga gusohoka, keretse abasirikari n'Interahamwe bagendagendaga hose mu ngo zica abantu. Colonel Nsengiyumva Anatole yategetse ko ku mipaka ihuza u Rwanda na Zayire hashyirwa bariyeri zikomeye kugira ngo hatagira abahunga.

Ubwicanyi bwayobowe na Colonel Anatole Nsengiyumva ubwe, hamwe na Major François Uwimana, sous-lieutenant Fidèle Udahemuka, sous-lieutenant Abel Rwasa n'Interahamwe zari ziyobowe na Bernard Munyagishari, Omar Serushago, Konseye Faziri, na Konseye wa Byahi. Col Anatole Nsengiyumva yazengurutse umujyi wa Gisenyi mu modoka agenzura uko ubwicanyi bwakorwaga, abaza Interahamwe kuri bariyeri uko « akazi kakorwaga » uko bicaga Abatutsi. Major Uwimana François Xavier yanyuraga mu nsisiro zose zituwe (Quartiers) na we akurikirana uko Abatutsi bicwaga.

Abatutsi bishwe mbere ni abari batuye hafi y'ikigo cya gisirikari n'ibitaro bya Gisenyi. Imirambo yari inyanyagiye hose, imodoka zagendaga zitunda abishwe, bakajya kubajugunya mu byobo byacukuwe kuri « Commune Rouge ».

Igitero kiyobowe na Omar Serushago na Bernard Munyagishari na Thomas Mugiraneza cyateye ikigo cy'abihayimana cya Saint Pierre tariki ya 20/4/1994. Abari bahahungiye, harimo na Félicité Niyitegeka bajyanwe kwicirwa kuri "Commune Rouge". Abatutsi bari bihishe mu ishuri rya St Fidèle barishwe hamwe n'abandi bari muri Rwandex bishwe bihagarakiwe na Habimana Jean Pierre (bitaga Mustafa) wahungiye mu Bubiligi.

Ku itariki ya 30/04/1994 ni bwo Imodoka yaciye mu mujyi wa Gisenyi irimo ibyuma birangurura amajwi bishishikariza abihishe ngo bave mu bwihisho amahoro yabonetse, nta mututsi uzongera kwicwa. Abavuye mu bwihisho bose barabashoreye babicira kuri “Commune rouge”.

Abagize uruhare mu kwica Abatutsi muri Gisenyi, ku isonga hari Colonel Anatole Nsengiyumva, Major François Uwimana, sous-lieutenant Fidèle Udahemuka, sous-lieutenant Abel Rwasa, Yozefu Habiyambere, Perefe Dr. Zirimwabagabo Charles, ba suPerefe Rukabukira na Bikumbi, Hassan Ngeze, Barnabé Samvura, Bernard Munyagishari, Omar Serushago, Konseye Faziri, na Konseye wa Byahi, bafatanyije n’abaturage b’abicanyi barimo interahamwe ikomeye yitwa Habimana Jean Pierre (Mustafa).

Colonel Anatole Nsengiyumva yahamijwe icyaha cya Jenoside n’Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, akatirwa igihano cy’igifungo cya burundu, cyaje kugabanwa gishyirwa ku myaka 15 mu bujurire.

Omar Serushago yahamijwe icyaha cya Jenoside n’Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, yemeye ko yakoze Jenoside akatirwa igihano cy’igifungo cy’imyaka 15.

Bernard Munyagishari, yoherejwe mu Rwanda, n’Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, naho inkiko zo mu Rwanda zamuhamije icyaha cya Jenoside zimukatira igihano cy’igifungo cya burundu.

Mu 2003, Hassan Ngeze yakatiwe n’Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda gufungwa burundu nyuma yo guhamwa n’icyaha cya Jenoside n’ibindi byaha byibasira inyoko muntu, mu 2007 icyo igihano cyaragabanijwe, ahanishwa igifungo cy’imyaka 35. Kuba ibihano byaragabanukaga mw’ijurira, byaterwaga n’ugukora nabi kwa TPIR mu gihe ruyoborwa n’umucamanza Theodor Meron.

**Abatutsi biciwe kuri Paruwasi ya Mibirizi, Cyangugu**

Ku itariki ya 7/4/1994, imodoka za jandarumori zatangiye gucicikana i Mibilizi mu gitondo, zirimo abajandarume benshi zikaza nta mpamvu igaragara zigasubirayo ubona ziri mu gutera ubwoba ngo abantu bagume mu ngo zabo. Abakonseye bahise bashyiraho itegeko ry’uko nta muntu wemerewe kuva mu rugo kugira ngo hatagira abashaka guhungira hanze y’u Rwanda. Nk’uko byagendaga mu bundi bugome bwakorewe Abatutsi mu myaka ya 1963, 1973, Abatutsi b’ i Mibilizi bahungiye kuri Paruwasi ya Mibilizi bibwira ko bazaharokokera.

Ku itariki ya 08/04/1994 kugeza ku ya 10/04/1994, Abatutsi benshi bageze kuri Paruwasi ya Mibilizi bazanye n'inka zabo bageraga ku mubare w'ibihumbi umunani (8.000. Ku itariki ya 10/04/1994, Abahutu benshi bari bayobowe n'uwahoze ari umusirikare mu barinda umukuru w'igihugu (Garde presidentielle) wari warakivuyemo witwaga Dominiko bagabye igitero gisa no gutata ngo babone imbaraga Abatutsi bafite n'umubare wabo. Abatutsi birwanyeho bakoresheje amabuye n'izindi ntwaro za gakondo bashoboraga kubona batsimbura icyo gitero.

Ku itariki ya 12/04/1994, ahagana mu masaha ya saa yine za mugitondo, igitero kindi na none kiyobowe na Dominiko aherekejwe n'Abahutu benshi bahagurukiye ahitwa ku Ngoro hafi ya Paruwasi berekeza kuri Paruwasi ya Mibilizi. Bari bitwaje intwaro zirimo amacumu, imiheto, Dominiko we afite gerenade. Abatutsi birwanyeho bakoresheje cyane cyane amabuye bashobora gutsinda cya gitero. Muri icyo gitero uwari ukiyoboye Dominiko abonye batangiye gutsindwa atera gerenade zakomerekeje benshi mu mpunzi barimo uwitwa Dushimimana Concorde waje kwitaba Imana, zikomeretsa n'abandi benshi.

Ku itariki ya 14/04/1994 ahagana saa cyenda, Abahutu benshi barongeye barisuganya batera impunzi kuri Paruwasi ya Mibilizi. Iki gitero na cyo cyaje gifite imbaraga kurusha ibyabanje. Abicanyi bari baturutse hafi ya Paruwasi ahitwa ku Ngoro, abandi baturutse Runyanzovu, Munyinya, Muhanga, Cyato n'ahandi. Na none, Abatutsi bagerageje kwirwanaho uko bashoboye batsimbura iki gitero. Umwicanyi ruharwa wari waramaze abantu witwa Kayibanda ukomoka ahitwa mu Kaboza abonye bagiye gutsindwa yateye gerenade. Imwe yahise yica uwitwaga Nsabimana Dominique wacuruzaga ku Ngoro n'abandi bari bamukikije ku murongo w'imbere. Abicanyi baratsinzwe na none bakwira imishwaro.

Itariki ya 18/04/1994 ni umunsi utazigera wibagirana mu mateka y'Abatutsi bari bahungiye i Mibilizi. Kuri uwo munsi habayeho ibitero bitatu bikomeye byahitanye ibihumbi by'Abatutsi i Mibilizi. Ahagana saa yine, Abicanyi barateye barwana n'Abatutsi ariko na none baratsindwa ariko basiga bishemo umubare muto w'Abatutsi. Basubiye ku Ngoro kwisuganya no gufata amabwiriza mashya. Ahagana saa munani, abicanyi barongeye batera kuri Paruwasi, ari benshi cyane babarirwa mu bihumbi. Bateye gerenade zica Abatutsi benshi ariko na none baratsindwa basubira inyuma.

Ahagana saa cyenda, uwari SuPerefe Théodore Munyangabe yageze i Mibilizi ari kumwe n'abandi bantu yari ayoboye. Yahise asaba Abatutsi gusubira mu gipangu kwa Padiri ngo kugira ngo habeho ibiganiro n'Abicanyi ngo kugira ngo haze kuboneka umuti watuma imirwano ihagarara. Abatutsi ntibamenye ko ari umutego

abateze. Mu gihe bisuganyaga binjira mu gikari kwa Padiri ahari bubere inama, abicanyi ibihumbi bahise bagota impande zose, batera za gerenade, abandi bicisha inkota, amacumu bica uwo bahuye nawe wese. Abicanyi bamwe bafite imbunda bari buriye ibiti bikikije Paruwasi  ya Mibilizi kugira ngo bashobore kurasa neza bitegeye abo bashaka gutsemba. Iki gitero cyarimo imbunda nyinshi, gerenade nyinshi ku buryo kwirwanaho kw'Abatutsi kwarangiriye aho. Hishwe umubare munini w'Abatutsi, bagwa ahantu hatandukanye.

Ku itariki ya 20/04/1994, abicanyi bakoranye n'abajandarume bitwaga ko bari barazanywe kurinda impunzi, Abatutsi bari basigaye bose barahamagawe bicazwa ku mbuga mu gikari kuri Paruwasi. Abicanyi bazana lisiti bahamagara amazina y'uwo bashaka wese. Kuri iyi tariki hahamagawe Abatutsi barenga 100 basanga abicanyi benshi babategereje n'inkota, amahiri, amacumu barabica imirambo yabo iraharara, abicanyi baza kuyishyingura umunsi ukurikiyeho. Mu batwawe uwo munsi harimo umudamu umwe wari umwarimukazi witwaga Angela. Kuri iyi tariki ya 20/04/1994, Abicanyi bamaze kwica urubozo abo batoranyije bakomereje ku bitaro bya Mibilizi bajya kwica abaganga b'Abatutsi bari bakiri mu kazi, bica n'Abatutsi bari barwariyeyo.

Ku itariki ya 30/04/1994, ni bwo Abatutsi bake bari barabashije kurokoka bishwe. Umukuru w'abicanyi Youssufu Munyakazi yari avuye ari kumwe n'Interahamwe ze gutanga ubufasha mu kwica Abatutsi biciwe i Shangi, ageze mu nzira ataha mu Bugarama ahitamo guca i Mibilizi ngo akukumbe abari bahasigaye. Yazanye n'Interahamwe mu modoka za Daihatsu bahagera mu masaha ya saa kumi n'imwe bica Abatutsi bagera kuri 60 bakoresheje inkota, imirambo ziyinyanyagiza imbere ya Paruwasi.

Ku itariki ya 25/05/1994, Abatutsi babarirwa muri 500 bari basigaye biganjemo abasaza n'abakecuru n'inkomere bapakiwe amabisi abavana i Mibilizi abajyana ahitwa i Nyarushishi.

Bamwe mu Bicanyi Ruharwa bahekuye Mibilizi:

Bandetse Edouard ni we wari umuyobozi mukuru w'ibitero, yari asanzwe ari umucuruzi i Kamembe ariko yari asigaye akorera i Mibilizi. Yatangaga amabwiriza, yari afite intwaro, muri bar ye ni ho inama zakorerwaga. Yangaga Abatutsi cyane; SuPerefe Munyangabe Théodore; Dominique wahoze ari mu basirikare barindaga umukuru w'igihugu, yari yaravuye mu gisirikare ariko agifite ibikoresho bye; Somayire Célestin, yari umuntu ukomeye mu nterahamwe akaba yari umwarimu i Mibilizi yangaga Abatutsi cyane; Munyoni Vianney wari

umupolisi, yarashe Abatutsi benshi mu gitero cyo ku itariki ya 18/04/1994; Rwabukera Fabien, wari Interahamwe yabaga i Kigali ariko ivuka i Mibilizi; Kayibanda (Interahamwe ruharwa) yicishije Abatutsi gerenade mu bitero binyuranye; Konseye Ndagijimana Pacome wa Segiteri Mibilizi, yateguraga ibitero akaza no mu nama zashinjaga Abatutsi ibinyoma byo guteza umutekano muke; Konseye Gakwaya Vianney wa Segiteri Cyato nawe yayoboraga ibitero; Abajandarume bari bari kuri Paruwasi ya Mibilizi, imbunda bari bafite zo kurinda Abatutsi ziri mu zakoreshejwe barasa Abatutsi amagana mu gitero cyo ku itariki ya 18/04/1994; Somayire Richard yari umwarimu kuri APEMI; Gerard Ndagijimana, yakoraga mu bitaro bya Mibilizi yari afite ijambo rikomeye mu bicanyi; Rukeratabaro Théodore wakomokaga ku Winteko yayoboraga ibitero bije gushakisha Abatutsi bahakomoka bari barahungiye i Mibilizi, bahize cyane uwitwa Senuma bamaze kumwica batwara inkweto ze ngo bajye kwereka ab'iwabo ko bamwishe. Rukeratabaro yakatiwe igihano cy'igifungo cya burundu n'urukiko rwo mu Gihugu cya Suède.

**Abatutsi biciwe kuri Paruwasi gatorika ya Ngoma, Huye**

Ku itariki ya 30/04/1994 hishwe Abatutsi benshi bari barahungiye kuri Paruwasi ya Ngoma, iherereye mu Murenge wa Ngoma, mu Karere ka Huye. Ubwicanyi butangiye, Abatutsi bari batuye mu Matyazo na Ngoma bagiye barokoka ubwicanyi bwahabereye bahungiraga kuri Paruwasi ya Ngoma. Harimo abana benshi, urubyiruko n'abakuru nyuma y'igitero cy'abasirikari n'Interahamwe cyari cyahagabwe n'abasirikare b'ikigo cya Ngoma bayobowe na Lieutenant Ildephone Hategekimana, abajandarume n'Interahamwe. Bigeze ku itariki ya 29/4/1994, Interahamwe n'abasirikare babaga kuri bariyeri yo kuri ELECTROGAZ bateye kuri Paruwasi. Abasirikare barinjiye bareba uko impunzi zingana, bababeshya ko baje kubacungira umutekano.

Ku itariki ya 30/04/1994, nko mu masaha ya saa tatu za mu gitondo, ni bwo igitero kinini cyageze kuri Paruwasi ya Ngoma kiyobowe na Lt Hategekimana Ildephonse na S/Lt Niyonteze Fabien biroha mu muryango wa Kiriziya, batangira kwica Abatutsi. Hari n'abo basohoye hanze y'igipangu babicirayo. Habaye ubwicanyi ndengakamere, nko gufata umwana bakanaganika bagakubita hasi mu muhanda ugana mu matyazo, abandi bakamuhurizaho impiri n'imipanga. Hari n'abana b'abakobwa bafashwe ku ngufu mbere yo kwicwa.

Ku isonga ry'ubwicanyi hari Lt Hategekimana Ildephonse waburanishijwe n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda agakatirwa igihano cy'igifungo cya burundu, Gatera, Murekezi Fils, Vianney wakomakaga ku

Kibuye yacururizaga ku rya kane (ibarabara rya kane), Abdoulah wo mu Giswayire, abasirikare benshi, Toni, bene Kiburugutu, Komanda wo ku Kibuga cy'indege, Konseye wa Segiteri Ngoma Habimana Jacques, n'izindi Nterahamwe. Mu byaha Hategekimana yahamijwe harimo kwica Salom Mujawayezu na babyara be Alice Mukarwesa na Jacqueline Mukaburasa, gusambaya ku ngufu Nura Sezirahiga n'ubwicanyi bwakorewe kuri Paruwasi ya Ngoma no ku kigo gikuru cy'Abenebikira.

**Abatutsi biciwe mu kigo gikuru cy'Abenebikira ku i Taba, Butare**

Kuva ku wa 14/4/1994, muri iki kigo cy'Abenebikira kiri i Butare ahitwa ku i Taba hatangiye guhungira abantu barimo abana bamwe bafitanye isano n'ababikira bahababaga. Ubwo Prof Karenzi wigishaga muri Kaminuza y'u Rwanda (UNR) yari amaze kwicwa ku wa 21/4/1994, bwakeye abana be hamwe n'abandi bari iwe bahungira muri icyo kigo. Aba bana bakurikiranwe cyane na Ntezimana Vincent wigishanyaga na Karenzi muri Kaminuza y'u Rwanda ndetse na Col Tharcisse Muvunyi. Mbere y'uko Prof Karenzi yicwa, Ntezimana Vincent n'abandi bateguye Jenoside muri Kaminuza y'u Rwanda bari barasabye abarimu b'abatutsi gutanga urutonde rw'abantu bafite mu rugo ngo kugira ngo bazashobore kubahungisha.

Ku itariki ya 30/4/1994, igitero kiyobowe na Kapiteni Nizeyimana Idephonse wo mu Ishuri ry'abasirikari bato (ESO), harimo Lt Hategekimana Ildephonse wayoboraga ikigo cya gisirikari cya Ngoma, Lt Ndayambaje na Lt Ngendahimana, n'izindi Nterahamwe cyagabwe ku Batutsi bari bahungiye mu kigo cy'Abenebikira ku i Taba mu mujyi wa Butare.

Lt Hategekimana Ildephonse yabanje gutoranya abagomba kwicwa, arabatwara ajya kubicira ku Kabutare no mu Rwunge rw'Amashuri rwa Butare (Groupe Scolaire Officiel). Abateye bari bitwaje imbunda, intwaro za gakondo harimo impiri n'imihoro, n'amajerekani arimo peteroli.

Ku isonga ry'ubwicanyi hari Kapiteni Nizeyimana Ildephonse, Lt Hategekimana Ildephonse, Lt Ndayambaje na Lt Ngendahimana, na Ntezimana Vincent n'izindi nterahamwe. Ntezimana Vincent yahamijwe icyaha cya Jenoside n'inkiko zo mu gihugu cy'Ububiligi ahanishwa igihano cy'igifungo cy'imyaka 12. Kapiteni Ildephonse Nizeyimana na Lt Hategekimana Ildephonse bahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda. Kapiteni Nizeyimana Ildephonse yakatiwe igifungo cy'imyaka 25 naho Lt Hategekimana ahanishwa igifungo cya burundu.

**Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi mu rufunzo i Ntarama mu Bugesera**

Guhera ku matariki ya 22 Mata 1994, Abatutsi bari barokotse ku misozi, mu masaka, mu kiliziya n'abavaga ahandi mu Bugesera batangiye kwinjira mu rufunzo kuko ari ho honyine babonaga hasigaye ubwihisho. Nyamara abicanyi, bifashishije indege yazaga kureba aho Abatutsi benshi bari, baje kumenya ko muri urwo rufunzo harimo Abatutsi benshi maze bategura neza umugambi wo kubatsemba. Mbere bagendaga batera ibitero bakica bakeya kuko babanje gutinya kwinjira kure muri urwo rufunzo rw'inzitane ku buryo umuntu atabashaga no kubona uwo bihishanye.

Ku itariki ya 30 Mata 1994, Abatutsi benshi biciwe mu rufunzo babatije CND rugabanya Ntarama, Rurindo na Mugina ya Gitarama. Interahamwe n'abasirikare bavuye impande zitandukanye (ikigo cya gisirikare cya Gako, Ngenda na Gashora, abavuye muri Komini za Gicumbi, Gikomero, Mbogo, Nyamabuye n’ibindi bice byari muri Gitarama, Mugina n’ahandi, impunzi zavuye ku Ruhuha n'izavuye Nyacyonga zaje muri bus za ONATRACOM ari benshi cyane, bavuza induru n'amafirimbi, bigabanyamo ibitero byinshi maze bagota urwo rufunzo. Hari n’abaturutse mu masegiteri ya Kanzenze yari akikije urufunzo ya Rulindo na Musenyi, abandi ku ruhande rwa Ntarama maze baraza bica abatutsi bari mu rufunzo kuva nka saa yine z’amanywa kugera saa kumi z'umugoroba, bacyurwa n'uko bavugaga ko hari abataha kure bafite urugendo rurerure rw'amasaha menshi.

Abasirikare bararasaga bakanatera ibisasu mu rufunzo maze Interahamwe zitwaje imihoro, amacumu, ibisongo, ubuhiri burimo imisumari bitaga “Nta mpongano y’umwanzi”, inkota n’izindi ntwaro gakondo bakica Abatutsi, dore ko nta wahungaga, kuko batabashaga kwiruka mu rufunzo. Abasirikare n'Interahamwe babanzaga no gusaka abo bishe ngo babacuze ibyo bambaye cyangwa barebe ko nta mafaranga bafite kandi bageraga ku bakobwa bakabanza kubakorera ibya mfura mbi babashyize ahumutse gato cyangwa aho barunze ibifunzo batemye, barangiza bakabatera ibisongo mu myanya ndangagitsina cyangwa bakababakubitamo imihoro babashinyagurira bakabasiga bambaye ubusa.

Ibyo bitero byo mu rufunzo byabaga biyobowe n’umuyobozi w’Ikigo cya gisirikare cya Gako, Colonel Pheneas Munyarugarama, uwahoze ari superefe wa superefegitura Kanazi Gasana Djuma, Gatanazi Bernard wari burugumesitiri wa Komini Kanzenze, Karerangabo Vincent wari umugenzuzi w’amashuri, Nsabyumuganwa wahoze ari umuyobozi w’amashuri abanza ya Cyugaro, Bizimana wahoze ari umuyobozi w’amashuri abanza ya Nyamata, Pasiteri Uwinkindi Jean, Gasharankwanzi Sylvèstre, umusirikare witwaga Sebugingo, Bizimungu wari umupolisi n’abandi.

## 2.25. KUWA 01 GICURASI 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA BUTARE NA GISENYI

**Abatutsi biciwe ku musozi wa Karama, Nyanza**

Uwo musozi wari uherereye mu cyahoze ari Perefegitura ya Butare, Komini Ntyazo, Segiteri ya Karama, ukaba warakoraga ku maselire ya Kankima na Karuyumbu, ubu ni mu Karere ka Nyanza, Umurenge wa Ntyazo, Akagali ka Cyotamakara.

Ku wa 18/04/1994, mu gihe Abatutsi bari bagiye ku marondo basanze abari batuye muri Serire ya Kankima, muri Segiteri ya Karama bagiye muri Segiteri ya Gatonde, na ho muri Serire ya Karuyumbu bagiye muri Segiteri ya Gisasa na Ruyenzi ngo byari bimeze nko kubagambanira no kujya gutegura ibitero byo gutera Karama kuko yari ituwe n'Abatutsi benshi cyane n'impunzi nyinshi z'Abatutsi bari baturutse mu bice bitandukanye barimo n'abari baje mu miryango yabo. Abatutsi bari bagiye ku marondo basubiye mu ngo zabo basanze imiryango yabo yahungiye ku musozi wa Karama kubera ubwoba, bituma na bo babasanga muri iryo joro.

Mbere y'uko bahunga, hari haratangiye gukorwa inama nyinshi zo gutegura ubwicanyi zabereye kuri Komini ya Ntyazo n'i Migina i Nyamure. Bahunze kandi kubera ko mbere yo ku wa 18/04/1994, hari Abatutsi bari batangiye gutwikirwa no kwicwa muri Segiteri zahanaga imbibi na Karama nka Segiteri Gatonde na Gisasa.

Ku wa 18/04/1994, hari benshi bashakaga guhungira mu gihugu cy'Uburundi banyuze i Kibilizi bagana ku cyambu cya Mpanda ku mugezi w'Akanyaru, ariko bageze i Kibilizi basubijwe inyuma ku gahato na Hitimana Ephron wari Konseye wa Segiteri ya Kibilizi afatanyije n'Interahamwe ndetse abenshi babambuye ibyo bari bitwaje. Abatutsi benshi bakomeje kuhahungira ku mataliki ya 19, 20 na 21 Mata 1994 bari baturutse muri Komini ya Ntyazo muri Segiteri 13 zose cyane cyane muri Segiteri za Karama, Cyimvuzo na Gatonde.

Abandi bahahungiye bavuye kandi muri Komini Muyira, Rusatira, Ruhashya, Maraba na Nyabisindu muri Peregitura ya Butare na Komini Kigoma na Ntongwe zo muri Perefegitura ya Gitarama n'ahandi. Abagore, abana n'abantu bakuze (abakecuru n'abasaza) bashyirwaga mu mazu y'Abatutsi bari batuye munsi

y’umusozi wa Karama ariko amazu yari makeya cyane ugereranyije n’umubare w’abari bayakeneye.

Ku wa 20/04/1994, haje igitero gikomeye cyari kigizwe n’abajandarume bari bavuye i Nyanza bitwaje imbunda, genenade n’ibindi bikoresho bya gisirikare. Bari bayobowe na Ajida shefu (adjudant chef) Hategekimana Philippe alias Biguma wari wungirije umuyobozi wa jandarumori. Baje mu modoka ya Daihatsu y’uwitwa Rutayisire (irindi zina rye) wari wiciwe i Nyanza bigabiza imodoka ye. Bazanye n’interahamwe z’i Karama na Gatonde zari zitwaje intwaro gakondo ariko Abatutsi barabatangiriye ntibagera neza ku musozi wa Karama. Abatutsi bagerageje kwirwanaho bakoresheje amabuye n’imiheto ndetse uwo munsi Abatutsi bishe interahamwe y’i Karama yitwa Karemera Fiston bakomeretsa n’abandi ndetse batwitse n’imodoka yabo bakoresheje ikibiriti irashya irakongoka. Igitero cyasubiye inyuma ariko bari bagiye kwisuganya kuko uwo munsi nyuma ya saa sita igitero cyaragarutse ari benshi cyane bitwaje intwaro za gisirikare n’iza gakondo ndetse baje kwica Abatutsi batatu barimo Bikinga Maurice, Gahamanyi Augustin na Ntakirutimana ndetse bakomerekeje cyane Rurangirwa Aimable waje gupfa bukeye.

Kuva ku itariki ya 21 kugeza ku ya 23 Mata 1994, ibitero byakomeje kuza ariko byabaga bigizwe n’interahamwe n’abaturage basanzwe bakoreshaga intwaro gakondo gusa. Abatutsi nabo bakomeje kwirwanaho bakabasubiza inyuma ntibababashe kugera neza ku musozi wa Karama. Ku itariki ya 24/04/1994, nta bitero byaje ariko uwo munsi abatutsi bari bahungiye ku musozi wa Karama bakoze igikorwa cy’ubutwari budasanzwe bajya gutabara abandi batutsi bicirwaga ku musozi wa Rwezamenyo wari mu minota hafi makumyabiri ugenze n’amaguru. Basanze abenshi bamaze kwicwa ariko kandi bafatanyije n’abo bahasanze kwirwanaho babasha gusubiza inyuma ibitero ndetse barokora benshi bahise bajyana i Karama barimo n’inkomere.

Kuva ku itariki ya 25 kugeza ku ya 29 Mata 1994, ibitero byakomeje kuza ariko byabaga bigizwe n’interahamwe n’abaturage basanzwe bakoreshaga intwaro gakondo gusa nta mbunda. Ibyo byatumaga Abatutsi bakomeza gusubiza inyuma ibyo bitero.

Ku itariki ya 30 Mata 1994, haje igitero gikomeye cyane cyahitanye abatutsi 12 ariko nabo birwanyeho cyane bicamo umugenzacyaha (OPJ) wa Komini Ntyazo witwaga Muganza Joseph akaba yari umuhungu wa Nzaramba Athanase wigeze kuba Burugumesitiri wa Komini Ntyazo akaba ari nawe wari Perezida wa MRND muri Komini muri icyo gihe. Ibyo bitero byari biyobowe na Ndahimana

Matayo ubwe wari ufite imbunda akaba ari na we waje kuba Burugumesitri wa Komini Ntyazo asimbuye Nyagasaza Narcissse wishwe muri Jenoside ku wa 23/04/1994 kubera ko yarengeraga Abatutsi.

Ndahimana Matayo ni we wagiye guhuruza abapolisi n'abajandarume kuri Komini Ntyazo bakaba barajyanye kugaba ibitero ku batutsi. Bafatanyije n'uwari umuyobozi wa polisi muri komini witwa Munyaneza Viateur, umupolisi witwa Ngirabatware Godefroid, Gatera Adalbert wahoze ari umupolisi akaba ari na we wari Konseye wa Segiteri Bugari. Hari kandi Muganza Joseph wari umugenzacyaha (OPJ) wa komine akaba yarishwe n'abirwanagaho. Hari n'Interahamwe n'impunzi z'Abarundi zari mu nkambi ya Ngoma muri Segiteri ya Bugari.

Ku itariki ya 01 Gicurasi 1994, bagoswe n'igitero gikomeye cyari kigamije kubatsemba bose ndetse bafunze amayira yose yaganaga ku musozi wa Karama mu rwego rwo kubabuza guhunga. Abatutsi bwirwanyeho umwanya muto kubera ubwinshi bw'amasasu n'imbaraga z'abicanyi. Abicanyi barazamutse babakubira ku musozi batangira kubarasa, kubatera gerenade no kubicisha intwaro gakondo ndetse n'abageragezaga guhunga bicirwaga aho babategeye munsi y'umusozi. Babishe mu gihe cy'amasaha arenga ane bahagarikwa n'imvura. Nyuma yo kubica batwaye inka zabo n'andi matungo magufi, basahura n'ibindi bikoresho bitandukanye banababacuza imyenda.

Mu bicanyi harimo abajandarume benshi bari baturutse kuri suPerefegitura ya Nyabisindu bayobowe na Hategekimana Philippe alias Biguma wari Ajida shefu (adjudant chef) akaba yari yungirije umuyobozi wa jandarumori. By'umwihariko kuwa 23/04/1994 Ajida shefu Hategekimana Philippe ni we wagiye gufata Burugumesitiri wa komine Ntyazo Nyagasaza Narcisse mu gihe yashakaga guhungira i Burundi. Yamujyanye i Nyanza aba ari ho ubwe amwicira. Ajida shefu Hategekimana Philippe yahungiye mu Bufaransa ariko ubu yarafashwe akaba yaratangiye gukorwaho iperereza muri icyo gihugu.

Haje kandi abasirikare bari baturutse mu Ishuri ry'abasirikari bato (Ecole des Sous-Officiers- ESO) i Butare. Ibyo bitero byarimo kandi Ndahimana Matayo akaba ari we waje kuba Burugumesitri wa komine Ntyazo asimbuye Nyagasaza Narcissse wari umaze kwicwa muri Jenoside kubera ko yari umututsi. Ubusanzwe, Ndahimana Matayo yari umuyobozi w'ikigo nderabuzima cya Nyamure. Bafatanyije n'uwari umuyobozi wa polisi muri Komini Ntyazo witwa Munyaneza Viateur, umupolisi witwa Ngirabatware Godefroid ubu ufungiye muri gereza ya Nyanza i Mpanga, Gatera Adalbert wari konseye wa Segiteri Bugari wahoze ari umupolisi, Bizimana Nicodème wari konseye wa Segiteri Ntyazo, Ngendahimana

wari Konseye wa Gisasa, Nzaramba Athanase wigeze kuba Burugumesitiri wa Komine Ntyazo akaba ari na we wari Perezida wa MRND mu gihe cya Jenoside. Hari kandi n'Interahamwe nyinshi cyane n'impunzi z'Abarundi zari mu nkambi ya Ngoma muri Segiteri ya Bugari. Bamwe mu Nterahamwe harimo Twagiramungu Zachée wari umwarimu ku ishuri ribanza rya Nyamure, Erikani wari umwarimu ku ishuri ribanza rya Gisasa na Sinzinkayo Sosthène wari utuye ku Ruyenzi.

Nyuma yaho, kuwa 04/05/1994, ibitero byongeye kugaruka guhiga bakeya bari barokotse. Byari bigizwe n'abajandarume, abapolisi n'Interahamwe. Basanze Abatutsi bakeya bongeye kwiyegeranya ariko bongeye kubica bakoresheje imbunda n'intwaro gakondo.

Bakeya barokotse bahungiye mu ishyamba n'ibihuru byari hafi aho. Muri rusange, ku musozi wa Karama hiciwe abatutsi barenga ibihumbi mirongo itatu (30.000), imirambo yabo bayisize ku gasozi kubera ko yari myinshi cyane abandi babashyize mu miringoti.

**Abatutsi biciwe kuri kiriziya ya Nyundo no mu nkengero zayo, Rubavu**

Kuva mu mwaka wa 1990 kugeza mu kwezi kwa Mata 1994, Abatutsi bo mu gace ka Nyundo ntibongeye guhumeka, bamwe barafashwe bafungwa mu byitso. Mu 1991, Abatutsi bari batuye ahahoze ari muri Komine Kanama batangiye gutotezwa nyuma baza guhungira ku Iseminari nto ya Nyundo no mu kigo cy'Abafurere b'umuryango witwaga Frères de l'Instruction Chrétienne. Mu 1992 bakomeje kwiyongera, Musenyeri wa Diyosezi ya Nyundo Karibushi Wenceslas yakiriye abagogwe benshi arabacumbikira abamarana imyaka itatu kuko kugeza mu 1994 yari akibana na bo. Hagati aho ariko hari abari baratwikiwe amazu, abandi barasenyewe, inka zabo baraziriye. Bimaze guhosha basubiye ku matongo Musenyeri abafasha kongera kubaka.

Mu 1994, Jenoside yakorewe Abatutsi itangiye ku itariki ya 07 Mata, bamwe bahungiye mu Iseminari ntoya ya Nyundo babishe uwo munsi. Abaharokotse bahise basanga abandi kuri Diyosezi ku itariki ya 08/04 birirwa barwana n'interahamwe bakoresheje amabuye n'ibimene by'amategura.

Ku wa 09/04/1994 mu gitondo, Perefe w'agateganyo wa Perefegitura ya Gisenyi yaraje atwara abihaye Imana b'abanyamahanga bari bahari, amaze kubajyana ni bwo Col. Nsengiyumva Anatole yaje abaza abo batutsi ngo "*Ese ko mufite umujinya murashaka kurwana?*" Padiri Fabiyani aramubwira ati "*Ese Nyakubahwa twarwanisha iki urabona hari intwaro dufite*"? Ubwo ni bwo ibitero byahise biza byinjira mu Kiliziya, harimo abasirikare n'abajandarume bafite imbunda, za

gerenade n’intwaro gakondo bica Abatutsi bari mu Kiliziya n’abihayimana b’Abatutsi bari bahari barimo Padiri Aloys Nzaramba, Padiri Karekezi Ferdinand, Padiri Kalisa Callixte, Padiri Nzanana Adrien, Padiri Gakwandi Edouard na Padiri Kanyabusozo Clément.

Hari n’Ababikira barimo Mama Yuliana, Mama Giovani, Mama Vianney, Mama Laetitia, Mama Candida n’abandi. Abarokotse icyo gitero bagumye aho kuko batari kubona aho baca ngo bahungire ahandi kuko kuva mu 1991 bahaba ari impunzi babaga barinzwe n’abajandarume.

Ku itariki ya 01/05/1994, ni bwo na bo bishwe nyamara bari batangiye kugira icyizere cyo kubaho kuko Umuryango Utabara Imbabare (CICR) wari usigaye uza kubaganiriza ushaka n’uburyo bwo kuzabambutsa bakabajyana i Goma. Mbere y’uko ubu bwicanyi bwo ku itariki ya 01/Gicurasi 1994 bukorwa, habanje ubukangurambaga bwakozwe n’interahamwe zisaba abari bihishe hirya no hino mu bihuru, mu mazu n’ahandi ngo baze basange abandi ku Nyundo ku buryo bagiye bahajya buhoro buhoro bari bamaze kuba benshi. Hari n’abari baraje baturutse za Kivumu muri Nyamyumba n’ahandi.

Kuwa 27/04/1994 ni bwo  Umuryango Utabara Imbabare (CICR) wari wazanye ibyo kurya, abari barasigaye mu bwihisho bose na bo baza kubifata bibwira ko byarangiye. Igihe cyose abari barize bashakaga gusobanurira abo bazungu mu ndimi z’amahanga iby’akababaro kabo Perefe yahitaga abaka ijambo kuko yabaga yazanye na CICR.

Ku itariki ya 01/05/1994, nko mu masaha ya saa kumi z’umugoroba ni bwo igitero cyaje kirimo Interahamwe zari zivuye muri Nyabihu na za Kibirira zirimo abitwaga *“Abanyakiganda”* zuzuye imodoka za Daihatsu 2 zari iz’Uruganda rw’Icyayi rwa Nyabihu. Harimo kandi n’interahamwe z’aho hafi muri Muhira, Mahoko, Rubumbati n’ahandi. Ubwo bwicanyi bwakozwe mu rwego rwo gutanguranwa kugira ngo CICR itaza kubatwara batarabica.

Umuntu wa mbere warashwe muri uwo mugoroba ni umugabo w’umugogwe witwaga Serushyana bakundaga kwita Konseye wari umuyobozi w’izo mpunzi.

Muri uwo mugoroba hishwe nk’abantu bagera ku guhumbi (1000). Abarokotse ubwo bwicanyi ni abantu bari abasore bashoboye gusimbuka bakirukira mu bihuru mu nkengero za Diyosezi. Abandi ni abasizwe mu Kiliziya bari mu mirambo na bo bakaza kuvamo nijoro kuko abicanyi bose n’abanjarume bari bahamaze imyaka bari bamaze kugenda.

Muri rusange, ubwicanyi bwakorewe Abatutsi ku Nyundo bwakozwe n’abasirikare bo muri Gisenyi ndetse n’Abajandarume babaga ku Nyundo, interahamwe n’impuzamugambi za CDR. Bishwe hakoreshejwe za gerenade zaterwaga mu Kiliziya ndetse n’intwaro gakondo.

Abigaragaje cyane mu bwicanyi bwakorewe Abatutsi ku Nyundo:
Perefe w’agateganyo wa Perefegitura ya Gisenyi; Col. Nsengiyumva Anatoli; Major Biganiro wayoboraga Abajandarume muri Gisenyi; Lt Bizumuremyi Jean Berchmans alias Rutuku; S/Lt Dusabeyezu Eustache; Nzabonimpa Marius wari Burugumesitiri wa Komine Kanama; Marc wari Burugumesitiri wa Komine Rubavu; Padiri Nturiye Edouard alias Simba n’abandi.

## 2.26. KUWA 2 GICURASI 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU YAHOZE ARI PEREFEGITURA YA KIGALI Y’UMUJYI

**Ukuburizamo ubwicanyi ku mpunzi zahungiye muri Hoteli ya Mille Collines**

Tariki 2 Gicurasi 1994, Leta y'abicanyi yashatse kwica Abatutsi bari bahungiye muri  Hotel des 1000 Collines I Kigali: ubwo jenoside yari igeze hagati impunzi ziganjemo Abatutsi benshi zari zahungiye muri Hotel des 1000 collines aho Paul Rusesabagina yabacaga amafranga yose bafite kugira ngo yemere ko bahaba.

Ku itariki 2 gicurasi 1994 Leta yashatse kubica bibuzwa nuko itangazamakuru mpuzamahanga na Dr Bernard Kouchner bari babimenyekanishije mu Bufransa byanditswe mu binyamakuru, byanamaganywe na sosiyete civile yo mu Bufransa bituma Leta ya Mitterrand igira inama Guverinoma y'abatabazi yo kutica abo bantu.

Umunyamakuru Vincent Hugueux wo mu kinyamakuru L'Express yanditsemo ku wa 02 kamena 1994 ko ku itariki 2 gicurasi 1994 umuyobozi mukuru muri Perezidansi ya Repubulica y'Ubufaransa wari ushinzwe Afrika witwa Bruno Delaye ariwe wahawe misiyo yo kubwira jenerali Augustin Bizimungu wayoboraga ingabo z'abajenosideri ko nibica impunzi zo muri Hotel des 1000 collines biri butange isura mbi cyane mu mahanga, bityo bikarushya Ubufaransa gukomeza guha ubufasha leta y'u Rwanda.

Ikindi kinyamakuru Billets d'Afrique cyandikwa na ONG Survie cyo mu Bufransa cyemeje ayo makuru muri numero 31 yasohotse muri Gashyantare 1996.

Ikindi kinyamakuru cyo mu Bufransa cyitwa Liberation cyo ku wa 25 gicurasi 1994 nacyo cyanditse ayo makuru gisobanura ko leta y'abicanyi yari yashyize ba maneko benshi muri Hotel des 1000 Collines ngo bajye batanga amakuru ku bantu bari bayihungiyemo. Mu bicanyi bagiye bajya kuri Hotel des 1000 Collines harimo ruharwa Padri Wenceslas Munyeshyaka.

**Padiri Munyeshyaka Wenceslas yagize uruhare mu bwicanyi bwibasiye Abatutsi kuri Kiliziya ya Sainte Famille no mu nkengero zayo**

Abatangabuhamya benshi bemeza ko ku matariki atandukanye hagati ya 8/4 n'icyumweru cya mbere cy'ukwezi kwa karindwi 1994, kuri Paruwasi "Sainte-Famille, muri Saint-Paul no kuri CELA i Kigali, Wenceslas Munyeshyaka yitabiriye inama zakorwaga zitegura ubwicanyi no gushimuta Abatutsi hamwe na Colonel Tharcisse Renzaho, Odette Nyirabagenzi, Angeline Mukankundiye, liyetona Koloneli Laurent Munyakazi, n'abandi basirikari hamwe n'Interahamwe. Nyuma y'izo nama, nibwo Abatutsi bari bahungiye kuri Paruwasi Sainte-Famille, kuri Centre National de Pastorale Saint-Paul no kuri CELA ya Kigali bagiye bicwa urusorongo, bakanarimburwa mu buryo bwa rusange.

Nk'uko abatangabuhamya barokotse ubwicanyi bwo kuri Sainte-Famille no kuri Saint Paul babivuga, Wenceslas Munyeshyaka we ubwe yiciye umukobwa w'Umututsikazi muri Paruwasi Sainte-Famille. Yishe n'abandi basore b'Abatutsi babiri n'umukobwa w'Umututsikazi.

***Gusambanya ku gahato inshuro nyinshi abakobwa b'Abatutsikazi***

Abakorewe iri hohoterwa bemeza ko Wenceslas Munyeshyaka, kuri Paruwasi Sainte-Famille, yashishikarije Interahamwe gufata ku ngufu umukobwa w'umututsikazi. Kuri Paruwasi Sainte-Famille kandi Wenceslas Munyeshyaka yasambanyije ku gahato umwana w'umukobwa waje no kubitangaho ubuhamya. Mu gihe cya Jenoside, Wenceslas Munyeshyaka yasambayaga ku ngufu abakobwa yitaga ko arinze mu cyumba cye.

***Gushimuta bikurikirwa no kwica***

Kuri Centre National de Pastorale Saint-Paul i Kigali, Wenceslas abakobwa yafashije interahamwe, zirimo uwitwa Bagabo Léonard, gushimuta abasore barindwi b'abatutsi, barimo Emmanuel Rukundo wari umunyamakuru, Batsinduka Aristarque na Mazimpaka, utaramenyekanye irindi izina wari umunyeshuri, bajyanwa ku biro bya Segiteri Rugenge baricwa.

*Gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi no kuyihakana*

Tariki ya 2/8/1994, Wenceslas abakobwa, afatanije n'abandi bapadiri 28 b'Abanyarwanda babaga i Goma boherereje Papa Yohani Pawulo wa II inyandiko ihakana Jenoside yakorewe Abatutsi.
Muri iyo nyandiko, baha ibisobanuro Jenoside yakorewe Abatutsi, bakayigereka kuri FPR, noneho bagahindura abere abayicuze. Iyo nyandiko yatangaje bikomeye umuryango mpuzamahanga.

**Urujijo rw'ibyemezo by'ubucamanza bw'Ubufaransa ku byaha bya Padiri Wenceslas Munyeshyaka**

Hari ibimenyetso byinshi byerekana ko kuva mu myaka 26 ishize, Ubufaransa butigeze bwerekana ubushake bwo kugeza Wenceslas Munyeshyaka imbere y'ubutabera ngo ahanirwe ibyaha bikomeye yakoze muri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Tariki ya 25/7//1995, nibwo umucamanza Privas yatangije ikusanyamakuru kuri Munyeshyaka Wenceslas kubera gukurikiranwaho ibyaha bya "*jenoside, ibyaha byibasiye inyokomuntu no kuba mu mutwe uzwi cyangwa kugira ubwumvikane butaziguye bugamije itegurwa ry'ibyo byaha ahereye ku bubasha mpuzamahanga nk'uko buteganywa n'amasezerno ya New York yo mu 1984 akumira iyica rubozo*".

Ku wa 8 Kamena 2004, nyuma y'ibimenyetso byinshi bigaragaza kwanga gucira urubanza Wenceslas Munyeshyaka, Urukiko rw'i Burayi rwita ku burenganzira bw'ikiremwamuntu bwashinje Ubufaransa kubogama mu butabera, cyane cyane kutubahiriza igihe cyo guca urubanza.

Tariki ya 21/6/2007, Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda rwasohoye impapuro zo guta muri yombi Wenceslas Munyeshyaka. Ikirego kuri Munyeshyaka cyari cyaratanzwe kuva muri 2005.

Rubisabwe n'u Bufaransa ku mpamvu zidasobanutse, tariki 20/11/2007, Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda rwivanyeho ikurikiranwa rya Munyeshyaka kugira ngo rikorwe n'ubutabera bw'u Bufaransa. Amatsinda menshi yaje gukusanya amakuru mu Rwanda, humvwa abatangabuhamya hafi mirongo irindwi, hanegeranywa ibimenyetso byerekana ibyaha Munyeshyaka aregwa.

Ntibyumvikana ukuntu ubucamanza bw'i Paris bwasanze ibyo bimenyetso nta shingiro bifite kandi Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda rwari rwarasanze ari ibyaha bikomeye byatuma Munyeshyaka ashyikirizwa ubutabera. Ubuhamya bumushinja, harimo n'ubutangwa n'abakoze icyaha cya jenoside, buremeza ko Munyeshyaka yakoze kandi akanafasha gukora ibyaha by'ubwicanyi no gusambanya abakobwa ku gahato muri Sainte-Famille no kuri Saint Paul. Ibi byaha byemejwe n'ubutabera bw'u Rwanda bwahamije icyaha Wenceslas Munyeshyaka agakatirwa igifungo cya burundu adahari kuko yatorotse ubutabera bw'u Rwanda.

## 2.27. KUWA 03 GICURASI 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA CYANGUGU NA BUTARE

**Abatutsi biciwe kuri ADEPR ya Gihundwe, Rusizi**

ADEPR Gihundwe yubatse mu Karere ka Rusizi mu Murenge wa Gihundwe, akaba ari na ho hatangiriye Itorero rya ADEPR mu Rwanda. Muri Mata 1994, mu rusengero rwa ADEPR i Gihundwe no mu Rwunge rw'Amashuri rwa Gihundwe hahungiye Abatutsi bari baturutse mu zahoze ari Komine Kamembe na Cyimbogo ahitwa Nyakanyinya, Mutimasi, Murangi na Ruganda.

Abatutsi batangiye guhungira i Gihundwe kuwa 14/04/1994 nyuma ya saa sita, nka saa cyenda, ariko ubuyobozi bw'Itorero bwari bwabanje kwanga ko Abatutsi binjira mu kigo, ariko butangiye kwira baje kubareka barinjira. Bukeye bwaho, interahamwe zarinjiye zicamo Umututsi umwe ziragenda. Perefe Bagambiki Emmanuel wa Cyangugu, amaze kumenya ko Abatutsi bahungiye muri ADEPR i Gihundwe no muri Rwunge rw'Amashuri rwa Gihundwe yaje kubatwara abajyana muri Sitade Kamarampaka ababeshya ko ari ho bazacungirwa umutekano. Ntabwo bahise babyemera kuko bari bazi ubugome bwe.

Ku wa 03/05/1994 nka saa yine mu gitondo nibwo Abanyeshuri batatu bigaga i Gihundwe bagiye guhuruza abajandarume. Haje abajandarume batatu begeranyiriza Abatutsi bari bahungiye mu kigo, babahuziza mu gikoni cy'Abanyeshuri barabarasa, banabateramo gerenade. Uwo munsi hishwe Abatutsi bagera kuri 40. Abarokotse bahungiye hafi ya Sitade n'ahandi.

Jenoside yakorewe i Gihundwe yahagarakiwe n'abayobozi ba gisivili n'abasirikare barimo: Perefe Bagambiki Emmanuel, SuPerefe Theodore Munyangabe, Francois Nzeyimana, Major jandarume Vincent Munyarugerero, Lieutenant Sam Imanishimwe, Christophe Nyandwi, Elysee Bisengimana, Thomson Mubiligi, Pasteri Nsanzurwimo Joseph n'umuhungu we Nsanzurwimo Jean, Pasteri Remesha Simeon, Ruhire Murwanashyaka, Pasteri Seromba, Bareberaho Bantari Ripa, Simeon Nshamihigo wakatiwe igifungo cya burundu na TPIR, Sergent major Ruberanziza Marc, Ndorimana Paul wari Prokireri i Cyangugu, n'abandi.

**Abatutsi biciwe ku Ibambiro, Nyanza**

Ku i Ibambiro ni mu yahoze ari Komine Muyira, Segiteri  Matara, Serire Rugunga; ubu ni mu Karere ka Nyanza, Umurenge wa Kibilizi, Akagali ka Cyeru mu Mudugudu wa Rutete. Kuva Jenoside yakorewe Abatutsi itangiye mu gihugu ku itariki ya 07/04/1994. ntabwo yahise ihagera bafashe igihe cyo kuyicengeza no gushishikariza abaturage kubyumva ndetse no kuyikora.

Mu gace k'Amayaga, by'umwihariko mu Murenge wa Kibirizi, Jenoside yakorewe Abatutsi yatangiye gukorwa mu matariki ya 19/04/1994 nyuma y'imbwirwaruhame Perezida Sindikubwabo yakoreye i Butare avuga ko abantu bigize ba ntibindeba.

Abatutsi batangiye guhigwa bukware, kwicwa, gutwikirwa, gusenyerwa no kunyagwa ibyabo. Ubwo bahise batangira gukwira imishwaro, gutatana, kwihisha no guhunga kuko bari batereranywe n'abaturanyi. Guhiga bukware Abatutsi byarakomeje ariko bigeze hagati abicanyi bayobya uburari batanga amatangazo ko hatanzwe ihumure ko abagore n'abana cyane cyane ab'abakobwa batagomba kwicwa, ko bazabarindira ku i Bambiro.

Ibyo byatumye abari bafite aho bihishe basohoka maze bose bajya ku i Bambiro ndetse bamwe bambika abana bato b'abahungu udukanzu tw'abakobwa kugira ngo biyoberanye. Kubera ko bagiye ku i Bambiro bazi neza ko bagiye kuharindirwa umutekano byageze ku itariki ya 01/05/1994 hari umubare w'abagore n'abana basaga 454 bahahuriye. Muri iyo minsi y'ubuzima bwo ku i Bambiro, abicanyi barazaga bakarobamo abo bashaka bakajya kubica abandi bakajya kubakorera iyicarubozo bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina (kubagira abagore babo ku gahato). Abicanyi bamaze kubona ko umugambi wabo wagezweho w'uko abagore n'abana bahurijwe ku i Bambiro bacuze umugambi wo kuza kuhabicira ku itariki ya 03/05/1994.

Ku itariki ya 3/5/1994, abicanyi baje bafite intwaro gakondo z'ubwoko bwose, bambaye amakoma bavuza amafirimbi bagota ku i Bambiro hose batangira kwica. Babanje gucuza ababyeyi, babambika ubusa, kubafata ku gahato, kubabwira amagambo mabi (ubwirasi bwanyu, agasuzuguro kanyu, ubwibone, …) barangiza gukora ibyo bakora bakabatema bakabajugunya mu musarane bamwe na bamwe batarahwana. No kubica byakorwaga mu byiciro bijyanye n'imyaka habanjemo abana, hakurikiraho abakobwa b'abangavu, abakobwa bigiye hejuru, hakurikizwaho abagore b'amajigija n'abakuze.

Ibyo barabikoze biba umuganda w'umunsi wose ariko mbere yo gutangira kubica barabanje bica umusaza Diyonizi Nzaramba wari ukuze cyane bari barasize babishaka ngo azasigare ari icyigisho cy'uko umututsi yasaga. Ni we babanje mu musarani kugira ngo bivure umwaku w'amaraso y'abagore n'abana b'Abatutsi atazabasama. Uwo niwe mugabo umwe rukumbi wiciwe aho.

Birumvikana ko mu gihe babonye Interahamwe zambaye amakoma, bafite intwaro gakondo bavuza amafirimbi, bagabweho igitero bagize ubwoba bwinshi, bamwe bagerageje gucika no kwirukanka ariko bakabirukankana bakabica abandi bakababagarura. Abandi bari bafite intege nke bahebeye urwaje bakomeza gusenga. Ubwo rero barishwe karahava, bakira urupfu, bariyakira ku buryo abenshi batemwaga ariko ntibatake bagapfa nk'intama.

Abagize uruhare muri ubwo bwicanyi:

- Safari Jean Bosco yari umugenzuzi w'amashuri muri Komini Ntyazo akaba umuhungu w'umucuruzi ukomeye cyane witwaga Mubiligi Athanase, ni we wari warazanye MDR muri ako gace nyuma aza guhinduka MDR Power. Uyu yajyaga gufata amasomo y'uko bazakora Jenoside kwa Bandora ku Ruhuha. Yarafunzwe aho afunguriwe yahise atorokera muri Malawi aho ari kumwe n'abo bavukana.
- Kageza Jean Nepomuscene na we yari umucuruzi akaba ari mu bantu bayoboraga ibitero;
- Rudali Félicien na we yari umucuruzi akaba ari mu bantu bagize uruhare rukomeye;
- Hanyurwimfura Antoine ni mwishywa wa Sindikubwabo Theodore, akaba yari umukozi w'amasuku mu rukiko rwa kanto rwa nyamiyaga; na we ari mu bantu bari mu bitero ndetse wanahuruje igitero cyo ku Muyira;
- Mirenzo n'abahungu be bari impunzi z'Abarundi bari bashyushye cyane mu bwicanyi;
- Ndolikimpa Aphrodice yahoze ari Burigadiye wa Komini Ntyazo;

- Ntabuye Sylvain yari umwarimu muri CERAI ariko ari bwo akirangiza amashuri; ni we wazaga guhitamo abakobwa asambanya na we yari mu bajyaga gufata amasomo kwa Bandora ku Ruhuha mu Bugesera;
- Nomani yari Interahamwe y'i Bugesera yari yarahahungiye imirwano y'inkotanyi ari kumwe n'izindi Nterahamwe bazanye;
- Gashushure Ernest ni umwarimu wagendanaga indangururamajwi ari mu modoka abwira abantu ko hatanzwe ihumure kandi abashuka;
- Hari kandi Rugwizangogoga, Bazindyiki Antoine n'abandi…
- Hari n'uwari umwana witwa Montfort akaba umwuzukuru w'uwitwa Rutare wasambanyije abana bangana aranabica, yarafunzwe, afungurwa mu bana kuko yari afite imyaka 10 y'amavuko gusa.

## 2.28. KUWA 05 GICURASI 1994: GUVERINOMA Y'ABICANYI YASHYIZE IMBARAGA MU KWIHUTISHA IKORWA RYA JENOSIDE BITUMA ABATUTSI BARI BAROKOTSE BICIRWA I SOVU (BUTARE)

**RTLM yatangaje ko iyicwa ry'Abatutsi basigaye rigomba kwihutishwa**

Tariki 5 gicurasi 1994, Radio RTLM yanyujijeho ubutumwa n'ibiganiro byinshi bikangurira abategetsi bose ba Hutu Power baba aba politiki, aba gisilikare na jandarumori, Interahamwe n'Impuzamugambi gushyira imbaraga mu kwica Abatutsi ahantu hose bari batarabamaraho. Ubwo butumwa bwakurikirwaga n'indirimbo za Simon Bikindi zigenewe gushyushya imitwe y'abicanyi. Abanyamakuru ba RTLM kandi bashyiragamo ubutumwa bavuga ko buvuye hirya no hino mu gihugu bishimira ko bishe abo bitaga ibyitso by'umwanzi ni ukuvuga Abatutsi.

Abanyamakuru babishyushyemo cyane ni Noheli Hitimana, Habimana Kantano, Valeriya Bemeriki na Gaspard Gahigi mu rurimi rw'ikinyarwanda. Mu rurimi rw'igifransa, abanyamakuru ba RTLM bahamagariye kwihutisha iyicwa ry'Abatutsi ni Emmanuel Nkomati, Philippe Mbirizi, Joel Hakizimana na Georges Ruggiu.

RTLM yunganiwe na Radio Rwanda mu biganiro byayobowe na Jean Baptiste Bamwanga no mu butumwa butandukanye bwatanzwe n'abanyamakuru

b’intagondwa ba Radio Rwanda barimo Froduald Ntawulikura, Augustin Hatari, Phocas Fashaho, Robert Simba n’abandi.

Kuri uwo munsi, Umuryango Mpuzamahanga urengera uburenganzira bwa muntu, Human Rights Watch, wasohoye itangazo ryamagana ibiganiro RTLM yahitishaga kuri Radiyo bihamagarira kwihutisha iyicwa ry’Abatutsi hirya no hino mu gihugu.

**Umukuru w’Ikigo cy’Ababikira i Sovu, Soeur Gertrude Mukangango, yicishije Abatutsi ba nyuma bari barokotse ubwicanyi bwo ku wa 22 na 25 mata 1994 muri Monastère y’i Sovu**

Monastere y’ababikira bo mu Muryango w’Ababenedigitini iherereye mu Karere ka Huye, Sovu. Guhera tariki ya 17 mata 1994, hahungiye Abatutsi barenga 10.000 bihisha mu mazu atandukanye y’icyo kigo cy’ababikira, harimo no mu ivuriro, bicwa mu byiciro bitandukanye.

Guhera ku itariki 22 Mata 1994, impunzi z’Abatutsi zatewe mu bitero bitatu. Interahamwe zabanje gutera ku kigo nderabuzima, impunzi zari zihari zihungira mu igaraje yacyo. Interahamwe zafashe icyemezo cyo kubatwikiramo ari bazima. Soeur Gertrude (Consolata Mukangango) wari ufite imyaka 42 mu 1994 na Soeur Kizito (Julienne Mukabutera) wari ufite imyaka 36 muri Jenoside, bazanye utujerikani tubiri twa Lisansi. Soeur Kizito yamennye lisansi hasi imbere y’igaraji ahita atwika. Uwo munsi hapfuye abantu bagera kuri 7000. Soeur Kizito yari afite lisiti banditseho akurikizaho kugenzura ko bose bapfuye.

Ku itariki 25 Mata 1994, umuyobozi w’Interahamwe z’i Sovu, Emmanuel Rekeraho, uwari umwungirije Gaspard Rusanganwa alias Nyiramatwi n’izindi nterahamwe, bagarutse kuri Monastere kwica Abatutsi bahasigaye bari bihishe imbere mu kigo cya Monastere. Soeur Gertrude na Soeur Kizito baganiriye na Rekeraho bamubwira ko abakiza izo mpunzi kuko ngo nta biribwa bagifite byo kubaha. Impunzi zaringinze ariko Soeur Gertrude atanga itegeko ryo kubica. Uwo munsi Interahamwe zishe abantu babarirwa mu 1000. Hasigaye gusa abagera kuri 30 bo mu miryango y’ababikira b’Abatutsikazi bo muri Monastere. Soeur Gertrude yashyizeho igitsure cyinshi bagenzi be b’ababikira abategeka kwirukana abantu babo, ababwira ko niba batabikoze batyo, bose bari bwicwe kandi n’ababikira b’Abatutsikazi bakicanwa nabo. Ababikira barabyanze.

Ku itariki 5 Gicurasi 1994, Soeur Gertrude yandikiye Burugumesitiri wa Komini Huye, Jonathan Ruremesha, ibaruwa imusaba kuza kwirukana abo bantu. Iteye itya:

*Impamvu : kwitabaza ubutegetsi*

*Bwana Burugumesitiri wa Komini Huye, BUTARE*

*Bwana Burugumesitiri,*

*Muri ibi byumweru bishize, hari abantu bagiye baza muri Monastere y'I Sovu ku buryo busanzwe ari abashyitsi bahamara iminsi akenshi itarenga icyumweru, abenshi bari muri za mission, abandi baje kuruhuka cyangwa gusenga.*

*Aho intambara yuburiye igatera igihugu cyose, hari abandi bagiye baza ku buryo butunguranye, bakaba bose bigundiriza kuba hano kandi nta buryo na bukeya dufite bwo kubatunga dans l'illegalite. Nkaba maze iminsi narabasabye ko ubutegetsi bwa Komini bwaza bukabaha itegeko ryo gusubira iwabo, cyangwa ahandi bashaka kuba, kuko hano muri Monastere nta buryo na bukeya tugifite.*

*NDABASABA NKOMEJE BWANA Burugumesitiri ko mwadufasha ntibirenze tariki ya 6/5/1994 ibyo bitarangiye, kugira ngo imirimo Monasiteri isanzwe ikora iyikomeze nta mitima ihagaze. Tubaragije Imana mu masengesho.*

*Umukuru w'urugo. Soeur Gertrude Consolata Mukangago (umukono)".*

Ku itariki 6 Gicurasi 1994, Burugumesitiri Ruremesha yazanye n'abapolisi n'Interahamwe bica izo mpunzi z'Abatutsi, zikaba ari nazo za nyuma zari zisigaye kuri Monastere y' i Sovu. Ni ukuvuga ko zishwe ku munsi Soeur Gertrude yari yasabye Burugumesitiri Ruremesha ko yabamukiza kugira ngo Monastere yikomereze imirimo yayo.

Urubanza rwa Sr Gertrude rwabereye mu Bubiligi muri 2001 rwagaragaje ko Soeur Gertrude ubwe ariwe wagendaga yereka Interahamwe ibyumba Abatutsi bari bihishemo muri Monastere.

Mu Batutsi biciwe i Sovu, harimo imiryango myinshi y'abaha ari nabo bari biganje hafi ya Monastere. Aba bose barimburanywe n'imiryango yabo kandi abatari bake bari abakozi ba Monastere y'i Sovu imyaka myinshi.

Bamwe mu bicanyi bafatanyije n'aba babikira Mama Gertrude na Mama Kizito mu bwicanyi bw'i Sovu barimo:

Adjudant Emmanuel Rekeraho, Joseph Habyarimana wahungiye mu Bufransa, Gaspard Rusanganwa alias Nyiramatwi, Innocent Nyundo, Pierre Rushyana, Jean Maniraho, Etienne Rugombyumugabo, Theoneste Kagina, Joseph Bizimana wari burigadiye wa Komini Huye, umukuru wabo ku rwego rwo hejuru akaba Burugumesitiri Jonathan Ruremesha.

Sr Gertrude yakatiwe igifungo cy'imyaka 15 mu Bubiligi naho Sr Kizito akatirwa igifungo cy'imyaka 12. Aba babikira bombi ubu barafunguwe bakaba baba muri Monastere ya Maredret mu Bubiligi.

**Nyuma yo gufungurwa, Soeur Gertrude yatangije ibikorwa byo kwibasira abacitse ku icumu rya Jenoside batanze ubuhamya mu rubanza rwe**

Nyuma y'aho afunguriwe, Soeur Gertrude yasubiye muri Monastere y'ababikira b'ababenedigitini ahitwa Mardret, hafi y'Umujyi wa Namur, mu Bubiligi. Mu mwaka wa 2018 abifashijwemo n'umunyamakuru w'Umufaransa witwa Jerome Castaldi, Sr Gertrude yanditse igitabo *(Rwanda 1994. La parole de Soeur Gertrude*) gipfobya amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, kinenga imikorere y'ubutabera kandi kibasira cyane abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi bagaragaje uruhare rwe muri Jenoside i Sovu, harimo n'ababikira bagenzi be bagize ubutwari bwo kumushinja.

Iyi myitwarire idakwiye ya Sr Gertrude yaranenzwe cyane kugeza no muri bagenzi be. Umwe muri bo, Kayitesi Bernadette, wabanye na Sr Gertrude muri Monastere i Sovu, amaze gusoma icyo gitabo, yanditse ubuhamya agaragaza ko ukuri kw'amateka ya Jenoside muri rusange, n'uruhare rwa Sr Gertrude mu iyicwa ry'Abatutsi i Sovu by'umwihariko, kudakwiye gusibanganywa.

Bimwe mu bikubiye mu bahamya bwanditswe na Kayitesi Bernadette ku wa 05/12/2019 ni ibi:

*“ Soeur Gertrude,*

*Reka ngire icyo nkubwira ku byerekeranye n'igitabo wanditse. Birababaje cyane ko nyuma yo gufungwa hafi imyaka 7 wasohotse muri gereza ntacyo uhindutseho. Ubundi baravuga ngo “Gira neza wigendere ineza uzayisanga imbere”. Reka kubeshya Imana n'abantu, reka kubeshya isi. Dusubize amaso inyuma turebe ibyabereye i Sovu. Impunzi zatangiye kuhagera tariki ya 17/04/1994, ibuka ko Laurient Ntezimana yazanye imifuka y'imiceri yo gufasha impunzi wowe ugahitamo kuyifungirana impunzi zikicwa n'inzara; ibuka kandi imvura yaguye tariki ya 20/04/1994 ukanga gukingura ngo impunzi zugame. Sr Schola yashatse*

*imfunguzo arafungura ngo bugame urangije uramutonganya; Sr Mechtilde yararize cyane aravuga ngo ibyo dukora Imana izabitubaza, nibyo rero wabajijwe mu Rukiko 2001. Ese ko wiyita umwere, essence yatwitse abantu muri centre de santé yaturutse he ? Abadamu bo mu Mudugudu bavugiye mu Rukiko ko ari wowe wazanye iyo essence, Sr Kizito agacana ikibiriti mugatwika abantu b'inzirakarengane, interahamwe bagakoma amashyi ngo bashiki bacu baratugobotse.*

*Ongera wibuke induru n'umuborogo byavugiwe i Sovu, amasasu, grenade bisimburana umuntu yifuza uwamurasa akamubura abantu batemaguzwa amashoka n'imipanga; wowe wigeze na rimwe ubaza communaute ngo dukore iki ? Mu gitondo tariki ya 23/04/1994, waravuze ngo duhunge kandi ngo ntihagire ukuramo indangamuntu ngo ayerekane, dusohotse tugeze kuri bariyeri ni wowe wakuyemo indangamuntu uyereka interahamwe ariko Imana yakinze ukuboko ntihagira undi babaza indangamuntu ; turakomeza turagenda tugeze i Ngoma nyuma y'iminsi 2 dushaka gutaha, uribuka ukuntu wavuganye n'abasirikare hagashira amasaha abiri (2), buri wese byamuteye ubwoba.*

*Ibuka tugarutse i Sovu tariki ya 25/04/1994, Rekeraho wari chef w'Interahamwe akadukoresha inama muri salle ya Hotellerie. Dore amagambo yavuze : Aba bantu babahungiyeho mubahishe muri plafond cyangwa muri kave kuko nta muntu w'i Sovu ubambaza kandi ntabwo aribo bazagarura ingoma ntutsi. Amaze kuvuga ayo magambo yongeraho ati : Ikizabibemeza ni uko ntazagaruka kubareba. Kuki mu gitabo cyawe utabyanditse ngo usobanure uko byagenze ?*

*Muri iryo joro ku itariki ya 25/04/1994, warambwiye uti : Bwira basaza bawe basohoke bajye mu mirambo bajye kuryamamo, imodoka iza gutwara imirambo izabanaga mu cyobo hanyuma bazasohokamo bagende. Ese koko ayo ni amagambo y'umuntu wubaha Imana ? Ubwo buzima twakomeje kububamo 3 kugeza tariki ya 06/05/1994.*

*Mu gitondo tumaze gusenga wavuze amagambo mabi uti : Ababikira bafite abantu babo babahungiyeho ndabasaba kubasohora ku neza, batabikora tukabasohora ku mbaraga za Leta. Nibyo wakoze rero abantu bagera kuri 25 urabasohora ngo bicwe. Ndibuka basaza banjye babiri uwitwa Gatete Deo na Placide Seth. Ndibuka papa wa Sr Fortunata na mama we hamwe na murumuna we. Ndibuka papa wa Regine na mama we. Ndibuka Chantal n'umwana we Chrispin. Ndibuka Aima Marie n'abana be bane. Ndibuka Candari murumuna wa Sœur Therese Mukarubibi. Ndibuka papa wa Sr Bernadetse Nyirandamutsa na musaza we na murumuna we. Abo bose Imana ibahe iruhuko ridashira. Kuki amagambo wavugiye muri Eglise utayasubiyemo mu gitabo cyawe?*

*Wanditse uvuga ko ugeze muri gereza warize cyane, none se twe twarize angana iki abantu bacu babasohora bagiye kubica? I Sovu twagize ababikira babi cyane barimo Sr Gerturde na Sr Kizito, ariko kandi twagize n'ababikira beza cyane babazwaga n'ibyo abo babiri bakoraga. Urugero Sr Liberatha ntabwo yari mu bicwaga ariko wabonaga ababaye cyane na Sr Merchtilde. Sr Liberatha yahishe abantu muri plafond akajya abaha amazi n'ibiryo noneho Sr Gertrude abimenye arabasohora baricwa.*

*Ndibuka Sr Ermelinda yari umubikira mwiza yarasengaga cyane kandi Imana yamwerekaga ibizaba mbere ku buryo Musenyeri yari yaramuhaye uruhushya rwo gutunga Saint Sacrement [isakramentu ritagatifu] muri chambre ye.*

*Ibuka inzira twanyuzemo duhunga tugeze muri Centre Africa wanditse article ivuga iti « Apres les machettes le Ciel sera bon ». ibyo wanditsemo narabisomye, ni ibinyoma gusa waravuze uti: Twaricaye n'ababikira tuganira ku byabaye dusabana imbabazi turahoberana ubu tubanye neza. Ese koko ibyo byarabaye? Niba byarabaye byabereye he? Iyo biba kandi ntabwo twari kugana inkiko zo muri Belgique.*

*Twarakomeje turahunga tugera Maredret Monastere yashinze Sovu. Ntiwigeze ureka turuhuka, ahubwo wahisemo gutatanya ababikira ubashyira muri za Monastere zitandukanye, kugira ngo usibanganye ibimenyetso, ngo ibyo wakoze na Sr Kizito bitazamenyekana. Ariko ntabwo Imana yabyemeye, umaze kwikuraho ababikira bakuru bose usigaranye n'abana bato nibwo wabandikishije ngo bavuge ibyiza wakoze muri Genocide ufashijwe na Mere Aloys umudagekazi, mwandikaga ibyo mushaka mubijyana mu Rukiko muri Belgique. Ibyo mwandikishije ababikira bato na Mere Aloys nibyo byaje kugukoraho mu Rukiko rwabaye muri 2001.*

*Uribuka umucamanza akubaza icyo wari ugamije wandika ibyiza wakoze ko nta muntu wari wabikubajije, wabuze icyo usubiza. Ndibuka Sr Domitilla bamubaza ibyo yasinyiye niba koko ariwe wabyanditse, yasubije agira ati: Nababwiye mu Kinyarwanda ubwo bongeragamo ibyo bashaka bakaduha tugasinya. Mere Aloys niwe wandikaga afatanyije na Sr Gertrude, none se ko uvuga ko uri umwere ibyo byose wabijyagamo ushaka iki?*
*Icya kabiri: Ababikira bataha mu Rwanda ugasigarana na Sr Kizito mwenyine kuki mutatashye kandi uvuga ngo ntacyo wishinja? Sr Domitilla ubuhamya yatanze yavugishije ukuri kandi yashoboraga no kwirukanwa kuko yari akiri mu babikira bato.*

*Tukiri mu Rukiko rero ndibuka ubuhamya bwa Sr Solange avuga umwana waguhungiyeho akihisha muri coule [=umwenda w'ababikira] wari wambaye wa move ukamujugunyira interahamwe uwo mwana waguhungiyeho twese turamwibuka ariko uyu mubikira Sr Solange niwe wabisobanuye neza mu Rukiko.*

*Uribuka nsaba gutaha mukambwira ko bidashoboka kandi ko Guverinoma iriho itazemerwa? Yaremewe rero uwakugeza mu Rwanda ngo urebe aho Perezida wacu agejeje Igihugu. Ubu arahabwa imidari hirya no hino y'imiyoborere myiza, wowe uracyari mu bya mbere ya 1994 hamwe n'abaguhindura umwere, harimo Padiri Linguyeneza Venuste atigeze agera i Sovu muri Genocide arakugira umwere ashingiye kuki?*

*Reka rero nkubwire ukuri, article wandikiye i Bangui muri Centre Africa (Apres les machettes le Ciel sera bon) hamwe no kugurisha Monasteri Kominote itabizi biri mu byatumye dufata umwanzuro wo gutaha mu Rwanda ngo tubohoze SOVU. Sr Schola na Marie Bernard twari muri conseil twaratowe na communaute twagombaga rero gutaha ngo dushyire ukuri ahagaragara kuko guca mu ziko ntigushye.*

*Igihe twasabaga gutaha mwanze kwishyura itike y'indege, ariko mwibagirwa ko Imana ishobora guca inzira aho zitari. Tumaze gutaha tugeze kwa Musenyeri [Gahamanyi], twasanze fax wanditse umusaba ngo ntatwakire, nawe arasubiza ati: Umubikira usaba Musenyeri gukora ubugome mu rugo rwe ni muntu ki? Ese ubundi wari uziko twatashye tutaravuganye nawe? Twari dufite n'urwandiko rutwemerera ko azaducumbikira kandi akadufasha kubohoza Sovu. Koko rero yarabikoze afatanyije na Musenyeri Mubirigi Felecien. Turabashimira ibyo badukoreye byose kandi Imana ibahe iruhuko ridashira.*

*Tukiri kwa Musenyeri [Gahamanyi] nibwo Imana yatweretse ikimenyetso gikomeye tubona ibaruwa yawe wanditse utanga abantu bacu ngo bicwe hari mu mwaka wa 1996 mu kwezi kwa mbere. Iyo baruwa yawe yabaye ikimenyetso simusiga ari nayo yayoboye urubanza rwawe muri Belgique muri 2001. Nyuma y'ibyo byose ugatinyuka kwiyita umwere! Ntuzibagirwe na rimwe ko igihe Schola na Marie Bernard bashakaga kubohoza Sovu wowe washakaga kuyisenya burundu ngo uyimurire Marone muri Belgique. Ababikira b'I Sovu babaye intwari banga kugumana nawe bahitamo gusubira mu Rwababyaye.*
*Bimaze kubakomerera mwohereje Pere Comblin ngo adukure ku izima tureke kuvuga ukuri; ntabwo rero byari gushoboka kuko tutari guceceka hejuru y'amaraso y'abacu. Dore uko naganiriye na Père Comblin: Mugomba gukora uko mushoboye Sr Gertrude ntafungwe, kuko byaba ari scandale kuri kiriziya. Nanjye*

*ndamusubiza nti: Ese abapfuye mubavugaho iki ko mubabazwa n'umuntu ushobora gufungwa ko mutigeze mwamagana Genocide yakorewe Abatutsi? Nibura mubigaragaze no mu nyandiko? Nawe rero arasubiza ngo ariko sitwe twabishe. Nanjye ndamusubiza nti: Yego simwe ariko nabo baremwe mu ishusho y'Imana kandi nta scandale irenze gutemera abakristu mu kiriziya cyangwa kuyibasenyera hejuru. Uwo mupadiri twatandukanye tudashoboye kumvikana na gato.*

*Reka ndangize nshimira ababikira b'i Sovu ko batashatse kubakira communaute yabo ku kinyoma. Ndi umuhamya wo kubivuga kuko bose nakurikiye ibyo batangarije Urukiko.*
*Ndangije nshimira buri wese wagize uruhare ruto cyangwa runini kugirango SOVU isubirane ubuzima. Ndashimira Madame Nowork ibyiza yadukoreye Imana izabumukubire karindwi. Ndashimira cyane Musenyeri Gahamanyi waducumbikiye umwaka wose, Imana imwakire mu bayo.*

*Ndashimira cyane Umukuru w'Igihugu, Nyakubahwa Paul Kagame, n'abo bafatanyije bose kubohora Igihugu kuko iyo batitanga nta muntu wari kurokoka Imana ikomeze imugende imbere mubyo akora byose."*

*Bikorewe i Kigali kuwa 05/12/2019*
*Kayitesi Bernadette (Umukono).*

## 2.29. KUWA 06 GICURASI 1994: INTERAHAMWE ZAKANGURIWE GUKOMEZA JENOSIDE, UMURYANGO W'ABIBUMBYE UTERERANA ABATUTSI BICWAGA

**Leta y'abicanyi yakomeje kwica no gukangurira interahamwe kwihutisha ubwicanyi**

Minisitiri w'intebe Jean Kambanda yavugiye kuri Radio Rwanda ashishikariza Interahamwe kwica cyane. "*Dufite abagabo, amasasu, Leta ishyize hamwe, ingabo zishyize hamwe kandi tugomba gutsinda. Buri wese agomba gufata intwaro kandi kugira intwaro zihagije ni kimwe mu byo Leta ishyizeho umutima kabone n'iyo ibindi byose bituruka mu mahanga byahagarara*."

Kuri iyi tariki, Radio Rwanda yashyizemo ijambo ryose Kambanda yari yavugiye ku Kibuye tariki 3 gicurasi 1994 asaba ko Jenoside yihutishwa hose mu gihugu no ku Kibuye by'umwihariko. Iryo jambo ryongeye kunyuzwa kuri Radio Rwanda ku

wa 09 gicurasi 1994, bikaba byerekana uburemere bw'ubutumwa bwari bukubiyemo mu kwihutisha Jenoside.

**Akanama gashinzwe amahoro ku isi kiyambuye inshingano zako zo kubungabunga amahoro ku isi no gutabara igihe Leta y'abicanyi yakoraga Jenoside**

Tariki ya 6/5/1994 ibihugu bidafite icyacaro gihoraho, Spain, New Zeland, Argentina, Czech Republic batanze umushinga wo guha ingufu za gisirikari mu Rwanda. Bimwe mu bihugu bifite icyicaro gihoraho mu Kanama gashinzwe amahoro ku isi byarabyanze ahubwo hatangwa igitekerezo ko ibibazo by'U Rwanda bigomba gusuzumwa n'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika (OUA). Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye, Boutros-Boutros Ghali yandikiye Perezida wa Egypt Hosni Mubarak wagombaga kuba Perezida w'uwo muryango. Mubarak yandikiye Umunyamabanga Mukuru wa OUA, Salim Salim amusaba ko ibihugu byo ku mugabane w'Afurika byashaka ingabo zakoherezwa mu Rwanda. Salim Salim yasubije Perezida Mubarak ko Afurika itashobora guhangana n'icyo kibazo kubera ubwicanyi bwakorerwaga mu Rwanda, ko Umuryango w'Abibumbye ariwo ufite ububasha bwo gukoresha ingufu za politiki no gushaka inkunga ikenewe kugira ngo hagire igikorwa mu Rwanda. Yongeraho ko igihe cyose ibibazo nk'ibi byabayeho aribwo buryo bwakoreshejwe mu kubikemura.

**Umuryango utabara imbabare ku isi (CICR) wanenze imyitwarire y'amahanga yatereranye u Rwanda, ifata icyemezo cyo kugoboka impunzi aho byari bigishoboka**

Mu cyumweru cya mbere cy'ukwezi kwa gatanu, abakozi b'Umuryango utabara imbabare bari mu duce twa Kigali, Byumba, Gisenyi, Kabgayi na Kibungo bagerageza kwita ku nkomere n'abarwayi bari bugarijwe n'Interahamwe n'abasirikari. Uwayoboraga uwo muryango Cornelio Sommaruga yavuganye na Philippe Gaillard wari uwuhagarariye mu Rwanda. Yasohoye inyandiko muri *International Herald Tribune* yamagana ibinyamakuru na Leta zitavugaga ku bwicanyi bwakorerwaga Abatutsi, ko ibihugu byose byari bibifitemo uruhare.

Gaillard yohereje inkunga yagombaga guhabwa impunzi zigera ku 30,000 zari zarahunze ubwicanyi muri Gitarama, bakaba bari bakikijwe n'Interahamwe zashakaga kubica. Impunzi zahawe ubufasha bw'ibanze. Interahamwe zakomeje gufata bamwe mu mpunzi bakabica, bagafata n'abagore ku ngufu.

## 2.30. KUWA 07 GICURASI 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA GIKONGORO NA GITARAMA

**Abanyeshuri bo mu ishuri rya “Groupe scolaire Marie Merci”, i Kibeho, babanje kurindwa n’abajandarume**

Ubwo abaturage b’Abatutsi batangiraga guhunga bagana i Kibeho kuri kiriziya kuva ku itariki ya 8 Mata 1994, abanyeshuri bo muri Groupe Scolaire Marie Merci batangiye kwibaza icyabaye, baza gusobanukirwa bigeze mu matariki 10, 11 no ku ya 14/4/1994 ubwo hicwaga Abatutsi bari bahungiye ku kiriziya ya Kibeho ko nabo bagererewe. Kuva icyo gihe bohererejwe abajandarume ngo ni abo kubarindira mu kigo, ariko umuyobozi w’ishuri, Padiri Uwayezu Emmanuel, akajya akorana inama n’abarimu babaga hanze y’ikigo barimo Fatikaramu Holomisidasi, Kayigamba na bamwe mu banyeshuri b’abahutu babaga bavuye mu kigo mu ijoro bakajya guhura na burugumesitiri Nyiridandi Charles bari gucura umugambi wo kuzica abanyeshuri b’Abatutsi.

Mu ijoro ryo kuwa 30 Mata 1994, Abanyeshuri b’Abahutu batangiye guhwihwisa ko Abatutsi bagiye kwicwa. Ku itariki ya 1/5/1994 Abanyeshuri b’Abatutsi icumi (abahungu 9 n’umukobwa umwe) bamaze gutahura uwo mugambi bafashe umwanzuro wo guhunga muri iryo joro berekeza i Burundi. Aho inkuru y’uko bagiye imenyekaniye, abajandarume bazengurutse ikigo ku buryo ntawari kongera kubona aho yanyura.

**Abanyeshuri b’Abatutsi bagerageje guhungira i Burundi barakumirwa**

Ku itariki 2 Gicurasi 1994, Padiri Uwayezu Emmanuel yaje gukoresha inama, abwira abanyeshuri ko guhunga ntacyo bimaze ko n’Abatutsi bitwikiriye ijoro bagahunga bose biciwe ku mugezi w’Akavuguto, ko kandi imirambo yabo iri gukoreshwa bariyeri. Kuva ubwo, ntawongeye guhirahira ngo abe yatekereza guhunga muri abo banyeshuri b’Abatutsi bari basigaye.

Mu rwego rwo kwatsa umuriro no kubiba urwango mu banyeshuri, ku itariki ya 4 Gicurasi, Abatutsi babeshyewe ko baroze igikoma ngo Abahutu bapfe. Abanyeshuri b’Abahutu barivumbagatanyije bavuza amafirimbi banga kunywa igikoma bavuga ngo Abatutsi bakiroze ndetse banavuga ko bigendeye ikigo

bakibasigiye. Abanyeshuri b’Abahutu bahise biruka bajya ku rindi shuri ryari hakurya ryitwaga Collège des Lettres (Ubu ni Mère du Verbe), bityo umugambi bari bamaze igihe bacura uba ugezweho, kuko Abatutsi bari basigaye bonyine muri Groupe Scolaire Marie Merci, naho Abahutu bagiye.

Padiri Uwayezu na bamwe muri ba bajandarume bakurikiye ba banyeshuri b’Abahutu, babakoresha inama bemeza ko bagaruka mu kigo cya Marie Marci kuko ariho ibikoresho byabo byari biri ariko bemeza ko bari bugaruke ari uko nta munyeshuri w’Umututsi ukiri mu kigo cya Groupe Scolaire Marie Merci. Abanyeshuri b’Abatutsi bagiye gucumbikirwa muri Ecole des Lettres, naho Abahutu bagaruka muri Groupe Scolaire Marie Merci. Abanyeshuri b’Abatutsi bageze muri Collège des Lettres, bahasanze umubikira wayoboraga iryo shuri witwaga Pierre de Vérone, abima aho barara abashyira muri refectoire bakajya barara hasi badafite icyo kurya no kuryamira.

**Ubuyobozi bw’ishuri bwagambaniye abanyeshuri b’Abatutsi**

Uwo mwuka washoboraga gutuma Abatutsi bahunga binatewe n’amakuru bari bafite ku byaberaga hanze, ariko ku itariki ya 4/5/1994 umuyobozi w’ishuri Padiri Uwayezu Emmanuel n’abajandarume bakoresheje inama y’ikubagahu bitaga iyo kubahumuriza ariko mu by’ukuri yari iyo kubahuma amaso ngo hatagira ugira igitekerezo cyo guhunga. Muri iyo nama kandi hajemo uwari Perefe wa Perefegitura ya Gikongoro, Bucyibaruta Laurent, SuPerefe wa suPerefegitura Munini Biniga Damiyani, Musenyeri Misago Augustin wa Diyosezi ya Gikongoro, Burugumesitiri wa Komini Rwamiko Silas Munyurangabo, Burugumesitiri wa Komini Mubuga Nyiridandi Charles, Umukuru wa jandarumori muri Mubuga S/Lt Hitimana Anaclet, n’abandi bayobozi bavuye kuri Perefegitura na Komini Mubuga na Rwamiko.

Perefe yasabye umunyeshuri uhagarariye abandi (Doyen) kubabwira ibibazo byabo, abasobanurira ko bahora bavuga ko bagiye kubica, ko bari kure y’imiryango yabo bakaba batanazi niba ikiriho kandi ko abo bayobozi nibahitamo ko babaho bazabaho, bahitamo ko bapfa nabwo bagapfa. Nkuko abarokotse muri iryo shuri babisobanura, Musenyeri Misago na Perefe Bucyibaruta babwiye Abanyenyeshuri b’Abatutsi ko impamvu Abahutu bahisemo kwitandukanya na bo ari uko batakibizera ngo kubera ko Abatutsi barara bumva indirimbo z’inkotanyi kuri Radiyo Muhabura, ndetse ko bashobora no kubaroga.

**Interahamwe zaje kwica abanyeshuri b'Abatutsi zivuye mu bice bitandukanye**

Ku itariki 7 Gicurasi 1994, hagati ya saa tanu na saa sita z'amanywa, ibitero by'Interahamwe ziturutse mu bice bitandukanye birimo Rwamiko, Mubuga, Ndago n'ahandi byabateye n'intwaro zitandukanye batangira kwicwa. Ababashije guca mu rihumye ibyo bitero bakiruka babahigishije imbwa ndetse ziza kuvumbura bamwe muri bo ariko batunzwe agatoki n'abanyeshuri bo muri Marie Merci bari ahirengeye.

Interahamwe zambaraga ibirere n'amashara, abanyeshuri b'abahutu bo muri Groupe Scolaire Marie Merci bo bakambara udutambaro dutukura bose mu kigo kugira ngo umunyeshuri ubayobeyemo atakambaye byorohe kumenya ko ari Umututsi. Abanyeshuri ubwabo babaga bafite intwaro ndetse banazikoresheje mu kwica bamwe muri bagenzi babo kandi bakabica urubozo, aho babanzaga gusaba abo bagiye kwica ngo nibicane, uwica abandi baramubabarira. Abo bajyaga kwica kandi babanzaga kubakuramo imyenda. Bakoze n'ibikorwa byo gusahura bagenda bahiga n'abandi banyeshuri bagenzi babo bagiye bihisha ahantu hatandukanye. Hari abo bavumbuye muri plafond barimo Elias na Fidèle Castro wakomokaga mu Ruhango bishe urubozo babanje gucukura baramutabika basiga umutwe we hejuru baza kumwica nyuma. Abiciwe muri Ecole des Lettres babajugunye mu cyobo cyari inyuma ya chapelle.

**Abayobozi bagize uruhare mu bwicanyi mu buryo buziguye cyangwa butaziguye**

Padiri Uwayezu Emmanuel wari umuyobozi wa Groupe Scolaire Marie Merci ubu aba mu gihugu cy'Ubutaliyani aho yahinduye izina akitwa Emmanuel Mihigo Wayezu, Perefe wa Gikongoro Bucyibaruta Laurent, wahungiye mu gihugu cy'Ubufaransa, aho yabanje gukurikiranwa n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, dosiye ye ikoherezwa mu Bufaransa, akaba kugeza uyu munsi ataragezwa imbere y'inkiko. Hari na Biniga Damien wari superefe wa Munini, Hitimana Anaclet wayoboraga Jandarumori muri Mubuga, Bakundukize Innocent wari Chef de Plantation mu ruganda rw'icyayi rwa Mata, Nyilidandi Charles wari burugumesitiri wa Komini Mubuga, Ndabalinze Juvenal wari diregiteri w'uruganda rw'icyayi rwa Mata, Mutazihana Nathanael wari umuyobozi wa Centre de santé ya Kibeho, Kayigamba Francois wari Prefet des Etudes, Karekezi Fabien alias Sagazi wari prefet de Discipline, Fatikaramu Holomisidasi wigishaga Geographie, Seraphine wigishaga icyongereza, Kimbo wakoraga mu gikoni.

**Abanyeshuri bitabiriye ubwicanyi**

Murindangabo Aimable, Byilingiro Theoneste alias Kofi, Harolimana Alexis alias Gifu wari doyen w'abanyeshuri, Hakizimana Jean de Dieu alias Rukokoma, Jean-Damascene Nsengiyumva, Misago Venuste, Nakabonye Alexis, Aaron Mundanikure, Michel Mutabazi, Hakizimana J. Damascene alias Gahinda, Uwamahoro Clement (umuhungu wa Mutazihana Nathanael), Casimir Bizimungu, Butera Christophe, Esperance Nyiranziza, Joseline Byukusenge, Lucien (wari murumuna wa Prefet de Discipline), Nsabimana Sylvestre, Balinda Janvier, Serushema Jean Bosco, Barayagamba Eduard, Uwimana Emmanuel, Gaudence Uwamahoro, Solange Uwamahoro umukobwa wa Rubanda, Bimenyimana J. Damascene, Niyirora Melanie, Habinshuti François Xavier, Twahirwa Gerard, Harelimana Gerede, Karerangabo Viateur, Munyarukiko François, Vuguziga Egide, Ndayambaje Eraste n'abandi.

**Ubwicanyi bwakorewe muri Segiteri za Remera, Ngwa na Mpanga**

Ku itariki ya 6 Gicurasi 1994, Burugumesitiri wa Komini Kigoma Ugirashebuja Celestin yakoresheje inama muri Segiteri ya Remera, Komini ya Kigoma, inama ibera ku kibuga aho bakunze kwita kuri CCF. Ugirashebuja avuga ko "*hatanzwe amahoro, buri muhutu wese wahishe umututsi namusubize iwe kandi amwandikishe kwa Konseye Mushorangabo*". Nyuma y'iyo nama, Abatutsi benshi bavuye mu bwihisho bibwira ko amahoro yabonetse.

Ku itariki ya 7/5/1994 kare cyane, bahageze mu masaha ya saa kumi za mugitindo, kuko bari baraye babwiwe ko baza kubica bukeye, igitero cyari kiyobowe na Rubagumya François, Silas bitaga Gahiri, Ngarambe, Gasipari, Esdras, Kanyandekwe n'abandi bicanyi benshi baturutse mu Nyamazi, i Mpanga n'i Kinyinya, bazindukiye kwa Rwabuhungu Mathias bashorera Abatutsi bahasanze barimo umukecuru Mukamanzi Costasie, umukobwa we Kayirangwa Thacienne, babashoreye baberekeza ku rusengero rw'abadiventisiti. Mu nzira berekeza ku rusengero, abicanyi bagiye kwa Bizimana Eustache batwara umukecuru Kabayiro Marisiyana n'umukobwa we Gasengayire Agnès n'abana be babiri babagejeje ku rusengero bahasanga Abatutsi bo mu muryango munini w'abazuba maze interahamwe zibicira aho, bishe Abatutsi bagera ku 130. Bamaze kubica bakomereje mu i Katiro kwa Gasinzigwa Rogatien bica umugore we Mukanyarwaya Immaculée n'abana be batatu. Abo bicanyi baterwaga inkunga na Gatabazi Philippe wari umucuruzi, ni we wabaga apakiye ibikoresho bicishaga Abatutsi mu modoka ye y'ikamyoneti itukura.

Abicanyi bakomeje berekeza i Nkinda ahari hatuye Abatutsi b'abagamba n'abanyoni. Bageze i Nkinda, bahuye n'abandi bicanyi baturutse hirya no hino ku misozi ikikije Nkinda ari yo Remera, Mpanga, Nyamazi, Nyakabuye, Rushoka, Mukingo, Gasoro na Gatagara. Hari mu rukerera, abo bicanyi bari bayobowe na Gakuba wagiye mu bwicanyi cyane, barimo Kamonyo, Gatoya, Feredariko n'abandi benshi. Bahereye mu rugo rw'umusaza Nyagahungu Athanase bica Abatutsi 39 (aha nta n'umwe waharokotse). Barakomeje bajya mu rugo rw'umusaza Rukangarajoro François bahica Abatutsi 36 bari bahari. Mu gihe abicanyi bamwe barimo bica aho kwa Rukangarajoro, abandi biremyemo igitero bajya ku rugo rw'umusaza Mutuhurana Alex, abari bahari bose bagize ubwoba bwinshi, buri wese afata umwana muto mu maboko, Interahamwe zirabatangatanga, maze zibatondesha umurongo zibajyana ahantu hari ikibuga aho bari kwicira kwa Rukangarajoro François, hari imiborogo, abana barira, abandi basaba imbabazi bati "nimutubabarire ntituzongera". Abicanyi batangira kwica abo Batutsi bari baturutse kwa Mutuhurana, babonye ko ari benshi kandi hashobora kugira ubacika, babashyira mu nzu ya Aloys maze bakajya basohora bacye bacye bakabica. Bamaze kubica, bajugunye imirambo mu bwiherero bwo Aloys, imaze kuzura indi mirambo bayijugunya mu bwiherero bwo François.

Nyuma yaho abicanyi bagiye kwa muzehe Munyabitare Etienne bahasanga Abatutsi 18 barimo uwo musaza, umugore we Mukamajoro Marguerite, umugore wa Munyabitare Bernard witwaga Bamurange Primitiva n'abana babo aribo Uwineza Cesar, Umugwaneza Solange, Munyabugingo Aristide, Shumbusho Dominique Régis, abana ba Placide Rucyahana bari bahungiye kwa Munyabitare ari bo Germain Busoro Micomyiza, Olivier Mugisha, John Rutayisire (bébé) babicira ku rwobo rwari inyuma y'inzu ya Munyabitare. Bahiciye abantu 16, bahamba 3 ari bazima ariko 2 muri bo bahita bapfa, haje kuvamo umwana umwe gusa ataburuwe n'umukozi w'iwabo. Nyuma batwaye Munyabitare Bernard wari wasigaye yihishe hejuru y'inzu abonye ko bishe umuryango we wose na we aramanuka aritanga. Bagiye ku mwicira kuri bariyeri yari mu i Katiro. Bernard yishwe n'uwitwa François umuhungu wa Nkundimandwa (umuserire wo mu Nyamazi). Ku musozi wa Nkinda bishe Abatutsi bagera kuri 200, harokotse abana 4 gusa n'umubyeyi umwe wari utwite.

Ku itariki ya 7 Gicurasi 1994 kandi abicanyi bo ku Mukingo bagiye i Gatagara, abicanyi baho babatiza umurindi bica abagore n'abana babajugunya mu cyobo cyari kwa Muhiza Modeste. Muri bo twavuga Mukaremera Mariya na Alphonsine Mukagatare n'abana babo, aribo: Muhiza Omer, Muhiza Clément, Muhiza Roger, Zaninka Rosette (Kiki), Uwera Emmilienne, Muhiza Emery, Umuhire Aimée

(Poussette), Umuhire Jessica. Bamaze kubica, abicanyi barigambye ngo “umubyeyi yisasiye abagabo yagombaga kwiyorosa abagore!”

Kuri iyi tariki ya 7 Gicurasi 1994 nanone Abatutsi b’i Remera barishwe. Igitero gikomeye giturutse mu Mbaragansa (aba bari ababazi b’inka i Nyanza) cyari kiyobowe na Nzigiyimfura Vincent, Sebatware (umuvandimwe wa burugumesitiri Ugirashebuja Célestin) hamwe na Antoine Ntare bigabije umusozi wa Remera bambaye amakoma bari bafite n’imbwa zambaye amayugi, bica abatutsi benshi bo mu muryango w’abanyakarama barimo Gihanamusango Joseph, Kayitare Jean, Mugorewera Françoise, Nibarere Leatitia, Kaboyi Habiyakare Clement, Kaboyi Hakuzimana Clémence, Mukamusoni Bertha, Musare Bernard, Umugwaneza Veneranda, Uwimana Claire, Mbonyi Judith, Umurungi Laetitia, Uwineza Assumpta, Mpinganzima Assumpta, Uwirora Benjamin, Habimana Déogratias, Nzigiyimfura Martin, Mukarutamu Gaudance, Kabalisa Augustin, Uwimana Immaculé, Mukakabayiza Athanasie, Dadine, Simba.

Bishe kandi Abatutsi bo mu muryango wa Gasongantebyi Mudahindurwa Elias. Uyu musaza niwe wari waratuje Mutwa (se wa Ugirashebuja), ingo zabo zari ziteganye. Igitero cyari kiyobowe na Sebatware, bose babasanze mu rugo kwa Gasongantebyi barabica bakoresheje impiri. Muri iki gitero bishe Gasongantebyi Mudahindurwa Elias, Nyirankezi Marguerite, Mugorewindekwe Antoinette, Mukakazina Concessa, Uwera Yvonne, Mugisha Yves, Ngabonzima Dieudonné, Mukamusoni Oda, Mukamana Emma Marie, Rwakazina Emmanuel, umugore we Mukarugina Immaculée n’abana babo: Ngirabanyiginya Dominique, Mudahindwa Narcisse, Ruhanga Sylvestre, Mugiraneza Rwakazina Albert, Umubyeyi Rwakazina Leatitia, Gahaya Rwakazina Basile. Bamaze kubica babajugunye mu musarane. Hashize umwanya munini abicanyi bibutse ko Mugorewindekwe Antoinette yari afite akamashini gafasha umutima gutera, baragaruka bakura umurambo we mu musarane, barawubaga bamukuramo ako kamashini! Jenoside yakorewe Abatutsi yabaye hashize igihe gito Mugorewindekwe avuye kwivuza i Burayi.

Kuri bariyeri yari ikuriwe na Gihana Anicet yari munsi yo kwa Rusanganwa hiciwe: Musonera Augustin, Mukeshimana Athanasie, umugore wa Munyankindi Samuel witwaga Marine n’abana babo Mutoni, Belise, bishe kandi Christine umugore wa Kampayana Elias, Karoli n’umugore we Grace n’abana babo babiri, umukazana wa Kampayana witwaga Umulisa n’umwana we w’umuhungu, Bucyana Anaclet, Mushimiyimana, Mugabo. Aba bose babajugunye mu cyobo kinini Gihobe yari yaragicukuye ashaka kukigira ubwiherero.

Abagize uruhare muri ubu bwicanyi ni Ugirashebuja Celestin wari burugumesitiri wa Komini Kigoma, Kagwa Andre wakoraga mu kigo cy'abamugaye cya Gatagara akaba yari ashinzwe ishami risubiza abamugaye mu buzima bwo hanze, Furere Rutihunza Jean Baptiste wari ukuriye ikigo cya Gatagara, barumuna ba Ugirashebuja Celestin, Mushorangabo wari Konseye wa Segiteri ya Remera, Nzigiyimfura Vincent, Rurangwa wari Konseye wa Segiteri ya Mpanga, Nzakamwita Japhet wari umucuruzi, Gatabazi Philippe wari umucuruzi n'abandi benshi.

## 2.31. KUWA 7-8 GICURASI 1994: JENOSIDE YAKOREWE KU BANA B'ABATUTSI B'IMPFUBYI MU KIGO CYA SOS GIKONGORO

**Uko Ikigo cya SOS Gikongoro cyahindutse indiri y'abicanyi**

Mu kigo cya SOS ku Gikongoro cyayoborwaga na Venuste Nyombayire uvuka mu yahoze ari Perefegitura ya Byumba, habaga abana bahararerwaga, hakabamo n'abana b'Abatutsi. Mu ijoro ryo ku wa 7 rishyira uwa 8 gicurasi 1994, abana b'impfubyi b'Abatutsi baratoranyijwe baricwa. Mbere y'iyo tariki, Venuste Nyombayire yari umuyobozi wungirije w'ikigo cya SOS ku Gikongoro aho yari yarazanywe na Minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu avanywe muri Perefegitura ya Kigali Ngari aho yakoraga.

Nyombayire yazanywe ku Gikongoro bamuhungishije kubera ibyamuvugwagaho ku ruhare rwe mu bwicanyi bwabereye mu Bugesera aho yakoraga nk'umukozi wa Minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu n'amajyambere ya Komini mu gihe cy'iyicwa ry'Abatutsi muri Werurwe 1992. Uwamuhaye akazi muri SOS avuye muri Minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu n'amajyambere ya Komini, akanamwohereza ku Gikongoro ni Munyangabe Marcel wari umuyobozi mukuru wa SOS ku rwego rw'igihugu, wari n'umwe mu Nterahamwe nkuru muri Kacyiru.

Ageze ku Gikongoro, Nyombayire yakoze ibishoboka byose ananiza uwari umuyobozi w'ikigo agamije kumusimbura. Kugira ngo agere ku mwanya w'ubuyobozi bwa SOS, Venuste Nyombayire yibasiye bikomeye uwari umuyobozi mukuru wa SOS Gikongoro, Marc Yirirwahandi utari ushyigikiye umugambi wa Jenoside, akaba yari umurwanashyaka wa PSD itari igice cya Hutu power kugeza bamuteye gerenade iramukomeretsa bikabije tariki ya 8 Mata 1994, arahunga ava ku Gikongoro ajya iwabo i Butare ahahoze ari muri Komini Mbazi. Gerenade yayitewe na Nsengumuremyi Alphonse wari umukozi wa ELECTROGAZ ya

Gikongoro wabaye umwicanyi ruharwa, ku kagambane ka Nyombayire. Marc Yirirwahandi amaze guhunga, nibwo Venuste Nyombayire yihaye umwanya w'umuyobozi mukuru w'ikigo cya SOS, aboneraho kwica Venuste Nyombayire yinjiye mu gatsiko k'intagondwa yasanze ku Gikongoro zari mu nzego zitandukanye z'imirimo zakoreraga muri Perefegitura ya Gikongoro, biganjemo abakiga bakomoka Ruhengeri, Gisenyi na Byumba, batangira gahunda yo gutegura Jenoside. SOS Gikongoro yari ifite amazi menshi kandi magari, ari ahantu hiherereye, ku buryo bashakaga uburyo bazajya bayakoresha mu nama zitegura Jenoside no mu bindi bikorwa by'ubwicanyi.

Ako gatsiko kari kagizwe na:

- Perefe Bucyibaruta Laurent;
- suPerefe Froduald Havugimana;
- Colonel Simba Aloys;
- Burugumesitiri wa Nyamagabe Felicien Semakwavu;
- Ndereyehe Karoli Ntahontuye ukomoka mu Ruhengeri wayoboraga umushinga w'iterambere ry'ubuhinzi muri Gikongoro, PDAG, mbere yuko yimurirwa muri ISAR Rubona ari naho yakoreye Jenoside muri 1994 (ubu Ndereyehe aba mu Buholandi);
- Celestin Mutabaruka wayoboraga umushinga w'ubuhinzi n'ubworozi mu nkengero za Crete Zayire Nil, CZN, (aba mu Bwongereza);
- Capitaine Faustin Sebuhura wari umuyobozi wungirije wa jandarumori ku Gikongoro, ukomoka mu Ruhengeri (yarapfuye);
- Denis Kamodoka wayoboraga uruganda rw'icyayi rwa Mata ukomoka muri Komini Mutura ku Gisenyi;
- Juvenal Ndabarinze wayoboraga uruganda rw'icyayi rwa Mata ukomoka muri Komini Nkumba mu Ruhengeri;
- Semigabo Celse wari Porokireri wa Repuburika ku Gikongoro;
- Justin Ayurugari wayoboraga ELECTROGAZ ku Gikongoro ukomoka mu Ruhengeri;
- Fabien Uwimana wari ushinzwe iperereza;
- Innocent Tangishaka wari ushinzwe abinjira n'abasohoka(Immigration et Emmigration) ;
- Rurangwa Joseph wayoboraga ikigo cy'amahugurwa cya CPDFP;
- SuPerefe Damien Biniga wategekaga suPerefegitura ya Munini;
- SuPerefe Joseph Ntegeyintwali wategekaga Karaba;
- SuPerefe wa Kaduha, Joachin Hategekimana;
- David Karangwa wari gerefiye w'urukiko rwa Kanto ku Gikongoro, n'abandi.

Aka gatsiko niko kateguye uburyo Jenoside igomba gukorwa muri Perefegitura ya Gikongoro, Nyombayire akaba yarakinjiyemo ageze ku Gikongoro ahagana mu 1992.

**Iyicwa ry'abana b'impfubyi b'Abatutsi mu kigo cya SOS ku Gikongoro**

SOS Gikongoro yakorwagamo cyane n'abahutu kuko n'Abatutsi barimo bari bafite imyanya yo hasi. Mu ijoro ryo ku wa 7 rishyira uwa 8 Gicurasi 1994, Nyombayire Venuste yazanye igitero cy'Interahamwe muri SOS cyica abo bana gifatanyije na Kabarere Venantie wari umwarimu w'abo bana muri SOS Gikongoro. Ubu yahamijwe icyaha cya Jenoside n'inkiko Gacaca akaba afungiye muri gereza ya Nyamagabe. Venuste Nyombayire yafunguye icyumba aba bana bari barimo, aho bari babateranyirije, bahita babica. Hishwe abana bagera ku icumi (10).

Hari kandi abana bagera ku munani (8) bari baraturutse i Kigali muri SOS ya Kacyiru, bivugwa ko bari babahungishije imirwano, babazana muri SOS ya Gikongoro, nabo batoranyamo Abatutsi bicamo batandatu (6). Aba bana bari baratoranyijwe na Nyombayire abashyira ukwabo mu cyumba cy'amashuri cyihariye, ahagana ku itariki ya 6 Gicurasi 1994, bigaragara ko yari azi umugambi wo kubica igihe nikigera.

Kuri uwo mugoroba wo ku itariki 7 Gicurasi 1994, Nyombayire yatoranyije muri izo mpfubyi umwana w'umukobwa wari mu kigero cy'imyaka 12 amuha interahamwe yitwaga Ruzindana amuha uburenganzira bwo kumusambanya ku gahato ijoro ryose, akazamwica bukeye, ari nako byagenze. Mu buhamya bwatanzwe na Kabarere Venantie wagize uruhare mu iyicwa ry'aba bana bishwe, avuga ko amazina yibuka y'abishwe ari abitwaga Ernestine, Hélène na Janson. Abandi ntabibuka. Abana b'impfubyi z'Abatutsi biciwe muri SOS Gikongoro bari hagati ya 15 na 20.

**Iyicwa ry'abakozi ba SOS b'Abatutsi**

Muri iryo joro, abicanyi bamaze kwica abana bishe n'abakozi b'Abatutsi ba SOS Gikongoro bahereye ku bari bakoze ninjoro. Nibwo hishwe umuzamu witwa Nyirimirera, banatera urugo rwe bica umugore we n'abana be bane; banica umukozi wakoraga mu busitani witwaga Ntaganda Petero.  Mu gitero cyabishe harimo abitwa Ndiramiye Boniface, Mbigizembishaka Jean, Kanyamanza Damascène, Athanase, Marc n'abandi.

Abana n'abakozi b'Abatutsi bishwe n'igitero cy'Interahamwe zazanywe na Venuste Nyombayire zigizwe na : Munyangoga wari umuzamu muri ELECTROGAZ ku Gikongoro, Nsengumuremyi Alphonse nawe wakoraga muri ELECTROGAZ akaba n'umwe mu bayobozi b'Interahamwe ku Gikongoro, Kanyamanza Jean Damascene, Habarurema Fidèle, Kakira Ildefonse, Habineza alias Mapendu, Rusatsi Juvénal, Anastase alias Ruhabana, Gasana umuhungu wa Nyamwasa, Nyamuhene Vianney, Gasimba, François umuhungu wa Nyarugwe, Ndayisaba alias Kinonko, Nahayo Elisée, Ruberamanzi Innocent, Utazirubanda Emmanuel, Bishokankindi, Musabyimana alias Bisabo, Hashakimana, Mungwarareba.

Izo Nterahamwe Nyombayire yazivanye muri Centre y'Ubucuruzi ya Gatyazo, ziza ziyobowe na Munyangoga Félicien. Ku wa 16 Ukwakira 2009, Nyombayire Venuste yakatiwe adahari n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Gasaka igifungo cya burundu y'umwihariko.

**Ubutumwa bw'ubutabazi bwa Bernard Kouchner mu Rwanda mu kwezi kwa Gicurasi 1994**

Bernard Kouchner yakoreye urugendo mu Rwanda kuva tariki ya 12 kugeza kuya 16 Gicurasi 1994, aje kugerageza gusaba ko MINUAR yajyana impfubyi z'Abanyarwanda mu gihugu cy'Ubufaransa. Imishyikirano ibyerekeye yapfubye tariki ya 16 Gicurasi 1994 kubera ko Interahamwe zabyanze. Kouchner kuva icyo gihe yategereje indege yamucyura.

Bernard Kouchner yagiye i Gitarama aho yahuriye tariki ya 15 Gicurasi 1994 na Minisitiri w'Intebe Jean Kambanda na Perezida Tewodori Sindikubwabo. Kouchner yari yazanywe no gutabara impfubyi zikajyanwa mu Bufaransa kubera ko abo bana bashoboraga kwicwa igihe icyari cyo cyose. Leta y'abicanyi yakomeje kwakira ubufasha bwa gisirikare bw'Ubufaransa, ibishyigikiwemo n'abasirikare b'icyo gihugu, kandi byemejwe n'abayobozi b'Abafaransa, barangajwe imbere na Perezida Mitterrand.

## 2.32. KUWA 12 GICURASI 1994 : UBWICANYI BWAKOREWE KURI ADEPR NYABISINDU MURI MUHANGA (GITARAMA)

Kuva ubwicanyi bwatangira gukomera muri Komini ya Nyamabuye kuva tariki ya 23/04/1994, Abatutsi batangiye guhungira ku rusengero rwa ADEPR Nyabisindu, ruherereye mu murenge wa Nyamabuye, akarere ka Muhanga.

Kuri urwo rusengero, hahungiye Abatutsi ariko hari hakambitse n'impunzi bakunze kwita iza Kivuye na Nyacyonga zari zarahahungiye zituruka muri amwe mu makomini ya Perefegitura ya Byumba yaberegamo intambara, harimo Komini Kivuye, ari naho iryo zina ryitirirwaga impunzi rikomoka.

I Nyabisindu, impunzi zabaye nyinshi ku buryo zari zuzuye mu mashuri abanza y'iryo Torero. Abayobozi ba ADEPR bavanguye izo mpunzi bagendeye ku bwoko, Pasiteri Sagahutu n'undi mugore bicaye imbere y'urusengero, umwe ashinzwe kubarura Abahutu undi ashinzwe kubarura Abatutsi. Izo mpunzi z'Abahutu zavuye i Kivuye na Nyacyonga ndetse n'impunzi zindi zari zaraturutse i Kigali, bazijyanye ukwazo ahantu heza, ndetse zikareba nabi Abatutsi bahahungiye.

Muri izo mpunzi z'Abatutsi hari izaturutse mu bice bitandukanye bya Gitarama, hari n'izaturutse Kibilira. Impunzi z'Abahutu zari aho zagiraga uruhare mu kuzana ibitero byazaga kwica Abatutsi buhoro buhoro, kugeza ku munsi wa nyuma babarimbura bose. Hakozwe ibikorwa bibi byo gusambanya abagore n'abakobwa ku ngufu, ndetse bagahamagara abana bato ngo baze kureba uko ibyo bikorwa bigenda, bamwe muri abo bana bagahatirwa nabo gukora imibonano mpuzabitsina ku gahato.

Mbere y'uko Abatutsi bicirwa kuri ADPER, haje Perefe wa Gitarama Major Ukurikiyeyezu, Superefe Misago Rutegesha Antoine akaba yari na Visi Perezida wa mbere ku rwego rw'igihugu w'Ishyaka ry'intagondwa z'Abahutu ryitwaga CDR, bari kumwe na Pasteur wa ADEPR Nyandwi Enoki, bavuga ko izo mpunzi z'Abatutsi zigomba kujya ahitwa mu Misizi kuko niho bateganyaga kujya kuzicira kure y'umuhanda, hitaruye umujyi. Bashoreye izo mpunzi, abicanyi baziherekeje n'intwaro za gakondo ziganjemo amashoka, imodoka imwe ibajya imbere, indi inyuma bagenda kaburimbo yose berekeza mu mujyi wa Gitarama. Umuhanda wose bagendaga bicamo bamwe bakabajugunya mu miferege y'umuhanda itwara amazi y'imvura.

Impunzi zageze mu mujyi wa Gitarama ku isoko, zirivumbagatanya, zanga kujya mu Misizi, ahubwo zirwana zerekeza i Kabgayi ku ngufu. Bamwe bicirwa aho ariko abandi babasha kugera i Kabgayi. Izo nizo mpunzi za mbere zashyizwe ahitwa muri CND i Kabgayi. Kubera ko aho ngaho kuri CND naho hari ubuzima bubi ndetse n'ibitero bigenda biza kwica Abatutsi, impunzi zimwe zafashe icyemezo cyo gusubira kuri ADEPR i Nyabisindu zihishe.

Nibwo rero tariki ya 12/5/1994 haje Interahamwe zisize ingwa n'amarangi zambaye amashara, zifite intwaro, ibyuma, amashoka, imihoro, ubuhiri burimo

imisumari, zirara mu Batutsi bari aho zirabica. Kuri uwo munsi nko mu masaha ya saa munani haje abanyururu bajya kujugunya iyo mirambo mu myobo, bagendaga bayikurura hasi ndetse hari na benshi batashizemo umwuka, bamwe bagenda basaba imbabazi, abasenga, abataka,...

Mu kwica Abatutsi bari kuri ADEPR babanje gusiga abagore n'abakobwa, kugira ngo babanze babasambanye ku gahato. Muri ibyo bikorwa byo kubahohotera hakoreshejwe ibikoresho binyuranye byo kubababaza, birimo amacupa, ibiti basongoye ndetse n'imyanana y'insina.

Kuri ADEPR Nyabisindu hari urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rushyinguyemo abaguye aho kuri ADEPR babashije kuboneka bagera ku 121.

Mu bavugwa ko bagize uruhare mu bwicanyi bwakorewe muri ADEPR Nyabisindu twavuga:

- Perefe Major Jean Damascene Ukurikiyeyezu;
- Superefe Misago-Rutegesha Antoine;
- Pasitoro Nsanzurwimo Joseph, wari umuvugizi wa ADEPR ku rwego rw'igihugu (aba mu Bubiligi);
- Pasitoro Nyandwi Enock;
- Pasitiro Gatere Simon Pierre;
- Upfuyisoni Marie Goretti (aba baba mu Bubirigi);
- Pasitoro Sagahutu Jean wayoboraga Paruwasi Nyabisindu (aba muri Zambiya);
- Pasitoro Munyeboyi Amon (nawe aba muri Zambiya);
- Pasitoro Kagurano Gerald;
- Pasitoro Gakwerere Cyprien (aba baba i Bugande);
- Pasitoro Utazirubanda Leon (aba muri Tanzania);
- Pasitoro Nkubito Noel;
- Nzigira wari umukozi wa Perefegitura ya Gitarama;
- Andre bitaga Ruhurwinda;
- Konseye Niyirema Theodomire;
- Rwajekare, Tito n'abandi.

## 2.33. KUWA 13 GICURASI 1994: UBWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU BISESERO (KIBUYE)

**Bisesero yabaye ubuhungiro bw'Abatutsi bicwaga**

Imisozi ya Bisesero iri mu cyahoze ari Perefegitura ya Kibuye, yahurirwagaho na Komini ebyiri ari zo Gisovu na Gishyita, ikaba yariho ishyamba ryinshi ry'inzitane. Munsi y'imisozi hari hatuye abantu ndetse hari n'inzuri. Ubu Bisesero ikora ku Mirenge ine yo mu Karere ka Karongi ari yo Mubuga, Gishyita, Rwankuba na Twumba.

Mu Bisesero ni agace kari gatuwemo n'Abatutsi benshi bivugwa ko bageraga ku 60.000, mu gihe cya Jenoside hakaba harabaye amateka yo kwirwanaho kw'Abatutsi mu buryo bukomeye ku buryo bagejeje mu kwezi kwa Gicurasi 1994 abicanyi batarabasha kubameneramo. Mu Bisesero hahungiye kandi hanicirwa Abatutsi benshi mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Abatutsi benshi bahahungiye kubera ko hari hatuye Abatutsi benshi kandi mu myaka ya 1959-1963 na nyuma yaho bashoboye kwirwanaho mu bwicanyi bwakorerwaga Abatutsi.

Hahungiye Abatutsi bavuye mu duce dutandukanye mu makomini yari agize Perefegitura za Kibuye, Mabanza, Rutsiro, Rwamatamu, Gisovu, Gishyita, Gitesi na Muko ya Gikongoro. Bari bizeye ko nibishyira hamwe bazarwanya ibitero byabagabwagaho bakabitsinda ku buryo ndetse bagejeje mu kwezi kwa Gicurasi 1994 nta nzu n'imwe abicanyi baratwika nta n'inka bararya.

Ku itariki ya 7/4/1994 inkuru imaze kumenyekana ko Habyarimana yapfuye, mu duce tumwe twa Kibuye ndetse na Gikongoro Abatutsi baho batangiye kwicwa bahungira mu Bisesero. Ntibyatinze, Abasesero nabo byabaye ngombwa ko bava mu nzu zabo bahungira mu misozi ya Muyira na Gitwe. Abandi batutsi bahahungiraga ni ababaga bacitse ku icumu mu bindi bice baturutse za Mubuga kuri Kiliziya, Rwamatamu, Gitwa, Mu Mujyi wa Kibuye, Rutsiro, Kayove n'ahandi.

**Abatutsi bahungiye mu Bisesero birwanyeho**

Bahabaye igihe kinini bahangana n'ibitero by'abicanyi bakabitsimbura ndetse bakicamo abicanyi benshi bakanabambura imbunda n'ubwo batari bazi kuzikoresha ngo zibe zabafasha kwirwanaho. Amateka yabo mu butwari bwo

kwirwanaho yarakomeje igihe kinini, barwana n'abicanyi bafite intwaro zitandukanye zirimo imbunda bo bakoresha inkoni, amabuye, amacumu n'imiheto.

Abatutsi baturukaga mu Gisovu na Rwankuba (Igice cya Bisesero cya ruguru) barwaniraga ku musozi wa Muyira abandi bagateranira ku musozi wa Gitwa (Igice cyo hepfo) bakaba ariho barwaniraga n'ibitero by'abicanyi. Uburyo bakoreshaga bwari ukwiroha mu bitero by'abicanyi bakarwana nabo n'ubwo bagira abicwamo muri bo ariko nabo bakagira abo bica muri abo bicanyi kandi kenshi barabaneshaga abicanyi bagacika intege bagahunga cyane cyane ko babaga bambuwe n'intwaro zabo.

Ibitero by'Interahamwe bigitangira ku itariki 07 Mata 1994, Abatutsi bo mu Bisesero bishyize hamwe bakamenya aho ibitero byaturukaga bakajya kubihagarika bakabibuza kwinjira mu Bisesero. Mu gitondo, iyo abicanyi bazaga, Abatutsi babaga bari mu mpinga z'imisozi bakabatera amabuye yamara gushira bakamanukira rimwe bose uruvunge babasanga kugira ngo batica abagore n'abana cyangwa bakabarira inka noneho bakarwana n'abicanyi kugeza babarushije imbaraga bagahunga. Abatutsi babaga bagiye kurushwa imbaraga n'Interahamwe basangaga bagenzi babo ku yindi misozi bakungikanya imbaraga kugira ngo barebe ko bazitsinda.

Ibitero byaturukaga ahantu hatandukanye: muri Komini Gisovu, Rwamatamu bikazamuka kuri Ngoma, muri Komini Mubuga, ibindi bigaturuka muri Komine Gishyita. N'ubwo ibitero byababaga biturutse muri ibi bice, abicanyi babigize bo babaga baturutse mu makomini yose agize Perefegitura ya Kibuye ndetse n'amwe mu makomini ya Gikongoro. Abatutsi barwanaga bari bayobowe na Birara Aminadabu, umuhungu we Nzigira, Segikware, Habiyambere, Paul Bitega aba bakaba bareje kwicwa. Hari kandi abashoboye kurokoka barimo Karamaga Simeon, Aron Gakoko na Vincent Munyaneza.

Kubera iminsi yari ishize Abatutsi bo mu Bisesero bahanganye n'Interahamwe zarananiwe kubica kugeza mu mpera z'ukwezi kwa kane kose, abayobozi barimo uwari Perefe wa Kibuye Kayishema Clement n'abandi, bandikiye ibaruwa uwari Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu witwaga Eduard Karemera wanavukaga ku Kibuye bamusaba ubufasha ngo bwo kwirukana Inkotanyi zari mu Bisesero (icyo gihe Abatutsi babise Inkotanyi ngo zinjiye mu Bisesero zirirwa zihungabanya umutekano w'Abaturage), nawe abemerera ko ubwo bufasha agiye kubushaka maze nawe abisaba uwari umukuru w'Ingabo muri Gisenyi na Kibuye Colonel Anatole Nsengiyumva barabitegura.

Kuva ku itariki ya 01/05/1994 kugeza ku ya 12/05/1994, nta bitero byongeye gusubira mu Bisesero, Abatutsi batangira kugira ngo hari agahenge, bamwe batangira gusubira mu mirimo isanzwe nk'ubuhinzi, ubworozi n'iyindi, naho abicanyi bari bagiye gutegura ibitero simusiga. Mu byumweru 2 abicanyi babimaze bategura uko bazarimbura Abatutsi bari bahungiye mu Bisesero.

**Ibitero simusiga byagabwe mu Bisesero tariki ya 13/5/1994**

Kuwa gatanu tariki ya 13/05/1994 ni yo yabaye itariki ya mbere y'ibitero simusiga byaje mu Bisesero bigizwe n'abasirikare, interahamwe zivuye mu bice bitandukanye n'abicanyi babimenyereye bavuye mu Bugarama muri Cyangugu, Gisenyi, Ruhengeri na Gikongoro. Abayobozi b'abicanyi bose bari bafite imbunda barimo Eliezer Niyitegeka, wari minisitiri, Clement Kayishema wari Perefe wa Kibuye, Alfred Musema wayoboraga uruganda rw'icyayi rwa Gisovu, Obed Ruzindana wari umucuruzi ukomeye, na murumuna we Joseph Mpambara, Charles Sikubwabo wari Burugumesitiri wa Komini Gishyita, Aloys Ndimbati wari Burugumesitiri wa Komini Gisovu, Ntakirutimana Gerard wayoboraga ibitaro bya Mugonero, John Yusuf Munyakazi wari umuyobozi w'interahamwe mu Bugarama muri Cyangugu n'abandi. Aba bose bari baramenyereye kuyobora ibitero byamaze Abatutsi ahantu hatandukanye muri Kibuye na Cyangugu.

Kuri iyi tariki ya 13/5/1994 mu masaha ya saa tatu za mugitondo nibwo ubwicanyi bwatangiye bugeza mu masaha ya saa kumi z'umugoroba. Haje amabisi (bus) ya ONATRACOM, za cammionnettes z'Abatutsi bari bishwe zasahuwe n'abicanyi, amakamyo ya COLAS yakoreshwaga mu kubaka umuhanda wa Kibuye-Gitarama n'izindi modoka ntoya harimo abayobozi, abasirikare, interahamwe nyinshi batangira kwica Abatutsi bo mu Bisesero aho bari bahungiye ku misozi ya Muyira na Gitwe, bari baramaze kunanirwa bikubitiraho n'uko ibitero byari bifite ingufu nyinshi ku buryo batashoboraga guhangana n'intwaro zikomeye byari byitwaje.

Abicanyi bagabye gitero ku Batutsi, bavuza induru ngo « Tubatsembatsembe ».
Barashe Abatutsi, babateramo za gerenade n'abandi bicanyi bakoresha intwaro gakondo, imirambo myinshi y'abana, abagore, abasaza yuzura aho. Iki gitero cyaciye intege cyane Abasesero kandi kibicamo benshi, bivugwa ko uwo munsi hihwe Abatutsi barenga 30.000. Uwo munsi ubwicanyi bwahagaze ahagana mu masa kumi n'imwe n'igice, abicanyi bahurira ahitwa ku « Cyapa » hagati ya Komini Gishyita na Gisovu, bategura uko ubwicanyi bwagombaga gukomeza mu gitondo.

Aho ku cyapa, Eliezer Niyitegeka yafashe umwana w'umukobwa, amukuramo imyenda amufata ku ngufu imbere y'abandi bicanyi, ahita amujugunyira interahamwe ziramutema.

Abicanyi bongeye kugaruka ku itariki ya 14/05/1994 nabwo barica hasigara Abatutsi batarenga ibihumbi icumi. Ababashije kurokoka ubwo bwicanyi batangiye kubaho bihishahisha mu bihuru ndetse no kwiririwa birukanka mu misozi bahunga interahamwe zibarasa umugenda, abakomeretse abicanyi bakaza kubahiga n'imbwa.

Abenshi mu bari ku isonga ry'ubwicanyi bwabereye mu Bisesero no mu bindi bice bimwe na bimwe bya Kibuye bahamijwe icyaha cya Jenoside, abandi baracyashakishwa:

- Karemera Edouard yakatiwe burundu n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda; Yapfiriye muri gereza
- Eliezer Niyitegeka, yakatiwe burundu n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda; Yaguye muri gereza;
- Ntakirutimana Elizaphan, yahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, akatirwa igifungo cy'imyaka 10;
- Colonel Nsengiyuma Anatole, yahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda akatirwa igifungo cy'imyaka 15;
- Ntakirutimana Gerard, yahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, akatirwa igifungo cy'imyaka 25;
- Muhimana Mika, yahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, akatirwa igifungo cya burundu;
- Joseph Mpambara, yahamijwe icyaha cya Jenoside n'inkiko z'Ubuholandi akatirwa igifungo cya burundu;
- Clement Kayishema, yahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, akatirwa igifungo cya burundu;
- Musema, yahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, akatirwa igifungo cya burundu;
- Obed Ruzindana yahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, akatirwa igifungo cy'imyaka 25;
- Furere Abel, wari Burugumesitiri wa Komini Rwamatamu, arafunze;

- Munyakazi John Yusuf yahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, akatirwa igifungo cy'imyaka 25;
- Ndimbati Aloys, wari burugumesitiri wa Gisovu, yatorotse ubutabera ashakishwa n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda;
- Sikubwabo Charles, wari burugumesitiri wa Gishyita, yatorotse ubutabera ashakishwa n'Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda.

Abicanyi bahunze ubutabera bagize uruhare muri genocide yakorerwe Abatutsi mu Bisesero:

- Nyakana Habimana Joseph wari conseiller wa Segiteri Twumba akekwa kuba Congo;
- Nzihonga Elysée yari umwarimu mu murenge wa Gitabura akekwa mu mashyamba ya Kongo;
- Musabyimana Pierre ex FAR wo muri Segiteri Gisovu akekwa kuba ari mu mashyamba ya Kongo;
- Ndamage wari Secretaire wa Komini Gisovu,yarahunze ntiyagaruka;
- Kayigema Alexis wari Umuyobozi was IGA ya Gisovu, aba mu Bufaransa;
- Kamili mwene Mpamira wari umucuruzi ku Mubuga, yahungiye i Bugande;
- Twagirayezu Jean Baptiste, yakatiwe na Gacaca ubu ari hanze ;
- Ngerageze Dan, yari assistant bourgmestre wa Komini Gishyita;
- Bugingo Joseph yigeze kuba burugumesitiri wa Komini Gisovu
- Padiri Hitayezu Marcel wabaga kuri Paruwasi Gaturika ya Mubuga ;
- Mugambira Aphrodice wari umucuruzi ;
- Bizimungu ex-FAR;
- Karibana Uziah yari assistant bourgmestre wa Komini Gishyita ; yahungiye hanze y'u Rwanda ;
- Muhirwa Uzziel yari Konseye wa Segiteri Musenyi n'abandi.

## 2.34. ABATUTSI BAKOMEJE KWICWA I MUSAMBIRA NO MU BYIMANA KANDI AMAHANGA AKOMEZA KWANGA GUTABARA ABATUTSI BICWAGA MURI JENOSIDE

**Ubwicanyi bwakorewe muri Segiteri za Tumba na Cyarwa mu gihe abicanyi babeshyaga ko batanze ihumure**

Ku itariki ya 10 kugeza ku ya 18 z'ukwezi kwa Gicurasi 1994, mu cyahoze ari Segiteri ya Cyarwa n'iya Tumba, abari bayoboye ubwicanyi batangaje ihumure ko nta mukobwa cyangwa umugore uzongera kwicwa ku musozi ko ahubwo bava mu bwihisho bakajya mu matongo yabo bakabarindira umutekano.

Umugabo witwaga Ryaragoye Joseph yafashe indangururamajwi azenguruka Cyarwa yose, ashishikariza Abatutsi (abagore n'abakobwa) kuva mu bwihisho ko ihumure ryatanzwe na Leta. Bwari uburyo bwo kugira ngo babamenye kandi babegeranye. Ryaragoye Joseph yarakatiwe arangiza igihano ubu atuye mu Karere ka Muhanga yavuye aho avuka. Benshi bavuye mu bwihisho icyo gihe bajya mu matongo yabo hose muri izo Segiteri zombi. Mu muryango w'abaturagara kwa Bizimana Ferederiko abari barokotse bajya mu itongo nk'abandi. Babishe buri munsi mu gihe cy'iminsi nk'itanu, bazaga kureba ko ntawavuyemo ngo acike, bakababara. Uwajyaga kubareba buri gitondo ni uwitwa Minani Theoneste. Ku itariki ya 14/05/1994 mu rukerera nibwo hishwe Mukacyaka Xaverine, n'abana b'abakobwa yari asigaranye abasore barabamumazeho ari bo Uwiragiye Gaudiose (Jolie), Kankindi Symphrose, Musabwasoni na Nyiramirimo Suzanne wari ushaje, Nyirahabimana Therese n'abana be babiri Gratia Mukantwari na Kayisire, Nyirabukangaga Yolanda. Babakuye mu rugo aho bari mu matongo babaroha mu cyobo ku rugo rw'umuturanyi babeshywe ihumure ngo nta mugore cyangwa umukobwa uzongera kwicwa. Babicishije za nta mpongano y'umwanzi, amacumu n'izindi ntwaro gakondo byinshi byari muri icyo cyobo mu gihe imibiri yabo yakurwagamo ngo ishyingurwe mu cyubahiro.

Abandi bishwe muri icyo bise ihumure bari mu bwihisho muri Segiteri ya Cyarwa ahantu hatandukaye ni Twagirumukiza Evariste, umugore wa Gasana witwaga Victoria, Mukankusi, Kagongo, Nyirakambigashya Marie, Nyirakabego Madeleine, Kabalisa, Benempinga Saverina, Gagali wa Burara Martin, abana batatu ba Niyirora Vincent, Kanimba Ignace, umugore wa Mitobotobo witwaga Francine n'abana be babiri n'abandi.

Uwitwa Nyambere Jean Bosco yumvise bishwe yari yarihishe yumva ntaho asigaye na we yicirwa i Tumba. Abagize uruhare mu kubica ni Minani Theoneste na Ruzagiriza Thelesphore bari abaturanyi babo, ubu bakatiwe n’Inkiko Gacaca barangiza ibihano ubu barafunguwe. Abandi ni Sehene Patrice watorotse ubutabera ubu ari i Burundi.

Ku musozi wose kuri iyo tariki hishwe abagore n'abakobwa benshi bakajugunywa mu byobo rusange bitewe n’aho babiciye cyangwa bakabashyira mu myobo yari mu ngo zitandukanye. Hari n’abagabo bagiye bavumbura muri aya matariki bakabica nk’umusore wari umwarimu witwaga Mugemana Jean Nepomuscene wiciwe ku Kakarehe.

Cyarwa yari ituwe n'abarundi benshi bishe abatutsi ariko baratoroka bigira iwabo. Ihumure ni kimwe mu byakoreshejwe bakukumba Abatutsi bari basigaye, iyo batazana icyo kinyoma hari kurokoka benshi kuko ahenshi bari basumbirijwe n'Inkotanyi zarwanaga zinarokora Abatutsi zisanze.

**Abatutsi biciwe ku kigo nderabuzima cya Musambira, no kuri Paruwasi ya Musambira, Kamonyi**

Muri Komini Musambira ubwicanyi bukomeye bwaherukaga kuba ku matariki ya 18 kugeza 20 Mata 2020.

Ku itariki 14/05/1994, nibwo ubwicanyi bwongeye gukaza umurego. Bamwe mu bari barokotse ubwicanyi bwaberaga hirya no hino muri iyo Komini, bahungiye kuri Centre de Sante ya Musambira no ku biro bya Komini Musambira byegeranye. Kugira ngo bongere bahuze Abatutsi, ubutegetsi bwababwiraga ko bajya aho kuri Komini no ku Kigo nderabuzima, kugira ngo bazahabarindire ndetse banabubakire amacumbi kuko amazu yabo yari yarasenywe.

Ku tariki ya 14/5/1994, haje igitero kigota Ikigo nderabuzima, uwo munsi bica igitsina gabo cyose abagore barabareka. Imirambo yabaye myinshi igera aharemeraga isoko ry’ihene n’iry’inka, barangije bategeka abagore b’Abatutsikazi guterura ya mirambo, kandi imyinshi yari iy’abagabo babo. Abagore banze kuyiterura, abicanyi batangira kubakubita bituma batangira gukurura ya mirambo bayijyana mu byobo byashyirwagamo imyanda y’ibagiro ndetse no mu byobo Ikigo nderabuzima cyashyiragamo imyanda.

Bucyeye ku itariki 15/5/1994, abicanyi bazanye igitero cy’abana, ngo bajye kwica abana b’Abatutsi, kuko ku itariki ya 14/5/1994 hari hishwe abasore n’abagabo

gusa, abana n’abagore barabasiga. Abo bana baje bitwaje imihoro, impiri, ariko bahagarikiwe n’abantu bakuru. Kuri iyo tariki abana bose bishwe n’abandi bana bagenzi babo, na none hasigara abagore n’utwana bahetse n’inshuke.

Ku itariki ya 16/05/1994, igitero cyaje gutwara ba bagore bari ku Kigo nderabuzima kibashyikiriza abandi bicanyi bari kuri bariyeri y’ahitwa mu Cyakabiri, abo bicanyi nabo baberekeza ahitwa mu Kagarama hagana ahitwa i Nyarubaka.

Bahasanze ikindi gitero, bahicira abagore benshi, bicishijwe amabuye, babahamba babona n’ibindi bibi.
Ubwicanyi bwarakomeje muri ako gace, no mu minsi yakurikiyeho.

Ku itariki 18/05/1995, Abatutsi bari barahungiye kuri Paruwasi ya Musambira ya Mutagatifu Kizito, barishwe. Abari barahahungiye ni Abatutsi baturutse imihanda yose harimo abari basanzwe batuye muri komine Musambira no muri komine zari zituranye na Musambira, hiyongeraho abari baturutse Runda na Kigali berekezaga i Kabgayi. Bicishijwe intwaro zitadukanye zirimo imbunda n’intwaro gakondo. Nyuma ya jenoside imva bari bashyinguyemo yimuriwe mu rwibutso rwa Kibuza.
Ab’ingenzi bayoboye ubwicanyi bwa Musambira ni :

- Nyandwi Charles Burugumesitiri wa Musambira ;
- Karane Dominique wahoze ari burugumesitiri wa Musambira ;
- Iyakaremye Abudrahamani ;
- Sekaziga ;
- Rukundakuvuga Evariste ;
- Ryumugabe Alphonse ;
- Karambizi (wari konseye) ;
- Muhozi Jafari ;
- Harerimana Yozefu alias NturO;
- Frodouard wari umupolisi;
- Landuwaridi, Vianney hamwe n’izindi nterahamwe n’abaturage b’abahutu.

**Abatutsi biciwe i Nyarubaka ku Gitega, Kamonyi**

Tariki ya 16/05/1994, abagore bari bakuwe ku Kigo nderabuzima cya Musambira, bamaze kwicirwa abagabo n’abana, bo barabashoreye, bari kumwe n’utwana bahetse n’uducutse, babageza ahitwa mu Gitega mu Murenge wa Nyarubaka ariko icyo gihe hari muri Komine Musambira. Babagejeje aho ngaho bavuga ko nta mwana w’umuhungu ugomba kurenga aho ngaho. Kubera ko abana b’abahungu bahigwaga cyane, ababyeyi bamwe bari bagerageje kubambika udukanzu.

Muri icyo gitero cy'aho mu Gitega, hari umugore witwaga Mukangango Laurence niwe wakoraga akazi ko kureba niba akana ari agahungu cyangwa agakobwa. Utwana tw'uduhungu twose badushyize mu cyobo tubona, hanyuma bategeka ba nyina gushyiraho itaka. Abagore bamwe barabyanze batangira gukubitwa, abanze babiciye aho, abandi bemera gushyiraho itaka. Amakuru avuga ko abo bana bapfuye nabi, bamwe bavuga ko babatokoza, abandi basaba imbabazi ngo ntibazongera kuba Abatutsi, ndetse uko bashyiragaho itaka bamwe barwanaga no kuzamuka ngo bave muri icyo cyobo ariko bikaba iby'ubusa. Abana bose bahiciwe ni 78.

Kuva aho hantu werekeza ku Murenge wa Nyarubaka abagore n'abakobwa bahaguye ni benshi kuko bakomeje kubashorera babica, babashinyagurira kugera bageze ahitwa i Musumba noneho bagakubitwa bikomeye cyane.

Aho i Musumba bahakubitirwaga iruhande rwabo uwari Burugumesitiri wa Komine Nyamabuye Ruzigana Emmanuel yaje kuhakoreshereza inama. Bake babashije gusigara bageze i Kabgayi, abandi bakomeza kuzerera mu mashyamba kugeza Jenoside irangiye.

**Abatutsi biciwe mu Ishuri ry'Ubuhanga (Ecole des Sciences) mu Byimana**

Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, Abatutsi 105 biciwe mu isambu y'ikigo cy'amashuri yisumbuye cya Byimana mu ishyamba. Ikigo giherereye mu cyahoze ari Perefegitura ya Gitarama, Komini Mukingi, Segiteri ya Muhororo muri Serire ya Kigarama ubu ni mu Karere ka Ruhango, Umurenge wa Byimana, Akagali ka Bukomero mu Mudugudu wa Muhororo. Cyari ikigo gicungwa n'abafurere Maristes kugeza n'ubu nibo bagicunga.

Hiciwe Abatutsi benshi by'umwihariko bakuwe i Kabgayi aho bari barahungiye barimo n'Abafurere Maristes b'Abatutsi babaga mu kigo cy'abafurere mu Byimana, bahungiye i Kabgayi kuwa 24/04/1994 nyuma yo kwirukanwa mu kigo na bagenzi babo bakajyanwayo n'uwitwa Uwamungu Jean Bosco wari ukuriye ikigo.

Ku itariki ya 29/4/1994 babanje kwica umwarimu witwaga Nteziyaremye Migabo Lazare bamukura mu kigo bajya kumwicira mu gasantere ka Byimana aho yari atuye.

Nyuma yaho, ku itariki 13/05/1994, hishwe gusa abarimu b'Abatutsi bigishaga mu kigo cy'ishuri cya Byimana barimo Rubayiza Etienne wiciwe mu kigo aho yari yihishe, Gasana Balthazar na Nyirakazungu Gloriose bari batuye hanze y'ikigo mu nzu y'abafurere bishwe barashwe n'abasirikare bari mu kigo. Gasana yicanwe n'umwana we w'umuhungu witwaga Niragire Prudence. Muri iki kigo habaga abagore b'abasirikare bo mu Kigo cya Gako bari barahunze Bugesera imazwe gufatwa bari kumwe n'abasirikare ba Ex-FAR bagiye bakomerekera ku rugamba. Ni bamwe mu bagize uruhare muri uwbo bwicanyi.

Ku wa 24/5/1994 nibwo abasirikare bakuye Abafurere bo mu Byimana i Kabgayi aho bari barahungiye barimo Gatari Gaspard wari ushinzwe amasomo mu kigo cya Byimana (préfet des études), Nyirinkindi Canisius na Bisengimana Fabien bari abafurere Maristes baza kubicira mu Byimana. Hari abandi bakoreraga i Kabgayi barimo Furere Munyanshongore Martin akaba yari umukuru w'abafurere Josephites mu Rwanda wari ufite icyicaro i Kabgayi. Hazanywe kandi Padiri Niyonshuti Celestin wigeze gukorera ubutumwa muri Paruwasi Gatulika ya Byimana n'umubikira witwa Mama Benigne wo mu muryango w'Abenebikira wari ushinzwe ikigo cyo guteza imbere imirire myiza cya Diyosezi ya Kabgayi nabo biciwe mu Byimana.

Muri rusange i Kabgayi hakuwe abafurere, abihaye Imana n'abandi batutsi bari barahahungiye by'umwihariko abari basanzwe bazwi, barimo Kalinda Viateur wari umunyamakuru w'imikino kuri Radio Rwanda n'abandi.

Mbere yo kubagarura kwicirwa mu Byimana, abafurere bagenzi babo bo mu Byimana babanje kujya babagemurira ibiryo i Kabgayi. Ibyo byatumaga bamenya abahahungiye no gukurikirana amakuru yabo kugeza ubwo basabye ko bicirwa mu Byimana.
Bamaze kuhabageza bicishijwe imbunda bakaba barishwe n'abasirikare bari baraje mu kigo cy'abafurere nyuma yo kurasirwa ku rugamba. Muri bo harimo Lt Monique n'umusirikare witwa Nzayisenga wavukaga mu Byimana.

Bamwe mu bandi bagize uruhare mu kubica harimo :
Ntamugabumwe Emmanuel, Nduwamungu Emmanuel na Kibihira aba bose bahamijwe ibyaha bya Jenoside mu Nkiko Gacaca. Abandi bari ku isonga mu gutegura ubwo bwicanyi barimo Padiri Mukuru wa Paruwasi Gatolika ya Byimana witwa Ndagijimana Joseph yakatiwe igifungo cya burundu n'inkiko zisanzwe ubu afungiye muri gereza ya Nyanza i Mpanga, Furere Nkusi François ukomoka mu Cyanika mu Karere ka Nyamagabe wabaga mu kigo cy'abafurere Maristes mu Byimana, yakatiwe n'urukiko Gacaca rwa Segiteri ya Muhororo imyaka 25 ubu afungiye muri gereza ya Nyanza.

Undi ni Furere Uwamungu Bosco wabaga mu Byimana, yaje kuba Padiri nyuma ya Jenoside ; ubu atuye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA), yakatiwe adahari igifungo cy'imyaka 30 n'urukiko Gacaca rwa Segiteri ya Muhororo. Rugamba François watwaraga imodoka y'ikigo cya Byimana, yakatiwe igifungo cy'imyaka 30 n'inkiko zisanzwe ubu afungiye muri gereza ya Nyanza. Ntiyamira Alexis wari Perezida wa MDR muri Komini Mukingi akaba yari n'umwarimu muri Groupe Scolaire Shyogwe, ntabwo yakatiwe yahungiye muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo.

**Radiyo mpuzamahanga y'Ubufaransa RFI, yavuganye n'umuyobozi w'Interahamwe wahakanye ubwicanyi**

Radiyo mpuzamahanga y'Ubufaransa yo, RFI, ikoresheje umunyamakuru wayo wari mu Rwanda, Jean Helene, akorera mu gice cy'abicanyi, yakomeje guhitisha amakuru sabashyigikira kandi abaha ijambo kuri RFI. Kuri iyi tariki 15 gicurasi 1994, RFI yahaye ijambo umukuru w'Interahamwe, Robert Kajuga, ahakana ubwicanyi bwose bwakorwaga na Guverinoma ya Kambanda, ingabo zayo n'Interahamwe/Impuzamugambi, yamamaza ko abo bica ari Inkotanyi n'ibyitso byazo, ko atari abasivile.

## 2.35. KUWA 20 GICURASI 1994: UBWICANYI BWAKOREWE ABAPASITORO B'ABATUTSI BO MU ITORERO RY'ABADIVANTISITI B'UMUNSI WA KARINDWI I GITWE

**Ubwicanyi bwakorewe abapasitoro b'abatutsi bo mu itorero ry'abadivantisiti b'umunsi wa karindwi i gitwe**

Ahitwa ku Gitovu hiciwe abapasitori b'abadivantisiti hamwe n'imiryango yabo bose hamwe bagera kuri 74 ku italiki ya 20 Gicurasi 1994. Ku Gitovu ni mu cyahoze ari Perefegitura ya Gitarama, Komini Murama muri Segiteri ya Nkomero, ubu ni mu Karere ka Nyanza, Umurenge wa Mukingo mu Kagali ka Nkomero.

Abapasitori b'Abatutsi bo mu itorero ry'Abadventisiti hamwe n'imiryango yabo bahungiye i Gitwe kubera ko hari icyicaro gikuru cy'itorero icyo bita "Field" bakaba bari bizeye kurindwa no kuharokokera. Bamwe muri bo bahakoreraga umurimo wabo w'ubupasitori bakaba bari bizeye kutazahemukirwa na bagenzi babo b'Abapasitori b'Abahutu bakoranye umurimo w'Imana. Ikindi bumvaga n'abicanyi batazatinyuka kubicira ku cyicaro cy'itorero. Abandi baturutse muri Komini Masango, Komini Tambwe mu Ruhango, Komini Ntongwe, i Nyanza n'ahandi.

Aba mbere bahageze ku italiki ya 18 Mata 1994 ariko n'abandi bakomeje guhungirayo. Baje kwicwa kuwa 20/05/1994 bivuze ko bahamaze ukwezi kose. Bahurijwe mu nzu y'Itorero bose hamwe. Mu gihe bahahungiye hemerewe kwinjira gusa abapasitori n'imiryango yabo n'abarimu b'Itorero bakeya abandi bashubijwe inyuma barimo uwitwa Kajeguhakwa Ezira wari utuye ku Buhanda kandi nawe yari umuyoboke w'itorero ryabo.

Bahabaye mu buzima bugoye cyane. Itorero bari bahungiyeho ryabahaga ibiryo bikeya cyane ugereranyije n'umubare wabo. Abaturage cyangwa abakristo basanzwe ntibigeze babagemurira ahubwo hari igihe bagemurirwaga mu ijoro n'abatutsi bari barihishe muri ibyo bice.

Kuwa 19/5/1994, habura umunsi umwe ngo bicwe, hakozwe inama y'abapasitori b'abahutu bari baturutse mu bice bitandukanye by'Igihugu. Inama yabereye ku cyicaro cy'itorero i Gitwe ikaba yari yitabiriwe n'umubitsi w'itorero witwa Mpayamaguru Salomon.

Ku itariki ya 20/5/1994 bagiye kubicira mu Nkomero ahitwa ku Gitovu mu rwego rwo kwirinda ikimwaro cyo kubicira ku cyicaro cy'itorero. Mbere yo kubajyana kubicira ku Gitovu, babanje kwica Pasitori Nzamwita Asiyeri wari utuye hafi y'inzu y'itorero bari bahungiyemo ndetse we yagumye iwe mu rugo n'umuryango we. Yarashwe n'umwe mu bajandarume bari bavuye i Nyanza bagamije gutanga urugero ko n'abandi bagombaga kwicwa.

Bajya kubica, babatwaye mu modoka y'ishuri ry'ababyeyi b'i Gitwe ryitwaga ESAPAG (Ecole Secondaire de l'Association des Parents Adventistes de Gitwe). Bakoresheje kandi imodoka yo mu bwoko bwa Hilux ya Buzizi Gratien wari umucuruzi akaba yari atuye mu Nkomero. Iyindi modoka yari iya Rugerinyange Amon wari umupasitori w'umututsi wayoboraga itorero ku cyicaro gikuru i Gitwe akaba yari yarahungiye mu Ruhango. Bajya kwicwa bagiye baririmba indirimbo yitwa "Tujya i Siyoni". Batwawe na Burugumesitiri wa Komini Murama witwaga Rutiganda Jean Damascene wari kumwe n'abajandarume bari bavuye i Nyanza ndetse uwo munsi bagiye i Gitwe bavuye kwica abagore n'abana ahitwa kuri Douane muri Komini Murama.

Bageze mu Nkomero bahasanze abaturage b'abahutu benshi bari bateguwe ndetse bari bafite intwaro gakondo zo kubica babicira munsi y'umusozi wa Gitovu hari ahantu hiherereye. Bicishijwe gusa intwaro gakondo zirimo amahiri, amashoka, imihoro n'ibindi. Abaturage bamwe baricaga abandi bagataba imirambo mu miringoti. Bishwe Burugumesitiri ahibereye ari kumwe n'abajandarume bari babagose.

Bamwe mu bagize uruhare rwo kubica barimo Rutiganda Jean Damascene wari Burugumesitiri wa Komini Murama yakatiwe igifungo cya burundu ariko yarahunze, Ugirashebuja Eraste yari Pasitori i Gitwe yakatiwe igifungo cy'imyaka 19 ariko nawe yarahunze. Mpayamaguru Salomon yari umubitsi (tresorier) w'itorero, yakatiwe igifungo cy'imyaka 19 ubu atuye muri Philippines, Mugenzi Charles wari umushoferi w'ikigo cy'ishuri cya ESAPAG (Ecole Secondaire de l'Association des Parents Adventistes de Gitwe) nawe yarahunze. Hari kandi abajandarume bari bavuye i Nyanza n'interahamwe.

I Gitwe hari Urwibutso rwa Jenoside rushyinguyemo imibiri y'abapasitori bishwe hamwe n'imiryango yabo.

**Ubwicanyi bwakorewe abagore n'abana b'Abatutsi ahitwa kuri Douane mu Karere ka Ruhango**

Ahitwa kuri Douane ku italiki ya 20 Gicurasi 1994, hiciwe abagore n'abana bagera kuri 476. Abagabo babo benshi hamwe n'abana b'abahungu bari barishwe mbere. Ni mu cyahoze ari Perefegitura ya Gitarama, Komini ya Murama, Segiteri ya Bweramana muri Serire ya Rwavuningoma ubu ni mu Karere ka Ruhango, Umurenge wa Bweramana, Akagali ka Murama mu Mudugudu wa Gasharu.

Abatutsi bahungiye kuri Douane bari baturutse muri Segiteri zitandukanye za Komini Murama cyane cyane muri Segiteri ya Bweramana. Abandi baturutse muri Komini Masango na Komini Kigoma byo muri Perefegitura ya Gitarama. Bamwe muri bo bari bavuye aho bari barahungiye mu rusengero rw'abadventiste rwa Nyabitare muri Komini Murama ariko bari batangiye kubagabaho ibitero. Bahahungiye kubera kubura ahandi hizewe kuko bashakaga guhungira ku biro bya Komini Murama ariko baburiwe ko nta mutekano wari uhari ku buryo bashoboraga kuhicirwa. Bahungiye kuri Douane mu nzu y'igikanka y'uwitwa Rukara.

Mu bihe bitandukanye baziyeho bahamaze hafi ibyumweru bibiri mu buzima bubi cyane bafite n'abana bato. Bari batunzwe no gusaba ibiribwa ababaga bavuye mu mirima yabo batahigwaga, kurya amapera yari hafi no kugemurirwa n'abaturanyi bakeya ariko ntabwo byari bihagije. Ikindi kubera ubwoba hari bamwe birirwaga bihishe mu bihuru bagasanga abandi muri iyo nzu mu gihe imvura iguye cyangwa bwije.

Ku italiki ya 20 Gicurasi 1994, haje ibitero byo kubica byari biyobowe na Rutiganda Jean Damascene wari Burugumesitiri wa Komini Murama. Yari kumwe n'abajandarume bari bavuye i Nyanza, Interahamwe n'abaturage basanzwe.

Mbere yo kubica, Burugumesitiri yabanje kubabeshya ko yaje kubakoresha inama igamije kubashakira ibiribwa kubera ko bari bahamaze igihe, ibi byatumye n'abari bihishe hafi mu bihuru baza bose. Abatutsi bamaze kwinjira mu nzu Interahamwe n'abaturage bahise batangira kubica bakoresheje intwaro gakondo naho abajandarume bari bagose iyo nzu. Nyuma yo kubica bahitaga bashyira imirambo yabo mu byobo byari byarakuwemo amatafari yo kubaka iyo nzu bari barahungiyemo. Imibiri y'abiciwe aho yashyinguwe mu cyubahiro mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Nkomero.

Ubwo bwicanyi bwari buyobowe ku isonga na Burugumesitiri wa Komini Murama Rutiganda Jean Damascene. Yafatanyije kandi n'abajandarume bari baturutse i Nyanza, Perezida wa MRND muri Komini Murama witwa Ndungutse Anatole akaba yari na ensipegiteri w'amashuri muri Komini Murama, yakatiwe igifungo cya burundu afungirwa muri gereza ya Nyanza ariko ubu yarapfuye. Hari n'Interahamwe nka Munyankindi Augustin yakatiwe igifungo cya burundu akaba afungiye muri gereza ya Nyanza. Yavukanaga n'Interahamwe yitwa Sekamonyo nawe yakatiwe igifungo cya burundu afungirwa muri gereza ya Nyanza ariko ubu yarapfuye. Hari kandi Interahamwe yitwa Ngofero nawe yakatiwe igifungo cya burundu ubu afungiye muri gereza ya Nyanza.

## 2.36. KUWA 22 GICURASI 1994: BUMWE MU BWICANYI BWAKOREWE ABATUTSI MU ZAHOZE ARI PEREFEGITURA ZA GIKONGORO, GITARAMA N'IFATWA RY'IKIBUGA CY'INDEGE CYA KANOMBE

### Ifatwa ry'ikibuga cy'indege cya Kanombe n'ikigo cya gisirikari cya Kanombe intambwe ikomeye mu gutsinda abicanyi bakoraga Jenoside

Tariki ya 21/5/1994, radiyo RTLM yavuze ko Jenerali Dallaire agomba kwicwa, ndetse abasirikari ba Leta y'Abatabazi barashe ku cyicaro cya MINUAR, ariko amahanga arabyamagana bituma badakomeza iyo gahunda.

Tariki ya 22/5/1994, ikibuga cy'indege cya Kanombe cyarafashwe, Inkotanyi zigikura mu maboko y'abicanyi. Icyo gikorwa gikomeye cyabaye kuri iyi tariki ya 22/5/1994 kikaba ari kimwe mu bikorwa bikomeye mu kurwanya Leta yakoraga Jenoside byagezweho na FPR Inkotanyi kuva yatangiza urugamba rwo guhagarika Jenoside tariki ya 8 mata 1994.

Uwo munsi, uwari Perezida wa Leta yiyise iy'Abatabazi, Theodore Sindikubwabo, yandikiye Perezida w'Ubufaransa Francois Mitterrand amubwira ko ingabo ze zahunze kubera ko zabuze amasasu, kandi ko agomba kumutabara vuba, anamuhamagara kuri telefoni amushimira inkunga yakomeje kumutera.

**Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi ku bitaro bya Kigeme, Nyamagabe**

Ibitaro bya Kigeme bibarizwa mu Karere ka Nyamagabe, Umurenge wa Gasaka mu Kagari ka Kigeme. Ku itariki ya 07 Mata 1994 abicanyi batangiye kwica Abatutsi muri Komini ya Mudasomwa ibyo bitaro bya Kigeme byatangiye kwakira inkomere umunani (8) z'abakozi bakoreraga EMUJECO muri Mudasomwa, hagenda haza n'izindi nkomere ziturutse ku Kitabi mu ruganda rw'icyayi rwaho.

Ku wa 13 Mata 1994, nabwo haje inkomere nyinshi ziturutse muri Komini Rukondo aho Abatutsi bari bahungiye kuri ADEPR Maheresho, bari batangiye kwicwa. Abakomeretse babaye benshi bituma ibitaro byitabaza abaganga bari muri Konji ndetse n'abanyeshuri bigaga mu rwunge rw'amashuri rwa Kigeme bigagamo ubuforomo bari muri stage kugira ngo babashe gufasha abari bakomeretse.

Muri iyo minsi n'ubwo abazaga bakomeretse bafashwaga ariko hari abamaraga gukira bakajyanwa rwihishwa bakicwa. Muri iyo minsi kandi hazaga imodoka nijoro igatwara Abatutsi babaga bahazanywe kuvurwa bakabeshya ko babajyanye i Murambi kubacungira umutekano babageza kuri bariyeri y'ahitwa Mwumba bakabica.

Kuwa 22 Gicurasi 1994, ku munsi wa Pentekoti, mu masaha ya saa kumi n'ebyiri za mu gitondo, haje ibitero by'interahamwe biturutse muri Mudasomwa, muri santeri y'ubucuruzi ya Kigeme, Gatyazo n'ahandi bitwara Abatutsi bari bakiri bazima hamwe n'abarwaza ndetse na bamwe mu baganga b'Abatutsi bahakoraga babajyana kubicira hepfo y'ibitaro hafi y'ibikoni batekeramo.

Abasigaye bihishe mu mfuruka no munsi y'ibitanda cyane cyane mu byumba byihariye by'abarwayi (Chambres privées) kuko ho ibitero bitinjiyemo. Nyuma y'uko bicwa, haje Perefe Bucyibaruta Laurent ari kumwe na Burugumesitiri Semakwavu na Capitaine Sebuhura Faustni, abarokotse icyo gitero babatwara mu modoka bajyanwa i Murambi ahari hariciwe Abatutsi benshi kandi mu bajyanyweyo harimo inkomere zidafite uzazivura ndetse nta n'ibyo kurya bari kubona. Ntawongeye kubabona.

Kugeza ubu abamenyekanye biciwe muri ibi bitaro kandi hakaba hari n'imyirondoro yabo bagera kuri 29, ariko umubare w'abahiciwe ni mu nini kuko inkomere zahazanwaga ntabwo imyirondoro yamenyekanye.
Abagize uruhare mu bwicanyi harimo:

- Dr Twagiramungu Edson wari umuyobozi w'ibitaro;
- Filipo wari umucuruzi muri centre ya Kigeme;
- Uwitwa Zimbabwe wari umushoferi wa Musenyeri w'abanglikani Kayumba Normand;
- Gasana Venuste wari umucuruzi;
- Abitwa: Kamugi Christophe, Mukono mwene Karamage, Kibuye, Munyentwari Rodrigue, Mutiganda Evariste, Ngoga wo mu Gasarenda, Mbiligi, Munyenkware wakatiwe na Gacaca agwa muri Gereza, Minani, Nyiraneza, bamwe mu bazamu bahakoraga barimo Karuranga David, n'izindi interahamwe n'abaturage b'abahutu benshi.

**Ubwicanyi bwakorewe Abatutsi i Nyamirembe, aho bitaga CND, Kamonyi**

Mu ntangiriro z'ukwezi kwa gatanu, abicanyi baje guhimba umugambi wo kugirango babone abantu bari basigaye bataricwa, nibwo bavuze ko hatanzwe ihumure ntakongera kwica abagore n'abakobwa ngo kuko nta bwoko bafite. Icyo gihe Abatutsi benshi biganjemo abagore n'abana basohotse mu bwihisho, abari mu ngo no mu bihuru bavamo. Kuburyo icyo gihe abagore n'abakobwa bamaze nk'ibyumweru nka bibiri batihishe cyane, bamwe banakora imirimo mu ngo z'abari babacumbikiye, abandi bajya mu nzu yitwa ikibeho yo ku kiriziya i Kayenzi.

Umunsi rero waje kugera, abicanyi babakusanyiriza aho ku kibuga bise kuri CND nko mu ma saa kumi z'umugoroba. Babanje kubasambanya babakuranwaho, hanyuma bacana igishyito, hanyuma kugitekerezo cyatanzwe n'umusore witwa Kanusu n'umuvandimwe we, bakaba ari bene Karagizo, bakaba aba bombi barigaga muri kaminuza y'i Butare, bavuze ko hari uburyo bwiza bakoresheje bwiza bwo kubabaza, muri kaminuza bwo gukoresha ipasi.

Icyo gihe rero bafashe amapasi y'amakara, uwitwa Lini arayashyushya, batangira kuyabakozaho ku myanya isanzwe ari iy'ibanga, ku mabere, ku bibero no ku gitsina. Muri uko kubatwika, babashinjaga ko bafite imbunda, radiyo bavuganiraho n'inkotanyi, ko ababyeyi babo bajyaga i Kinihira n'ibindi.

Kubera ububabare bamwe muri abo bakobwa n'abagore nk'uwitwa Mukamanzi Eularia na Atharia mwene Munyankindi, bemeye ko ibyo byose babifite, icyo

gitero kibanza kubajyana iwabo wa Eularia, bacukura mu ndabo imbunda barazibura, babakomezanya iwabo w'Atharia ahitwa i Gaji, bagezeyo baracukura naho baraheba. Ubwo batemberanaga abo bakobwa muri iryo joro nta kenda, ibikomere by'amapasi umubiri wose.

Icyo gihe rero bamaze kubura izo mbunda iwabo w'Anatharie nibwo bahise bafata umwanzuro wo kubicira aho mu rugo kwa Munyankindi. Ikizwi ni uko babashyize mu musarane wo muri urwo rugo; urupfu bishwe ntiruramenyekana.

Bamwe mu biciwe aho hantu babashije kumenyekana harimo Mukamanzi Eularie, Atharia, Kanakuze, Mukanyonga na Rosette n'abandi kuri uwo munsi hishwe benshi ariko aba baramenyekanye kubera urwo rupfu rwabo.
Ababigizemo uruhare harimo Kanusu n'umuvandimwe we n'uwitwa Lini cyari igitero kinini ariko abo nibo bavugwa cyane.

## 2.37. KUWA 25-30 GICURASI 1994: IYIHUTISHWA RYO KUMARAHO ABATUTSI MU BICE BY'IGIHUGU BYARI BITARABOHORWA N'INGABO ZA FPR-INKOTANYI

### Itangazwa ry'amabwiriza yo kwihutisha Jenoside mu cyiswe "auto-defense civile"

Tariki 25 Gicurasi 1994, Guverinoma y'abajenosideri iyobowe na Jean Kambanda yasohoye amabwiriza yanditse agenewe ba Perefe bose abaha umurongo wo kwihutisha itsembwa ry'Abatutsi. Ayo mabwiriza yashyizwe mu cyiswe gahunda ya "*auto-defense civile*" (bisobanuye ukwitabara kw'abaturage) yari igamije gukaza ubukangurambaga mu baturage b'Abahutu babashishikariza bose kwinjira mu mugambi wa Jenoside byitwa ko ari ukwitabara, bahimba ikinyoma ko ngo Abatutsi bataricwa bafite za brigades hose mu gihugu zatojwe n'Inkotanyi ngo zizice Abahutu.

Icya kabiri cy'ingenzi cyarangagaa ayo mabwiriza kwari ugushyiraho uburyo bwo gukomeza gutanga imbunda, grenades, amasasu n'imihoro ahantu hose hari hakiri Abatutsi bataricwa nko mu Bisesero aho bari bagikomeje kwirwanaho bakoresheje intwaro gakondo.

Ba Minisitiri bahawe ubutumwa bwo kujya muri za Perefegitura zari zitarabohorwa n'ingabo za FPR-INKOTANYI kugira ngo bamenyekanishe ayo

mabwiriza yo kwica kandi bafatanye n’abasilikare n’abajandarume ba Leta y’abicanyi mu gutanga ibikoresho bya ngombwa mu kwihutisha ikorwa rya Jenoside. Minisitiri w’itangazamakuru Eliezer Niyitegeka na Edouard Karemera wari uw’ubutegetsi bw’igihugu bahawe ubutumwa bwo kwihutisha Jenoside mu Batutsi ba Perefegitura ya Kibuye.

Eliezer Niyitegeka na Edouard Karemera bakurikiranywe n’Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda, bahamwa n’icyaha cya Jenoside, bahanishwa igifungo cya burundu. Eliezer Niyitegeka yapfiriye muri gereza muri Mali ku wa 28 werurwe 2018 mu gihe Edouard Karemera we yapfiriye muri gereza muri Senegal kuwa 31/08/2020.

Naho Minisitiri Callixte Nzabonimana wari uw’urubyiruko n’amashyirahamwe yahawe ubutumwa bwihariye bwo gukomeza kuyobora iyicwa ry’Abatutsi muri Perefegitura ya Gitarama. Nzabonimana nawe yaburanishijwe n’Urukiko mpanabyaha mpuzamahanga rwashyiweho u Rwanda ahamwa n’icyaha cya Jenoside ahanishwa igifungo cya burundu ku wa 31 gicurasi 2012.

Perefegitura ya Butare yakomeje gushingwa Pauline Nyiramasuhuko wari Minisitiri w’itarambere ry’Umuryango, nawe akaba yarahamwe n’icyaha cya Jenoside mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda, ahanishwa igifungo cy’imyaka 47.

Mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda, Jean Kambanda, wari Minisitiri w’Intebe wa Guverinoma y’abajenosideri, yemeye icyaha cyo kuba Guverinoma yari ayoboye yarashyizeho gahunda ya “auto-defense civile” mu rwego rwo kuyikoresha mu gutsemba Abatutsi bose mu gihugu.

**Bamwe mu basilikare ba ex-FAR bitandukanyije n’ingabo z’abicanyi kandi Igihugu gikomeza kubohorwa na FPR-INKOTANYI**

Tariki 27 Gicurasi 1994, bamwe mu basirikare bakuru bo mu ngabo zakoraga Jenoside (ex-FAR) barimo Kapiteni François Munyurangabo bitandukanyije n’izo ngabo zakoraga Jenoside. Kapiteni Munyurangabo yafashe indege yari iya Leta y’u Rwanda yari yatwaye I Dar-Es-Salam, ayijyana i Nairobi maze atangaza ko asanze FPR-INKOTANYI kugira ngo bakomezanye urugamba rwo kubohora igihugu.

Tariki 29 Gicurasi 1994, ingabo za FPR-INKOTANYI zafashe Umujyi wa Nyanza zishobora gukiza Abatutsi bake bari bataricwa. Naho bukeye bwaho, tariki 30

Gicurasi 1994, Ingabo za FPR-INKOTANYI zafashe Umujyi wa Ruhango. Ingabo z'abicanyi zabonye ko ingabo za FPR-INKOTANYI zizokeje igitutu zizitsinda umunsi ku munsi, bituma Guverinoma y'abajenosideri isaba Umuryango w'Abibumbye ko wabafasha bakagirana ibiganiro na FPR-INKOTANYI.

## 2.38. GICURASI 1994: ISHYIRWA MU BIKORWA RYIHUSE RY'UMUGAMBI WO KUMARAHO ABATUTSI MU CYISWE «AUTO-DEFENSE CIVILE» CYATANGIJWE NA PEREZIDA HABYARIMANA MURI 1991

**« *Auto-defense civile* » yatangijwe na Perezida Habyarimana**

Igikorwa cyateguwemo Jenoside cyiswe *Auto-defense civile* cyakoreshejwe cyane mu kwica Abatutsi hose mu gihugu, ariko igeragezwa ryacyo ryatangiriye mu yahoze ari Perefegitura ya Byumba na Ruhengeri. "*Auto-defense civile*" cyari igikorwa kigamije gutoranya abasore b'Abahutu bizewe kandi babishoboye bagahabwa imyitozo ya gisilikare, bayirangiza bagasubira iwabo mu makomini bagahabwa intwaro zo kujya bigisha urundi rubyiruko no kuzikoresha mu bwicanyi byitwa ko ari ukurwanya umwanzi.

"*Auto-defense civile*" yatangiye mu mwaka wa 1991 biturutse ku nama yatanzwe na Lt Col Gilbert Canovasa wari umujyanama w'umuyobozi mukuru w'ingabo za leta muri raporo yamuhaye ku wa 30/04/1991 agaragaza ko hakwiye gushyirwaho uburyo bwo guha intwaro abaturage n'imyitozo mu gice cy'Umutara, cyane cyane mu zahoze ari Komini Muvumba na Rutare.

Iyo nama yakurikiwe n'indi nama yo ku wa 09 Nyakanga 1991 yayobowe na Minisitiri w'umutekano mu gihugu, Gen. Augustin Ndindiriyimana, yabereye muri Etat major y'ingabo yahuje abayobozi b'inzego z'iperereza za gisilikare n'izo muri Perezidansi ya Repuburika. Inyandikomvugo y'iyo nama yerekana ko yari igamije gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ryihuse ry'icyifuzo cyari cyatanzwe na Perezida wa Repuburika ku birebana n'umutekano w'igihugu aho yari yavuze ko "*abaturage bagomba guhabwa ibikoresho biboneye kandi bihagije byo kurwana ku busugire bw'igihugu ku buryo nta muntu uzongera gutinyuka gutera igihugu mu bihe biri imbere*". Icyo ibi byumvisha nuko Perezida Habyarimana ubwe ariwe watanze amabwiriza yo gutoranya bamwe mu baturage b'Abahutu bagahabwa

intwaro. Icyo inzego za gisilikare n'iza politiki zakoze ni ukwiga uburyo bwo kubishyira mu bikorwa no kubyihutisha.

**Muri « *Auto-defense civile* » hemejwe ko Umututsi ari umwanzi w'u Rwanda ugomba gushakishwa no kwicwa**

Inama y'ubuyobozi bukuru bw'Ingabo tumaze kuvuga yemeje ko kugira ngo ibyasabwe na Perezida Habyarimana bishyirwe mu bikorwa, hagomba kubanza kwigwa neza ibirebana n'umwanzi uwo ariwe, akagaragazwa, nyuma hakagenwa neza uburyo bukwiye bwo guhangana nawe. Iyo misiyo yahawe *Etat major* y'ingabo kugira ngo ikore inyigo igaragaza umwanzi w'u Rwanda uwo ariwe ndetse n'uburyo bwo kumurwanya.

Inyigo yarakozwe isohoka ku buryo bw'ibanga ku wa 21 Nzeri 1992 ishyizweho umukono na Colonel Deogratias Nsabimana wari umugaba mukuru w'ingabo z'u Rwanda, ayigenera Perezida Habyarimana n'abayobozi b'ingabo na jandarumori hose mu gihugu kugira ngo babyigishe abasilikare n'abajandarume. Iyo nyandiko ni hamwe mu hagaragarira uburyo Jenoside yakorewe Abatutsi yateguwe na Leta ishyiraho imfashanyigisho yo gukwiza ingengabitekerezo ya Jenoside.

Mu by'ingenzi byanditswe muri iyo nyandiko, bavugaga ibi ngibi: *« Umwanzi ntakiri muri Uganda gusa, ahubwo aherereye mu gihugu imbere. »* Icyo bisobanuye nuko hatangiye gahunda ya gutanya abaturage babashyamiranya ku buryo habonekamo ababi n'abeza, bityo abeza bakica ababi babyita kwikiza umwanzi. Inyandiko ikomeza ivuga ngo « *Umubare w'umwanzi imbere gihugu wiyongereye"* bishaka kumvisha ko abaturage bari mu gice cy'abeza bagomba gukanguka bakamenya ko abo mu gice cy'ababi ari benshi, bityo bikaba bisaba ko buri wese mu beza ashyiramo imbaraga zishoboka mu kwikiza ababi.

Inyandiko ikomeza noneho isobanura neza umwanzi uwo ariwe n'aho agomba gushakirwa:
*"Umwanzi arimo ibice bibiri: a) umwanzi w'ingenzi ni Umututsi wo mu gihugu imbere cyangwa se uri mu mahanga utarigeze yemera revolusiyo yo muri 1959. Aho agomba gushakirwa: impunzi z'Abatutsi, ingabo za Uganda, Abatutsi b'imbere mu gihugu, Abagabo b'abanyamahanga barongoye Abatutsikazi, Abahutu batishimiye ubutegetsi buriho, (…) abanyamahanga bafite inkomoko imwe n'iy'Abatutsi, abakoze ibyaha bahunze igihugu. Umufasha w'umwanzi cyangwa umufatanyacyaha ni umuntu wese umuha ubufasha ubwo aribwo bwose."*
Iyi nyandiko irakomeye cyane mu mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi kuko niyo yagennye uburyo bwo kwita Umututsi umwanzi w'igihugu no kugena ko uwo

ariwe wese uzafasha Umututsi mu buryo bwose azafatwa nk'umwanzi, bityo akicwa nk'Umututsi.

**« *Auto-defense civile* » yatangijwe n'ibikorwa byo gutoza abicanyi no kubaha uburyo n'intwaro zo gukora Jenoside**

Indi nyandiko yerekana imiterere ya *Auto-defense civile* ni iyo ku wa 29/09/1991 nayo yanditswe na Col. Deogratias Nsabimana wari umukuru w'ingabo mu Mutara. Ni inyandiko yageneye Minisitiri w'ingabo ivuga ibyari byemejwe n'inama yari yabaye yo gushyiraho uburyo *Auto-defense civile* yakora. Nsabimana yavuze ko inama yemeje ko mu gutoranya abazahabwa imyitozo n'intwaro, bazajya bafata byibura umuntu umwe mu mazu 10 y'abaturage (Nyumbakumi), agatoranywa na Burugumesitiri afatanyije n'inama ya Komini.
Colonel Nsabimana yanagaragaje umubare w'intwaro zigomba gutangwa ku buryo bukurikira:
Komini Muvumba = 350; Komini Muhura = 580; Komini Ngarama = 530; Komini Bwisige = 300
Zose hamwe zikaba 1760 zatanzwe muri 1991!

Mu mpera z'ukwezi kwa Mutarama 1993 no mu ntangiriro za Gashyantare 1993, Colonel Bagosora yayoboye igikorwa cyo gutanga imbunda mu Nterahamwe zo mu Majyaruguru y'igihugu. Muri Agenda ye yo muri 1993 yerekanywe nk'ikimenyetso kimushinja mu rubanza rwe muri TPIR, hagaragajwe amapaji yanditseho ko muri Komini za Mutura, Giciye, Rubavu na Rwerere zari muri Perefegitura ya Gisenyi hatanzwe intwaro 500.

Ukwezi kwa Mutarama 1994 kwaranzwe ku ruhande rumwe n'ibyishimo bya bamwe mu Banyarwanda bari bishimiye ko abasilikare 600 b'INKOTANYI n'abanyapolitiki babo basesekaye i Kigali ku wa 28 Ukuboza 1993, aho bari biteguye kwinjira mu nzego z'Inzibacyuho nkuko zateganywaga n'amasezerano y'amahoro y'Arusha. Ku ruhande rwa Guverinoma y'u Rwanda n'ingabo zayo, bo ntibabyishimiye, maze batangira ibikorwa by'ubukangurambaga bwa Jenoside harimo gukaza imyitozo y'Interahamwe no kuziha intwaro babyita *auto-défense civile*. Ibi bikorwa byose bikaba byari bigamije gukangurira abaturage b'Abahutu kumva ko Abatutsi bose ari abanzi b'igihugu bagomba kwicwa.

Kimwe mu byakozwe bikomeye ni ugushyiraho abayobozi b'iyo gahunda hose mu gihugu bashinzwe by'umwihariko kuyobora *Auto-défense civile* yaranzwe n'itangwa ry'intwaro, imyitozo y'abicanyi no guha Interahamwe/Impuzamugambi agahimbazamusyi. Abayiyoboye ni aba bakurikira :

- Ku rwego rw'Igihugu : Colonel Athanase Gasake;

- Umujyi wa Kigali : Komanda Bivamvagara agafatanya na Perefe Colonel Tharcisse Renzaho;
- Kigali Ngari: Major Stanislas Kinyoni;
- Kibungo : Colonel Pierre Céléstin Rwagafirita ;
- Cyangugu : Colonel Singirankabo ;
- Gitarama : Major Jean-Damascène Ukurikiyeyezu ;
- Butare: Colonel Alphonse Nteziryayo wagizwe Perefe wa Butare mu gihe cya Jenoside;
- Gikongoro: Colonel Aloyizi Simba;
- Kibuye: Major Jabo;
- Gisenyi na Ruhengeri: *auto-défense civile* yayoborwaga n'abakuru b'ingabo muri izo Perefegitura aribo Colonel Anatole Nsengiyumva ku Gisenyi na Colonel Augustin Bizimungu mu Ruhengeri waje gusimburwa na Colonel Marcel Bivugabagabo. Abo basilikare bakuru nibo babaye ku isonga yo gufatanya n'abategetsi b'inzego za Perefegitura na Komini gushyiraho uburyo bwo gukora Jenoside no kuyihutisha.

**Uburyo bwakoreshejwe mu gutoranya urubyiruko rw'Interahamwe ruhabwa imyitozo**

Raporo y'ibanga yo ku wa 07/02/1992 yanditswe n'umukozi wari uhagarariye serivisi y'urwego rw'iperereza muri Byumba witwaga Rwirahira Vincent wakomokaga muri Komini Kibilira ku Gisenyi, yerekana imigendekere y'ishyirwa mu bikorwa rya "*Auto-defense civile*". Rwirahira avuga ko Minisiteri y'ingabo yemeye kuba itanze intwaro 300 zagombaga gushyikirizwa abaturage batoranyijwe muri Perefegitura za Byumba na Ruhengeri; 180 zagombaga guhabwa abaturage bo muri Byumba naho izindi 220 zigahabwa abo muri Ruhengeri.

Raporo ya Rwirahira ivuga ko kuri suPerefegitura ya Ngarama habaye inama yize ku nmigendekere ya "*Auto-defense civile*" ikemeza ko hagomba gutoranywa abasore magana abiri na mirongo itanu (250), bigakorwa mu ibanga na ba burugumesitiri bafatanyije n'inama ya komini y'umutekano bakazoherezwa mu kigo cya gisilikare cy'i Gabiro, bagahabwa imyitozo yo kwiga kurashisha imbunda kuva ku itariki 29/01 kugeza ku ya 05/02/1992. Rwirahira akomeza avuga ko inama yemeje ko umubare w'abaturage bahabwa imyitozo ugomba kuzagenda wiyongera kandi ba burugumesitiri bakazajya bakurikirana icyo gikorwa umunsi ku wundi.
Mu kigo cya Gabiro, imyitozo y'Interahamwe yayoborwaga na Kapiteni Injeniyeri Faustin Ntirikina na Major Rwabukwisi Vincent. Aba basilikare bombi bagize uruhare rukomeye muri Jenoside; ubu ngubu Ntirikina aba mu Bufaransa, akaba

n’umwe mu batangabuhamya bifashishijwe n’umucamanza Bruguiere mu binyoma bye arega u Rwanda.

Muri jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, abasilikare bayoborwaga na Major Ntirikina bari mu yitwaga batayo Huye bari bakambitse kuri Mont Kigali ni bamwe mu bagize uruhare mu iyicwa ry’Abatutsi i Nyamirambo, Biryogo, Nyakabanda n’ahandi. Zimwe mu Nterahamwe zitoreje i Gabiro ni izavuye muri Komini Muvumba zirimo abitwa: Mwumvaneza Emmanuel, Nkurunziza Elias wari konseye wa Segiteri Karama, Munyandinda Sylvestre wari umwarimu w’ubuhinzi mu baturage (moniteur agricole), Kaburame Jean Damascene, n’abandi. Izi nterahamwe zahawe imyitozo muri 1992.

Umwe mu basilikare wabahaga imyitozo witwa Ndindabahizi Emmanuel waganiriye na Komisiyo y’u Rwanda yakoze iperereza ku ruhare rw’Ubufaransa muri Jenoside (Komisiyo Mucyo) yayitangarije ko izo Nterahamwe zigishwaga kurasa, ariko cyane cyane bakazigisha uburyo bwo kwica abantu mu kanya gato bakoresheje ibikoresho gakondo. Umwe mu Nterahamwe zikomeye witoreje i Gabiro witwa Joseph Setiba wari umuyobozi wazo muri Komini Shyorongi yatangarije Komisiyo Mucyo ko Interahamwe zitoreje i Gabiro muri 1992 zibarirwa hagati ya 600 na 700.

**Gahunda ya Jenoside yiswe “Auto-defense civile” niyo yatanzwemo imihoro**

Muri gahunda yo gukora Jenoside ya *auto-defense civile*, hatoranyijwe urubyiruko rw’Abahutu ruhabwa imyitozo ya gisilikare, imbunda, amasasu na grenades ariko Leta inashyiraho uburyo bwo kugura imihoro no kuyikwirakwiza mu baturage mu gihe gito. Iyo mihoro ni kimwe mu bikoresho byifashishijwe n’abicanyi muri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Muri Gashyantare 1994, umukozi wa sosiyeti CHILLINGTON yo mu Bwongereza yemeje ko isosiyeti yabo yari imaze kugurisha u Rwanda mu mezi make, imihoro myinshi iruta kure ubwinshi iyo bari baratumije mu mwaka wose w’1993. Impapuro zisaba impushya zo kuzana ibintu mu gihugu zasuzumwe na Human Rights Watch hagati ya Mutarama 1993 na Werurwe 1994, igaragaza ko toni 581 z’ imihoro zinjijwe mu Rwanda. Iyo mihoro yatumijwe yose hamwe ku giciro cya miliyoni 95 z’ amafaranga y’u Rwanda, yatanzwe n’umunyemali Kabuga Félicien, ikwitrakwizwa mu baturage, biganjemo interahamwe.

Ikinyamakuru cyo mu Bwongereza, *The Sunday Times* cyo kuwa 24 Ugushyingo 1996, cyagaragaje ko hagati ya Kanama n’Ukuboza 1993, sosiyeti CHILLINGTON yagurishije indi mihoro ku bakozi babiri ba sosiyete nyarwanda

yitwaga RWANDEX, Eugène Mbarushimana na François Burasa. Mbarushimana wari umukozi wa RWANDEX yari umukwe wa Kabuga ndetse ari n'Umunyamabanga Mukuru w' Interahamwe ku rwego rw' Igihugu. Naho Burasa we yari yarasezerewe mu gisirikare ari n'umuyoboke w'ishyaka ry' abahezanguni b'Abahutu, CDR, akaba na mwenenyina wa Jean-Bosco Barayagwiza, umwe mu bayobozi bakuru b'iryo shyaka. Kugura no gukwirakwiza imihoro ku baturage b'abasivili bari barahawe imyitozo ya gisirikare byari biri muri gahunda yo kwirwanaho kwa « *auto-defense civile* » yagaragaye muri ajenda ya Bagosora.

## 2.39. JENOSIDE YAKOMEJE GUKAZA UMUREGO MU BICE BY'AMAJYEPFO Y'IGIHUGU, INKOTANYI ZIKOMEZA KUBOHORA BIMWE MU BICE BY'IGIHUGU

**Abana biciwe mu Gitega, Nyarubaka, Kamonyi**

Ahitwa mu Gitega ni mu Mudugudu wa Gitega, Akagari ka Ruyanza, Umurenge wa Nyarubaka, Akarere ka Kamonyi. Mu Gitega hashyizwe bariyeri mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, ikaba yarakumiraga Abatutsi bahanyuraga baturutse imihanda yose, bashaka guhungira i Kabgayi. Icyo gihe Abatutsi bahitagamo kunyura umuhanda werekeza aho i Nyarubaka, bashaka gukwepa bariyeri ndetse n'abasirikare bari ku muhanda munini wa kaburimbo werekeza i Gitarama. Ni ukuvuga ko iyo bariyeri yiciweho Abatutsi mu minsi itandukanye.

Hari amatariki azwi cyane kuva ya 16/5/1994 kugeza ku ya 18/5/1994, kuri iyo bariyeri hakorewe ubwicanyi bukomeye, kuko bwibasiye abana b'abahungu gusa. Tariki ya 16/05/ 1994, abagore bari bakuwe kuri centre de sante ya Musambira, igitero yabategetse guhagarara, kibabwira ko uzi ko afite umwana w'umuhungu atagomba kurenga aho. Ababyeyi kuko bari bazi ko abana b'abahungu bahigwaga cyane bari bagerageje kubambika udukanzu. Iyo bariyeri yariho umugore witwa Mukangango Laurence, atangira kugenda afata buri mwana amukuramo imyenda ngo barebe ko atari abahungu, uwo basanze ari umuhungu bagakurura bashyira mu cyobo cyari aho ngaho. Bamwe muri abao bana babajugunyemo ari bazima, abana bamwe barwanaga banga kujyamo babacaga imitwe bakabanagamo. Ababyeyi basabwe gushyira itaka kuri abo bana, barabyanga batangira gukubitwa, barakubishwe cyane noneho batangira kubataba. Ababyeyi bahaburiye abana bavugako abana bamwe bageragezaga kuva muri icyo cyobo bikabananira, abandi bagataka bavuga ngo nibabavanemo ntibazongera kuba abatutsi, abandi bati muradutokoza n'ibindi. Bamwe mu babyeyi baguye aho kubera inkoni banze

guhamba abana babo barora, hari n'abahakukiye amenyo n'ibindi bibazo byinshi ku mubiri.

Kubera ko gahunda yari ihari kwari ukwica abana b'abahungu, abagore bamaze gutaba abo bana, bakomeje kubashorerera inzira yose bagenda bakubitwa cyane babageza ahari ibiro by'umurenge wa Nyarubaka muri iki gihe, hari ishyamba ryinshi, bamwe mu bagore n'abakobwa barahaguye, abandi barakomeza.

Ba bagore bageze ahitwa i Musumba barabicaza, barakubitwa bikomeye cyane, nyamara bakubitwaga iruhande rwabo uwari burugumesitiri wa Komine Nyamabuye Muhigana yaje kuhakoreshereza inama areba ntiyabyamagana. Bake babashije gusigara bageze i Kabgayi, abandi bakomeza kuzerera mu mashyamba kugeza jenoside irangiye. Kuri bariyeri yo mu Gitega ubwicanyi bwakozwe cyane ni tariki 16 ariko kugeza tariki ya 18 interahamwe zakomezaga kuhanyuza abatutsi bahunganga, bahicirwa cyane muri iyo minsi itatu, ariko yakomeje kuhaba no kwicirwaho abatutsi kugeza Jenoside ihagaritswe muri ako gace mu kwezi kwa Gatandatu.

Nyuma ya Jenoside icyobo cyo mu Gitega baragitaburuye, umubare w'imibiri y'abana babashije kubara itaarashangutse, ni abana 82, ubu bashyinguye mu rwibutso rwa Kibuza kimwe n'indi mibiri 1830 yakuwe hafi aho ku ga centre ka Gatagara ahubatswe Umurenge wa Nyarubaka  n'ahandi muri uwo murenge.

Bamwe mu bagize uruhare mu rupfu rw'abo bana twavuga: Mukangango Consolee, yaguye muri kasho ataraburanishwa), Mavuba Joseph, Kagabo Emmanuel hari n'abandi bagize uruhare cyane mu gukoresha inama mu gacentre ka Gataraga, abazwi cyane ni Nkerabigwi Fidele (umucuruzi) na Aphrodisi w'umwarimu kandi bagakorana cyane na Iyakaremye Abudrahamani wari umuyobozi w'intarahamwe muri komine Musambira.

**Iyicwa ry'Abatutsi barenga 500 bavanywe mu mazu ya kiliziya gatorika bari bahungiyemo i Kabgayi**

Uko ingabo za Leta y'abicanyi n'Interahamwe/Impuzamugambi zagendaga zitsindwa, Jenoside igahagarikwa n'ingabo za FPR-INKOTANYI, benshi mu bicanyi bagahunga i Kigali, aho bageraga hose bakahasanga Umututsi baramwicaga. Niko byagendekeye Abatutsi bari bataricwa i Kabgayi. Mu mpera z'ukwezi kwa Gicurasi 1994 hagati ya tariki 28 na 30, Interahamwe zatwaye Abatutsi barenga magana atanu (500) bamwe zibakuye mu nzira aho bageragezaga

kugana i Kabgayi bahizeye ubuhungiro, abandi zibavanye mu mpunzi z'Abatutsi zari zikambitse mu mazu atandukanye ya Kiliziya gatorika i Kabgayi zijya kubica.

MINUAR niyo yabaye iya mbere mu gutangaza ayo makuru ku wa 31 Gicurasi 1994 aho umwe mu bayobozi bayo, Dr Abdul Kadia, wari umwe mu bungirije Jenerali Dallaire, yatangarije itangazamakuru ko abantu barenga 500 bishwe n'ingabo za Leta i Gitarama barimo benshi bavanywe i Kabgayi. Dr Kadia yavuze ko MINUAR igiye gukora iperereza kuri ubwo bwicanyi.

Radiyo mpuzamahanga zitandukanye zatangaje iby'ubwo bwicanyi harimo RFI mu makuru yo ku wa 31 Gicurasi 1994. Radio y'Abadage, Deutsche Welle yo ku wa 31 Gicurasi 1994 nayo yemeje ayo makuru inavuga ko MINUAR yohereje intumwa zayo i Kabgayi gukora iperereza kuri ubwo bwicanyi. Amakuru kandi yemejwe na Radiyo BBC.

Ubuhamya bw'abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi i Kabgayi busobanura ko mu bihe bitandukanye muri 1994, impunzi z'Abatutsi zimaze kugera i Kabgayi, Interahamwe za MRND n'Impuzamugambi za CDR n'abandi bahutu bo mu Mashyaka ya Hutu Power, bagiye baza buhoro buhoro gutwara ku gahato Abatutsi bakajya kubica. Benshi muribo biciwe kuri Nyabarongo batabwa mu mazi. Abakobwa n'abagore bo barimo benshi baroshywe muri Nyaborongo ari bazima; abandi basambanywa ku gahato mbere yo kwicwa.

Ingabo za FPR-INKOTANYI zabohoye Kabgayi ku wa 02 Kamena 1994.

### Ingabo za FPR-Inkotanyi zakomeje kubohora ibice by'umujyi wa Kigali na guverinoma y'abatabazi ihungira ku Kibuye

Ku wa 26 Gicurasi 1994, ingabo za FPR-INKOTANYI zigaruriye burundu bimwe mu bice by'Umujyi wa Kigali bya Kicukiro na Gatenga, barokora bamwe mu Batutsi n'abandi baturage bari mu maboko y'abicanyi. Gatenga cyari igice kirimo Interahamwe nyinshi zari zikuriwe n'uwitwa Twahirwa Seraphin wari umukozi wa Minisiteri y'imirimo ya Leta (MINITRAPE), uba mu Bubiligi akaba aherutse gufatwa. Abasilikare ba Leta y'abicanyi n'Interahamwe zayo batangiye guhunga Umujyi wa Kigali, berekeza i Gitarama na Ruhengeri.

Ku itariki 27 Gicurasi 1994, MINUAR yatangiye kuvana abantu bari bihishe muri Hotel des Mille Collines ibajyana aho bifuje. Bamwe bifuje kujya mu gice cyari kikigenzurwa na Guverinoma y'Abatabazi, abandi benshi bajya mu gicye cyari cyarabohojwe na FPR-INKOTANYI.

Ingabo za FPR-INKOTANYI zakomeje gusaba ko abasilikare ba Leta bashyira intwaro hasi, bakareka ubwicanyi, bagafatanya gusana ibyangiritse no kubaka igihugu, ariko biba iby'ubusa. Kuri iyi tariki, igice kirenga icya kabiri cy'u Rwanda cyari kimaze kubohorwa n'ingabo za FPR-INKOTANYI.

Kuri iyo tariki kandi, MINUAR yatangaje ko ibona mu minsi ya vuba, ingabo za FPR-INKOTANYI zizaba zimaze kwigarurira Umujyi wose wa Kigali.

Ku wa 28 Gicurasi 1994, Radiyo Mpuzamahanga y'Abafaransa (RFI) yatangaje ko abagize Guverinoma y'Abatabazi bavuye i Gitarama, bagahungira ku Kibuye. Umunyamakuru wa RFI, Monique Mass, wari mu Rwanda yagiye i Nyamata avuga ko abaturage barenga icya kabiri cy'abari batuye mu Mujyi wa Nyamata mbere ya Jenoside batsembwe n'Interahamwe zifatanyije n'ingabo za Leta. Ibyo byanemejwe na Profeseri Alain Verhaegen w'Umubiligi mu kiganiro yahaye RFI i Bruxelles avuye mu Rwanda mu kazi yakoranaga n'umuryango w'abaganga batagira imipaka (Medecins Sans Frontieres Belgique) kandi akaba yarakoreraga mu Bugesera.

Uwo munsi, Ambasaderi Amuri Sued wari mu bavanywe muri Hotel des Mille Collines na MINUAR agasanga FPR-INKOTANYI, nawe yatangaje kuri RFI uburemere bw'ubwicanyi bwa Jenoside yakorewe Abatutsi, bukozwe na Leta y'Abatabazi n'Interahamwe, asaba ko urugamba FPR-INKOTANYI irwana rwo guhagarika Jenoside rukwiye gushyigikirwa n'isi yose.

**Bamwe mu banyamahanga bareruye bemeza ko iyicwa ry'Abatutsi mu Rwanda ari umugambi wa Leta, ariko Leta y'abicanyi ikomeza kubihakana**

Guhera tariki 22 Gicurasi 1994, Komisiyo y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Uburenganzira bwa Muntu yatangiye inama yigaga ku miterere y'ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi mu Rwanda, ari nako itangaza ko abakora ubwicanyi mu Rwanda bashobora kuzabibazwa mu nkiko. Muri iyo nama, Musenyeri Desmund Tutu, ukomoka muri Afurika y'Epfo yafashe ijambo yamagana ikorwa rya Jenoside mu Rwanda, nawe asaba ko ababukora bakurikiranwa.

Stanislas Mbonampeka, wari visi Perezida wa kabiri wa P.L. Power, umwe mu ntumwa zari zoherejwe muri iyo nama na Guverinoma y'abicanyi yamagana Desmund Tutu abeshya ko nta bwicanyi bukorwa na Leta yari ahagarariye, ko abicwa bakwiye kubazwa FPR. Mbonampeka ntiyari ayobewe ko i Gitarama, Kibuye n'ahandi hariho hicwa Abatutsi icyo gihe, ko atari mu bice byagenzurwaga na FPR-INKOTANYI. Yabivugaga ashaka kuyobya uburari, avana icyaha kuri

Leta ye. Mbonampeka avuye Geneve yagiye i Paris mbere yo kugaruka mu Rwanda.

Ku itariki ya 24 Gicurasi 1994, Radiyo Mpuzamahanga y'Abafaransa (RFI) yatangaje ko Umuryango mpuzamahanga uharanira uburenganzira bwa muntu, Amnesty International, wamaganye ubwicanyi bukorwa n'ingabo za Leta y'u Rwanda na Guverinoma y'Abatabazi.

Ku itariki 25 Gicurasi 1994, intumwa y'Umuryango w'Abibumbye, Iqbar Riza, wari mu ruzinduko mu Rwanda, yabonanye n'abahagarariye Guverinoma y'u Rwanda, ariko ntibyagira icyo bitanga mu ihagarikwa rya Jenoside. Iqbar Riza yabasanze mu ndiri yabo i Gitarama aho bari bakambitse.

## 2.40. IVANWA RY'IMPUNZI ZARI MURI HÔTEL DES MILLE COLLINES, N'URUPFU RWA KAPITENI MBAYE DIAGNE WO MURI MINUAR

Kuva mu kwezi kwa mata 1994, muri Hotel des Mille Collines i Kigali hari harahungiye abantu b'ingeri zose biganjemo Abatutsi n'Abahutu batavugaga rumwe na Leta y'abicanyi.

Hashingiwe ku byagezweho n'imishyikirano yakomeje kuba hagati ya Guverinoma yiyitaga iy'Abatabazi n'ingabo za FPR-INKOTANYI hagamijwe kwimura abantu bari bahungiye kuri Hotel des Mille Collines bakajyanwa mu bice bifuza, icyo gikorwa cyarakozwe guhera tariki ya 27 Gicurasi 1994 kugeza ku ya 31 gicurasi 1994.

Ingabo za Guverinoma y'Abajenosideri ntizubahirije ayo masezerano kuko Interahamwe n'Impuzamugambi zakomeje gushyira bariyeri ahantu hatandukanye mu Mujyi wa Kigali, zikavana Abatutsi mu modoka za MINUAR bakabica.

Capitaine Mbaye Diagne yitambitse imbere y'Interahamwe yanga ko zivana Abatutsi mu modoka za MINUAR ngo zibice, ahitanwa n'amasasu kuri bariyeri yanga ko Interahamwe zijyana abantu kubica. Kapiteni Mbaye Diagne yapfuye afite imyaka 36. Ku wa 04 Nyakanga 2010, Nyakubahwa Perezida wa Repuburika y'u Rwanda, Paul Kagame, yageneye kapiteni Mbaye Diagne umudari w'umurinzi kubera ubutwari bwe budasanzwe yagaragaje akiza abantu muri Jenoside yakorewe Abatutsi. Iyo abasilikare bose ba MINUAR bakora nka kapiteni Mbaye Diagne, baba barahagaritse Jenoside, hakarokoka benshi.

## 2.41. GUVERINOMA Y'ABICANYI N'IMITWE Y'ABICANYI IYISHAMIKIYEHO BAKOMEJE KWIHUTISHA JENOSIDE YAKORERWAGA ABATUTSI, MU GIHE IMPAKA MU MURYANGO W'ABIBUMBYE KU NYITO Y'UBWICANYI BWAKORERWAGA MU RWANDA ZARIMO ZIRANGIRA

Mu gihe guverinoma y'abicanyi yashishikarizaga abaturage b'Abahutu gutsemba Abatutsi ikanabitangira amabwiriza, mu Muryango w'Abibumbye bari bakirwana n'amagambo yo kwemeza inyito y'ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi.

Tariki ya 25 Gicurasi 1994 Guverinoma y'abicanyi yari yahaye aba Perefe bose amabwiriza yo gutegura gahunda yo kwirinda. Amahanga yari amaze kumenya ubwicanyi bwari bwibasiye Abatutsi bose mu gihugu cyose, niyo mpamvu habaye icyifuzo cyo guhisha ubwo bwicanyi.

Minisitiri w'Intebe wa guverinoma y'abicanyi, Jean Kambanda, yahamagariye abaturage kwitabira ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi. Abaturage b'abasivili bahabwaga imyitozo ya gisirikare ibigisha uburyo bwo guhiga no kwica Abatutsi.

## 2.42. MINUAR YAHAGARITSE BY'AGATEGANYO IBIKORWA BYO KUVANA ABANTU MURI HOTEL DES MILLE COLLINES, INEMEZA UBWICANYI BWAKOREWE IMPUNZI Z'ABATUTSI I KABGAYI

Tariki ya 01 Kamena 1994, umunsi umwe nyuma y'urupfu rwa Capitaine Ndiyaye, MINUAR yatangaje ko ihagaritse ibyo bikorwa byo kwimura abantu mu gihe cyose itarabona icyizere ko bariyeri zivanywe mu muhanda kandi abasilikare ba Leta n'Interahamwe bakareka gukomeza kubangamira akazi ka MINUAR. Ibyo bikorwa by'ingabo za Leta n'Interahamwe byo kubangamira igikorwa cyo kwimurira abantu mu gice cyagenzurwaga na FPR-INKOTANYI, byahaye abicanyi umwanya wo gukomeza gukora Jenoside ku Batutsi bari bakihishe muri Kigali. Aba batutsi bishwe muri aya matariki bashoboraga gukizwa mu gihe cyihuse iyo Guverinoma y'Abatabazi yubahiriza guhagarika imirwano byari byemeranyijweho hagati ya FPR-INKOTANYI n'ubuyobozi bw'ingabo z'iyo

Guverinoma byo kureka MINUAR ikimura abantu ibajyana mu gice bifuza kujyamo.

Kuri uwo munsi, radiyo mpuzamahanga zitandukanye zirimo Radio mpuzamahanga y'Abafaransa (RFI), Radio y'Abongereza BBC, Radiyo Ijwi ry'Amerika na Radiyo Ijwi ry'Ubudage (Deutsche Waelle), zatangaje ibikubiye mu itangazo rya MINUAR byerekeye anketi ku iyicwa ry'Abatutsi mu nkambi z'i Kabgayi.

Muri iryo tangazo, MINUAR yasobanuye ko intumwa zayo zagiye mu nkambi ya Kabgayi zibona koko amakuru agaragaza ko hari Abatutsi bavanywe muri iyo nkambi bakicwa n'Interahamwe n'abasilikare ba Leta y'Abatabazi. MINUAR yasobanuye ko intumwa zayo zashoboye no kubona imwe mu mibiri y'abantu bishwe, ariko MINUAR yirinda kugira byinshi itangaza ku mubare w'abishwe nubwo amakuru yari yatangajwe n'itangazamakuru ndetse n'Imiryango Mpuzamahanga itari iya Leta nka CICR na OXFAM yakoreraga muri iyi nkambi yari yavuze ko hishwe mu gihe gito cyane abantu barenga magana atanu (500).

Kuri uyu munsi kandi, Minisitiri w'Ingabo w'Igihugu cya Canada yaje mu Rwanda areba ibijyanye n'imibereho y'ingabo za Canada zari muri MINUAR, aniga uburyo Canada yazohereza inzobere zigera kuri magana atatu mu bijyanye n'itumanaho, Igihugu cye cyari cyemeye kohereza mu Rwanda mu rwego rwo guha ingufu igice cya kabiri cyiswe MINUAR II cyari cyemewe n'Umuryango w'Abibumbye ko wakongera abasilikare bayo n'abandi bakozi ba MINUAR.

Radiyo Ijwi ry'Amerika yatangaje amakuru avuga ko Igihugu cya Misiri cyagurishije intwaro Guverinoma y'Abatabazi zifite agaciro k'ibihumbi magana arindwi na mirongo itanu (750.000$) by'amadolari y'Amerika, bikaba byarakozwe hirengangijwe icyemezo cy'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi cyabuzaga ibihugu byose kugurisha intwaro Guverinoma y'u Rwanda n'ingabo zayo kubera uruhare rwayo muri Jenoside yakorerwaga Abatutsi.

## 2.43. KUWA 02 KAMENA 1994: INGABO ZA FPR-INKOTANYI ZAROKOYE ABATUTSI BARI MU NKAMBI YA KABGAYI

**Imiterere y'inkambi ya Kabgayi**

Impunzi z'i Kabgayi zari mu mazu atandukanye ya Kiliziya gatorika akurikira: Mu kigo cy'amashuri abanza cya Kabgayi A, mu kigo cy'amashuri abanza cya Kabgayi B, mu kigo cy'amashuri yisumbuye cya Mutagatifu Yozefu, mu Iseminari Nto yitiriwe mutagatifu Leon, mu Iseminari Nkuru ya Kabgayi (Philosophicum), mu kigo cya Mutagatifu Kagwa ahahoze TRAFIPRO (ahazwi ku izina rya CND), mu mashuri y'abigiraga gatigisimu, aho bitaga mu Gishumba no mu bitaro bya Kabgayi.

Muri ibi bigo, uretse kwa Kagwa (CND), ahandi impunzi z'Abatutsi zabaga ziri kumwe n'impunzi z'Abahutu ziganjemo izari zaraturutse i Nyacyonga. Muri Eveché kwa Musenyeri habagamo n'abasirikare. Abatutsi bari bakambitse muri Katedrali ya Kabgayi basohowemo ku mabwiriza ya Musenyeri Tadeyo Nsengiyumva wayoboraga Diyosezi ya Kabgayi, ngo kugira ngo itazasenywa.

Musenyeri Tadeyo Nsengiyumva kandi yasabye ko abo Batutsi batahicirwa ngo batazateza umwanda, bikaba byaratumye abagendaga bicwa benshi barabajyanaga kubicira hanze ya katederali ya Kabgayi.

Iyi Katedrali kandi yasomerwagamo misa buri munsi, ndetse abicanyi bakabanza mu Misa mu gitondo mbere yo kujya gushaka Abatutsi bo kwica. Ku muhanda uva Gitarama winjira muri Kabgayi, hari za bariyeri nyinshi ku buryo Abatutsi benshi bahahungiraga batabashije no kwinjira muri ibyo bigo. Bariyeri zari aha hakurikira: muri Rugeramigozi ku muhanda ugana i Mbare, munsi y'irimbi ry'abapadiri ry'i Kabgayi, ku marembo ya ESI-Kabgayi (Ecole des Sciences Infirmières), imbere ya Imprimerie de Kabgayi, ku irembo ry'ibitaro bya Kabgayi no ku muhanda ugana ku Iseminari Nkuru ya Kabgayi.

**Amatariki y'ingenzi yaranze ikorwa rya jenoside i Kabgayi**

Hari amatariki amwe azwi yaranzwe n'ubwicanyi bukomeye:
Mu ntangiriro z'ukwezi kwa Mata 1994, kuri Ecole des Sciences Infirmières, igitero kigizwe n'abasirikare cyarahateye gishakisha Umurungi Chantal wari Animatrice muri icyo kigo. Uwari umuyobozi w'icyo kigo wari Umuhutukazi

witwa Mukandanga Dorothée yarwanye kuri uwo mukobwa, yanga ko bamujyana ndetse ananga ko basambanya abandi bakobwa bari bahari, bahita bamurasira hamwe na Umurungi Chantal ndetse na musaza we Mugunga Narcisse wari waje kumusura. Bombi bari abana ba Muberuka Jean Baptiste w'i Nyanza.

Tariki ya 15/4/1994 mu ishuri rya Saint Joseph haje igitero cyamaze amasaha atanu kirobanura. Icyo gihe cyatwaye benshi barimo umudamu wa Rudahunga Louis, umwalimu witwa Justin wigishaga muri ETEKA n'abandi.
Muri iri shuri, ku itariki 08/5/1994, nabwo abasirikare bagiyeyo bafite urutonde rw'Abatutsi bagomba gutwara. Kuri uwo munsi, batwaye Abatutsi 27 mu gitondo, babajyana mu kigo cya gisirikare i Gitarama, birirwa bakubitwa. Ku mugoroba, babagabanyijemo amakipe atatu, bamwe babajyana i Murambi ya Gitarama, abandi mu Byimana, abandi ku mugezi wa Nyabarongo barahabicira. Muri aba bose uko ari 27 harokotse umwe.

Bamwe mu bashoboye kumenyekana batwawe uwo munsi ni Rwicaninyoni Emmanuel wakoraga muri MINEDUC muri bureau pédagogique ishami ry'amateka, Gatsinzi Gervais wigishaga muri ACEJ Karama, Niyoyita André, Ntibyiragwa Jean Marie Vianney bitaga Maso, Hodari na Nyakarashi Ignace. Bose bari abarimu muri Collège Saint-Joseph ya Kabgayi, n'abandi batamenyekanye.

Tariki 24/5/1994, Abatutsi bakuwe mu Iseminari Nkuru ya Kabgayi bajya kwicirwa mu Byimana. Abayobozi ba kiriziya gaturika i Kabgayi bari baragennye ko abihayimana bagomba guhungira mu Iseminari Nkuru, ariko hakaba hari n'Abatutsi basanzwe bahari; habaga n'izindi mpunzi z'abahutu zari zaraturutse i Kigali n'ahandi.

Bamwe mu bari bagize Guverinoma y'Abatabazi bari bahafite ibyumba, akenshi bakahajya nijoro barimo Kambanda na Sindikubwabo. Buri gice cyahererezwaga mu ruhande rwacyo uretse abihayimana bo babanaga batarobanuye.

Kuri iyo tariki ya 24/05/1994, Seminari Nkuru ya Kabgayi yazengurutswe n'abicanyi b'abasivili n'abasirikare baje mu masaha ya saa yine, basohora impunzi, bazicaza mu kibuga. Hari umufaratiri w'umuhutu witwaga Adalbert Nemeyabahizi wajyaga kuzana urutonde ruriho amazina y'Abatutsi bakababahamagara bakabatwara, bakajya kubica. Adalbert Nemeyabahizi yaje kuba Padiri nyuma ya Jenoside ahungira mu Bubiligi. Inkiko Gacaca zamukatiye adahari igifungo cy'imyaka 20.

Mu bihayimana batwaye, harimo abafurere b'abayozefiti Murekezi Fidèle, Mugabo Emmanuel, Munyanshongore Martin na Rusezerangabo Théophile. Harimo kandi

Abafurere b'abamarisiti barimo Gatari Gaspard, Nyirinkindi Canisius na Bisengimana Fabien. Batwaye kandi Umwenebikira witwaga Bénigne Nakana, Abapadiri Niwenshuti Célestin, Musonera Callixte na Nyiribakwe Vedaste wigishaga mu Iseminari Nkuru. Batwaye kandi Karinda Viateur wari umunyamakuru wa Radio-Rwanda. Aba bose bahamagawe hari na Musenyeri Thadeyo Nsengiyumva, wari waje gukoresha inama impunzi, abonye abicanyi bagose yurira imodoka asubira mu icumbi rye.

Ku itariki ya 29/5/1994, nanone ku ishuri rya Saint Joseph hagiyeyo ikindi gitero. Abicanyi bari bafite bus bapakiramo Abatutsi bajya kwicirwa kuri Nyabarongo. Mu batwawe harimo Rurangwa Alexis wari umucamanza, Rwagakiga Prudence wacuruzaga mu Ngororero, umudamu witwa Mukobwajana Eugenie, Gasasira Vital, Mukangamije Beline yari umukozi mu ishuri rya Saint Joseph, Utazirubanda Leonard, Mucyurabuhoro mwene Gatabazi, Munyeshuri Jean Marie Vianney wari agronome, Habimana Deogratias wari umwarimu n'abandi.

Mu kwezi kwa Gicurasi 1994, ku itariki itibukwa neza, ahahoze TRAFIPRO (bitaga CND) haje abasirikare batwara Abatutsi barimo Isidore mwene Ruyenzi, Kajangwe Célestin, Nizeyimana Jean Bosco n'abandi bajya kubica. Muri uko kwezi nanone, igitero cyagabwe mu ishuri ribanza rya Kabgayi A n'abicanyi b'i Mushubati bari bariyise "*Abazulu*". Bazaga inshuro nyinshi bateye i Kabgayi mu nkambi zaho.

Mu bitero bitandukanye bagiye bagaba i Kabgayi harimo icyo bishemo abantu batandatu babiciye mu ishyamba riri munsi y'ikigo cy'abana babana n'ubumuga. Mu Iseminari ntoya Saint-Léon ya Kabgayi, hagabwe ibitero bibiri bikomeye hagati ya Gicurasi na Kamena 1994. Kimwe cyagabwe mu mpera z'ukwezi kwa Gicurasi 1994, icyo gitero cyatwaye Abatutsi benshi bajonjowe mu isaka ryakozwe muri icyo kigo. Biciwe mu ishyamba rya Byimana n'ahandi. Igitero cya kabiri cyari icy'Interahamwe zitwaga *Abazulu* b'i Mushubati, nacyo cyatwaye Abatutsi b'i Mushubati bari bahungiye i Kabgayi bajyanwa kwicwa.

Igitero cyo ku wa 30/05/1994 cyanyuze aho Abatutsi bari bihishe hose muri Kabgayi kigenda gitoranya abajya kwicwa, batwawe muri za bus bajya kwicirwa kuri mu Ngororero. Iki gitero cyari kiyobowe n'abicanyi bavuye mu Ngororero bavugaga ko babaruye imirambo y'Abatutsi bahiciwe bagira iyo babura bajya kureba ko bahungiye i Kabgayi ; ni yo mpamvu bagiye kwicirwa mu Ngororero ariko mu bo batwaye harimo n'abari batuye ahandi.

**Jenoside y'i Kabgayi yakozwe mu buryo butandukanye n'ahandi**

Kubera ko i Kabgayi hahungiye Abatutsi baturutse mu mpande nyinshi z'Igihugu, byatumye abategetsi ba Komini n'abicanyi baturutse mu zindi Perefegitura bajyayo bitwaje amalisiti y'Abatutsi bahungiye i Kabgayi bavuye mu makomini yabo, abicanyi bakabatwara bakajya kubicira ahandi. Bivuze ko rimwe na rimwe Abatutsi batangwaga n'impunzi z'abahutu zabaga ziri kumwe nabo, zarahabasanze, ziva mu bice FPR-INKOTANYI yabaga imaze kubohora.

Hari abajandarume n'abasirikare barindaga abihayimana n'abagize guverinoma y'abatabazi.

Uretse kwica Abatutsi, hakozwe n'ibikorwa bibi byo gufata abagore n'abakobwa ku ngufu. Hari ubwo bateraga ibisasu cyane ahitwa muri CND bigahitana abantu. Ikindi kiri mu byishe Abatutsi bari bahungiye i Kabgayi ni inzara n'indwara yaterwaga n'umwanda kuko nta mazi bagiraga.

Nyuma imirambo yaje kuba myinshi n'umwuka mubi uba mwinshi, abicanyi bafata icyemezo cy'uko batazongera kwicira abantu aho ngaho, nibwo bigiriye inama yo kujya bazana imodoka bagapakira Abatutsi bahereye ku bize cyangwa bifashije kuko bari barabaruwe, bagatwara cyane cyane abasore n'abagabo, bakajya kubicira ahandi. Buri munsi hicwaga Abatutsi ku buryo imibare itapfaga kumenyekana.

Bamwe mu bagize uruhare mu bwicanyi bwakorewe i Kabgayi ni :

- Superefe Rutegesha Misago Antoine urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Gitarama rwamukatiye gufungwa burundu ;
- Superefe Gatera Gaspard urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Gitarama rwamukatiye gufungwa burundu ;
- Gahutu Emmanuel Demarere wari maneko urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Gihuma B rwamukatiye gufungwa imyaka 30 ;
- Sagahutu Thomas wakoraga mu Kigo cy'abinjira n'abasohoka mu Gihugu ;
- Gilbert wari uhagarariye ishyaka rya C.D.R mu mujyi wa Gitarama ;
- Sergent-Major witwa Karata ;
- Faratiri Adalbert Nemeyabahizi watanze abihayimana b'Abatutsi baricwa. Aba mu Bubiligi;
- uwitwaga Gasirikare wari impunzi y'umuhutu yavuye i Nyacyonga yiyoberanyije abana n'Abatutsi babaga kuri TRAFIPRO akaba ari na we watangaga Abatutsi baho ;
- Sous-Lieutenant Musabyimana ;
- Philippe mwene Théopiste ;
- Major Nyirahakizimana Anne-Marie yakatiwe igifungo cya burundu arafunze ;

- Hakizimana Papias yakatiwe imyaka 15 ;
- Tuyisenge Narcisse yakatiwe gufungwa imyaka15;
- Nigena Protogene yakatiwe imyaka 30. Bose bakatiwe n'urukiko gacaca rwa Gatikabisi;
- n'abandi.

Mu bicanyi baturukaga i Mushubati biyitaga *Abazulu* harimo Sadam, Mitterand, Basesekaza, Twagirimana Clément, Protogène, Evode mwene Révocat, Mutabaruka Hassan, Abasirikare babiri Rachidi na Semanyenzi Jean Claude, Mugemana, Kimonyo Tharcisse wari umushoferi, abasirikare bari bazwi ku mazina y'amahimabano nka Shitani na Kajisho babaga mu kigo cya Gitarama babaga bari kumwe n'umusivire witwa Gikeri, Nsanzineza Vincent n'abandi.

## 2.44. IFATWA RYA KABGAYI RYABABAJE GUVERINOMA YA KAMBANDA, ISHYIRA UMUVUDUKO MU KWIHUTISHA JENOSIDE NO GUSHAKISHA IMBUNDA N'AMASASU BYO GUSOZA JENOSIDE

**Guverinoma ya Kambanda yiyemeje gukomeza kwica Abatutsi ibishyiramo imbaraga zidasanzwe mu nama za ba minisitiri**

Nyiramasuhuko yanditse muri *Agenda* ye ko inama ya Guverinoma yo ku wa 01 Kamena 1994 yemeje ko ba Minisitiri bakomeza gukurikirana ikorwa rya Jenoside muri gahunda bise "*auto-défense civile*" muri za Perefegitura. Gitarama igakomeza gukurikiranwa na Minisitiri Callixte Nzabonimana. Gisenyi igakurikiranwa na ba Minisitiri Augustin Ngirabatware na Jean de Dieu Habineza n'ahandi gahunda igakomeza gukurikiranwa na ba Minisitiri bahashinzwe. Mu rwego rwo kwihutisha « *auto-défense civile* », Nyiramasuhuko yari ashinzwe kuyikurikirana muri Perefegitura ya Butare.

Ku itariki 31 Gicurasi 1994, Nyiramasuhuko yanditse muri Agenda ye ko yakoresheje inama muri Komini za Muyaga, Rusatira, Ruhashya na Nyabisindu. Ntiyavuze abo yayikoranye nabo, ariko yagaragaje ko havuzwe ku kibazo kirebana n'urugamba yandika ko « *kugemurira abari ku rugamba bidashoboka 'donc' bagomba kurya ibyo basanze* ».

Nyiramasuhuko yakomeje yandika uburyo Jenoside igomba gukomeza gukorwa akabivuga muri aya magambo : « *gusaka hose mu ngo, kuvanaho ibihuru aho biri*

*hose, gutema amashyamba, kugurira abaturage ibikoti by'imbeho, gushaka imipanga, gukaza uburinzi kandi hagashakwa urubyiruko rugera ku bihumbi bibiri (2000) bizewe mu gihe kitarenze iminsi ibiri no kwambara ibirere nk'ikimenyetso kiranga abahuje umugambi.* »

Nyiramasuhuko yanagaragaje amazina y'abategetsi bagomba kuyobora icyo gikorwa cyo gushaka urubyiruko muri Butare rwiyongera ku rukora Jenoside muri za Komini no kubaha ibikoresho byavuzwe :

Komini Maraba : gushaka abasore 30 bishingwa uwari diregiteri wa Gereza ya Butare witwa Munyeragwe ;

Komini Ruhashya : abasore 30 bikayoborwa na porokireri wa Repuburika i Butare, Mathias Bushishi;

Komini Rusatira: abasore 60 bikayoborwa na Sylvain Harindintwali wari umukuru wa serivisi y'iperereza muri Butare;

Komini Mugusa: abasore 60 bikayoborwa na Perefe (Colonel Alphonse Nteziryayo);

Komini Runyina na Gishamvu: ntihagaragajwe umubare w'abakenewe ariko Nyiramasuhuko yanditse ko icyo gikorwa kizayoborwa na suPerefe Assiel Simbalikure.

Uwo mugambi wo kongera umubare w'interahamwe mu gihugu hose warakwiriye kuko muri Agenda ya Jean Kambanda yo ku wa 04 Kamena 1994, Kambanda yanditsemo ko kugira ngo batsinde umwanzi hagomba gushakwa abasore 30 muri buri Komini; ni ukuvuga abasore 30x145 = 4350; iki gikorwa gishingwa Minisitiri Nyiramasuhuko.

Icyo gihe hanavuzwe ko intwaro zari zaratumijwe muri Afurika y'Epfo zari kugera mu Rwanda ku wa mbere tariki ya 7 Kamena 1994 mbere ya saa sita.

Muri Agenda ya Nyiramasuhuko yanditse kandi ko muri Komini Ngoma (Butare) hagomba kwitabwaho kurusha ahandi, hagashakwa abantu bihishe mu mashyamba kuko ¾ by'ubutaka bwa Komini bugizwe n'amashyamba. Akomeza avuga ko buri wese agomba kugira icyo ashinzwe kandi muri buri Selire hagashyirwa ba resiponsabule byibura batanu (5), akanamenyesha ko Kmainuza Nkuru y'u Rwanda yifuza guhabwa imbunda mu rwego rwa "auto-défense civile" kandi ko Kaminuza yiteguye kuzatanga amafranga y'izo mbunda.

Iyi gahunda yo kwihutisha Jenoside batsemba Abatutsi bari bataricwa kuri aya matariki inagaragara muri Agenda za Jean Kambanda wari Minisitiri w'Intebe, Augustin Ngirabatware wari Minisitiri w'igenamigambi na Edouard Karemera

wari Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu. Kambanda na Karemera bakatiwe igihano cya cy'igifungo cya burundu n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda naho Ngirabatware akatirwa igifungo cy'imyaka mirongo itatu n'itanu.

**Inama za ba minisitiri zakajije ingamba zo gushakisha ku buryo bwose intwaro n'amasasu mu mahanga byo guhangana na FPR-Inkotanyi no gusoza jenoside**

Ku itariki ya 01 Kamena 1994, Nyiramasuhuko yanditse ko habaye inama ya Guverinoma yaganiriye ku migendekere y'intambara ikamenyeshwa ko ingabo za Guverinoma zari muri batayo ya 96 yabarizwaga I Muvumba zagiye zitsindwa mu birindiro byazo zigahungira I Byumba, zikomereza I Rwamagana, Kibungo, Bugesera, Nyanza na Rukondo. Nyiramasuhuko yagaragaje ko inama ya Guverinoma yasanze abasilikare bakeneye ibikoresho, ngo bakaba bafite ikibazo cy'ibyitso ngo biri mu basilikare, ngo hakaba kandi habura gushyira hamwe guhagije hagati y'abasilikare na Guverinoma ngo kuko hari bamwe muri bo bifuza kugirana imishyikirano n'umwanzi bonyine.

Nyiramasuhuko yanditse ko muri iyo nama ya ba Minisitiri yo ku wa 01 Kamena 1994, haganiriwe kandi ku bijyanye no kugura imbunda, amasasu n'ibindi bikoresho bya gisilikare. Nyiramasuhuko yanditse ko Guverinoma yatanze amafranga angana na miliyoni icyenda z'amadolari y'Amerika (9.000.000$) zo kugura intwaro mu Misiri. Hakaba n'andi mafranga miliyoni enye n'ibihumbi magana abiri y'amadolari y'Amerika (4.200.000$) yo kugura intwaro babinyujije ku witwa Dominique Lemonnier w'Umufaransa bigakurikiranwa na Colonel Bagosora na Lt Colonel Jean Bosco Ingenieur Ruhorahoza. Nyiramasuhuko kandi yanditse ko hari andi mafranga miliyoni ebyiri n'ibihumbi magana abiri y'amadolari y'Amerika (2.200.000$) yari amaze amezi arindwi yaratanzwe mu kugura intwaro, hakaba hari icyizere ko izo ntwaro zari kugera mu Rwanda (garantie de livraison). Nyiramasuhuko yanagaragaje ko Karamira yari mu butumwa mu mahanga bwo kugura intwaro ariko ko yari ataragaruka.

Muri *Agenda* ya Jean Kambanda bigaragara ko muri iyo nama yo ku wa 01 Kamena 1994, Guverinoma yemeje ko Banki ya Kigali igomba guhatirwa gutanga amafaranga y'amadevize kugira ngo izo ntwaro zishobore kugurwa.

Iki kibazo cy'ahantu Guverinoma izakura amafranga cyananditswe na Ngirabatware muri *Agenda* ye agaragaza ko mu nama yo ku wa 06 Kamena 1994, Guverinoma yemeje ko amadevize ari muri SONARWA agomba kuvanwayo agakoreshwa.

Muri *Agenda* ya Kambanda irebana n'inama y'Abaminisitiri yabaye ku wa 4 Kamena 1994 handitse ko inama yanaganiriye kuri gahunda yo gushaka abacanshuro bunganira ingabo za Leta bagera ku gihumbi na magana atanu (1500).

Mu nama Kambanda yakoranye n'abakuru b'ingabo na Jandarumori ku wa 05 Kamena 1994, nkuko bigaragara muri Agenda ye, hemejwe ko abo bacanshuro bazashakwa muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika no mu Bubiligi.

Inama yo ku wa 4 Kamena 1994 kandi yemeje ko Umujyi wa Gitarama wigaruriwe n'Ingabo za FPR-INKOTANYI ariyo mpamvu muri iyo nama hashyizweho Perefe w'umusilikare, major Ukurikiyeyezu Jean-Damascène asimbuye Fidele Uwizeye.

Mu nama ya Guverinoma yabaye ku wa 06 Kamena 1994, *Agenda* ya Jean Kambanda igaragaza ko hasohowe andi mafranga menshi yavanywemo kontaro ebyiri zo gutumiza intwaro mu Bushinwa. Kontaro ya mbere yari igizwe na miliyoni imwe n'ibihumbi magana atandatu y'amadolari (1.600.000 $) n'indi ya miliyoni ebyiri n'ibihumbi magana abiri y'amadolari (2.200.000$).

Iyi nama yanagaragaje ko hari kontaro Guverinoma ya Jean Kambanda yari yasinyanye n'Umufaransa batavuze izina. Uyu yaramenyekanye nyuma ya Jenoside, ni uwitwa Dominique Yves Lemonnier wari ufite sosiyete y'ubucuruzi yitwaga DYL INVEST yari ifite icyicaro ahitwa Annecy mu Bufransa.

**Inama za ba minisitiri zemeje kurushaho kwishyira hamwe mu gukora jenoside no kunoza isura ya guverinoma y'abicanyi**

Muri *Agenda* ya Kambanda ivuga ku byaganiriweho mu nama ya ba Minisitiri be yo ku wa 04 Kamena 1994, yanditse ko isura ya Guverinoma ye ari mbi cyane mu mahanga, hakaba hagomba gukora ibishoboka ngo bayikosore. Kambanda ntiyavuze ko icyateraga kwangirika kw'iyo sura ari ubwicanyi yakoraga na Guverinoma ye, ariko niyo mpamvu nta yindi. Kambanda akavuga ko Ubufaransa bwiteguye kubafasha ariko ko bwasabye ko Kambanda na Guverinoma ye bakwihutira gushaka ibimenyetso bigaragaza ko Uganda iha ubufasha FPR-INKOTANYI, bityo Ubufaransa bukabigira impamvu zo gusobanura ubufasha nabwo bwiteguye guha Guverinoma ya Kambanda.

Ingamba z'icyo gikorwa cy'itumanaho zigaragara neza muri *Agenda* ya Ngirabatware aho yanditse ko inama ya Guverinoma yo ku wa 06 Kamena 1994 yemeje isinywa ry'amasezerano ya sosiyete eshatu zizobereye mu itumanaho (communication) zo mu Bufransa no muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika zizabafasha guhisha ikorwa rya Jenoside, banemeza ko Perezida wa Repuburika na Minisitiri w'Intebe bagomba gukora ingendo zisobanura urugamba barimo, ni

ukuvuga Jenoside. Ni nabwo hemejwe ko Perezida Tewodori Sindikubwabo agomba gukorera urugendo Addis Abeba mu Muryango w'Ibihugu by'Afurika gukora icyiswe "*lobbying*" (ubuvugizi) mu bihugu by'Afurika, kandi hagakorwa intambara yifashishije itangazamakuru (guerre mediatique).

Ngirabatware yananditse ko Inama y'abaminisitiri yasanze mu Nterahamwe no mu basilikare harimo abafashwe neza kurusha abandi, bikaba biteza ibibazo by'ubwumvikane buke kandi bakeneye gushyira hamwe mu guhashya umwanzi.

Iyi nama yo ku wa 6 Kamena 1994 yanavuze ko mu ngabo z'Igihugu harimo ibyitso, bamwe muri ibyo byitso ngo bakaba ari Abatutsi, ariko ngo no mu Banyanduga harimo Ibyitso kubera ikibazo cy'amacakubiri ashingiye ku Turere (regionalisme).

Iki kibazo cyananditswe na Kambanda muri *Agenda* ye aho avuga ko amacakubiri ahari mu ngabo, ariko akongeraho ko "*ikibazo cy'ibyitso muri jandarumori ntawe ukwiye kugikabiriza*." Nyamara nubwo Kambanda asa nk'utesha agaciro iki kibazo cy'amacakubiri muri Jandarumori ni ukubeshya. Mu nama zitandukanye zabanjirije iyi ngiyi, nk'iyabaye ku wa 4 Kamena 1994, amacakubiri muri jandarumori yaganiriweho cyane.

Muri *Agenda* ya Kambanda hagaragara ko muri iyi nama banatekereje gusimbuza Jenerali Ndindiriyimana Augustin ku buyobozi bwa Jandarumori bakanasuzumwa lisiti y'abakandida bashobora kumusimbura ariko ntihagira uwo bahurizaho. Mu bakandida baganiriweho harimo: Colonel Nyirimanzi, Colonel Rutayisire, Colonel Ntiwiragabo na Colonel Rwarakabije.

Ngirabatware we yanditse ko iyo nama yo ku wa 06 Kamena 1994 yanemeje gukaza imikorere ya "*auto-defense civile*" Guverinoma igaha abaturage uburyo bwo kuyikora kandi igashishikariza abavuye mu byabo kubisubiramo. Kugira ngo ibyo bishoboke, Ngirabatware yanditse ko Guverinoma yemeje hagomba gushyirwaho imikorere ya "*auto-defense civile*" muri buri Komini na buri Segiteri, kandi ba Minisitiri bakamanuka bakegera abaturage, bakajya gukurikirana umunsi ku munsi imigendekere y'iyi gahunda, aho gukora inama za ba Minisitiri buri munsi mu biro.

## 2.45. KUWA 5 KAMENA 1994: MINISITIRI W'INTEBE JEAN KAMBANDA YAKORESHEJE INAMA ABAKURU BOSE B'INGABO NA JANDARUMORI YO GUKAZA INGAMBA Z'INTAMBARA NO KURANGIZA IRIMBURWA RY'ABATUTSI AHO BARI BATARICWA

**Ibyemezo byo kongerera urubyiruko imyitozo ya gisilikare no kuruha intwaro**

Iyi nama yatumijwe na Minisitiri w'Intebe yari igamije ibintu bibiri by'ingenzi. Icya mbere kwari ukureba uburyo Guverinoma ya Kambanda n'ingabo zayo bakwisuganya ngo barebe ko bareka gukomeza gutsindwa intambara barwanaga n'Ingabo za FPR-INKOTANYI; icya kabiri kwari ukwiga uburyo Jenoside yo kumaraho Abatutsi yakomeza gukorwa, ikihutishwa hose ku buryo bwose bushoboka.

Hasuzumwe uko ibintu byifashe mu bice Guverinoma yari ikigenzura bya Gisenyi, Ruhengeri, Butare na Kigali y'uburengerazuba. Mu nyandiko za Kambanda avuga ko basanze "umwanzi" abarusha imbaraga za gisilikare bakavuga ko biterwa n'impamvu nyinshi. Mu zikomeye bavuze harimo kuba abasilikare babo bagenda bacika intege. Hemejwe ko abakuru b'ingabo bagomba gusobanurira abasilikare akaga abaturage bagira igihugu cyose kiramutse kigaruriwe na FPR.

Banagaragaje ikibazo cy'abasilikare babo b'ibisambo bagenda baba benshi ngo bakiba, cyane cyane imodoka, ndetse n'ikibazo cy'abasilikare bata urugamba bakigendera kandi ntibakurikiranwe, bikarushaho guca intege abasigaye mu gihe cy'intambara na Jenoside.

Hemejwe ko mu bice bigenzurwa na Guverinoma bakomeza gushyira imbaraga mu gushishikariza urubyiruko kwinjira mu gisilikare, kubaha imyitozo n'intwaro. Batanga urugero ko muri Perefegitura ya Butare na Gikongoro hari abagera kuri magana abiri (200) batangiye iyo myitozo.

Hashimwe ko abanyeshuri bari bacumbikiwe mu Ishuri ry'ubuhinzi n'ubworozi i Butare (EAVK) biganjemo abaje bavanywe i Byumba muri Groupe Scolaire de la Salle bahungishwa imirwano, batangiye guhabwa imyitozo ya gisilikare muri iryo shuri. Birumvikana ko Guverinoma yasabaga ko n'ahandi hose bikwiye gukorwa muri ubwo buryo, urubyiruko rugakomeza guhabwa imyitozo ya gisilikare n'intwaro.

Aba basore babaga bamaze guhabwa imyitozo n'intwaro abenshi muri bo nibo bakoreshwaga mu guha Interahamwe ubufasha mu bwicanyi. Nk'abo banyeshuri b'Abahutu bo muri EAVK bakoze ibikorwa bibi byo kwica bagenzi babo b'Abatutsi, babihawemo urugero n'uwari umuyobozi w'iryo shuri muri 1994, Theophile Mbarushimana. Niwe warashe umunyeshuri wa mbere w'Umututsi mu rwego rwo guha abanyeshuri b'abahutu urugero rubi bagomba gukurikiza bakora Jenoside kandi bahita koko bica Abatutsi biganaga n'abari bahahungishirijwe bavanywe i Byumba. Mbarushimana Theophile ni umuhungu wa Yozefu Habyarimana-Gitera washyizeho muri 1959 "amategeko 10 y'Abahutu".

Inama yanemeje ko Banki zose zimurirwa ku Gisenyi hafi y'umupaka wa Kongo, bikaba byari ukugira ngo bizaborohere guhita bimurira amafranga ya Leta muri Kongo igihe bazaba batsinzwe intambara; ibi kandi niko byagenze. Kubera iyo mpamvu, abakuru b'ingabo biyemeje gukora ibishoboka byose bakarwana ku muhanda wa Kigali-Ruhengeri-Gisenyi kugira ngo utigarurirwa na FPR-INKOTANYI.

**Ibyemezo byo gushishikariza ba Perefe na ba Burugumesitiri gushyira imbaraga mu bwicanyi**

Uretse ibyemezo bya gisilikare, hafashwe n'ingamba za politiki zirimo gukomeza gushishikariza ba Perefe bose na ba Burugumesitiri kwihutisha igikorwa cya "auto-defense civile", bikaba byaravuga kwihutisha iyicwa ry'Abatutsi, hashingiwe ku mabwiriza yanditswe na Minisitiri w'Intebe Jean Kambanda yo ku wa 25 Gicurasi 1994 yagejejwe ku bategetsi bose, barimo ba Perefe na Burugumesitiri. Ayo mabwiriza

Hemejwe ko Guverinoma igomba kugenera "auto-defense civile" ingengo y'imari ihagije, kongera umubare w'abantu binjizwa muri icyo gikorwa no kubongerera intwaro n'ibindi bikoresho bya ngombwa.

Havuzwe kandi ko abantu bize (intiti) harimo abari biteguye gufasha Guverinoma muri icyo gikorwa, cyane cyane ku bijyanye no kurwana urugamba rwo mu itangazamakuru, hagamijwe kugerageza kugarurira Guverinoma y'abicanyi isura nziza. Ibyo ngo basangaga bikwiye gukorwa kuko ngo ingabo za Guverinoma zashinjwanga n'amahanga gukora ubwicanyi zonyine, ngo kandi ubukorwa na FPR bwo ntibuvugwe.
Iyi myumvire idahwitse yari ukwirengagiza ko FPR-INKOTANYI mu bice byose yagendaga yigarurira hari abanyamakuru b'abanyamahanga n'abakozi bo mu

Miryango y'ubutabazi ku buryo iyo haba ubwicanyi bwateguwe bayitirira, hatari kubura ababuvuga.

Bagaragaje ko ubundi buryo bwo kugarurira isura nziza Guverinoma ari ubwo kureba uko bareshya Abatutsi bamwe kugira ngo bahungire mu gice cyagenzurwaga na Guverinoma, ngo bakabarinda, mu rwego rwo kugaragaza ko Guverinoma idashobora gukora Jenoside ngo ibe inacungira umutekano Abatutsi bayihungiyeho.

**Ingabo za guverinoma ya Kambanda zemeje ko Inkotanyi zibarusha ubuhanga na disipuline**

Kambanda yanditse muri Agenda ye ko abakuru b'ingabo bamugaragarije ko kimwe mu bituma FPR-INKOTANYI ibarusha ubuhanga butuma igenda ibatsinda ku rugamba ari ugushyira hamwe kuyiranga mu nzego zayo zose, cyane cyane muri politiki n'igisilikare (unite politique et militaire).

Ikindi bagaragaje mu buhanga bwa FPR-INKOTANYI ni ukuba abasilikare bayo bitanga ku rugamba batizigamye, bitandukanye n'aba Guverinoma, ngo kandi bakaba barahawe imyitozo ihagije n'amasomo y'imyitwarire yo mu rwego rwo hejuru kurusha abasilikare ba Guverinoma.
Hanavuzwe ko FPR-INKOTANYI ifite uburyo bunoze bwo gutegura urugamba no gukurikirana umunsi ku munsi imgendekere yarwo kandi mu bwitange bwinshi.

Mu ntege nke bagerekaga kuri FPR-INKOTANYI bavugaga ko abaturage batayikunda ko rero ariyo mpamvu ubukangurambaga bugomba gukomeza mu baturage, bakarushaho kubangisha FPR, bityo bashishikarizwe guhunga igihugu bose.

## 2.46. KUWA 6 KAMENA 1994: INGAMBA ZO KUNOZA ISURA YA GUVERINOMA YA KAMBANDA MU MAHANGA N'IMPUNGENGE KU MUBARE MWINSHI W'INKOMERE Z'ABASILIKARE BAYO

**Umubare munini w'inkomere z'abasilikare ba leta n'uw'abaguye ku rugamba wagaragajwe nk'ikibazo cy'ingutu kibangamiye ikorwa rya jenoside**

Mu nama yo ku wa 06 Kamena 1994, Minisitiri w'Intebe yasobanuye mu ncamake ibyo yaganiriye mu nama yagiranye n'abakuru b'ingabo na jandarumori ku wa 05

Kamena 1994. Kimwe mu bibazo basuzumye ni ikijyanye n'umubare munini w'inkomere mu basilikare bayo bavuga ko inkomere bari bafite zirenga ibihumbi bitanu (5000), naho abaguye ku rugamba kuva muri mata 1994 bakaba bagera ku gihumbi (1000).

Imwe mu ngamba yo gukemura icyo kibazo bemeje guhamagara abasilikare bari mu mahugurwa mu bihugu by'amahanga, ariko bagaragaza impungenge ko harimo benshi batazemera kugaruka mu Rwanda, ariko bavuga ko bagomba kubahamagaza uko biri kose.

Guverinoma yanagarutse ku kibazo cy'abasilikare bayo batoroka urugamba, yemeza ko Urukiko rwa gisilikare ruzatangira gukora rukajya rufunga abafashwe batorotse, ko rero bisaba gushyiraho gereza za gisilikare mu bice by'aho bakigenzura. Banongeye kuvuga ko imwe mu mpamvu ituma batsindwa urugamba ari ukubera ngo ibyitso bibarimo mu basilikare babo, bakaba rero bagomba gukomeza kubishakisha.

Birumvikana ko iyi yabaga ari impamvu yo kugira ngo bakomeze kwica abo badashaka, harimo na bamwe mu basilikare babonaga ko batitabira umugambi wa Jenoside. Kwitwa icyitso cy'umwanzi ni icyo byavugaga.

Indi ngamba yafashwe mu kureba uko barwana urugamba, nuko Guverinoma yemeje ko abantu bose bafite intwaro aho bari hose mu gihugu, ni ukuvuga Interahamwe n'Impuzamugambi, bagomba guhurizwa hamwe bagafatanya n'abasilikare kurwana na FPR-INKOTANYI. Hanemejwe ko imyitozo ya gisilikare igomba gukazwa mu ishuri rya ba Ofisiye (ESM= Ecole superieure militaire) ryari ryarimukiye ku Kigeme, ndetse no mu ishuri ry'abasilikare bakuru bungirije (ESO= Ecole des Sous-Officiers) ryari i Butare, ari nabwo hemejwe gusimbura Liyetona Koloneli Tharcisse Muvunyi wariyoboraga bashyiraho Koloneli Munyengango. Ntibavuze impamvu y'izo mpinduka.

Hanagaragajwe ikindi kibazo cya ba Burugumesitiri bumva ko ingabo za FPR-INKOTANYI ziri hafi yo kugera muri Komini zabo bakayabangira ingata bakihungira, nyamara mu bihe byabanje barakoranye neza na Guverinoma ya Kambanda, bakora Jenoside. Hatanzwe ingero kuri ba Burugumesitiri ba Shyorongi, Mbogo, Kanombe na Tumba, hasabwa ko n'abandi bateye batyo bagomba gusimbuzwa mu maguru mashya. Iyi ni imwe mu mpamvu isobanura kuba hari ba Burugumesitiri basimbuwe mu Kamena 1994 bagasimbuzwa ab'intagondwa kubarusha kugira ngo bashyire umwete mu gutsemba Abatutsi bari bataricwa.

**Guverinoma ya Kambanda yakoresheje uburyo bwa diplomasi ishaka guhisha isura y'ubwicanyi yakoreraga Abatutsi**

Ku itariki 6 Kamena 1994, i Tunis mu gihugu cya Tuniziya hatangiya inama y'abaminisitiri b'ububanyi n'amahanga b'Ibihugu bigize Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika (OUA), yari igamije gutegura iy'abakuru b'ibihugu bigize uwo Muryango yagomga guterana ku matariki ya 13-15 Kamena 1994. Mu nama zitandukanye za Guverinoma ya Kambanda zabaye muri Gicurasi na Kamena 1994, hagiye hemezwa ko Guverinoma igomba gushyira imbaraga mu gushaka intwaro no kugarura isura nziza yayo ikoresheje ububanyi n'amahanga (diplomasi) ikagaragaza ko nta bwicanyi ikorera abaturage, ahubwo ibyaha byose ikabigereka kuri FPR-INKOTANYI. Iyi ni nayo nama Ubufaransa bwari bwaragiriye Guverinoma ya Kambanda mu bihe bitandukanye.

Twibutse ko mu rwego rwa politiki na diplomasi, ku wa 24 Mata 1994, Guverinoma ya Kambanda yohereje intumwa mu Bufransa zigizwe na Jerome Bicamumpaka wari Minisitiri w'ububanyi n'amahanga na Jean Bosco Barayagwiza wari umuyobozi mukuru muri Minisiteri y'ububanyi n'amahanga ushinzwe politiki. Izi ntumwa z'u Rwanda zakiriwe muri Perezidansi ya Repuburika y'Ubufaransa na Bruno Delaye wari Umujyanama wihariye wa Perezida Mitterrand ushinzwe Afurika; zakirwa kandi na Edouard Balladur wari Minisitiri w'Intebe ndetse na Alain Juppe wari Minisitiri w'Ububanyi n'amahanga.

Mu rwego rwa gisilikare, ku matariki ya 9-13 Gicurasi 1994, Ubufaransa bwakiriye intumwa z'u Rwanda zari ziyobowe na Liyetona Koloneli Ephrem Rwabarinda; zikaba zari zirimo Colonel Sebastien Ntahobari wari uhagarariye u Rwanda mu butwererane bwa gisilikare muri Ambasade y'u Rwanda mu Bufransa (Attache militaire) na Liyetona Koloneli Cyprien Kayumba wari ushinzwe imari muri Minisiteri y'ingabo y'u Rwanda; mu gihe cya Jenoside Kayumba yamaze iminsi 27 mu Bufransa muri gahunda yo gushakisha intwaro.

Mu bayobozi b'Ubufaransa bakiriye izo ntumwa za gisilikare z'u Rwanda, harimo Jenerali Jean-Pierre Huchon wari Umuyobozi mukuru ushinzwe ubutwererane mu bya gisilikare muri Minisiteri y'ububanyi n'amahanga y'Ubufaransa. Raporo y'ubutumwa yakozwe na Liyetona Koloneli Rwabarinda ijyanye n'ibyavugiwe muri ubwo butumwa, igaragaza ko Ubufaransa bwemeye guha u Rwanda ubufasha mu bya gisilikare kandi butanga inama ko Guverinoma igomba gukora ibishoboka ikanoza isura yayo mu mahanga.

Ni nayo mpamvu ku itariki 22 Gicurasi 1994, Perezida Tewodori Sindikubwabo yandikiye ibaruwa Perezida Francois Mitterrand w'Ubufaransa amushimira ku nkunga yose Ubufaransa bwahaye u Rwanda kuva muri 1990, anamwinginga ko iyo nkunga ikwiye kwiyongera cyane cyane ko kuri uwo munsi Ingabo za FPR-INKOTANYI zari zamaze gufata ikibuga mpuzamahanga cy'indege cya Kigali i Kanombe.

Hashingiwe kuri icyo cyizere Guverinoma ya Kambanda yemeje ko intumwa zayo zigomba guhaguruka zikazenguruka amahanga zigerageza guhisha ko iyo Guverinoma iriho ikora Jenoside. Ni muri urwo rwego intumwa zayo zitabiriye inama ya OUA yo mu rwego rwa ba Minisitiri ndetse na Perezida Sindikubwabo akayitabira nk'Umukuru w'Igihugu ku wa 13-15 Gicurasi 1994. Amagambo yahavugiye yaranzwe no guhakana ko Guverinoma ye yari iriho ikora Jenoside, atangaza ko ikibazo cyari mu Rwanda ari intambara ngo u Rwanda rwashowemo na FPR-INKOTANYI. Ayo magambo yamaganywe na benshi mu bari muri iyo nama y'i Tunis bagaragaza ko ari ikinyoma. Intumwa z'u Rwanda zagaragarijwe muri iyo nama ko byamaze kugaragara ko Guverinoma n'abasilikare bayo iriho yica abaturage b'abasivile b'Abatutsi aho kujya ku rugamba rwa gisilikare ngo barwane na FPR-INKOTANYI mu rwego rwa gisilikare.

## 2.47. KUWA 8 KAMENA 1994: KAVUMU MURI NGORORERO (GISENYI), UBWICANYI BWAKOREWE ABANA BABYAWE N'ABAGORE B'ABAHUTUKAZI KU BAGABO B'ABATUTSI

**I Kavumu jenoside yakoranywe ubukana bukomeye**

Kavumu yari imwe muri Segiteri  zari zigize Komini Ramba, muri Perefegitura ya Gisenyi, hakaba ari hamwe mu hantu hari hatuwe n'Abatutsi benshi muri Gisenyi. Amateka ya Kavumu atwereka ko ari agace karanzwemo ibikorwa byo guhohotera no kwica Abatutsi guhera muri za 1959 bamwe barahunga abatishwe babaho mu buzima bubi. Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 yarimbuye Abatutsi hafi bose bo muri ako gace; hari abiciwe mu nsengero no mu mazu ya za Komini Ramba na Gaseke.

Iyicwa ry'Abatutsi n'ubukana Jenoside yakozwemo bigaragazwa no kuba mu rwibutso rwa Kavumu haruhukiye imibiri ibihumbi makumyabiri na bine n'ijana na mirongo inani n'umunani yashoboye kuboneka (24,188). Hari n'imibiri itaraboneka itabye ahantu hatandukanye hatazwi kandi byarabaye ku manywa.

Urugero ni ukuba imibiri y'abitwa Kamanzi na Biraro yarabonetse nyuma y'imyaka 24.

Muri 1994, Komini Ramba yayoborwaga na Burugumesitiri Karasira Leonard wari uwo mu ishyaka rya MRND. Karasira yafatanyaga na superefe wa suPerefegitura ya Ngororero, Bazimaziki Bernardin yari ihuje Komini Satinskyi, Ramba na Kibirira. Interahamwe nizo zagaragaraga cyane mu bwicanyi, ni nazo zari nyinshi muri Ngororero, ariko zafatanyaga n'Impuzamugambi za CDR kandi bakambara imyambaro imwe bajya kwica Abatutsi.

Mu Batutsi bishwe harimo umuryango wa Kabirigi bishwe n'abaturanyi babo, umuryango wa Binama, uwa Munyakayanza isidore wari umwarimu, Ntiyamira Leonard n'umuryango we, umuryango wa Kagaragu, Mudahangarwa, Gatsimbanyi, Rutayisire, Sebagaramba, Uwiringiyimana, Nshimiyimana, Nsengiyumva, Nyamugira, Ndamage, Kayitsinga, Zaninkwano, Gatari, Nyiraromba, Bukamba, Uwonkunda Annonciata, Kamirindi, Furere n'abana be babiri, Kayibanda Mathieu, Murengerantwari n'abandi.

Hari n'abandi bo mu muryango umwe wa Dativa Uwamwiza bagera kuri makumyabiri babanje gushyingurwa mu mva iri hafi yo ku mukore wa Rwabugiri ariko muri 2018 imibiri yimuriwe mu rwibutso rwa Kibirira.

Interahamwe n'Impuzamugambi zarafatanyije mu bwicanyi bwose zakoreye muri Ramba cyane cyane muri Segiteri Sovu na Bayi, zikuriwe n'uwitwa Barakomera ariko zunganirwa n'izaturutse muri za Komini Gaseke na Satinskyi.

Interahamwe nyinshi ni izaturukaga mu Ngororero zikuriwe na Kabalira Telesphore wari umugenzuzi w'amashuri akaba yari anakuriye interahamwe zo muri Komini Satinskyi, naho umugore we witwaga Mukaruziga Eugenie akaba visi Perezidante wa CDR muri Satinskyi. ari naho hari icyicaro cya suPerefegitura Ngororero.

Uwitwa Mbarushimana Bonaventure wari umucuruzi akaba na Perezida wa MRND mu rwego rwa Segiteri Mucano, yagize uruhare runini mu kwicisha Abatutsi ahantu hatandukanye kubera ko yatangaga imodoka ye igatwara Interahamwe n'Impuzamugambi zabaga zigiye kwica.

Indi nterahamwe yakoze Jenoside ku buryo bukomeye mu Ngororero ni uwitwaga Nyandwi Jean Claude wari umwarimu ku mashuri abanza ya Kavumu muri Komini Ramba.

**Abana babyawe n’abagore b’Abahutukazi bashatse abagabo b’Abatutsi bishwe nabi nyuma y’abandi Batutsi**

Mu muco wa Kinyarwanda wakurikizwaga muri 1994, umwana yafataga ubwoko bwa Se umubyara bukaba aribwo bwandikwa mu ndangamuntu y’umwana ugejeje ku bukure. Bivuze ko iyo umugabo w’Umututsi yashakaga umugore w’Umuhutukazi, abana babyaraga bafataga ubwoko bw’Abatutsi. Iyo umugabo w’Umuhutu yashakaga umugore w’Umututsikazi, abana babyaraga bafataga indangamuntu y’ubwoko bw’Abahutu. Niyo mpamvu, muri Jenoside abana babyawe n’abagabo b’Abatutsi bababyaranye n’abagore b’Abahutukazi bafatwaga kimwe n’Abatutsi, ndetse bakicwa kimwe, bajijijwe amaraso ya ba se.

Ku wa 8 Kamena 1994, Interahamwe za MRND zifatanyije n’Impuzamugambi za CDR zari zaramaze kwica Abatutsi harimo benshi b'abagabo bashakanye n’Abahutukazi, zaranasenye amazu bari batuyemo. Interahamwe zishe Abatutsi mu ntangiriro ya Mata 1994, hanyuma zifata abana b’abagabo b’Abatutsi bishwe barabyaranye n’Abahutukazi zibashyira mu nzu imwe, zibarindisha abo bagore. Ariko kugira ngo Interahamwe zizere ko abo bagore badacika, zahasize izindi Nterahamwe zizajya zibacunga. Bari abana 13 barimo abato n’impinja.

Ku itariki ya 8 Kamena 1994, Interahamwe zaraje zica abana hashobora kurokoka akana kamwe gusa. Interahamwe zabishe nabi cyane kuko bamwe zabajugunye mu cyobo zari zacukuye zikabarenzaho igitaka ari bazima, noneho ba nyina b’Abahutukazi, Interahamwe zibategeka gusubira iwabo.

## 2.48. KUWA 9 KAMENA 1994: GUVERINOMA YA KAMBANDA YEMEJE UBURYO BUKAZE BWO GUKOMEZA KWIHUTISHA “AUTO-DEFENSE CIVILE”

**Miliyoni mirongo itanu z’amafranga y’u Rwanda (50.000.000 Frw) zashyizwe mu bikorwa byo kwihutisha iyicwa ry’Abatutsi muri “*Auto-defense civile*”**

*Agenda* ya Minisitiri w’ubutegetsi bw’igihugu, Edouard Karemera, yo ku wa 09 Kamena 1994 igaragaza ko kuri iyi tariki inama ya Guverinoma yateranye ikiga ibijyanye n’imikoreshereze y’amafranga miliyoni mirongo itanu z’amafranga y’u Rwanda (50.000.000 frw) yari yaratanzwe na Guverinoma mu rwego rwo gushyira mu bikorwa amabwiriza ya Minisitiri w’Intebe Jean Kambanda yo ku wa 25 Gicurasi 1994 arebana no kwihutisha ikorwa rya Jenoside.

Mu rwego rwo gukomeza gutera inkunga gahunda ya “*auto-defense civile*” Inama ya Guverinoma yabaye kuri iyi tariki yo ku wa 09 Kamena 1994 yasabye Banki Nkuru y’Igihugu (BNR) kongera kureba uburyo Konti No 120.12.33 igenewe kwakira inkunga yagombaga gutangwa na Minisiteri y’igenamigambi (MINIPLAN) yakora neza. BNR yanashyikirijwe za *specimens* zerekana abantu bazajya basinya kuri iyo Konti kugira ngo babikuze amafranga.

**Inama ya Guverinoma yafashe ibyemezo byo kwihutisha iyicwa ry’Abatutsi aho bari bataricwa**

Inama ya Guverinoma yo ku wa 09 Kamena 1994 yasuzumye kandi imigendekere yose y’igikorwa cya *Auto-defense civile* isanga hari ibikwiye kunozwa kugira ngo Jenoside ikorwe hose kandi vuba.

Icya mbere cyavuzwe nuko hari hakwiye gukorwa raporo ndende igashyikirizwa Minisitiri w’Intebe igaragaza uburyo icyo gikorwa cyagenze hose mu gihugu. Havuzwe ko ahantu hamwe na hamwe abaturage bataritabira neza “*auto-defense civile*” basaba ko abasilikare bafata iya mbere mu kwereka abaturage uko bakwiye gushakisha umwanzi no kumurwanya. Icyo bivuze nuko abasilikare basabwaga kwereka abaturage uko kwica Abatutsi bigomba kugenda kandi hagakorwa raporo isobanura imigendekere y’ubwo bwicanyi.

Icya kabiri cyaganiriweho na Guverinoma ni ugukora ibarura ry’abasore bahawe imyitozo n’intwaro muri gahunda ya “*auto-defense civile*” muri buri Komini, raporo igashyikirizwa ba Perefe bakayiganiraho n’abayobozi b’ingabo muri Perefegitura kugira ngo ibitaragenze neza babikosore, bityo Jenoside igere hose.

Icya gatatu cyemejwe na Guverinoma ya Kambanda ni ugushishikariza inzego zose mu gushyira imbaraga mu bukangurambaga hakoreshejwe cyane cyane itangazamakuru n’inama z’abaturage bagakangurirwa gufatanya bakarwanya umwanzi aho ari hose. Ni ukuvuga ko abaturage bagombaga gukangurirwa gukomeza gushakisha Abatutsi bataricwa, aho kugira ngo bajye bihutira guhunga byonyine.

Inama yafashe umwanzuro wo gushyiraho umukozi uhoraho muri Minisiteri y’Ubutegetsi bw’igihugu ushinzwe gukora inyandiko buri munsi zihabwa itangazamakuru n’abategetsi b’inzego z’ibanze kugira ngo bazifashishe muri ubwo bukangurambaga. Babihaye uwitwa Nkiko Faustin wari usanzwe ari suPerefe kuri Perefegitura ya Byumba.

Inama ya Guverinoma yemeje kandi ko Minisitiri w'Intebe yandikira umugaba mukuru w'ingabo z'u Rwanda agasabwa guha amabwiriza abayobozi b'ingabo kugira ngo abasilikare bafashe abaturage kubereka uburyo bwo gushakisha umwanzi no kubaha ibikoresho n'inama zikenewe kugira ngo icyo gikorwa kigende neza.

## 2.49. KUWA 10 KAMENA 1994: GUVERINOMA YA KAMBANDA YASHYIZEHO UMURONGO NGENDERWAHO KU BACURUZI WO KUGURA IMBUNDA ZO GUKORESHA MURI JENOSIDE N'UWO GUKAZA UBWICANYI KU KIBUYE

**Abacuruzi bategetswe kugura imbunda zabo bwite n'izo guha abaturage**

Nkuko bigaragara muri *Agenda* ya Nyiramasuhuko, ku itariki 10 Kamena 1994, habaye inama ya Guverinoma isuzuma ingingo nyinshi, ariko itagarukagwaho buri munsi ni ijyanye n'uburyo Jenoside yakorwaga. Nyiramasuhuko yanditse ko hasuzumwe uburyo "*auto-defense civile*" ikwiye kwihutishwa hose mu gihugu. Hemejwe ko kugira ngo haboneke imbunda zihagije, buri mucuruzi asabwa kugura imbunda byibura ebyiri, imwe ikaba iye, indi igahabwa abaturanyi mu gice atuyemo.

Hanemejwe ko no mu mashuri izo mbunda zitangwa ku buryo buri kigo kigira imbunda icumi. Iyo nama yagaragaje kandi ko muri Gisenyi hakenewe gushyira imbaraga muri "auto-defense civile" ngo ntabwo igenda uko babyifuza, ariko muri Butare ho bishimira ko igenda neza ndetse iyo Perefegitura yongererwa miliyoni ebyiri (2.000.000 frw) z'amafranga y'u Rwanda yo gukomeza iyo gahunda. Bisobanuye ko Guverinoma ariyo yatangaga amafranga yo gukora ubwicanyi kandi ikabugenzura.

**Guverinoma ya Kambanda yatanze imbunda mu baturage inishimira ko iyicwa ry'Abatutsi ririho rigenda uko guverinoma ibishaka**

Mu byasuzumwe n'Inama ya Guverinoma yo ku wa 10 Kamena 1994, harimo uburyo imbunda zikwiye gukomeza gukwirwakwizwa mu baturage, ni ukuvuga cyane cyane mu Nterahamwe.

Nkuko Nyiramasuhuko yabyanditse muri *Agenda* ye, hishimiwe uburyo icyo gikorwa cyagenze neza mu kare k'imirwano ka Rulindo ndetse umuyobozi w'ingabo muri ako gace arabishimirwa. Hanashimwe imikoranire yari hagati ya ba suPerefe wa Rushashi muri Kigali Ngari n'uwa Kiyumba muri Gitarama mu

gikorwa cya “*auto-defense civile*” hifuzwa ko inzo ngero zabera n’abandi amasomo.

Mu Ruhengeri hashimwe uburyo Liyetona Koloneli Marcel Bivugabagabo ayoboye ibikorwa bya “*auto-defense civile*”, havugwa ko muri Komini Kinigi mu Ruhengeri hatanzwe imbunda ijana na makumyabiri (120). Ariko hagaragazwa impungenge ko ubuyobozi bw’ingabo muri Butare ngo bufite akahagari.

Ibi byemezo byo gukaza ingamba zo gutanga intwaro binagaragara muri *Agenda* ya Ngirabatware Augustin wari Minisitiri w’igenamigambi aho yanditse ko “*auto-defense civile*” muri Gitarama, Gisenyi na Ruhengeri ikorwa mku buryo bushimishije. Ngirabwatware anongeraho ko amafranga miliyoni mirongo itanu (50.000.000 frw) agenewe icyo gikorwa hose mu gihugu ahita atangwa ako kanya (deblocage immediate). Twibutse ko iyi ari ingengo y’imari y’inyongera ya “*auto-defense civile*” yari yemejwe mu nama ya Guverinoma yo ku wa 09 Kamena 1994.

Nyiramasuhuko kandi yanditse ko Guverinoma yishimiye ko abaturage bose bamaze kumva neza ibyo basabwa muri gahunda ya “*auto-defense civile*”, ivuga ko bose bamaze kuyigira iyabo kandi barayitabira uko bikwiye. Bivuze ko Guverinoma ya Kambanda yishimiraga ko ikorwa rya Jenoside ririho rigera ku ntego yaryo hose mu gihugu yo kumaraho Abatutsi. Hemejwe ko abayobozi b’imidugudu (selire) na ba Burugumesitiri bahabwa ishimwe kubera icyo gikorwa bakoze neza.

Ariko Guverinoma yababajwe nuko Burugumesitiri wa Komini Butamwa, Laurent Twagirayezu, ngo yahunze Komini ye kandi mu biro bye basangamo imbunda mirongo inani (80) yari ataratanga. Birumvikana koi zo mbunda zahise zihabwa Interahamwe ngo zizikoreshe mu bwicanyi. Burugumesitiri Twagirayezu Laurent yari uwo mu Ishyaka rya MDR.

**Umwihariko wahawe Perefegitura ya Kibuye**

Nubwo muri iyo nama Guverinoma ya Kambanda yishimiye ko Jenoside iriho igera ku mugambi wayo, hari aho basanze bitaranozwa uko babyifuza. Nyiramasuhuko yanditse muri *Agenda* ye ko ku Kibuye hari ikibazo cy’abahutu benshi bemera amatwara ya FPR-INKOTANYI ngo kubera ko Seth Sendashonga ariho akomoka. Hatanzwe urugero rwa Komini Rwamatamu yayoborwaga na Burugumesitiri Abeli Furere wari mwene nyina wa Seth Sendashonga.
*Agenda* ya Ngirabatware nayo igaragaza ko icyo kibazo kizweho nubwo we yanditse bike kurusha ibya Nyiramasuhuko. Ngirabatware yanditse ko muri Kibuye, FPR yakozeyo ubucengezi ibona abayoboke b’Abahutu.

Nyamara, Furere Abel yakoze Jenoside nubwo Guverinoma yavugaga ko kuba ari mwene nyina wa Seth Sendashonga hari ikibazo ku bwitange bwe mu kurimbura Abatutsi. Komini Rwamatamu yaje ku isonga rya Jenoside no guhera muri 1992 ni hamwe mu hatangijwe iyicwa ry'Abatutsi muri Kibuye kimwe no muri Komini Gishyita byari byegeranye.

Guverinoma yanahimbye ikinyoma kizwe muri iyo nama yo ku wa 10 Kamena 1994 cyo kuvuga ko Inyenzi zageze mu Bisesero. Niko Nyiramasuhuko yabyanditse muri *Agenda* ye.

Nkuko byagaragaye mu minsi yakurikiyeho yo mu kwezi kwa Kamena 1994, icyo kinyoma cyo kubeshya ko mu Bisesero hari Inkotanyi cyari urwitwazo rwo gushaka uburyo bwo kohereza abasilikare kurimbura Abatutsi bari basigaye mu misozi ya Bisesero bahanganye n'Interahamwe.

Ikibabaje kurushaho nuko Guverinoma yemeje ko Abatutsi bo mu Bisesero bicwa ariko muri iyo nama yo ku wa 10 Kamena 1994 ifata icyemezo ko antenne ya radio iri ku musozi wa Karongi yo yagombaga kurindwa. Bisobanuye ko antenne yari ifite agaciro karenze ubuzima bw'Abatutsi.

**Minisitiri w'ingabo, Augustin Bizimana, yasabye ko abasenyeri b'Abatutsi bicwa**

Mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR/ICTR) hatanzwe ubuhamya bw'umutangabuhamya wiswe XX kubera impamvu z'umutekano we. Uyu mutangabuhamya yahoze ari umwe mu bagize Guverinoma ya Kambanda. Yatangaje ko mu nama ya Guverinoma yo ku wa 10 Kamena 1994, yatangajwe no kumva Minisitiri w'ingabo, Augustin Bizimana, asaba kwica abasenyeri b'Abatutsi.

Uwo mutangabuhamya yatangaje ko mu ijambo rye, Minisitiri Bizimana yisobanuye avuga ko icyo asabye gihuje n'icyifuzo cy'abayobozi b'ingabo bari basabye ko abasenyeri gatorika b'Abatutsi babiri, Mgr Gahamanyi Jean Baptiste na Mgr Kalibushi Wenceslas bicwa, ngo mu rwego rwo guhorera abasenyeri bandi batatu: Mgr Tadeyo Nsengiyumva, Mgr Visenti Nsengiyumva na Mgr Yozefu Ruzindana bari barashwe n'abasilikare ba FPR ku wa 05 Kamena 1994 i Kabgayi.

Uyu mutangabuhamya XX yavuze ko yatangajwe cyane ko kubona igitekerezo nk'icyo cyo kwica gisuzumirwa mu nama ya Guverinoma, kigahabwa umwanya uhagije, akavuga ko we yakirwanyije. Anasobanura ko inama yarangiye nta

mwanzuro bafashe kuri iyo ngingo ngo kuko Kambanda yashoje inama yihuse ababwira ko agomba kujya gushyingura nyina wa Protais Zigiranyirazo, ko iyo ngingo bayisubika, bakazongera kuyisuzuma ubutaha.

Mu ba Minisitiri umutangabuhamya yavuze yibuka bari muri iyo nama harimo: Mugenzi Justin, Prosper Mugiraneza, Pauline Nyiramasuhuko, Edouard Karemera na Augustin Ngirabatware, agasobanura ko mu nama za Guverinoma hari igihe bamwe mu ba Minisitiri batazitabiraga kuko babaga bagiye mu bukangurambaga muri za Perefgitura bari bashinzwe.

Icyakora twasobanura ko Mgr Kalibushi atari Umututsi nkuko uyu mutangabuhamya yabivuze, ahubwo yari Umuhutu ukomoka mu Byimana, akaba atari intagondwa, yari umunyakuri, yarwanye cyane ku Batutsi haba muri Jenoside na mbere yayo, ndetse muri Jenoside interahamwe n'abasilikare ba Leta ya Kambanda bashatse kumwicana n'Abatutsi inshuro nyinshi.

## 2.50. KUWA 10 KAMENA 1994: IYICWA RY'ABATUTSI I NYAMIRAMBO

**Iyicwa ry'Abatutsi muri Paruwasi gatorika yitiriwe mutagatifu Charles Lwanga i Nyamirambo**

Tariki 10 Kamena 1994, Interahamwe zishe Abatutsi barenga magana ane (400), barimo cyane cyane abana, bari bahungiye i Nyamirambo muri Paruwasi ya Charles Lwanga. Kuwa gatanu tariki ya 10 Kamena 1994, Interahamwe zaje muri iyo Paruwasi zivuga ko zije kuhavana by'ubutabazi imfubyi. Zari ziyobowe na Kigingi, umwe mu bayobozi bazo.

Padiri Henri Blanchard w'Umufaransa, na Padiri Otto Mayer w'Umudage, banze gufungura umiryango. Interahamwe zitangira kuwuhingisha amashoka, zitera na grenade. Interahamwe zatwaye Abatutsi zibapakiye mu modoka nini ya kamiyo yabajyanye ikagaruka gutwara abandi, byabaye inshuro nyinshi kugeza igihe batwariye Abatutsi bose bari bihishe muri iyo Paruwasi.

Padiri Otto Mayer yagiye gutabaza kuri Koleji Mutagatifu Andereya, hafi ya Paruwasi, aho hari abasirikare ba Leta bahakambitse. Yahagaritswe kuri bariyeri, Interahamwe zimutegeka gusubira inyuma aho avuye.

Nyuma, Padiri Otto Mayer yaje kongera kugerageza kujya gutabaza noneho umukozi wa Leta amuha urwandiko rumwemerera gutambuka kuri bariyeri. Yaje kubona ya kamiyo yatwaraga Abatutsi, abona imirambo irambaraye hasi no muri

kamiyo. Uwo mupadiri yaje no kumenya bamwe mu bishwe kuko bari abakirisito ba Paruwasi. Mu Batutsi bishwe abana nibo bari benshi.

Umunyamakuru Jean Chatain w'ikinyamakuru cyo mu Bufaransa cyandikwa buri munsi cyitwa « L'Humanité », yaje gutangaza iby'ubwo bwicanyi bukabije muri icyo kinyamakuru cyasohotse tariki ya 13 Kamena 1994, anavuga ko abapadiri ba Paruwasi babariraga abishwe mu bantu ijana na mirongo irindwi (170).

Abatutsi barokotse ubwo bwicanyi bo bavuga ko abavanwe kuri Paruwasi ya Charles Lwanga kuwa gatanu tariki ya 10 Kamena 1994 bakaza kwicwa n'Interahamwe, barengaga umubare wa magana ane (400).

Aba Batutsi bishwe nabi cyane. Benshi batawe mu cyobo ari bazima cyari cyaracukuwe inyuma ya Club Rafiki, babatwikiramo. Nyuma ya Jenoside, barataburuwemo, basangamo ibiti by'amakara babatwikishije. Colonel Laurent Munyakazi niwe watanze amabwiriza yo kubica.

## 2.51. KUWA 13 KAMENA 1994: UMUNYAMAKURU DANIEL MERMET YATANGIJE IGIKORWA KIVUGA BURI MUNSI IMITERERE YA JENOSIDE YIBONEYE I NYARUBUYE, BAGOSORA AGEZA INTWARO MU RWANDA ZO GUTSEMBA ABATUTSI

**Daniel Mermet, umunyamukuru wa Radiyo France inter yakoze ikiganiro cy'iminsi icumi (10) kuri jenoside ndengakamere yabonye i Nyarubuye**

Daniel Mermet ni umunyamakuru w'Umufaransa wakoreraga imwe muri Radiyo zikomeye yo muri icyo gihugu yitwa France Inter. Ku wa 27 Gicurasi 1994, Daniel Mermet yageze i Nyarubuye ari kumwe na mugenzi we Jérôme Bastion ukorera Radio Mpuzamahanga y'Ubufaransa (RFI). Bageze kuri Paruwasi gatorika ya Nyarubuye, bumijwe n'ubwicanyi ndengakamere bahasanze, aho babonye imibiri y'Abatutsi bishwe yari ikiva amaraso, indi iriho ishwanyagurika, iribwa n'imbwa. Batunguwe ariko no kuhasanga umwana w'umukobwa w'imyaka 13 witwa Valentine warokotse ubwo bwicanyi mu buryo budasanzwe.

Daniel Mermet na Jérôme Bastion baganiriye birambuye na Valentine babifashijwemo n'umusemuzi nawe warokokeye i Nyarubuye, Gaspard Ngarambe, wigaga icyo gihe mu Iseminari Nkuru ya Nyakibanda, Jenoside ikaba yaramusanze

mu biruhuko i Nyarubuye. Amajwi y’ubuhamya bwa Valentine yavuyemo ibiganiro birebire byamaze igihe kandi bituma amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi amenyekana mu mahanga.

Guhera ku wa 13/6/1994 kugeza ku wa 22/6/1994, Daniel Mermet mu kiganiro yayoboraga kuri radiyo France Inter cyitwa *Là-Bas si J’y Suis* cyacaga buri munsi kuri radiyo France Inter hagati ya saa cyenda z’amanywa na saa kumi n’imwe yahitishije ibiganiro by’amateka yabonye i Nyarubuye, ashingiye ku buhamya bwa Valentine. Ubu buhamya bwakoze abantu benshi ku mutima, bifasha kumenya ubukana Abatutsi bishwemo.

Daniel Mermet yanaboneyeho gutanga ibisobanuro by’amateka byumvikanisha uko Jenoside yateguwe n’uko yakozwe. Icyo gihe mu Bufransa abenshi ntibari babizi ndetse abayipfobya baratangiye kugoreka amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Nta n’ubwo byari byoroshye kuvugira kuri Radiyo France Inter amakuru nk’ayo kuko ari Radiyo ihabwa inkunga na Leta y’Ubufaransa kandi umurongo iyo Leta yari ifite muri 1994 wari uwo kutagaragaza isura nyayo ya Jenoside yakorewe Abatutsi no kutavuga nabi Guverinoma yayikoze n’ingabo zayo.

Hari ubuhamya bwatanzwe n’umunyamakuru Philippe Boisserie wakoreraga Televiziyo ya Leta France 2 mu nyandiko yasohotse mu kinyamakuru Les Temps Modernes cyo muri Kanama 1995 asobanura ko iby’amabwiriza Televiziyo, Radiyo n’ibinyamakuru byandikwa bya Leta mu Bufransa byari byahawe byo guhisha ukuri kuri Jenoside yakorerwaga Abatutsi.

Philippe Boisserie yitanzeho urugero avuga ko ku itariki 10/4/1994 yoherejwe mu Rwanda aherekeje abasilikare b’Ubufaransa muri operation yiswe Amaryllis, ahabwa amabwiriza yo kutazigera atangaza amakuru arebana n’ubwicanyi, ko ikimujyanye ari ukuvuga gusa ku ngabo z’Ubufaransa no ku bijyanye n’uburyo abanyamahanga bari mu Rwanda bariho bacyurwa iwabo n’indege z’amahanga zari zaje kubatwara.

Yabyanditse muri aya magambo :
« *Kuki banyohereje mu Rwanda ? Amabwiriza nahawe n’ubuyobozi bwanjye ntiyacaga ku ruhande. Nari noherejwe gukurikirana gusa ibijyanye no gucyura abanyamahanga, by’umwihariko abafaransa. Gucuyura Abafaransa niyo yari intego ; abanyarwanda ntibari bitaweho ; ku bwanjye kikaba ari ikintu cyambabje. Umwe mu bayobozi banjye muri serivisi y’itangazamakuru, usanzwe uzwiho*

*kudaca ibintu ku ruhande, yarambwiye ngo : ugiye gukurikirana amakuru ajyanye no gucyura abanyamahanga baba mu Rwanda, byarangira ukagaruka. Ntabwo tukohereje gukurikirana no gutangaza amakuru ajyanye n'abirabura bicana hagati yabo. Uko biri kose, ubwo bwicanyi ntawe ubwitayeho. »*

Daniel Mermet we yanze kubahiriza ayo mabwiriza yo kwirengagiza Jenoside no guceceka. Yabitewe n'ubukana bwa Jenoside yabonye i Nyarubuye n'ubumuntu yagize abonye akababaro Valentine wacitse ku icumu yahuye nako, n'ubugome ndengakamere yakorewe. Daniel Mermet yafashe ubuhamya bw'abacitse ku icumu yasanze i Nyarubuye, yiyemeza kujya agaruka kenshi mu Rwanda no gutangaza amateka uko yayabonye.

Ubu butwari bwe bwatumye benshi basobanukirwa kuko Abafaransa batari bake bari bazi ko ibyabaye mu Rwanda ari intambara hagati y'amoko. Ni bake bari bazi ko ari Jenoside.

Mu gihe tuvuga ubutwari bwa Daniel Mermet, twanashima abandi banyamakuru bagenzi be bagaragaje ukuri kwa Jenoside uko guteye, cyane cyane mu Bufransa kandi bitari byoroshye. Twavuga : Laure De Vulpian (France Culture), Patrick De Saint Exupery (Le Figaro), Monique Mass (RFI), Maria Malagardis na Agnes Rotivel (La Croix), Jean Chatain (L'humanité), Jean-Philippe Ceppi na Alain Frilet (Libération), Jean-François Dupaquier (L'Evènement du Jeudi), Laurent Bijard (Le Nouvel Observateur), Vincent Hugeux (L'Express), Alain Frilet (Libération), Madeleine Mukamabano na Theogene Karabayinga (RFI), n'abandi…

Mu Bubiligi, hari : Marie France Cros (La Libre Belgique), Colette Braeckmann (Le Soir), Jean Pierre Martin (RTL-TVI), … nabo bakoze akazi keza ko kugaragaza ukuri kw'imiterere nyayo ya Jenoside yakorerwaga Abatutsi.

Tunabonereho kugaya abanyamakuru batatiye umwuga wabo bakagoreka amateka n'ukuri kuri Jenoside yakorerwaga Abatutsi. Twavuga Stephen Smith (Le Monde), Pierre Péan (Marianne), Peter Verlinden (VRT), Padiri Guy Theunis (Dialogue) bo biyemeje guhakana no gupfobya Jenoside.

**Intwaro zaguzwe na Bagosora zagejejwe i Goma muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo zambutswa mu Rwanda zihabwa abajenosideri**

Bitewe nuko Guverinoma ya Kambanda yakoraga Jenoside, Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi yafashe icyemezo Numero 927 cyo ku wa 17/5/1994 cyo kuyikorera icyitwa « embargo » ni ukuvuga icyemezo kibuza

ibihugu byose kongera kuyiha intwaro cyangwa kuyemerera kugura intwaro. Bimwe mu bihugu ntibyubahirije icyo cyemezo.

Guverinoma ya Kambanda nayo yakoresheje amayeri yo gukwepa icyo cyemezo kugira ngo ishobore gukomeza kugura intwaro n'amasusu byo gukoresha Jenoside. Ni muri urwo rwego, Koloneli Bagosora yagiye mu gihugu cya Seychelles kugura intwaro yihinduye umusilikare mukuru mu ngabo za Zayire (Kongo). Yifashishije umucuruzi ukomoka muri Afurika y'Epfo witwa Petrus Willem Ehlers wari uzobereye mu bucuruzi bw'intwaro. Guverinoma ya Kambanda yakoranye amasezerano nawe, akaba ari nawe amafranga yo kugura intwaro anyuzwaho.

Koloneli Bagosora na Ehlers bageze muri Seychelles ku wa 4/6/1994 batangira imishyikirano na sosiyete zaho igamije kugura toni 80 z'intwaro mu izina rya Minisiteri y'ingabo ya Zayire. Intwaro zaraguzwe zigera i Goma ku wa 13 Kamena 1994 zizanywe n'indege y'ingabo za Zayire. Indege yasubiyeyo inshuro ya kabiri ku wa 17 Kamena 1994 ndetse n'inshuro ya gatatu ku wa 19 Kamena 1994.

Icyemezo (cerfificat de vol) cy'indege cyemerera indege y'ingabo za Zayire kujya muri Seychelles kuzana izo ntwaro cyashyizweho umukono na Jenerali Baoko-Yoka wari Minisitiri wungirije wa Zayire muri Minisiteri y'ingabo y'icyo gihugu.

Izo ntwaro zose zagezwaga ku kibuga cy'indege cya Goma, zigapakururwa, zikoherezwa mu Rwanda. Liyetona Kolonel Anatole Nsengiyumva wari umuyobozi w'ingabo muri Gisenyi niwe woherezaga abasilikare n'Interahamwe bakajya kuzipakurura no kuzipakira imodoka zizizana mu Rwanda zigahabwa Interahamwe n'abasilikare ba Guverinoma ya Kambanda.

Isuzuma ryakozwe n'impuguke mu iperereza rijyanye n'izo ntwaro ryerekanye ko Ehlers ariwe wishyuwe na Banki Nkuru y'u Rwanda amafranga yaguze izo ntwaro, akanyuzwa kuri Konti N° 82113 CHEATA ya Ehlers iri mu Busuwisi muri Banki yitwa UBC (Union bancaire privée) iherereye mu Mujyi wa Lugano. Ayo mafranga yayishyuwe ku buryo bukurikira :

Ku wa 14 Kamena 1994, Ehlers yishyuwe amafranga 592.784$ y'amadolari y'Amerika avanywe kuri Konti ya Banki nkuru y'u Rwanda iri muri Banki yo mu Bufransa i Paris yitwa Banque Nationale de Paris (BNP) ;

Ku wa 15 Kamena 1994, Ehlers yishyuwe amafranga 180.000$ y'amadolari y'Amerika. Aya mafranga yatanzwe na Banki Nkuru y'u Rwanda ;
Ku wa 16 Kamena 1994, Ehlers yishyuwe amafranga 734.099$ y'amadolari y'Amerika avanywe kuri konti ya Banki Nkuru y'u Rwanda iri muri BNP i Paris ;

Ku wa 17 Kamena 1994**,** Ehlers yishyuwe amafranga 150.000$ by'amadolari y'Amerika yishyuwe na Banki Nkuru y'u Rwanda kimwe n'ayo ku wa 15 Kamena 1994.

Iby'igurwa ry'izo ntwaro no kubyishimira byaganiriweho mu nama za Guverinoma ya Kambanda zabaye ku matariki atandukanye hagati yo ku wa 9 Kamena na 17 Kamena 1994.

Koloneli Bagosora, mu rubanza rwe mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda, ku matariki ya 9 na 10 Ugushyingo 2005, yemeye ibirebana nuko yagiye muri Seychelles akagura izo ntwaro, zikazanwa i Goma ku matariki ya 14 na 16 Kamena 1994, hanyuma zikazanwa mu Rwanda. Nta n'ukuntu Bagosora yari kubihakana kuko Urukiko rwamuhataga ibibazo rushingiye ku nyandiko rufite yashyizeho umukono we zerekana nez ako ariwe waziguze.

Ku itariki 3 Nyakanga 1994, Jean Kamanda nawe yemeye iby'igurwa ry'izo ntwaro. Mu kiganiro yahaye umunyamakuru Franck Johannes wandikaga mu kinyamakuru cyo mu Bufransa cyitwa Le Journal du Dimanche, Kambanda yabisobanuye muri aya magambo :
« *Intwaro zitugeraho, ibyo ni ukuri. Iyo bitaba ibyo ntabwo twari gushobora kuba tukirwana. Ubu ntangiye gusobanukirwa uburyo abantu batsinda intambara. Ikibazo cya Embargo nta mpungenge na nkeya kikiduteye nkuko byari bimeze mu kwezi gushize.* »

## 2.52. KUWA 14 KAMENA 1994 : INGABO ZA FPR-INKOTANYI ZABOHOJE UMUJYI WA GITARAMA, GUVERINOMA Y'ABICANYI IHUNGIRA KU GISENYI

**Gitarama ni ivuko ry'itotezwa ry'Abatutsi mu Rwanda**

Perefegitura ya Gitarama iza ku isonga nka Perefegitura ikomokamo abayobozi bagize uruhare mu kubiba amacakubiri n'urwango mu banyarwanda byagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi. Ishyaka rya PARMEHUTU niho ryatangiriye, rikaba ryari rifite umurongo wa politiki w'amacakubiri n'ivangura. Ikindi, ni muri Perefegitura ya Gitarama ubwicanyi n'ibikorwa by'urugomo byibasiye Abatutsi muri 1959 byatangiriye bikwira mu tundi duce tw' igihugu cyose.

Mu yahoze ari Perefegitura ya Gitarama, ubwicanyi n'ibikorwa by'urugomo byibasiye Abatutsi byahereye ku itariki ya 3 Ugushingo 1959 mu yahoze ari Sheferi ya Ndiza, bisakara no mu zindi Sheferi. Abaturage b'Abahutu n'Abatutsi

bo mu duce twa Sheferi ya Rukoma n’Amayaga bari bashyigikiye Ubwami, barwanije ibitero by’abarwanashyaka ba PARMEHUTU na APROSOMA, biba ngombwa ko *Colonel* Guy Logiest yifashisha ingabo za Congo (bitaga ingabo za Kamina) mu kubarwanya no kubatatanya. Kwica Abatutsi, kubamenesha no kubatwikira byakozwe cyane mu gihe cy’amatora ya Kamarampaka muri Nzeri 1961 na nyuma yaho.

Kwica Abatutsi, kubatoteza no kubaheza ni bimwe mu byaranze ubutegetsi bwa Perezida Kayibanda Grégoire. Mu gihe cy’ubutegetsi bwe, Abatutsi bishwe mu bihe bitandukanye, mu Ukuboza 1963 no muri Gashyantare na Werurwe 1973.

Nyuma y’uko Jenerali Majoro Habyarimana Juvénal ahiritse ku butegetsi Perezida Kayibanda Grégoire ku ya 5 Nyakanga 1973, Abatutsi bo mu yahoze ari Perefegitura ya Gitarama bagize agahenge k’igihe gito, abari barahunze batangira kugaruka ku matongo yabo, ariko ntibyakomeje, kuko Perezida Habyarimana nawe yashyizeho amananiza ku Batutsi bashakaga kugaruka mu gihugu cyabo. Perezida Habyarimana yakomatanirije Abatutsi b’imbere mu gihugu abima uburenganzira bwo gusurwa no gusura abavandimwe babo bari barahunze. Yakomereje mu murongo w’ivangura n’amacakubiri, Abatutsi bakomeza guhezwa mu buryo bwose.

**Urugamba rwo kubohora igihugu rwabaye imbarutso yo kongera gutoteza no kwica Abatutsi bo muri Gitarama**

Mu Ukwakira 1990, ubwo RPF-Inkotanyi yari itangije urugamba rwo kubohora igihugu, kimwe n’ahandi hose mu gihugu, Abatutsi bari batuye Gitarama barafashwe, barafungwa bitwa ibyitso by’Inkotanyi, bakomeza no gutotezwa. Nyuma y’aho, Leta ya Perezida Habyarimana yemeye ishyirwaho ry’amashyaka menshi muri Kamena 1991. Benshi mu baturage ba Perefegitura ya Gitarama bagiye mu ishyaka rya MDR, kuko bumvaga ko ishyaka ryabo rya kera rigarutse ndetse ko babonye amahirwe yo guhangana n’ubutegetsi bwa Perezida Habyarimana bwagize uruhare mu ifungwa n’iyicwa ry’abanyepolitiki bo muri Gitarama bakoranye na Perezida Kayibanda Grégoire.

Ni muri urwo rwego abarwanashyaka ba MDR bibasiye abari mu butegetsi bo mu ishyaka rya MRND, babategeka kuba abayoboke ba MDR. Abayobozi bo mu nzego z’ibanze bo mu ishyaka rya MRND basabwe ku ngufu kuyoboka ishyaka rya MDR mu cyiswe "*Kubohoza*".

Nyuma yo kubona ko abaturage bo muri Perefegitura ya Gitarama barwanya bivuye inyuma ishyaka rya MRND, Perezida Habyarimana Juvénal yifashishije

bamwe mu bategetsi bakomeye bakomoka muri Gitarama gucamo ibice ishyaka rya MDR kugira ngo imbaraga zamurwanyaga ziburizwemo.

Ni muri urwo rwego ishyaka rya MDR ryaje gucikamo ibice mu mpera y'Ukwakira 1993, havuka icyiswe "*MDR-PAWA*". Mu bo Perezida Habyarimana yifashishije mu gucamo ibice ishyaka rya MDR, harimo : Karamira Frodouald wari visi Perezida wa MDR, Mpamo Esdras wabaye Burugumesitiri wa Komini Masango kuva mu gihe cy'ubutegetsi bwa Perezida Kayibanda kugeza 1992, akaba yari muri Komite ya MRND ku rwego rw'Igihugu. Abandi yifashishije barimo Nzabonimana Callixte wigeze kuba Minisitiri w'igenamigambi, aba na Minisitiri w'urubyiruko n'amashyirahamwe muri Leta yiyise iy'abatabazi; Géorges Rutaganda, mwene Mpamo Esdras, akaba yari visi-Perezida wa mbere w'Interahamwe ku rwego rw'Igihugu; Ruhumuriza Phénias wari muri komite y'Interahamwe ku rwego rw'Igihugu n'abandi.

Kuva amashyaka ya politiki acitsemo ibice hakavuka icyiswe "*Hutu-PAWA*" mu Ukwakira 1993, ibyo guhangana hagati y'abarwanashyaka ba MDR na MRND byarahagaze, abategetsi batangira kumvisha abaturage ko umwanzi bafite ari Umututsi, bityo ko ari we bagomba kurwanya no kwica. Inama zishishikariza kwanga no kwica Abatutsi zariyongereye ndetse zikorwa mu makomini yose yari agize Perefegitura ya Gitarama.

Gushyiraho imitwe yitwara gisirikare no gutanga imbunda mu baturage byatangiye gukorwa kuva mu mpera ya 1993, n'ubwo hari abaturage bo mu makomini amwe n'amwe bajyaga kwitoreza mu i Gako mu Bugesera guhera muri 1992.

Mu mitwe yitwara gisirikare yamenyekanye cyane harimo uwitwa "*Bataillon Ndiza*" witorezaga mu mpinga y'umusozi wa Ndiza muri Komini Nyakabanda, Umutwe witwaga uw'aba *Jepe* witorezaga i Runda kwa Kamana Claver, n'umutwe w'Interahamwe.

Mu makomini ya Gitarama, Jenoside yakorewe Abatutsi yatangiye gushyirwa mu bikorwa nyuma y'inama yo kuwa 18 Mata 1994, yahuje abagize Guverinoma ya Kambanda yiyise iy'abatabazi n'abayobozi bo mu nzego zitandukanye barimo aba Burugumesitiri b'amakomini agize Perefegitura ya Gitarama. Iyo nama yabereye i Murambi, muri Komini Nyamabuye. Icyakora, hari amakomini amwe n'amwe yari yaratangiye kwica Abatutsi guhera ku itariki ya 9 Mata 1994, nko muri Komini Nyabikenke ahakomoka Nzabonimana Callixte wari Minisitiri w'urubyiruko n'amashyirahamwe. Ahandi ni nko muri Komini Kigoma yayoborwaga na

Burugumesitiri Ugirashebuja Célestin, muri Komini Ntongwe yayoborwaga na Kagabo Charles.

Abatutsi benshi bo mu yahoze ari Perefegitura ya Gitarama bahungiye i Kabgayi bazi ko ariho bazabona umutekano. Byaje kugaragara ko bahungiye ubwayi mu kigunda, kuko abari bagize komite y'umutekano muri Perefegitura ya Gitarama hamwe na ba Burugumesitiri bajyanaga lisiti y'Abatutsi bagomba kwicwa, bakabapakira amabisi bakajya kubicira muri Ngororero.

Guhera mu matariki 20 Mata 1994, buri munsi hazaga amabisi yo gutwara Abatutsi bajyaga kwicirwa ku Cyome ku ruzi rwa Nyabarongo, ahahoze ari Komini Kibilira na Satinskyi. Hari n'abandi Batutsi biciwe mu mashyamba yari hafi ya Kabgayi.

Mu makomini ya Ntongwe na Mugina, Abatutsi baho bishwe n'Interahamwe zifatanije n'abasirikare baturutse mu kigo cya gisirikare i Gako n'impunzi z'Abarundi. Bishwe urw'agashyinyaguro, kuko impunzi z'Abarundi zavanagamo imitima y'Abatutsi zimaze kwica zikayotsa. Kwicwa urw'agashinyaguro byabereye ahantu hatandukanye, nko muri Komini Musambira, Segiteri ya Nyarubaka aho ababyeyi basabwe guhamba abana babo b'abahungu ari bazima, bikozwe n'uwari ukuriye Interahamwe w'umugore witwa Mukangango.

**Abatutsi b'i Gitarama barwanyije abicanyi**

Hamwe na hamwe Abatutsi barwanyije abicanyi babateraga. Ku musozi wa Bibare muri Komini Kayenzi, Abatutsi bari bahahungiye bashoboye kurwanya abicanyi mu gihe cy'ininsi ibiri, ariko nyuma abasirikare bavuye i Gitarama, apapolisi ba Komini Kayenzi n'Interahamwe baje kubanesha barabica.

Muri Komini Ntongwe, Abatutsi ba za Segiteri Gisari na Kibanda, bahungiye ku musozi wa nyiranduga birwanaho barwana n'abicanyi babateye mu gihe cy'iminsi ibiri. Burugumesitiri Kagabo yaje gusaba Abatutsi ko bahagarika imirwano bakagirana imishyikirano n'ababateraga., abasaba kuva kuri ako gasozi bakagana ibiro bya Komini Ntongwe ngo aho bazarindirwa umutekano. Abo Batutsi bagiye koko kuri Komini ariko nyuma baza guterwa n'Interahamwe, abasirikare n'abapolisi ba Komini baje kubarasa babateramo na za gerenade.Abarokotse bavuye kuri Komini ariko bicirwa mu kabande ka Nyamukumba mu gihe bahungaga bagana SuPerefegitura ya Ruhango.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, muri Komini zimwe z'iyahoze ari Perefegitura Gitarama, nka Buringa, Nyakabanda, na Nyabikenke, abacengezi bakomeje kuhatera umutekano muke, banatwika zimwe mu nyubako za komini, nk'ibiro bya Komini Buringa byatwitswe n'abo bacengezi muri 1997.

## 2.53. KUWA 14-17 KAMENA 1994 : IYICWA RY'ABATUTSI KURI SAINTE FAMILLE NO KURI SAINT PAUL I KIGALI NA OPERASIYO IDASANZWE Y'INKOTANYI YO GUKIZA ABICWAGA

**Incamake y'ubwicanyi bwakorewe Abatutsi kuri Paruwasi ya Sainte Famille i Kigali**

Ubwicanyi bwa mbere bwakorewe Abatutsi bari bahungiye mu mazu ya kiriziya ya *Sainte Famille* bwakozwe ku itariki ya 15 Mata 1994 aho bishe abagabo n'abasore bagera ku 135.

Ku itariki ya 16 Kamena 1994, Abatutsi bari barahungiye muri *Centre National de Pastorale Saint Paul* babohowe n'Ingabo za FPR Inkotanyi, abicanyi bamariye umujinya wabo ku Batutsi bari barahungiye mu mazu ya kiriziya ya *Sainte Famille*. Ubwicanyi bwatangiye ku itariki ya 17 Kamena 1994 mu masaha ya saa yine z'amanywa. Igitero kinini cy'Interahamwe cyagiye kuri Kiriziya ya *Sainte Famille* kihica hafi Abatutsi bose b'abagabo bagera ku 100 n'abakobwa babiri.

Ku itariki ya 15 Kamena 1994, MINUAR yari yatwaye bamwe mu Batutsi batri kuri *Sainte Famille* ibajyana mu gace kari mu maboko ya FPR Inkotanyi. Hagiye cyane cyane abagore, abakobwa n'abana.

Byatewe nuko Colonel Munyakazi Laurent yasabye Konseye Odeta Nyirabagenzi na Angelina Mukandutiye kuzana interahamwe ngo zigote aho buririye imodoka hatagira abagabo n'abasore bagenda ngo bigatuma FPR Inkotanyi igira ingufu.

Muri Kiriziya ya *Sainte Famille*, abicanyi bazaga igihe bashakiye bagatwara abo bica, babifashijwemo na Padiri Wenceslas Munyeshyaka, cyane cyane ko iyo kiriziya yari igoswe iminsi yose n'abajandarume n'interahamwe ku buryo no kuhinjira ku mpunzi z'Abatutsi zahahungiraga byari bigoye.

Ku itariki ya 19 Kamena 1994, abicanyi bari kumwe na Col Munyakazi Laurent, Angeline Mukandutiye, Odeta Nyirabagenzi, Kamatamu Euphrasie, Col Renzaho Tharcisse na Padiri Munyeshyaka bongeye gutwara abandi basore b'Abatutsi bagera kuri 17 bajya kubica, barimo Rubashankwaya Bonaventure wakoraga muri MINIFINECO (Ministre des Finances et Economie), Munyensanga JMV, Athanase, Aloys, Ignace, Kasongo, Alexandre, Jean Damascène, Safari, Jean Pierre

n’abandi batashoboye kumenywa umwirondoro nk’uko bigaragara mu rubanza rwa Gen. Maj. Munyakazi Laurent rwaciwe n’urukiko rukur rwa gisilikare ku wa 16/11/2006.

Ku itariki ya 20 Kamena 1994,MINUAR yatwaye ku nshuro ya 3 bamwe mu Batutsi bajyanwa mu gace kari karafashwe na FPR Inkotanyi ariko ntabwo bashoboye kugenda bose ku buryo abicanyi bakomeje kuza batwara umwe umwe kugeza igihe Inkotanyi zifatiye Umujyi wa Kigali ku wa 04 Nyakanga 1994 zikabohora n’Abatutsi bari basigaye kuri *Sainte Famille*.

Ku itariki ya 26 Kamena 1994, Col Munyakazi Laurent ari kumwe na Mukandutiye Angelina n’izindi nterahamwe zirimo iyitwaga Mugubiri bongeye kujya kuri *Sainte Famille* batwara abasore bagera kuri 70 bajya kubica.

**Incamake y’ubwicanyi bwakorewe Abatutsi kuri Centre National de Pastorale Saint Paul i Kigali**

Ku itariki ya 22 Mata 1994, igitero cyari kivuye kwica Abatutsi bari bahungiye mu Kigo cy’abapadiri bera cyigishaga indimi bita *CELA* (Centre d’Etudes de Langues Africaines) cyateye no muri *Centre National de Pastorale Saint Paul* kihica abantu 4 barimo : Batsinduka Aristarque na Rukundo Damien.

Ku itariki ya 14 Kamena 1994,kuri *Centre National de Pastorale Saint Paul* haje ikindi gitero kinini gitwara Abatutsi bari hagati ya 72 na 80 kibajyana kuri Segiteri Rugenge, aho bababakuye bajya kubicira aho bitaga kuri CND. Iki gitero cyarimo interahamwe nyinshi zirimo Nkeshimana Jean Pierre bitaga Kivide, Fidele Castal, Furaha bahimbaga Shitani, Mugubiri n’abandi, Konseye Nyirabagenzi Odeta, Mukandutiye Angelina, Col Laurent Munyakazi, Padiri Munyeshyaka Wenceslas n’abandi.

Mbere y’uko baza gutwara abo bishe kuri iyi tariki, ku wa 13 Kamena 1994, Col Munyakazi Laurent ari kumwe na Nyirabagenzi Odeta, Mukandutiye Angelina na Padiri Munyeshyaka bakoresheje inama Abatutsi bari bahungiye muri *Saint Paul* bababaza aho bashaka kujya, haba mu gice kiri mu maboko ya FPR Inkotanyi cyangwa ikiri mu maboko y’ingabo za Leta y’abatabazi. Uwo munsi bakoze lisiti zabo ku buryo bikekwa ko ari zo zaje gukoreshwa mu kubica.

Uwo munsi, abicanyi basize babwiye impunzi z’Abatutsi ko bazagaruka ku wa 17 Kamena 1994 kugira ngo noneho bamareho Abatutsi bose bari bahari. Uwo mugambi warabapfubanye kuko mu ijoro ryo ku wa 16 rishyira 17 Kamena 1994,

ingabo za FPR Inkotanyi zabohoye abari muri *Centre National de Pastorale Saint Paul* zibajyana aho zari zarafashe hari umutekano.

Ingabo z'Inkotanyi zijya kubohora abari muri *Centre National de Pastorale Saint Paul*, zatangiye kurasana cyane n'ingabo za Leta y'Abatabazi ku itariki ya 16 Kamena 1994 ku manywa ku buryo zageze muri *Centre National de Pastorale Saint Paul* mu ijoro Abatutsi bamwe bari bahari ntabwo bemeye ko ari zo, bituma igihe zabatwaraga hari bamwe basigaye, baza kwicwa n'Interahamwe bukeye ku wa 17 Kamena 1994.

Ku itariki ya 15 Kamena 1994, nyuma y'igitero cyari cyatwaye Abatutsi benshi ku munsi ubanza, hari umusore witwaga Gasore Gustave w'umuhutu wari wahungishije Abatutsi abajyana muri *Centre National de Pastoral Saint Paul* ahageze agumayo kuko yatinyaga ko avuyemo yakwicwa kuko abicanyi bari bamenye ko yahungishije Abatutsi. Kuri iyi tariki, haje itsinda ry'abantu ririmo ababyeyi be n'abavandimwe be, bamukura aho Padiri Celestin Hakizimana yamuhishe mu nzu ye, Padiri arabatakambira ngo bamureke, ariko ababyeyi be bavuga ko hari ibyo agiye kubazwa n'ubuyobozi, baramujyana, bamwicira ahitwaga kuri SOFERWA.

**Iyicwa ry'umunyakuru n'umunyapolitiki André Kameya ku wa 15 Kamena 1994**

Kameya André yari umwanditsi mukuru w'Ikinyamakuru RWANDA RUSHYA cyanengaga Leta cyane, akaba yari n'umwe mu bashinze Ishyaka rya P.L. Ikinyamakuru RWANDA RUSHYA cyasohokaga kabiri mu kwezi, cyahanganaga n'ibindi binyamakuru byari bishyigikiye ubutegetsi bwa MRND nka Kangura. Kameya kandi ni we washyize ahagaragara bwa mbere amafoto y'inkotanyi avuga ko ari abana b'u Rwanda batahutse mu nyandiko yasohoye muri Rwanda Rushya yise "*U Rwanda mu rundi*". Yabaye umwe mu bantu bashakishwaga cyane bavuga ko akorana bya hafi na FPR Inkotanyi.

Kameya n'umugore we Nyiramuruta Suzana n'umukobwa wabo Oliva, bishwe ku mabwiriza ya Perefe w'Umujyi wa Kigali Renzaho Tharcisse na Col Munyakazi Laurent.

Kameya André yishwe mu ijoro ryo ku wa 15 rishyira 16 Kamena 1994. Ku wa 16 Kamena 1994, ku manywa, nibwo Odeta Nyirabagenzi n'abicanyi bari bafatanyije bagiye kuri *Centre National de Pastorale Saint Paul* gutangaza ko bamwishe. Ku itariki ya 14 Kamena 1994, Kameya Andre yari yiriranwe n'umuhungu we Kameya Olivier mu kigo cy'ababikira b'abizeramariya. Uwo munsi, Interahamwe

ziriwe zizenguruka kuri Kiriziya ya *Sainte Famille,* kuri *Centre National de Pastorale Saint Paul* n'aho bacururizaga ikinyamakuru cya Kinyamateka.

Mu gitondo cy'itariki ya 15 Kamena 1994, Kameya André yagiye kureba padiri Munyeshyaka Wenceslas agira ngo afate icyemezo cyo kumuhungisha kubera ko yashakishwaga cyane ariko padiri Munyeshyaka ahita amujyana kwa Nyirabagenzi Odeta wari Konseye wa Segiteri Rugenge aho Interahamwe zahuriraga kandi Nyirabagenzi Odeta ari na we wamushakishaga cyane.

Imwe mu nterahamwe zari zihari yicwa yitwa Ntambara ni yo yerekanye aho umubiri we washyizwe, muri metero nka 200 uvuye kwa Odeta Nyirabagenzi.

## 2.54. KUWA 17 KAMENA 1994: INAMA YA GUVERINOMA YA KAMBANDA YABESHYE KO MU BISESERO HARI INYENZI IFATA ICYEMEZO CYO KUJYA GUTSEMBA ABATUTSI BAHO BARI BATARICWA

**Umugambi wa guverinoma wo gutsemba Abatutsi mu Bisesero wafashwe ku wa 17 Kamena 1994**

*Agenda* za ba Minisitiri Pauline Nyiramasuhuko, Augustin Ngirabatware na Edouard Karemera zivuga ku nama ya Guverinoma yabaye ku wa 17 Kamena 1994 zigaruka ku bintu byaganiriweho harimo iyicwa ry'Abatutsi mu Bisesero. Muri *Agenda* z'abo ba Minisitiri bigaragara ko ikibazo cyo kuba mu Bisesero hari hakiri Abatutsi bataricwa aricyo cyizweho nk'ingingo nyamukuru. Nyiramasuhuko yanditse ko « *muri Komini Gishyita, Segiteri Bisesero, hari Inyenzi* ».

Muri *Agenda* ya Karemera ho hagaragara icyemezo cyafatiwe abo Batutsi bo mu Bisesero bitaga Inyenzi. Karemera yanditse mu gifransa ko Guverinoma ifashe icyemezo ko mu Bisesero hagomba kugabwayo igitero kidasanzwe, hakifashishwa abasilikare bavuye ku Gisenyi, bigakorwa bitarenze tariki 20 Kamena 1994.
Yabivuze muri aya magambo:" *Guverinoma yemeje ko haba igitero gikomeye mu Bisesero, byaba ngombwa Gisenyi igatanga ubufasha kandi bikaba bitarenze tariki ya 20 Kamena 1994"*
Inama ya Guverinoma yanemeje ko kugira ngo icyo gikorwa kigere ku ntego yacyo yose, ko hagomba gushakwa intwaro z'inyongera zigahabwa Interahamwe mu rwego rwa « *auto-defense civile* » kugira ngo zishobore gukora ubwicanyi.
Muri *Agenda* ya Nyiramasuhuko, handitse ko Abasesero aria bantu bazwi mu mateka y'u Rwanda, b'abarwanyi kuva ku gihe cy'ubwami, ngo kandi hari abahakomoka bagiye muri FPR barimo Polisi Denis. Nyiramasuhuko anandika ko

ngo Biseruka wari umusilikare mukuru muri FPR wahoze mu ngabo za Letaya Habyarimana, ngo ariwe watoranyije Bisesero nk'ahantu habereye gutangiza urugamba rwo kubohoza Gisenyi. Nyiramasuhuko akavuga ko ibyo byerekana ko FPR izatera ku Gisenyi inyuze mu Bisesero na Kabuhanga, ngo ikaba ariyo mpamvu hakenewe vuba *Operasiyo* idasanzwe vuba (opération musclée) mu Bisesero.

Iyo gahunda yo gutera mu Bisesero inagaragara muri Agenda ya Ngirabatware aho yanditse ko hemejwe gushyira imbaraga mu rugamba kandi bigakorerwa ahantu hose.

Muri iyo nama, hanafashwe umwanzuro ko kugira ngo ibikorwa remezo bimwe na bimwe biri mu Karere ka Bisesero bitangirika kubera igikorwa cyo gutera mu Bisesero cyategurwaga, ko ari ngombwa koherezayo abajandarume n'abavuye mu ngabo bo kubirinda. Ibikorwa byavuzwe bigomba kurindwa ni : iby'amashanyarazi, Uruganda rw'icyayi rwa Gisovu, Umunara wa televiziyo na radiyo wa Karongi n'iby'Umushinga wa Crête Zaïre Nil.

Iki ni kimwe mu biimenyetso bikomeye byerekana umugambi wa Jenoside, aho ibikorwa remezo bifatwa nk'aho bifite agaciro kurusha abaturage b'absivile bazizwa gusa ko ari Abatutsi. Mu bategetsi bagize uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ry'ubu bwicanyi bwakorewe Abatutsi mu Bisesero harimo : ba Minisitiri bakomoka muri Kibuye Edouard Karemera, Eliezer Niyitegeka, Emmanuel Ndindabahizi, Perefe Clement Kayishema, Alfred Musema diregiteri w'uruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Aba bose bahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR), bakatirwa igihano cy'igifungo cya burundu. Niyitegeka na Kayishema baguye muri gereza.

Abandi babigizemo uruhare ni : Burugumesitiri wa Gisovu Aloys Ndimbati na Burugumesitiri Charles Sikubwabo wa Gishyita. Aba bombi barashakishwa n'Ubutabera mpuzamahanga. Hari kandi Yussuf Munyakazi na Obed Ruzindana bombi bakaba barakatiwe igifungo cy'imyaka 25 na TPIR.

**Colonel Innocent Bavugamenshi yikomwe n'inama ya guverinoma azizwa kutemera umugambi wa jenoside**

Muri *Agenda* ya Nyiramasuhuko handitse ko ikindi kibazo cyasuzumwe mu nama ya Guverinoma yo ku wa 17 Kamena 1994 ari ikijyanye n'imyitwarire ya Colonel Innocent Bavugamenshi wari umuyobozi wa jandarumori muri Perefegitura ya Cyangugu. Nyiramasuhuko yanditse ko Liyetona Koloneli Claudien Singirankabo ariwe wari ushinzwe ibikorwa by'ubwicanyi bwitwaga « *auto-defense civile* » muri

Cyangugu, akaba yaragaragaje ko ibyo ibyo bikorwa bibangamiwe n'imyitwarire ya Colonel Bavugamenshi utarashakaga kwica. Aba basilikare bakuru bombi bakomokaga i Cyangugu.

Colonel Bavugamenshi yashyizwe i Cyangugu ku wa 20 mata 1994 asimbuye Major Innocent Munyarugerero wakomokaga mu Ruhengeri wagize uruhare rukomeye mu kwica Abatutsi i Cyangugu afatanyije na Liyetona Samuel Imanishimwe, Perefe Bagambiki na ba suPerefe Emmanuel Kamonyo, Theodore Munyangabe, Gerard Terubura n'abandi.

Colonel Innocent Bavugamenshi aho agereye i Cyangugu yitwaye ku buryo bwiza yanga gukora Jenoside, akora ibyo ashoboye byose arwana ku Batutsi. Inkambi y'i Nyarushishi niwe wayirindishije abajandarume yizeye abaha amabwiriza yo kurinda Abatutsi bari bayishyizwemo ndetse abategeka ko Interahamwe nizizajya zizana gutwara abo zica, ko bazakoresha intwaro bakarinda abantu bari mu nkambi i Nyarushishi.

Guverinoma yanishimiye ko gahunda y'ubwicanyi ya « *auto-defense civile* » igenda yitabirwa cyane, ko hamaze kwakirwa imisanzu y'abaturage ingana na miliyoni makumyabiri n'ebyiri z'amafranga y'u Rwanda agenewe gukomeza ibikorwa bya Jenoside.

**Guverinoma yasimbuje bamwe muri ba burugumesitiri n'abayobozi mu zindi nzego kugira ngo bihutishe jenoside**

Uko Ingabo za FPR-INKOTANYI zagendaga zitsinda abicanyi zinahagarika Jenoside, ba Burugumesitiri bamwe n'abandi bategetsi mu nzego zimwe na zimwe barahunze batinya ko bafatwa bakabazwa ubwicanyi bakoze. Guverinoma yasimbuje benshi mu nama yo ku wa 17 Kamena 1994. Abategetsi bashyizweho ni aba ngaba, kandi bose ni abantu b'intagondwa bemeraga umugambi wa Jenoside.

Muri Minisiteri y'Imari hashyizweho aba ngaba:
Umuyobozi mukuru w'Ibiro bya Minisitiri (Director of Cabinet : Ntirigirumwe Gervais ; Umujyanama ushinzwe Politiki n'Amategeko : Vainqueur Alphonse ; Umuyobozi mukuru muri Minisiteri : Ntahondi Felicien ; Umuyobozi mukuru wa Banki Nkuru y'Igihugu : Ntirugirimbabazi Denis ; Umuyobozi mukuru wa Banki y'u Rwanda Itsura Amajyambere (BRD) : Gasamunyiga Froduald.

Hanashyizweho ba Burugumesitiri cumi na batanu (15) bakurikira:
Muri Perefegitura ya Ruhengeri, Komini Kinigi: Hagumimana Etienne, Mukingo: Kajelijeli Juvénal. Muri Perefegitura ya Butare, Perefe: Liyetona Koloneli Alphonse Nteziryayo; Komini Nyabisindu: Ngiruwonsanga Vincent, Rusatira: Kandagaye Jean Marie Vianney, Muganza: Ndayambaje Elie, Ndora: Uwizeye Fidèle

Muri Perefegitura ya Gitarama, Komini Masango: Mwanafunzi Anthere, Nyabikenke: Musabyimana Vedaste, Nyakabanda: Nsabimana Camille**,** Musambira: Karani Dominique. Muri Gisenyi, Komini Nyamyumba: Nzitabakuze Henri Kigali y'Umujyi na Kigali Ngali, Komini Kicukiro: Karanganwa Gerard, Kanombe: Nduwayezu Jean, Tare: Rukimbira Leodomir, Butamwa: Muhizina Sebastien.

**Ugutsindwa kwa guverinoma ya Kambanda n'ingabo zayo kwatangiye kwigaragaza mu nama za guverinoma**

Nkuko bigaragara muri *Agenda* ya Edouard Karemera, Inama ya Guverinoma yo ku wa 17 Kamena 1994, yanagaragaje ikibazo cyari hagati ya Guverinoma n'abasilikare, yandika ko abasilikare banengaga Guverinoma ko ba Minisitiri n'abandi bategetsi bahunga ahantu hari ibibazo, bishakira aho babona ubwihisho, cyane cyane mu bice byegereye imipaka n'amahanga, aho gufatanya n'abasilikare ku rugamba.

Karemera yanditse ko hamwe mu hagaragarira icyo kibazo ari ubwitabire buke bw'aba Minisitiri mu nama za Guverinoma kuko nko mu yabaye kuri iyo tariki yitabiriwe n'abaminisitiri icyenda (9) bonyine. Ikindi cyavuzwe kigaragaza ugucika intege kwa Guverinoma y'abicanyi yari iyobowe na Kambanda ni ikijyanye no kuba abategetsi bakuru harimo na ba Minisitiri bari bashishikajwe ni kujyana imiryango yabo mu bihugu byo hanze. Bikerekana ko ubufatanye bwari buke.

## 2.55. KUWA 18 KAMENA 1994 : MINISITIRI W'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU, EDOUARD KAREMERA, YANDIKIYE UMUYOBOZI W'INGABO MURI GISENYI AMUBWIRA UBURYO BWO KWICA ABATUTSI MU BISESERO

**Lieutenant Colonel Anatole Nsengiyumva yahawe amabwiriza yo gutanga abasilikare bo kwica Abatutsi mu Bisesero**

Ku itariki 18 Kamena 1994, Minisitiri w'ubutegetsi bw'Igihugu n'amajyambere ya Komini, Edouard Karemera, ukomoka muri Komini Mwendo ku Kibuye, yanditse asobanura uko kwica Abatutsi mu Bisesero bigomba gukorwa.

Minisitiri Karemera yandikiye umuyobozi w'ingabo muri Perefegitura ya Gisenyi, Liyetona Koloneli Anatole Nsengiyumva, amumenyesha ibijyanye na *Operasiyo* yo kwica Abatutsi mu Bisesero abimandikira muri aya magambo :
« *Bwana muyobozi w'ingabo mu Karere,*

*Nishimiye kubamenyesha ko mu inama y'Abaminisitiri yo kuwa gatanu tariki ya 17 Kamena 1994, Guverinoma yemeje gusaba ubuyobozi bw'ingabo mu Karere ka Gisenyi gushyigikira ikigo cya jandarumeri cya Kibuye mu gufatanya n'abaturage kujya gushakisha umwanzi muri Segiteri ya Bisesero, muri Komini ya Gishyita, yahindutse indiri ya FPR.*

*Guverinoma irasaba ko iyo operasiyo igomba kuba yarangiye bidasubirwaho bitarenze tariki ya 20 Kamena 1994.*
*Mu gihe Minisitiri w'Ingabo adahari kubera ko yagiye mu butumwa bwa Leta hanze y'igihugu, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Iterambere rya komini yahawe uburenganzira bwo kubamenyesha iki cyemezo no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryacyo.*

*Prefe wa Perefegitura Kibuye n'umuyobozi wa jandarumori ku Kibuye nahaye kopi y'iyi baruwa, basabwe gukora ibishoboka kugira ngo iyi operasiyo ishobore gukorwa no gutungana mu gihe ntarengwa giteganyije* »

Abategetsi bahawe kopi y'iyi baruwa ni aba bakurikira : Minisitiri w'Intebe Jean Kambanda, Minisitiri w'Ingabo Augustin Bizimana, Perefe wa Kibuye Dr Clement Kayishema na Komanda wa jandarumori ku Kibuye Major Jean Baptiste JABO. Bisobanuye ko aba bategetsi aribo bahawe inshingano zo gushyira mu bikorwa

umugambi wa Leta wagaragariye mu cyemezo cya Guverinoma ya Kambanda cyo ku wa 17 Kamena 1994 cyasabaga kwica Abatutsi bo mu Bisesero.

Twibutse ko Minisitiri w'ingabo Augustin Bizimana yari mu butumwa bw'akazi mu gihugu cya Cameroun, akaba yari yarasigariweho na Koloneli Theoneste Bagosora ari nawe wayoboye ibikorwa bya Jenoside bireba Minisiteri y'ingabo.

**Ibaruwa ya Edouard Karemera ni ikimenyetso cy'uruhare rw'inzego nkuru za Leta mu itegurwa n'ikorwa rya jenoside**

Amagambo akoreshejwe muri iyi baruwa ya Minisitiri Karemera arahagije kugira ngo yumvikanishe ko iyicwa ry'Abatutsi ryateguwe kandi rikayoborwa na Guverinoma ikoresheje ingabo zayo ndetse n'abategetsi bo mu nzego zitandukanye n'urubyiruko rw'Interahamwe n'Impuzamugambi. Birerekana ku buryo budasubirwaho ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda ari ubwicanyi bwa Leta. Ni nayo mpamvu aba Minisitiri batandukanye ba Guverinoma ya Kambanda bafashwe n'ubutabera mpuzamahanga, bakaburanishwa, abenshi muri bo bagahamwa n'ibyaha bya Jenoside n'ibyibasiye inyoko muntu.

Abahamwe n'ibyaha mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) ni aba bakurikira :
Minisitiri w'Intebe Jean Kambanda, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini Edouard Karemera, Minisitiri w'Imari Emmanuel Ndindabahizi, Minisitiri w'Igenamigambi Augustin Ngirabatware, Minisitiri w'Itangazamakuru Eliezer Niyitegeka, Minisitiri w'Amashuri Makuru n'Ubushakashatsi Jean de Dieu Kamuhanda, Minisitiri w'Umuryango Pauline Nyiramasuhuko, Minisitiri w'Urubyiruko n'Amashyirahamzwe Callixte Nzabonimana.
Naho Minisitiri w'Ubucamanza Agnes Ntamabyaliro yahamwe n'icyaha cya Jenoside n'ubutabera bwo mu Rwanda.

Abandi bahamijwe icyaha cya Jenoside mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) nk'ikimenyetso kigaragaraza uruhare rwa Leta mu gutegura no gushyira mu bikorwa iyicwa ry'Abatutsi, harimo abasilikare bakuru bakurikira : Colonel Theoneste Bagosora, Kolonel Tharcisse Renzaho, Koloneli Aloys Simba, Kolonel Ephrem Setako, Liyetona Koloneli Anatole Nsengiyumva, Liyetona Koloneli Alphonse Nteziryayo, Liyetona Kolonel Tharcisse Muvunyi, Major Aloys Ntabakuze, Kapiteni Ildephonse Nizeyimana, Liyetona Ildephonse Hategekimana, Liyetona Samuel Imanishimwe. Hari kandi Major Bernard Ntuyahaga wahamijwe Jenoside n'Urukiko rw'i Buruseli mu

Bubiligi ndetse na Kapiteni Pascal Simbikangwa wahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko rw'i Paris mu Bufaransa.

Abandi bahamijwe icyaha cya Jenoside na TPIR ni abari abayobozi bakuru mu nzego za Leta barimo :
Callixte Kalimanzira umuyobozi mukuru muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Jean Bosco Barayagwiza umuyobozi mukuru muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga, Matayo Ngirumpatse Perezida w'Ishyaka rya MRND ku rwego rw'Igihugu, Francois Karera Perefe wa Kigali Ngali, Sylvain Nsabimana Perefe wa Butare, Clement Kayishema Perefe wa Kibuye, Dominique Ntawukuriryayo suPerefe wa Gisagara, Semanza Laurent wayoboye Komini ya Bicumbi, Rugambarara Juvenal wasimbuye Semanza kuri uwo mwanya, Paul Bisengimana burugumesitiri wa Gikoro, Joseph Kanyabashi burugumesitiri wa Ngoma, Elie Ndayambaje burugumesitiri wa Muganza, Juvenal Kajelijeli burugumesitiri wa Mukingo, Jean Baptiste Gatete wayoboye Komini Murambi, Sylvestre Gacumbitsi burugumesitiri wa Rusumo na Jean Paul Akayesu burugumesitiri wa Taba.
Ladislas Ntaganzwa wari burugumesitiri wa Nyakizu yoherejwe na TPIR kuburanishwa n'Inkiko z'u Rwanda, ahamwa n'icyaha cya Jenoside akatirwa igifungo cya burundu.

Mu bandi bahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahnga Rwashyiriweho u Rwanda harimo abihaye Imana : Padiri Emmanuel Rukundo na Padiri Athanase Seromba wategetse gusenyera Kiliziya ya Nyange ku Batutsi bari bayihungiyemo.

Izi manza zirerekana neza ko nta rwego na rumwe rutakoze Jenoside, bigashimangira ko Jenoside yakorewe Abatutsi ari icyaha cyateguwe kandi gishyirwa mu bikorwa na Leta.

## 2.56. 20 KAMENA 1994: IMYITEGURO YO GUTSEMBA ABATUTSI MU BISESERO N'ITANGIZWA RY'ICYISWE "OPERASIYO INSECTICIDE"

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Edouard Karemera, yagaragarije Perefe wa Kibuye Clement Kayishema uburyo bwihuse bwo gutera Abatutsi mu Bisesero**

Hari inyandiko zigaragaza uburyo Kibuye yibasiwe na Jenoside bikozwe na Leta. Muri Kamena 1994, kuba Jenoside yari yarashobotse hose uretse mu Bisesero ahari hakiri resistance, byahagurukije inzego za Leta zose.

Hari inyandiko ebyiri (2) za Perefe Clement Kayishema zo ku wa 09/06/1994 no ku wa 12/06/1994 yandikiye Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu n'amajyambere ya Komini, Edouard Karemera, ukomoka ku Kibuye mu yahoze ari Komini Mwendo, asaba ko habaho icyo yise "*ratissage*" = ni ukuvuga guhiga cyangwa kumaraho; iyo "*ratissage*" igakorerwa muri Segiteri ya Bisesero ahari hakiri Abatutsi.

Ku wa 20/06/1994,Minisitiri Karemera yandikiye Perefe Kayishema ibaruwa imuha igisubizoimumenyesha ko Inama ya Guverinoma yateranye ku wa 17/06/1994 ifata icyemezo ko Komanda w'Ingabo muri Segiteri ya gisilikare ya Gisenyi, ni ukuvuga Lt Col Anatole Nsengiyumva, azohereza abasilikare bo gufasha Jandarumori ya Kibuye bagatera mu Bisesero bitarenze tariki 20/06/1994.

Minisitiri Karemera yibutsaga Perefe Kayishema ko nyuma y'icyo cyemezo cy'Inama ya Guverinoma, yandikiye mugenzi we Minisitiri w'Ingabo, Augustin Bizimana, amusaba guhita yubahiriza icyemezo cya Guverinoma. Karemeraagakomeza amenyesha Perefe Kayishema ko Minisitiri w'ingabo yabishyize mu bikorwa kuko yandikiye abayobozi bose b'ingabo bireba ku wa 20/06/1994 abasaba kubahiriza ayo mabwiriza. Karemera agasaba Perefe Kayishema gukora ibishoboka byose agakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'iyo *operasiyo* yo gutera mu Bisesero, akora ubukangurambaga bwose mu baturage ba za Komini Gishyita, Gisovu na Gitesi, kandi akazatanga raporo kwa Minisitiri Karemera ku migendekere y'icyo gikorwa cy'ubwicanyi bwo mu Bisesero.

Minisitiri Karemera yashoje iyo baruwa yo ku wa 20/06/1994, abwira Perefe Kayishema ko Guverinoma yiteguye gutanga intwaro zose zizakenerwa muri icyo gikorwa, harimo no kurinda ibikorwa remezo nk'uruganda rw'icyayi rwa Gisovu na Electrogaz ya Karongi.

### Perefe Kayishema yagaragarije major Jabo uko iyicwa ry'Abatutsi bo mu Bisesero rigomba gikorwa

Ku itariki 23/06/1994, Perefe Kayishema yandikiye ibaruwa uwayoboraga Jandarumori ya Kibuye, Major Jabo Jean Baptiste, yise "*Securite Bisesero*" (Umutekano mu Bisesero). Muri iyi baruwa, Perefe Kayishema yamenyeshaga Major Jabo ko ku birebana no gushyira mu bikorwa ibaruwa bandikiwe na Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu ku wa 20/06/1994, ku birebana no gutera mu Bisesero, ko hamaze gukaza ubukangurambaga mu baturage bo muri Komini zituriye Bisesero kandi ko byari byaranakozwe mu mezi abiri ashize ya mata na gicurasi, akongeraho ati: "*Nkuko namwe mubyiyiziye*" ari nko kwerekana ko ari umugambi n'ubundi abo bategetsi bari basanzwe baziranyeho.

Igishya Kayishema yashyize muri iyo baruwa ni icyo kubwira Komanda wa Jandarumori ku Kibuye ko icyo bategereje kugira ngo *Operasiyo* rurangiza yo kwica Abatutsi mu Bisesero itangire ari ibikoresho n'abantu bo kubatera ingabo mu bitugu (appui materiel et operationnel), ngo bikazaza bije kunganira ibikorwa byatangiwe ku wa 20/06/1994 na Jandarumori ifatanyije n'Interahamwe zaturutse muri Gisenyi.

Kayishema yakomeje abwira Komanda wa jandarumori ku Kibuye ko iyi *operasiyo* ya rurangiza ikeneye gukurikiranwa no gukorwa vuba bishoboka kugira ngo isozwe idafashe igihe kinini, ngo kugira ngo idahura n'ingorane zo kuba itagera neza ku cyo bifuza.

Mu kunoza imyiteguro yo kugaba ibitero byo gutsemba Abatutsi mu Bisesero, hifashishijwe abasilikare bavuye ku Gisenyi batanzwe na Liyetona Koloneli Anatole Nsengiyumva, nkuko byari byifujwe na Guverinoma baza kunganira abajandarume bo ku Kibuye.

Hifashishijwe kandi Interahamwe nyinshi ziganjemo izari mu Mutwe udasanzwe witwaga *Turihose* zavuye ku Gisenyi, zifatanya n'izavuye ku Mugonero ziyobowe na Obed Ruzindana na mwene nyina Joseph Mpambara ndetse n'izavuye i Cyangugu mu Bugarama zitanzwe na Yussuf Munyakazi. Izi Nterahamwe zose zatwawe muri Autobus za Leta z'Ikigo ONATRACOM, zihurizwa mu isoko rya Gishyita n'izo muri Kibuye, cyane cyane izavuye muri Komini Gishyita, Gisovu na Rwamatamu zayoborwaga na Mikayeli Muhimana, Vincent Rutaganira na ba burugumesitiri Aloys ndimbati wa Gisovu, Charles Sikubwabo wa Gishyita, Abeli Furere wa Rwamatamu, Alfred Musema wayoboraga uruganda rw'icyayi rwa Gisovu n'abandi.

Abicanyi bagabye ibitero mu Bisesero ku wa 27 Kamena 1994 barimbura Abatutsi bari bagihanganye n'Interahamwe mu misozi ya Bisesero. Ibitero byamaze iminsi itatu (3), bikorwa ingabo z'Abafaransa zibirebera zarageze Bisesero, zikambitse Gishyita mu birometero bitarenze bitatu (3) by'aho ubwicanyi bwakorerwaga mu misozi ya Bisesero. Abatutsi b'Abasesero barenga ibihumbi bibiri (2000) bararimbuwe muri iyo minsi itatu (3) gusa.

**Inama ya guverinoma yemeje ishyirwaho rya operation yo kumaraho Abatutsi yiswe "*insecticide*"**

Inama ya Guverinoma yabaye ku wa 20 Kamena 1994 yasuzumye uburyo bwihuse bwo kumaraho Abatutsi hose mu gihugu ishyiraho icyiswe "*Operasiyo Insecticide*" yatangirijwe mu kigo cya gisirikare cya Bigogwe. Gukoresha iri jambo

“Insecticide” nk’iry’umuti wica udusimba kari ukugereranya Abatutsi nk’Inyenzi, bakaba bagomba gushakirwa umuti wo kubica vuba bakarangira nkuko Inyenzi zicwa na bene uwo muti. Nkuko byatanzweho ubuhamya n’abantu batandukanye, “*Operasiyo Insecticide*” bayishinze kapiteni Paul Barril w’Umufaransa.

*“Operasiyo Insecticide”* yari igizwe n’ibice bibiri. Icya mbere cyari kijyanye no kwihutisha kumaraho Abatutsi b’imbere mu Gihugu, bafatwaga ko ari ibyitso by’Inkotanyi, hagamijwe kubuza Inkotanyi kuzabona abo bafatanya nazo.
Icyo kabiri ari nacyo Kapiteni Barril yatangirije mu kigo cya gisilikare cya Bigogwe, cyari kijyanye no kwigisha abasilikare n’Interahamwe kugira ngo bumve ko bashobora kurwana bagasubirana ibice by’u Rwanda byafashwe na FPR-INKOTANYI.

Muri *Agenda* ya Nyiramasuhuko, handitse ko mu rwego rwo gukora “*Operasiyo Insecticide*”, Inama ya Guverinoma yemeje gukomeza gushyira mu bikorwa amabwiriza yose ya “*Auto-defense civile*” nkuko yatangajwe na Guverinoma ku wa 25 Gicurasi 1994, kongera itangwa ry’imbunda za *mortiers* 82, 105, 120 na 122 ndetse n’amasasu y’imbunda za R4. Inama ya Guverinoma yanemeje gushaka uburyo ngo bwo kwirinda abacengera mu bice igenzura, iniyemeza gukora ibishoboka byose igasubirana ibice yatakaje mu ntambara.

## 2.57. KUWA 23/6/1994: I NYARUSHISHI: UKUZA KW’ABASIRIKARE B’ABAFARANSA BA *OPERASIYO TURQUOISE* KWATUMYE UBWICANYI NO GUFATA KU NGUFU ABAGORE N’ABAKOBWA BIKOMEZA MU NKAMBI Y’IMPUNZI YA NYARUSHISHI NO MU NKENGERO ZAYO

.

**Imiterere y’inkambi ya Nyarushishi n’ibikorwa by’ubwicanyi byakorewe Abatutsi muri iyo nkambi**

Nyarushishi yahoze ari inkambi yabagamo Abarundi bahunze 1993. Yazanywemo Abatutsi bavanywe mu Mujyi wa Kamembe i Cyangugu, hanahungira abarokotse ubwicanyi ahandi nka Mibilizi, Shangi, Nyamasheke, Kibogora,...
Abafaransa binjiye Cyangugu 23/6/1994 bahita bajya i Nyarushishi bashaka kwerekana ko ikibazanye ari ugutabara. Bari bakeneye icyo bereka Televiziyo

z'iwabo kubera ko itangazamakuru ryanengaga Guverinoma y'Ubufaransa kuba yohereje abasilikare mu Rwanda gufasha Leta yakoraga Jenoside.

Abafaransa bakoreshaga amayeri yo kugaragaraza mu mahanga iyi nkambi ya Nyarushishi nk'ikimenyetso cyerekana ko baje mu Rwanda kurokora abicwaga, nyamara ari uguhisha isura nyayo ya *Turquoise* yo gufasha Leta y'abicanyi. Ni nayo mpamvu basabye Guverinoma y'abatabazi ko inkambi ya Nyarushishi idakorwaho kugira ngo itangazamakuru mpuzamahanga, cyane cyane iryo mu Bufaransa, riyikoreshe mu kugaragaza iyo sura nziza.

I Nyarushishi habereye ibikorwa byinshi by'ubugome harimo gusambanya abakobwa ku gahato bikozwe n'abafaransa. Guhera muri 2005, bamwe mu bakobwa basambayijwe ku gahato i Nyarushishi na Murambi batanze ikirego mu Bufaransa kuri icyo cyaha bakorewe. Itangazamakuru ryabajijie abari abayobozi b'ingabo z'Ubufaransa i Cyangugu icyo bavuga kuri ibyo birego, bagaragaza ko bishoboka ko icyo cyaha cyakozwe.

Colonel Didier Tauzin wari ukuriye abasilikare bitwa COS bageze i Nyarushishi ku wa 23 kamena 1994, yatangarije ikinyamakuru "La Croix" muri 2011 aya magambo: "*Ayo makuru ntayo nigeze menya mu gihe cya Turquoise. Twabaga turi kumwe n'abanyamakuru benshi; nta n'umwe muribo wigeze avuga ibyo bintu. Ariko sinakwemeza ijana ku ijana ko haba hatarabayeho ibyakorwa n'umusilikare ku giti cye.*"

Naho Colonel Jacques Hogard wayoboraga ingabo z'Ubufaransa muri Cyangugu mu gihe cya Turquoise yatangarije ikinyamakuru "Causette" muri 2011 ko: "*Birashoboka ko hababaho abanyamwanda inyuma y'inzira. Niba byarabayeho, byakozwe na bake ku bwende bwabo, ntibyashyizweho na systeme yacu. Hari igihe namenyeshejwe ko abasilikare b'aba Legionnaires bibye amakaziye ya byeri. Ariko sinemera ko habayeho gusambanya abakobwa ku ngufu.*" Iyi mvugo ubwayo irimo ikinyoma. Niba umuyobozi w'abasilikare b'Abafaransa yiyemerera ko ingabo yayoboraga zibaga amakaziye ya byeri, bivuze ko babaga bayambuye abaturage. Ni gute bari gutinya gusambanya abakobwa ku gahato niba bari n'ibisambo bigeza aho byiba Byeri? Izi mvugo zirerekana ko Tauzin na Hogard bazi neza ibyaha byakozwe n'abasilikare bari bayoboye.

General Jean-Claude Lafourcade wari umuyobozi mukuru wa Turquoise yose asa n'uwemera ko habayeho gusambanya abagore n'abakobwa ku gahato mu nkambi za Nyarushishi na Murambi bikozwe n'abasilikare babo ariko agasa nk'aho abitesha agaciro avuga ngo: "*Nta gusambanya ku gahato byakozwe mu buryo bwa*

*rusange*. “Bishatse kumvisha ko yemera ko gusambanya abakobwa ku gahato byakozwe ariko akagabanya ubukana bwabyo yishingikirije gusa ko ngo bitakozwe ku mabwiriza y’ubuyobozi bw’ingabo kandi mu buryo bwa rusange.

INyarushishi kandi Colonel Thibault yahatangarije amagambo agaragaza ubufatanyacyaha n’Interahamwe n’abandi bajenosideri. Urugero ni amagambo yabwiye umunyamakuru Raymond BONNER wandikaga muri *New York Times* ku wa 28/06/1994 amubajije impamvu Interahamwe zikomeza gukikiza inkambi ya Nyarushishi kandi Abafaransa ntibazirukane. Thibault yarashubije ngo: “*Nta misiyo dufite yo kwambura imbunda Interahamwe*”. Byasohotse muri *New York Times* yo ku wa 29/06/1994”.

Ikindi kibabaje ni uburyo abakozi ba Croix Rouge bagiye bagira uruhare mu kwica no kwicisha Abatutsi bavanwaga mu nkambi ya Nyarushishi. Uwavuzwe cyane ni uwitwa Hategekimana Saadi watangaga Abatutsi abaha interahamwe zikabica kandi yari umukozi wa Croix Rouge.

**Mu nkambi ya Nyarushishi Abatutsi biciwe mu maso y’abasirikare b’abafaransa bavugaga ko baje kubarinda**

Inkambi ya Nyarushishi yari irinzwe n’abasirikare b’Abafaransa bazengurutswe na za bariyeri z’Interahamwe n’abasirikare ba Leta. Impunzi zahabwaga amafunguro ariko zidashobora gusohoka kujya gushaka inkwi zo guteka hanze y’inkambi.

Umutangabuhamya yavuze ibikurikira :
*Umunsi umwe, abasore batatu bavumbuwe n’Interahamwe mu mirima y’icyayi biruka bagana mu nkambi, bakurikiwe n’Interahamwe. Babashije kwinjira mu nkambi ya Nyarushishi Ariko umuyobozi w’abajandarume wari uhari yinjira mu nkambi abavanamo arabajyana . Abafaransa bari bahari babirebera ntacyo bakoze. Ntabwo twongeye kubona abo basore batatu».*
Ku barokotse benshi i Nyarushishi, *« Abafaransa bakingiye ikibaba ubwicanyi n’iyica rubozo byakozwe n’Interahamwe ku Batutsi. Abenshi mu Batutsi bifuzaga guhungira mu nkambi bafatwaga n’Interahamwe kuko bagombaga byanze bikunze kunyura kuri za bariyeri zari zirinze, […]*

Hari Interahamwe, abajijwe na Komisiyo Mucyo, yavuze ko abasirikare b’abafaransa babasabye kwica umuntu wese ushaka kwinjira mu nkambi.
« *Twari turinze bariyeri nko kuri metero igihumbi uvuye aho Abafaransa bari bakambitse. Kuri iyo bariyeri twahiciye abantu benshi kandi Abafaransa bazaga kutubaza uko bimeze. Twabasobanuriye ko twishe Abatutsi badusaba kutemerera*

*undi muntu wese kwinjira mu nkambi kandi ko twagombaga kwica abashaka kwinjira mu nkambi nyuma.» Nyuma yuko duhabwa ayo mabwiriza twishe umugore n'umwana we w'umukobwa, n'umusore. Ntabwo nari mbazi, bavugaga ko bavuye ahitwa k'Uwinteko. Twishe kandi n'Abatutsi basohokaga mu nkambi bagiye gushaka inkwi, barimo uwitwa Charles, umuhungu wa Sembeba. Nyuma yo kubica, twabajugunye mu mwobo wari hafi ya bariyeri. Abafaransa baje kutureba batubwira ko turi abasirikare ba nyabo. Mu kuduhemba, baduhaye ku mafunguro yabo. Baraduherekezaga iyo twakoraga amarondo mw'ijoro. Nyuma yuko FPR itsinda, Abafaransa batubuzaga gukomeza kwica Abatutsi ngo FPR itazihorera. Batugiriye inama yo guhunga, batubwira ko FPR yatwica, bakarakara cyane iyo abantu batindaga mu mazu"*

**Abasirikare b'abafaransa bafashe ku ngufu abagore b'Abatutsikazi bari barahungiye mu nkambi ya Nyarushishi**

Bamwe mu babikorewe bavuze ko bafashwe ku ngufu n'abasirikare b'abafaransa mu nkambi ya Nyarushishi :

*« […] Abafaransa bafashe ku ngufu Claudine bakuranwa. Yari afite hagati y'imyaka 14 na 15 muri 1994, byatumye ahahamuka ku buryo yasaze. Banafashe ku ngufu Umulisa, mushiki wa Oscar. Babicaga urubozo bagashyira urusenda mu myanya y'igitsina. Bafashe ku ngufu abakobwa benshi ariko tutibuka amazina yabo »*

*« Abasirikare b'abafaransa banafashe ku ngufu abakobwa bavanye muri EAV Ntendezi, bazaga kubatwara mu nkambi. Kugira ngo bababure, abo bakobwa bajyaga kuryama ahandi kugira ngo batababona. »*

Abasirikare b'abafaransa bafashe ku ngufu abakobwa hanze y'inkambi ya Nyarushishi, kuri stade Kamarampaka. Umwe muri bo yavuze ibikurikira :

*«Abafaransa bari bakambitse kuri stade Kamarampaka bafashe ku ngufu abakobwa n'abagore b'Abatutsikazi mu gihe cya operasiyo Turquoise. Badusabye kubashakira abakobwa n'abagore b'Abatutsikazi, bamwe muri bo bararokotse.» Twagombaga kubashakira Abatutsikazi kuko bavugaga ko bimenyekanye ko bababafashe ku ngufu nta bibazo bagira, byari bibujijwe kubazanira Abahutukazi. Ubwa mbere nabashyiriye abakobwa babiri bo mu myaka hagati ya 14 na 15 kuri stade Kamarampaka. Uwa mbere twari twamukuye ku irimbi rya Mururu, yitwaga Beata. Kubera ko twari tuzi ko ari Umututsikazi twaramufashe tumujyana kuri stade Kamarampaka aho abasirikare b'abafaransa bamufashe ku ngufu. Nyuma baramudusubije batwingingira kutamwica.»*

**Abasirikare b'abafaransa bafashe abatutsikazi mu nkambi ya Nyarushishi babagira abaja babo bafata ku ngufu**

Abatsutsikazi benshi bo mu nkambi ya Nyarushishi bagizwe abaja bo gufatwa ku ngufu. Abasirikare b'abafaransa bahoraga bafata ku ngufu Abatutsikazi bagumanye nabo igihe bari mu nkambi ya Nyarushishi.

Umwe muri bo mu barokotse yavuze ibikurikira:
« *Abafaransa baje nyuma ya saa sita Bavugamenshi adusaba kabakirana ibyishimo tubyina. Bahageze, Abafaransa bazengurutse inkambi bafata amafoto. Nyuma y'iminsi itatu, bari bamaze kumenya aho abakobwa bari. Ku munsi wa kane, abarebye aho abakobwa bari bazanye na bagenzi babo bajyana abakobwa babafata ku ngufu* »

*(…) Ku giti cyanjye, nabonye akaga katabaho mu gufatwa ku ngufu. Banyambitse ubusa, bamfata ku ngufu ari bane bose, banyarukanwaho (…) nari kumwe n'abandi Batutsikazi, bazaga kudutwara saa kumi za mu gitondo bakatugarura bucyeye. Rimwe na rimwe bazaga mu gitondo kudutwara bakanagaruka bugorobye. Iyo twageragezaga kwihisha, bashakaga abantu bo kuduhiga hose no kutugarura (…) byabaye mu gihe cyose bari mu nkambi ya Nyarushishi (…) kubera ibyo bikorwa by'urugomo byahoragaho, narwaye indwara yo mu myanya y'igitsina. Iyo nibukaga ko bongereye ku byo Interahamwe zankoreye, natagaga umutwe nkashaka kwiyahura. Kuba nari mfite umwana nitagaho nibyo byatumye nifata.* »

**Abatutsi bo mu nkambi ya Nyarushishi barokowe na Colonel Innocent Bavugamenshi**

Kuba Abatutsi barabashije kuticwa n'interahamwe i Nyarushishi byagizwemo uruhare na Colonel Innocent Bavugamenshi wayoboraga jandarumori i Cyangugu. Yanze kwijandika muri jenoside, afata abajandarume yizeye, abashinga kurinda inkambi ya Nyarushishi, bagahangana n'Interahamwe kugeza Abafaransa baje. Yitabye Imana nyuma ya Jenoside azize indwara ari mu ngabo z'igihugu za Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda.

## 2.58. KUWA 24/6/1994: I MURAMBI : UKUZA KW'ABASIRIKARE B'ABAFARANSA BA OPERASIYO TURQUOISE KWATUMYE UBWICANYI BUKOMEZA KIMWE N'IBIKORWA BYO GUFATA KU NGUFU MU NKAMBI Y'IMPUNZI YA MURAMBI NO MU NKENGERO ZAYO

**Muri Gikongoro abasirikare ba operasiyo turquoise bari bakereye urugamba rwo gutabara abicanyi**

Abasirikare bambere b'Abafaransa ba operasiyo Turquoise bageze ku Gikongoro ni abo mu mutwewa COS (Commandement des Opérations Spéciales) bari bayobowe na Lieutenant-Colonel Etienne Joubert, bahageze kuwa 24 Kamena 1994 bavuye i Cyangugu. Bashyize icyicaro cyabo mu kigo cya SOS. Kuwa 27 Kamena, abandi basirikare bamanukira mu mitaka (légionnaires de la 11ème division parachutiste) barababahasanze bayobowe na capitaine Eric Hervé, nyuma abandi barwanira kubutaka (légionnaires du 2ème régiment étranger d'infanterie de Nîmes) bayobowe na Capitaine Nicol nabo barahaza. Bamwe muri bo bacumbitse mu mazu ya Koleji ACEPER. Abandi basirikare baribavuye i Djibouti bayobowe na capitaine Bouchez (3ème compagnie de la 13ème demi-brigade de la Légion étrangère) bakambitse mu nkengero za Nyungwe, hafi y'uruganda rw'icyayi rwa Kitabi, aho bacukuye imyobo yo kwirindiramo mu bihe by'imirwano.

Ku wa 5 Nyakanga 1994, abandi basirikare bo mu mitweya 11ème régiment d'artillerie de marine na 2ème régiment parachutiste d'infanterie yariivuye mu gihugucya Réunion, bakambitse mu ishuri rya tekiniki rya Murambi ryari ricyubakwa aho hari habereye ubwicanyi ndengakamere mw'ijoro ryo kuwa 20 rishyirakuwa 21 Mata 1994. Abo basirikare bari i Murambi bari bayobowe na Colonel Jacques Rosier wari n'umuyobozi wa COS. Bageze i Murambi Abafaransa bahashyize imodoka z'intambara zifite imbunda nini za 90 mm.

Icyo gihe abantu bose bari bazi ko Abafaransa baje gutabara ingabo za Leta zarimo zitsindwa, bituma abayobozi banyuranye barimo Perefe Laurent Bucyibaruta babwira abaturage ngo bereke Abafaransa ko bishimiye ko bajekubatabara.

Colonel Didier Tauzin, alias Thibault niwe wabanje kuyobora abasirikare bari ku Gikongoro kuwa 4 Nyakanga, bivugwa ko Abafaransa batazatinya kurwana inkundura na FPR, ngo bari bahawe amabwiriza yo "kutagira imbabazi",

bisobanuye ko Abafaransa bari biteguye umusirikare wese wa FPR wakwinjira mu gice cya Turquoise. Yaje gusimburwa mu gihe gito na Colonel Sartres waje koherezwa ku Kibuye kuwa 16 Nyakanga 1994. Ubuyobozi bw'abasirikare babo bari ku Gikongoro bwahawe Lieutenant-Colonel Eric De Stabenrath, yungirijwe na commandant Pegouvelo, aribo bakomeje kuyobora kugeza igihe operasiyo Turquoise yarangiriye kuwa 22 Kanama 1994.

**Bageze ku gikongoro, Abafaransa bahise bagirana ibiganiro n'abayobozi bicaga Abatutsi**

Abasirikare b'Abafaransa bakoranye n'abayobozi ba Gikongoro bicaga Abatutsi. Bakoranaga inama kenshi bakazenguruka Perefegitura yose bareba aho gushyira za bariyeri, cyane cyane ku mugezi wa Mwogo kugira ngo babuze ingabo za FPR kuzagera mu gice cya Turquoise.

Abafaransa bakuragaho ba Burugumesitiri bariho bagashyiraho abayobozi babo, cyangwa bakemeza abari bariho kabone bari baragize uruhare muri Jenoside. Hafi ya ba burugumesitiri na ba suPerefe bose bakoranye n'Abafaransa baje gukurikiranwa n'inkiko zo mu Rwanda cyangwa Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriyeho u Rwanda, icyaha cya Jenoside kirabahama.

Abafaransa bahaye aba burugumesitiri amabwiriza yo gushaka ingabo za FPR zaba zarahacengeye cyangwa ibyitso byabo, bakababazanira. Abatangabuhamya benshi bemeje imbere ya Komisiyo Mucyo muri 2006-2007 ko ayo mabwiriza yari akubiyemo no kwica Abatutsi. Banashyiragaho abashinzwe umutekano b'abasivili bo gukorana nabo bakabaha n'intwaro.

Mu gice cya Turquoise, inkambi z'impunzi zavuye mu byabo zabaye nyinshi muri Perefegitura ya Gikongoro, inini muri zo zari i Murambi, Cyanika (Karama), Mbazi, Kaduha, Musange, Kibeho, Ndago, Mudasomwa, Muko, Mushubi, n'ahandi.

Muri izo nkambi hari n'Interahamwe, abasirikare ba Guverinoma, n'abayobozi banyuranye bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi. Birirwaga bahiga Abatutsi mu nkambi no mu nkengero zayo bakica abantu benshi. Abafaransa barekaga abicanyi bagakora icyo bashaka, ntibanakureho za bariyeri Interahamwe ziciragaho Abatutsi.

**Ibyaha abasirikare b'abafaransa bakoreye i Murambi cyangwa se byakozwe babihagarikiye**

Inkambi ya Murambi yari mu mazu y'ishuri rya tekiniki ryari ricyubakwa aho Abatutsi barenga 50,000 biciwe bamaze kuhakusanyirizwa bitegetswe na Perefe Bucyibaruta.

Abafaransa bahageze nyuma y'amezi abiri hakorewe Jenoside, bahashyira inkambi z'abantu bavuye mu byabo n'ikigo cya gisirikare cyarimo imbunda za rurura. Bazitiye inkambi yabo na senyenge banahacukura imyobo yo kurwaniramo.

Mu kubaka ikigo cyabo, bifashishije abaturage bo mu nkengero, barimo n'Interahamwe bagize uruhare mu bwicanyi bukabije bwari bwarahakorewe ku wa 21 Mata 1994. Imirambo myinshi yari yarakuwe mu mazu y'ishuri n'abayobozi ba Perefegitura bitegura ukuza kw'Abafaransa, iyo mirambo yashyinguwe mu byobo rusange mu busitani bw'ishuri.

Imirambo imwe yari igihari n'amaraso akigaragara ku nkuta, bituma Abafaransa barahakoze isuku bagashyingura n'imirambo yari itangiye kwangirika. Abafaransa bashyize ikibuga cyo gukiniraho umupira w'intoki iruhande neza y'icyobo cyashyinguwemo Abatutsi bahiciwe, ku buryo abareberezi bazaga kureba iyo mikino bakandagiraga hejuru y'icyo cyobo.

Imbere mu nkambi Abatutsi barokotse ubwicanyi bari bavanze n'abasirikare ba Leta n'Interahamwe bagize uruhare muri Jenoside. Uko kubavanga byatumye abicanyi barakomeje kwica abari mu nkambi nyamara yaragombaga kurindirwa umutekano.

Abatangabuhamya berekanye ko hari ubwumvikane hagati y'abasirikare b'Abafaransa n'abicanyi, bikaba byaratumye ubwicanyi, gufata ku ngufu n'ibindi nkabyo bikomeza muri iyo nkambi.

***Abasirikare b'Abafaransa baretse Interahamwe zikomeza Jenoside ku Gikongoro***

Abasirikare b'Abafaransa ntibigeze basenya za bariyeri abicanyi bakoreshaga mu gutoranya abo bica. Babarekeye intwaro zabo bakazinjirana mu nkambi zarimo Abatutsi bari bararokotse ubwicanyi, bagatoranyamo abo bajya kwica. Hari n'ubwo Abafaransa bahagarikiraga abicanyi bakica Abatutsi, cyangwa bakabashishikariza kubica, babaga bararokotse ubwicanyi bakagana abo Bafaransa baje kubasaba kubafasha no kubarindira umutekano. Abatangabuhamya benshi bavuga ko abasirikare b'Abafaransa bashyiraga Abatutsi Interahamwe

bakazishishikariza kubica. Abafaransa iyo bafataga Abatutsi babashyiraga abicanyi bakabicira mu maso yabo. Ibyo byakorwaga kuri za bariyeri zari zarashyizweho n'Interahamwe kuva muri Mata 1994 ariko Abafaransa bakaba baraziretse zigakomeza gukora mu gice cya Turquoise.

Bariyeri yari izwi cyane ni iyari ku iteme rya Mwogo ryatandukanyaga Perefegitura za Gikongoro na Butare. Abasirikare b'Abafaransa baretse Interahamwe zikomeza kugenzura indangamuntu z'abahacaga, bakicira mu maso y'Abafaransa Abatutsi bahafatiraga.

Abanyamakuru bari bahari mu mezi ya Nyakanga na Kanama 1994, berekana ko abari bararokotse ubwicanyi bashoboraga kwicwa n'Interahamwe mu gihe Abafaransa bagombaga guhagarika ubwicanyi. Corinne Lesnes wo mu kinyamakuru cy'Abafaransa *Le Monde* yagize ati : « *I Murambi hari impunzi barinzwe ariko bafite ubwoba bwinshi, bifuza gusa kubona uko bava muri icyo gice ngo cyashyiriweho kubarindira umutekano.* »

Dominique Garraud wo mu kinyamakuru cy'Abafaransa *Libération* nawe yasanze abarokotse Jenoside batari barinzwe : « *Mu nkengero z'isoko, ahari imboga nyinshi byerekana ko ubuhinzi muri ako karere bwateye imbere, abasirikare ba Leta n'Interahamwe, bitwaje imbunda za Kalashnikov ku rutugu, bararamukanya n'abasirikare b'Abafaransa. Ibyo bisa nkaho nta kibazo cyari gihari. Nyamara abicanyi bakomeje kwica impunzi z'Abatutsi n'Abahutu batavuga rumwe.* »

Hari inyandiko z'umwimerere za operasiyo Turquoise zanditswe n'abasirikare b'Abafaransa kuri Kaduha zerekana ko muri Nyakanga 1994, hari imirambo itamaze iminsi, bivuze ko Abatutsi bakomeje kwicwa mu gihe Abafaransa bari barahageze. Hari inyandiko yo ku wa 10 Nyakanga 1994 ivuga ibi bikurikira : « *Ibyobo byinshi birunzemo amagana y'imirambo, byabonetse i Kaduha. Kandi hari n'imirambo itamaze iminsi yagaragaye hafi y'isoko.* »

Kuba Abatutsi barakomeje kwicwa i Kaduha byabonwe n'abanyamakuru b'abanyamahanga bazanye n'abasirikare b'Abafaransa. Nibyo Christian Lecomte wo mu kinyamakuru *La Vie* yabonye : *« Hagati mu kwezi kwa Nyakanga 1994, mu kiriziya cya Kaduha hari hakiri ibimenyetso bw'ubwicanyi bwahakorewe : amaraso yari akiri hose. Nta kigeze gisukurwa kuko abicanyi ntacyo bahishaga, bari bazi ko batazakurikiranwa […] muri SuPerefegitura ya Kaduha Abatutsi baracyahigwa.* »

**Abasirikare b’Abafaransa bafashe ku ngufu Abatutsikazi babahindura abaja babo kuri izo mpamvu**

Habaye ibikorwa byo gufata ku ngufu, guhutazwa no kugirwa abaja bafatwa ku ngufu igihe bashakiye, kandi bivugwa n’abacitse ku icumu babikorewe nyamara bacumbitse ahantu hitwa ko abo basisikare bagombaga kubarindira umutekano. Ibindi bikorwa by’urugomo nk’ibyo bivugwa n’ababibonye cyangwa bumvise abo basirikare b’Abafaransa babiganira.

Byakorewe mu bigo by’abasirikare b’Abafaransa by’i Karama (Cyanika), Murambi na SOS Gikongoro. Ibindi byakorewe ahantu abasirikare b’Abafaransa batinze nka Kinyamakara, Kaduha na Mushubi. Hari uwafashwe ku ngufu n’abasirikare b’Abafaransa bari kumwe na burugumesitiri Désiré Ngezayo..

**Abasirikare b’Abafaransa bakoze ibikorwa by’iyica rubozo banasahura umutungo wa Leta**

Abatangabuhamya benshi bavuze ko abasirikare b’Abafaransa bahohoteye abantu b’abasivili bakababakorera iyica rubozo, bakababakubita, bakababafungirana n’ibindi. Bavuga ko byababahungabanyije. Kandi mbere yo kuva ku Gikongoro, Cyangugu na Kibuye, abasirikare b’Abafaransa basenye cyangwa batwara muri Zaire umutungo wa Leta. Rimwe na rimwe bareberaga abaturage basenya banasahura umutungo wa Leta.

**Abasirikare b’Abafaransa bakoranye n’abicanyi aho kubafata**

Abayobozi b’abasirikare b’Abafaransa muri operasiyo Turquoise ku Gikongoro, bakoranye n’abayobozi b’abicanyi, ahandi bashyiraho abayobozi kabone baragize uruhare muri Jenoside. Kandi muri icyo gihe abenshi mu bakoranye n’Abafaransa bari bazwi nk’abicanyi ruharwa ku buryo byari kuborohera kubimenya iyo bashaka kubibaza.

Abafaransa bari bazi abo batoranyaga gukorana nabo, abo ba burugumesitiri n’aba suPerefe, byaba ku Gikongoro, i Cyangugu no ku Kibuye. Niyo mpamvu umwe muri bo, capitaine de fregate Marin Gillier yabwiye umunyamakuru Christian Leconte muri Nyakanga 1994 ibi bikurikira : *« Tuzi ko abenshi mu ba burugumesitiri n’aba suPerefe bo muri aka karere, bagize uruhare mu bwicanyi Abatutsi bakorerwa, no mu kubutegura. Twabonye ubuhamya bwinshi bubyemeza. Ariko muri iki gihe nibo dufite bonyine tuvugana nabo mu bagera kuri miliyoni n’igice z’impunzi z’Abahutu bahungiye muri iki gice. »*

Muri Gikongoro, Abafaransa bakoranye n'aba bicanyi b'ingenzi bakurikira : Laurent Bucyibaruta, Perefe wa Gikongoro, wahungiye mu Bufaransa Damien Biniga, Superefe wa Munini, ugishakishwa n'inzego zo mu butabera z'u RwandaJoseph Ntegeyintwali, SuPerefe wa Karaba, wakatiwe urupfu bikaza guhindurwamo igifungo cya burundu Joachim Hategekimana, SuPerefe wa Kaduha, wakatiwe igifungo cya burundu, n'abandi.

Umubare munini w'aba burugumesitiri, aba konseye ba Segiteri, n'abigeze kuba aba burugumesitiri bavuye mu Rwanda barinzwe n'abasirikare b'Abafaransa.

## 2.59. KUWA 27/6/1994: MU BISESERO : ABASIRIKARE B'ABAFARANSA BAREKEYE IMPUNZI Z'ABATUTSI MU MABOKO Y'ABICANYI

**Ubuhamya bwa bamwe mu banyamakuru b'abanyamahanga**

Ku wa 27 Kamena 1994, abanyamakuru batatu barimo Patrick de Saint-Exupéry, Sam Kiley, baherekeje abasirikare b'Abafaransa bayobowe na lieutenant-Colonel bitaga Diego ariko mu byukuri izina rye rikaba ari Jean-Remy Duval, bajyaga mu Bisesero.

Bageze mu Bisesero, bahabonye abari bararokotse bake ariko aba babanza kubihisha. Umwe mu mpunzi, Eric Nzabahimana, yavugishije Abafaransa abasobanurira ko bari bananiwe cyane nyuma yuko barwana amezi abiri yose n'abicanyi, bakaba bamaze n'igihe bahunga ibico by'abo bicanyi bibahiga buri munsi. Buhoro buhoro, bamwe mu barokotse begereye abo Bafaransa. Umunyamakuru Patrick de Saint- Exupéry yiboneye ko izo mpunzi zari zinanutse cyane, zambaye imyenda icitse, kandi abenshi muri bo bafite ibikomere batewe n'imihoro : *« hari umwana wari ufite ikibero cy'ubumoso cyavuyeho, n'umugabo wari ufite ukuboko k'uburyo kuregarega kwenda gucika mo kabiri. »*

Izo mpunzi zari zararokotse ubwicanyi zaberetse icyobo cya rusange cyari hafi aho, ndetse n'umurambo w'umuntu wari umaze gusa amasaha abiri yishwe. Nyuma impunzi zabonye ko uwari waje kwereka inzira Abafaransa ari Jean-Baptiste Twagirayezu, umwe mu bayobozi b'Interahamwe zirirwaga zibahiga kugira ngo zibice. Iyo Nterahamwe yashakaga kuyobya Abafaransa kugira ngo batabona impunzi, ahubwo agashaka kubajyana mu nkambi y'impunzi z'Abahutu zari zaravuye mu byabo, yari hafi ya Gisovu. Abafaransa bahise bamuhinda.

Diego yabwiye impunzi ko azagaruka nyuma y'iminsi ibiri cyangwa itatu, ko hagati aho zigomba kwihisha. Bagarutse ku Kibuye, Diego yaganiriye na Patrick De Saint-Exupéry waje kubisobanura mu buryo bukurikira :

« *Lieutenant-Colonel yari yumiwe : « Nabonye byinshi, ariko ibi byo… » Nta cyizere yari afite : « Mbere yuko tubasha kugaruka mu Bisesero, izindi mpunzi zigeze kuri 2000 zizaba zarishwe » Yasaga nk'unaniwe kandi yicuza cyane, yoherereza amakuru abamuyoboraga muri Etat-major : « Nibo bagomba gufata icyemezo. Niba twoherejwe hariya gutabara biriya bihumbi by'abantu bahigwa nk'inyamaswa, bizaba ari kubogamira ku ruhande rumwe, twiteranye n'Interahamwe n'abayobozi b'aka karere. Twe turiteguye. Tuzubahiriza ibyo tuzategekwa gukora. Ariko se, abayobozi bari i Paris bo bariteguye ? »*

Mu gitabo cye aho asobanura uko bahuye n'impunzi n'uko bazirekeye mu maboko y'abicanyi, Patrick de Saint- Exupéry yanditse ko bagarutse ku Kibuye *« Diego yamaze igihe kirekire avugana n'abayobozi i Paris, abaha amakuru yose. »* Itegeko ryo kudatabara Bisesero ryavuye i Paris, impunzi zigera kuri 2,000 zirekerwa mu maboko y'abicanyi ziricwa nubwo Diego yari yabijeje ubutabazi.

**Abari bararokotse ubwicanyi bagera kuri 2,000 barishwe abafaransa bamaze kugenda**

Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu Bisesero bose bavuga ko nyuma yuko bamwe muri bo bahura n'Abafaransa, ibitero byiyongereye iminsi itatu yose mbere yuko Abafaransa bagaruka. Bavuga ko mu gihe bahuraga na Diego bari bageze kuri 2000, ariko nyuma y'ubwicanyi bukomeye bwamaze iminsi itatu, abashoboye kurokoka babaye 800 gusa.

Biratangaje kuba Diego yarabwiye Patrick De Saint Exupery mu mvugo idafite icyizere : « *Mbere yuko tubasha kugaruka mu Bisesero, izindi mpunzi zigeze kuri 2000 zizaba zarishwe »*, kimwe no kuba yaravuze ko gutabara mu Bisesero byaba ari kubogamira ku ruhande rumwe.

Bisa nk'aho byerekana ko, uretse impuhwe ze yashobaraga kuba afite ku giti cye, operasiyo y'Abafaransa yari ifite indi gahunda itagize aho ihurira no gutabara abari mu kaga nkuko byaririmbwaga.

**Capitaine Marin Gillier yanze guhagarika ubwicanyi bwakorerwaga abari bararokotse mu Bisesero**

Kuba Abafaransa baraje mu Bisesero byatumye abicanyi bamenya ko, nkuko batabikekaga, Abatutsi barokotse bari bakiri benshi mu Bisesero. Iyo nkuru yatumye abicanyi bo mu karere bategura ibindi bitero, ndetse banahamagara n'abandi bavuye Cyangugu na Kibuye. Mu matariki ya 28 na 29 Kamena 1994, abantu amajana n'amajana bavuye mu mihanda yose bahurira i Gishyita. Ibo byaberaga mu maso y'abasirikare b'Abafaransa bari bamaze mbere yaho iminsi nk'ibiri kugera i Gishyita. Abasirikare b'Abafaransa b'inzobere bageze kuri 70 bakambitse i Gishyita mu matariki ya 25 na 26 Kamena 1994.

Abo bicanyi bose bageze ku majana bahuriye mu gasantere k'i Gishyita, bikorwa mu maso y'Abasirikare b'Abafaransa bari bahakambitse bayobowe na Capitaine Marin Gillier. Buri gitondo, iminsi itatu yose, abicanyi bazaga kuhahurira na bagenzi babo kandi kugira ngo bahagere bagombaga guca ku ma bariyeri atatu arinzwe n'abasirikare b'Abafaransa yari ku mbibi z'umudugudu bahuriyemo. Ibi byerekana mu buryo bugaragara ko Abafaransa baretse Interahamwe zijya kwica Abatutsi mu Bisesero.

**Colonel Rosier yafashe icyemezo cyo kudatabara Abatutsi bari bakiriho mu Bisesero**

Kuba Diego yaratereranye Abatutsi bo mu Bisesero, na Gillier akanga kubatabara, byabazwa Colonel Rosier wamuyoboraga. Diego yabwiye Colonel Rosier ibyo yabonye mu Bisesero. Ndetse Gillier yavuze ko yatse inshuro ebyiri uburenganzira bwo kujya mu Bisesero, ku wa 27 no ku wa 28 Kamena 1994. Kandi Diego na Gillier bari munsi ya Colonel Rosier wabayoboraga akanakurikirana umunsi ku wundi ibyakorwaga byose. Biragaragara nta gushidikanya ko Rosier yahawe amakuru y'ukuntu Abatutsi bo mu Bisesero bari bugarijwe kandi ko babatabaje. Bivuze ko icyemezo cyo kudatabara impunzi mu Bisesero hakiri kare cyafashwe na Colonel Rosier.

Ibyo Colonel Rosier yabwiye ikinyamakuru cyo mu Bufaransa *Libération* ku wa 27 Kamena 1994, bishobora gutanga igisobanuro cy'imyifatire ye : *« Iyi mitwe iri mu ntambara. Kugira ngo tutabogama ntabwo dushobora kubyinjiramo, hato ejo, Inkotanyi zicengeye batazabitwegekaho. »*. Ariko tutarebye gusa imyifatire ya Colonel Rosier, ibyabaye mu Bisesero bigaragaza neza aho ubuyobozi bwa gisirikare bw'ingabo z'Abafaransa bwari bubogamiye. Bigaragarira no mu mabwiriza abasirikare b'Abafaransa bahawe mbere yo kuza mu Rwanda aho babwiwe ko abavugwaga ko bicwa ari bo bari abicanyi.

Ni Thierry Prungnaud wari mu Bisesero mu gihe cya operasiyo Turquoise, mu ngabo zayoborwaga na Marin Gillier, wabisobanuriye umunyamakuru Laure de Vulpian avuga ko mu gihe bari bakiri mu Bufaransa bababwiye ko Abatutsi ari bo bicaga Abahutu. Iyo mvugo igoreka amateka ya Jenoside yerekana urwango rw'Abatutsi bari bakiriho nyamara bavugwaga ko ari bo Abafaransa bari baje gutabara, kandi ikerekana ko bari babogamiye ku bicanyi.

**Imyifatire mibi y'abasirikare b'abafaransa mu guha ubutabazi abarokotse ubwicanyi muri Bisesero.**

***Abasirikare b'Abafaransa bashyize abarokotse mu buzima bubi bwabaviriyemo gupfa, banakata ingingo z'abakomeretse bitari ngombwa i Goma***

Imyifatire mibi kandi ibogamye y'Abafaransa yaje no kugaragara mu bikorwa byabo ngo by'ubutabazi. Abafaransa bamburaga intwaro zari zitwaje n'abo bavugaga ko batabaye, bakaziha Interahamwe n'abasirikare ba Leta bacaga hafi y'inkambi z'abarokotse.

Kandi iyo impunzi zasabaga gusanga FPR aho yagenzuraga bakanga gukomeza kurindwa n'ingabo z'Abafaransa, ntibongeraga kugaburirwa bigatuma, nkuko Abafaransa babyifuzaga, impunzi zisohoka mu nkambi gushaka ibyo kurya. Abenshi muri bo ntibagarukaga bishwe n'abicanyi bazengurukaga hafi y'inkambi y'Abasesero. Iyo ingabo z'Abafaransa zajyanaga impunzi mu gice cya FPR, zabikoraga mu buryo bubi bwari byugarije ubuzima bw'impunzi.

***Abakomeretse cyane mu barokotse bagiye babaca ingingo bitari ngombwa i Goma***

Abarokotse mu Bisesero bafite ibikomere bikomeye bajyanwaga i Goma n'ingabo z'Abafaransa, ariko bakaba barababajwe cyane ibyo bakorewe n'abaganga b'abasirikare b'Abafaransa. Babarega kubafata nabi mu gasuzuguro kenshi, ariko cyane cyane kuba barakaswe ingingo bitari ngombwa. Itsinda ry'abaganga b'abasirikare b'Abafaransa i Goma ryari rigizwe n'abantu 12 barimo inzobere mu kubaga babiri, usinziriza abarwayi mbere yo kubagwa umwe n'abandi babafasha.

Pascal Nkusi, warokokeye mu Bisesero akajyanwa i Goma ku wa 1 Nyakanga 1994, avuga imibereho yabo i Goma, uko Abafaransa bakoranyije inkomere bakajyana abakomeretse cyane kuvurirwa i Goma bakabajyana baryamye hasi ku bipira muri kajugujugu mu bitaro byabo i Goma hafi y'ikibuga cy'indege cyaho ; batangiraga kubavura baraye bahageze.

## 2.60. ITSINDWA RYA GUVERINOMA Y'ABAJENOSIDERI RYIZWEHO MU NAMA YO KU WA 01 NYAKANGA 1994 BIYEMEZA GUTAKAMBIRA ABAFARANSA NO KUGERAGEZA GUHISHA IBIMENYETSO BYA JENOSIDE

**Guverinoma ya Kambanda yari yizeye ko Abafaransa bayifasha kurwana urugamba rwa gisilikare na FPR-inkotanyi**

Guverinoma ya Kambanda yavuze muri iyo nama ko impamvu Abafaransa batayifasha nkuko ibyifuza bishobora kuba biterwa n'intege nke basanze bafite ku bijyanye no gutsindwa urugamba barwanaga na FPR-INKOTANYI no kuba barakoze ubwicanyi. Basanze ko Abafaransa bababajwe no kuba Guverinoma ya Kambanda igenda itsindwa hose mu gihugu, ngo kandi hakaba nta cyizere gihari cyo kuzasubirana ibice byigarurirwe na FPR-INKOTANYI. Guverinoma ya Kambanda yafashe icyemezo cyo gukora iyo bwababaga bakareshya Abafaransa babereka ko ingabo za Guverinoma ya Kambanda ngo zifite ubushobozi bwo gutsinda urugamba : *« Ni twe tugomba kwerekana ko, nka Guverinoma, dushobora kubigeraho nubwo dufite ibibazo bikomeye ku rugamba no muri diplomasi »*

Muri iyi nama, Guverinoma ya Kambanda yemeje ko igiye gutegura inyandiko y'ibyo isaba Ubufaransa igashyikirizwa ubuyobozi bw'ingabo za Turquoise. Guverinoma yasanze ariko isura yayo mu mahanga ari mbi cyane yiyemeza kujya ikora inyandiko zigaragaza isura yayo nziza, zigasakazwa mu itangazamakuru mu mahanga, kandi Guverinoma ya Kambanda ikagena amafranga yo guhemba abazatangaza izo nyandiko. Ikindi bemeje ni ukuzajya basuzuma icyo kibazo mu nama ya Guverinoma ya buri munsi.

**Guverinoma ya Kambanda yiyemeje guhisha ibimenyetso by'uburyo yakoze jenoside**

Guverinoma yaniyemeje kandi kohereza ubutumwa ba Perefe bose ibasaba guhisha ibimenyetso bigaragaza uruhare rwayo muri Jenoside, harimo kutagaragaza imbunda na grenade byakoreshejwe muri Jenoside no kugabanya umubare wa za bariyeri, bagasigaho koko iz'ingenzi zikenewe:
*« Inyandiko isaba ubufasha igomba gushyikirizwa ingabo za Turquoise (…) Amakuru n'amashusho byo mu binyamakuru bituvuga nabi. Tugomba kubeshyuza*

*kandi bigaherekezwa n'amafaranga yo gutanga (…) Amabwiriza ahabwa aba Perefe kugira ngo imbunda na za grenade bihishwe. Kugabanya uko bishobotse za bariyeri hagasigara iza ngombwa gusa. »*

Twibutse ko aya mayeri yo guhisha uburyo Jenoside yakozwemo n'ingabo za Guverinoma ya Kambanda bari babigiriwemo inama n'Ubufaransa kuva mu kwezi kwa Gicurasi 1994. Raporo y'ubutumwa bw'akazi bwakorewe i Paris ku matariki ya 9-13 Gicurasi 1994 na Liyetona Koloneli Ephrem Rwabalinda wari woherejwe n'u Rwanda kubonana n'abayobozi bakuru ba gisilikare na politiki igaragaza ko Rwabalinda yabonanye na Jenerali Jean Pierre Huchon wari ushinzwe ubutwererane mu bya gisilikare muri Minisiteri y'Ingabo y'Ubufaransa yemerera Rwabalinda ibikoresho bya gisilikare, ariko amugira inama yo kunoza mu itangazamakuru isura ya Guverinoma, anamugira inama ko bagomba kujya bakora ibishoboka byose bagahisha imirambo y'abantu bishe muri Jenoside.

Guverinoma ya Kambanda kandi yaniyemeje kureba uburyo bwo kuvanaho imitwe y'Interahamwe n'Impuzamugambi ikabinjiza mu basilikare mu rwego rwo kugaragaza ko iyo mitwe itabayeho. Aya yari amayeri yo kugerageza guhisha isura yo kuba Leta n'Ingabo zayo zarafashe abaturage zikabaremamo imitwe y'abicanyi : *« Gukuraho imitwe yitwaje intwaro, abayigize bakashyirwa mu mitwe ya gisirikare igenzurwa n'ingabo za Leta »*

Ni icyaha gihanirwa n'amasezerano mpuzamahanga yashyiriweho i Geneve mu Busuwisi ku wa 9 Kanama 1949 yerekeye imigendekere y'intambara. Muri aya masezerano, gufata abaturage basanzwe bagahabwa imyitozo ya gisilikare, bagashorwa mu bwicanyi bakoreshejwe na Leta ni icyaha cy'intambara gihanirwa n'amategeko mpuzamahanga. Kuba rero Guverinoma ya Kambanda yarafashe umwanzuro wo kugerageza kubihisha nuko yari izi neza ko yashoboraga kuzabibazwa imbere y'amategeko mpuzamahanga.

**Agahinda ka Guverinoma ya Kambanda ko kuba yari hafi gutakaza Kigali**

Inama ya Guverinoma ya Kambanda yo ku wa 01 Nyakanga 1994 yasuzumye kandi ibijyanye n'urugamba yarwanaga na FPR-INKOTANYI igaragaza agahinda ko kuba bari hafi gutakaza Umurwa mukuru Kigali. Bavuzeko ibice hafi ya byose bya Kigali byagoswe na FPR-INKOTANYI, ngo kandi intwaro bari bizeye kubona ntizabagezeho nkuko babitekerezaga: *« Kigali iragoswe ku mpande zose. Ntabwo ibikoresho biza nkuko twabyemerewe »*

Mu gusobanura uko gutsindwa kwabo, Guverinoma ya Kambanda yavuze ko ngo FPR-INKOTANYI ifashwa n'abacanshuro b'Ababiligi n'Abongereza, ngo ikaba

inashyigikiwe n'Abanyamerika n'Abongereza. Iki ni ikinyoma gikomeye. Ntabwo FPR-INKOTANYI yigeze na rimwe ikoresha abacanshuro abo aribo bose.

Urugamba rwa FPR-INKOTANYI rwarwanywe n'abanyarwanda baharaniraga kubohoza igihugu cyabo. Inshuti za FPR-INKOTANYI zumvaga impamvu y'urwo rugamba zayibaye hafi mu buryo bwa diplomasi hagamijwe gusobanura mu mahanga impamvu y'intambara, ariko kubeshya ko hifashishijwe abacanshuro ni ikinyoma. Mu mateka y'Isi, nta na rimwe abacanshuro batsinda intambara. Nta nubwo FPR-INKOTANYI yari ikeneye abacanshuro mu rugamba yarwanaga rwo guhagarika Jenoside yakorerwaga Abatutsi no kubaka igihugu.

**Impamvu zatanzwe na guverinoma ya Kambanda zisobanura ugutsindwa kwayo**

Mu nama ya Guverinoma yo ku wa 01 Nyakanga 1994, bemeye ko ingabo za FPR-INKOTANYI zifite ubushobozi bwo kugera aho zishaka mu gihugu, ko kandi bari hafi no gufata Imijyi ya Ruhengeri na Gisenyi. Ntacyo bavuze ku Mujyi wa Butare nawo wari hafi kwigarurirwa na FPR-INKOTANYI.

Nkuko Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu, Edouard Karemera, yabyanditse muri AGENDA ye, impamvu basanze zituma batsindwa ni izi zikurikira:

- Ubushake bw'ingabo za Leta buri hasi cyane;
- Isubiranamo imbere mu gihugu n'ubwicanyi bwabaye byatumye Guverinoma n'ingabo zayo batakarizwa icyizere;
- Ubwicanyi n'ibindi byaha byakozwe na bamwe mu basilikare ba Leta harimo ubujura, gufata abakobwa n'abagore ku ngufu no gusubiranamo;
- Kuba nta muhate abasilikare bashyira ku rugamba;
- Kuba abayobozi b'ingabo bagaragaza ubushobozi buke mu kuyobora abo bashinzwe;
- Kuba urwego rwabo rw'ubutasi ntacyo rukimaze;
- Kubura intwaro n'amasasu bihagije ndetse n'imiti.

Izi mpamvu zitangwa na Guverinoma y'abicanyi zirerekana ko nta kintu gifatika yarwaniraga uretse gusa kwica abaturage b'abasivile b'Abatutsi. Iyo abasilikare bayo baza kuba koko bafite impamvu nyayo ituma barwana intambara bari kujya ku rugamba rwa gisilikare bagahangana n'ingabo za FPR-INKOTANYI bakareka kwica abaturage b'inzirakarengane babahora gusa ko ari Abatutsi. Amahirwe y' u Rwanda nuko nubwo Igihugu cyatakaje abantu barenga miliyoni bishwe bazira gusa ko ari Abatutsi, Leta y'abajenosideri yaratsinzwe, Abanyarwanda babona amahirwe yo kubaka igihugu.

# UMUTWE WA III:

# URUHARE RUKOMEYE BAMWE MU BARI MURI LETA Y'ABICANYI BAGIZE MURI JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MURI PEREFEGITURA BAVUKAMO

## 3.1. URUHARE RWA MINISITIRI NZABONIMANA CALLIXTE MU IRIMBURWA RY'ABATUTSI MURI GITARAMA

**Callixte Nzabonimana yinjije urubyiruko mu mutwe w'Interahamwe anazifasha guhabwa imyitozo**

Callixte Nzabonimana, nka Minisitiri w'Urubyiruko na Perezida wa MRND muri Perefegitura Gitarama, yagize uruhare runini mu kwinjiza urubyiruko mu mutwe w'Interahamwe, kuzishakira imyitozo, kuziha intwaro, no kuzishishikariza kwanga Abatutsi, muri iyo Perefegitura no mu gihugu cyose. Nyuma, hagati ya Mata na Nyakanga 1994, yategetse Interahamwe kwica Abatutsi.

Mu kwezi kwa Gicurasi 1994, Nzabonimana Callixte na Jean Kambanda baremye batayo y'abicanyi yiswe *Ndiza*, yari igizwe n'abasirikare n'Interahamwe, muri Segiteri Kibangu, Komini Nyakabanda, aho batanze imbunda banabwira abaturage ko izo mbunda zari izo kwica Abatutsi. Iyo batayo yahise itsemba Abatutsi bari bararokotse ubundi bwicanyi bwarimo bubakorerwa. Nzabonimana yanahaye abo bicanyi imyenda n'ingofero bibaranga, amabendera ya MRND n'imbunda.

Tariki ya 15 Gicurasi 1994, Callixte Nzabonimana, ari kumwe na Major Jean Damascène Ukurikiyeyezu wari uyoboye *auto-défense civile* muri Gitarama, yayoboye inama muri Selire Ruhango, Segiteri Nyamagana, Komini Tambwe, Perefegitura ya Gitarama, yashyizeho komite idasanzwe muri iyo Komini.

Abatutsi benshi bafatiwe kuri za bariyeri zari ku mihanda, barimo Nyabugaju, Ruhezamihigo na Languida, bishwe bitegetse n'iyo komite. Mu gihe iyo komite yari imaze gutangira gukora, Abatutsi bafatwaga bajyanwaga ku biro bya Komini Tambwe aho bicirwaga bakajugunywa mu mwobo.

**Callixte Nzabonimana yari yarahinduye inzu ye indiri abicanyi bateraniragamo**

Hagati y'itariki ya 8 n'iya 12 Mata 1994, Nzabonimana yakoranije mu nzu ye yabagamo yari muri Segiteri Kavumu, abicanyi bo muri Segiteri za Kavumu na Mahembe, Komini Nyabikenke. Yabasabye kwica Abatutsi, abasobanurira ko abateye u Rwanda ari Abatutsi kandi ko kubatsinda byasabaga kwica Abatutsi. Yanababwiye ko batagomba kureka *Inyenzi* z'imbere mu gihugu gufasha izo hanze, bikaba ariyo mpamvu byari ngombwa kuzica. Yashakaga kuvuga kwica Abatutsi.

Kuwa 8 cyangwa kuwa 9 Mata 1994, hagati ya saa kenda (15h) na saa kumi n'imwe (17h), Nzabonimana yafashe ijambo imbere y'Interahamwe muri Selire Gasenyi, Segiteri Kigina, Komini Nyabikenke, muri Perefegitura Gitarama, abashishikariza kwica abaturanyi babo b'Abatutsi. Na none kuwa 9 Mata 1994, hagati ya saa kumi n'imwe (17h) na saa kumi n'ebyiri (18h), Nzabonimana yayoboye indi nama muri Selire Kigali, Segiteri Kavumu, Komini Nyabikenke.

Tariki ya 10 Mata 1994, hagati ya saa tatu (9h) na saa yine (10h) Nzabonimana yari ku tuduka twa Kivumu, Segiteri Gitovu, Komini Nyabikenke, nyuma, hagati ya saa kumi n'imwe (17h) n'ahagana saa kumi n'ebyiri (18h), yari ku tuduka twa Gasenyi, Segiteri Kigina, Komini Nyabikenke.

**Nzabonimana Callixte yatanze intwaro ategeka kwica Abatutsi**

Tariki ya 8 Mata 1994, Nzabonimana yayoboye inama iwe mu rugo, asaba abayitabiriye guhorera urupfu rwa Perezida Habyarimana, anabaha intwaro zarimo imbunda eshatu yahaye Interahamwe. Nzabonimana yabwiye abaturage b'abasivili b'Abahutu ko bagomba gukoresha imbunda n'intwaro gakondo mu kwica Abatutsi mbere yo kurya inka zabo. Yavuze ko azatanga izindi ntwaro asaba abakeneye intwaro za gakondo kuza iwe mu rugo. Yavuze ko izo ntwaro azazijyana ahandi niba abaturage batazikoresheje.

Tariki ya 11 Mata 1994, Abatutsi bari barahungiye kuri Kiliziya ya Ntarabana, bahavanwe n'Interahamwe zagiye kubicira kuri Nyabarongo, bitegetswe na Callixte Nzabonimana. Mu gihe abo Batutsi bari mu nzira zijya Nyabarongo kwicirwayo, Nzabonimana yari akomeje gutanga intwaro. Bamwe muri izo mpunzi z'Abatutsi zashoboye gucika abicanyi babasha guhungira i Kabgayi.

Tariki ya 12 Mata 1994, muri Komini Nyabikenke, Callixte Nzabonimana yateguye imyitozo ya gisirikare ategeka Interahamwe kuyikurikira. Iyo myitozo ya gisirikare yatanzwe n'umujandarume ukomoka muri Musasa. Callixte Nzabonimana yatangarije abitabiriye iyo myitozo ko Abatutsi ari abanzi b'u Rwanda, bikaba ari ngombwa kubakuraho. Uwo mugoroba, Abatutsi benshi biciwe i Gitovu n'i Kavumu, bishwe n'Interahamwe. Mu bishwe harimo Akizanye n'abana be babiri, Epimaque Sehinda n'umuryango we, na Sezirahiga n'umuryango we.

Tariki ya 15 Mata 1994, ku tuduka twa Butare, Segiteri Rutongo, Komini Rutobwe, Perefegitura Gitarama, Nzabonimana yafashe ijambo imbere y'abantu benshi abwira Abahutu ko bagomba kwica inyenzi (Abatutsi) zose n'ibyitso byazo, bagafata imirimo yabo n'ibintu byabo. Yababwiye kandi ko no muri bo harimo Abatutsi batagomba kubacika. Nzabonimana yahise asaba abasirikare n'abaturage gufata abo Batutsi. Nyuma y'iyo nama Abatutsi benshi bishwe n'abicanyi barimo Interahamwe, abasirikare n'abasivili b'Abahutu.

Mu kubashishikariza kwica, yahaye abari bahari inzoga y'urwagwa, abasaba kwica Umututsi wese waba abarimo. Nzabonimana yari aherekejwe n'abajandarume na SuPerefe wa Ruhango. Abatutsi benshi barishwe uwo munsi, barimo Spéciose Karuhongo, Jeanne Ujeneza na Gabriel Kanimba. Abicanyi barimo Vincent Karegeya, Ruhunga, Cyprien, Jérôme Mushimungunga, Munyurabatware, Sebagande, Émile Munyemana na Prosper Hategekimana.

**Nzabonimana yakurikiranye i Kabgayi Abatutsi bari barokotse ubwicanyi bwo muri Nyabikenke**

Tariki ya 16 Mata 1994, Nzabonimana yagiye i Kabgayi gushakisha Abatutsi b'i Nyabikenke bahungiye yo. Kugira ngo ashobore kubica, Nzabonimana yabasabye gusubira iwabo abizeza ko amahoro yagarutse. Nyamara, uwo munsi, muri Komini Nyabikenke, akoresheje icyuma kirangura amajwi, Nzabonimana yahamagariye gutsemba Abatutsi ba nyuma bari bahasigaye. Nzabonimana yikomye cyane Burugumesitiri Jean-Marie Vianney Mporanzi utaritabiraga bihagije ubwicanyi. Nzabonimana yaje kujya muri Komini Rutobwe arekuza abantu bari bafungiye kuba barishe Abatutsi. Nyuma, abo bantu bishe abandi Batutsi bagenda bigamba ko Nzabonimana yabahaye ububasha bwo kwica.

**Mu nama y'i Murambi, Nzabonimana yategetse kwica aba Burugumesitiri n'abandi bayobozi bo mu nzego z'ibanze barwanyaga iyicwa ry'Abatutsi**

Tariki ya 18 Mata 1994, Nzabonimana, Jean Kambanda, n'abandi ba Minisitiri ba Guverinoma y'abicanyi, barimo Prosper Mugiraneza, bahamagaje inama yitabiriwe na ba Burugumesitiri ba za Komini za Perefegitura Gitarama. Muri iyo nama, Nzabonimana yategetse kwica aba Burugumesitiri n'abandi bayobozi bo mu nzego z'ibanze barwanyaga iyicwa ry'Abatutsi Nyuma gato y'iyo nama, Burugumesitiri wa Komini Mugina, Callixte Ndagijimana, n'aba Konseye babiri ba Komini Nyamabuye, Bernard Twagiramukiza wa Segiteri Ruli, na Martin Gasigwa wa Segiteri Musiba, bishwe n'Abahutu b'abasivili n'Interahamwe. Nzabonimana yikomye bamwe mu ba Burugumesitiri abarega kudashyigikira bihagije iyicwa ry'Abatutsi, ababurira ko bashobora gusimburwa n'Interahamwe.

Mu yindi nama mu Ruhango, Segiteri ya Nyamagana, Komini Tambwe, Perefegitura Gitarama, Callixte Nzabonimana na Jérôme Bicamumpaka bavuze ko Abatutsi bagombaga kwicwa, kandi Abahutu bakaba bataragombaga kwerekana ko babakunze ngo babagirire impuhwe. Nyuma gato y'inama, *komite z'umutekano* zigizwe n'Interahamwe bo muri Selire Ruhango bayogoje ako karere bica Abatutsi.

Nzabonimana yavugaga ko umwanzi, Umututsi, yashoje intambara, atera aturutse Uganda. Agasobanura ko Abahutu bose, birengagije ishyaka rya politiki babereye abayoboke, bagombaga gushyira hamwe mu kurwanya umwanzi. Nyuma y'inama, za bariyeri zo ku mihanda zarakajijwe, Abatutsi baraterwa bicirwa mu mazu yabo.

**Nzabonimana yategetse Interahamwe gusenya amazu y'Abatutsi bishwe kugira ngo bahishe ibimenyetso bya Jenoside**

Hagati ya Gicurasi na Kamena 1994, Nzabonimana yagiye muri Komini Masango ategeka Interahamwe gusenya amazu yose yasizwe n'Abatutsi bakayasimbuza ibihingwa kugira ngo bahishe ibimenyetso by'ubwicanyi bwakorewe Abatutsi. Burugumesitiri Esdras Mpamo wari waratsembye Abatutsi b'i Masango, yavuze ko hari komisiyo mpuzamahanga yashyizweho kugira ngo iperereze ku bwicanyi bwakorewe mu Rwanda, bityo bikaba byari ngombwa gusiba ibimenyetso byose by'ubwicanyi. Nzabonimana yasabye ko bikorwa.

Callixte Nzabonimana yarongeye akora nkabyo muri Komini Nyamabuye. Yagiye ku biro bya Komini Nyamabuye, asaba Abahutu b'abasivili yahasanze, gusenya inzu y'Umututsi wishwe bagasiba ibimenyetso byose kugira ngo, hagize uperereza, icyo Abatutsi babaye ntikimenyekane.

Nzabonimana Callixte yahamijwe icyaha cya jenoside n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda, ahanishwa igifungo cya burundu.

## 3.2. NYIRAMASUHUKO PAULINE MW'ISHYIRWA MU BIKORWA RYA POLITIKI YO GUTSEMBA ABATUTSI HAKORESHEJWE ICYISWE "AUTO-DEFENSE CIVILE" MURI PEREFEGITURA AVUKAMO: BUTARE

**Politiki yo gutsemba Abatutsi yiswe « kugarura umutekano » na Guverinoma y'abicanyi**

Guverinoma y'abicanyi yashyizeho politiki yo gutsemba Abatutsi yise « kugarura umutekano », kuri Guverinoma ya Kambanda byari bivuze kwica Abatutsi bose. Iyo Guverinoma yashakaga, ikoresheje uburyo bwose, kugenzura ubwicanyi kugira ngo bukorwe hakurikijwe gahunda yateguwe n'iyo Guverinoma. Buri Perefegitura yari ishinzwe Minisitiri washyiriweho kugenzura ubwicanyi, niba bukorwa hubahirijwe amabwiriza yashyizweho na Guverinoma y'abicanyi. Minisitiri Nyiramasuhuko niwe wari ushinzwe ubwicanyi muri Perefegitura ya Butare.

Buri Minisitiri yagombaga kumvisha abaturage ingamba zose zari zigamije gutsemba Abatutsi zashyizweho na Guverinoma. Disikuru zabwirwaga abaturage mu rwego rwo kugarura umutekano muri Butare zabashishikarizaga kwica Abatutsi nkuko byakorwaga mu gihugu cyose.

**Nyiramasuhuko yashinzwe gutsemba Abatutsi muri Butare**

Nyiramasuhuko Pauline yagize uruhare runini mw'ishyirwa mu bikorwa ry'iyo politiki ya jenoside muri Perefegitura ya Butare.

Nyiramasuhuko Pauline yavutse muri Mata 1946, avukira muri Selire Rugara, Segiteri Ndora, Komini Ndora, Perefegitura ya Butare. Mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, yari Minisitiri w'Umuryango n'Iterambere ry'umugore muri Guverinoma y'abicanyi iyobowe na Jean Kambanda.

Nyaramasuhuko yitabiriye inama zose za Guverinoma y'abicanyi iyobowe na Kambanda Jean, zateranye hagati yo kuwa 9 Mata no kuwa 14 Nyakanga 1994.

Tariki ya 7 Gicurasi 1994, yitabiriye inama y'Abaminisitiri yateraniye i Murambi yiga ibya « defense civile », bivuze « kwitabara kw'abaturage ». Iyo gahunda ya « defense civile » ya Guverinoma y'abicanyi yari kimwe mu bigize ingamba zo gutsemba Abatutsi.

Hateranye inama nyinshi za Guverinoma i Kigali, Gitarama na Gisenyi, kandi buri gihe, ba Minisitiri, barimo Nyiramasuhuko, bamenyeshwaga aho ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi bwari bugeze. Muri izo nama kandi, ba Minisitiri basabye ko bahabwa intwaro zo kujya guha abaturage mu ma Perefegitura bashinzwe, mu rwego rwo kwihutisha iyicwa ry'Abatutsi.

Muri izo nama Guverinoma y'abicanyi yashyizeho amabwiriza yahaye aba Perefe n'aba Burugumesitiri kandi yagombaga kubahirizwa n'abaturage kugira ngo hose mu gihugu Jenoside ishobore gukomeza gushyirwa mu bikorwa. Nyiramasuhuko yari mu ba Minisitiri bitabiraga cyane izo nama zafataga ibyemezo bijyanye no gutsemba Abatutsi.

**Nyiramasuhuko Pauline yandikaga muri *Agenda* ye ibijyanye na gahunda yo gutsemba Abatutsi**

Nyiramasuhuko yandikaga gahunda yo gutsemba Abatutsi muri *Agenda* ye yagendanaga mu isakoshi ye ; Iyo gahunda yerekanaga itegurwa ry'ubwicanyi bwibasiraga Abatutsi muri rusange, ikanasobanura uruhare rwe by'umwihariko. Nyiramasuhuko yandikaga ibyavugwaga mu nama za Guverinoma y'abicanyi kugira ngo azashobore kubishyira mu bikorwa muri Perefegitura ya Butare.

Iyo *Agenda* yerekana ikorwa ry'ubwicanyi muri rusange n'uruhare Guverinoma y'abicanyi ibufitemo. Iyo *Agenda* ni ikimenyetso cyanditse cy'itegurwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi ryakozwe na MRND, CDR n'andi mashyaka yari abumbiye muri Hutu Power.

Iyo *Agenda* yerekana kandi ko kuva mu kwezi kwa Mata kugeza mu kwa Nyakanga 1994, Guverinoma y'abicanyi iyobowe na Jean Kambanda ariyo yafashe ibyemezo byose byari bijyanye n'umugambi wo gutsemba Abatutsi.

**Nyiramasuhuko Pauline yagize uruhare mu bwicanyi bwinshi bwakorewe muri Perefegitura Butare**

***Nyiramasuhuko yicishije Abatutsi kuwa 21 Mata 1994 muri IRST***

Nyiramasuhuko yashyirishijeho za bariyeri nyinshi mu mujyi wa Butare, zakoreshwaga mu guhiga Abatutsi no kubica. Umuhungu we Shalom Ntahobali

yayogoje Perefegitura ya Butare yose ahiga Abatutsi. Iyo yamaraga kumenya aho Abatutsi babaga bari, Nyiramasuhuko n'umuhungu we babavanaga aho bari bakabajyana aho bagombaga kwicirwa. Nyiramasuhuko yategetse Interahamwe bari kuri za bariyeri kubajyana aho abandi Batutsi bajyanywe kwicirwa.

***Nyiramasuhuko yitaga Abatutsi ko ari « umwanda »***

Umunsi umwe, imbere y'ibiro bya Perefegitura ya Butare, ari kumwe na Perefe Sylvain Nsabimana, Nyiramasuhuko yishimye mu mutwe avugana uburakari ati : « *Hano hantu hari umwanda, haranuka. Uyu mwanda ugomba kuhava, ningaruka nsange uyu mwanda wahavuye* ». Ubwo Nyiramasuhuko yavugaga Abatutsi bari bahahungiye bari mu kibuga, aribo yitaga « umwanda ». Nsabimana yahise asaba Interahamwe n'abasirikare kuhavana izo mpunzi z'Abatutsi bakabategeka kuguma inyuma y'ibiro bya Perefegitura ku manwa. Izo mpunzi zari kuri Perefegitura zarakubitwaga zikicwa.

***Nyiramasuhuko yategetse kwimura impunzi z'Abatutsi zikicwa***

Nyiramasuhuko yagarutse ku biro bya Perfegitura, asaba Nsabimana guhamagaza inama ya ba Burugumesitiri ba Perefegitura Butare, kugira ngo abasabe kwimurira impunzi zose kuri za Komini ziturukamo. Byarakozwe, nyuma Abatutsi bimuwe bahita bicwa.

***Abatutsi bishwe kuri bariyeri yashyizweho na Nyiramasuhuko kuri Hoteli Ihuliro***

Kuva muri Mata 1994, hari bariyeri yashyizwe kuri Hoteli Ihuliro yari hafi yaho Nyiramasuhuko na Ntahobali bari batuye.Iyo Hoteli kandi yateraniragamo abicanyi bateguraga Jenoside.

Nyiramasuhuko n'Interahamwe bateraniye kenshi muri Hoteli Ihuliro mu nama zateguraga ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside muri Perefegitura Butare. Interahamwe n'abasirikare bakoresheje iyo bariyeri kugira ngo bahafatire Abatutsi bakajya kubica. Urugero tariki ya 21 Mata 1994, Umututsi witwa Léopold Ruvurajabo yiciwe hafi ya Hoteli Ihuliro bitegetswe na Nyiramasuhuko na Ntahobali

***Nyiramasuhuko yategetse Interahamwe gutwara abagore b'Abatutsikazi bakajya kubafata ku ngufu mbere yo kubica***

Kuri iyo bariyeri yo kuri Hoteli Ihuliro, abagore n'abakobwa b'Abatutsikazi bajyanwaga n'Interahamwe zikabafata ku ngufu mbere yo kubica nkuko byari

byarategetswe na Nyiramasuhuko. Iyo politiki yo gufata ku ngufu Abatutsikazi yakoreshejwe cyane na Nyiramasuhuko mu mujyi wa Butare.
Gufata ku ngufu Abatutsikazi byakoreshejwe nk'intwaro ya Jenoside muri gahunda rusange yo gutsemba Abatutsi. Nyiramashuko yashishikarizaga Interahamwe, ndetse n'umuhungu we, gufata ku ngufu Abatutsikazi.

***Nyiramasuhuko yategetse kwica impunzi z'Abatutsi kuri EER***

Nyuma yuko Nyiramasuhuko na Ntahobali bicisha impunzi z'Abatutsi zari kuri Perefegitura Butare hagati yo kuwa 19 Mata 1994 kugeza mu mpera z'ukwezi kwa Nyakanga 1994, abarokotse ubwo bwicanyi bajyanwe mu bice binyuranye bya Perefegitura kwicirwayo, nko mu gashyamba kari hafi ya EER aho Abatutsi bishwe urubozo mbere yo kwicwa.

Nyiramasuhuko yahamijwe icyaha cya jenoside akatirwa igihano cy'igifungo cya burundu mu rwego rwa mbere, ariko mu bujulire igihano cyaragabanutse akatirwa gufungwa imyaka mirongo ine n'irindwi (47). Umuhungu we Shalom Ntahobali yakatiwe gufungwa imyaka mirongo ine n'irindwi (47) kimwe na nyina.

## 3.3. MINISITIRI KAREMERA EDOUARD MU ISHYIRWA MU BIKORWA RYA POLITIKI YO GUTSEMBA ABATUTSI MURI PEREFEGITURA AVUKAMO: KIBUYE

**Karemera Edouard yaremye umutwe w'Interahamwe muri Komini Bwakira kugira ngo zice Abatutsi**

Karemera Edouard yagize uruhare runini mw'ishyirwa mu bikorwa ry'iyo politiki ya jenoside muri Perefegitura ya Kibuye.

Karemera yavutse kuya 1 Nzeri 1951, avukira muri Segiteri ya Rucura, Komini ya Mwendo, Perefegitura ya Kibuye. Yabaye umwe mu bagize Komite Nyobozi ya MRND kuva muri 1979, aza gutorerwa kuba Umunyamabanga Mukuru w'iryo shyaka muri Kamena 1992. Muri Mata 1993, yabaye visi Perezida wa mbere wa MRND aba n'umwe mu bari bagize Biro nshingwabikorwa by'iryo shyaka. Muri 1994, yari Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu muri Guverinoma y'abicanyi yari iyobowe na Jean Kambanda.

Tariki ya 13 Ukwakira 1993, Karemera yaremesheje inama mu cyumba cy'inama cyo muri Komini Bwakira, Perefegitura Kibuye. Mu bari bitabiriye inama harimo

Karemera, Ruhigira Enoch, Munyampundu, André Kagimbangabo, Colonel Ndahimana, umwe mu bayobozi ba CDR witwa Amani Mugabo, na Burugumesitiri Kabasha.

Karemera yaboneyeho gusaba abitabiriye inama kugira uruhare mu gutoza Interahamwe. Karemera yongeyeho ko Abatutsi ari abanzi. Yakomeje avuga ko ari ngombwa gusobanura umwanzi uwo ari we, anasaba Perefe gushyiraho uburyo bwa ngombwa bwo kumenya Abatutsi aho bari no kubica. Nyuma y'inama, Interahamwe zari zatoranyijwe mbere zahise zitangira imyitozo.

Karemera yahise atanga imbunda. Imyitozo ya gisirikare y'Interahamwe yabereye mu kibaya cya Mashiga, mu gashyamba kari gaherereye munsi y'ibiro bya Komini, no mw'ishyamba rya Ndoha. Gahunda y'imyitozo ya gisirikare y'Interahamwe yari yarateguwe mbere ya Jenoside yari igamije kwica Abatutsi bose bari ku butaka bw'u Rwanda.

**Karemera Edouard yashyize mu bikorwa mu gihugu cyose politiki yo gutsemba Abatutsi yiswe iyo « kugarura umutekano »**

Tariki ya 10 Mata 1994, Ngirumpatse, Karemera na Joseph Nzirorera batumije inama muri *Hôtel des Diplomates* yitabirwa n'abantu cumi n'umwe (11) bari bagize komite y'igihugu y'Interahamwe. Bamenyesheje Interahamwe ko, mw'izina rya Guverinoma y'abicanyi, babafitiye ubutumwa bwo kugarura umutekano bisobanuye ko ubwicanyi bukomeza ariko imibiri y'abishwe igahishwa. Guverinoma y'abicanyi yari yavuze ko ifite ibibazo n'umuryango mpuzamahanga kubera imibiri y'abantu bishwe yandagaye ku mihanda. Iyo mibiri yagombaga gushyirwa hamwe igatwarwa n'imodoka z'amakamyo kugira ngo ye gukomeza kugaragara.

Nka Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu na visi Perezida wa mbere wa MRND, Karemera yashyize mu bikorwa mu gihugu cyose politiki yo gutsemba Abatutsi bise iyo kugarura umutekano, yafashaga ikanashishikariza abaturage kurushaho kwica Abatutsi. Ba Minisitiri boherezwaga muri Perefegitura bavukamo kugira ngo bashishikarize ubwicanyi banagenzure Interahamwe.

Tariki ya 25 Gicurasi 1994, Karemera yandikiye aba Perefe ku bijyanye no gushyira mu bikorwa amabwiriza ya Jean Kambanda. Hagombaga gushyirwaho za komite zihariye, hagakorwa urutonde rw'ibikenewe n'ibikoresho bihari ku rwego rwa za Perefegitura, nk'abantu bashobora gukoreshwa, ibikoresho binyuranye n'imbunda. Byari bigamije gushyira mu bikorwa no kwihutisha ubwicanyi mu gihugu cyose.

**Karemera, Ngirumpatse na Mugenzi bategetse ba Burugumesitiri ba Perefegitura ya Gitarama kureka kurinda Abatutsi**

Tariki ya 18 Mata 1994, Kambanda, Karemera, Ngirumpatse, Mugenzi na Barayagwiza bahamagaje inama i Murambi, yitabirwa na ba Burugumesitiri benshi ba Perefegitura ya Gitarama. Abo ba Burugumesitiri basabye Kambanda kubashakira ababafasha kurinda Abatutsi no kugarura umutekano mu karere. Ntabwo byitaweho kuko Ngirumpatse, Karemera na Justin Mugenzi bategetse ahubwo abo ba Burugumesitiri guhagarika kurinda Abatutsi, kugira ngo Interahamwe zishobore gukomeza kwica Abatutsi.

**Karemera yaremesheje inama nyinshi muri Perefegitura Kibuye kugira ngo Jenoside yihutishwe muri ako karere**

***tariki ya 3 Gicurasi 1994 : Karemera yashimiye Interahamwe anazishishikariza gukomeza Jenoside***

Muri iyo nama, Jean Kambanda yasobanuriye abitabiriye inama ko « défense civile » ari uburyo bwo kurwanya Abatutsi, anabamenyesha ko intambara yari yarageze mu ma komini yose y'u Rwanda. Iyo mvugo yacaga amarenga ko Jenoside yari yakwiriye igihugu cyose, kandi ko igomba gukomeza hakoreshejwe « défense civile ».

Karemera nawe yafashe ijambo, ashimira Interahamwe, anazishishikariza kuvumbura, guhagarika no kurwanya Abatutsi zifatanyije n'urundi rubyiruko rwibumbiye mu yandi mashyaka.
Karemera n'abandi bose bari bagize Guverinoma y'abicanyi bavugaga ko Abatutsi bose ari abanzi. Karemera yasabye Interahamwe kwica no kurimbura Abatutsi bose. Iryo jambo yahavugiye ryahitishijwe kuri Radio Rwanda tariki ya 9 Gicurasi 1994.

***Kibuye, tariki ya 16 Gicurasi 1994 : Karemera yasabye abaturage b'Abahutu gushaka intwaro gakondo bazicisha Abatutsi***

Muri iyo nama, Karemera yashimiye Perefe wa Kibuye, Clément Kayishema, kuba yarasohoje ubutumwa yahawe, yashakaga kuvuga kuba yarishe Abatutsi ku Kibuye. Asaba Interahamwe gutera Abatutsi bakabakuraho.
Karemera yanasabye abaturage gushaka intwaro z'inyongera, nk'imiheto, imyambi n'amacumu.

**Karemera n'abandi bicanyi bashyizeho ikigega cyo kurwana ku busugire bw'igihugu cyari kigamije gutera inkunga ikorwa rya Jenoside**

Tariki ya 25 Mata 1994, Félicien Kabuga, yabyumvikanyeho na Karemera na Ngirumpatse, n'abandi bicanyi, yaremesheje inama ku Gisenyi, yari igamije gushyiraho ikigega cyo kurwana ku busugire bw'igihugu cyari kigamije kugemurira Interahamwe ibyo zikeneye kugira ngo zikomeze kwica Abatutsi.
Izo nama zabaye inshuro nyinshi mu gihe cya Jenoside yakorerwaga Abatutsi, cyane cyane igihe Guverinoma y'abicanyi yari yarimukiye ku Gisenyi.

**Karemera yasabye inkunga y'Interahamwe za Komini Mwendo kugira ngo zifashe gutsemba Abatutsi bari barahungiye ku misozi ya Bisesero**

Karemera yagiye muri Komini Mwendo avukamo gushishikariza Abahutu kujya kwica Abatutsi ba Bisesero.
Yababeshye ko impunzi z'Abatutsi zarimo zitera Abahutu mu Bisesero, abasaba kujyayo mu gihe bari bararangije kwica Abatutsi bo mu karere kabo, bityo bajye gufasha kurangiza ikibazo cya Bisesero.

**Karemera yandikiye Lieutenant-Colonel Anatole Nsengiyumva amusaba inkunga z'abagombaga gufasha mu gutsemba Abatutsi bari bararokotse ubwicanyi bari mu misozi ya Bisesero**

Tariki ya 17 Kamena 1994, Karemera yandikiye Lieutenant-Colonel Anatole Nsengiyumva wategekaga ingabo zari mu karere ka Gisenyi, mw'izina rya Guverinoma y'abicanyi, asaba ko abayobozi b'ingabo bamwoherereza abasirikare baturutse muri Perefegitura ya Gisenyi kugira ngo batere inkunga mu kwica Abatutsi barokotse ubwicanyi bari mu Bisesero. Guverinoma y'abicanyi yashakaga kurimbura burundu Abatutsi muri Perefegitura ya Kibuye kugira ngo ishobore no guhisha ubwicanyi bwari bwarabaye mu mezi ashize bwashoboraga kuvugwa n'Abatutsi baba bararokotse. Abasirikare bavuye ku Gisenyi bishe Abatutsi benshi cyane.

Karemera yasabye Perefe Kayishema n'umuyobozi w'ingabo ku Kibuye yari yoherereje kopi y'ibaruwa ye, gufata ingamba kugira ngo ubwicanyi bateguraga buzabe bwararangiye bitarenze tariki ya 20 Kamena 1994. Karemera yanasabye abaturage ba za Komini Gishyita, Gisovu na Gitesi kufasha muri icyo gikorwa cy'ubwicanyi.

## 3.4. MINISITIRI NIYITEGEKA ELIEZER MW'ISHYIRWA MU BIKORWA RYA POLITIKI YO GUTSEMBA ABATUTSI HAKORESHEJWE ICYISWE "UKWITABARA KW'ABATURAGE" MU YAHOZE ARI PEREFEGITURA KIBUYE

**Niyitegeka yatanze intwaro muri Komini ya Gisovu agira n'uruhare mw'iyicwa ry'Abatutsi bari barahungiye mu kiriziya cya Mubuga**

Niyitegeka Eliezer yagize uruhare runini mu ishyirwa mu bikorwa rya politiki ya jenoside muri Perefegitura ya Kibuye.

Eliézer Niyitegeka yavutse ku ya 12 Werurwe 1952, akomoka mu Murenge wa Gitabura, Komini ya Gisovu, Perefegitura ya Kibuye mu Rwanda. Yahoze ari umunyamakuru kuri Radio Rwanda, yagizwe Minisitiri w'itangazamakuru muri Guverinoma y'abicanyi ku ya 9 Mata 1994. Umunyamuryango wa "MDR" akaba yari Perezida wayo muri Perefegitura ya Kibuye kuva mu 1991 kugeza 1994, Niyitegeka yarumwe mu bagize biro politiki ya MDR ku rwego rw'igihugu.

Tariki ya 10 Mata 1994, Niyitegeka Eliezer yaje i Gisovu ari mu modoka ya Hilux y'umweru yari itwaye abasirikare batatu kandi ipakiye imbunda nyinshi. Izo mbunda zahawe abicanyi bazikoresheje mu kugaba ibitero byajyaga kwica Abatutsi.

Tariki ya 16 Mata 1994, Niyitegeka Eliezer yaje i Mubuga avugira imbere y'Interahamwe nyinshi ko yamenye ko hari Abatutsi bihishe mw'ishuri no mu kiriziya i Mubuga kandi ko ashaka kubagabaho igitero. Nyuma yatoranyije abajandarume benshi bitwaje imbunda na za grenade bahise bagaba igitero kuri abo Batutsi. Abo bicanyi baciye umwobo mu gisenge cya kiriziya bateramo za grenade. Nyuma y'icyo gitero, Niyitegeka yashimiye abicanyi abemerera kubahemba akababagurira inzoga ariko ari uko bakomeje kwica Abatutsi mu bindi bice.

**Niyitegeka Eliezer yishe Abatutsi bari barahungiye ku musozi wa Kizenga, hagati yo ku wa 17 no ku wa 30 Mata 1994**

Hagati y'Abatutsi 5,000 na 10,000, barimo abagabo, abagore n'abana, bari barahungiye ku musozi wa Kizenga. Uwo musozi wari muremure ku buryo impunzi zashoboraga kubona abicanyi iyo bazaga kubatera.

Niyitegeka yaje kuhagera, ari kumwe na Ruzindana n'Interahamwe n'abajandarume, umubare w'abo bicanyi bose wari hagati ya 2,000 na 3,000. Niyitegeka Eliezer yari yitwaje imbunda, Interahamwe zitwaje ubuhiri, amacumu n'amasuka.

Abo bicanyi bagose uwo musozi, impunzi zibura aho zijya handi ziyemeza kuhaguma zigategereza urupfu. Niyitegeka niwe warashe urusasu rwa mbere ku mpunzi. Yabwiye abicanyi akoresheje indanguramajwi kwica umwanzi w'Umututsi kandi ntawe bagiriye imbabazi. Nyuma y'igitero, hari imirambo inyanyagiye hose, abagihumeka benda gupfa baboroga kubera kubabara.

**Niyitegeka yishe Abatutsi bari barahungiye ku musozi wa Muyira, hagati yo ku wa 17 no ku wa 30 Mata 1994**

Hagati yo ku wa 17 no ku wa 30 Mata 1994, hagabwe igitero gikomeye ku Batutsi bari barahungiye ku musozi wa Muyira, mu Bisesero.

Uwo munsi, Abatutsi batewe inshuro eshatu. Hari impunzi zigeze kuri 5,000 kandi buri munsi bakomeza kwiyongera. Hari Abatutsi b'imyaka yose, harimo abasaza n'impinja zihetswe ku mugongo na ba nyina. Bamwe muri bo bari bararokotse ibindi bitero, nk'ibyo kuri kiriziya za Ngoma, Mubuga no ku kiriziya cy'aba adventisiti cyo ku Mugonero aho abantu benshi bari bariciwe.

Mu bicanyi harimo Niyitegeka, Segatarama, wari Konseye wa Gitabura, abapolisi babiri ba Komini Gisovu, Sebahire, Rukazamyambi, umupolisi Minyotsi, Ndimbati wari Burugumesitiri wa Gisovu, na Alfred Musema wari Diregiteri w'uruganda rw'icyayi rwa Gisovu. Bose bari bitwaje imbunda.

Mu bicanyi harimo hagati ya 20 na 30 bari bitwaje imbunda. Niyitegeka yari arangaje imbere abo bicanyi barengaga bose 6,000 kandi barimo abasirikare, abapolisi n'Interahamwe. Bari bitwaje amacumu, ubuhiri n'izindi ntwaro gakondo.

Muri icyo gitero, impunzi zirwanyeho bikomeye ku buryo abicanyi bagombye gusubira inyuma. Abicanyi baje kugaruka ari benshi kurushaho, bapfamo bamwe barongera basubira inyuma na none. Mu ma saa saba n'igice (13h30), mu gihe impunzi zarimo zishyingura abapfuye, zarongeye ziraterwa ubwa gatatu kuri uwo musozi wa Muyira, hapfa abantu benshi cyane imirambo yabo inyanyagira hirya no hino ku musozi.

**Niyitegeka yishe Abatutsi i Kivumu kuva muri Mata 1994 kugeza mu ntangiriro za Gicurasi 1994**

Habaye igitero gikomeye hagati yo mu mpera za Mata 1994 no mu ntangiriro za Gicurasi 1994 i Kivumu, mu Bisesero. Abicanyi bagabye icyo gitero cyaguyemo abantu benshi bari benshi banafite intwaro nyinshi kurusha mu bindi bitero.

Ku musozi wa Bisesero, hari impunzi nyinshi z'Abatutsi. Bamwe muri bo bari bamerewe nabi kurusha abandi. Bamwe bari barakomerekejwe n'amasasu cyangwa imihoro, abandi barwaye indwara zisanzwe. Kandi nta buvuzi bari bafite. Hari abana, abasaza, abakecuru n'abagore.

Kugira ngo abakomeretse n'abantu bakuze babone umwanya wo gushaka aho bihisha kuko nta hantu bari bafite bajya handi, Abatutsi bari bakiri bazima barirukanse bajya kurwanya abicanyi bahurira i Kivumu. Hari abicanyi bageze kuri 300 bafite imbunda, za grenade n'intwaro za gakondo nk'imihoro, amacumu, ubuhiri ndetse n'ibiti by'imigano baconzemo imisongo.

Mu bicanyi harimo Niyitegeka, Burugumesitiri Charles Sikubwabo, Konseye Mika Muhimana, Ndimbati wari Burugumesitiri wa Gisovu, Segatarama wari Konseye wa Gitabura, Kanayira wari yungirije Burugumesitiri wa Gishyita, Mathias Ngirinshuti, Kagaba na Vincent wari Konseye wa Mubuga.

Niyitegeka yari yitwaje imbunda, atangira kurasa impunzi. Impunzi zirwanyeho akanya gato zikoresha amabuye n'inkoni ariko abicanyi bari bafite intwaro zikomeye kandi babatera baturutse ku mpande nyinshi. Impunzi zarirukanse abicanyi babirukaho kugeza ku musozi wa Gitwe aho zahagaze zikarara. Igitero cyarangiye saa kenda (15h).

**Niyitegeka yagabye ikindi gitero tariki ya 13 Gicurasi 1994 ku Batutsi bari barahungiye ku musozi wa Muyira**

Tariki ya 13 Gicurasi 1994, abicanyi barimo Interahamwe, abasirikare n'abasivili, baje hagati ya saa mbiri (8h) na saa tatu (9) za mugitondo. Imodoka bari bazisize ahitwa « Ku cyapa », aho Komini za Gisovu na Gishyita zihurira. Muri ayo mamodoka harimo na bisi za ONATRACOM, amakamyo ya COLAS n'izindi modoka bari barafatiriye z'Abatutsi bishwe.

Imodoka z'abicanyi zazengurukaga hagati ya Kibuye na Cyangugu zizana abandi. Abicanyi bari benshi, baruta cyane impunzi.

Mu bicanyi harimo ba Burugumesitiri ba Gishyita na Gisovu, aba Konseye, Perefe, Ruzindana n'umuvandimwe we Joseph, Pasiteri Ntakirutimana, Dogiteri Gerard Ntakirutimana na Alfred Musema.

Abicanyi bararirimbaga ngo « Tubatsembatsembe ». Icyo gitero cyarangiye mu ma saa kumi n'imwe n'igice (17h30) za nimugoroba. Muri icyo gitero abicanyi barasaga impunzi nyuma bakabarangiza bakoresheje ubuhiri n'imihoro. Niyitegeka yabaga ari imbere yabo.

Nyuma y'igitero, abicanyi bateraniye ahitwa «ku cyapa » bakora inama. Impunzi z'Abatutsi zishwe uwo munsi ni nyinshi cyane.
Bamwe mu Batutsi barokotse kandi bari bagifite agatege bashyinguye bagenzi babo mu myobo migufi, indi mirambo yariwe n'ibikoko n'imbwa ku musozi.

**Tariki ya 14 Gicurasi 1994, Niyitegeka yashatse kurangiza gutsemba Abatutsi bari bararokotse ku musozi wa Muyira**

Igitero ku musozi wa Muyira cyarakomeje bucyeye. Mu gitondo, abicanyi bari bashyize imodoka zabo Kucyapa. Niyitegeka yari iruhande rw'umuhanda ahari icyapa. Yari kumwe na Kayishema, Perefe wa Kibuye, Alfred Musema, Sikubwabo, Burugumesitiri wa Gishyita, Ndimbati, Burugumesitiri wa Gisovu, Ruzindana, Mika, Gérard na Elizaphan Ntakirutimana, Enos Kagaba, Kanyabungo Augustin, Victoire, Gashakabuhake, Segatarama wahoze ari Burugumesitiri wa Gishyita, Konseye wa Gitarama, Vincent Rutaganira, Konseye wa Mubuga. Abicanyi barimo abasivili, abasirikare, Interahamwe, abajandarume n'abapolisi ba komini. Bakibona abicanyi, impunzi zahise zihunga barakurikiranwa kugeza ku mugezi wa Kiraro aho ikindi gico cyari kibategereje. Hishwe abantu benshi ku buryo umugezi wahindutse umutuku kubera amaraso.

**Mu mpera za Gicurasi 1994, Niyitegeka yishe Abatutsi i , Rugarama na Kiziba**

Impunzi zarakurikiranwe umunsi wose, zibasha guhunga zigana Cyamaraba, i Kazirandimwe, aho zihishe mu bihuru. Niyitegeka yategetse abicanyi kugaruka saa kumi n'ebyiri (18h) kugira ngo bahige Abatutsi, babategereze bavuye aho bari bihishe bajya gushaka ibyo gufungura, maze babice.

Niyitegeka, aherekejwe na Ruzindana na Kayishema baniciye Abatutsi i Kiziba tariki ya 18 Kamena 1994. Yarashishaga imbunda Interahamwe zikajya kurangiza inkomere.

Avuye muri ubwo bwicanyi, Niyitegeka yahuye n'umusaza wari kumwe n'umwana w'umuhungu, arababwira ngo « bene wanyu bari bagiye kunyica », nibwo afashe imbunda ye arasa umusaza mu gatuza no mu mutwe w'umwana, abwira abicanyi ngo bavaneho umwanda ashaka kuvuga imirambo yabo yari amaze kwica.

**Tariki ya 10 Kamena 1994 no mu iminsi yakurikiye, Niyitegeka yayoboye inama zateguraga gutsemba Abatutsi bari barahungiye ku musozi wa Bisesero**

Abatutsi bake bo mu Bisesero bari bararokotse ibitero byinshi bagabweho kuva mu kwezi kwa Mata 1994. Niyitegeka akoresha inama zitegura kujya kubatsemba. Inama yo kuwa 10 Kamena 1994 yabereye mu cyumba cy'inama cya Perefegitura Kibuye. Hari Ruzindana, Kayishema, Musema, Dogiteri Gérard Ntakirutimana, Joseph Mpambara, Enos Kagaba, Mathias, Konseye wa Gishyita, Mika, Konseye wa Mubuga n'aba Burugumesitiri ba Rwamatamu, Gisovu, Gishyita na Mabanza.
Ruzindana yafashe ijambo avuga ko impamvu y'inama ari ugushakisha uburyo bwo kwica Abatutsi bose ba Bisesero, maze abitabiriye inama bahita bakoma mu mashyi.
Niyitegeka yavugiraga mu ndanguramajwi. Yemereye abari mu nama ko we na Ruzindana bishingiye gutanga ibikoresho nk'imbunda kugira ngo ikibazo cy'Abatutsi mu Bisesero kirangizwe.

Icyumweru nyuma y'iyo nama, Niyitegeka yaragarutse na none aremesha inama, maze atanga imbunda. Yavuze ko izo mbunda zigomba gukoreshwa mu kwica Abatutsi mu Bisesero. Yavuze ko Bisesero izaterwa bucyeye bwaho. Yatanze uburyo icyo gitero kizagenda akoresheje ikibaho, avuga ko ntawe ugomba kurokoka. Niyitegeka yabanje guca uruziga ku kibaho, hagati yandikamo « Bisesero ». Ku mpande zizengurutse urwo ruziga, agenda yandika amazina y'abashinzwe kuyobora ibitero bizaturuka hirya no hino. Ibitero byari bitanu bigomba kuva Karongi, Rushishi, Kiziba, Gisiza na Murambi. Niyetegeka yagombaga kuyobora igitero kizava Kiziba. Abari mu nama bose barabyemeye, ntihagira ubyanga.

Niyitegeka yategetse abantu kugira uruhare muri icyo gitero. Yasabye ba Burugumesitiri kubwira abantu bose badafite ubumuga kujya kwica Abatutsi, anababwira ko we ubwe azaba ahibereye. Sikubwabo n'abandi baramushyigikiye bavuga ko nabo bazaba bahari kandi bashishikariza abantu bose kuzabigiramo uruhare.Abantu babyakirije impundu n'amashyi.

**Niyitegeka ubwe yafashe ku ngufu abakobwa n'abagore b'Abatutsikazi**

Tariki ya 20 Gicurasi,1994 Interahamwe zari ziherekeje Niyitegeka mu bitero mu Bisesero, zavumbuye abantu bari bihishe mu bihuru. Bafata umukobwa wari ufite hagati y'imyaka 13 na 15, bamushyira Niyitegeka mu modoka ye. Niyitegeka yari yicaye mu modoka, ijipi y'umutuku, urugi rufunguye. Niyitegeka yafunze urugi asigara wenyine na wa mukobwa mu modoka. Amufata ku ngufu, nyuma amujugunya imbere y'imodoka maze amurashisha imbunda ye aramwica.

Tariki ya 20 Kamena 1994, hafi y'Ishuri nderabarezi mu bya tekiniki rya Kibuye, ku ruhande rw'umuhanda, Niyitegeka yategetse Interahamwe kujya gushaka igiti bakagiconga, maze bakakinjiza mu myanya y'igitsina cy'umugore wari umaze kuraswa. Umurambo w'uwo mugore, na cya giti kikimurimo, wandaraye aho ku muhanda iminsi itatu.

Hari ibikorwa byinshi byo gufata ku ngufu byabaye mu bitero bya Bisesero. Hari hafashwe abagore benshi ahantu hari Niyitegeka na Edouard Karemera, ntabwo abo bagore bongeye kuboneka, bababafashe ku ngufu bata imirambo yabo mu bihuru. Umugabo wese washakaga gufata umugore ku ngufu yarabikoraga, n'umuntu wabaga yafashe umukobwa yari afite uburenganzira bwo kumukoresha icyo ashaka.

Abagabo bamwe bajyanaga abakobwa iwabo barangiza kubafata ku ngufu bakabica.
Niyitegeka Eliezer yahamijwe icyaha cya jenoside ahanishwa igifungo cya burundu. Yapfiriye muri gereza muri Mali.

# UMUTWE WA IV:

# URUHARE RW'ABAGANGA, ABAFASHA B'ABAGANGAN'ABANDI BAKOZI BO MU BITARO N'AMAVURIRO MURI JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI

Abaganga, abaforomo n'abandi bakozi bo mu bitaro n'amavuriro basanzwe bashinzwe kuvura no kurinda ubuzima bw'abantu bagize uruhare muri jenoside yakorewe Abatutsi. Mu bitaro no mu bigo nderabuzima binyuranye byo mu Rwanda, hiciwe Abatutsi benshi bari baharwariye, abahahungiye,abarwaza ndetse na bagenzi babo b'Abatutsi bakoraga umwuga umwe wo kwita ku buzima bw'abantu, bicwa nabi kandi byose bitegurwa n'abaganga n'abandi bakozi b'ibitaro n'amavuriro bari mu buyobozi bwabyo. Igice gikurikira kiragaragaza bamwe muri bo babashije kumenyekana.

## 4.1 URUHARE RW'ABAGANGA MURI JENOSIDE, YAKOREWE ABATUTSI MU MUJYI WA BUTARE

### 4.1.1. ABAGANGA

**Dr Nshimyumuremyi Jean-Berchmans**
Avuka muri Komini Butaro mu Ruhengeri. Muri 1994, yari umuyobozi wungirije wa Kaminuza y'u Rwanda (UNR). Ni umwe mu bari ku isonga ry'icurwa ry'umugambi wa Jenoside muri Kaminuza no mu Mujyi wa Butare. Yashinze udutsiko tw'abicanyi twateguye tunashishikariza iyicwa ry'Abatutsi mu Mujyi wa Butare harimo akitwaga "*Cercle des intellectuels Rwandais à Butare*" kanditse inyandiko nyinshi zibiba urwango n'ubwicanyi.

Ku wa 24/11/2009 Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Butare Ville rwamukatiye igihano cy'igifungo cya burundu rumaze kumuhamya icyaha cya Jenoside kigizwe no kujya mu nama zitegura Jenoside muri Kaminuza no mu bitaro bikuru bya kaminuza (CHUB), gushishikariza abakozi kwica Abatutsi, kwicisha abarimu n'abanyeshuri b'Abatutsi, gushyiraho no kuyobora umutwe w'Interahamwe muri Kaminuza ya Butare.

Urukiko rwemeje kandi ko Dr Nshimyumuremyi Jean Berchmans yari yarashinze agatsiko ko gukusanya inkunga *(amafaranga)* igenewe Interahamwe n'ubwicanyi, agatsiko kitwaga "*Comité de financement de l'auto-défense civile*" yari afatanyije na Rutayisire Faustin wari suPerefe kuri Perefegitura ya Butare, Sebalinda Jean Baptiste wari Umuyobozi w'Ubutegetsi n'Imari *(DAF)* mu ruganda rw'ibibiriti i Butare na Gakwaya Venant w'umucuruzi. Amafaranga yanyuzwaga kuri konti No 84343 bari barafunguje muri BK, ishami rya Butare.

Dr Nshimyumuremyi kandi yahamwe n'ibyaha byo kuba yaratotezaga Abatutsi kuva kera barimo Porofeseri Jean Baptiste Habyarimana wishwe muri Jenoside ari Perefe wa Butare no kuba yarafatanyije ubwicanyi n'abaganga bo muri CHUB. Aba muri Gabon.

**Dr Nshimyumukiza Jotham**

Muri Jenoside niwe wari umuyobozi w'ibitaro bya CHUB kugeza ahunze mu kwezi kwa Nyakanga 1994. Yicishije abarwayi ndetse n'abaganga n'abaforomo yayoboraga barimo Karekezi Jean-Claude wari umuforomo, kuko yabwiye abasirikari bo muri ESO ko ari Umututsi bamunigira imbere y'abarwayi. Nk'umuyobozi mukuru w'ibitaro, Dr Nshimyumukiza Jotham niwe uri ku isonga ry'ibikorwa byose by'ubwicanyi bwabereye muri CHUB.

**Dr Munyemana Sosthène**

Akomoka mu cyahoze ari Komini Musambira (Gitarama) aho yavukiye muri 1955 akaba yari mu Ishyaka rya MDR. Yakoraga mu bitaro bya Kaminuza i Butare (CHUB) akaba yari n'umwarimu muri Kaminuza y'u Rwanda, Ishami ry'Ubuvuzi. Inkiko Gacaca zamuburanishije adahari ku byaha yakoreye muri CHUB n'ibyaha bya jenoside yakoreye i Tumba aho yari atuye muri Komini Ngoma ya Butare.

Yakatiwe na Gacaca igifungo cy'imyaka 30 ku wa 05/08/2007 naho ku wa 22/01/2010 Urukiko Gacaca rwa Ngoma mu bujurire rwazamuye igihano rumukatira adahari igifungo cya burundu rumaze kumuhamya uruhare rwe mu itegurwa n'ikorwa rya Jenoside mu Mujyi wa Butare, by'umwihariko muri CHUB aho yishe abagore n'abana kimwe n'aho yari atuye i Tumba.

Mu mabi yakoreye i Tumba harimo gufungirana Abatutsi mu cyumba cy'inama cya Segiteri Tumba akajonjora abicwa barimo Philippe Musake na Laurence Kanayire. Ibindi byamuhamye ni ugutanga intwaro yahawe na Kambanda Jean wari Minisitiri w'Intebe no gukora ubwicanyi kuri bariyeri yo ku Mukoni.

Dr Munyemana Sosthène yahungiye mu Bufaransa muri 1994, akomeza akazi ke k'ubuganga mu bitaro bya *Villeneuve-sur-Lot*, ahagarikwa muri 2009. Mu kwezi k'Ukuboza 2018 umushinjacyaha w'Ubufaransa yafashe icyemezo cyo kumugeza imbere y'ubutabera ariko ikirego cya mbere ku byaha bya Dr Munyemana muri jenoside yakorewe Abatutsi cyatanzwe mu Bufaransa mu Rukiko rwa Bordeaux *(TGI Bordeaux)* mu mwaka wa 1995. Ibijyanye n'urwo rubanza biracyakomeza.

**Dr Rwamucyo Eugène**

Yavukiye mu cyahoze ari Komini Gatonde mu Ruhengeri, akaba yari umuyobozi wa "*Centre Universitaire de Santé Publique de Butare/ CUSP*", Ikigo cya Kaminuza y'u Rwanda. Dr Rwamucyo Eugène na we ari ku isonga ry'abateguye Jenoside mu Mujyi wa Butare. Mu byaha yakoze, yategetse abaturage gutaburura imirambo bakajya kuyijugunya mu byobo byari byaracukuwe mbere.

Ku wa 02/09/2009, Urukiko Gacaca rwa Ngoma rwamukatiye igihano cy'igifungo cya burundu rumaze kumuhamya ibyaha byo gushinga imitwe y'abicanyi yashishikarizaga ikorwa rya Jenoside, gutanga ibikoresho by'ubwicanyi, gufata bugwate abagore n'abakobwa b'Abatutsikazi, kubara no kumenya abishwe. Dr Rwamucyo ageze mu Bufaransa yahawe akazi mu bitaro bya Kaminuza bya *Lille* nyuma akorera ibitaro bya *Maubeuge*, ahagarikwa mu Ukwakira 2009, ibyo bitaro bimaze kumenya ko ashakishwa kubera uruhare rwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ku wa 26/05/2010, Dr Rwamucyo yafashwe na *Interpol* hashingiwe ku mpapuro zo kumuta muri yombi zatanzwe n'Ubushinjacyaha Bukuru bw'u Rwanda, afatirwa mu irimbi rya *Sannois* aho yari yagiye guhamba umwicanyi Jean Bosco Barayagwiza waguye muri gereza y'Umuryango w'Abibumbye muri Benin aho yakoreraga igihano cy'igifungo cy'imyaka 35 yahawe n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda *(TPIR/ICTR)*. Dr Rwamucyo yafunzwe amezi ane (4) arekurwa ku wa 15/09/2010, Urukiko rw'Ubujurire rwa *Versailles* (Ubufaransa) rwanga kumwohereza mu Rwanda, ariko rwemeza ko agomba gukurikiranwa mu Bufransa. Ku wa 16 Ukwakira 2020, Abacamanza b'Abafaransa bategetse ko dosiye ye yoherezwa mu rukiko gucirwa urubanza.

**Dr Bararengana Séraphin**

Akomoka mu Gasiza aho se Ntibazirikana Jean Baptiste bivugwa ko yatujwe n'abapadiri ahagana muri 1913. Ni ahahoze ari muri Komini Karago, ubu ni mu Mudugudu wa Gasiza, Akagali ka Nyundo, Umurenge wa Rambura mu Karere ka Nyabihu. Igihe kirekire yabaye umuyobozi w'Ishami ry'ubuvuzi (*doyen*) muri kaminuza y'u Rwanda (UNR) ariko nk'abandi benshi yari n'umuganga muri

CHUB. Ni murumuna wa Juvenal Habyarimana wari Perezida wa Repubulika y'u Rwanda ndetse akaba no mubagize « AKAZU », agatsiko k'ibikomerezwa mu gisirikare no mu buyobozi bwite bwa Leta kari gafite ijambo rya nyuma ku butegetsi, imiyoborere, ubutabera, ubukungu n'igisirikare by'igihugu. Mu itegurwa rya Jenoside, Dr Bararengana yakanguriye abakozi bo muri CHUB kwitabira ubwicanyi no gutanga ibikoresho byo kwica. Urukiko rwa Gacaca rw'Akagali ka Mamba, Umurenge wa Ngoma rwamukatiye igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) adahari ku wa 05/09/2007. Abandi icyo cyaha cyahamye muri urwo rubanza mu bufatanyacyaha bagahabwa igihano kimwe ni Dr Bigirimana Ignace, Dr Mugabo Pierre na Dr Karemera Alphonse. Dr Bararengana aba muri Gabon.

**Dr Habarugira Pascal**

Yavukiye muri Komini Gafunzo (Cyangugu) mu Karere ka Nyamasheke, Umurenge wa Nyabitekeri mu mwaka wa 1957. Nawe yakoraga muri CHUB ari muganga waminuje mu kuvura abagore *(Gynécologue)*.Jenoside imaze guhagarikwa yabanje gukora igihe gito mu bitaro bikuru bya Kigali (CHK), nyuma asubira gukora muri CHUB kugeza afungwa muri Werurwe 2005. Ku wa 05/09/2007, Ubujurire bw'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Ngoma rwamukatiye igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) rumaze kumuhamya ibyaha byo kuba yarayoboye ubwicanyi bwabereye kuri bariyeri yo ku Mukoni yiciweho abantu benshi bajugunywaga mu cyobo bari baracukuye iruhande rwayo bitaga "*Icyi Bisi*", kuba yaratanze umututsikazi witwa Mukangango Venantie akicwa, yishe umwana w'uruhinja w'Umuhutukazi wari waramubyaranye n'umututsi. Ku wa 06/02/2008 Urukiko Gacaca rwamukatiye igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19) rumaze gusuzuma isubirishamo rye. Afungiye muri gereza ya Nyarugenge.

**Dr Nsengiyumva Jean Népomuscène**

Yavukiye mu cyahoze ari komini Ruhondo (Ruhengeri) mu w'i 1947. Nyuma ya Jenoside ahungutse yakoze mu bitaro bikuru bya Ruhengeri kugeza afashwe muri 2005. Nawe ku wa 05/09/2007, yahamijwe jenoside na Gacaca yo mu Mujyi wa Butare ku byaha byo kuba yarajyaga mu nama zitegura kwica Abatutsi muri CHUB, gushishikariza abaganga, abaforomo n'abakozi ba CHUB gukora Jenoside no kubabuza kwakira no kuvura abarwayi b'Abatutsi, bamwe bikaba byarabaviriyemo gupfa. Yakatiwe igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30), afungiye muri gereza ya Huye. Umugore we Dr Nyiraruhango Berthe yakatiwe n'Inkiko Gacaca igihano cy'igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) ku wa 26/09/2007 adahari.

**Dr Nyiraruhango Berthe**

Ni umuganga w'inzobere mu kuvura indwara zo mu muhogo, amazuru n'amatwi *(ORL)* wari warashakanye na Dr Nsengiyumva Jean Népomuscène. Bombi bakora mu bitaro ya Kaminuza y'u Rwanda. Dr Nyiraruhango Berthe yatangiye ubugome bwo kwikoma Abatutsi kuva muri 1990 ubwo bafungaga abo bitaga ibyitso by'Inkotanyi, we yari mu bakoraga lisiti z'Abatutsi bo gufunga. Muri jenoside, Dr Nyiraruhango yatotezaga abarwayi b'Abatutsi akabaka indangamuntu akabarangira Interahamwe n'abasilikare bakaza bakabatwara bakabica; yanze kwakira no kuvura abarwayi b'Abatutsi avuga ko atavura inyenzi. Mu bo yishe bemejwe na Gacaca harimo umuforomo witwaga Hawa; yarezwe kandi kuba yarashimangiye umwana umusumari mu gutwi avuga ko atavura Inyenzi. Nyuma ya jenoside, yahungiye muri Kenya. Ku wa 26/09/2007 nibwo Urukiko Gacaca rwamukatiye igihano cy'igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) adahari. Bivugwa ko yaguye mu buhungiro. Umugabo we, Dr Nsengiyumva Jean Népomuscèneafungiye muri gereza ya Huye, yakatiwe gifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) kubera ibyaha bya jenoside yakoreye i Butare.

**Dr Mugabo Pierre**

Ni umukwe wa Mbonyumutwa Dominique. Muri 1994 yakoraga muri CHUB serivisi ya *Laboratoire Pharmaceutique*. Yakoze jenoside mu bitaro bya Kaminuza, agaragara no mu bwicanyi bwakorerwaga kuri bariyeri imbere ya *Hotel Faucon*. Yakatiwe igifungo cy'imyaka 30 n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Ngoma, mu Karere ka Huye ku wa 05/09/2007 jenoside ku byaha byo kwica abaganga n'abarimu bari batuye i Buye, kuba mu gitero cyatwaye abana 25 bakuwe mu Rugo rukuru rw'Ababikira b'Abenebikira (*Maison Generalice*) no gutanga abarwayi bakajya kwicwa. Yakoze jenoside afatanyije n'umugore we Feresita Musanganire wakoraga muri CUSP Butare. Aba muri Afurika y'Epfo aho akora muri kaminuza ya *Western Cape*, mu ishami rya farumasi. We n'umugore we Musanganire Feresita bakora muri iyo Kaminuza kandi bombi bakatiwe n'Inkiko Gacaca kubera ibyaha bya jenoside bakoreye muri Butare.

**Dr Kageruka Martin**

Yari umuganga uvura indwara z'abagore *(Gynécologie)* muri CHUB ari na Nyumbakumi aho yari atuye. Yavukiye ku Kibuye muri Komini Mabanza, Segiteri Mushubati muri 1946. Yaburaniye mu nkiko zisanzwe. Mu byaha byamuhamye harimo kwitabira inama zitegura kandi zishishikariza ikorwa rya Jenoside muri CHUB, gukangurira abakozi ba CHUB gukora Jenoside harimo gushishikariza abaganga n'abaforomo kwanga kwakira no kuvura abarwayi b'Abatutsi.

Mu byaha byahamye Dr Kageruka kandi, afatanyije na Liyetona Pierre Bizimana ku mabwiriza ya Kapiteni Ildephonse Nizeyimana, harimo iyicwa ry'Umwamikazi Rosalie Gicanda. Haba mu Rukiko rwa mbere Rwiremezo rwa Butare haba no mu Rukiko rw'Ubujurire rwa Kigali hose yahanishijwe igihano cy'igifungo cya burundu. Afungiye muri Gereza ya Nyarugenge.

**Dr Ndindabahizi Jean Chrysostome**
Yakoraga muri CUSP, akomoka muri Nyakizu i Butare. Yari mu Ishyaka riharanira Imibereho Myiza na Demokarasi (PSD) nyuma ajya mu gice cya PSD *power*. Yashinjwe mu rubanza rumwe na Dr Runyinya Barabwiriza wari umwarimu muri Kaminuza, akaba n'Umujyanama wa Perezida Habyarimana mu bya politiki. Ni urubanza rwabaye ku wa 05/09/2007. Kuwa 11/05/2008, Inteko ya Tumba B yamukatiye adahari igihano cyo gufungwa burundu. Umugore we Dr Nduwamariya Jeanne yagize uruhare mu itegurwa rya Jenoside no mu ishyirwa mu bikorwa ryayo cyane cyane yitabira ubwicanyi kuri za bariyeri z'i Tumba. Aba bombi baba muri Gabon.

**Dr Habiyaremye Innocent**
Akomoka mu cyahoze ari Komini Nkumba mu Ruhengeri aho yavukiye muri 1951. Ni inzobere yize microbiologie mu Bubiligi akaba yarakoraga muri laboratwari ya CHUB. Yahungiye ku Gikongoro agumayo akora muri Médecins Sans Frontières (MSF) kugeza afashwe agafungwa muri 1995.Yahamijwe ibyaha byo kuyobora inama zitegura Jenoside, gushyiraho za bariyeri no kuziyobora, ahanishwa igifungo cya burundu. Afungiye muri gereza ya Huye.

**Dr Mutwewingabo Anthère**
Yari inzobere mu bya *anatomie-pathologie* akaba yarakoraga muri laboratwari ya Kaminuza. Avuka mu yahoze ari Komini Gishoma muri Perefegitura ya Cyangugu. Yahamwe n'ibyaha byo gutegura umugambi wa Jenoside, kwica no kuyobora ibitero byo kwica Abatutsi muri Kaminuza ya Butare no mu mugi wa Butare. Ku wa 27 Gicurasi 2009, Urukiko Gacaca rw'ubujurire rwa Ngoma rwamukatiye igifungo cya burundu.

**Dr Bigirimana Ignace *bitaga*Sederi (CDR)**
Akomoka muri Komini Gaseke (Gisenyi). Yavuraga muri CHUB. Yakatiwe na Gacaca igihano cy'imyaka mirongo itatu (30) ku wa 05/09/2007 ahamijwe icyaha cyo kujya mu mutwe w'abicanyi no kwica Abatutsi i Butare. Yahungiye muri Kenya urubanza rutararangira ariko ubu aba muri Eswatini (igihugu cyahoze cyitwa Swaziland) akaba akora mu bitaro byitwa *Mbabane Governmental Hospital*.

**Dr Karemera Alphonse**

Yavukiye muri Komini Nyabikenke (Gitarama) muri 1951. Yari umuyobozi w'Ishami ry'ubuganga rya Kaminuza i Butare. Dr Karemera ni umwicanyi ruharwa wayoboye ubwicanyi bwabereye mu bitaro bya Kaminuza i Butare no muri Kaminuza ahiciwe abanyeshuri, abakozi n'abarimu b'Abatutsi. Yitabiriye anayobora inama zitegura kandi zikangurira gukora Jenoside muri CHUB akagera n'aho ashishikariza abaganga n'abaforomo kwanga kwakira no kuvura abarwayi b'Abatutsi. Yakatiwe na Gacaca adahari igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) ku wa 05/09/2007. Aba Lyon mu Bufransa.

**Dr Hakizimana Deogratias**

Yashinjwe mu rubanza rumwe na Dr Runyinya Barabwiriza wari umwarimu muri Kaminuza, akaba n'Umujyanama mu bya politiki wa Perezida Habyarimana, rwabaye ku wa 05/09/2007. Dr Hakizimana Deogratias yavugwagaho kuba yarajyaga mu nama zitegura kwica Abatutsi, gushishikariza Jenoside no kujya mu bitero.

**Dr Nduwamariya Jeanne**

Yari umuganga mu bitaro bya Kabutare. Akomoka muri Komini Ndora (Butare). Yagize uruhare mu itegurwa rya Jenoside no mu ishyirwa mu bikorwa ryayo cyane cyane yitabira ubwicanyi kuri za bariyeri z'i Tumba. Azwiho cyane kwibasira by'umwihariko umuryango wa Berekimasi ahiga bukware umukobwa we Chantal kugeza aho yatangaga amafaranga ngo ahigwe, aboneke yicwe. Ariko nawe yivugiraga ko azamwiyicira. Hari inama nyinshi zitegura Jenoside zabereye mu rugo rwe n'umugabo we. Ni umugore wa Dr Jean Chrysostome Ndindabahizi. Yaburanishijwe n'Inkiko Gacaca adahari akatirwa burundu y'umwihariko n'Inteko ya Tumba B tariki ya 28/10/2009.

**Dr Mwigimba Cyrille**

Yari umuganga muri CHUB. Yahamijwe icyaha cya Jenoside ku wa 20/11/2009 n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Butare-Ville kigizwe n'ibi bikorwa: kwanga kuvura abarwayi b'Abatutsi akabavangura no kubaha abasilikare bakabica afatanyije na Dr Rugina Nizeyimana Emmanuel na Dr Habimana Lin, kujya mu nama zateguraga Jenoside muri Kaminuza no muri CHUB, gutunga imbunda mu buryo butemewe n'amategeko aho yari atuye ku i Taba no kujya mu bitero byishe Abatutsi mu Rugo rukuru rw'Ababikira b'Abenebikira, ahavanywe abana makumyabiri na batanu (25) bakajyanwa kwicwa. Urukiko rwamukatiye igifungo cya burundu y'umwihariko. Aba muri Gabon.

**Dr Habimana Lin**
Ni umuganga w'Umurundi wakoraga mu bitaro bya Kaminuza. Ku wa 20/11/2009 yahamijwe n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Butare-Ville mu rubanza rumwe na Dr Rugina na Dr Mwigimba ibyaha byo gutunga agatoki abarwayi b'Abatutsi bakabahaha abasirikare bo mu Ishuri ry'Abasuzofisiye *(Ecole des Sous-Officiers - ESO)* ngo bajye kwicwa, kwanga kuvura abarwayi b'Abatutsi bakabavangura bakabaha abasilikare n'Interahamwe bakajyanwa kwicwa, kwitabira inama z'ubwicanyi muri CHUB no muri Kaminuza bagambiriye kwicisha abakozi n'abanyeshuri b'Abatutsi. Yahanishijwe igihano cy'igifungo cya burundu adahari.

**Dr Nyagasaza Aloys**
Yakatiwe ku wa 16/11/2009 n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Ngoma igifungo cya burundu amaze guhamwa n'ibyaha byo kwamamara mu bwicanyi mu Mujyi wa Butare cyane cyane ku Mukoni na Kabutare, kwicira Abatutsi kuri bariyeri, gutunda imirambo akoresheje imodoka no kuba yarishe ubwe Nkundayezu Bernardin na Mushumba. Dr Nyagasaza kandi yari yaragaragaye nk'umufatanyacyaha wa Dr Habarugira Pascal mu rubanza rwaciwe n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Ngoma ku wa 06/02/2008, ahamwa n'ibyaha birimo kuba kuri bariyeri yo ku Mukoni yiciweho abantu benshi. Aba muri Canada.

**Dr Sijyeniyo Charles**
Yari umuganga w'amenyo n'indwara zo mu kanwa wize mu gihugu cy'Uburusiya, akomoka i Cyarwa mu cyahoze ari Perefegitura ya Butare. Yahamijwe jenoside n'Inteko Gacaca yo mu Mujyi wa Butare ku wa 05/09/2007, hamwe na Dr Hakizimana Deo. Ibyaha byamuhamye ni ibyo kuba yarajyaga mu nama zitegura kwica Abatutsi, gushishikariza Jenoside no kujya mu bitero.

**Dr Twagirayezu Emmanuel**
Yavutse muri 1950, avukira muri komini Ndora mu cyahoze ari Perefegitura ya Butare, ubu ni mu Karere ka Gisagara. Ku wa 26/03/2010, Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Ngoma rwamuhamije ibyaha bya jenoside birimo: kujya mu nama zitegura Jenoside, guha abasilikare Abatutsi biciwe ku bitaro, gushishikariza ikorwa rya Jenoside, kujya mu bitero akaba yaragize uruhare mu iyicwa ry'Abatutsi bitwa Mujejende na Sebera no gusambanya Abatutsikazi ku gahato barimo abanyeshuri. Yakatiwe adahari igifungo cya burundu akaba yaraguye mu buhungiro muri 2020 mu gihugu ca Ghana.

**Dr Ngirabatware Bruno**
Yavuraga mu bitaro bya Kaminuza i Butare. Nyuma ya Jenoside yahungiye muri Malawi, akaba ashakishwa n'ubutabera bw'u Rwanda. Yakatiwe imyaka 30 y'igifungo. Avukana na Mbonampeka Stanislas wahoze ari Minisitiri

w’Ubucamanza wo muri PL power wakoreye Jenoside i Ndera. Dr Ngirabatware Bruno yakatiwe imyaka 30 y’igifungo, atoroka ubutabera urubanza rutararangira.

**Dr Gatera Godefroid**

Yakoraga muri serivisi yo kubaga abarwayi *(chirurgie).* Yahamijwe ibyaha byo gutegura no gukora Jenoside muri CHUB. Yaguye muri gereza ya Huye.

**Dr Murengezi Ildephonse**

Yari umuyobozi w’ikigo kigo cy’igihugu gishinzwe ubushakashatsi ku imiti gakondo (CURPHAMETRA) cyakoreraga i Butare. Akomoka mu yahoze ariko Komini Ruhashya muri Butare, ubu ni mu Karere ka Huye. Nawe yakoreye Jenoside i Butare. Ku wa 26/03/2009, Urukiko Gacaca rw’Umurenge wa Ngoma, Akarere ka Huye, rwamukatiye igihano cy’igifungo cy’imyaka cumi n’icyenda (19) rumaze kumuhamya ibyaha byo kujya kuri bariyeri yiciweho Abatutsi no mu bitero byishe Abatutsi ahantu hatandukanye mu Mujyi wa Butare. Yahamwe kandi no kujya mu nama zitegura Jenoside zaberaga kwa Gasengayire, akaba yaranakanguriraga abakozi yayoboraga gushakisha no kwica Abatutsi. Aba mu Busuwisi.

**Dr Rutagengwa Emmanuel**

Yavukiye i Cyarwa muri Komini Ngoma i Butare muri 1954, ubu ni mu Karere ka Huye. Muri 1994 yakoraga mu kigo cy’igihugu gishinzwe imiti cyari gifite icyicaro i Butare. Kuwa 29/10/2008, Inteko Gacaca ya Cyarwa Cyimana A yamukatiye igihano cy’igifungo cya burundu y’umwihariko amaze guhamwa n’ibyaha bya jenoside muri Butare. Mu byaha byamuhamye harimo gukoresha inama zitegura kandi zikora Jenoside, kuba yarahoraga yitwaje imbunda, akaba yarajyanye imodoka ya LABOPHAR irimo abasilikare gukora ubwicanyi burimo ubwahitanye Nzovu. Yagiye mu bitero byinshi afatanyije na Niyibizi Benoit, Gashirabake Louis, Mutwewingabo na Sendege. Yagiye no mu gitero cyahize umugabo wa Ntakirutimana Marie. Yahamwe kandi n’icyaha cyo gusambanya abagore n’abakobwa b’Abatutsikazi ku gahato. Aba muri Malawi.

**Teganya Leonard**

Muri 1994 yari umunyeshuri mu mwaka wa nyuma wa kaminuza, Ishami ry’ubuganga. Yakoraga urutonde rw’abarwayi b’Abatutsi binjiye mu bitaro, akajya kuzana Interahamwe n’abasirikare bakabatwara bakabica. We ubwe yarishe, afata n’abagore ku ngufu. Muri 1994, Teganya yahungiye muri Canada asaba ubuhungiro, nyuma ahungira muri Leta Zunze Ubumwe z’Amerika, afatirwayo, akatirwa igifungo cy’amezi 97 kubera kubeshya inzego z’abinjira n’abasohoka muri Leta Zunze Ubumwe z’Amerika ku ruhare rwe muri Jenoside.

**Bikomagu**

Yigaga muri Kaminuza Ishami ry'ubuvuzi ari n'umusilikare, acumbitse kwa Dr Ndindabahizi Jean Chrysostome. Mu rubanza rwa Dr Habarugira Pascal rwaciwe n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Ngoma ku wa 06/02/2008, Bikomagu yagaragajwe nk'umuntu wagize uruhare mu bitero byo guhiga Abatutsi babaga bataricwa muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda (UNR), mu ishyamba rya kaminuza *(Arboretum)* no mu byumba babaga bihishemo.

**Mupenzi Jean de la Paix**

Yari umunyeshuri muri Kaminuza, urukiko Gacaca rwa Butare ville A rwamukatiye igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) ku wa 09/10/2009. Yatorotse ubutabera amaze gukatirwa. Bikomagu, Mupenzi na Teganya muri Butare bafatwaga nk'abaganga (docteurs) kuko bigaga mu Ishami ry'ubuvuzi kandi bababona mu bitaro bimenyereza.

### 4.1.2 URUHARE RW'ABAFOROMO N'ABAKOZI B'INZEGO Z'UBUZIMA MURI JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU MUJYI WA BUTARE

**Remera Simeon**

Yari umuforomo *(assistant médical)* akorera ikigo cy'abafite ubumuga bwo mu mutwe cya CARAES, ishami rya Butare. Yari umukuru wa CDR muri Perefegitura ya Butare. Ni umwe mu bayoboye Jenoside ahantu hatandukanye mu Mujyi wa Butare no muri Komini Runyinya aho yakomokaga. Kuwa 26/09/2007, Urukiko Gacaca rwamukatiye adahari igihano cy'igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30). Umugore we, Gemma, yari umuforomokazi, Urukiko Gacaca rwa Tumba B rwamukatiye ku wa 27/07/2009 igihano cyo gufungwa burundu rumaze kumuhamya ibyaha bya jenoside yakoreye i Tumba muri Butare.

**Musanganire Felesita**

Yakoraga mu mushinga wa SIDA mu kigo cya kaminuza cyari gishinzwe ubuvuzi rusange (CUSP). Akomoka i Gitarama, ni umukobwa wa Dominique Mbonyumutwa wagizwe Perezida wa mbere w'u Rwanda. Ku wa 20/12/2006, Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Ngoma rwamukatiye adahari igifungo cy'imyaka makumyabiri n'itanu (25). Mu byaha byamuhamye harimo iyicwa rya Prof. Pierre-Claver Karenzi biciye kuri bariyeri y'imbere ya *Hotel Faucon*, gufatanya na Dr Eugene Rwamucyo mu rupfu rwa Cécile Nyirasikubwabo wahoze ari umukozi wa CUSP. Kuri iyo bariyeri Félicitée Musanganire yakoraga akazi ko kugenzura indangamuntu z'abantu atandukanya Abahutu n'Abatutsi, agatanga Abatutsi bakicwa n'interahamwe n'abasilikare. Yahungiye muri Afurika y'Epfo

aho akora mu kigo gishinzwe iby'icyorezo cya Sida cya Kaminuza ya *Western Cape*, ari naho yakomereje amashuri amaze guhunga. Umugabo we Dr Pierre Mugabo bafatanyije gukora jenoside i Butare yakatiwe igihano cy'imyaka mirongo itatu (30) ku wa 05/09/2007.

**Umubikira Mukarubibi Tewopista**
Ni Umwenebikira wari ushinzwe igikoni cya CHUB mu bijyanye no kugaburira abarwayi biganjemo abakene badafite imiryango yabo ibagemurira. Yahamijwe ibyaha bitandukanye kubera gufatanya n'abaganga, abaforomo n'abandi bakozi ba CHUB mu bwicanyi bwakorewe mu bitaro bya Kaminuza. Inteko y'Urukiko Gacaca rwa Butare-ville yamukatiye imyaka mirongo itatu (30) ku wa 11/08/2006. Afungiye muri gereza ya Nyamagabe.

**Mukamuzima Philomene *alias* Kinanda**
Yavukiye ku Gikongoro muri 1954 mu yahoze ari komini Nshili. Yakoze muri ONAPO/ Butare kuva muri 1993 ashinzwe serivisi yo kuringaniza imbyaro avuye muri CUSP aho yari Umuforomokazi. Yabaga mu itsinda ry'abicanyi ryari ryarashyizweho na Pauline Nyiramasuhuko n'umuhungu we Arsene Shalom Ntahobari, akaba yari n'inshuti magara ya Dr Seraphin Bararengana, murumuna wa Perezida Habyarimana. Yabaga kandi mu itsinda ry'abategura Jenoside ryo muri CUSP. Mu bwicanyi yafatanyije kandi na Dr Rwamucyo Eugene na Depite Febronie Nsaguye wo muri MRND. Ku wa 26/03/2008, yahamijwe n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Ngoma ibyaha byo kujya mu nama zitegura jenoside kuri CUSP, gushyigikira ikorwa rya jenoside, kugenzura no kugambanira abakozi bagenzi be b'Abatutsi bakicwa. Yakatiwe igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19).

**Mukarurangwa Marie Rose bitaga Kaporali**
Akomoka i Mpare mu yahoze ari Komini Huye aho yavukiye muri 1959, ubu ni mu Karere ka Huye.Ni umukobwa wa Banyangiriki Zacharie wabaye Depite wa MRND igihe kinini. Bamuhimbaga izina rya *Kaporali* kubera ubugome bwe. Ku wa 04/06/2008, yahamijwe n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Ngoma ibyaha byo kujya mu nama zitegura jenoside kuri CUSP, gushyigikira ikorwa rya jenoside, kugenzura no kugambanira abakozi bagenzi be b'Abatutsi bakicwa, harimo barindwi (7) bashoboye kumenyekana. Yakatiwe igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19)

**Mukabandora Scolastique**
Yari umuforomo mu bitaro bikuru bya kaminuza (CHUB) i Butare. Yavukiye i Ruli mu cyahoze ari Komini Nyamabuye (Gitarama) mu mwaka wa 1952. Ku wa 05/09/2007, Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Butare rwamuhamije icyaha cyo

kwaka indangamuntu abarwayi, gucomokora serumu z'abarwayi b'Abatutsi, kwica ubwe uruhinja arukubise hasi rucuritse umutwe, gutanga abarwayi ngo bajye kwicwa no kujya mu nama zitegura ubwicanyi ku bitaro. Yari yakatiwe igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) nyuma gihindurwamo igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19) mu bujurire ku wa 15/03/2008. Yarangije igihano.

**Mukamunana Juliette**

Yavutse muri 1952, avukira i Gahini mu Karere ka Kayonza. Yakoraga mu mushinga wa *Croix Rouge* muri CHUB. Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Ngoma rwamuhamije ibyaha byo kugambanira Abatutsi bakicwa, kwigamba no kwishimira iyicwa ry'Abatutsi, kwaka indangamuntu agamije kuvangura no kwerekana Abatutsi bo kwica. Ku wa 16/03/2007 Inteko y'Umurenge wa Ngoma (Huye) yemeje guhindura imikirize y'urubanza rwa mbere yakatiwemo igihano cy'imyaka mirongo itatu (30). Uru Rukiko rwasanze ubuhamya bwatanzwe budahuye n'ibyaha by'uregwa, rumuhanisha igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19). Yarangije igihano yakatiwe.

**Uwimana Thérèse**

Akomoka ku Gisenyi, yari umuforomokazi ukorera muri CUSP. Ku wa 04/06/2008, Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Butare Ville rwamuhamije ibyaha byo kujya mu nama zateguye Jenoside kuri CUSP, kugambanira abakozi b'Abatutsi bakicwa no gushishikariza ikorwa rya Jenoside. Yakatiwe igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19).

**Nyiramisago Thérèse**

Akomoka muri Komini Shyanda (Butare), akaba ari mushiki wa Théodore Sindikubwabo wari Perezida wa Guverinoma y'Abatabazi. Yabaga mu itsinda ry'abategura Jenoside. Ku wa 04/06/2008, yahamijwe n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Ngoma ibyaha byo kujya mu nama zitegura jenoside kuri CUSP, gushyigikira ikorwa rya jenoside, kugenzura no kugambanira abakozi bagenzi be b'Abatutsi bakicwa, harimo barindwi bashoboye kumenyekana. Yakatiwe igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19).

**Kantengwa Annonciata**

Akomoka muri Komini Ngoma (Butare). Yabaga mu itsinda ry'abategura Jenoside. Ku wa 04/06/2008, yahamijwe n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Ngoma ibyaha byo kujya mu nama zitegura jenoside kuri CUSP, gushyigikira ikorwa rya jenoside, kugenzura no kugambanira abakozi bagenzi be b'Abatutsi bakicwa, harimo barindwi (7) bashoboye kumenyekana. Yakatiwe igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19).

**Nyirahirwa Immaculée**

Ku wa 30/01/2008, Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Ngoma rwamuhamije ibyaha bya jenoside byo kwica Abatutsi muri CHUB, kwica impinja akazijugunya mu cyobo cya ruhurura. N'ubwo ibyo byaha bikomeye kandi akaba yaraburanye atemera icyaha Urukiko rwamuhanishije igifungo cy'imyaka cumi n'itanu (15). Ni igihano gito ugereranyije n'uburemere bw'icyaha cyo kwica impinja kandi yari umuforomo. Mu rundi rubanza rwabaye ku wa 26/09/2007, Nyirahirwa Immaculée yari yahanishijwe igifungo cy'imyaka cumi n'umunani (18).

**Musabyemariya Marcelline**

Akomoka mu cyahoze ari Komini Ndora (Butare). Ni umukobwa wa Dr Ntabomvura Venant. Ku wa 16/07/2008 yahamijwe n'Urukiko Gacaca rwa Butare Ville, Umurenge wa Ngoma icyaha cya Jenoside kigizwe no kuvuga amagambo ashishikariza umugambi wa Jenoside no kuba yari mu gatsiko k'abagore bakoraga inama zitegura Jenoside kuri CUSP. Yaburanye yemera icyaha, ariko abikora atinze. Yakatiwe igifungo cy'imyaka cumi n'ibiri (12).

**Murara Gabriel**

Ku wa 26/09/2007, Urukiko Gacaca rw'Akagari ka Mamba rwamuhamije icyaha cya Jenoside akatirwa igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) adahari ahamijwe icyaha cyo kwica Abatutsi muri CHUB no mu Mujyi wa Butare.Urukiko Gacaca rwa Gishamvu rwamukatiye igifungo cya burundu ku wa 19/12/2008.

**Twahirwa Joseph**

Yahamijwe ibyaha bya jenoside bigizwe no: kujya mu bitero, gukoresha inama zitegura Jenoside, gutanga udushoka two gukora Jenoside, kwigisha abakozi bato gukora jenoside no gukora Jenoside muri CHUB. Ku wa 26/09/2007, Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Ngoma rwamuhamije icyaha cya Jenoside akatirwa igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) adahari.

**Uwimbabazi Emmanuel bitagaIrivan**

Yari ukuriye abaforomo n'ababyaza ku bitaro bya Kabutare. Hari n'abandi bagenzi be babiri (2) Ildephonse wakoraga muri Laboratwari na Alexis wakoraga muri serivisi y'ubuvuzi bw'abana nabo bagize uruhare mu kwica Abatutsi mu Mujyi wa Butare no ku bitaro bya Kabutare.

**Habimana Athanase**

Ku wa 26/09/2007, Urukiko Gacaca rwamuhamije icyaha cya Jenoside akatirwa igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) adahari ahamijwe icyaha cyo kwica Abatutsi muri CHUB no mu Mujyi wa Butare.

**Gatera Anastase**
Ku wa 26/09/2007, Urukiko Gacaca rw'Akagari ka Mamba rwamuhamije icyaha cya Jenoside akatirwa igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) adahari ahamijwe icyaha cyo kwica Abatutsi muri CHUB no mu Mujyi wa Butare.

**Kubwimana Theodore**
Ku wa 26/09/2007, Urukiko Gacaca rwamuhamije icyaha cya Jenoside akatirwa igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) adahari ahamijwe icyaha cyo kwica Abatutsi muri CHUB no mu Mujyi wa Butare.

**Mukandekezi Philomène**
Urukiko Gacaca rwa Ngoma rwamuhamije ibyaha byo kuba yarakaga Abatutsi indangamuntu akazishyikiriza abasilikare bakabica, gusohora abarwayi b'Abatutsi mu bitaro bya CHUB ngo bicwe n'ubufatanyacyaha mu iyicwa ry'Abatutsi baguye mu bitaro bya kaminuza. Yakatiwe igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) ku wa 19/03/2008.

**Rwaliye Constance**
Ni Umurundikazi wakoraga muri serivisi y'ababyeyi *(maternite)* ya CHUB. Yicishije abarwayi n'abakozi b'Abatutsi harimo uwari umukozi muri laboratwari ya CHUB witwaga Protais Nyangezi. Nyuma ya jenoside yasubiye i Burundi. Ku wa 05/09/2007, yakatiwe adahari n'Urukiko Gacaca igihano cy'igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19).

**Hakizimana Gerard *alias* Kazungu**
Ku wa 29/09/2007, Urukiko Gacaca rwamuhamije ibyaha byo kujya mu nama z'ubwicanyi muri CHUB, gufatanya n'abandi kwica Abatutsi muri CHUB no muri Kaminuza y'u Rwanda. Yakatiwe adahari igifungo cy'imyaka cumi n'umunani (18).

**Ryumeko Charlotte**
Yari umuforomokazi w'Umurundi. Ku wa 26/09/2007, Urukiko Gacaca rwamuhamije Jenoside rumukatira igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30).

**Nikuze Venantie**
Ku wa 26/09/2007, Urukiko Gacaca rwamuhamije ibyaha bya Jenoside rumukatira igifungo cy'imyaka cumi n'umunani (18).

**Mukarugwiza Monique**
Urukiko Gacaca rwamuhamije ibyaha bya Jenoside rumukatira igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) ku wa 26/09/2007.

**Ukobizaba Janvier**
Ku wa 26/09/2007 yahamijwe ibyaha bya jenoside, Urukiko Gacaca rumukatira igifungo cy'imyaka cumi n'umunani (18).

**Nahimana Jean**
Yakatiwe n'Urukiko Gacaca igifungo cy'imyaka cumi n'umunani (18) ku wa 26/09/200 rwamuhamije ibyaha bya Jenoside.

**Ntahobavukira Réverien**
Ku wa 26/09/2007, Urukiko Gacaca rwamuhamije ibyaha bya Jenoside rumukatira igifungo cy'imyaka cumi n'umunani (18).

**Kangabo Boniface**
Yakatiwe igifungo cy'imyaka cumi n'umunani (18)ku wa 26/09/2007, Urukiko Gacaca rwamuhamije ibyaha bya Jenoside.

**Rubangisa Alexis**
Urukiko Gacaca rwamuhamije ibyaha bya Jenoside rumukatira igifungo cy'imyaka cumi n'umunani (18) ku wa 26/09/2007.

**Munyentwali Martin**
Yakatiwe n'Inteko Gacaca ya Butare Ville igihano cy'igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19) ku wa 21/11/2009.

**Usabayezu Emmanuel**
Kwa 25/10/2006 yakatiwe igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19) n'Inteko Gacaca ya Butare Ville

## 4.2 ABAGANGA, ABAFOROMO N'ABAKOZI BASHOBOYE KUMENYEKANA BAKOZE JENOSIDE ARI ABAKOZI BO MU NZEGO Z'UBUZIMA MU NTARA Y'AMAJYEPFO UKUYEMO AKARERE KA HUYE

### 4.2.1 IBITARO

**Ibitaro bya Kabgayi, Muhanga**

**Dr Niyitegeka Théoneste**
Dr Niyitegeka Théoneste yavukiye i Cyeza mu Karere ka Muhanga muri 1964. Amashuri yisumbuye yayarangirije i Rilima muri 1984 naho kaminuza ayiga mu Burusiya aho yaminuje mu kuvura abana. Muri 1994 yakoraga ku bitaro by'i Kabgayi ndetse na nyuma yayo yakomeje gukorera muri ibyo bitaro. Ku wa 05/02/2008, Urukiko Gacaca rw'Ubujurire rwa Gihuma rwo mu Murenge wa Nyamabuye (Muhanga) rwamuhamije icyaha cy'ubufatanyacyaha muri Jenoside yakoreye mu bitaro bya Kabgayi ahanishwa igifungo cy'imyaka cumi n'itanu (15). Dr Niyitegeka Théoneste afungiye muri gereza ya Rubavu.

**Ibitaro bya Nyanza, Nyanza**

Dr Higiro Petero Selesitini *bitaga Majambe* ari mu bateguye bakanashyira mu bikorwa umugambi wa Jenoside i Nyanza. Yari umuyoboke ukomeye wa CDR. Ku wa 02/06/2009, Urukiko Gacaca rwo mu Mujyi wa Nyanza rwahamije Dr Higiro Pierre Celestin icyaha cya jenoside kigizwe no gutanga abari abakozi b'Abatutsi b'ibitaro bakicwa, kugaragaza umugambi wo gutegura jenoside atega igisasu aho yari atuye nyuma agakwiza ko cyatezwe n'Abatutsi abeshya agamije kubicisha, gukora urutonde rw'Abatutsi bagombaga kwicwa. Dr Higiro yarezwe mu rubanza rumwe na Basomingera Wellars wahanishijwe igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19) na Mwemezi Bertin wahanishijwe igihano cy'igifungo cy'imyaka irindwi (07). Aba bafatanyije mu bwicanyi mu bitaro no mu Mujyi wa Nyanza. Dr Higiro Pierre Celestin urukiko Gacaca rwamuhanishije igifungo cya burundu y'umwihariko. Yaraburanye afungiye muri gereza ya Nyanza. Mu bo bareganwaga, Basomingera yahanishijwe igifungo cy'imyaka 19 naho Mwemezi Bertin ahanishwa igifungo cy'imyaka irindwi (7). Yaguye muri gereza.

**Ibitaro bya Kaduha, Nyamagabe**

Nta muganga wahakoze jenoside keretse abandi bakozi barimo umuforomo witwaga **Rutaboba Tasiyani** wavukaga i Cyangugu. Yarireze yemera icyaha arafungurwa, ndetse akanatanga ubuhamya mu Nkiko Gacaca, aza gupfa ku buryo

butunguranye bikavugwa ko yaba yararozwe n'abatinyaga ko abavuga. Abandi ni abaforomokazi babiri bitwa **Mukamana Lidia** akatiye imyaka cumi n'icyenda (19) na **Nyiramana Catherine** akatiye imyaka 25. Bombi bafungiye muri gereza ya Nyamagabe.

**Ibitaro bya Kigeme, Nyamagabe**

**Dr Twagiramungu Edson** yayoboraga ibitaro bya Kigeme ahakora Jenoside. Aba muri Kenya. Muri ibyo bitaro, hari n'abaforomo bitwa **Munyentwari Rodrigue** na Mutiganda Evariste bagize uruhare mu iyicwa ry'Abatutsi mu bitaro bya Kigeme.

**Munini, Nyaruguru**
Nta muganga wahakoze Jenoside. Umuforomo witwa **Nyirinkindi Thomas** niwe wagiye mu bwicanyi ku Munini n'I Kibeho. Yakatiwe adahari na Gacaca.

### 4.2.2. IBIGO NDERABUZIMA

**Ruhashya, Huye**

**Léopold Munyakayanza** yari umuforomo, akaba umuyobozi w'ikigo nderabuzima cya Ruhashya kuva mu myaka ya 1980. Yabaye umusilikare mu ngabo za Leta ya Habyarimana hanyuma avamo ajya gukora nk'umuforomo. Yari atuye ahitwa i Mahembe muri Komini Rusatira, i Butare. Yakoze Jenoside ku buryo bukomeye afatanyije na Nyawenda Esdron wari Burugumesitiri wa Rusatira wahungiye mu Bubiligi. Léopold Munyakayanza hamwe na Burugumesitiri Esdron Nyawenda nibo babaye ku isonga yo gukoresha inama zitegura Jenoside i Rusatira ku buryo Perezida Theodore Sindikubwabo na Minisitiri w'intebe Jean Kambanda bayoboye Guverinoma yakoze Jenoside, baje kuyitangiza i Butare ku wa 19 Mata 1994 basanga Léopold Munyakayanza na Esdron Nyawenda baramaze kwitegura.

Ku itariki 23 Mata 1994, Léopold Munyakayanza yayoboye ibitero bikomeye byinshi Abatutsi i Rusatira harimo Twagiramutara Laurent wari veterineri muri ISAR Rubona wishwe n'umuryango we wose, Kanyandekwe Charles wari umucungamari muri ISAR Rubona n'umuryango we wose, Ruzindana wari agronome wa Komini Rusatira n'umuryango we, n'abandi Batutsi batagira ingano, barimo abiciwe i Kinkanga ariwe ubigizemo uruhare rukomeye.

Umugore wa Léopold Munyakayanza witwaga Iyamuremyee Apolinariya wari umuyobozi wa serivisi ishinzwe imibereho myiza (assistante sociale) ku Kigo Nderabuzima cya Rusatira nawe yagize uruhare rukomeye mu kwica Abatutsi muri Jenoside. Aba bombi bahunze igihugu. Munyakayanza bivugwa ko yaba yarapfuye naho umugore we Iyamuremye Apolinariya aba mu Bufaransa.

**Mugina, Kamonyi**

**Budengeri Jean Chrysostome** yari umuforomo akaba yari anashinzwe porogaramu yo gukingira abana muri Komini Mugina na Ntongwe. Yakoze jenoside muri Mugina na Kinazi afatanyije na Burugumesitiri Martin Ndamage, MajorPierre Claver Karangwa, umucuruzi FrancoisTwagiramungu, Burugumesitiri wa Ntongwe Charles Kagabo n'izindi nterahamwe. Akiva mu Rwanda yabanje gutura muri Zambiya, aba umwe mu bashinze FDLR muri icyo gihugu, anayibera visi Perezida wa mbere. Nyuma yahungiye ubutabera muri Norvege kugeza ubu. Undi muforomo wakoze jenoside muri icyo kigo ni **Umurerwa Annonciata**. Yarangije igihano.

**Kinazi, Ruhango**

Umuyobozi wa Disipanseri ya Kinazi mu cyahoze ari Komini Ntongwe, **Kagabo Charles** yagizwe Burugumesitiri wa Ntongwe muri 1992 asimbuye Habumugisha Alfred. Kagabo Charles yavukiye mu yahoze ari Segiteri Nyakabungo ya Ntongwe, yiga i Butare mu Indatwa *(GSOB)* mu ishami ry'abafasha b'abaganga. Yabanje gukora mu bitaro bya Nyanza. Yamamaye mu kurimbura Abatutsi muri Komini Ntongwe yayoboraga no muri Komini Mugina. Yazengurutse komini abwira Abatutsi ngo bajye ku biro bya Komini babarinde, bamaze kuhaba benshi abambura intwaro za gakondo bari bahunganye, abohereza abasirikare, interahamwe n'Abarundi. Ashinjwa kandi ubwicanyi bwakorewe ahitwa Nyamukumba ku kibuga cy'umupira aho Abatutsi benshi yari yohereje mu Ruhango biciwe.

Muri 2008 yaburanishijwe adahari n'Inteko Gacaca nyinshi: Inteko ya Gikoma mu Murenge wa Ruhango, inteko ya Gitisi mu Murenge wa Bweramana; Inteko ya Rutabo mu Murenge wa Kinazi n'Inteko ya Nyakabungo mu Murenge wa Ntongwe. Izo Nteko zose zimukatira igihano cya burundu y'umwihariko.

**Gatagara, Nyanza**

**Dr Hakizimana Jean Marie Vianney** wayoboraga icyo kigo yagize uruhare mu kwica abarwayi ndetse no mu bwicanyi bwabereye mu kigo cy'abafite ubumuga (HVP Gatagara) afatanyije na Furere Jean Baptiste Rutihunza wakiyoboraga. Dr Hakizimana aba muri Uganda naho Furere Rutihunza Jean Baptiste aba mu Butaliyani.

**Nyamure, Nyanza**

**Ndahimana Matayo,** umuyobozi w'icyo kigo avuka i Mbuye mu Karere ka Nyanza, Umurenge wa Kibilizi. Yarangije amashuri yisumbuye mu Rwunge rw'amashuri rwa Butare (GSOB) muri 1985 mu ishami ry'abafasha b'abaganga. Yakoze muri CHUB no muri CHK i Kigali ariko muri jenoside yari yaragizwe umuyobozi w'icyo kigo nderabuzima cya Nyamure mu yahoze ari Komini Muyira. Yabaye ruharwa mu bwicanyi bwabereye muri ako Karere. Ndahimana yahungiye muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo (DRC) no muri Congo - Brazaville nyuma ajya muri Gabon. Yagarutse mu Rwanda azi neza ko byanze bikunze azabazwa uruhare rwe muri jenoside. Afungiye muri gereza ya Nyanza (Mpanga) kuva muri 1997.

Muri Gacaca yaburanye yemera uruhare rwe muri Jenoside, akagaragaza ko yakoresheje ambulance y'ibitaro mu bwicanyi, akajya mu bitero byinshi i Nyanza, Kibilizi, Nyamure, Rwezamenyo, Karama n'ahandi henshi mu bice bya Nyanza n'Amayaga. Ni we wagiye i Nyanza guhuruza no kuzana abajandarume bo kujya gutsimbura Abatutsi bari babanje kwirwanaho ku Mayaga aho bari bahungiye. Yaburanye ibyaha yakoreye henshi. Inteko y'Ubujurire bw'Umurenge ya Nyamure imukatira imyaka 30 mu kwezi kwa 12 muri 2009.

**Ntyazo, Nyanza**

**Kambanda Alexis** wari umuyobozi w'ikigo, yayoboraga inama zitegura jenoside. Yarangije igihano.

**Kibilizi, Nyanza**

**Karasanyi Esdras** wari umuyobozi w'icyo kigo yishe inkomere z'Abatutsi zazanwaga ku ivuriro, anitabira ubwicanyi mu bitero. Yarapfuye.

**Gikongoro, Nyamagabe**

**Rwasa Eugene** wari umuforomo ukomoka mu Karere ka Nyaruguru (Ruramba). Yahamijwe n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Ngiryi (mu Murenge wa Gasaka) ku wa 05/03/2010 ibyaha byo kuba yaratanze abakobwa b'Abatutsikazi bari bahungiye mu kigo nderabuzima cya Nyamagabe bakicwa, bamaze no gusambanywa ku gahato. Akimara gukatirwa igifungo cya burundu yahise acika. Bivugwa ko yahungiye muri Uganda.Umugore we **Kabarere Venantie** wakoraga muri SOS/ Gikongoro akatiye burundu kubera guhamwa n'ibyaha byo kwicisha abana b'imfubyi 29 bahahungiye baturutse i Kigali muri SOS Kacyiru. Afungiye muri gereza ya Nyamagabe.

**Jenda, Nyamagabe**

**Mugwaneza Léonard** yari umuyobozi w'icyo kigo nderabuzima. Akomoka mu yahoze ari Perefegitura ya Cyangugu muri Komini Kirambo. Yagize uruhare mu iyicwa ry'Abatutsi bari baharwariye mu kigo nderabuzima cya Musange n'abahungiye ku biro bya Komini Musange. Yahawe igihano cyo gufungwa burundu adahari. Aba i Bugande (Kampala). Akora mu ivuriro.

**Kibeho, Nyaruguru**

**Mutazihana Nathanael** yari umuyobozi wa Disipanseri ya Kibeho. Yakatiwe kuwa 05/7/2007 n'urukiko Gacaca rw'umurenge wa Kibeho igifungo cy'imyaka 25 rwemeza ko igihano cye azagikora mu buryo bukurikira: azatangirira kuri TIG ayikore imyaka 12,5 akurikizeho igihano cy'igifungo cy'imyaka 8,5 hanyuma arangirize ku isubikagifungo rizamara imyaka 4. Igifungo yaragikoze ariko nta TIG arakora. Yakoraga mu bitaro bya Rwinkwavu ariko nyuma aza guhunga muri 2020 amaze kubona inyandiko za CNLG zigaragaza uruhare rwe muri jenoside yakorewe Abatutsi.

**Busanze, Nyaruguru**

**Munyankindi Thomas** wari umuforomo (assistant medical)yakoze jenoside mu yahoze ari Komini Nshili. Yahungiye i Burundi.

## 4.3 URUHARE RW'ABAGANGA, ABAFOROMO N'ABAKOZI BO MU NZEGO Z'UBUZIMA MURI JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MU NTARA Y'AMAJYARUGURU, UBURENGERAZUBA N'IY'IBURASIRAZUBA

### 4.3.1. IBITARO

**Ibitaro bya Ruhengeri, Musanze**

**Dr Birihanze Gervais**

Niwe wari umuyobozi w'ibitaro. Afatanyije na Dr Bigirankana Aloys nibo bayoboye ibikorwa byo gushakisha Abatutsi bihishe mu bitaro bya Ruhengeri, kubaha Interahamwe bakicwa, harimo urupfu rwa Nzitabimfura Paul n'abandi bari barokotse ubwicanyi bwakorewe ku Rukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeri *(Cour*

*d'Appel)*. Dr Birihanze Gervais yakatiwe igifungo cy'imyaka cumi n'itanu (15) n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Kabaya, Umujyi wa Ruhengeri ku wa 18/04/2007. Ubu yavuye muri gereza arangije igihano, yasubiye mu buzima busanzwe.

**Dr Bigirankana Aloys** :

Yavutse muri 1952, avukira mu cyahoze ari Komini Cyeru mu Murenge wa Rugendabari, ubu ni mu Karere ka Burera. Yize amashuri yisumbuye kuri Shyira, i Gahini n'i Mburabuturo muri *College Officiel de Kigali (COK)* aho yarangije muri 1973, ahita akomereza mu ishami ry'ubuganga muri Kaminuza y'u Rwanda i Butare. Yakoze muri CHK kugeza muri 1982 ubwo yajyaga kwiga i Dakar (Sénégal), agaruka mu Rwanda muri 1986 ari inzobere mu kubaga *(chirurgie)*. Mbere ya jenoside yari yarabaye umuyoboke wa CDR. Ari mu bari barahawe imbunda.

Nyuma ya jenoside yakoze muri CHK akanigisha mu ishuri rikuru rya Gitwe kugeza ubwo yahamagawe muri Gacaca. Yabanje gukatirwa igifungo cy'imyaka makumyabiri n'itandatu (26) ariko arajurira. Ku wa 18/04/2007, Urukiko rw'ubujurire rw'Umurenge wa Kabaya, Umujyi wa Ruhengeri, rwamukatiye igifungo cy'imyaka cumi n'itandatu (16) rumaze kumuhamya kwicisha abarwayi n'abantu b'inkomere bari barokotse Jenoside ku Rukiko rw'Ubujurire rwa Ruhengeri *(Cour d'Appel),* harimo uwitwa Nzitabimfura Paul wishwe akuwe muri serivisi ya Chirurgie yayoborwaga na Dr Bigirankana. Uyu muganga kandi yahamijwe kuba ariwe wategetse ko mu bitaro bya Ruhengeri habamo isaka ryo gushaka abo bitaga "*Inyenzi*" ni ukuvuga Abatutsi. Arakorera igihano yakatiwe muri gereza ya Musanze.

**Ibitaro ya Kiziguro, Gatsibo**

**Dr Rwamakuba Emmanuel** yavuzwe mu bitero byagabwe mu gace ka Kiziguro harimo n'icyo kuwa 11 mata 1994 kuri Paruwasi. Abatutsi bari bahungiye kwa padiri babajugunye mu cyobo gifite ubujyakuzimu bwa metero zigera kuri mirongo itatu (30). Ku wa 07/12/2007, Urukiko Gacaca rw'Akagari k'Agakomeye, Umurenge wa Kiziguro (Gatsibo) rwahamije uyu muganga icyaha cya jenoside kigizwe no guhagararira ubwicanyi bwabereye kuri Paruwasi Gatorika ya Kiziguro, guta Abatutsi mu rwobo ruhari ari bazima, kwica urubozo no gushinyagurira imirambo. Urukiko rwamukatiye adahari igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) amaze gutoroka. Hari n'abaforomo babiri bo muri ibyo bitaro, Mutabazi Cyprien na Gatsinzi, bafatanyije na Dr Rwamakuba Emmanuel.

**Ibitaro bya Kibungo, Ngoma**

**Dr Karangwa Amuri** yarireze yemera icyaha, akatirwa ku wa 08/08/2006 n'Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Kibungo igifungo cy'imyaka cumi n'ibiri (12). Ku bitaro bya Kibungo, hari kandi Sindano Emmanuel ukomoka mu gihugu cy'Uburundi nawe wagize uruhare muri Jenoside. Umuforomo Bizimana Déogratias wakoraga ku bitaro bya Kibungo yishe abarwayi b'Abatutsi, yagiye mu bitero byishe ahantu hatandukanye mu Mujyi wa Kibungo no gukangurira abaturage kwica Abatutsi.

By'umwihariko, Sindano Emmanuel ukomoka mu gihugu cy'Uburundi yamamaye mu bwicanyi mu bitaro bya Kibungo, ku Cyasemakamba no muri *Economat général* ya Diyosezi Gatolika ya Kibungo, gushinga za bariyeri no kuzigenzura atoranya Abatutsi bo kwicwa.

Ku wa 23/10/2007, yakatiwe n'Urukiko Gacaca rw'Akagali rwa Karenge, Umurenge Kibungo, Akarere ka Ngoma, igifungo cy'imyaka 30 adahari, kuko Jenoside ikimara guhagarikwa yahise atorokera i Burundi aho akomoka.

**Ibitaro bya Rwinkwavu, Kirehe**

**Dr Bizimungu Charles** yari umuyobozi w'ibitaro bya Rwinkwavu muri Jenoside. Yagize uruhare mu kwica no gutanga Abatutsi bahungiye mu bitaro barimo umuryango wa Muramutsa, n'undi muntu wiciwe ahitwa Mpirindi amuhaye Interahamwe.

Ku wa 15/11/2007, Urukiko Gacaca rwa Cyabajwa II, Umurenge wa Rwinkwavu, rwamukatiye igifungo cy'imyaka cumi n'itanu, akaba yararangije igihano. Aba iwabo mu Karere ka Gicumbi.

**Ibitaro bya Rwamagana, Rwamagana**

**Dr Ngongo Gabriel** ukomoka mu gihugu cy'Uburundi, yari umwe mu bagize umutwe w'intagondwa wa CDR. Jenoside muri 1994 yabaye amaze igihe gito avuye i Rwamagana, ariko bivugwa ko ari mu bateguye ubwicanyi muri ako gace n'ubwo Inkiko Gacaca mu Karere ka Rwamagana zitamubonye ngo zimuburanishe.

**Ibitaro bya Mibilizi, Rusizi**

Abaforomo babiri bo muri ibi bitaro, Ndagijimana Gérard na Habimana Léon bahamijwe n'Inkiko Gacaca uruhare muri jenoside harimo kwica Abatutsi ku bitaro no kuri Paruwasi ya Mibilizi. Barangije ibihano bakatiwe.

**Ibitaro bya Bushenge, Nyamasheke**

Abakozi baho bakoze jenoside ni abaforomo barimo Kubwimana Jean Marie Vianney bitaga Gatuza wahunze igihugu. Inteko ya Gashirabwoba II yamukatiye igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) ku wa 30/08/2007. Hari kandi Ntambiye Anicet wakatiwe adahari igifungo cya burundu y'umwihariko na Ngabo Théodore wapfuye.

**Ibitaro bya Kibogora, Nyamasheke**

**Dr Habiyeze Laurent** yagize uruhare mu bwicanyi bwabereye i Kibogora. Yahamijwe n'urukiko Gacaca icyaha cya Jenoside akatirwa igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30). Yaguye muri gereza.

Kuri ibyo bitaro bya Kibogora hari abaforomo bamamaye muri Jenoside: Munyarukiko Philippe wakatiwe imyaka icumi (10) akaba yararangije igihano, Bizimana Yohani bitaga *Gisura* wakatiwe imyaka cumi n'ibiri (12) nawe akaba yararangije igihano. Aba bombi bafatanyije n'undi mukozi w'ibitaro witwa Kanyaru Assiel wahanishijwe imyaka cumi n'itanu (15) nawe akaba yararangije igihano.

**Ibitaro bya Mugonero, Karongi**

Ku Mugonero (Kibuye) ubwicanyi bwayobowe n'uwayoboraga ibitaro by'Itorero ry'Abadivantisiti, **Dr Ntakirutimana Gérard** wavukiye kuri Ngoma (Kibuye) mu mwaka wa 1957. Yafatanije na mwene nyina Esdras Ntakirutimana, na se Pasteur Ntakirutimana Elizaphan wayoboraga Itorero ry'abadivantisti rya Mugonero. Yafatiwe mu gihugu cya Cote d'Ivoire kuwa 29/10/1996 ashyikirizwa Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda (TPIR/ ICTR) rwari Arusha (Tanzaniya) kuwa 30/11/1996, atangira kuburana kuwa 18/09/2001. Yahamijwe ibyaha bya Jenoside n'ibyaha byibasiye inyoko muntu n'Urukiko, akatirwa igifungo cy'imyaka makumyabiri n'itanu (25).

Dr Ntakirutiman Gérad yoherejwe gufungirwa i Cotonou mu gihugu cya Benin, igihano yagombaga kuzarangiza mu Ukwakira 2021 nyamara umucamanza Theodor Meron yamurekuye ku wa 29/04/2014 atarangije igihano. Yari afungiye

muri gereza y’Umuryango w’Abibumbye kuva tariki 27 Kamena 2009, akaba yaragombaga kurangiza igihano cye mu Ukwakira 2021.

**Ibitaro bya Kibuye, Karongi**

**Dr Twagira Charles** yari Umuyobozi w’Akarere k’Ubuzima ka Kibuye (Région sanitaire) akuwe mu bitaro bya Kabaya ubwo amashyaka menshi yemerwaga mu Rwanda. Yahamwe n’ibyaha bya Jenoside yakoreye ku Kibuye, Urukiko Gacaca rwa Bwishyura rumukatira igifungo cya burundu.

Yageze mu Bufaransa muri 2006, atangira gukurikiranwa n’ubutabera bw’Ubufaransa muri 2014. Muri icyo gihe akurikiranwa, yavuraga mu bitaro bya *Paul Doumer*, nyuma yo kumwamagana yahagaritswe ku mirimo ye muri 2018.

**Dr Kayishema Clément** yamamaye mu bwicanyi ubwo yari Perefe wa Kibuye. Yavukiye muri Komini Gitesi (Kibuye) mu Murenge wa Bwishyura w’ubu (Karongi) muri 1954. Yakoze mu bitaro bya Kibuye ahava muri 1992 agizwe Perefe wa Kibuye kugeza muri 1994. Niwe wayoboye ubwicanyi bwose bwakorewe mu cyahoze ari Perefegitura ya Kibuye. Tariki 12/06/1994 yandikiye ubwe minisitiri w’ingabo asaba ibikoresho bya gisirikare byo gutoza urubyiruko mu rwego rwo kongerera imbaraga Interahamwe hateganywa kuzajya kwica mu Bisesero. Yahungiye muri Zaïre aza gufatirwa muri Zambiya kuwa 02/05/1996 ajyanwa mu Rukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho u Rwanda (TPIR/ ICTR) i Arusha mu gihugu cya Tanzaniya.

Ku wa 21/05/1999 Dr Kayishema yakatiwe igifungo cya burundu mu rubanza yari ahuriyemo na Obed Ruzindana nawe wamamaye mu bwicanyi, agakatirwa igifungo cy’imyaka makumyabiri n’itanu (25). Dr Kayishema yarajuriye ariko kuwa 1 Kamena 2001, urugereko rw’Ubujurire rwashimangiye ibihano yari yakatiwe mbere.

Yaguye muri Gereza y’Umuryango w’Abibumbye muri Mali ku wa 29/10/2016 azize SIDA.

**Eliane Mukahirwa** ni umuforomokazi wamamaye mu bwicanyi mu bitaro no kuri Sitade Gatwaro. Yishe abana b’Abatutsi bari bahungishirijwe mu bitaro bya Kibuye barimo abana bane ba Kabagwiza Caritas na Jean Berchmans Rwakabayiza wari umukozi wa *douanes* i Kigali ariko abana be akaba yari yabahungirishije kwa sebukwe mu Mujyi wa Kibuye.

**Ibitaro bya Kirinda, Karongi**

**Dr Kamanzi Antoine** yari umuyobozi w'ibitaro bya Kirinda. Ni umwe mu bayoboye ubwicanyi bwakorewe ku bitaro bya Kirinda no mu Ishuri ry'abaforomokazi, bakica Abatutsi babata muri Nyabarongo. Ku wa 28/10/2008, Urukiko Gacaca rwa Shyembe (Karongi) rwamukatiye adahari igifungo cya burundu y'umwihariko.

**Dr Nkurunziza Edouard** ni Umurundi, nawe yari umuganga wakoraga ku bitaro bya Kirinda muri jenoside yakorewe Abatutsi. Ku wa 13/09/2007, Urukiko Gacaca rw'Akagali ka Shyembe rwamukatiye adahari igifungo cy'imyaka 30 kigizwe no kujya mu bitero no kuba yarishe ubwe umututsi waje ahungiye i Kirinda avuye i Kaduha.

**Ibitaro bya Gisenyi, Rubavu**

**Dr Zirimwabagabo Charles** *alias* ***Gakara*** yabaye Perefe wa Gisenyi mu gihe cya Jenoside. Yagize uruhare mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside mu yahoze ari Perefegitura ya Gisenyi. Yahamijwe icyo cyaha n'Inkiko Gacaca, ahabwa igihano cy'igifungo cya burundu. Afatanyije n'agatsiko k'abicanyi barimo Colonel Anatole Nsengiyumva, Bernard Munyagishali n'abandi yari yarashinze Umutwe w'abicanyi mu Mujyi wa Gisenyi witwaga "*Intarumikwa*". Twibutse ko Dr Zirimwabagabo yari visi Perezida wa 2 mu gace k'intagondwa k'Ishyaka riharanira Kwishyira ukizana *(P.L. power)* kari kayobowe na Justin Mugenzi (Perezida), Agnes Ntamabyaliro (visi Perezida wa 1) na Emmanuel Rwagasana (Umunyamabanga Mukuru).

Dr Ndererimana Védaste yari umuyobozi w'ibitaro akomoka mu Ruhengeri. Yahamwe n'ibyaha bya Jenoside yakoreye mu Mujyi wa Gisenyi, ahabwa igifungo cya burundu n'Inkiko zisanzwe mbere y'uko Inkiko Gacaca zitangira imirimo. Yaguye muri Gereza.

Hari n'abaforomo bakoraga mu bitaro bya Gisenyi bafatanyije n'umuyobozi wabo Dr Ndererimana Vedaste kwica Abatutsi. Abo ni Nkundabanyanga Fidele, Mukarugaba Christiane uzwi nka *Vumbura* uvuka mu Karere ka Rusizi akaba yararangije igihano yakatiwe cy'imyaka cumi n'ibiri (12) na Sindayikengera Fabien wakatiwe igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19) akaba yaratorotse ubutabera.

**Ibitaro bya Muhororo, Ngororero**

**Dr Mugiraneza Frédéric**

Yabaye muganga mukuru w'ibitaro bya Muhororo, akaba umuyoboke ukomeye wa sederi (CDR), Ishyaka ry'Impuzamugambi ziharanira Repubulika *(Coalition pour la Défense de la République - CDR)* ry'intagondwa z'Abahutu. Niwe wazamuye bwa mbere ibendera rya Sederi ku Muhororo.

**Nteziryayo Jean Baptiste** bitaga **Solide**
Yakoze ku bitaro bya Muhororo ari umufasha w'abaganga mbere yo kuba burugumesitiri wa Komini Kibilira. Yavukiye muri Segiteri ya Rongi, ubu ni mu Murenge wa Muhoro mu Karere ka Ngororero. Yagize uruhare cyane mu bwicanyi bwakorewe Abatutsi muri Kibilira hagati ya tariki 10 na 15/10/1990, urugamba rwo kwibohora rugitangira ari Burugumesitiri wa Komini Kibilira. Leta ya Habyalimana yemeje ko ari umwicanyi akurwaho kuwa 17/10/1990 aranafungwa kimwe n'abandi barimo Ndayambaje. Nteziryayo yafunzwe amezi make agaruka gukora ku bitaro bya Muhororo. Inkiko Gacaca ntizamuburanishije kuko yashyizwe mu cyiciro cya mbere.

## 4.3.2. IBIGO NDERABUZIMA

**Rwankeri, Nyabihu**

Ikigo nderabuzima cya Rwankeri ni icya « Eglise Adventiste », cyubatse mu cyahoze ari Komini Nkuli, ubu ni mu Karere ka Nyabihu. Ubwicanyi bwakozwe hagati ya 1991 na 1994. Uwari Burugumesitiri wa Nkuli, Mathias Mpiranya yari atuye mu marembo ya misiyoni y'Abadivantisiti, Kajelijeli Juvenal wari Burugumesiiri wa Komini Mukingo, wamaze Abatutsi bo muri iyo Komini nawe yari ahafite urugo, Nzirorera Joseph wabaye Minisitiri, akaba n'munyamabanga Mukuru wa MRND, Joseph Nzirorera wari ku isonga rya Jenoside muri ako gace, nawe niho yari atuye. Colonel Setako wahamijwe icyaha cya Jenoside n'Urukiko Mpanabyaha Rwashyiriweho u Rwanda niho avuka.

Ikigo nderabuzima cya Rwankeri cyakunze kuyoborwa n'abapasitori b'abahezanguni kugeza igihe haziye uwitwa Kanyabukamba, wari uvuye i Mudende.

Kanyabukamba yafatanije na Ndekezi wayoboraga ishuri ryisumbuye rya Rwankeli, ubu aba muri Canada, Nzarora yigishaga muri iryo shuri, ubu aba muri Uganda, hamwe n'abandi bakozi bakorga muri icyo kigo. Hishwe Pasitoro Mutabazi n'umuhungu we Havugimana wigishaga muri College, Pasteur Kanamugire, umuforomo Masabo wakoraga mu bitaro bya Rwankeri, umuryango wa Pasteur Rwakana. Ubwicanyi bwabaye tariki ya 7 Mata 1994 bwatangijwe na Col. Ephrem Setako wategetse ko bica Pasteur Semisabike wari umuhutu wanze ko bica umugore we, Setako yamurasiye imbere y'Interahamwe, iruhande rw'urusengero rw'Abadivantisiti, mu Rwankeri. Nyuma Kanyabukamba n'izindi Nterahamwe bakomeje ubwicanyi aho mu Rwankeri no mu tundi duce tuhakikije.

Nzirorera Joseph yaguye muri gereza y'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha ataburanye, Kajelijeli Juvenal yahamijwe icyaha cya Jenoside ahanishwa igifungo cy'imyaka 45 n'urwo rukiko afungiye muri Mali, Col Setako yahamijwe icyaha cya Jenoside nawe n'urwo rukiko, ahanishwa igifungo cy'imyaka 25, yapfuye atarangije igihano. Mpiranya Mathias yapfuye ataburanye.

Kanyabukamba bivugwa ko yahungiye muri Nigeria aho yakomeje kwiga. Hari n'abandi bakozi mu bigo binyuranye by'idini adivantisiti bakoze Jenoside ubu bakaba baba muri Amerika no muri Canada.

**Murambi, Rulindo**

**Mukarwego Verediane** yari umuforomokazi. Yavukiye i Kabuye mu Karere ka Gasabo muri 1966 yiga amashuri yisumbuye mu ishuri ry'Abaforomokazi i Kabgayi, aho yayarangije muri 1989 ari nawo mwaka yatangiriye akazi mu kigo nderabuzima cya Murambi ahahoze ari muri Komini Mugambazi. Kuwa 28/10/2008 Urukiko Gacaca, Inteko ya Kabuye mu bujurire rwamukatiye igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19) kubera ubwicanyi burimo no gutema umugabo witwaga Ntigurirwa. Afungiye muri gereza ya Ngoma.Umugabo we Mutsindashyaka Placide, nawe wakoze jenoside, yarangije igihano cy'igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19).

**Shyorongi, Rulindo**

**Uzamukunda Joséphine** ni umubikira wo mu Muryango w'aba *Penitentes de Saint Francois* wavuraga mu Kigo Nderabuzima cya Shyorongi ari naho avuka. Yahamwe n'icyaha cya Jenoside, arafungwa, akora n'imirimo nsimburagifungo i Rusiga/ Rulindo, nayo arayirangiza. Ubu yasubiye mu bubikira.

**Nyange, Ngoma**

**Habimana Laurent** muri 1994 yungirije umuyobozi w'ikigo nderabuzima cya Nyange iwabo mu cyahoze ari Komini Mugesera. Yize mu ishuri ry'abafasha b'abaganga i Kigali (EAM) arangiza amashuri yisumbuye muri 1983 akora akazi mu bigo nderabuzima bitandukanye nka Kirehe na Nyamugali mu Karere ka Kirehe ubu, Rukoma na Nyange mu Karere ka Ngoma.

Yafunzwe muri 1997 kubera ibyaha bya jenoside agihunguka avuye muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo. Yaburanishijwe bwa mbere muri 2000 n'Urukiko rwa mbere rw'Iremezo rwa Kibungo akatirwa burundu ashinjwa jenoside. Aho Inkiko Gacaca zitangiriye, yaburanishijwe n'Inteko y'Umurenge wa Mugesera ndetse n'Inteko y'Ubujurire bwa Gatare, igihano gikomeza kuba burundu n'ubwo imirimo y'Inkiko Gacaca yashojwe agitegereje gusubirishamo. Igihano aragikorera muri gereza ya Rwamagana (Nsinda).

**Congo Nil, Rutsiro**

**Twagirayezu Denis** yahamwe n'icyaha cya Jenoside yakoreye kuri Paruwasi Gatorika ya Congo Nil afatanyije na padiri Gabriel Maindron na Padiri Urbain Twagirayezu.

**Kinunu, Rutsiro**

**Mbarushimana Ephrem** yakoreye Jenoside kuri Paruwasi Gatorika ya Kinunu. Yavukaga mu yahoze ari Komini Kayove (Gisenyi). Yarahunze.

**Nyundo, Rubavu**

Iki kigo cyagize abaforomo bamamaye mu bwicanyi:
Umubikira wo mu Muryango w'Abenebikira witwaga Soeur Céline Bamporiki yagize uruhare runini mu iyicwa ry'Abatutsi ku Nyundo afatanyije na Padiri Edouard Nturiye bitaga Simba. Soeur Céline yaguye muri gereza ya Musanze muri 2018 yari akatiye igifungo cy'imyaka cumi n'icyenda (19); Nyiranzubahimana Laurence wahungiye Uganda urubanza rutararangira. Ni umugore wa Nkundabanyanga Fidel, umuforomo mu bitaro bya Gisenyi nawe wishe Abatutsi; Hari na Libonande Anastase nawe wahunze na Kanyarengwe Patricie wakoraga mu cyumba cy'ababyeyi ku Nyundo.

Abandi bo ku Nyundo bahamwe n'ibyaha bya jenoside ni abasosiyari Bendantarama Agathe na Dusabemariya Patricie. Bombi bize mu ishuri ry'abasosiyari ku Karubanda (Huye) kandi bombi bafungiye muri gereza ya Musanze. Bendantarama Agathe yavutse muri 1958 mu cyahoze ari komini Ruhondo, ubu ni mu Karere ka Musanze. Ahungutse ava muri Kongo, yakoze mu kigo cy'imfubyi ku Nyundo kuva muri 1997 kugeza muri 2009 afungwa kubera ibyaha bya jenoside. Inteko ya Nyarugunga (Kanombe) yamukatiye igihano cy'igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30).

**Dusabemariya Patricie** yavukiye muri Komini Mutura (Akarere ka Rubavu) mu 1960. Yahungutse ava muri Kongo muri 1996 asubira mu kazi muri 2001 mu ishuri ry 'ubugeni ku Nyundo kugeza muri 2009 afungwa. Yarezwe ibyaha byinshi bya jenoside birimo ubwicanyi, gutoteza Abatutsi, kwitabira inama zitegura ubwicanyi no gushishikariza gukora jenoside ku Nyundo no mu nkengero. Akatiye burundumuri gereza azwi ku kabyiniriro ka Kanyankiko.

**Rambura, Nyabihu**

**Ngaboyisonga Félicien** yari umuforomo ku Kigo nderabuzima cya Rambura, yakatiwe adahari n'Urukiko Gacaca rwa Cyahafi, Akarere ka Nyarugenge, igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30) rumaze kumuhamya ubwicanyi bwakorewe abapadiri batatu (3) bo muri Paruwasi ya Rambura no gusahura umutungo wayo urimo imodoka n'amafranga.

## 4.4 ABAGANGA N'ABAFOROMO BASHOBOYE KUMENYEKANA BAKOZE JENOSIDE ARI ABAKOZI BO MU NZEGO Z'UBUZIMA MU MUJYI WA KIGALI

### 4.4.1 ABAGANGA

#### 4.4.1.1 Abaganga bakoze Jenoside bari mu myanya mikuru ya politiki

Mu Mujyi wa Kigali by'umwihariko, n'ahandi mu gihugu muri rusange, abaganga bose ntibakoreye Jenoside mu bitaro no mu mavuriro gusa. Hari abari mu myanya mikuru ya politiki, aho bagize uruhare mu gutegura Jenoside, kuyishishikariza, gutanga amabwiriza n'ibikoresho byo kuyikora n'ibindi bikorwa byose byari bigamije kurimbura Abatutsi. Mu babigizemo uruhare rukomeye twavuga: Dr Sindikubwabo Theodore wari Perezida wa Repubulika, Dr Butera Jean Baptiste

wari umuyobozi w'Ishyaka ry'intagondwa zafatanyaga na MRND ryitwaga Parti Ecologique (PECO) ryashinzwe ku wa 30/11/1991, ubu akaba aba mu Bubiligi; Dr Bizimungu Casimir wari Minisitiri w'ubuzima muri Guverinoma y'abicanyi, Dr Andre Rwamakuba wari Minisitiri w'amashuri abanza n'ayisumbuye muri Guverinoma yakoze Jenoside. Aba bombi bagizwe abere ku buryo butumvikana n'Urukiko rwa Arusha.

Hari n'abaganga bakoze Jenoside ari abayobozi b'Uturere tw'ubuzima muri za Perefegitura. Bamwe mu baganga bageze no mu mahanga bakomeza ibikorwa byo kwamamaza ingengabitekerezo ya Jenoside, harimo no gushyigikira imitwe igendera ku rwango ikoresheje intwaro na FDLR, FDU-Inkingi, RUD-URUNANA n'indi. Twavuga: Dr Jacques Gasekurume ukomoka i Kiziguro wayoboye FDU-Inkingi mu Buholandi, binemezwa ko n'ubutagondwa bwe yari abufite muri 1973 yiga mu Iseminari ntoya i Zaza; Dr Déogratias Twagirayezu, nyuma ya Jenoside yahungiye mu Buholandi ahagararira umutwe w'iterabwoba RUD-Urunana ku mugabane w'Uburayi.

Hari n'irindi tsinda ry'abaganga bahungiye muri Zambia ryafashije mu ishingwa rya FDLR no gukomeza kuyiha ubufasha ririmo Dr Ignace Gashongore wabaye umuganga mu bitaro bya Ndola General Hospital, nyuma ahabwa akazi mu mushinga uterwa inkunga na "University of Maryland, School of Medecine" wo kurwanya Sida, Dr Francois Niyonsenga wari umuyobozi w'Akarere k'Ubuzima ka Gitarama na Dr Francois Nkurikiyinka.
Iyo umuganga ashyigikiye imitwe y'iterabwoba nka FDLR, FDU-INKINGI, RUD URUNANA n'indi yose igendera ku ngengabitekerezo ya Jenoside kandi agakomeza umwuga we wo kuvura biba ari ugutatira indahiro iranga umuganga wese iyo atangiye umwuga we.

**Dr Gakire Marcel**
Yavukiye mu Karere ka Nyarugenge i Nyamirambo aho bitaga mu Gatare mu mwaka wa 1948. Ni umuganga wabanje gukorera muri CHK ariko muri 1994 yakoreraga Umuryango utabara imbabare wo mu Bubiligi (Croix Rouge de Belgique) i Kigali. Yari impuguke mu buzima rusange (Santé publique). Yaburanishijwe n'Inkiko Gacaca nyinshi kugeza ubwo ku wa 27/12/2009 yakatiwe n'Inteko y'Urukiko Gacaca ya Nyakabanda, Akarere ka Nyarugenge, igihano cy'igifungo cya burundu y'umwihariko ahamijwe ibyaha byo gusambanya abagore n'abakobwa ku gahato, kwangiza imyanya ndangagitsina yabo, kuba icyitso mu gusambanya abagore n'abakobwa ku gahato no kwangiza imyanya ndangabitsina yabo. Afungiye muri gereza ya Mageragere.

**Dr Rugina Nizeyimana Emmanuel**
Akomoka mu cyahoze ari Perefegitura ya Ruhengeri. Yigishije muri Kaminuza y'u Rwanda, Ishami ry'ubuvuzi ariko nyuma anakorera muri bitaro bya Kigali (CHUK) nk'umuganga w'inzobere. Muri Kaminuza i Butare azwi cyane kuba yari yararahiye ko nta Mututsi uzatsinda amasomo yigishaga.

Ku wa 20/11/2009, Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Butare Ville, rwakatiye Dr Rugina igihano cya burundu y'umwihariko rumaze kumuhamya icyaha cya Jenoside kigizwe no gutoteza abanyeshuri b'Abatutsi abima amanota kubera urwango yari abafitiye, gukoresha inama iwe zo kwica abanyeshuri b'Abatutsi babaga muri home CYIZA, kujya mu nama zateguraga jenoside muri CHUB, gutanga abarwayi b'Abatutsi abaha abasilikare bo muri ESO bakicwa, gushishikariza abanyeshuri kwica abandi abinyujije mu nama. Aba muri Leta Zunze ubumwe za Amerika (USA).

**Dr Rutegesha Misago Antoine**
Yavukiye i Shyogwe (Rukaza) mu cyahoze ari Komini Nyamabuye mu mwaka wa 1957, ubu ni mu Karere ka Muhanga. Muri 1979 akirangiza amashuri yisumbuye mu Ishami ry'abafasha b'abaganga mu Rwunge rw'amashuri rwa Butare (GSOB) yakoze mu kigo nderabuzima cya Ntyazo, ubu ni mu Karere ka Nyanza, kugeza muri 1982 ajya gukomeza amashuri muri Kaminuza ya Butare mu Ishami ry'Ubuzima Rusange ryabarizwaga muri ESTM (Ecole Supérieure des techniques Medicales). Yakomereje amashuri mu gihugu cya Misiri avayo muri 1986.

Rutegesha Misago Antoine azwi cyane nk'umuhutu w'intagondwa kuruta uko yari azwi nk'umuganga kuko ari mu bantu icumi bashinze ishyaka ry'Impuzamugambi Ziharanira Repubulika (Coalition pour la Défense de la République - CDR) ry'intagondwa z'Abahutu mu nama yabereye muri Village Urugwiro ku wa 22/02/1992. Muri iyo nama Rutegesha yari hamwe na Bucyana Martin, Nahimana Théoneste, Mugimba Jean Baptiste, Uwamariya Béatrice, Higiro Céléstin, Nzaramba Céléstin, Akimanizanye Emmanuel, Hitimama Athanase na Simbizi Stanislas. Rutegesha yari visi Perezida wa mbere wa CDR ku rwego rw'igihugu.

Muri 1994 yakoraga i Kigali muri CARITAS International ariko aza kugirwa suPerefe i Gitarama muri jenoside, akaba yaranakomeje kuba visi Perezida wa mbere wa CDR ku rwego rw'igihugu.

Nyuma ya jenoside yahungiye muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, aba umusirikare agera ku ipeti rya majoro. Yaje kuva mu mashyamba ajya

kwigisha mu ishuri rikuru ry'ubuganga muri Kivu y'Amajyaruguru, aza gufatwa yoherezwa mu Rwanda muri 2010.

Yaburanishijwe n'Inteko Gacaca ya Gitarama muri uwo mwaka, akatirwa igihano cy'igifungo ya burundu kubera ibyaha by'ubwicanyi muri jenoside bwabereye iwabo i Shyogwe no kuyobora ibikorwa by'ubwicanyi mu Mujyi wa Gitarama. Afungiye muri gereza ya Rwamagana.

**Dr Bajinya Vincent**

Ni umuganga wakoraga mu kigo cya Leta cyari gishinzwe ibikorwa byo kuringaniza imbyaro mu gihugu (ONAPO), yavutse muri 1952. Akurikiranyweho n'ubushinjacyaha bw'u Rwanda uruhare rwe muri jenoside, cyane cyane ubwicanyi bwakorewe muri Segiteri ya Rugenge, ubu ni mu Karere ka Nyarugenge, aho yashyize bariyeri yiciweho Abatutsi akanayiyobora. Yahungiye mu Gihugu cy'Ubwongereza.

**4.4.1.2 Ibitaro Bikuru bya Kigali (CHK)**

**Dr Ntezayabo Benoit**

Akomoka muri Gitarama, yakoraga mu nzu y'ababyeyi (maternite) kuva muri 1977 avuye gukora mu nzu y'imbagwa (chirurgie). Ni umuyoboke ukomeye wa MRND kugeza aho CDR iziye ahita ayiyoboka. Avukana na Col. Joseph Murasampongo wanamuhaye intwaro zabitswe mu bitaro. Mu kugenzura uko ubwicanyi bwakorwaga mu bitaro yakoranye bya hafi na Dr Col Baransalitse Laurent wari umuganga mu bitaro bya gisilikare bya Kanombe.

Ku wa 21/06/2008, Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Nyarugenge rwamuhamije icyaha cya Jenoside muri CHUK n'ubufatanyacyaha n'abandi bicanyi bo muri CHUK barimo abaforomokazi Ndayambaje Stephanie na Bananeza Marie Josée. Urwo rukiko rwamukatiye adahari igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30). Yahungiye mu gihugu cya Canada.

**Dr Habyarimana Théoneste**

Ni umuganga wagize ubugome bwinshi muri Jenoside. Ku wa 19/03/2009, Urukiko Gacaca rw'Umurenge wa Rugenge, Akarere ka Nyarugenge, rwamuhamije adahari ibyaha bya jenoside bigizwe no gusambanya ku gahato Marie Jeanne Mukarango yarangiza akamwica, urupfu rwa Murwanashyaka Antoine rwabaye ku wa 12/05/1994 no kuba yarayoboraga amarondo na bariyeri. Urukiko rwamuhaye igihano cy'igifungo cya burundu y'umwihariko.

**Dr Cyimana Augustin**

Ni inzobere mu kuvura indwara z'abagore (Gynecologie). Yakoze jenoside muri CHUK cyane cyane mu gutanga Abatutsi abashyikiriza abasirikare n'interahamwe bakicwa, akomereza iwabo i Gitarama aho yafatanyije ubwicanyi na Burugumesitiri wa Mugina Martin Ndamage. Nyuma ya jenoside yahungiye muri Zambia, aba n'umwe mu bashinze FDLR muri icyo gihugu, anayibera umuyobozi. Ageze muri Zambiya yakoze mu bitaro bya Lusaka, akaba akiba muri iki gihugu.

**Dr Munyakazi Christophe**

Akomoka i Cyangugu, yari umuganga uvura abana. Ni intagondwa yabarizwaga mu Ishyaka ry'Impuzamugambi ziharanira Repubulika (CDR). Mu gihe cya jenoside yahoraga mu bikorwa byo gutunga agatoki ababaga bihishe mu byumba by'abana. Aho yari atuye muri Rugenge mu Mujyi wa Kigali, yari mu bayobozi batangaga amabwiriza yo guhiga no kwica Abatutsi no gutanga intwaro. Mu bo yicishije ubwe harimo Kanakintama umugore wa Mugiraneza Vincent, abana babo batatu (03) n'umukozi wabo Rutayisire. Yakatiwe n'Inteko Gacaca ya Rugenge B gufungwa imyaka mirongo itatu (30) ku wa 03/11/2007.

**Dr Munyarukato Norbert**

Na we akomoka i Cyangugu kandi nawe yari umuyoboke wa CDR akora mu nzu y'imbagwa. Yicishije abana bari barahungiye kwa mugenzi we Dr Jules Kabahizi mu nzu y'indembe (urgences) n'abandi babaga bihishe mu nzu y'ababyeyi (maternité) harimo n'uwo yirasiye ubwe.

**Dr Batungwanayo Jean**

Ni umuganga w'umurundi akaba na mukuru w'umunyapolitiki Nyangoma Leonard. Ubugome n'urwango rwe ku Batutsi byagaragaye nyuma y'urupfu rw'uwari Perezida w'u Burundi Ndadaye Melchior mu Ukwakira 1993. Yageze igihe yanga kujya avura Abatutsi. Nyuma ya jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994 yagiye mu Bubiligi akorerayo, aza kuvayo ajya mu mashyamba ya Kongo agiye gutanga ubufasha muri FDLR no mu mpunzi z'Abarundi muri Tanzaniya. Bivugwa ko yapfuye muri 2000.

**Dr Ntawuruhunga Juvénal**

Yavukiye mu Murenge wa Nyange mu Karere ka Ngororero muri 1956. Uretse gutoteza Abatutsi bakoraga muri CHUK kuva urugamba rwo kwibohora rutangiye muri 1990, muri 1994 yayoboraga bariyeri yari imbere y'iwe i Gikondo. Iyo bariyeri ni nayo yaguyeho ari mu basilikare no mu nterahamwe ahangana n'Inkotanyi zari ku i Rebero.

#### 4.4.1.3 IbitarobyagisilikarebyaKanombe

**Dr Col. Baransaritse Laurent**

Ni we wari umuyobozi mukuru w'ibitaro bya gisirikari bya Kanombe. Ari mu gatsiko kateguye Jenoside ku rwego rw'igihugu afatanyije na Colonel Bagosora Theoneste, Colonel Léonard Nkundiye, Major Protais Mpiranya, major Aloys Ntabakuze n'abandi. Bivugwa ko yaba yaraguye mu mashyamba ya Repubulika Iharanira Demokaasi ya Kongo.

Muri jenoside Col. Baransaritse Laurent yagaragaye ayobora kandi agakurikirana iyicwa ry'abatusi mu bitaro bya gisirikali bya Kanombe . Yasabiye imbunda bamwe mu bakozi zikabikwa mu bitaro imbere. Yakoranaga bya hafi na Dr Ntezayabo Benoit n'umuforomokazi Ndayambaje Stephanie bose bagize uruhare muri jenoside .

**Dr Col. Mugemanyi Frodualdi**

Akomoka muri Komini Mudasomwa ku Gikongoro, mu Karere ka Nyamagabe. Yagize uruhare mu bikorwa bya Jenoside i Kanombe. Mu buhungiro muri Kongo, ari mu bashinze umutwe witwara gisilikare wari ugamije gukomeza Jenoside no gutera u Rwanda. Yarasiwe mu bacengezi ahahoze ari Komini Nyarutovu mu ntambara y'abacengezi.

#### 4.4.1.4 Ibitaro byitiriwe Umwami Fayçal

**Dr Ndarihoranye Jean-Baptiste**

Avuka mu yahoze ari Komini Giciye (Gisenyi). Yabaye Minisitiri w'Ubuzima muri Guverinoma yagiyeho ku wa 30/12/1991 iyobowe na Minisitiri w'Intebe Sylvestre Nsanzimana. Muri Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, Dr Ndarihoranye yari umuyobozi mukuru w'ibitaro byitiriwe Umwami Fayçal (King Fayçal Hospital) biri ku Kacyiru. Yahawe kuyobora ibi bitaro kugira ngo bibe akarima kihariye ka MRND na CDR kuko amasezerano ya Arusha yahaga FPR – Inkotanyi Minisiteri y'Ubuzima. Yatwarwaga n'umusederi Ingabire Alphonse Marie alias Katumba, yaje kumugira ushinzwe imodoka z'ibitaro (chef du charroi). Dr Ndarihoranye yicishije abarwayi anakomereza ubwicanyi ku Gisenyi. Yahungiye mu gihugu cy'Ububiligi.

## 4.4.2 ABAFOROMO N'ABANDI BAKOZI

### 4.4.2.1 CHUK

**Murengezi Gabriel**

Ni mwene Mbyaliyehe Gabriel, umucuruzi wo hambere mu Mujyi wa Kigali akaba na konseye wa Nyarugenge warezwe ibyaha bya jenoside. Murengezi yavukiye mu mugi rwagati muri 1968, yiga mu Ishuri ry'abafasha b'abaganga rya Kigali (EAM) aharangiza muri 1990. Yakoze muri farumasi yitwaga SODEPHAR no mu yitwaga RAMJI. Yayoboraga agatsiko k'Interahamwe zikomeye zayogoje Umujyi wa Kigali, cyane cyane ahitwa "Quartier commercial" no mu nkengero zayo kitwaga "*sagesse*". Yabaye interahamwe yamamaye mu bikorwa byinshi bibi yafatanyaga na bagenzi be, birimo no gusambanya ku gahato abakobwa b'Abatutsikazi.

Yafashwe tariki 12/10/1994 agezwa muri gereza ya Kigali (yitwaga Prison Centrale de Kigali/ PCK). Kuwa 06/01/1995, Inteko Gacaca ya Gikondo yamukatiye igihano cya burundu y'umwihariko, nyuma muri 2010 Inteko ya Rwamagana imukatira igihano cyo gufungwa burundu.

**Ndayambaje Stephanie**

Yari umuforomokazi mu bitaro bikuru bya Kigali (CHUK). Yavukiye i Gihinga mu Karere ka Rutsiro muri 1944 akavukana n'umugore wa Colonel Rwagafirita Pierre Celestin wabaye Umugaba Mukuru Wungirije wa Jandarumori (Chef d'Etat Major adjoint) igihe kirekire. Ni we wari umuyobozi w'abaforomo n'abaforomokazi muri CHUK (Nursing) akaba n'umuyoboke w'Ishyaka riharanira Demokarasi rya Gikristu (PDC).

Yagize uruhare mu iyicwa rya bagenzi be b'abakozi b'Abatutsi n'abarimu bo mu Ishuri rya Lycée Notre Dame des Citeaux i Kigali. Yakoranaga n'abasilikare barindaga CHUK akabaha lisiti z'Abatutsi nyuma bakicwa. Ibyaha yahamijwe na Gacaca ni ibi: ubufatanyacyaha mu gukora lisiti z'Abatutsi bazicwa, gushinyagurira Abatutsi abizi neza ko bahigwaga, kujya mu bitero byahigaga Abatutsi muri CHUK, kwicisha umukobwa wari wasizwe muri CHUK n'ababikira. Ku wa 07/10/2009 Urukiko rw'Umurenge wa Nyarugenge rwamuhanishije igifungo cy'imyaka mirongo itatu (30). Yaguye muri gereza.

**Bananeza Marie Josée**

Akomoka muri Komini Bulinga (Gitarama). Yicishije Abatutsi b'abarwayi, abakozi ba CHUK n'abahahungiye. Hamwe na Mukakabera Edith na Philomene

Mukandamage bari bagize itsinda ryazengurukaga ibitanda byose by'abarwayi bababaza indangamuntu bityo bagakora lisiti bashyikirizaga abasilikare.

**Karuhije Emmanuel**

Akomoka muri Perefegiyura ya Gisenyi. Nawe yakoraga muri CHUK ari umutekinisiye muri radiographie. Yicishije Abatutsi benshi mu bitaro bya Kigali ndetse mu guhunga akomereza ubwicanyi bwe iwabo i Gisenyi. Yakatiwe igihano cya burundu.

### 4.4.2.2 Ikigo Nderabuzima cya Kayanga, Gasabo

**Kamanzi Etienne**

Yakoraga mu kigo nderabuzima cya Kayanga, ni mu Karere ka Gasabo. Yavukiye mu cyahoze ari komini Gikomero muri 1953, ubu ni mu Karere ka Gasabo. Ni umuforomo wize muri Groupe Scolaire i Butare aho yarangirije amashuri yisumbuye muri 1976. Mbere yo gukora muri Komini Gikomero yakoze no mu bigo nderabuzima bya Karama mu Karere ka Bugesera na Rubona mu Karere ka Rwamagana. Muri 1994 yahungiye i Muhondo (Shyorongi) ntiyasubira aho yakoreraga ariko muri Mutarama 1995 arafatwa afungirwa ibyaha bya jenoside. Yakatiwe n'Inteko ya Jabana muri 2005 igihano cya burundu ahamwe n'ubwicanyi bwakorewe kuri Centre de Sante ya Kayanga no mu nkengero zayo. Afungiye muri gereza ya Rwamagana.

### 4.4.2.3 Ikigo Nderabuzima cya Butamwa, Nyarugenge

**Dusabe Thérèse**

Uyu mugore muri 1994 yari umubyaza (accoucheuse) ku Kigo Nderabuzima cya Butamwa mu Karere ka Nyarugenge, akaba ari nyina wa Ingabire Victoire Umuhoza. Dusabe Thérèse yafatanyije na Burugumesitiri wa Komini Butamwa gutegura no kuyobora inama zose zateguraga kugaba ibitero ku Batutsi. Ubuhamya bwatangiwe mu rukiko Gacaca rwa Mageragere bwerekanye ko Dusabe Thérèse bamwitaga "muganga w'urupfu" kubera ubugome bwe. Dusabe Thérèse yishe ahereye ku bagore batwite b'Abatutsikazi, akurikizaho impinja yicaga azikubita ku rukuta. Muri 2009 Inkiko Gacaca zamukatiye igifungo cya burundu nyuma yo kumuhamya iyicarubozo yakoreraga Abatutsikazi bajyaga kwivuriza ku Kigo Nderabuzima cya Butamwa.

Ingabire Victoire Umuhoza wiyita umunyapolitiki, ariko mu by'ukuri akaba yarahamijwe n'inkiko ibyaha bikomeye birimo icy'ingengabitekerezo ya Jenoside, yageze mu Rwanda muri 2010 avuye mu Buholandi, abazwa n'ikinyamakuru « The East African », icyo avuga ku bihano byatanzwe n'Inkiko Gacaca, Ingabire

asubiza ko atemera Gacaca, ngo kuko ikorwamo n’abantu badafite ubushobozi. Ngo abacamanza yemera ni ab’Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda rwakoreraga Arusha. Abajijwe kuri Jenoside yakorewe Abatutsi n’uruhare rwa nyina rwo kuba yarahamijwe icyaha cyo kwica Abatutsi, Ingabire yarasetse asubiza umunyamukuru ngo: « Hashize imyaka 16 ikozwe abantu bakwiye kujya muri Demokarasi.”

# UMUTWE WA V:

# GUTINDA GUKABIJE K'UMURYANGO W'ABIBUMBYE (ONU) MU KWEMEZA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI

**Umuryango w'Abibumbye wakomeje kurangwa no kwanga gutabara Abatutsi bakorerwaga Jenoside**

Ku itariki ya 17 Gicurasi 1994, Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi yariyerurukije itora icyemezo cyongera ingabo za MINUAR zikagera ku 5.500 ndetse muri icyo cyemezo hemezwa ko u Rwanda rwambuwe uburenganzira bwo kongera kugura intwaro (embargo). Nubwo hatowe uwo mwanzuro ariko, Umuryango w'Abibumbye wanze guhindura manda ya MINUAR ngo ihabwe ububasha bwo gukoresha ingufu mu guhagarika Jenoside. Jenoside yarinze irangira n'icyo cyemezo cyatowe kitubahirijwe.

Nyamara, Radiyo BBC yari yatangaje mu makuru yayo yo ku wa 14 Gicurasi 1994, ko ibihugu bya Nigeria, Ghana, Tanzaniya, Zimbabwe, Zambiya, Senegal na Australiya byari byiteguye gutanga abasilikare bo kongera umubare wa MINUAR. Muri aya makuru, Radio BBC yasobanuraga kandi ko Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye Boutros-Boutros Ghali yari yatanze raporo muri iyo nama igaragaza ko MINUAR izakenera amafranga angana na miliyoni ijana na cumi n'eshanu z'amadolari. Ayo mafranga ntiyigeze atangwa.

Impaka mu Muryango w'Abibumbye muri iyo nama zaranzwe kandi n'ubufatanye hagati y'Ubufaransa na Leta y'abicanyi mu kwanga gutora ibyemezo birengera abicwaga. Uwari uhagarariye u Rwanda mu Muryango w'Abibumbye witwaga Bizimana Jean Damascène, ubu wahungiye muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, afashijwe na Ambasaderi w'Ubufaransa mu Muryango w'Abibumbye, Jean Bernard MERIMEE, banze gutora icyemezo cyo kongera umubare w'abasilikare b'amahanga mu Rwanda, banga no gutora ingingo ikumira Guverinoma y'abicanyi mu gutumiza intwaro zo gukora Jenoside.

**Papa Yohani Paulo wa II yabaye uwa mbere mu gukoresha ijambo "Jenoside"**

Nyuma y'ukwezi n'igice Abatutsi bicwa buri munsi mu Rwanda amahanga arebera, ndetse no mu Muryango w'Abibumbye banga guha ubwicanyi bwa

Jenoside yakorerwa Abatutsi inyito nyayo yari ibukwiriye, Umuyobozi mukuru wa Kiliziya gatorika, Nyirubutungane Papa Yohani Pawulo wa II yarabwamaganye.

Mu ijambo yavuze ku cyumweru tariki ya 15 Gicurasi 1994 mu butumwa yahaye isi yahamagariye amahanga gukora ibishoboka agahagarika Jenoside mu Rwanda. Papa Yohani Paulo wa II yanasabye ko amahanga akwiye gukora ibishoboha agashyikiriza ubutabera abantu bari bafite uruhare muri Jenoside.

Radiyo mpuzamahanga y'Ubufaransa yo, RFI, ikoresheje umunyamakuru wayo wari mu Rwanda, Jean Helene, akorera mu gice cy'abicanyi, yakomeje guhitisha amakuru abashyigikira kandi abaha ijambo kuri RFI. Kuri iyi tariki 15 Gicurasi 1994, RFI yahaye ijambo umukuru w'Interahamwe, Robert Kajuga, ahakana ubwicanyi bwose bwakorwaga na Guverinoma ya Kambanda, ingabo zayo n'Interahamwe/Impuzamugambi, yamamaza ko abo bica ari Inkotanyi n'ibyitso byazo, ko atari abasivile.

Muri raporo yashyikirijwe tariki ya 31 Gicurasi 1994 Inama y'Umutekano y'Umuryango w'Abibumbye, niho hagaragajwe ku nshuro ya mbere ku mugaragaro ko mu Rwanda hakozwe Jenoside. Iyo raporo yari ishingiye ku makuru yatanzwe na Iqbal Riza na Maurice Baril wari umujyanama wa gisirikare w'Umunyamabanga Mukuru wari yasuye u Rwanda hagati y'amatariki ya 22 na 27 Gicurasi 1994.

Inama y'Umutekano y'Umuryango w'Abibumbye yari yakomeje kwirengagiza ikibazo cya Jenoside yakorerwaga Abatutsi kuva tariki ya 7 Mata 1994. Twibutse ibi bikurikira :
Tariki ya 21 Mata 1994, Inama y'Umutekano y'Umuryango w'Abibumbye, mu cyemezo cyayo 912, yagabanyije ubushobozi buhabwa MINUAR iyisigira gusa abasirikare 250. Nyamara kandi General Dallaire wayoboraga MINUAR yoherezaga buri munsi Umuryango w'Abibumbye za raporo zasobanuraga ubwicanyi bukabije Abatutsi bakorerwaga mu Rwanda.

Tariki ya 24 Mata 1994, nibwo bwambere Inama y'Umutekano y'Umuryango w'Abibumbye yize ikibazo cya Jenoside yakorerwaga Abatutsi mu Rwanda. Perezida w'iyo nama, yashatse gushyira ibihugu byari biyigize, imbere y'inshingano yari iyabo yo gutabara, mu gihe byaba bigaragaye ko hari Jenoside yakorerwaga mu Rwanda, nkuko biteganywa n'Amasezerano Mpuzamahanga Akumira Agahana icyaha cya Jenoside (1948).

Tariki ya 28 Mata 1994, Ambasaderi wa Repubulika ya Tchèque, Karel Kovanda, yasabye Inama y'Umutekano kwiga ikibazo cya Jenoside yakorerwaga Abatutsi ariko biba iby'ubusa nticyitabwaho.

Ashingiye ku makuru yavaga mu miryango iharanira uburenganzira bwa muntu, Ambasaderi Kovanda yemeje ko guverinoma y'u Rwanda yarimo ikorera Jenoside Abatutsi. Bimwe mu bihugu by'ibihangange bifite icyicaro gihoraho mu Nama y'Umutekano byamuteye hejuru kuko ngo imvugo yakoreshaga itari ikwiye muri iyo Nama.

Uwayoboraga Inama y'Umutekano, Ambasaderi Colin Keating, nawe yavuze ko hari amakuru amugeraho yemeza ko hari ibikorwa by'ihohotera rikabije n'ubwicanyi byari byibasiye Abatutsi.

Bimwe mu bihugu by'ibihangange bifite icyicaro gihoraho mu Nama y'Umutekano, birangajwe imbere na Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, byanze ko hakoreshwa ijambo *Jenoside*. Nyamara, guhera tariki ya 7 Mata 1994, Abatutsi barimo abana, abagore, abagabo, urubyiruko n'abari mu za bukuru, bose baricwaga ku mugaragaro kubera gusa ko ari Abatutsi, kandi ubwo bwicanyi bwarakomezaga mu bice by'u Rwanda byari bikigenzurwa na guverinoma y'abicanyi.

Mu nama yo kuwa 25 Gicurasi 1994 ya Komisiyo y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Uburenganzira bwa Muntu, abayitabiriye bemeje ko hari Jenoside yakorerwaga mu Rwanda kandi ko igomba gukorerwa iperereza.
Kuri uwo munsi na none iyo Komisiyo yafashe icyemezo 1994 S-3/1 cyo gushyiraho umuntu ugomba kuzakora iperereza mu Rwanda ku bwicanyi bwakorerwaga Abatutsi.

Mbere, Komiseri Mukuru ushinzwe uburenganzira bwa muntu mu Muryango w'Abibumbye, Ayala Lasso, wari umaze igihe gito agiyeho, yari yasuye u Rwanda hagati y'itariki ya 11 na 12 Gicurasi 1994. Muri raporo ye, yavuze ko hari ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi bose kandi hose mu Rwanda.

**Umunyamabanga mukuru w'Umuryango w'Abibumbye yarashyize yemeza ko mu Rwanda hari gukorwa Jenoside**

Tariki ya 25 Gicurasi 1994, Boutros Boutros-Ghali wari Umunyamabanga Mukuru w' Umuryango w' Abibumbye yemeje ko ubwicanyi bubera mu Rwanda ari Jenoside. Umunyamabanga Mukuru wa Loni yanatangaje ko kutohereza ingabo mu Rwanda byabaye gutsindwa kwa Loni nUmuryango Mpuzamahanga muri rusange.

Kuri iyi tariki ni nabwo Komisiyo y'Umuryango w'Abibumbye y'Uburenganzira bwa Muntu ifite icyicaro i Genève mu Busuwisi yakoze inama yayo yemeza ko ubwicanyi bukorerwa mu Rwanda ari Jenoside, inashyiraho impuguke ikomoka mu gihugu cya Cote d'Ivoire, Bwana Rene Dégni-Ségui, ahabwa inshingano zo kuza mu Rwanda gucukumbura imitererer y'ubwo bwicanyi akabitangira raporo.

Kuri iyi tariki kandi, Komisiyo mpuzamahanga y'Abanyamategeko yasabye Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi ko yakora ibishoboka kugira ngo abateguye bakanashyira mu bikorwa Jenoside mu Rwanda bakurikiranwe. Komisiyo yatanze icyifuzo ko Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi yakwagura inshingano z'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Yugoslavia kugira ngo rushobore no gukurikirana abateguye bakanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda.

**Impaka z'urudaca mu nama y'umutekano y'Umuryango w'Abibumbye ku bwicanyi bwakorerwaga Abatutsi, zatumye abicanyi bakomeza kubatsemba**

Kubera ko kwiga ubwicanyi bukabije bwakorerwaga mu Rwanda byihutirwaga cyane, tariki ya 24 Gicurasi, Komisiyo y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Uburenganzira bwa Muntu yatumije inama yihutirwa i Genève, itumijwe na Canada. Nyuma y'iyo nama hafashwe icyemezo tariki ya 25 Gicurasi 1994, cyemezaga ko hari ibyaha bya jenoside byakorewe mu Rwanda, kinemeza kandi ko hagomba kubaho iperereza mpuzamahanga ku bwicanyi Abatutsi bakorerwaga mu Rwanda.

**Raporo yo ku wa 28 Kamena 1994, yatanzwe ku burenganzira bwa muntu mu Rwanda na Mr Degni-segui, intumwa idasanzwe ya Komisiyo y'Uburenganzira bwa muntu y'Umuryango w'Abibumbye, yashimangiye ko ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi ari jenoside**

Kuwa 28 Kamena 1994, muri raporo ye yakoze ku burenganzira bwa muntu mu Rwanda, Mr Degni-Segui, intumwa idasanzwe ya Komisiyo y'Uburenganzira bwa Muntu y'Umuryango w'Abibumbye, yashimangiye ko ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi ari Jenoside kandi yemeza ko ubwo bwicanyi bwakorwaga na Guverinoma y'abicanyi, ingabo zayo n'Interahamwe n'Impuzamugambi za MRND na CDR.

Iyo raporo yavugaga ko ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi mu gihugu cyose kandi ko ahenshi bwakorwaga n'Interahamwe za MRND n'Impuzamugambi za CDR. Ikanavuga ko yari Jenoside yakorerwaga Abatutsi.

***Gutsemba Abatutsi byateguwe na Guverinoma y'abicanyi***

Iyo raporo yasanze ubwicanyi bwari indengakamere kandi bwarateguwe. Hari ibimenyetso byinshi byagaragazaga ko ubwo bwicanyi bwateguwe : icya mbere, ni uko habayeho gushishikariza kwanga Umututsi no kumwica, bikozwe n'ibinyamakuru bya Guverinoma y'abicanyi cyangwa biyibogamiyeho, nka Radio Rwanda, ariko cyane cyane "*Radio Télévision Libre des Milles Collines*" (RTLM). Ikimenyetso cya kabiri ni ugutanga intwaro mu baturage b'abasivili, ariko cyane cyane mu Nterahamwe n'Impuzamigambi.

Ikindi ni uko Interahamwe n'Impuzamugambi zitorezaga mu bigo bya gisirikare kuva mu Ugushyingo 1993 kugeza muri Werurwe 1994. Kandi byanagaragaye mu buryo ubwicanyi bwatangiye byihuse bidasanzwe kuva ku wa 7 Mata 1994 kandi bugakomeza. Bariyeri zashyizweho hagati y'iminota 30 na 45 nyuma yuko indege ya Habyarimana irasiwe, na mbere yuko n'iyo nkuru ivugwa na Radio Rwanda.

***Iyo raporo yerekanye ko ubwicanyi bwari bwibasiye Abatutsi bose nta gutoranya***

Raporo y'intumwa idasanzwe yerekanye ko Abatutsi bose bari bibasiwe n'ubwicanyi nta gutoranya. Imiryango yarishwe, nta gutoranya ibisekuru, ababyeyi n'abana. Nta n'umwe waburokokaga, habe n'abana b'impinja, bose barahigwaga kugeza n'ahantu babaga bahungiye bakahicirwa. Biciwe mu nsengero, cyane cyane no muri za kiriziya zahindutse amarimbi yabo. Biciwe aho bahungiraga hose, mu byumba by'amazu no mu bisenge byayo, kimwe no mu bihuru no mu mashyamba aho abicanyi batwikaga kugira ngo hatagira urokoka n'umwe. No ku mipaka y'ibihugu by'ibituranyi, abicanyi bahategeraga Abatutsi kugira ngo badahunga.

***Raporo yerekanye ko ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi bwaherekezwaga n'iyica rubozo ry'indengakamere.***

Raporo yerekanye ko ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi bwaherekezwaga n'iyica rubozo ry'indengakamere. Muri rusange Abatutsi bicishwaga imihoro, amashoka, ubuhiri, inkoni n'imitarimba.

Abicanyi bashoboraga kubanza gutema intoki, ibiganza, amaboko n'amaguru mbere yo guca umutwe cyangwa kumena agahanga Abatutsi bicaga. Abatangabuhamya bagiye bavuga ko akenshi uwajyaga kwicwa yingingaga abicanyi cyangwa akabaha amafaranga kugira ngo bamurashishe imbunda aho kumwicisha imihoro. Iyo Abatutsi bifungiranaga mu mazu cyangwa mu kiriziya abicanyi ntibababashe kuhafungura, batabazaga abasirikare bakabomora inzugi, bagateramo za grenade nyuma bakarekera Interahamwe zikica abagihumeka.

Abicanyi ntibatinyaga kwica abana bakanabasanga no mu bigo by'imfubyi, ndetse bakica n'inkomere aho ziri mu bitaro. Ababyeyi bahatiwe gusekura abana babo mu masekuru. Abicanyi batemaguraga abo bamaze kwicira ku mugaragaro, ndetse bamwe muri bo bakicara ku mirambo bakahanywera byeri bategereje ko abanyururu baza kuhavana iyo mirambo.

***Ibyo bimenyetso byose nibyo intumwa idasanzwe yahereyeho yanzura ko hari Jenoside yakorerwaga Abatutsi***

Abantu banyuranye bakomeye, barimo Umunyamabanga Mukuru wa ONU, bahise bemeza ko koko Abatutsi bakorerwaga Jenoside bashingiye ku makuru yo ku bwicanyi bwaberaga mu Rwanda.

Ibiteganywa n'ingingo ya II y'Amasezerano Mpuzamahanga yo Gukumira no Guhana icyaha cya Jenoside yo ku wa 9 Ukuboza 1948, byari byuzuye kugira ngo ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi bwitwe Jenoside
Icya mbere, byagaragaye ko ubwicanyi bwakorwaga (II a) mu iyica rubozo ry'indengakamere (II b).

Icya kabiri, umugambi wo gutsemba Abatutsi wagaragaye mu bikorwa byo kubishishikariza abaturage kwica Abatutsi binyuze mu binyamakuru nka RTLM no mu nyandiko zitariho umukono y'uwazanditse. Byanagaragaye no mu bindi bikorwa : gutegura ubwicanyi hatangwa intwaro n'imyitozo ya gisirikare, umubare w'Abatutsi bishwe, na politiki yo kubatsemba.

Icya gatatu, byaragaragaye ko Abatutsi ari bo bari bibasiwe kubera ubwoko bwabo : abatangabuhamya bavuze uko Abatutsi batoranywaga kuri za bariyeri bishingiye ku ndangamuntu zabo. Umwanzi yari Inyenzi, ni ukuvuga Umututsi, akaba yaragombaga kwicwa nta kabuza nkuko abicanyi babyivugiraga.

Ibiteganwa n'Amasezerano Mpuzamahanga yo muri 1948 byari byuzuye, kandi u Rwanda rwari rwarayashyizeho umukono ku wa 16 Mata 1976, rwagombaga kuyubahiriza. Intumwa idasanzwe yemeje rero ko Abatutsi bakorerwaga Jenoside.

***Abicanyi bari baremerewe na Guverinoma yabo kutazahanwa***

Imitwe y'abicanyi y'amashyaka ya politiki yashyiragaho za bariyeri, bakagenzura indangamuntu z'abahisi n'abagenzi, bagafata Abatutsi bakabica mu maso ya bose, n'imbere y'abajandarume n'abasirikare b'u Rwanda batabibabuzaga ahubwo babibateragamo inkunga. N'abategetsi bo mu nzego z'ibanze, ababurugumesitiri n'abaPerefe, bose bagize uruhare mu bwicanyi.

Kugeza kiriya gihe, abakoraga ubwicanyi kimwe n'ababikoze mbere hose, bazwi n'abaturage n'ubutegetsi, ntibigeze bahanwa, ahubwo bakomeje ubuzima bwabo busanzwe bidegembya nta nkomyi.

***Raporo yerekanye abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi***

Inzego za Leta y'u Rwanda, cyane cyane abayobozi bo mu rwego rw'igihugu, nk'abaminisitiri, ingabo na jandarumori, cyane ingabo zarindaga Perezida, abaPerefe n'ababurugumesitiri, bose bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi. Guverinoma y'abicanyi yiyise iy'Abatabazi yagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi dore ko yashishikarije abaturage gutsemba Abatutsi.

Mu bagize uruhare mu bwicanyi, raporo inavuga Interahamwe n'Impuzamugambi, abayobozi b'amashyaka ya politiki b'abahezanguni (MRND na CDR) n'abashinze kimwe n'abanyamakuru ba RTLM.

***Raporo yatanze imyanzuro :***

Umuryango w'Abibumbye ugomba kwamagana Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda, ugashimangira ko ubwo bwicanyi bwabaye ubw'indengakamere budashobora kwihanganirwa.

Umuryango w'Abibumbye ugomba kumenyesha ababigizemo uruhare ko nibamara kumenyekana bagomba kuzakurikiranwa ku bikorwa byabo aho ariho hose bazaba bari kw'isi.

Ibihugu bizaba bicumbikiye abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi bigomba gukora ibishoboka byose kugira ngo bakurikiranwe imbere y'ubutabera.

Umuryango w'Abibumbye ugomba gushyiraho, mu gihe hatarajyaho urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga ruhoraho, urukiko rushinzwe gukurikirana ababigizemo uruhare, cyangwa se rukabihera ububasha Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga rwashyiriweho gukurikirana ibyaha by'intambara mu cyahoze ari Yougoslavia.

# UMUSOZO

Jenoside yakorewe Abatutsi yateguwe igihe kirekire na Leta y'abicanyi, hakaba hari ibikorwa byinshi byayibanjirije bibyerekana. Kuva muri 1990 intambara yo kwibohora itangiye, Leta yashyize ingufu nyinshi mu kubiba urwango rw'Umututsi no gushishikariza abaturage b'Abahutu kwica Abatutsi bazira gusa ubwoko bwabo.

Ibinyamakuru by'intagondwa nka *Kangura, La Médaille Nyiramacibiri* n'ibindi nkabyo, na RTLM byashishikarije Abahutu urwango rw'Abatutsi n'ubukangurambaga bwo kubatsemba, izo nyigisho zikaba zaranatangwaga muri za mitingi z'amashyaka *Hutu Power*. Leta yakwirakwije intwaro mu Interahamwe, Impuzamugambi no mu baturage b'abasivili, banahabwa n'imyitozo ya gisirikare mu bigo bya gisirikare nka Gabiro na Gako n'ahandi.

Muri 1991, mu bwicanyi bwageragezaga Jenoside, Interahamwe n'ingabo za Leta y'abicanyi bishe Abatutsi benshi mu turere tumwe na tumwe tw'igihugu, muri za Perefegitura za Ruhengeri (Nkuli, Kinigi, Mukingo) na Gisenyi (Gaseke, Giciye, Karago, Mutura, Kanama, Rwerere), muri 1992 bica imbaga y'Abatutsi mu Bugesera. Ndetse n'abanyamahanga barwanyaga ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi barishwe, nk'Umutaliyani Antonia Locatelli wari Umuyobozi w'Ikigo cyigisha imyuga iciriritse (CERAI) cya Nyamata wishwe muri Werurwe 1992 arashwe n'umujandarume Epimaque Ulimubenshi utarigeze akurikiranwa.

Indege yari itwaye Perezida Habyarimana imaze guhanurwa ku mugoroba wo kuwa 6 Mata 1994, ubwicanyi bwaratangiye burangajwe imbere n'abasirikare barindaga Perezida Habyarimana bafatanyije n'Interahamwe. Abatutsi baricwa kimwe na bamwe mu banyapolitike batari bashyigikiye umugambi wa Jenoside nabo bishwe kw'ikubitiro, twavuga Minisitiri w'Intebe, Madamu Uwilingiyimana Agathe, Perezida w'Urukiko rushinzwe kurinda Itegeko Nshinga, Kavaruganda Joseph, ba minisitiri Frederiko Nzamurambaho, wari na Perezida w'ishyaka PSD, Me. Felicien Ngango, wari Visi Perezida wa PSD, Faustin Rucogoza wari Minisitiri w'itangazamakuru wari mu ishyaka rya MDR na Landouald Ndasingwa wo mu ishyaka rya PL.

Interahamwe, Impuzamugambi, ingabo z'igihugu (abasirikare n'abajandarume) n'abaturage b'abasivili bahise batangira gutsemba Abatutsi, kuva ku mpinja kugeza ku bantu bakuru, bitangira hose mu igihugu nkuko Leta y'abicanyi yari yarabiteguye Abatutsi bicirwa mu ngo zabo n'aho bahungiraga hose nko mu nyubako za Leta (Ibiro by'amakomini, Amavuriro...), mu nsengero no muri za

kiriziya, mu nkambi n'ahandi. Abandi bicirwa mu nzira bahunga. Mu bitaro no mu mavuriro hose mu gihugu, abaganga n'abaforomo, ubusanzwe bashinzwe kurinda amagara y'abantu, bagiye mu bwicanyi bica abarwayi babo kimwe na bagenzi babo b'Abatutsi.

Tariki ya 8 Mata 1994, hashyizweho Guverinoma y'Abatabazi, Dr Théodore Sindikubwabo agirwa Perezida wa Repubulika, na Jean Kambanda agirwa Minisitiri w'Intebe. Iyo guverinoma yari ifite gahunda imwe gusa yo gutanga umurongo w'uko Jenoside igomba gukorwa mu gihugu cyose, muri iyo politiki yayo yo gutsemba Abatutsi hakoreshwa gahunda yiswe "auto-defense civile" mu gukwirakwiza intwaro mu baturage no kubashora ari benshi mu bwicanyi. Mu bukangurambaga bwo gukora Jenoside hakoreshejwe abaminisitiri mu turere bavukamo, ingero ni Nyiramasuhuko Pauline muri Butare, Karemera Edouard ku Kibuye, Nzabonimana Callixte i Gitarama, augustin Ngirabatware i Gisenyi n'ahandi.

Umuryango w'Abibumbye wakomeje kwirengagiza ikibazo cya Jenoside yakorerwaga Abatutsi kuva tariki ya 7 Mata 1994 mu maso y'isi yose yanga no kubatabara kuko Inama y'umutekano yaje no kugabanya cyane umubare w'Abasirikare ba MINUAR iyisigira gusa 250. Mu mpaka z'urudaca, bimwe mu bihugu by'ibihangange byangaga ko ubwicanyi bwakorerwaga Abatutsi mu Rwanda bwitwa Jenoside. Byaje kwemezwa na Boutros Boutros-Ghali wari Umunyamabanga Mukuru w' Umuryango w' Abibumbye, biza no gushimangirwa na Degni Segui, intumwa ya Komisiyo y'Umuryango w'Abibumbye y'Uburenganzira bwa Muntu, avuye gukora iperereza mu Rwanda akemeza ko Abatutsi barimo gukorerwa Jenoside.

Ibikubiye muri iyi nyandiko byerekana neza ko Guverinoma y'abicanyi, ikoresheje inzego zayo za gisivili na gisirikare, ari yo yateguye igashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi, ikaba yaranabifashijwemo n'Ubufransa. Bibeshyuza kandi abayihakana n'abayifobya.

Ntabwo Jenoside yakorewe Abatutsi ari impanuka cyangwa ngo iterwe n'ihanuka ry'indege yari itwaye Perezida Habyarimana, ahubwo ni umugambi wari warateguwe igihe kirekire. Abateguye Jenoside kandi bagiye banabyivugira mu ruhame.

Iki gitabo kirerekana ko Jenoside yakorewe Abatutsi yateguwe na Leta igihe kirekire, nyuma iyo Leta iyishyira mu bikorwa mu gihugu cyose, yifashishije cyane cyane abayobozi bo mu nzego zitandukanye, ingabo za Leta, imitwe yitwaje intwaro nk'Interahamwe n'Impuzamugambi, abaturage b'abasivili bashishikarijwe gutsemba Abatutsi.

Twizeye ko iki gitabo cyerekana bimwe mu byaranza itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa bya Jenoside yakorewe Abatutsi, kizafasha mu kwibuka Jenoside n'inzirakaregane zishwe. Izaha kandi urubyiruko ubumenyi bugomba kurufasha gusobanukirwa ayo mateka mabi, bityo urwo rubyiruko rushobore gukomeza kubaka u Rwanda mu bumwe no mu mahoro.

*Komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Jenoside*

P.O. Box 7035, Kigali-Rwanda
**E-mail:** administrator@cnlg.gov.rw
**Twitter:** @RwandaRemembers
**Flickr:** CNLG Rwanda
**Hotline:** 3560
**Website:** www.cnlg.gov.rw
**Facebook:** Rwanda Remembers - CNLG
**You Tube:** CNLG Rwanda

**Printed by MANIFER LTD**
**Tel. +250 0 788 307 994**